


UKURI KUVUGWE

Guhunga Umutego Wubuyobe



Walter J. Veith

Copyright

©1997,2002,2012

Amazing Discoveries

Uburenganzira bwose burarinzwe. Nta gice na kimwe cy'iki gitabo gikwiriye gusubirwamo, gukwirakwizwa, kwongera kwandikwa, cyangwa gusemurwa mu rurimi urwo ari rwo rwose mu buryo ubwo ari bwo bwose adahawe uburenganzira n'ubwanditsi.

Amasomo ya Bibiliya, keretse aho byagaragajwe, ahandi hose yagiye akurwa mu ngeri ya Bibiliya yitiriwe *Umwami Yakobo*.

Umukosozi: Wendy Goubej Penner

Uwashushanyije igifuniko: Brian S. Neumann

Icapiro: Ticky Graphics & Printing Canada ticky@tickyprinting.com

ISBN 0-9682363-3-2

Gicapiwe muri Canada

Cyasobanuwe mu Kinyarwanda na:

Precious Present Truth Ministry

An Adventist Self Supporting Ministry

Tel: 078-701-1189

nalex@preciouspresenttruth.org

www.Preciouspresenttruth.org

IBIRIMO

Igice cya 1:YESU – YABA ARI UNDI MUNTU?.....	8
Igice cya 2:UMUVUGIZI W'IGIHE CYACU	24
Igice cya 3:URUJJO MU BIHE	49
Igice cya 4:UMUNTU WIYOBERANYA	56
Igice cya 5:UBUGOME BW'IBIHE BYOSE	81
Igice cya 6:INTAMBARA IKOMEYE.....	104
Igice cya 7:INYAMASWA EBYIRI ZIHINDUKA INSHUTI.....	115
Igice cya 8:IKIMENYETSO CY'INYAMASWA.....	127
Igice cya 9:WINO YA BABULONI	140
Igice cya 10:AMAYOBERA Y'UBWAMI BW'URUPFU	185
Igice cya 11:UMWUKA W'UBUMWE	196
Igice cya 12:UMURIRO UDASANZWE.....	220
Igice cya 13:NEW AGE MOVEMENT/INYIGISHO Z'UBUYOBE	243
Igice cya 14:URUTARE RWO KURUHUKIRAHU	263
Igice cya 15:IMPANO NYOBOZI Y'IMANA	291
Igice cya 16:KWIZIHIRA UMUZUKO WA KRISTO.....	327
Igice cya 17:ISIBANIRO KW'HEREZO RY'AMATEKA	341
Igice cya 18:IKINYAGIHUMBI CYATEGEREJWE IGIHE KIREKIRE.....	364

ILIBURIRO

Nta gihe na kimwe cyigeze kibaho aho Ijambo ry’Imana ryigeze riteshwa agaciro nk’uko bimeze muri iki gihe. Nta gushidikanya ko iherezo ry’ikinyagihumbi gishize na cyo ryaranzwemo ibintu bidasanze harimo impinduka mu by’amadini, ndetse n’ukwaduka kw’imyizerere mishya ishingiyeye ku marangamutima n’ibyifuzo bidafitanye isano n’ibyanditswe byera kandi ibyo byose bikitwa iyobokamana. Ibi bikorwa n’ubu birakomeje mu by’ukuri kwigisha Bibiliya by’umwimerere byagiye bisimburwa n’amayerakwa n’imyigishirize idahwitse iriho mu gihe cyacu. Ugukorera mu bwiru bwa satani by’abantu bo mu burasirazuba ndetse n’imitekerereze y’ibyo bita “New Age” byaranduye inkingi za kera z’ukuri kandi imitekerereze mishya yamaze gusimbura ukuri kw’iteka ryose. Ukuri ntabwo kucyitaweho; ibihuriweho ndetse n’ibyumvikanyweho ni byo bihabwa agaciro.

Tubayeho mu gihe cyuzuwemo no kubusanya n’iby’Imana Ishaka kandi bigakorwa mu izina ryayo, kandi bigakorwa mu gushaka amahoro ndetse n’ubwumvikane, bityo ukuri kukirengagizwa. Bivugwa ko amadini yose angana kandi ko yose ayobora abantu ku Mana utitaye ku itandukaniro riri mu mahame yayo n’uburyo yigisha, iyi myumvire yayoboye cyane ayo madini mu kwihuriza hamwe, kandi mu bukristo uyu muni, hari kwamaganwa ikintu cyose cyatandukanyaga amadini ku buryo cyabangamira ubumwe bw’amadini! Abagatulika, amadini y’aba orthodox, n’amadini ya giporotestanti bamaze kwihuriza hamwe ku mugaragaro.

Agakiza kaboneka muri Yesu gusa “... *ubasha gukiza rwose abegerezwa Imana na we, kuko ahoraho iteka ngo abasabire.*” (Abaheburayo 7:25). Iki gitabo ntabwo kigamije kugira ibyo cyongera ku Byanditswe Byera, ahubwo cyandikiwe kugira ngo gishimangire ibyo Bibiliya ivuga.

Hagendewe ku mwimerere wa Bibiliya iki gitabo kigaragaza uburyo ubuhanuzi buheruka amateka y’isi burimo gusohora, kandi mu rundi ruhande ibijyanye n’amateka bikongera gushimangirwa n’ubuvumbuzi bwa “archaeology” bwo mugihe cyacu. Ikindi kandi, ubuhanuzi bwa Daniyeli n’ibyahishuwe burimo kugaragarira mu biri ku bera mu isi muri iki gihe.

Ubuhanuzi bugenda bugaragara nk’uko byanditswe muri Bibiliya buragaragaza koko ko ijambo ry’Imana rifite imbaraga. Kandi biradusaba buri muntu gufata icyemezo cyo guhungira mu nzira y’agakiza ibonerwa muri Yesu Kristo gusa. Nizera ko ukuri kw’Imana kuzaneshya bidasubirwaho. Imana ni iyo kwizerwa, kandi inzira Imana iduhamagarira kunyuramo ni inzira ikwiriye.

Walter J. Veith

IJAMBO RY'UBUKOSOZI


Nyuma yo gusoma iki gitabo gitangaje cyanditswe na Dr. Veith, nshobora kuvuga ko ari iby'agaciro ndetse n'umunezero wo gukosora inyandiko ye. Nta kindi gitabo na kimwe nzi nk'iki gishobora gutanga ubusobanuro bwuzuye kandi bw'ukuri ku bibazo byinshi byibazwaho muri iyi si yacu. Ubushakashatsi bwiza bwakozwe na Dr. Veith nk'uko buhuza n'Ijambo ry'Imana n'ibiri kubaho mu isi bituma duhumuka amaso niba dushaka gusobanukirwa n'ibibera muri iyi si. Nizera ko udasobanukiwe n'ibiri muri iki gitabo atabasha kubona ibintu biri kubaho ku isi mu ishusho nyakuri yabyo, bityo bigatuma afata ibyemezo bidakwiriye mu buzima bwe bwa buri muni.

Nk'uko hariho inkubiri y'inyigisho nyinshi mu isi uyu muni, ibitekerezo byacu birimo biragenda byuzuzwa "ubuyobe mu by'umwuka" maze tukishakira ibihuje n'ibyo dukeneye, aho gushakashaka ukuri nk'izahabu ihishwe. Ariko se ni gute umuntu yasobanura ukuri adafite igipimo gihamye ndetse cy'ukuri cyo ku kugera? Iki gitabo kibereyeho guhishura igipimo n'ubukungu buri mu kuri ariko Bibiliya irimo ubushobozi bwatura umuntu umutwara w'ubwoba no guhangayika, maze agasubizwa amahoro mu mwanya wo guhangayika n'ubwoba, kandi uwari umaze igihe ahumishijwe n'urujijo agahumuka. Mu isi yacu uyu muni, ukuri gukwiriye kuvugwa. Ukuri gufite igiciro ntagereranywa, kandi kuboneka hake. Ahatari ukuri, ibinyoma bihabwa icyicaro. kandi nta kindi kirusha ukuri agaciro.

Iki gitabo nanone kandi kigendanye n'ibyigisho by'uruhererekerane bifite imbaraga biboneka ku ma DVDs mu buryo bw'amashusho byateguwe na Dr. Veith bisobanura neza ibice byose biri muri iki gitabo mu buryo burambuye bw'amashusho (amakuru menshi wayasanga ku gifuniko cy'inyuma kuri iki gitabo). Turashimira cyane abagisomye mu buryo bwo kukinonosora, abafashije mu kugicapa, n'abashushanyi mu buryo bwose bitanze kugira ngo uyu murimo ukomeye ugerweho.

None, wowe nshuti musomyi, tugusabiye kubona amahoro n'ibyiringiro mu mpampuro zigize iki gitabo, ndetse tunejejwe no kugushishikariza kwiwigira ukuri kwa Bibiliya ku giti cyawe, kandi wemerere ukuri ko kwagira umwanya mu bugingo bwawe!

Wendy Goubej Penner



"Kuko Ijambo ry' Imana ari
rizima, rifite imbaraga kandi
rikagira ubugi buruta
ubw' inkota zose,
rigahinguranya ndetse
ubwo rigabanya
umwuka,
ingingo n'
kugeza
ubugingo n'
rikagabanya
umusokoro kandi
rikabangukira
kugenzura ibyo umutima
wibwira ukagambirira."

Abaheburayo 4:12

**Kristo isoko y'
Ukuri**

Kristo isoko y' Ukuri

Igiche cya 1: YESU – YABA ARI UNDI MUNTU?

Iribuliro

Ese Yesu yaba ari uwashatse kwigira Mesiya, cyangwa mu byukuri yari Mesiya Umwana w’Imana. Iki ni ikibazo cy’ingenzi buri muntu wese akwiriye kubonera igisubizo gihamye, kuko gitandukanya iby’urupfu n’ubugingo. icy’ukuri ni uko habayeho intambara nyinshi kubera iri zina rya Yesu kurusha andi madini menshi ku isi. Kandi hari amagambo akomeye yivugiye ubwe ko ari we wenyine agakiza kabonerwamo ku nyokomuntu yacumuye, ari byo bizatuma habaho amakimbirane mu madini menshi, azaherwa n’uko aya madini agize ubuyobe burundu akanyuranya n’ubushake bw’Imana. Yaba ibyo yavuze uri ukuri, cyangwa sibyo; kubinyura iruhande nti bishoboka. Niba yaravuze ukuri rero iyi ntambara izakomeza gututumba kugeza ku iherezo aho Yesu azagaruka mu ikuzo rye aje ku isi kugira ngo acire imanza abariho n’abapfuye. Niba atari Ukuri, dushingiye ku myizerere y’amadini amwe n’amwe, ubwo Mesiya ntabwo araza, cyangwa se yagiye aza mu buryo bwinshi butandukanye nk’uko abigisha benshi bo mu isi bigisha, cyangwa ntabwo azigera aza.

Ababudiste n’abahindu bigisha ko Kristo, umwigisha w’isi, yagiye azukira mu bandi bantu inshuro nyinshi uko ibihe byagiye biha ibindi. Abasiramu bigisha ko Yesu Kristo yari umuhanuzi, kandi ko atari Umwana w’Imana. Kandi bigisha ko Yesu “yavutse ku Mwari, agakora ibitangaza, kandi ko yari Mesiya, ndetse ko atigeze acumura mu buzima bwe bwose, kandi ko yagiye mu ijuru, akazagaruka mbere y’uko imperuka igeraruka”¹. Uretse agace gato k’abayuda bemera Mesiya, abandi Bayuda bahakanye ko Yesu atari Mesiya, kuri bo Yesu yigize Mesiya atari we.

Abakristo ubwabo bigabanyijemo ibice byinshi ku myumvire ya Yesu. Bamwe bamubona nk’Imana, Umukiza, Umwami na Mesiya, abandi banga kumwera nk’Imana, bagahitamo kumubona nk’ikiremwa kidasanzwe. Ese ninde uri mu kuri? Reka turebere hamwe ibi bihamya.

Ese Yesu yaba yarabayeho?

Ikibazo cya mbere dukeneye kugenzura, ni ukumenya niba Kristo yarigeze kubaho mu mateka. Niba atarabayeho, ntabwo twakwirirwa duta umwanya twibaza ku bindi by’ubutwari bwe. Ibihamya 2 bigaragaza ko yarabayeho ngibi:

A. Ibihamya bya gikristo

1. Ibitabo 27 byo mu isezerano rishya
2. Inyandiko z’abakurambere mu itorero (Polycarp, Eusebius, Irenaeus, Origen, n’abandi). Bikwiriye kandi kumvikana ko mu bihe byinshi abakristo bagiye batotezwa ndetse kakicwa kubera kwemera Yesu. Kandi n’amateka ya muntu yaje kubaganywamo ibice bibiri aribyo Mbere y’ivuka

rya Yesu na Nyuma y'ivuka rya Yesu bikaba byarashyizwe mu ngengabihe mu gihe cy'ibinyejana byinshi.

B. Ibihamya bitari ibya Bibiliya

1. Tacitus, umunyamateka w'umuromani yanditse ahagana mu mwaka wa 115 N.K, avuga ku by'akarengane ka Nero arenganya abakristo mu mwaka wa 64 N.K muri aya magambo ati: *Ariko nubwo abantu bagize umuhati ukabije n'abami bagizwe ibigirwamana, ntabwo bigeze bagera ku ntego yabo yo kuzimya ukwizera kw'abakristo. Kandi kugira ngo babatsembe, Nero yafashe umwanzuro wo kubica by'agashinyaguro harimo kuzajya batwika abakristo. Abemeraga izina rya Kristo bose baranzwe bikabije ndetse bakitwa ibizira. Christus, uwo bakomoraho iryo zina ry'ubukristo, yishwe binyuze kwa Pontius Pilato ku ngoma ya Tiberia. Mwitegereje, musanga aba bantu bizera Yesu batarakomeje kuguma i Yudeya ariho hakomoka ibibi, ahubwo bageze n' i Roma ndetse no mu zindi mfuruka z'isi.*²

2. Suetonius, umunyamateka w'umuroma, avuga kuri Chrestus (ahari yashakaga kuvuga Christus, bisobanura Kristo) ku ngoma ya Claudius (Umwami w'abami wategetse guhera muri 41 kugeza muri 54), yanditse aya magambo ahagana mu mwaka wa 120 N.K. Yanditse amagambo agendereye imvururu zari hagati y'Abayuda n'Abakristo ku byerekeye Yesu.

Kuko abayuda batezaga imvururu kubyerekeye Chrestus, Claudius yabirukanye i Roma.

3. Talmud ni igitabo kirimo imigenzo y'abayuda cyabayeho kuva mu kinyejana cya gatatu.

Ku ijoro ribanziriza Pasika, babambye Yesu w'i Nazareti, kandi byari byaratangajwe mbere y'iminsi mirongo ine, havugwa ko Yesu w' i Nazareti agiye kuzaterwa amabuye kuko yakoze ibidakwiriye kandi akaba yarayobeje Isiraheli. Reka buri wese ufite icyo amuvugaho ku byo azira aze amusabire imbabazi. Ariko ntibigeze bashaka kumuburanira ahubwo baramubambye ku munsu ubanziriza pasika.

Ese Yaba Yari Mesiya?

Yesu yahamije ati

Umutambyi Mukuru yongeraga kumubaza ati: "Mbese ni wowe Kristo koko, Umwana w'Imana Idahinyuka? Yesu aramusubiza ati: 'Ndi we, kandi muzabona Umwana w'umuntu yicaye iburyo bw'ubushobozi bw'Imana aje ku bicu byo mu ijuru.'"
Mariko 14:61-62

Uko abandi bahamije

Andereya abanza kubona mwene se Simoni aramubwira ati “Twabonye Mesiya (risobanurwa ngo: Kristo.)” Yohana 1:41

Ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya kera buvuga Mesiya

Dushingiye ku byanditswe, hari amasomo agera kuri 300 yo mu isezerano rya kera avuga kuri Mesiya, kandi ayo masomo yanditswe mu gihe cy’imyaka 1500. Bamwe mu bigisha bahinyura ko Kristo ari we Mesiya, bavuga ko ayo masomo yanditswe mu gihe cya Yesu cyangwa se nyuma y’ivuka rye. Ariko aha hari ikintu cy’ingenzi dukwiriye kwibuka. Bamwe mu bigisha Bibiliya bavuga ko isezerano rya kera ryanditswe ahagana mu mwaka wa 450 Mbere y’ivuka rya Yesu. Ariko abavuga ko isezerano rya kera ryaba ryaranditswe nyuma y’ivuka rya Yesu ntibashobora gufata bimwe mu byanditse mu isererano rya kera nko mu myaka 250 Mbere y’ivuka rya Yesu ngo babishyire mu isezerano rishya. Impavmu ni uko gusobanura isezerano rya kera barishyira mu kigiriki byakozwe ku ngoma na Ptolemy Philadephus (hagati ya 285-246 Mbere y’ivuka rya Yesu). Iki ni igihamba cy’amateka kibabera igikuta kidatuma bimwe mu bikorwa byakozwe mu isezerano rya kera bitagomba gushyirwa mu isezerano rishya byibuze imyaka 250 mbere y’ivuka rya Kristo.

Mu gitabo giteye amatsiko cyitwa *Evidence that demands a verdict* cyanditswe na Josh McDowell agaragaza ubuhanuzi 60 bwo mu isezerano rya kera bwashojwe na Kristo mu isezerano rishya. Ntabwo turi bubashe kuvuga kuri izo ngingo 60 zose, ariko turi buze kugenzura ingingo nkeya z’ubwo buhanuzi:

1. Kubyarwa n’Umwari

Ni cyo kizatuma Uwiteka ubwe ari we uzabihera ikimenyetso. Dore Umwari azasama inda, azabyara Umwana w’umuhungu amwite izina Imanweli. Yesaya 7:14

Yozefu ntiyamurongora... ariko ntibaryamana arinda ageza igihe yabyariye umuhungu, amwita YESU. Matayo 1:18,24-45

2. Beterehemu

Ariko wowe Betelehemu Efurata, uri mutoya mu bihumbi by’I Buyuda, muri wowe ni ho hazava uzaba umwami wa Isirayeli akansanga, imirambagirire ye ni iy’iteka uherye kera kose. Mika 5:1

... Yesu amaze kuvukira i Beterehemu mu gihugu cy’i Yudaya... Matayo 2:1

3. Gukora ibitangaza

Icyo gihe impumyi zizahumurwa, n’ibipfamatwi bizaziburwa... Yesaya 35:5-6

Yesu agenda mu midugudu n'ibirorero byose, ... akiza indwara zose n'ubumuga bwose.
Matayo 9:35

4. I Yerusalemu ahetswe n'indogobe

.... nezerwa cyane wa mukobwa w'I Siyoni we, rangurura wa mukobwa w'I Yerusalemu we, dore umwami wawe aje aho uri. Ni we mukiranutsi kandi azanye agakiza, yicishije bugufi agendera ku ndogobe, ndetse no ku cyana cyayo. Zakariya 9:9

Bakizanjira Yesu, bagiteguraho imyenda yabo bacyicazaho Yesu. Luka 19:35

Ubuhanuzi bugera kuri 29 buvuka kuri Mesiya bwagiye bwandikwa n'abantu batandukanye kandi mu binyejana birenga 5 bitandukanye kandi ubwo buhanuzi bwose bwarasohoye mu mibereho ya Kristo.

5. Kugambanirwa n'inshuti

Kandi inshuti yanjye y'amagara nizeraga nagaburiraga, ni yo imbanguriye umugeri.
Zaburi 41:10

... na Yuda Isikariyota ari we wamugambaniye. Matayo 10:4

6. Ibice by'ifeza 30 na 7. N'inzu y'umubumbyi

Nuko nenda bya bice by'ifeza mirongo itatu, ndabijyana mbijugunyira umubumbyi mu nzu y'Uwiteka. Zakariya 11:13

Ifeza azijugunya mu rusengero arasohoka... bazigura isambu y'umubumbyi..... Matayo 27:5-7

8. Inyifato imbere y'abamurega

Yararenganye ariko yicisha bugufi, ntiyabumbura akanwa ke... Yesaya 53:7

Abatambyi bakuru n'abakuru bamamurega, ariko ntiyagira icyo yireguza na hato.
Matayo 27:12

9. Umubiri we warangirijwe

Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu... kandi imibyimba ye ni yo adukirisha. Yesaya 53:5

Maze abohereza Baraba, ariko amaze gukubita Yesu imikoba, aramutanga ngo abambwe. Matayo 27: 26

10. Gutoborwa ibiganza n'ibirenge

... Bantoboye ibiganza n'ibirenge. Zaburi 22:16

... baramubamba.... Luka 23:23

11. Kubambanwa n'abambuzi

...kuko yasutse ubugingo bwe akageza ku gupfa akabaranwa n'abagome.... Yesaya 53:12

*Maze abambuzi babiri bababambana na we, umwe iburyo bwe undi i bumoso.
Matayo 27:38*

12. Kugabagabana imyambaro no gufinda

Bagabana imyenda yanjye, bafindira umwambaro wanjye. Zaburi 22:19

Nuko abasirikare... bajyana imyambaro ye bayigabanyamo kane, umusirikare wese umugabane we, ariko hasigara ikanzu ye. Iyo kanzu ntiyari ifite umubariro, nuko baravuga bati "Twe kuyitanyagura, ahubwo tuyifindire turebe uri bube nyirayo uwo ari we..." Yohana 19:23-24

13. Kumuha indurwe

*Kandi bampaye indurwe kuba ibyo kurya byanjye, ngize inyota bampa umushari wa Vino.
Zaburi 69:22*

Bamuha Vino ivanze n'indurwe ngo anywe, asogongeye yanga kuyinywa. Matayo 27:34

14. Nta magufwa ye yavunitse

Arinda amagufwa ye yose, nta na rimwe rivunika. Zaburi 34:20

... ariko bageze kuri Yesu basanga amaze gupfa ntibamuvuna amaguru. Yohana 19:33

15. Guhambwa mu mva y'Umukire

Yari kumwe n'umutunzi mu rupfu rwe... Yesaya 53:9

*... nuko nimugoroba haza umuntu w'umutunzi wo muri Arimataya witwaga Yozefu...
ayishyira mu mva ye nshya, iyo yakorogoshoye mu rutare, abirindurira igitare ku munwa
w'imva, aragenda. Matayo 27:57-60*

Bamwe bavugaga ko gusohora k'ubu buhanuzi busohojwe na Yesu byabaye ku bw'impanuka. Ukurikije ihame ry'amahirwe, usanga kugira ngo byibura umuntu asohoze ubuhanuzi 8 kugira ngo agire ayo mahirwe byaba ku muntu umwe ku bantu miliyoni na za miliyoni ibihumbi byinshi.

Ubuhanuzi bw'ibyumweru 70

Mu buhanuzi bwinshi bwerekeye Mesiya, hari ubuhanuzi bukuraho urujijo, kandi ubwo buhanuzi ni ubuhanuzi bwo muri Daniyeli igice cya 8 n'icya 9 bwahanuraga igihe cyo gusigwa amavuta kwa Mesiya.

Ubuhanuzi bw'ibyumweru 70 buboneka muri Daniyeli 9 ni bwo buhanuzi butangaje buvuka kuri Mesiya kurusha ubundi bwo muri Bibiliya. Ni ubuhanuzi buvuka ku gihe cyo kuza kwa Mesiya n'ibihe byegereye uko kuza kwe, kandi abayuda bize iyobokamana bari bamaranye igihe ubu buhanuzi kuko bari baranabushyizeho umuvumo ku muntu wese uzagerageza kubara iminsi igize ubu buhanuzi. Ubuhanuzi bw'ibyumweru 70 bwahawe Daniyeli mu rwego rwo kugira ngo asobanurirwe ubuhanuzi bw'iminsi 2300 bwo muri Daniyeli igice cya 8, kubw'ibyo, ubu buhanuzi buruzuzanya bwombi. Ku byerekeye iyi ngingo, ntabwo turi buvuye ku bihe byose bya gihanuzi bivuka kuri Mesiya kandi ntabwo turi bugaruke ku bihe byose bya gihanuzi bivugwa muri Daniyeli 8. Mu ncamake, Daniyeli igice cya 8 havugaga ibyerekeye imbaraga Imana yahaye ubwoko bwayo bwo mu isi ndetse n'ukuri kwerekeye agakiza. Ubuturo bwera bwavuzwe hano muri ubu buhanuzi bwerekeye ku buturo bwera bwo ku isi n'imirimo yabukorerwagamo, ariko bigahindukira birenguriza ku nama y'agakiza bwashushanyaga. Ukwezwaga k'ubuturo bwera kwari umugabane ugize iminsi mikuru y'abisirayeli kandi kugasobanura umurimo ukomeye wo kwezwaga kw'ibyaha ubuheruka (Reba icyigisho cyitwa *Umuvugizi wo mu gihe cyacu*). Reka tugaruke ku buhanuzi bw'ibyumweru 70 n'ubuturo bwera.

Aransubiza ati "Bizageza iminsi ibihumbi bibiri na Magana atatu uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwaga." Daniyeli 8:14

Aha tuhafite igihe cya gihanuzi, kubw'ibyo ni ingenzi cyane ko dusobanukirwa n'imiterere y'ibihe by'ubuhanuzi. kuko mu buhanuzi bwose ari ingenzi ko byanditswe Byera byisobanura ubwabyo.

Ubuhanuzi buvugwa mu rurimi rukoresha ibishushanyo, kandi ibyo bishushanyo bikoresheya bikwiriyeye gusobanurwa kugira ngo amagambo yabwo yumvikane. Igihe cya gihanuzi gikoresheya nacyo nk'ibishushanyo, ni yo mpamvu na cyo gikeneye gusobanurwa mu mucyo w'byanditswe byera. Ubusobanuro buri muri aya masomo:

Nk'uko iminsi ingana mwatatiyemo icyo gihugu uko ari mirongo ine, umunsi uzahwana n'umwaka.... Kubara 14:34

.... Umunsi wose nawukunganirije n'umwaka umwe.... Ezeziyeli 4:6

Ihame ry'uko umwaka ungana n'umunsi mu buhanuzi ryagiye rikoresheba n'abigishwa ba Bibiliya mu bihe byose. Umunyeshuri wa Bibiliya w'umugatulika mu gihe cy'ubuyobe yemeraga ihame ry'abayuda ry'uko umunsi ungana n'umwaka. Mu mwaka wa 1190, Joachim wa Floris, Calabria, mu Butaliyani nawe yakoresheje iri hame ry'uko umunsi ungana n'umwaka mu buhanuzi. Mu kinyejana cya 13, abanyeshuri bo mu itsinda ry'aba Joachimite bo mu Butaliyani, muri Esipanye, mu Bufaransa, no mu Budage nabo bakoresheje iri hame ry'uko umunsi ungana n'umwaka mu buhanuzi ubwo basobanuraga ubuhanuzi bw'iminsi 2300. Mu mwaka wa 1440, amwigisha w'iyobokamana w'umugatulika witwa Nicholas Crebs w'ahitwa Cusa, yavuze amagambo akurikira ku byerekeye ubuhanuzi bw'iminsi 2300:

... ni ugusimbuza umunsi umwaka nk'uko byahamwe na Ezeziyeli.³

Gusobanukirwa ko umunsi ungana n'umwaka ni ingenzi cyane mu gusobanura ubu buhanuzi. Iyo hakoreshejwe ubu buryo buvugako umunsi ungana n'umwaka, ubuhanuzi bw'umvikana neza cyane mu mwanya wabwo, kandi icyasaga n'urujijo cyose kigakurwaho. Ibi birarushaho gusobanuka uko turushaho gucukumbura ubu buhanuzi mu bice bikurikiraho.

Uguhuza ubuhanuzi bw'ibyumweru 70 n'ihame rivuga ko umunsi ungana n'umwaka biragaragaza ko Yesu w'I Nazareti ari we Mesiya wari warategerejwe igihe kirekire.

Gucukumbura Ubuhanuzi

Daniyeli ntabwo yigeze asobanukirwa iyerekwa yagize rivuga iby'iminsi 2300.

Nuko nyewe Daniyeli mperako ndaraba, mara iminsi ndwaye. Bukeye ndahaguruka nkora imirimo y'umwami ariko ntangazwa n'ibyo neretswe ibyo, nyamara nta muntu wabimenye. Daniyeli 8:27

Nyuma yo kwiga ubuhanuzi bwa Yeremiya, Daniyeli yahawe iyerekwa:

Ngikomeje gusenga umugabo Gabuliyeli nabonaga ngitangira kwerekwa aratumwa, maze aragaruka aza n'ingonga igihe cyo gutamba igitambo cya nimugoroba cyendaga kugera... arambwira ngo... nzanywe no kukungura ubwenge kuko ukundwa cyane.... Nuko iryo jambo uritekereze cyane, umenye n'ibyo weretswe. Daniyeli 9:21-23

Ibyumweru mirongo irindwi bitegekewe ubwoko bwawe... Daniyeli 9:24

Ubwoko bwawe ni ubwoko bwatoranyijwe bw'Imana – ari bo Isirayeli ya kera. Ibyumweru mirongo irindwi ubishyize mu minsi biba $70 \times 7 =$ iminsi 490. Wakoreshe ihame ry'uko umunsi ungana n'umwaka ubwo iminsi 490, ingana n'imyaka 490. Ijambo *bitegekewe* risobanuye *bireba*, *bitegetswe*, *cyangwa gukurwaho*. Ingeri ya Bibiliya yo mu kilatini yitwa Vulgate yakoresheje ijambo *abbreviore*, risobanuye *bikuwe*. Kubw'ibyo imyaka ikubiye mu byumweru 70 cyangwa se imyaka 490 yari ikuwe ku buhanuzi bw'igihe kirekire. Ari bwo buhanuzi bw'iminsi 2300. John Tillinghast, wapfuye mu mwaka wa 1655,


yabaye uwa mbere mu gusobanura ubuhanuzi bw'ibyumweru 70 ko bufite aho buhurira n'ubuhanuzi bw'imyaka 2300.

Imyaka 490 yari itegekewe ubwoko bw'abayuda kugira ngo:

1. *Ibicumuro bicibwe*
2. *Ibyaha bishire*
3. *Gukiranirwa gutangirwe impongano*
4. *Haze gukiranuka kw'iteka*
5. *Ibyahanuwe bifatanyishwe ikimenyetso*
6. *Ahera cyane hasigwe amavuta. Daniyeli 9:24*

Izi ngingo 6 ni ingingo zerekeye Mesiya, zagombaga gusohozwa na Mesiya wenyine. Ninde wundi washoboraga guca ibicumuro cyangwa ngo azane gukiranuka kw'iteka?

Johan P. Petri, wapfuye mu mwaka wa 1792 kandi yari umupasitoro uvuguruye w'itorero rya Seckbach, mu Budage, yatangiye guhuza ubuhanuzi bw'ibyumweru 70 n'ubuhanuzi bw'iminsi 2300. Iyi shusho iri hasi iragaragaza uko ubuhanuzi bw'ibyumweru 70 bwakuwe mu buhanuzi bw'iminsi 2300.



Itangiriro ry'ibyumweru 70 n'iminsi 2300

Nyuma y'uko Marayika atangaje ibyumweru 70, yagaragaje ibyiciro bigize ibyumweru 70 mu buryo bukurikira:

- a. Ibyumweru 7 byo kubaka Yerusalemu (Umurongo wa 25)
- b. Ibyumweru 62 bigera kuri Mesiya (umurongo wa 25 na 26)
- c. Icyumweru 1 cyo kurangiza icyo gihe (umurongo wa 27). Byose hamwe ni ibyumweru 70 bitegekewe ubwoko bwawe....

Ubu buhanuzi bwose nibwo buhanuzi bugize ubuhanuzi bw'ibyumweru 70. Aiko se ubu buhanuzi bwatangiye ryari? Daniyeli atanga igisubizo gisobanutse neza cyane:

Nuko ubimenye ubyitegereze yuko uhereye igihe bazategekera kubaka I Yerusalemu bayisana kugeza kuri Mesiya Umutware hazabaho ibyumweru birindwi, maze habeho ibindi byumweru

mirongo itandatu na bibiri bahubake basubizeho imiharuro n'impavu, ndetse bizakorwa mu bihe biruhije. Daniyeli 9:25

“Kuva ubwo bazategereka kubaka no gusana Yerusalemu” nibwo ubuhanuzi bw'iminsi 2300 butangirira. Itegeko riheruka ryo gusana Yerusalemu ryatanzwe ku ngoma y'Umwami Artaxerxes Longimanus (Aritazeruzi) mu mwaka wa 457 B.K⁴ Nk'uko bigaragara mu gitabo cya Ezira igice cya 7. Uwo mwami yarategetse ati:

Ntegetse itegeko, abantu b'Abisirayeli bose n'abatambyi babo n'Abalewi bari mu bihugu byanjye, abashaka ubwabo kujya i Yerusalemu ngo mujyane. Ezira 7:7,12,13

Guhera ku itegeko ryo mu mwaka wa 457 B.K. biratworohye kumenya igihe ubu buhanuzi burangirira. Ibyumweru 70 byatangiranye n'igihe cyo gusana Yerusalemu.

Ibyumweru 7 * iminsi 7 igize icyumweru kimwe = iminsi 49 = imyaka 49

Ni ubuhanuzi bw'ukuri, Yerusalemu yongeye kubakwa igihe cy'imyaka 49 uhereye mu mwaka wa 457 B.K. Yarangiye kubakwa mu mwaka wa 408 B.K

“Kugeza Kuri Mesiya Umutware”

Nuko ubimenye, ubyitegereze yuko uhereye igihe bazategereka kubaka i Yerusalemu bayisana kugeza kuri Mesiya Umutware hazabaho ibyumweru birindwi, maze habeho ibindi byumweru mirongo itandatu na bibiri.... Daniyeli 9:25

Icyumweru 1 = iminsi 7X7 = iminsi 49 = imyaka 49

Ibyumweru 62* iminsi 7 = iminsi cyangwa imyaka 434

Imyaka 434 + imyaka 49 = imyaka 483 uhereye mu mwaka wa 457 B.K niyo igeza kuri Mesiya

Ibyumweru 7 (bingana n'iminsi 49) yo kubaka Yerusalemu n'ibyumweru 62 aribyo bingana n'imyaka 434 nibyo bitugeza kuri Mesiya Umutware. Guhera mu mwaka wa 457 B.K, wakoresha rya hame ry'uko umunsi ungana n'umwaka, biratuma tumenya uwo mwaka neza ni ukuvuga ko ari ugufata icyumweru kimwe = imyaka 49 tugateranyaho ibyumweru 62 = imyaka 434 nibyo bitugeza mu mwaka wa 27 N.K. Uyu mwaka ni umwaka ukomeye mu mateka ya gikristo, kandi Luka muri Luka 3:1-3 agaragaza icyabaye muri uwo mwaka. Uyu mwaka ungana n'umwaka wa 15 wo kungoma ya Kayizari Tiberiyo (uzwi neza ko wari umwaka wa 27 N.K) Ari wo mwaka abandi bantu bose bagiye basimburana ku ngoma nyuma yawo: Pontiyo Pirato, Herod, Filipo, Lysanias, Ananiya na Kayafa, kandi icyo gihe cyo muri uwo mwaka ni bwo Yohana umubatiza yabatizaga. Ishusho ya 1.2 iratwerekako iby'iyi mibare:

Daniyeli 8:14			
Bizageza iminsi/imyaka 2300 uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa Iminsi ya gihanuzi 2300 = imyaka 2300			
"Ibyumweru 70 bitegekewe ubwoko bwawe." Imyaka 490			
457 B.K	408 B.K Daniyeli 9:24	27 N.K	34 N.K
Ibyumweru 7 Imyaka 49	ibyumweru 62 imyaka 434	icyumweru 1 imyaka 7	

Ishusho 1.2

Ibyumweru 69 aribyo bingana n'imyaka 483 bitugeza kuri "Mesiya Umutware". Dushingiye kuri Yohana 1:41, Mesiya bisobanuye "Kristo" kandi Kristo bisobanuye "Uwasizwe". Dushingiye kuri Bibiliya, Yesu yasizwe na Mwuka Wera ubwo yabatizwaga.

...nuko abantu bose babatijwe, na Yesu amaze kubatizwa, agisenga ijuru rirakinguka.

Luka 3:21-23

Kubatizwa kwa Yesu ku bw'umurimo we bifite ikintu kinini bisobanuye mu buhanuzi "Kugeza kuri Mesiya Umutware". Ubwo Kristo yavugaga ati, *"igihe kirasohoye"* (Mariko 1:15), yavugaga kuri ubu buhanuzi.⁵

Mbega ukuntu bihura! Bigahurira ku gihe, ubwo Yesu yasigwaga maze agatangira umurimo we.

Umwuka w'Uwiteka ari muri je, ni cyo cyatumye ansigira, kugira ngo mbwirize abakene ubutumwa bwiza. Yantumye kumenyesha imbohe ko zibohorwa, n'impumyi ko zihumuka, no kubohora ibisenzegezi. Luka 4:18

Ubuhanuzi bwa nyuma buvuga ku cyumweru cya mirongo irindwi

Niba mu mwaka wa 27 N.K ari wo mwaka usaza ibyumweru 69, kubw'ibyo umwaka wa 34 N.K ni wo mwaka usaza ubuhanuzi bw'ibyumweru 70 byari bigenewe abisirayeli. Iyo duhinduye ibyumweru mu myaka, duhita tugera muri uwo mwaka. Kuko ibyumweru 483 byarangiye mu mwaka wa 27 N.K, kubw'ibyo imyaka 490 yagombaga kurangira nyuma y' imyaka 7, ari yo irangira mu mwaka wa 34 N.K (reba ishusho 1.2)

Uwo mutware azasezerana na benshi isezerano rikomeye, rimare icyumweru kimwe. Nikigera hagati azabuzanya ibitambo n'amaturu.... Daniyeli 9:27


Ahavuga ngo “Aza”haravuga Mesiya nk’uko byagaragajwe muri Daniyeli 9:25-26. Mesiya, Kristo azasohozza isezerano yagiranye na Isirayeli mu gihe cy’icyumweru cya gihanuzi ari cyo kingana n’imyaka 7. (icyumweru 1 = iminsi 7 = imyaka 7). Ariko iryo somo ryongeraho ko azabuzanya ibitambo n’amaturu.

Hagati mu cyumweru cya gihanuzi ni ukuvuga ko ari imyaka itatu n’igice nyuma y’umwaka wa 27N.K ubwo Kristo yabatizwaga nk’uko twamaze kubibona. Ibyo biratugeza mu mwaka wa 31 N.K. Tugomba kureba uko ibintu byagiye bikurikirana. Mu mwaka wa 31 N.K. ariwo Kristo yabambweho, aba Kristo bose bemera ko mu mwaka wa 31.N.K aribwo Yesu yabambwe (Reba ishusho 1.3).

Zimwe mu nyigisho z’iki gihe zisobanura ubuhanuzi, zigerageza kugoreka ubuhanuzi buvuka ku by’umweru 70, maze bagasenya ibigize ubumwe bw’ibyumweru 70, bagafata iki cyumweru cya 70 bakagishyira mu gihe cy’ahazaza, maze bakagihuza no gukora kwa antikristo, aho bavuga ko antikristo azaza ku iherezo aje kurwanya ubukristo buzaba bwarakwiriye hose mu gihe cy’ahazaza. Daniyeli 9:2627 hafite imiterere yisobanura, kandi uramutse uyitayeho, urwo rujijo rw’ubusobanuro butari bwo ntabwo warugwamo.

Ibyumweru 62 nibishira Mesiya azakurwaho, ariko si kubwe....

Aka gace k’umurongo wa 26 kagaragaza agace kajyanye nibigomba kuba mu gihe cy’ibyumweru 70. Nyuma y’ibyumweru 62 (7+62 = mu cyumweru cya 69), ni ukuvuga mu cyumweru cya 69 cyangwa mu cyumweru cya 70 nibwo Mesiya yagombaga gukurwaho cyangwa se kwicwa, ariko adapfuye kubwe (ahubwo kubwacu).



Ishusho 1.3

Ibyo byumweru uko ari mirongo itandatu na bibiri nibishira Mesiya azakurwaho, kandi nta cyo azaba asigaranye. Maze abantu b’umutware uzaza bazarimbure umurwa n’ubuturo bwera, uwo

iherezo rye rizaba nk'utembanywe n'umwuzure w'amazi, intambara n'ibyago bazarinda bigeza imperuka. Uwo mutware azasezerana na benshi isezerano rikomeye, rimare icyumweru kimwe. Nikigera hagati azabuzanya ibitambo n'amaturu, umurimbuzi azaza ku ibaba ry'ibizira, maze kugeza ku mperuka yategetswe uburakari buzasandazwa kuri uwo murimbuzi. Daniyeli 9:26-27

Imiterere y'iri somo iteye itya:

- a. Gukurwaho kwa Mesiya
- b. Kurimburwa k'ubuturo bwera b1. Kubuzanya

ibitambo a1. Guhanguka k'umutegetsu

Umurongo wa 27 ufite indi miterere yisobanura: “Aza... icyumweru..... icyumweru.... Aza”, kandi iyo miterere yose irimo irashimangira inshingano ya Mesiya. Mu ncamake, hagaragajwe ko gukurwaho kwa Mesiya bizatuma gutamba ibitambo birangira (gutamba bizasohozwa muri we). Mesiya, azahamya isezerano rye n'ubwoko bw'Imana kubw'igitambo cyo mu cyumweru hagati (ni ukuvuga nyuma y'imyaka itatu n'igice yiyongera ku mwaka wa 27N.K), ari cyo gihe gihura neza n'igihe Kristo yapfiriye.

Iri somo nanone rigaragaza intambara hagati ya Kristo na Satani aho we n'ingabo ze bazarwanya Ubukristo kuzageza ku mperuka. Isezerano rihari ni uko, Kristo ari we ufite insinzi iheruka, kandi ko nyirabayazana w'ikibi azabona igihano kimukwiriye ku muni w'imperuka.

Azabuzanya ibitambo....birangire

Urufu rwa Kristo ku musaraba rwatumye gahunda yo gutamba ihagarara kuko ari we byashushanyaga. Pawulo abivugaho ku buryo bwumvikana ati:

....kuko Pasika yacu yatambwe ari we Kristo. 1 Abakoriinto 5:7

Kuba Pasika yarashushanyaga Kristo, ubwo yanasohorejwe mu rufu rwe. Pawulo agaragaza neza ko gahunda yose igendana n'ibitambo yakuweho.

Igahanagura urwandiko rw'imihango rwaturegaga, ikarudukuzaho kurubamba ku musaraba. Abakolosayi 2:14

Ubwo ijamba “Birangiye” ryatangazwaga na Kristo, abatambyi bari barimo batamba mu rusengero. Yari isaha yo gutamba igitambo cya nimugoroba, kandi kuko intama ya Pasika yashushanyaga Kristo yari igiye gutambwa,

... umwenda ukingiriza Ahera Cyane h'urusengero utabukamo kabiri, utangirira hejuru ugeza hasi, isi iratigita, ibitare birameneka. Matayo 27:51

Imihango yo gutamba yarangiranye no kubambwa kwa Kristo. Umwenda watandukanyaga ahera n'ahera cyane h'urusengero watabutsemo kabiri *guhera hejuru ugana hasi*, aribyo byashushanyaga igikorwa gitunganye. Ibitambo byari birangiye, Kristo yari abikuyeho.

Benshi mu bagorozi harimo John Wycliffe, Martin Luther harimo n’abanyasiyansi nka Isaac Newton bose icyumweru cya 70 bagihuza na Mesiya. Iyo myaka 7 yarisigaye y’icyumweru cya nyuma yarangiye mu mwaka wa 34 N.K ubwo Sitefano yaterwaga amabuye (soma Ibyakozwe n’intumwa 7:59 – 8:4). Uyu mwaka wa 34 N.K, ni wo herezo ry’ibyumweru 70, cyangwa se imyaka 490 yari itegekewe Abisirayeli.

...kugira ngo ibicumuro bicibwe... gukiranirwa gutangirwe impongano. Daniyeli 9:24

Guhera icyo gihe, ubutumwa bwiza bwagombaga kujyanwa mu Banyamahanga (cyangwa mu isi) bujyanywe n’ababwiriza butumwa muri buri gihugu; maze Pawulo, uwari mu ruhande rw’abateye Sitefano amabuye, ahinduka intumwa yo kubwiriza abanyamahanga. Isirayeli y’umubiri irangira kuba ishyanga ry’Imana. Dusubiye inyuma gato ku isomo twatangiriyeho ryo muri Daniyeli 8:14, “Kandi bizageza iminsi 2300 uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa”, twabonye ko iyo myaka 2300 igomba kurangira, yatangiriyeho mu mwaka wa 457 B.K ikarangira mu mwaka wa 1844 N.K (Reba ishusho 1.4). Ukwezwwa k’ubuturo bwera tuzabigarukaho mu cyigisho cyitwa *Urutare rwo kuruhukiraho*.

Daniyeli 8:14				
Bizageza iminsi/imyaka 2300 uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa				
Iminsi ya gihanuzi 2300 = imyaka 2300				
“Ibyumweru 70 bitegekewe ubwoko bwawe.” Imyaka 490				
457 B.K	408 B.K Daniyeli 9:24	27 N.K	34 N.K	1844 N.K
Ibyumweru 7	ibyumweru 62	icyumweru 1	imyaka 1810	
Imyaka 49	imyaka 434	imyaka 7		

Ishusho 1.4

ESE Yesu ni Imana?

Niba Yesu ari Imana, abantu bose biha umwanya we cyangwa se biyambika isumbwe ku bandi byaba ari imfabusa. Iki kibazo gikeneye gusobanuka neza, kugira ngo tubashe gusobanukirwa no gushishoza agaciro k’amagambo Yesu yivugiyeho ubwe:

Ariko arabasubiza ati “Data arakora kugeza n’ubu, nanjye ndakora.” Ni cyo cyatumye Abayuda barushaho gushaka kumwica, kuko uretse kuzirura isabato gusa, ahubwo yita n’Imana ko ari se bwite, akigereranya na Yo. Yohana 5:17-18

‘Jyewe na Data turi umwe.’ Abayuda bongera gutora amabuye ngo bayamutere. Yesu ababwirira ati “Nabaretse imirimo myinshi myiza yavuye kuri Data, noneho ni uwuhe murimo muri iyo

ubatera kuntera amabuye?...” ... “ku bw’imirimo myiza ntitugutera amabuye, ahubwo tuguhora kwigereranya, kuko uri umuntu ukigira Imana.” Yohana 10:30-33

Yesu ntabwo yigeze yica isabato; icyo atakoze ni ugushyigikira imigenzo n’amategeko yari yarashyizweho n’Abayuda mu rwego rwo kugira ngo ibafashe kubahiriza amategeko y’Imana. Iyo mihango n’ayo mategeko ya kimuntu yari yarahindutse umutwari uremereye ku bantu bose bashakaga kumvira Imana. Yesu yabahamirije ko We na Data ari bamwe. Kandi nta hantu na hamwe mu isezerano rishya dusanga Yesu yaracyashyeye abamusengaga nk’Imana cyangwa bakamufata nk’Imana.

Baratambuka bajya mu bwato, umuyaga uratuza. Abari mu bwato baramupfukamira, baramubwira bati “ni ukuri uri Umwana w’Imana” Matayo 14:32-33

Toma aramusubiza ati. “Mwami wanjye! Kandi Mana yanjye!” Yohana 20:28

Imana yonyine niyo ikwiriye gusengwa, yewe n’abamarayika ntibemewe gusengwa, nta muntu wari ukwiriye gusenga ibiremwa. Reka dufate ingero ebyiri gusa zo mu Byanditswe Byera zishimangire iyi ngingo.

1. Ubwo Yohana yerekwaga Yerusalemu nshya ari mu iyerekwaga, yikubise ku birenge bya marayika wari wamutumweho ngo amuramye, ariko uwo mumarayika yamusubije amucyaha ati: *Ariko arambwira ati: “Reka! Ndi imbata mugenzi wawe kandi ndi mugenzi wa bene So b’abahanuzi, n’uw’abitondera amagambo y’iki gitabo. Imana aye ari yo uramya.”* Ibyahishuwe 22:9
2. Ubwo intumwa Petero yasuraga kwa Koruneliyo, Koruneliyo yarishimye kugeza ubwo yikubita ku birenge bya Petero ngo amuramye, ariko Petero yaramubwiye ati:

Petero agiye kwinjira, Koruneliyo aramusanganira, yikubita imbere y’ibirenge bye, aramuramya. Ariko Petero aramuhagurutsa ati: “Haguruka, nanjye ndi umuntu nkawe.” Ibyakozwe n’intumwa 10:25-26

Hari amadini amwe ahakana ubumuntu bwa Kristo, andi agahakana ubumana bwe. Ibyanditswe byera, bitwereka ko Kristo yari umuntu kandi akaba n’Imana. Kristo mu Byanditswe Byera, ni Umuremyi wa byose. Ni Umucunguzi ndetse akaba n’Uwongera kurema kandi akaba n’Uwiteka wa bose. Izina Yesu risobanuye “Jahwe” (Yehova = “Uhoraho”), Umukiza, nk’Umuremyi, akwiye kuba nyiribiremwa. Muri Zaburi 33 tuhasoma aya magambo ngo:

Ijambo ry’Uwiteka ni ryo ryaremye ijuru, Umwuka wo mu kanwa ke ni wo waremye ingabo zo muri ryo zose. Ateranya amazi yo mu nyanja nk’ikirundo, ashyingura imuhengeri mu bubiko. Isi yose yubahe Uwiteka, abari mu isi bose bamutinye. Kuko yavuze bikaba, Yategetse bigakomera. Zaburi 33:6-9

Isezerano rishya rihamya ko uyu muremyi ari Yesu Kristo wenyine:

Mbere na mbere hariho Jambo; Jambo uwo yahoranye n’Imana kandi Jambo yari Imana. Uwo yahoranye n’Imana mbere na mbere. Ibintu byose ni we wabiremye, ndetse mu byaremwe byose nta na kimwe kitaremwe na we. Yohana 1:1-3

Kuko muri We ari mo byose byaremewe, ari ibyo mu ijuru cyangwa ibyo mu isi, ibiboneka n'ibitaboneka, intebe z'ubwami n'ubwami bwose, n'ubutware bwose n'ubushobozi bwose. Ni we wabiremye byose kandi rero ni na we byaremewe. Abakolosayi 1:16

Yesu Kristo ni Uwiteka. Ijambo ry'ikigiriki rivuga Uwiteka ni *Kurios*, kandi rikoreshwa hagambiriwe kuvugwa: *'nyiri kintu cyangwa se nyiri bantu'*, kandi uwo nta wundi ni Imana.

Nuko abo mu muryango wa Isirayeli bose, nibamenye badashidikanya yuko Yesu uwo mwabambye, Imana yamugize Umwami na Kristo. Ibyakozwe n'Intumwa 2:36

Kandi indimi zose zihamye ko Yesu Kristo ari Uwiteka, ngo Imana Data wa twese ihimbazwe. Abafilipi 2:11

Yesu mu kuri yahamije ko ari Imana, kandi yabayeho mbere ya byose.

Yesu arababwira ati "Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko Aburahamu ataravuka, ndiho" Yohana 8:58

Ijambo rya kigiriki *'eimi'* ryakoreshejwe ahasobanuwe ngo *'ndiho'* risobanuye "kubaho, guhoraho" kandi iryo jambo rirashimangira kandi rihamya ko Yesu ari Imana.

Nyamara muri we ni ho hari kuzura k'Ubumana kose mu buryo bw'umubiri. Abakolosayi 2:9

Ariko iby'Umwana wayo byo yarabyeruye iti "Intebe yawe Mana, ni iy'iteka ryose, Inkoni y'ubugabe bwawe ni inkoni yo gukiranuka." Abaheburayo 1:8

Ubu buhanuzi buhamye bwatanze muri Bibiliya, bugaragaza Mesiya, bwose bwashojwe na Yesu. Nta wundi muntu wahamya ko ari Mesiya cyangwa ngo ahamye ko ari Umwami nka Yesu. Ni Umwami w'amahoro, Ntama w'Imana watambwe, muri we niho ubumana bwose bwuzurira mu mubiri (Abakolosayi 2:9). Yesu yaravuze ati:

Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi. Matayo 28:18

Ni jye rembo, umuntu niyinjira muri jye azakizwa, azinjira asohoke kandi azabona urwuri. Yohana 10:9

Kandi nk'uko Mose yamanitse inzoka mu butayu, ni ko Umwana w'umuntu akwiriye kumanikwa, kugira ngo umwizera wese abone guhabwa ubugingo buhoraho. Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. Kuko Imana itatumye Umwana wayo mu isi gucira abari mu isi ho iteka, ahubwo yabikoreye kugira ngo abari mu isi bakizwe na we. Umwizera ntacirwaho iteka, utamwizera amaze kuricirwaho kuko atizeye izina ry'umwana w'Imana w'ikinege. Yohana 3:14-18

Bibiliya yigisha neza ko agakiza kabonerwa muri Yesu Kristo gusa. Mu Byakozwe n'Intumwa dusoma ko:

Kandi nta wundi agakiza kabonerwamo, kuko ari nta rindi zina munsu y'ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo. Ibyakozwe n'Intumwa 4:12

Ukuri kurahari, Ibyo Yesu yahamije birasobanutse, ariko abantu bo mu isi batitaye kuri uku kuri kose barakikira uku kuri kugira ngo bagere ku bumwe bwo kunga amadini bagamije kurwanya Ijambo ry'Imana. Iyi ntambara ikomeye igiye kuba ikubitiro ry'irangira ry'amateka yisi, ubwo Kristo azaba agarutse maze ubwami bugashyirwa mu kiganza cye.

Nibwo imperuka izahera ko isohore, ubwo azashyikiriza Imana ubwami, ari yo Data wa twese, amaze gukuraho ingoma zose n'ubutubware bwose n'imbaraga zose. 1 Abakorinto 15:24

IBIHAMYA

¹ Ahmed Deedat, *Christ in Islam* (Durban: The Islamic Propagation Centre, 1983).

² Josh McDowell, *Evidence That Demands a Verdict* (Arrowhead Springs: Campus Crusade International, 1972).

³ Nicholas Cusa, *Coniectura de Ultimis Diebus: A Surmise about the Last Days* (1440).

⁴ Stanley Leathes, DD, *Old Testament Prophecy: Its Witness as a Record of Divine Foreknowledge* (London: Hodder and Stoughton, 1880): 219-220. http://books.google.ca/books?id=e4GAAQAQAJ&pg=PR3&source=gb_s_selected_pages&cad=3#v=onepage&q&f=false

⁵ Joseph Tanner, *Daniel and the Revelation: the Chart of Prophecy and Our Place in it* (1898): 38.

Igice cya 2:UMUVUGIZI W'IGIHE CYACU

Isezerano rishya ryigisha ko Yesu Kristo yapfuye kubera ibyaha byacu, kugira ngo tuzaragwe ubugingo buhoraho binyuze muri We.

Muzi ko nabanje kubaha ibyo nanjye nahawe kumenya, yuko Kristo yapfiriye ibyaha byacu nk'uko byari byaranditswe. 1 Abakorinto 15:3

Kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. Yohana 3:16

Ese ni ibihe byanditswe Pawulo yavugaga ubwo yavugaga ko Kristo yapfuye kubw'ibyaha byacu nk'uko byari byaranditswe? Birumvikana ko yavugaga ku isezerano rya kera, kuko ryari ryarahanuye ko Yesu azapfira ibyaha bya mwene muntu. Yesaya avuga neza intimba n'imibabaro Mesiya yagombaga kunyuramo kugira ngo ahongerere ibyaha byacu:

Yarasuzugurwaga akangwa n'abantu, yari umunyamibabaro wamenyereye intimba, yasuzugurwaga nk'umuntu abandi bima amaso natwe ntumwubahe. Ni ukuri intimba zacu ni zo yishyizeho, imibabaro yacu ni yo yikoreye, ariko twebweho twamutekereje nk'uwakubiswe n'Imana agacumitwa na yo, agahetamishwa n'imibabaro. Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha. Twese twayobye nk'intama zizimiye, twese twabaye intatane, Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese. Yesaya 53:3-6

Icyaha ni iki, kandi ni kuki ikiguzi cyacyo cyabaye ubugingo bw'Umwana w'Imana? Bibiliya ifite igisobanuro kimwe rukumbi cy'icyaha, kandi tugisanga mu 1 Yohana 3:4:

Umuntu wese ukora icyaha, aba agomye, kandi icyaha ni bwo bugome.

Icyaha ni ukugomera amategeko y'Imana. Ikindi kandi, icyaha kijyana n'igihano. Kandi icyo gihano ni urupfu, ariko muri Kristo, icyo gihano cyarishyurwe kugira ngo tugire ubugingo buhoraho.

Kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu, ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu. Abaroma 6:23

Icyaha kidutandukanya n'Imana. Gutandukana n'Imana bisobanuye gutandukanywa n'isoko y'ubugingo kuko Imana ari yo yahanze kandi ari yo mugenga w'ubugingo.

Ahubwo gukiranirwa kwanyu ni ko kwabatandukaniye n'Imana yanyu, n'ibyaha byanyu ni byo biyitera kubima amaso ikanga no kumva. Yesaya 59:2

Kuko inyokomuntu yose yagomeye amategeko y'Imana, inyokomuntu yose ikeneye agakiza.

Kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikira ubwiza bw'Imana. Abaroma 3:23

Niba agakiza ari impano, ubwo rero agakiza gatangirwa ubuntu, kubw'ibyo imirimo yanjye ikaba idashobora kunkiza.

Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana. Abefeso 2:8

Ariko ubwo bibaye ku bw'ubuntu ntibikiri ku bw'imirimo, kuko bitabaye bityo ubuntu ntibwaba ari ubuntu. Abaroma 11:6

Inkuru inejeje – twakijijwe n'ubuntu bw'Imana kubwo kwizera Umwana w'Imana. Ese ibi biduha umudendeze wo gusuzugura amategeko y'Imana cyangwa kuyatesha agaciro?

Mbese none duhinduze ubusa amategeko kwizera? Ntibikabeho! Ahubwo turayakomeza. Abaroma 3:31

Ibyaha ntibikabategeke kuko mudatwarwa n'amategeko, ahubwo mutwarwa n'ubuntu. Nuko tugire dute? Mbese dukore ibyaha kuko tudatwarwa n'amategeko, ahubwo dutwarwa n'ubuntu? Ntibikabeho! Ntimuzi yuko uwo mwihaye kuba imbata zo kumwumvira, muri imbata z'uwo mwumvira uwo, imbata z'ibyaha bizana urupfu, cyangwa izo kumvira Imana kuzana gukiranuka? Abaroma 6:14-16

Noneho amategeko ni ayera, ndetse n'itegeko ryose ni iryera, rirakiranuka kandi ni ryiza. Abaroma 7:12

Muri make, icyaha (aricyo kugomera amategeko y'Imana) kiganisha ku rupfu (aha si ukuvuga urupfu rw'ibigaragara ahubwo ni urupfu rw'iteka ryose); naho ubuntu bukaganisha ku bugingo (ubugingo bw'iteka). Nyamara ubuntu ntibukuraho ihame ryo kumvira amategeko y'Imana, ahubwo butuma tuyakomeza. Amategeko rero ntabwo ashobora kunkiza, ahubwo aramburira akamenyesha icyaha.

Kuko imbere yayo ari nta muntu uzatsindishirizwa n'imirimo itegegetswe n'amategeko, kuko amategeko ari yo amenyekanisha icyaha. Abaroma 3:20

Dukizwa n'ubuntu, tugakurwa mu byaha, tugatsindishirizwa, tugahindurwa, maze tukezwa tugahabwa ubwiza. Ubuntu bushyiraho umushyikirano ukwiriye hagati y'umuntu n'Imana, ariko amategeko yo atumenyesha icyaha kugira ngo tucyirinde ku bw'ubuntu bw'Imana. Uguhinduka nyakuri kuzuzwa umutima amashimwe kandi umuntu wahindutse ahora ashaka kubaho bihuje n'amategeko y'Imana. Yesu yaravuze ati:

Nimunkunda, muzitondera amategeko yanjye. Yohana 14:15

Nimwitondera amategeko yanjye muzaguma mu rukundo rwanjye, nk'uko nanjye nitondeye amategeko ya Data nkaguma mu rukundo rwe. Yohana 15:10

Kuko gukunda Imana ari uku: ari uko twitondera amategeko ya yo kandi amategeko ya yo ntarushya. 1 Yohana 5:3

Muri Yohana 8, tuhasoma ibya Mariya Magadalena ubwo yari afatiwe mu cyaha cy'ubusambanyi akazanwa imbere ya Yesu. Yahagaze imbere ya Yesu aciriweho urwo gupfa n'amategeko.

Abanditsi n'Abafarisayo bamuzanira umugore bafashe asambana, bamuta hagati.

Baramubwira bati: "Mwigisha, uyu mugore bamufashe asambana, kandi Mose mu mategeko yadutegetse kwicisha amabuye abakoze batyo. None wowe uravuga ngo iki?" Yohana 8:3-5

Amategeko ntiyashoboraga kumukiza, ariko Yesu we yari abishoboye. Nta numwe mu bashinjaga uwo mugore utari ufite icyaha nuko bose ntibashyikira ubwiza bw'Imana. Bamaze kwemezwa ubunyacyaha bwabo, batangiye guhunga urusorongo maze bagenda batitira, bamwaye, Mariya wemera kwihana aguma aho. Yesu aramuhindukirira maze aramuvugisha:

Yesu arunamuka aramubaza ati "Wa mugore we, ba bandi bakuregaga bari he? Nta wuguciriyeho iteka?" Ati "Ntawe Databuja." Yesu aramubwira ati "Nanjye singuciraho iteka, genda ntukongere gukora icyaha." Yohana 8:10-11

Umunyacyaha waciriweho iteka, yarababariwe maze agirirwa ubuntu: "Nanjye singuciraho iteka." Nyuma Mariya yahise ategukwa kugenda agakurikiza amategeko: "Genda, ntukongere gukora icyaha." Gukizwa n'ubuntu ntabwo bikuraho inshingano yo kumvira amategeko y'Imana. Ubuntu bukuraho gucirwaho iteka n'amategeko, ariko ntabwo bukuraho kumvira amategeko.

Nuko rero noneho abari muri Kristo Yesu nta teka bazacirwaho, kuko batayoborwa n'umubiri, ahubwo bayoborwa n'Umwuka. Abaroma 8:1

Ese waba warigeze wibaza ku cyo abantu bakoraga kubw'ibyaha byabo mbere y'uko Umwana w'Imana abambwa ku musaraba I Kaluvari? Agakiza kuzurira mu musaraba wa Kristo. Ibyaha byacu bihongererwa kubw'igitambo cy'i Kaluvari cya Kristo. Ariko se ni gute ibyaha byahongererwaga mu bihe byo mu isezerano rya kera? Ese agakiza kabo kaba kari kihariye ku buryo bo bakizwaga n'amategeko twe tukaba dukizwa n'ubuntu? Ibi ni byo bamwe bizera. Ariko nk'uko twabibonye, bene muntu twese dutegekwa kwumvira amategeko y'Imana. Niyo mpamvu, no ku babayeho mbere ya Yesu agakiza kabo kari gashingiye ku buntu. Mu by'ukuri, ubuntu bwabayeho guhera mu itangiriro.

Ariko Nowa agirira ubuntu mu maso y'Uwiteka. Itangiriro 6:8

Mu 2 Petero 2:5, Nowa yitwa umubwiriza wo gukiranuka, kandi ugukiranuka ni kubwo kwizera Yesu Kristo. Isezerano rishya ribisobanura neza ko agakiza kose kabonerwa muri Kristo Yesu. Kubw'ibyaho, Kristo ni umukiza no ku babayeho mbere y'uko abambwa ku musaraba, kandi urupfu rwa Mesiya wasezeranywe rwashushanywaga n'imihango y'ibitambo yo mu isezerano rya kera. Ubutumwa bwiza rero bwerekanwe mu buryo bw'igishushanyo, ibyakorwaga byari igishushanyo ndetse n'igicucu cy'inama y'agakiza. Umwana w'intama watambwaga mu mihango y'abayuda yashushanyaga Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Umwana w'intama washushanyaga isezerano rya Mesiya wagombaga kuza agakuraho ibyaha byacu kubw'igitambo cye, maze agaha umunyabyaha wihannye ubugingo buhoraho muri We, kandi binyuriye muri We.

Uko umwere yishyuraga ikiguzi cy'umunyabyaha, byerekanywe mbere mu murimo w'ibitambo wakorerwaga mu buturo bwera bw'Abayuda. Amaraso y'umwana w'intama yamenekaga yashushanyaga amaraso Kristo yari kuzamena. Pawulo yaranditse ati: "amaraso atavuye, ntihabaho kubabarirwa ibyaha." Abaheburayo 9:22

Bibiliya yigisha agakiza kabonerwa muri Kristo kuva igihe cyo kugwa kwa muntu kugeza igihe cyo kugaruka kwa Kristo. Adamu na Eva bakijijwe n'amaraso y'umwana w'intama. Ubwo icyaha cyabamburaga umwambaro wabo wo gukiranuka maze bagasigara bambaye ubusa, Imana ubwayo yatwikiriye ubwambure bwabo uruhu, ari rwo rushushanya umwambaro wo gukiranuka, uwo Kristo aha buri munyabyaha wese. Mbese urwo ruhu rwaturutse he? Rugomba kuba rwaravuye ku ntama ya mbere yabatambiwe, kugira ngo ishushanye Ntama w'Imana wagombaga kuzatambwa kubwa bo. Kuba Imana ubwayo ari Yo yabiyambikiye uno mwambaro, washushanyaga isezerano ryo gusubizwa ugukiranuka, Imana igomba kuba yarabasobanuriye ino nzira y'agakiza – Mesiya wagombaga kuzaza kwishyura ikiguzi cy'icyaha ngo bongere basubirane ubugingo bw'iteka.

Uwiteka Imana Iremera Adamu n'umugore we imyambaro y'impu, irayibambika.
Itangiriro 3:21

Itandukaniro hagati yo gukizwa kubw'ubushobozi bw'umuntu no gukizwa kubwo kwizera Mesiya wasezeranywe byagaragajwe n'urugero rwa Kayini na Abeli. Bose bubatse igicaniro cy'ibitambo. Kayini yizanira ibiva mu mirima, imbuto z'ibyo yihingiye, ariko ntibyemerwa n'Imana, kuko mu kuzana ibidahuje n'ibyo Imana yategetse yerekanaga ko ashobora gukizwa ku bw'ubushobozi bwe aho gukizwa n'umwana w'intama nk'uko byategetswe. Nyamara "amaraso atavuye, ntihabaho kubabarirwa ibyaha", kandi agakiza ntahandi kabonerwa uretse muri Kristo. Igitambo cya Abeli nyamara cyo, cyaremewe kuko cyari ikivushwa amaraso. (Itangiriro 4:4)

Na Abeli azana ku buriza bw'umukumbi we no ku rugimbu rwawo. Uwiteka yita kuri Abeli no ku ituro rye. Itangiriro 4:4

Igitambo cya Abeli cyaremewe, kuko ituro rye ryerekezaga ku Umucunguzi wagombaga kuzaza. Abeli rero yari asobanukiwe ko agakiza kabonerwa gusa mu kwizera amaraso y'umwana w'intama kandi ubuhamya bwe burakomeye kugeza n'uyu muni.

Kwizera ni ko kwatumye Abeli aha Imana igitambo kiruta icya Kayini kuba cyiza, ni na ko kwamuhaye guhamywa ko ari umukiranutsi ubwo Imana yahamyaga ko amaturo ye ari meza, kandi ni ko kwatumye na none akivugwa nubwo yapfuye. Abaheburayo 11:4

Aburhamu nawe yatambaga umwana w'intama ho igitambo, kandi n'abakurambere bose niko bagenzaga. Mu mateka yose, inzira imwe rukumbi y'agakiza yari kubw'amaraso y'umwana w'intama ntabwo ari kubw'imirimu. Igihe Aburhamu yasabwaga gutamba umuhungu we. Isaka, nabyo byarimo uguhishurwa kw'Inama y'agakiza – Ni ipica igaragariza isi imigenzereze y'Imana ku birebana n'icyaha. Muri uno mwanya wo gutamba Isaka ho igitambo, Imana ubwayo yatanze itungo ryo gutangaho igitambo, byacururaga Kristo Imana yari kuzatanga, nk'uko Aburhamu yari yarateguye gutanga umwana we.

Ubushake bwa Aburhamu bwo kumvira Imana bwagaragaje ukwizera gukomeye kwashoboraga no kwimura imisozi. Aburhamu yari azi ko Imana yasezeranye ko agakiza kazakomoka kuri we no mu rubyaro rwa Isaka. Imana yari yarasezeranyije Aburhamu ko ubwoko buzamwitirirwa buzava kuri Isaka (Itangiriro 21:22). Nuko yizera Imana, kuko yari azi ko naho yatamba Isaka, Imana yashoboraga kumuzura mu bapfuye kugira ngo isohoze

isezerano ryayo (Abaheburayo 11:17-19). Aburahamu yari azi neza ko Imana idashobora kubeshya. Mu Itangiriro 22:5, Aburahamu yabwiye abari bamuherekeje ati:

Musigarane hano indogobe, jye n'uyu muhungu tujye hirya hariya dusenge, tubagarukeho.

Mbese twaba dufite bene uku kwizera kutajegajega mu Ijambo ry'Imana? Nta kwibaza ku mpamvu Bibiliya ivuga mu Bagalatiya 3:8 ko ubutumwa bwiza bwari bwarabwiwe Aburahamu. Nta no kwibaza ku mpamvu Kristo yagarutse ku kwizera kwa Aburahamu ubwo yavugaga ati:

Aburahamu sekuruza wanyu yifujije cyane kureba umunsi wanjye [Mu kwizera yabonye umunsi wo gutambwa kwa Kristo nka Ntama y'Imana]kandi awubonye aranezerwa. Yohana 8:56

Ku musozi Moriya ni ho Aburahamu yari agiye gutambira umwana we. Ku Musozi Moriya, ni ho Salomo yubatse urusengero kandi ni naho hubatswe igicaniro cy'ibitambo byoswa. Nanone kandi, ni mu nguni y'amajyaruguru y'umusozo Moriya, ahitwa I Goligota, aho Umwana w'Imana yatangiye ubugingo bwe.

Aburahamu yakijijwe kubwo kwizera Umwana w'Imana, ariko ibi ntabwo byamuhaye umudendeze wo kwica amategeko y'Imana.

Kuko Aburahamu yanyumviraga, akitondera ibyo namwihanangirije n'ibyo nategetse, n'amategeko yanjye nandikishije n'ayo navuze. Itangiriro 26:5

Urusengero, ndetse n'ubuturo bwera bwo mu ihema, birimo igitabo cy'icyigisho gikomeye cyahawe umuntu ku nama y'agakiza. Ibyigisho bikubiye mu bishushanyo n'imihango byakorerwamo bituyobora ku gusobanukirwa neza iby'amayobera y'agakiza. Binyuriye mu bishushanyo n'igicucu by'ibyajyaga kuzaza tuhigira umumaro wa Kristo, umurimo we ku isi nka Ntama w'Imana, umumaro we nk'Umutambyi mukuru n'Umuvugizi w'ubwoko bw'Imana, ndetse n'umurimo we nk'Umucamanza n'Umwami. Binyuriye mu buturo bwera dusobanukirwa neza n'ukuri kudakuka kwo gutsindishirizwa n'ubuntu kubwo kwizera, kwezwa ndetse no guhabwa ubwiza. Mu buturo bwera tuhigira byinshi kuri Kristo: imico ye, imiterere y'ingoma ye y'ijuru, n'ibyiringiro bye n'umugambi afitiye ubwoko bw'Imana. Mbega uko bibabaje cyane kuba benshi birengagiza isezerano rya kera nk'iritakigira umumaro ku bariho none! Abo bigisha ko ryari rigenewe abo mu isezerano rya kera gusa, kubw'ibyo rikaba nta kamaro rifite ku babayeho nyuma y'umusaraba. Nyamara isezerano rishya rivugaga riti:

Ibyanditswe kera byose byandikiwe kutwigisha, kugira ngo kwihangana no guhumurizwa bitangwa na byo biduheshe ibyiringiro. Abaroma 15:4

Ibyo byababereyeho kutubera akabarore, kandi byandikiwe kudukugura twebwe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe. 1 Abakorinto 10:11

Niba twirengagije isezerano rya kera, tuzabura imigisha n'imiburo byari bitugenewe, niba twitondeye ayo magambo y'intumwa Pawulo. Yesu ubwe yahamije ko isezerano rya Kera rimuhamya.

Murondora mu byanditswe, kuko mwibwira ko muri byo arimo mufite ubugingo buhoraho, kandi ari byo bimpamya. Yohana 5:39

Yesu ntabwo yazanywe no gukuraho ibyanditswe byo mw'isezerano rya kera, ahubwo yazanywe no kubisohozwa. Ibitabo bitanu bibanza muri Bibiliya, byitwa Torah, byanditswe na Mose kandi bihamya inama y'agakiza. Ibitabo by'abahanuzi nabyo byandikiwe kwibutsa ubwoko bw'Imana iby'uko kuri, ndetse no kubasobanurira biruseho iby'ubushake bw'Imana kuri bo. Zaburi ubwayo ni ishusho ya Bibiliya. Irimo amateka y'ubwoko bw'Imana. Zaburi yuzuyemo amagambo ya gihanuzi ndetse n'indirimo zo gusingiza Imana. Isezerano rishya ni isohozwa ry'ukuri ryuzuye ry'isezerano rya kera. Yesu yaravuze ati:

Mwitekereza ko naje gukuraho amategeko cyangwa ibyahanuwe. Sinaje kubikuraho, ahubwo naje kubisohozwa. Kandi ndababwira ukuri yuko ijuru n'isi kugeza aho bizashirira, amategeko atazavaho inyuguti imwe cyangwa agace kayo gato, kugeza aho byose bizarangirira. Matayo 5:17-18

Ibitabo bitanu bibanza byanditswe na Mose (*Pentateuch*), byose bigaragaza Mesiya mu buryo runaka, nkuko n'ubutumwa bwiza bune nabwo bugaragaza Kristo mu buryo butandukanye:

Itangiriro – igitabo cy'inkomoko, kugwa kwa muntu n'isezerano ryo gucungurwa (Kristo Umuremyi n'Umucunguzi wasezeranywe)

Kuva – Kristo Ubuturo bwera bwacu

Abarewi – Kristo Igitambo cyacu

Kubara – Kristo Umuyobozi wacu

Gutegeka kwa Kabiri – Kristo Ingororano yacu

Matayo – Kristo Umwami

Mariko – Kristo Umugaragu

Luka – Kristo Umuntu

Yohana – Kristo Imana

Ubuturo bwera

Ku musozi Sinayi, Mose yahaherewe amategeko y'Imana ndetse n'amabwiriza ya gahunda z'ibitambo, byagombaga kuba urufatiro mu mihango y'imisengere y'ubwoko bw'abisirayeli. Ayo mabwiriza yombi yitwaga **Amategeko**, ariko agatandukanira ku kuba amategeko icumi yari ayo kumenyekanisha icyaha icyo ari cyo, naho amategeko y'imihango yo akaba ayo gutanga igisubizo ku kibazo cy'icyaha. Amategeko icumi yanditswe n'Imana ubwayo, naho amategeko y'imihango yo yanditswe na Mose mu gitabo cyitwa igitabo cy'amategeko.

Amategeko icumi

Amaze kuvuganira na Mose ku musozi Sinayi, Uwiteka amuha ibisate by'amabuye bibiri, biriho Ibihamya byandikishijweho urutoki rw'Imana. Kuva 31:18

Ibyo bisate byari biremwwe n'Imana, no kwandika k'uburyo bwo gukeba kubiriho ari ukw'Imana. Kuva 32:16

Mose ubwo yagarukaga avuye kuvugana n'Imana ku musozi wa Sinai, yasanze abisirayeli bamaze kwiremera ikigirwamana cy'ikimasa mu izahabu, maze amena ibyo bisate


by'amabuye. Imana imutegeka kubaza ibindi bisate by'amabuye maze Imana Ubwayo yongera kwiandikira amategeko icumi kuri ibyo bisate by'amabuye. Ikindi kandi, ibi bisate by'amabuye byagombaga gushyirwa imbere mu isanduku Mose yagombaga kubaza.

Icyo gihe Uwiteka arambwira ati "Wibārize ibisate bibiri by'amabuye bisa n'ibya mbere uzamuke unsange ku musozi, kandi ubāze n'isanduku mu giti. Nanjye ndandika kuri ibyo bisate amagambo yari ku bya mbere wamennye, maze ubishyire muri iyo sanduku." Gutegeka Kwa Kabiri 10:1-2

Ubwo Mose yamenaga ibisate bya mbere, byashushanyaga amategeko y'Imana yari yishwe n'ubwoko bw'Imana ubwo baramyaga ikimasa cy'izahabu. Amategeko ntabwo yahindutse, ibyo byatumye Imana yongeye kwandika amategeko ku bisate bishya by'amabuye Mose yari yabaje, bishushanya uko tugomba gukorana n'Imana mu kwereza amategeko yayo. Kubw'imbaraga z'Imana dushobora kwereza amategeko yayo, ariko tugomba kubigiramo uruhare kugira ngo dufashwe nayo.

Amategeko y'Imihango

Aya mategeko y'imihango yanditswe na Mose mu gitabo cy'amategeko, kandi cyagombaga gushyirwa iruhande rw'isanduku



Iburasirazuba

Ishusho ya 2.1 – Iyo uhuje ibigize imigabane yombi y’ubuturo bwera n’urugo bitanga ishusho y’umusaraba.

*Mose amaze kwandika amagambo y’ayo mategeko mu gitabo, ayarangije ateguka Abalewi barem̄rwa isanduku y’isezerano ry’Uwiteka ati "Nimwende iki gitabo cy’amategeko, mugishyire **iruhande** rw’isanduku y’isezerano ry’Uwiteka Imana yanyu, kibereye kuba **umuhamy ubashinja**. Gutegeka kwa kabiri 31:24-26*

Aya mategeko y’uburyo bubiri amwe (icumi y’Imana) yari ay’imico andi (igitabo cy’amategeko) akaba ay’imihango, aho yombi yari atandukanye kandi abereyeho intego zitandukanye (nkuko bigaragara ku ishusho ya 2.3).

Kristo yazanywe no kuzuza ibisabwa n’amategeko y’imihango, ahinduka Ntama w’Imana watambiwe ibyaha by’abari mu isi. Kristo kandi yujuje ibisabwa n’amategeko cumi, kubwo kumvira ibyo ayo mategeko asaba. Nyuma y’umusaraba, amategeko y’imihango yavuyeho kuko yari igicucu cy’umusaraba, ariko amategeko icumi yo ntabwo yigeze ahinduka cyangwa ngo akurweho n’urupfu rwa Yesu. Aya mategeko icumi rero aracyaboneka no mu isezerano rishya. (reba ishusho ya 2.2)

1. Uramye Uwiteka Imana yawe, abe ari yo ukorera yonyine. Matayo 4:10; Ibyahishuwe 19:10 2. Bana bato mwirinde ibishushanyo bisengwa. 1 Yohana 5:21; Ibyak 17:29 3. ...Kugira ngo izina ry’Imana n’inyigisho zacu bidatukwa. 1 Timoteyo 6:1 4. Isabato yabayeho kubw’abantu, abantu si bo babayeho kubw’isabato. Ni cyo gituma Umwana w’umuntu ari Umwami w’isabato. Mariko 2:27-28	5. Wubahe So na Nyoko Matayo 19:19; Efeso 6:1-3 6. Ntukice. Abaroma 13:9; Yakobo 2:11 7. Ntugasambane. Matayo 19:18 8. Ntukibe. Abaroma 13:9; Efeso 4:20 9. Ntugashinje ibinyoma. Abaroma 13:9 10. Ntukifuze. Abaroma 7:7

Ishusho ya 2.2

Imirimo yo mu buturo bwera

Mbese ni gute amategeko y'imihango yashushanyaga umurimo wa Kristo? Ubuturo bwera butanga ibisubizo. Mose yagombaga kubaka ubuturo bwera akurikije icyitegererezo yerekewe ku musozi.

Kandi bandemere ubuturo bwera, nture hagati muri bo. Kuva 25:8

... Nk'uko Mose yabwiwe n'Imana agiye kurema rya hema, ngo gira umwete wo gukora byose ukurikije icyitegererezo werekewe kuri wa musozi. Abaheburayo 8:5

Ubuturo bwera bwo mu isi n'imirimo yose yabukorerwagamo, byose byashushanyaga umurimo wa Kristo ku bwacu. Kandi ni igishushanyo cy'umurimo ukomeye cyane wa Kristo mu buturo bwera bwo mu ijuru, werekaniwe mu ihema ry'ubuturo bwera bwo mu isi "ari ryo ryashushanyaga iby'iki gihe cya none." Abaheburayo 9:9. Ubwo mu isi bwari igishushanyo cy'ubwo mu ijuru.

Kandi umurimo abo bakora ni igishushanyo n'igicucu cy'ibyo mu ijuru, nk'uko Mose yabwiwe n'Imana agiye kurema rya hema. Abaheburayo 8:5

Kristo yinjiye mu buturo bwera bwo mu ijuru butubatswe n'umuntu nyuma yo kuzuka kwe agasubira mu ijuru.

Kuko Kristo atinjiye ahera haremwe n'intoki hasuraga ha handi h'ukuri, ahubwo yinjiye mu ijuru ubwaho kugira ngo ahagarare imbere y'Imana ku bwacu. Abaheburayo 9:24

IGERERANYA RY'AMATEGEKO CUMI Y'IMANA N'AMATEGEKO Y'IMIHANGO

AMATEGEKO CUMI Y'IMANA

Yitwa Amategeko y'Umwami atera
Umudendezo. Yakobo 2:8,12

Yavuzwe n'Imana Ubwayo.
Gutegeka kwa kabiri 4:12;5:22

Yanditswe n'urutoki rw'Imana kw'ibuye
Kuva 31:18;32:16

Yashyizwe mu isanduku y'isezerano
1Abami 8:9; Guteg 10:1-5; Abaheb 9:4;
Kuva 40:20

Yabayeho mbere y'icyaha
1 Yohana 3:4,8; Abaroma 4:15; 5:13

Intego yayo ni ukumenyekanisha icyaha
Abaroma 3:20; 7:7

Ahoraho, yahamijwe n'ubutumwa bwiza
Zaburi 111:7,8; Matayo 5:18; Abaroma 3:31

Ntarushya. 1 yohana 5:3

Acira abantu bose urubanza. Yakobo 2:10-12

Ni ay'umwuka. Abaroma 7:14

Aruzuye, "Aratunganye", "Arera, "arakiranuka Yarahunukaga, "nta gukiranuka kuyarimo" kandi ni
Meza". Gutegeka 5:22; Zaburi 19:7; Abaheburayo 7:12; 18-19
Abaroma 7: 12

AMATEGEKO Y'IMIHANGO

Yitwa amategeko.... agize imihango
Abefeso 2:15; Abaheburayo 9:10

Yahawe Mose ngo ayabwire abantu
Abarewi 1:1-3; Kuva 24:3

Yanditswe na Mose mu "gitabo cy'amategeko"
Gutegeka kwa kabiri 31:9,24

Yashyizwe iruhande rw'isanduku
Gutegeka kwa kabiri 31:24-26

Yahawe abantu nyuma yo gukora icyaha
Abaheburayo 5:1; 8:4

Intego yayo yari ukumenyekanisha igihembo
cy' icyaha, yatanze kubera icyaha.
Abagalatia 3:19; Abalew 6:1,6-7; Yohana 1:29

Yakuweho ku musaraba, yari ay'igihe runaka
Abakorosayi 2:14-17

Yaraturegaga. Abakolosayi 2:14-17

Nta muntu acira urubanza. Abakolos 2:14-17

Ni ay'umubiri. Abaheburayo 9:10

Ishusho ya 2.3

Ikiguzi cy'icyaha cyarishyuye ku musaraba. Ugukiranuka kwarujwwe, ariko umurimo wa Kristo ntabwo warangiriye aho. icyaha n'ubu kiracyariho kandi abanyabyaha bacyeneye Imana binyuze muri Kristo. Dukorera Umukiza *wazutse*, ari we Mutambyi wacu Mukuru, Umuvugizi wacu, Umucamanza wacu kandi Umwami wacu, utuvuganira mu buturo bwera bwo mu ijuru.

Dufite Umutambyi mukuru umeze atyo... mu ijuru; ukorera mu buturo bwera bwo mu ihema ry'ukuri, iryo abantu batabambye ahubwo ryabambwe n'Umwami Imana.
Abaheburayo 8:1-2

Mu bihe byo mu isezerano rya kera, ku buranira umuntu uregwa wari umurimo wera cyane ku buryo umucamanza atemeraga ko habaho umwunganizi. Ahubwo umucamanza ni we wabaga umwunganizi w'uregwa. *Inkoranyamagambo y'Abayuda* igira iti: "abunganizi mu mategeko, ntibazwi mu mategeko y'Abayuda." Amategeko yabo yasabaga abacamaza ko "bagomba kwegamira ku ruhande rw'uregwa ngo ahabwe amahirwe yose ahashobora kuba urujijo hose." Mbega gahunda! Imana Ubwayo ni yo yunganira kandi igacira urubanza uregwa. Ariko se umurezi ni nde? Ibyahishuwe 12:10 havuga ko satani ari we murezi uturega imbere y'Imana amanywa n'ijoro. Satani rero abika lisiti y'ibyaha, kandi ibirego bye birababaza cyane nyamara ni ukuri. Nonese ni gute dutsinda ibi birego?

Na bo bamuneshesheje amaraso y'Umwana w'Intama n'ijambo ryo guhamya kwabo.
Ibyahishuwe 12:11

Iyo twemeye ko Yesu yapfuye mu mwanya wacu, Imana ibona igihamya cyo kutugira abere. Nonese umuvugizi akenerwa ate? Mu manza zimwe na zimwe, umucamanza w'Abaheburayo yagenaga umuvugizi wo kumufasha kuburanira uregwa. *Inkoranyamagambo y'Abayuda* ivuga ko umugabo yashoboraga guhagararira umugore we agafasha umucamanza kumuburanira mu gihe imyanzuro y'urubanza igira aho ihuriye n'uburenganzira bw'umugabo. Aha tuhabona isano ikomeye n'iby'ubucamanza bwo mu ijuru. Kristo nk'Umukwe yaguze ubwoko bwe, Umugenzi we, abaguze amaraso Ye. Mu bucamanza, ni umuvugizi wacu, arafasha Data wa Twese kudushinjura ku birego bya satani, kandi Yesu nawe akaburanira uburenganzira bwe bwo kuturaga agakiza no kutwijyanira iwe mu ijuru. Agakiza kacu k'iteka ntigashingiye ku kuba turi impezamajyo zitagira ibyiringiro, ahubwo gashingiye ku kuba Kristo ahagije mu gucungura umunyabyaha.

Bana banjye bato, mbandikiriye ibyo kugira ngo mudakora icyaha. icyakora nihagira umuntu ukora icyaha, dufite Umurengezi kuri Data wa twese, ari we Yesu Kristo ukiranuka. Uwo ni we mpongano y'ibyaha byacu, nyamara si ibyaha byacu gusa ahubwo ni iby'abari mu isi bese. 1 Yohana 2:1

Ubwo igihe cy'imbabazi kizaba kirangiye, Kristo azahagarika umurimo we w'ubuhuza, maze yambare umwambaro we wa cyami agaruke mu isi nk'Umwami w'abami aje gutwara umugenzi we. Muri Daniyeli 7, hasobanura iby'urubanza rukomeye rugomba kubaho mbere yo kuza kwa kabiri kwa Kristo, ubwo azahabwa ubwami bwe. Kugira ngo Kristo abe Umwami, yagombaga kubanza kuba umutambyi. Kandi mbere y'uko Kristo aba umutambyi yagombaga kubanza kuba umwana w'intama, watambiwe ibyaha by'abatuye isi.

Hanyuma nkitegereza ibyo neretswe nijoro, mbona haje usa n'umwana w'umuntu aziye mu bicu byo mu ijuru, aza umujy umwe asanga wa Mukuru nyir'ibihe byose, bamumugeza imbere. Nuko ahabwa ubutware n'icyubahiro n'ubwami, kugira ngo abantu b'amoko yose y'indimi zitari zimwe bajye bamukorera. Ubutware bwe ni ubutware bw'iteka ryose butazashira, kandi ubwami bwe ni ubwami butazakurwaho. Daniyeli 7:13-14.

Insanganyamatsiko y'igitabo cya Daniyeli ni Yesu Kristo, Umwana w'intama wabambwe, Umutambyi Mukuru wazutse kandi ugiye kugaruka nk'Umwami. Inkuru nziza ni uko urubanza ruzasoza neza ku bemera gusanga Kristo n'umutima wihana, bashaka imbabazi z'ibyaha byabo no kugira umutima mushya ugendera mu bushake bw'Imana.

... kugeza aho Umukuru nyir'ibihe byose yaziye agatsindishiriza abera b'Isumbabyose. Igihe kirasohora abera bahabwa ubwami. Daniyeli 7:22

Inyubako y'ubuturo bwera bwo mu isi.

Abaheburayo 4:2,6 hatubwira ko ubutumwa bwiza bwabwirijwe abisirayeli ariko ntibugire ibyo bubamarira bitewe no kutizera. Babwirijwe ubutumwa bwiza mu buryo bw'igishushanyo binyuriye mu mirimo y'ubuturo bwera. Nta gitangaza kuba umunyazaburi yaranditse ati:

Inzira yawe Mana, iri mu buturo bwera. Zaburi 77:13

Ubuturo bwera ubwabwo "bwabaga bwubatswe hagati y'abantu" (Kubara 1:51-53), nk'uko Yesu "abana n'abantu be" (Yohana 1:14).

Ubuturo bwera bwari bugizwe n'urugo rwari ruzengurutswe n'umwenda w'igitare, hariho urwinjiri rumwe (ari ryo rembo) winjiragamo ukagera mu rugo, ari ho hashushanyaye isi. Mu gitabo cy'Ibyahishuwe, tuhasoma ko umwenda w'igitare ushushanyaye ugukiranuka kw'abera (Ibyahishuwe 19:8). Kuko gukiranuka kose ari uko tubarwaho, umwenda wera rero uvuga gukiranuka kwa Kristo. Winjiye mu rugo, ikintu cya mbere wahuraga nacyo ni igicaniro cy'ibitambo, aho umwana w'intama w'igitambo yatambirwaga agatwikwa. Igicaniro cy'ibitambo kibaka cyarashushanyaye umusaraba w'i Kaluvari. Hirya gato hari igikarabiro, cyahoraga cyuzuye amazi yo gukora umuhango wo gukaraba. Kikaba gishushanyaye kwoga uvutse bwa kabiri.

Imbere mu rugo ni ho habaga ubuturo bwera bwabaga bugizwe n'imigabane ibiri – Ahera n'Ahera cyane. Uva mu rugo ujya Ahera wanyuraga mu muryango, kandi Ahera n'Ahera cyane hari hatandukanijwe n'inyegamo (Kuva 26:31). Ibikoresho byabaga mu mugabane wa mbere w'Ahera byari igiterereko cy'amatabaza kigizwe n'amashami arindwi, ameza y'imitsima yo kumurikwa, n'igicaniro cy'imibavu gicuzwe mu izahabu. Mu mugabane wa kabiri w'Ahera Cyane, habagamo igikoresho kimwe gusa, ari cyo Isanduku y'Isezerano. Yari isanduku nziza cyane iyagiriye izahabu nziza. Kuri buri ruhande rw'isanduku hari umumarayika ukozwe mu izahabu cg umukerubi utwikira. Muri iyi sanduku harimo inyandiko yera cyane y'igiciro Imana yahaye umuntu – Amategeko cumi. Ibikoresho byose bigize

ubuturo bwera byari biteguye mu ishusho y'umugaraba, bishushanya uburyo Yesu yari kuzapfa.

Mu rugo

Urugo rushushanya isi. Aha niho Kristo yatambiwe kubw'ibyaba by'abatuye isi. Iyo twinjiye mu irembo twinjira muri Kristo we rembo rigana ku gashyamba. Tugashyamba duhura n'igicaniro cy'ibitamba byoswa aho umwana w'intama w'igitamba yatambiwe, ari ho hashushanya Kaluvari. Inkingi zo mu buturo bwera zishushanya abacunguwe (ibyahishuwe 3:12), kandi hasi habaga hasizwe umuringa wakuwe mu kiguzi cy'amafaranga y'incungu (igice cya shekeli), cyagombaga kuba ari kimwe ku bakire no ku bakene (Kuva 30:11-16). Muri Matayo 17:24-27, dusoma ko Kristo yishyuye aya mafaranga y'incungu ku bantu babiri. Mu buryo bw'igishushanyo rero, byerekana ko Kristo ari we wishyuye icyo kiguzi ku bwacu. Umwenda wera wari uzengurutse urugo ushushanya gukiranuka kwa Kristo kudutwikira iyo twinjiye mu irembo kugira ngo dutsindishirizwe na We.

Igicaniro cy'ibitamba byoswa

Igicaniro cy'ibitamba byoswa gishushanya urupfu rwa Kristo watubereye igitamba, kandi cyabaga gikozwe mu giti cy'umushyamba (gishushanya ubumuntu bwa Kristo, kuko ubumuntu bwacu bwiswe ibiti, ibyatsi cy'ibikenyeri) kiyagiriye umuringa (bishushanya insinzi binyuze mu mibabaro). Igicaniro cy'ibitamba cyari gifite uburebure bwa mikono ibiri n'igice, ari nabwo bwari uburebure bw'intebe y'ihongerero yari iri hejuru y'isanduku y'isezerano. Ubutabera bw'Imana bungana n'Imbabazi zayo. Igicaniro cyari gifite inkokora enye zazirikwagaho umwana w'intama w'igitamba, bishushanya kuguma mu mbaraga za Kristo.

Igikarabiro

Igikarabiro gishushanya gukaraba binyuze mu kuvuka ubwa kabiri, bisobanura ko Yesu ariwe utweza ibyaha, kandi igikarabiro cyose cyari gikozwe mu miringa y'indorerwamo yatangwaga n'abagore. Uko kwitandukanya n'indorerwamo bishushanya kwitandukanya n'isi n'ibitagira umumaro byose ahubwo ukabigurana ugukiranuka kwa Kristo. Amategeko y'Imana nayo ni indorerwamo (yakobo 1:23,25) iyo tuboneramo gukiranuka kwa Kristo. Igikarabiro kitubwira ko Kristo atubabarira ibyaha byacu gusa (igicaniro cy'ibitamba byoswa), ko ahubwo atatweze gukiranirwa kwacu kose.

Ahera n'Ahera cyane

Winjiye Ahera hari umuryango, naho Ahera Cyane hakaba inyegamo. Irembo, umuryango, n'inyegamo bishushanya kwinjira mu migabane itatu igize umurimo wa Kristo. Ubwo bwinjiriro uko ari butatu bwari burimbishijwe uruvange rw'amabara y'umweru (ushushanya kwera - Ibyahishuwe 19:8), umuhemba (ushushanya igitamba - ibyahishuwe 19:13), umuhengeri (ushushanya ubwami - yohana 19:2,3), n'ubururu (ushushanya kwubaha - kubara 15:37-40), ihuriro ry'ayo mabara yose rigashushanya imico n'ubutware bya Kristo. Igisenge cy'Ahera n'Ahera Cyane, guhera inyuma ukageza imbere cyari gikozwe mu gicirane cy'impu z'inyamaswa zitwa Tahashi (bishushanya ubumuntu bwa Kristo bwatwikiriye Ubwiza bwe), impu z'amasekurume y'intama zizingishijwe inzigo zitukura (bishushanya igitamba cya Kristo), ubwoya bw'umweru bw'ihene bukaraze (bishushanya

kwera kwa Kristo), kandi ibyo ni nabyo byari bikoze imyenda itwikiriye imbere h'ubuturo, nk'uko ari byo byari binakoze umwenda wo mu irembo, mu muryango ndetse n'inyegamo. Iyi myenda ikoze ubuturo bwera rero ishushanya Kristo nk'Umucunguzi wicishije bugufi, Umucunguzi watambwe, Umucunguzi utagira inenge, kandi Umucunguzi wahawe ikuzo. Yazanywe no gucungura isi. Niyo mpamvu hariho inkingi enye zifashe inyegamo, ibitwikira bine, amabara ane, n'ibintu bine bikoze imitsima yo kumurikwa.

Buri kintu cyose cyo mu buturo bwera cyari gifite icyo gisobanuye. Imbaho 48 n'inkingi 60 (iyi mibare yombi igabanyika n' 144,000) zakoreshejwe mu nyubako zari zishinze mu myobo y'ifeza (yakuwe mu kiguzi cy'amafaranga y'incungu):

Kuko nta rundi rufatiro umuntu abasha gushyiraho keretse urwashyizweho, ari rwo Yesu Kristo. 1 Abakorinto 3:11

Imbaho z'imiganda eshanu zari zifashe iyo nyubako (zishushanya ibintu bitanu bibumbiye itorerero mu bumwe bwa Mwuka):

*Mugire umwete wo gukomeresha ubumwe bw'Umwuka umurunga w'amahoro. Hariho umubiri umwe n'Umwuka umwe, nk'uko mwahamagariwe **ikiringiro kimwe** cyo guhamagarwa kwanyu. Hariho **Umwami umwe** no **kwizera kumwe** n'**umubatizo umwe**, hariho **Imana imwe** ari yo Data wa twese udusumba twese, uri hagati yacu twese kandi uturimo twese. Abefeso 4:3-6.*

Ibikoresho byari Ahera - igitereko cy'amatabaza, igicaniro cy'imibavu n'ameza y'imitsima yo kumurikwa - byose bishushanya Kristo. Igitereko cy'amatabaza cyatangaga urumuri rumwe rukumbi rwamurikiraga ubuturo bwera, kandi amavuta yakoreshwaga muri icyo gitereko cy'amatabaza ngo gikomeze cyake ashushanya imikorere ya Mwuka Muziranenge (1 Samweli 10:1,6; 16:13). Yesu aravuga ati:

Ni njye mucyo w'isi. Yohana 8:12

Ameza y'imitsima yo kumurikwa yashushanyaga Yesu we mutsima w'ubugingo:

Ni jye mutsima muzima wavuye mu ijuru. Umuntu narya uwo mutsima azabaho iteka ryose, kandi umutsima nzatanga ku bw'abari mu isi kugira ngo babone ubugingo, ni umubiri wanjye. Yohana 6:1

Imibavu ihumura neza yahoraga ituruka ku gicaniro cy'imibavu cyahoragaho umuriro wahoraga waka iteka, yashushanyaga amasengesho yo kuduha n'Imana. Umuhumuro mwiza w'imibavu wahoraga mu buturo bwera, kandi washushanyaga umurimo w'ubuhuza Kristo adukorera imbere ya Data. Umurimo w'Ahera rero, ushushanya umurimo wo kwezwa, naho umurimo wo mu rugo wo ugashushanya gutsindishirizwa.

Ahera Cyane habagamo Isanduku y'Isezerano, kandi muri yo habagamo amategeko y'Imana yandikishije urutoki rwayo. Imirimo yose y'ubuturo bwera yari ishingiyeye ku kuba umuntu yaragomeye amategeko yera y'Imana, kandi kuko umuntu yari yaragomeye amategeko yari ahagaze akatiwe igihano cyo gupfa. Inzira imwe rukumbi y'impongano n'ubuhuza bya Kristo, niyo yonyine yahaye umuntu amahirwe yo kungwa n'Imana.

Muri Kristo, niho imbabazi z’Imana zerekaniwe. Imbabazi z’Imana rero, ziri hejuru y’ amategeko, nk’uko intebe y’imbabazi(intebe y’ihongerero) ikozwe mu izahabu nziza yari hejuru itwikiriye Isanduku y’Isezerano.

Izina ry’intebe y’imbabazi mu giheburayo ni KAPPORETH, bisobanura guhanagura, naho mu kigiriki ni HILASTERION, bisobanura ubwiyunge. Intebe y’imbabazi ishushanya Kristo, we udukingira ingaruka zo kugomera amategeko. Hejuru y’iyi ntebe y’imbabazi kuri buri ruhande rw’isanduku, hari abakerubi babiri barebana bacuzwe mu izahabu. Aba bakerubi bombi bari bubitse imitwe imbere y’intebe y’imbabazi nk’ikimenyetso cyo kwubaha Imana, n’intebe y’imbabazi yayo, ndetse n’amategeko yayo ahoraho. Hejuru y’intebe y’imbabazi hari umucyo w’ubwiza bw’Imana, witwa Shekina. Amategeko yaciye iteka ry’urupfu ku munyabyaha, ariko kuko hejuru y’amategeko hari intebe y’imbabazi, iryo teka ryatwikiriwe n’ubwiza bw’Imana. Impuhwe n’imbabazi byatangwaga igihe umutambyi yaminjagiraga amaraso ku mwenda ugabanya Ahera n’Ahera Cyane, ahateganye n’isanduku. Mu buryo bw’ibimenyetso bitangaje, ibi byose byahishuriye umuntu iby’inama y’agakiza y’Imana.

Imirimo y’ubutambyi

Hari amaturu y’uburyo bwinshi yasabwaga abisirayeli; nk’amaturu y’ubushake, amaturu y’icyaha, n’amaturu yo kwezwa.

Ikindi kandi, amaturu yose ntiyagombaga kuba ari ibitambo by’inyamaswa ahubwo habagamo n’amaturu y’imisaruro, ndetse n’amaturu y’impeke. Kubw’iki cyigisho ariko, turibanda ku maturu y’ibitambo gusa.

Bwa mbere, hariho amaturu ya buri muni yo gutamba umwana w’intama yangwaga buri gitondo na buri mugoroba. Ibi bishushanya Kristo mu ntangira z’umurimo we ubwo yazaga ku isi, ari rwo rugo yinjyemo ngo atubere igitambo cy’ibyaha. Bwa kabiri, habagaho igitambo cy’isekurume y’intama yo kwezwa (kuva 29:22), kandi iyi sekurume y’intama ikuze ishushanya Kristo ku iherezo ry’umurimo we ku isi. Imirimo yo mu buturo bwera ntiyashoboraga gutangira, kugeza igihe iyi sekurume y’intama yabaga imaze gutambwa kandi ubuturo bwera n’abatambyi bagasigwa amavuta(Kuva 40:9-15,29).

Muri ubwo buryo kandi, imirimo yo mu buturo bwera bwo mu ijuru ntiyashoboraga gutangira, kugeza igihe Kristo amaze gupfira ku musaraba. Imirimo y’umutambyi ya buri muni yakorerwaga ku gicaniro cy’ibitambo byoswa no mu cyumba kibanza cg ahera.

Icyakora ibyo bimaze kwitegurwa bityo, abatambyi binjiraga iminsi yose mu ihema ribanzirizwamo, kugira ngo basohoze imirimo yabo. Abaheburayo 9:6

Umutambyi mukuru nanone ashushanya Yesu utubereye umuhuza mu buturo bwera bwo mu ijuru.

... Dufite umutambyi mukuru ukomeye wagiye mu ijuru, ari we Yesu Umwana w’Imana. Abaheburayo 4:14

... Dufite umutambyi mukuru umeze atyo wicaye iburyo bw’intebe y’Ikomeye cyane yo mu ijuru, ukorera Ahera ho mu ihema ry’ukuri, iryo abantu batabambye ahubwo ryabambwe n’Umwami Imana. Abaheburayo 8:1-2

Ariko Kristo amaze kuza, ahinduka umutambyi mukuru w'ibyiza bizaza, anyura mu ihema rirusha rya rindi gukomera no gutungana rwose ritaremwe n'intoki. Ibyo ni ukuvuga ngo ritari iryo mu byaremwe ibi. Kandi ntiyinjijwe Ahera n'amaraso y'ihene cyangwa n'ay'ibimasa, ahubwo yahinjijwe rimwe n'amaraso ye amaze kutubonera gucungurwa kw'iteka. Abaheburayo 9:11-12

Abalewi igice cya 4 hatwereka icyo umunyabyaha yagombaga gukora nyuma yo gukora ibyaha.

Kandi nihagira.... Ukora icyaha atacyitumye, cyo mu byo Uwiteka yabuzaniye...azane igitambo....arambika ikiganza mu ruhanga rw'icyo gitambo gitambirwa ibyaha, akibikirira aho babikirira igitambo cyoswa... Nuko umutambyi amuhongerere impongano, maze uwo muntu azababarirwa. Abalewi 4:27-31

Gukora umuhango wo kwicuza ibyaha ku mutwe w'inyamaswa ubwabyo ntabwo byari bihagije. Umunyabyaha yagombaga kurenga ibyo mu kwizera akarangamira ukuza kwa Kristo nk'impongano y'ibyaha bye, maze agashengurwa cyane n'ibyaha bye, kandi akabikikaho. *Inkoranyamagambo y'abayuda iravuga iti:*

Ukurambika ibiganza ku mutwe w'ikitariho urubanza ni umuhango usanzwe, ukorwamo isimburanya no kwivanaho ibyaha ubishyira ahandi. Muri buri gikorwa cyo gutamba hari ingingo y'isimburanya; igitambo cyafataga umwanya w'umuntu wacumuye. Inkoranyamagambo y'abayuda.

Kuba amennye amaraso atariho urubanza y'igitambo, umunyabyaha yabaga yibukijwe ubuziranenge bwa Kristo wajyaga kuzaza. Umwana w'intama nawe kandi yagombaga kuba adafite inenge nk'uko Kristo yari umuziranenge, maze ukumena amaraso y'utariho urubanza bigahora byibutsa umunyabyaha ikiguzi cy'icyaha.

...ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha. Yesaya 53:5

Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose. 1 Yohana 1:9.

Ku maraso y'inyamaswa yamenetse, amwe Umutambyi Mukuru yayinjiranaga Ahera (umugabane wa mbere), maze amwe agasigwa ku nkokora z'igicaniro cy'imibavu asigishijweho urutoki, kandi hakabaho ubwo aminjagirwa imbere y'inyegamo iteganye n'isanduku irimo amategeko umunyabyaha yagomeye. Maze mu buryo bw'igishushanyo, icyaha kigakurwa ku munyacyaha wihana kikabikwa mu buturo bwera. Ubwo rero umunyacyaha wihannye agataha atsindishirijwe kandi ababariwe icyaha cye, ariko kubw'amaraso yabaga yinjijwe ahera, ibyaha byababariwe byagumaga byanditswe mu buturo bwera.

Nonese iby'ibi byaha bibitswe mu buturo bwera bigenda bite? Muri Daniyeli igice cya 8 tuhabona inkuru nziza. Imana igiye kurimbura urutonde rw'ibyaha byacu byicujijwe. Kandi ntibizongera kwibukwa ukundi. Imbabazi z'Imana zirasendereye kuburyo ntawuzabaho iteka ryose yitwa umunyabyaha wababariwe. Ahubwo, umunyabyaha wababariwe azafatwa nk'utarigeze akora icyaha.

Nk'uko aho izuba rirasira hitaruye aho rirengera, uko ni ko yajyanye kure yacu ibicumuro byacu. Zaburi 103:12

Dore ndarema ijuru rishya n'isi nshya, ibya kera ntibizibukwa kandi ntibizatekerezwa. Yesaya 65:17

Kristo Umutambyi Mukuru wacu wo mu buturo bwera bwo mu ijuru

Kristo ntabwo yabaye ituro ry'igitambo gusa, ahubwo ni na we wabaye umutambyi mukuru witambyeho igitambo. Mu rwandiko rwandikiwe abaheburayo habisobanura neza:

Dufite umutambyi mukuru umeze atyo wicaye iburyo bw'intebe y'Ikomeye cyane yo mu ijuru, ukorera Ahera ho mu ihema ry'ukuri, iryo abantu batabambye ahubwo ryabambwe n'Umwami Imana... ariko none umurimo Yesu yahawe urusha uw'abo kuba mwiza kuko ari umuhuza w'isezerano riruta iryabo, kuko ryakomejwe n'amasezerano aruta ayabo. Abaheburayo 8:1-2,6

Iyi mirongo irerekana ko Kristo yinjiye mu ijuru nyirizina, mu buturo bwera bw'ukuri bwo mu ijuru, kugira ngo atubere umuhuza n'Umutambyi Mukuru. Ikindi kandi, hariho umuhuza umwe rukumbi, kandi uwo ni Yesu:

Kuko hariho Imana imwe, kandi hariho Umuhuza umwe w'Imana n'abantu, na we ni umuntu, ari we Yesu Kristo. 1 Timoteyo 2:5

Icyakora nihagira umuntu ukora icyaha, dufite Umurengezi kuri Data wa twese, ari we Yesu Kristo ukiranuka. 1 Yohana 2:1

Ulrich Zwingli (1481-1531) yahamije ukwizera kwe ati:

Kristo, Umutambyi Mukuru uhoraho, ni we Muhuza wenyine hagati y'umuntu n'Imana. Yego, Kristo, Umuhuza umwe rukumbi, ukwiza ibyiza by'igitambo cye ku bamwizera bose.

Igitabo cy'Ibyahishuwe cyeyuraho umwenda ukingirije, maze tukareba Kristo mu Ijuru nk'Umuhuza - Umutambyi Mukuru wacu:

Nuko mpindukizwa no kureba ijwi ryavuganaga nanjye, mpindukiye mbona ibitereko by'amatabaza birindwi by'izahabu, kandi hagati y'ibyo bitereko by'amatabaza mbona usa n'Umwana w'umuntu, yambaye igishura kandi yambaye umushumi w'izahabu mu gituzi. Ibyahishuwe 1:12-13

Haza marayika wundi ahagarara ku gicaniro afite icyotero cyacuzwe mu izahabu, ahabwa imibavu myinshi ngo ayongere ku mashengesho y'abera bose, ayishyire ku gicaniro cy'izahabu kiri imbere ya ya ntebe. Umwotsi w'umubavu uva mu kuboko kwa marayika, uzamukana imbere y'Imana n'amasengesho y'abera. Ibyahishuwe 8:3-4

Urusengero rw'Imana rwo mu ijuru rurakingurwa, mu rusengero rwayo habonekamo isanduku y'isezerano ryayo, habaho imirabyo n'amajwi no guhinda kw'inkuba, n'igishyitsi n'urubura rwinshi. Ibyahishuwe 11:19

Igitabo cy'Ibyahishuwe kigaragaraza Umwana w'Imana mu Ijuru yambaye imyambaro y'Umutambyi Mukuru, ari gukorera umurimo hagati y'ibitereko by'amatabaza. Tubona icyotero cy'imibavu n'amasengesho y'abera azamuka imbere y'Imana. Turanabona Isanduku y'isezerano yera iri mu Rusengero rwo mu Ijuru. Mbega ukuntu binejeje kumenya ko Kristo ari gukorera umurimo we mu ijuru atwinginga ahamya ko amaraso ye ahagije kubw'agakiza kacu. Yandika ku rukundo rwe ndetse no kuramya afitiye Umukiza w'abantu, Martin Luther yaravuze ngo:

Mu buzima Bwe, Kristo ni icyitegererezo, atwereka uko tugomba kubaho; mu rupfu rwe, n'igitambo gihagije ku byaha byacu; mu muzuko we, ni Umuneshi; mu kuzamurwa Kwe, ni Umwami; mu murimo we w'ubuhuza, ni Umutambyi Mukuru. ¹

Umutambyi Mukuru wakoraga mu buturo bwera ntiyashoboraga kwitamba nk'igitambo, ariko Yesu we yarabikoze. Dushobora kwiga byinshi ku mumaro w'Umutambyi wacu Mukuru wo mu ijuru tubyigiyeye kubyakorwaga mu buturo bwera bwo mu isi. Imyambaro y'umutambyi yagombaga kuba yera itariho ikizinga, bishushanya ugukiranuka ndashyikirwa kwa Kristo, na efodi y'umutambyi yamusanishaga n'irembo, umuryango, inyegamo, ndetse n'imyenda itwikiriye imbere h'ubuturo, kandi byose byashushanyaga Kristo. Umwambaro wo mu gituzi wo guca urubanza wari ufite imiryango cumi n'ibiri y'abisirayeli yanditswe ku mabuye y'igicro kandi yari ifatishijwe izahabu ku Mutambyi mukuru. Kristo niwe wunga abantu be kandi akanabunga na we akoresheje umurunga w'izahabu. Mbega uko binejeje! Dukorera Umukiza wuje urukundo uduhoza mu gituzi cye kandi anadusabira.

Umunsi w'impongano

Ikintu gikomeye cyane mu mirimo y'ubuturo bwera cyari umunsi mukuru ngarukamwaka - Umunsi w'Impogano (Abalewi 23:37-39, 16:4-22). Umunsi w'impongano wari umunsi wihariye w'ibirori wategekaga iby'ukwezwa kw'ubuturo bwera ngo ibyaha by'ubwoko bw'abisirayeli byose bihanagurwe mu buturo bwera. Nyuma yo kwezwa k'ubuturo bwera, nta cyaha cyababariwe cyabaga icyanditswe mu buturo bwera, ahubwo umunyabyaha yabaga ahagaze imbere y'Imana nk'utarigeze acumura. Uku kwezwa k'ubuturo bwera bwo mu isi byari bihagarariye ukwezwa kw'ubuturo bwera bwo mu ijuru, kuzahanaguraho ibyaha by'ubwoko bw'Imana byose byakozwe mu bihe byose. Reka tubanze turebe ku kwezwa kw'ubuturo bwera bwo ku isi.

Nuko ahongerere Ahera ku bwo guhumana kw'Abisirayeli kwinshi, no ku bw'ibicumuro byabo ku bw'ibyaha bakoze byose. Abe ari ko agenze n'ihema ry'ibonaniro, ribana na bo hagati yo guhumana kwabo kwinshi. Abalewi 16:16

Rimwe mu mwaka, Umutambyi Mukuru yagombaga kwinjira Ahera cyane, ariko yagombaga kubanza agahongerera ibyaha bye n'iby'abandi batambyi. Kuri uyu munsi, ihene ebyiri zazanwaga imbere y'Umutambyi mukuru kandi byinshi byagombaga kurekwa. Imwe muri izi hene barayitambaga (ihene y'Uwiteka), hanyuma akinjira Ahera cyane agacana imibavu, maze amaraso y'icyo gitambo akaminjagirwa imbere y'isanduku no ku ntebe y'ihongerero.

...iyo mibavu ayishyirire kuri uwo muriro imbere y'Uwiteka, uwo mubavu umere nk'igicu gikingiriza intebe y'ihongerero iri hejuru y'Ibihamya adapfa. Abalewi 16:13

[Ayo maraso] ... ayaminjagire... ku ntebe y'ihongerero. Abalewi 16:15

Ni ukubera iki? Ni ukubera ko amategeko y'Imana yabaga yaragomewe. Mu buryo bw'igishushanyo kuminjagira amaraso ku ntebe y'imbabazi byahanaguraga urutonde rw'ibyaha kubw'ubuntu. Umurimo uheruka Kristo ari gukorera mu buturo bwera bwo mu ijuru ushobora kumvikanira gusa mu mucyo tubonera ku munsu ukomeye cyane w'impongano wo mu buturo bwera bwo ku isi. Ubu rero ni ubutumwa bw'ibyiringiro bitsika imitima, butumenyesha ko vuba aha bidatinze urutonde rw'ibyaha byacu byose rugiyeye guhanagurwa burundu.

Nuko rero, byari bikwiriye ko ibishushanyo by'ibyo mu ijuru byezwa muri bene ubwo buryo, naho ibyo mu ijuru bwabyo bikezwa n'ibitambo biruta ibyo. Abaheburayo 9:23

Ubuturo bwera bwo mu isi bwezwaga n'amaraso y'ihene y'Uwiteka, ariko ubwo mu ijuru bwo bwejeshejwe amaraso ya Yesu Kristo.

Nuko ahongerere Ahera ku bwo guhumana kw'Abisirayeli kwinshi, no ku bw'ibicumuro byabo ku bw'ibyaha bakoze byose. Abe ari ko ajenza n'ihema ry'ibonaniro, ribana na bo hagati yo guhumana kwabo kwinshi. Abalewi 16:16

Mu gusohoka mu buturo bwera, Umutambyi Mukuru yasigaga amaraso ku gicaniro cy'izahabu no ku gicaniro cy'ibitambo byoswa, kugira ngo ahongerere ubuturo bwera bwose. Mu buryo bw'igishushanyo, ibyaha byose by'abisirayeli byabaga byarabitswe mu buturo bwera byabaga byejejwemo burundu. Hanyuma ibiganza bikarambikwa kuri ya hene yindi, ihene yo koherwa. Iyi hene noneho ikohereza mu butayu maze bakayirekuriraye.

Bishushanya, ko urutonde rw'ibyaha byose washyirwaga kuri iyo hene yo koherwa yitwaga Azazeli cyangwa Satani. Azazeli rero ishushanya Satani, kuko ari we nyirabayazana w'icyaha.

Mwibuke ko ihene yo koherwa iticwaga. Muri ubwo buryo rero, aha Satani ntiyikoreye ibyaha nk'uko biri mu gihe cyo guhongererwa ibyaha, kuko amaraso atavuye hatabaho kubabwirwa ibyaha (Abaheburayo 9:22). Ahubwo byerekana guherereza ibyaha kuri nyirabayazana wabyo. Yesu ni we wishyizeho ibyaha byacu ngo abihongerere binyuze mu kumena amaraso ye, ariko Kristo si we nyirabayazana w'ibyaha byacu. Ni ingenzi cyane kwibuka ko urutonde rw'ibyaha byicujijwe byonyine ari byo byashyirwaga ku mutwe wa Azazeli; kubw'ibyo rero, ni ngombwa ko ibyaha byacu tubishyira imbere mu buturo bwera. Ibyaha biticujijwe ntabwo bihongererwa kandi abanyabyaha banga impano y'agakiza babizi bagomba kuzikorera ubunyacyaha bwabo maze imitwari w'ibyaha byabo bakayiryoza.

Tugomba kwibuka ko uku kwezwa b'ubuturo bwera kwabaga kuri uyu munsu gushushanya ukwezwa kw'ukuri kw'ubuturo bwera bwo mu ijuru, kwagombaga gutangira nyuma y'iminsi 2300 ya gihanuzi, nk'uko twavuzeho mu cyigisho cyashize.

Aransubiza ati "Bizageza iminsi ibihumbi bibiri na magana atatu uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa." Daniyeli 8:14

Ubu buhanuzi bwatangiranye n'itegeko ryo gusana Yerusalemu, ryatanzwe na Aritazerusi Longimanus mu mwaka wa 457 Mbere ya Kristo. Duteranyijeho iminsi 2300 (ingana n'imyaka 2300), bitugeza mu mwaka wa 1844 nyuma ya Kristo. Kwezwa kw'ubuturo bwera bwo mu ijuru rero kwatangiye mu mwaka wa 1844 Nyuma ya Kristo, bisobanuye ko Yesu yinjiye ahera cyane ho mu buturo bwera bwo mu ijuru muri uwo mwaka kugira ngo atangire umurimo washushanywaga n'umunsi w'impongano. Umurimo wa Kristo mu buturo bwera bwo mu ijuru ntiwashoboraga gutangira mbere y'uko apfira i Kaluvari, kubera hatariho amaraso ye umurimo we ntiwashoboraga gutangira, bikagaragaza ko Yesu yatangiye umurimo we Ahera (mu cyumba kibanza) akimara kujya mu ijuru. Muri Daniyeli 8, ni ho hantu honyine muri Bibiliya havuga ugutangira kw'umurimo wa Kristo wo mu cyumba cya kabiri (ahera cyane), ari wo kweza ubuturo bwera cyangwa se itangira ry'urubanza kagenzuzi. Ubu buhanuzi butugeza mu mwaka wa 1844, ari ryo herezo ry'iminsi ya gihanuzi 2300 (ubusobanuro bwimbitse ku byerekeye uyu mwaka, buboneka mu gice kivuga *Urutare rwo kuruhukiraho*).

Abayuda bahuzaga Umunsi w'Impongano n'Umunsi w'Urubanza, kandi imihango yakorwaga n'Umutambyi Mukuru yari ihagarariye kwezwa kw'ubuturo bwera - guhanagurwa kw'urutonde rw'ibyaha n'agakiza gaheruka k'abisirayeli. Ibi byaganishaga ku gihe cy'urubanza kagenzuzi ruheruka rwagombaga kubera mu ijuru mbere y'uko Kristo agaruka ku isi gucungura abantu be. Mbere y'uko Kristo agaruka, hagombaga kubaho urubanza mu ijuru, bitabaye ibyo se ni gute Kristo yatandukanya abanyabyaha n'abakiranutsi ngo agire abo ahamya ko ari abe igihe nk'icyo cy'urubanza kitarabanje kubaho? Umuyuda utarabonekaga muri ibyo birori by'Umunsi w'impongano yagombaga gukurwa mu bwoko bwe. Wabaga ari umunsi wo kwibabaza (kwinira wigenzura mu mutima), umunsi w'urubanza, kandi buri wese yagombaga kuboneka muri ibi birori.

Ariko umunsi wa cumi w'uko kwezi kwa karindwi ni wo munsi w'impongano, ujye ubabera uwo guterana kwera, mujye muwibabazaho imitima, muwutambireho Uwiteka igitambo gikongorwa n'umurimo. Ntimukagire umurimo wose mukora kuri uwo munsi w'impongano, muhongerererwaho imbere y'Uwiteka Imana yanyu. Umuntu wese utazibabaza umutima kuri uwo munsi, azakurwe mu bwoko bwe.
Abalewi 23:27-29

Ijambo "gukurwa" rirerekana ugukomera k'umunsi w'impongano nk'umunsi w'urubanza. Umurongo wa 30 uravuga ngo: "*Kandi umuntu wese uzakora umurimo wose kuri uwo munsi, nzamurimbura mukure mu bwoko bwe.*" Bagombaga kubahiriza uwo munsi, nk'uko bagombaga kubahiriza isabato. Farrar mu gitabo cye, *iminsi ya mbere y'ubukristo*, P.238 yaranditse ati:

Umunsi w'impongano wari uteye ubwoba cyane nk'uko tubibwirwa mu gitabo cy'imihango y'Abayuda ko abamarayika ubwabo banyuranagamo bafite ubwoba kandi bahinda umushyitsi, bavuga bati: 'Uwiteka, Umunsi w'urubanza urasohoye.'

Kuba Imana ari yo yonyine ikemura ibyaha byicujijwe mu buturo bwera, ni iyihe mibereho twari dukwiriye kugira muri ibi bihe byashushanywaga n'umunsi w'impongano? Dukeneye kubaka imibereho yo gusabana n'Imana; dukeneye gusaba Imana umwuka wo kwicisha bugufi utuma twemera kwicuza ibyaha ngo dushishikarire kugira imitima n'intekerezo

byejeje. Urubanza ni inkuru nziza – ntacyo dukwiye gutinya niba ibyaha byacu twamaze kubishyira imbere mu buturo bwera.

Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose. 1 Yohana 1:9

Nimuze tujye inama, ni ko Uwiteka avuga, Naho ibyaha byanyu byatukura nk'umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi, naho byatukura tukutuku birahinduka nk'ubwoya bw'intama bwera. Yesaya 1:18

Ikigenderwaho mu guca urubanza ntigihinduka. Ni amategeko y'Imana.

Muvuge kandi mukore nk'abajya gucirwa urubanza n'amategeko atera umudendezo. Yakobo2:12

Iyi ni yo ndunduro y'ijambo, byose byarumviswe. Wubahe Imana kandi ukomeze amategeko yayo, kuko ibyo ari byo bikwiriye umuntu wese. Kuko Imana izazana umurimo wose mu manza, n'igihishwe cyose ari icyiza cyangwa ikibi. Umubwiriza 12:13-14

Iminsi mikuru ngarukamwaka iganisha kuri Yesu

Mu mategeko y'imihango, iminsi mikuru ngarukamwaka y'abayuda yose yari ihagarariye ibintu by'ingenzi mu murimo wa Kristo. Pasika (ku itariki ya 14 y'ukwezi kwa Nisani) yashushanyaga kubambwa kwa Kristo. Umunsi mukuru w'imitsima idasembuwe (ku itariki ya 15 z'ukwezi kwa Nisani) washushanyaga umubiri wa Kristo, kandi cyari ikimenyetso cya Kristo mu gituro. Umunsi mukuru w'umuganura (ku itariki ya 16 y'ukwezi kwa Nisani) washushanyaga umuzuko. Umunsi mukuru ukurikira amasabato arindwi (ku itariki ya 6 y'ukwezi Sivan) washushanyaga Pentekoti. Biragaragara ko iminsi mikuru itatu ibanza yashushanyaga iminsi itatu y'urupfu rwa Kristo kugeza ku muzuko we, kandi iyo minsi mikuru yerekezaga ku murimo wa Kristo aza bwa mbere ku isi.

Imigabane yakurikiraga y'iminsi mikuru y'abayuda yerekeza ku kugaruka kwa Kristo. Habagaho umunsi wo kuvuza amahembe/impanda (ku itariki ya 1 y'ukwezi kwa Tishri) werekezaga ku Itsinda ry'Abategereje kugaruka kwa Kristo kandi bagatangaza itangira ry'urubanza. Amahembe/impanda yakoresheye nk'ikimenyetso cy'urubanza. (Ibyahishuwe 14:6-7; Yoweli 2:1). Umunsi w'Impogano (ku itariki ya 10 y'ukwezi kwa Tishri) washushanyaga urubanza kagenzuzi. Iminsi mikuru y'ingando (ku itariki ya 15 z'ukwezi Tishri) ishushanya ugutaha mu ijuru kw'abana b'Imana Kristo agarutse. (reba ishusho 2.4)

Pasika, umunsi mukuru w'imitsima idasembuwe n'umunsi mukuru w'umuganura yizihizwaga mu minsi itatu ikurikirana bishushanya urupfu rwa Kristo n'umuzuko we.

Mu kwezi kwa mbere, ku munsi wako wa cumi n'ine nimugoroba, hajye habaho Pasika y'Uwiteka. Abalewi 23:5

Pawulo abihuriza hamwe agira ati:

...kuko Pasika yacu yatambwe, ari we Kristo. 1 Abakorinto 5:7

Igitambo cya Kristo cyasohoje umunsi mukuru wa Pasika, maze Kristo ahinduka Pasika yacu.

Pasika

Kristo

Umwana w'intama uzira inenge. *Kuva 12:5* Kristo uzira inenge. *Abaheburayo 9:14*
Ntimukavuneho igufwa na rimwe. *Kuva 12:46* Ntibamuvuna amagufwa. *Yohana 19:33,36*

Ariko Yesu yongera kuvuga ijwi rirenga, aratanga. Umwenda ukingiriza Ahera cyane h'urusengero utabukamo kabiri, utangirira hejuru ugeza hasi, isi iratigita, ibitare birameneka. Matayo 27:50-51

Umwenda watandukanyaga Ahera n'Ahera cyane wasatuwemo kabiri n'ikiganza kitagaragara kuva hejuru kugera hasi, byerekana uko Imana yagaragaje ko ishyize iherezo ku mihango y'abayuda ya gahunda y'ibitambo. Imbabazi z'ibyaha ntizari zikibonerwa muri gahunda yo gutamba ibitambo. Ibyari ibishushanyo byari bihuye n'icyo byashushanyaga, igicucu gihuye n'ikizima mu mubiri w'Umwami Yesu Kristo.

...nguyu Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Yohana 1:29

Yerekeza kuri Kristo Yohana Umuhishuzi yamwise:

...Umwana w'Intama, watambwe uherye ku kuremwa kw'isi. Ibyahishuwe 13:8

Mbese Amategako ntiyaba yarabambwe ku musaraba?

Pawulo yaranditse ati:

igahanagura urwandiko rw'imihango rwaturegaga, ikarudukuzaho kurubamba ku musaraba. Abakolosayi 2:14

Hari urwandiko rw'amategako rumwe gusa *rwaturegaga*, mu buryo bw'uko rwatwerekaga ko gukiranirwa kwacu kwari gukeneye igitambo cy'Umwana w'Imana ngo hasohozwe ibisabwa n'ubutabera, kandi ayo mategeko yari amategako y'imihango. Kubwo kutwitangiraho igitambo, Kristo yasohoje amategako y'imihango maze ayakuraho. Igitambo cye cyasohoje ibyari ibishushanyo byacyerekezagaho, kandi kubw'ibyo ntihagikenewe ikindi gitambo.

Nimwende iki gitabo cy'amategako, mugishyire iruhande rw'isanduku y'isezerano ry'Uwiteka Imana yanyu, kibereyo kuba umuhamya ubashinja. Gutegeka kwa kabiri 31:26

Amategako yaturegaga rero ntabwo ari amategako icumi y'Imana, amwe yabaga mu isanduku imbere bitandukanye n'ay'imihango yari yarashyizwe inyuma y'isanduku. Aya mategeko icumi kandi ntabwo yari amategako y'ububata, ahubwo ni amategako y'umudendezo (Yakobo 2:8-12). Kristo binyuze mu rupfu rwe, yakinguriye abanyabyaha inzira bashobora kunyuramo ngo bakire iteka ry'urupfu riterwa no kwica aya mategeko icumi y'Imana, nyamara ntabwo yigeze akuraho aya mategeko. (reba ishusho 2.2 n'ishusho 2.3):

Kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu, ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo. Abaroma 6:23

Nuko rero noneho abari muri Kristo Yesu nta teka bazacirwaho, kuko batayoborwa n'umubiri, ahubwo bayoborwa n'Umwuka. Abaroma 8:1

Niba Pasika ishushanya urupfu rwa Kristo watubereye igitambo, ubwo rero umunsi mukuru w'imitsima idasembuwe ushushanya umubiri wa Kristo mu gituro, maze umunsi mukuru w'umuganura ugashushanya ukuzukana intsinzi kwa Kristo. Ubwo Kristo yapfaga maze akazuka akava mu gituro, Bibiliya itubwira ko ibituro byakinguwe maze bamwe mu bari barasinziye kera bakazukana na we mu bapfuye.

Ibituro birakinguka, intumbi nyinshi z'abera bari barasinziye zirazurwa, bava mu bituro, maze amaze kuzuka binjira mu murwa wera, babonekera benshi. Matayo 27:52-53

Aba bantu bazutse iki gihe bari umuganura w'isarura rinini ry'imitima izazurwa na Kristo ku iherezo ry'ibihe.

Umunsi Mukuru w'Amasabato washushanyaga Pentekoti. Penta bisobanuye mirongo itanu, kandi uyu munsi mukuru wizihizwaga bibuka uguhabwa amategeko icumi iminsi mirongo itanu nyuma ya pasika. Bari barahawe ibihanywa by'uburyo babaho nk'ubwoko bw'Imana. Nyuma y'urupfu rwa Kristo, we Pasika y'ukuri, abigishwa ba Kristo bujijwe imbaraga ya Mwuka Muziranenge ngo babwirize abatuye isi Yesu Kristo, we kwera kw'amategeko.

Umunsi Mukuru w'Impanda, Umunsi Mukuru w'Impongano, n'Umunsi Mukuru w'Ingando yari iminsi mikuru y'abayuda yerekeza ku bijyanye no kuza kwa Kristo bwa kabiri. Umunsi mukuru w'impanda werekezaga kw'itangazwa kw'urubanza kagenzuzi, kandi byari ngombwa ko iri tangazwa ribaho mbere y'iherezo ry'iminsi 2300 ya gihanuzi yo muri Daniyeli 8. Ku byerekeye ugusohora k'uyu munsi mukuru, tugomba kwiga ibiwerekeye byabaye mbere y' 1844 (ibi tuzabigarukaho mu gice kivuga *urutare rwo kuruhukiraho*). Umunsi w'impogano nk'uko twabibonye, ushushanya ukwezwaga kw'ubuturo bwera bwo mu ijuru cyangwa se urubanza kagenzuzi (ku byerekeye iki cyigisho cy'ingenzi, reba igice kivuga *Ikinyagihumbi Cyategerejwe Igihe Kirekire*).

Umunsi mukuru w'ingando wari umunsi mukuru w'ibyishimo, "umunsi w'umunezero ntavugwa", aho abisirayeli bubakaga amahema mu mashami y'imyelayo n'ay'iminzenze, n'ay'imihadasi n'ay'imikindo n'ay'ibiti by'amashami atsikanye (Nehemiya 8:15), maze bakishimira umusaruro wabaga warakusanyijwe. Umusaruro ushushanya umusaruro uheruka w'abacunguwe, kandi uwo munsi mukuru washushanyaga ibyishimo by'uguhura kwera kuzaba ubwo Kristo azaba aje ubwa kabiri gusarura imitima. (reba ishusho 2.4 ku iherezo ry'igice ku byerekeye iminsi mikuru yo muri gahunda y'ubuturo bwera).

Imirimo yo mu buturo bwera ni ubutumwa bwiza mu buryo bw'igishushyanyo naho isezerano rishya rikaba ubutumwa bwiza nyirizina. Nitwiga ubuturo bwera, bizatuyobora mu gusobanukirwa neza iby'umurimo wa Kristo. Bibiliya itanga umuburo iti:

Kuko abayobya benshi badutse bakaza mu isi, batemera ko Kristo yaje afite umubiri.

Uvuga atyo ni we uyobya kandi ni we Antikristo. 2 Yohana 1:7

Ariko nihagira ubabwiriza ubutumwa butari ubwo twababwirije, ari twe cyangwa ndetse marayika uvuye mu ijuru, avumwe. Nk'uko twabanje kubivuga na none nongeye kubivuga nti "niba umuntu ababwira ubutumwa budahura n'ubwo mwemeye mbere avumwe." Abagalatiya 1:8-9

Aya amagambo arakomeye, Niyo mpamvu ari ingenzi cyane ko dusobanukirwa n'iby'umurimo wa Kristo. Umuntu wese ugerageza gusenya umurimo wa Kristo, agahindura uyu murimo cyangwa se akawusimbuza iyindi nzira y'agakiza uwo aba ahakana ko Yesu yasohoje ibyamushushanyaga byose. Ibyo kandi bisa no guhakana ko Kristo yaje yambaye umubiri. Mu kuri, Bibiliya ihanura ko antikristo azaza maze umurimo wa Kristo akawusimbuza indi nzira y'agakiza, niyo mpamvu tugomba kumenya ibyanditswe ngo tutazayobya. Ikindi kandi, twaburiwe ko hazabaho ubuyobe bukomeye cyane, kuburyo niba bishoboka n'intore zizayobya (Matayo 24:24). Birababaje kubona ko ubukristo bwo muri iki gihe bugaragara nk'ubushinze imizi ku musaraba gusa, ariko bukirengagiza ibindi bijyanye n'umurimo wa Kristo, maze bugahindura ubusa umurimo wo kwezwa. Bibiliya ivuga neza iti:

Mugire umwete wo kubana n'abantu bose amahoro, n'uwo kwezwa kuko utejejwe atazareba Umwami Imana. Abaheburayo 12:14

Ni nde mwanzi uzagerageza kurwanya umurimo wa Yesu? Ni nde uzigisha ubundi butumwa buyoberanyije gato ku buryo azayobya n'intore niba bishoboka? Ubuyobe ni kirimbuzi, kandi kugira ngo agere ku mugambi we umwanzi agomba kubuhisha cyane bugasa n'ukuri. Mu bihe byose, abahanuzi b'Imana batanze imiburo yerekeye umwanzi gica w'ibyo gukiranuka. Mu by'ukuri rero, Bibiliya ivuga byinshi kuri iyi ngingo, kandi n'ubwo bitoroshye cyangwa bitemewe n'ubutegetsu bw'isi kuvuga iby'ubu butumwa muri iyi minsi ya none, iyo si impamvu yo gukerensa imiburo iheruka. Dukeneye kwiga ubuhanuzi:

Nyamara rero dufite ijamba ryahanuwe rirushaho gukomera, kandi muzaba mukoze neza nimuryitaho, kuko rimeze nk'itabaza rimurikira ahacuze umwijima rigakesha ijoro, rikageza aho inyenyeri yo mu ruturuturu izabandurira mu mitima yanyu. 2 Petero 1:9


Mu bice bikurikira, ni byo tuzagerageza gukora duhishura amayoberane y'ibyerekeye antikristo na gahunda ye yo kurimbura umurimo wa Kristo.

IBIHAMYA

¹Martin Luther, nk'uko byakuwe mu gitabo *Religious Digest* (ukubozwa 1941).

²Frank Breden, *New Pictorial Aid for Bible Study* (Warburton: Signs Publishing Co, 1987).

IMINSI MIKURU YA Kiyuda mu bishushanyo n'icyo byashushanyaga²



Ishusho 2.4 – iminsi mikuru y'abayuda mu bishushanyo n'icyo bishushanyaga – umwaka umwe w'abayahudi washushanyaga igihe cyose cya Gikristo.

Igice cya 3:URUJIGO MU BIHE

Kugaragaza abakinnyi b'imena mu ntambara iheruka

Mu gitabo cya Daniyeli igice cya 2, tuhabona ubuhanuzi bugufi buzimije bwerekana ibizabaho uhereye igihe cya Danieli kugeza ku mperuka y'amateka y'isi. Ubu buhanuzi buduha ingingo z'ingenzi zizadufasha gusobanukirwa n'ubuhanuzi bukomeye bwerekeye intambara ikomeye iri hagati y'imbaraga z'Umucyo n'imbaraga z'umwanzi. Ubuhanuzi bwinshi bwo mu gitabo cya Danieli bwubakiye kuri ubu buhanuzi bwo mu gice cya 2, kandi igitabo cy'Ibyahishuwe gishobora kumvikana neza ari uko gihujwe n'umucyo uboneka mu gitabo cya Daniyeli. Dukeneye gusobanukirwa n'ubusobanuro bw'ibimenyetso byakoreshejwe n'umuhanuzi Daniyeli, kuko ibyo bimenyetso ari byo byakoreshejwe no mu gitabo cy'Ibyahishuwe. Ubusobanuro bw'ibyo bimenyetso bugaragazwa neza mu buhanuzi bwa Daniyeli, kandi ibyo bitabo byombi biruzuzanya. Ntibatangaje kuba Yesu yaradushishikarije kwiga byombi, igitabo cya Danieli n'icy'Ibyahishuwe kugira ngo dusobanukirwe n'ibizabaho mu minsi y'imperuka:

"Ariko ubwo muzabona ikizira kimbura cyahanuwe n'umuhanuzi Daniyeli gihagaze Ahera. (ubisoma abyitondere)." Matayo 24:15.

"Hahirwa usoma amagambo y'ubu buhanuzi, hahirwa n'abayumva bakitondera ibyanditswe muri bwo, kuko igihe kiri bugufi." Ibyahishuwe 1:3.

Ubuhanuzi bwa Daniyeli igice cya 2

Mu myaka 2500 ishize, Umwami w'I Babuloni, Nebukadinezari wa 2, yarose inzosi zitangaje, maze akangutse mu gitondo, yari yamaze kwibagirwa ibyari bikubiye muri izo nzosi, gusa yari azi ko zari ingenzi cyane. Nta numwe mu bajyanama be washoboraga kumubwira izo nzosi, cyangwa se icyo zasobanuraga, maze uwo mwami yiyemeza kurimbura abanyabwenge bose b'I Babuloni. Dushingiye ku byanditswe, Daniyeli n'inshuti ze, nabo bari barize iby'ubwiru bw'abanyababuloni, kubw'ibyo nabo bari mu itsinda ry'abanyabwenge b'I Babuloni, nabo bagombaga kurimburwa kubw'iryo tegekoteka ry'umwami. Nyuma yo kumva ibyo, Daniyeli yegereye Umwami ngo avuganire abanyabwenge bose. Nyuma y'amasengesho yo kwinginga, izo nzosi ndetse n'ubusobanuro bwazo Imana ibihishurira Daniyeli, nuko yegera umwami kubimutangariza ati:

"ariko mu ijuru hariho Imana ihishura ibihishwe, kandi ni yo yeretse Umwami Nebukadinezari ibizaba mu bihe bizaza... Nuko ibyawwe, nyagasani, watekerezaga uryamye ibizaba mu gihe kizaza..." Daniyeli 2:28-29

Izi nzosi natwe ziratureba cyane, kubera ko zitari zigenderewe abo mu gihe cya Nebukadinezari gusa, ahubwo n'abo mu bihe byakurikiye byose.

Nuko Nyagasani, wabonye igishushanyo kinini.... Icyo gishushanyo cyari gifite

(I) Umutwe w'izahabu nziza

- (II) *Igituza n'amaboko by'ifeza*
- (III) *Inda n'ibibero by'imiringa*
- (IV) *Amaguru y'ibyuma*
- (V) *Ibirenge byari igice cy'ibyuma n'igice cy'ibumba*

Daniyeli 2:32-33 (ubusobanuro bwimbitse buratangwa)

Nebukadinezari ahita yibuka inzosi ze, maze Daniyeli arakomeza,

"Urabyitegereza ugeza aho ibuye ryaziye ritarimbuwe n'intoki, ryikubita ku birenge by'icyo gishushanyo by'ibyuma n'ibumba, rirabimenagura... maze iryo buye ryakubise igishushanyo rihinduka umusozi munini, rirangiza isi yose." Daniyeli 2:34-35

Umuhanuzi arasobanura uko ubwami buzategeka isi buzasimburana kugeza ku kurimburwa guheruka kw'ubwami bwose bw'isi burimbuwe n'ibuye ritarimbuwe n'intoki z'umuntu. Ubwami bwose bwavuzwe bwari bufite aho buhurira n'ubwoko bw'Imana, kandi uguhangana hagati y'imbaraga z'ubwami bw'abapagani bw'isi n'ubwoko bw'Imana, ni igishushanyo cy'intambara ikomeye cyane izabaho hagari y'izi mbaraga ebyiri ku rwego rw'isi yose ku mperuka y'ibihe. Uko ubwo bwami bwakurikiranye, ni Babuloni, Abamedi n'abaperesi, Ubugiriki n'Abaromani.

I. UMUTWE W'IZAHABU – BABULONI 605 – 539 Mbere ya Kristo

Nyuma yo kuvuga izo nzozi, umuhanuzi Daniyeli yatanze ubusobanuro.

...wa mutwe w'izahabu ni wowe. Umurongo wa 38

Nebukadinezari yari Babulonimuntu. Izahabu yari ikirango cya Babuloni. Umunyamateka Herodotus abigaragarisha ishusho y'izahabu y'ikigirwamana Marduki yicaye ku ntebe ya zahabu imbere y'ameza ya zahabu n'igitambiro cya zahabu. Uwitwa Pliny na we agaragaza ko amakanzu y'abatambyi yari adoze atatse izahabu. Ubwami bwa Babuloni bwari ubwami bw'izahabu guhera mu mwaka wa 605 mbere ya Kristo kugeza mu mwaka wa 539 mbere ya Kristo.

Kandi uzakurikirwa n'ubundi bwami budahwanije n'ubwawe gukomera, kandi hazaba ubundi bwami bwa gatatu bw'imiringa butegeke isi yose... Ariko ubwami bwa kane buzakomera nk'icyuma. Daniyeli 2:39-40

II. IGITUZA N'AMABOKO BY'IFEZA – ABAMEDI N'ABAPERESI 539 – 331 Mbere ya Kristo

Nkuko bigaragazwa kw'ibuye ndangamateka ryashyizwe mu nzu ndangamurage iri i Berlin (mu Budage) umwami Nebukadinezari wa II yategetse imyaka 37 yuzuye. Abanyamateka bashoboye kubara babona nta kwibeshya ko ingoma ya Babuloni yahanguwe n'Abamedi n'abaperesi ku wa 29 Ukwakira 539 mbere ya Kristo.

Nyuma yawe, umutwe w'izahabu, hazakurikira ubundi bwami budahwanije n'ubwawe gukomera.

Kuba Daniyeli yarahanuye ko ubwami bwa Nebukadinezari bwari kuzagera ubwo bugera ku iherezo byabaye urucantegye bikomeye kuri ubwo bwami. Uguhanguka kwa Babuloni kugaragazwa mu gice cya 5 cy'igitabo cya Daniyeli.

Ubwami bwawe buragabwe, buhawe Abamedi n'Abaperesi. Daniyeli 5:28

Ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi bwari ubwami bugizwe n'ibihugu 2, ariko Kuro w'ubuperesi we yari akomatanyije ubu bwami bwombi. Amaboko abiri y'icyo gishushanyo yari ikimenyetso cyuzuye cy'ubu bwami. Abamedi n'Abaperesi bashushanywa n'ifeza, nk'uko ifeza yakoresheye nk'umurimbo w'ingabo z'abaperesi, kandi n'amafaranga bakoreshaga y'ibiceri yabaga ari ifeza. Ubu buhanuzi ariko, bwavuze ko ubu bwami nabwo bwagombaga guhanguka maze bugasimburwa n'ubundi bwami.

III. INDA N'IBIBERO BY'IMIRINGA – UBUGIRIKI 331 – 168 Mbere ya Kristo

Kandi hazaba ubundi bwami bwa gatatu bw'imiringa butegeke isi yose.

Daniyeli 8:20-21 hagaragaza Abamedi n'Abaperesi basimburwa n'ubwami bwa gatatu bw'umuringa aribwo Ubugiriki. Ariko mu byukuri, ubu bwami bwari ubwa Masedoniya (Macedonian) cyangwa ubwami bwa Alexandre Mukuru n'Abamusimbuye. Mu ntambara zikomeye eshatu, Alexandre yavurunze isi y'icyo gihe, anesha Abaperesi mu ntambara yabereye i Granicus muri 334 mbere ya Kristo, n'indi yabereye i Issus muri 333 mbere ya Kristo, no mu ntambara yabereye i Arbela muri 331 mbere ya Kristo. Josephus, umunyamateka w'umuyahudi wo mu kinyejana cya mbere, yasobanuye ubu buhanuzi bwo muri Daniyeli igice cya 2 muri aya magambo:

Ariko ubwami bwabo buzarimburwa n'undi mwami uturutse iburengerazuba, yambaye umuringa.¹

Umuringa wacurwagamo imyambaro ndetse n'intwari zo ku rugamba. Amacumu yakoresheye n'ingabo z'abagiriki nayo yabaga acuzwe mu muringa. Kandi ubu bwami nabwo, bwagombaga gusimburwa n'ubwami bwa kane.

IV. AMAGURU Y'IBYUMA – ABAROMANI 168 Mbere ya Kristo – 476 Nyuma ya Kristo

Nyuma y'urupfu rwa Alexandre amaze kwusa ikivi cye, abajenerali be bigabanyije ubwo bwami hagati yabo, maze ubwo bwami bwigabanyije bugwa mu maboko y'Abaromani. Roma yahanze ahagana muri 753 mbere ya Kristo, yageze ubwo ihinduka umutegeka w'isi. Roma yatsinze ubugiriki mu ntambara y'i Pidina(Pydna) mu 168 Mbere ya Kristo, maze ivumbukamo ubwami bwa kane bukomeye nk'icyuma. Umunyamateka Gibbon yavuze Roma muri aya magambo:

Ingabo za Repubulika ya Roma, ibihe byinshi zagiye zitsinda ku rugamba; zahoranye insinzi mu ntambara, zijya mbere zihuta cyane zigera kuri Efurate, na Danube, na Rhine, ndetse no ku Nyanja; kandi ibishushanyo by'izahabu, n'ifeza, n'imiringa byakoresheye mu gushushanya amahanga n'abami bayo, byose byamenaguye n'ingoma y'icyuma ya Roma².

Ingoma ikomeye y'icyuma ya Roma ntabwo yagombaga gukomeza kubaho by'iteka. Guhera mu mwaka wa 351 nyuma ya Kristo, ubwoko bw'abanyaBarbara bwagiye bugaba ibitero ku bwami bw'abaromani kugeza ku ngoma y'umwami w'abami w'abaromani uheruka, Romulus Augustulus (Diminutive Augustus) wakuwe ku ngoma muri 476 nyuma ya Kristo. Kuva ubwo hatangira igihe cy'ubwami bwigabanyijemo.

V. IBIRENGE – IGICE CY'IBYUMA N'IGICE CY'IBUMBA: UBWAMI BWIGABANYIJEMO - KUGEZA KU IHEREZO RY'IBIHE (UBURAYI)

Daniyeli asobanura ubwami bwigabanyijemo bwa Roma mu buryo bukurikira:

Kandi nk'uko wabonye ibirenge n'amano ari igice cy'ibumba ry'umubumbyi n'igice cy'ibyuma, ni ko ubwo bwami buzigabanyamo, ariko muri bwo hazaba gukomera nk'ibyuma nk'uko wabonye ibyuma bivanzwemo ibumba....ni ko ubwo bwami buzamera: igice cyabwo kimwe kizaba gikomeye, ikindi kidakomeye. Daniyeli 2:4142

Nyuma y'ihanguka rya Roma muri 476 nyuma ya Kristo, ubwo bwami bwigabanyijemo amami cumi. Abo ni aba Ostrogoths, aba Visigoths, aba Franks, aba Vandals, aba Suevi, aba Alamani, aba Anglo-Saxons, aba Heruli, aba Lombardi, aba Burgundians. Ayo mami niyo yaje guhindukamo amaleta y'i Burayi: Ubufaransa, Ubwongereza, Ubudage, Ubusuwisi, Ubutaliyani, Portugali, Esipanye n'ayandi, nyuma y'ibinyejana byinshi, yaje guhindura imbibi maze agakora andi maleta aboneka ku mugabane w'i Burayi uko ahuje indimi.

Daniyeli yavuze ko ubwo bwami bwigabanyijemo buzarangwa n'igice kimwe gikomeye, ikindi kikaba cyoroshye. Ibi rwose ni byo amateka atwigisha ku bihugu bigize uburayi, aho ubudage ari urugero rwa mbere. Habayeho amagerageza menshi yo kwunga uburayi bwigabanyije, maze abakuru b'ibihugu benshi bakomeye baragerageza ariko bose barananirwa. Barimo umwami Louis wa XIV, Charles Mukuru, Napoleon, Bismarck, Kaiser Wilhelm, Adolf Hitler, ndetse no muri iki gihe umuryango w'ubumwe bw'uburayi nibyo bakigerageza.

Uretse gukoresha imbaraga za gisirikare, ibihugu by'uburayi byakoresheje imbaraga nyinshi ngo biyunge binyuze mu bufatanye mu bya politiki ndetse no gushyingirana hagati y'ubwami n'ubundi.

Kandi nk'uko wabonye ibyuma bivanzwemo ibumba, ni ko bazivanga n'urubyaro rw'abantu, ariko ntibazafatana nk'uko ibyuma bitavanga n'ibumba. Daniyeli 2:43

Ingeri ya Bibiliya yitwa Revised Standard Version iravuga ngo, "Bazihuza binyuze mu gushyingirana." Dr.Moffatt aravuga ngo, "Bazashyingirana."

Ku bw'inyungu za politiki, no kugira ngo barushaho gukomeza ubumwe bwabo, benshi bo mu miryango ya cyami y'i Burayi bagiye bashyingirana. Uwitwa Ferdinand w'intara ya Aragon yashatse Isabella w'intara ya Castille ngo bahurize zino ntara zombi muri Esipanye. Ku bw'ubumwe bwa politiki, umwami Napoleon yatandukanye na Josephine kugira ngo ashake Marie Louise wo muri Austria. Bitewe no gushyingirwa henshi, ntibitangaje kubona Umwamikazi Victoria yariswe Nyirakuru w'Uburayi. Nyamara nubwo habayeho uku gushyingirana kose kubwo kwunga uburayi, ntabwo intego yabo yagezweho. Kuri uyu

mugabane w'Uburayi hazabaho, kandi hagiye habaho, ukwishyira hamwe by'igihe gito mu bya politiki, mu by'ubukungu ndetse n'ibindi, ariko uko kwishyira hamwe ntabwo kwigeze gutuma ibi bihugu byongera guhindukamo igihugu kimwe. Bibiliya yahanuye ko intambara hagati y'amoko zizagumaho kugeza ku mperuka y'ibihe.

Mu 1799, Napoleon yavuze ko agiye gushyira i Burayi umuyobozi umwe, itegeko rimwe, urukiko rumwe rw'ubujurire, n'ifaranga rimwe. Maze umuntu umwe ahakanira Napoleon amubwira ko Providence atazamukundira kuyobora isi. Bivugwa ko yabivuze muri aya magambo:

*Providence ari ku ruhande rufite intwaro zikomeye.*³

Imvura ikomeye yo muri Kamena yaraguye maze ituma intwaro ziremereye za Napoleon zidashobora kwimurwa. Amagare ye y'intambara agwa mu mihanda yasaye maze Wellington amutsindira i Waterloo mu 1815.

Nuko ku ngoma z'abo bami, Imana yo mu ijuru izimika ubundi bwami butazarimbuka iteka ryose... ahubwo buzamenagura ubwo bwami bwose bukabutsembaho kandi buzahoraho iteka ryose. Daniyeli 2:44.

Dutegereje ikintu kidasanzwe mu mateka ya mwene muntu – aricyo kurimburwa kw'imbaraga za politiki zose zabayeho kuri uyu mubumbe w'isi, no kwima kw'ingoma itazahinduka cg ngo irimbuke. Ugutabarwa kwa muntu atabawe n'Umwami w'abami kandi Umutware utwara abatware kuregereje cyane. Iyi ncamake y'ubuhanuzi bw'ingoma zo ku isi, ni ukuri nubwo bubabaje, kandi burategurira ubundi buhanuzi burambuye bukurikiraho. Mbese abakinnyi b'imena muri iyi ntambara iheruka ni bande? Mbese ni gute isi yose izarundumurirwa muri iyi ntambara, kandi ni ubuhe buhenzi abantu b'Imana bagomba kuzahura nabwo? Mbese twaba twiteguye ikigeragezo kidasanzwe mu mateka y'isi, aho ibintu byose bihishwe bizahishurwa, kandi aho Uwiteka azatabara abamutegereje? Ese tuzaba mu bazakira imisozi n'ibitare ngo "Bitare nibitugweho!", cyangwa tuzabarizwa mu itsinda rizishima riti "ngiyi Imana yacu twategereje, kandi ituzaniye agakiza!" ?

Nuko mube maso kuko mutazi umunsi Umwami wanyu azazaho. Matayo 24:42

REFERENCES

¹ Flavius Josephus, *Jewish Antiquities* Book 10: 64-65, as quoted in *The Great Histories: Josephus* (New York: Washington Square Press, 1965).

² Edward Gibbon, *History of the Decline and Fall of the Roman Empire* Volume 4 (London: 1838): 161

³ Gordon A. Craig, *Europe since 1815*

I Umutwe w'izahabu---

---- Babuloni - 605 B.K

II Igituza n'amaboko ----
by'ifeza --- 539 B.K

Abamedi n'Abaperesi -

III Inda n'ibibero
by'umuringa ----

Ubugiriki - 331BK

IV Amaguru y'lbyuma

---- Roma – 168 B.K

V Ibirenge n'amano 476
by'ibumba rivanze n'ibyuma ----

---- Kwigabanya kw'Uburayi
N.K – Imperuka



KUVAHO KW'UBWAMI BUMWE BUSIMBURWA N'UBUNDI
BYAFATAGA IGIHE. IYI MYAKA NI YO YAGIYE IGARAGAZWA
MURI AYA MATEKA

Igice cya 4:UMUNTU WIYOVERANYA

ANTIKRISTO AHISHURWA

Muri Daniyeli igice cya 2 tuhasoma ibyerekeye iherezo ry'amateka y'isi. Mu iyerekwa rya gihanuzi, Daniyeli yeretswe amateka y'isi mu gihe cyayo, maze abona ubwami bune bukomeye bwajejeje isi uko bwagiye bukurikirana bumwe busimbura ubundi. Ubwami bw'Abaromani ari bwo bwa kane, umuhanuzi yabonye ko mu mahenka y'amateka y'isi ubu bwami buzigabanyamo (uruvange rw'icyuma n'ibumba). Kandi buzahuzwa n'ibintu cumi bihagarariwe n'amano cumi y'igishushanyo. Ku ngoma z'ubwo bwami, Imana yo mu ijuru, igereranywa n'ibuye ritarimbuwe n'ibiganza by'umuntu, izarimbura icyo gishushanyo, kandi ingoma y'Imana itazahunguka, isimbure ingoma z'amahanga yagushijwe n'ubuhenebere bwo kuramya ibigirwamana. Ubu buhanuzi butanga ishusho yagutse y'ibintu byabaye mu mateka, kandi ni ubw'ukuri mu buryo butangaje. Ariko ntibutanga ubusobanuro bwimbitse ku byerekeye ibizaba mu bihe biheruka by'amateka y'isi. Nyamara ubuhanuzi bwo muri Daniyeli 7, bwuzuzwa neza incamake y'ubu buhanuzi bwa mbere. Bubangikanya ubwo muri Daniyeli 2 bukoresha ibimenyetso bitandukanye, kandi bugatanga ubusobanuro bunoze bw'imbaraga y'ubuhakanyi ku iherezo ry'ibihe, ku buryo ubyiga afite umutimanama atasigarana ugushidikanya ku birebana n'ibiranga ubwo buyobozi bukomeye buhangara guhinyuza ingabo z'Imana nzima.

Igice cya 2 cya Daniyeli gihuye neza na Daniyeli igice cya 7 mu gukoresha imibare kuva kuri rimwe kugera kuri kane. Ibyo bisa nk'uko Daniyeli igice cya gatatu n'icya gatandatu bihuje, kuko byombi bifite insanganyamatsiko y'akarengane, gacurera akarengane k'ubwoko bw'Imana kazaba ku iherezo ry'ibihe. Nebukadinazari yaraguye kandi acishwa bugufi binyuze mu kwandavura ubwo yahindukaga nk'inyamaswa akarisha ubwatsi. Maze undi ari we Belushazari, na we akarimburwa binyuze mu bubasha bw'Imana.

Muri Daniyeli igice cya 2, umwami wa Babuloni niwe ubwe wahawe iyerekwa, ariko ubusobanuro bwaryo Imana yabuhishuriye umuhanuzi wayo Daniyeli, kugira ngo umwami ashobore guhinduka amenyane n'Umuremyi nyakuri ari we Mana. Na none kandi, iri yerekwa ryerekeye uruherekane rw'ububasha bwa politiki bwo mu isi uko ibihe byagiye bisimburana kugeza ku bwami bw'Imana. icyakora iyerekwa ryo muri Daniyeli 7 ryo, ni iyerekwa ryatanze n'Imana iryihera umuhanuzi wayo. Ryiganjemo cyane ikoresheye ry'ibimenyetso, kandi uretse no gutanga ubutumwa ku ihanga n'ihanguka ry'ingoma zo mu isi, ryerekana intambara iri hagati y'ukuri n'ikinyoma, ndetse rikanagaragaza "Umuntu w'Icyaha" cy' "Umunyabugome". Ihame rya gihanuzi ryo kwagura rishobora gukoreshwa ahangaha. Ubuhanuzi bwa Daniyeli 7 busubira mu buhanuzi bwo muri Daniyeli 2 ariko bugakomerezaho kwagura ubu buhanuzi, bukoresha neza ibimenyetso biheruka byerekeye ku kuza kwa antikristo n'iherezo rye. Muri ubu buhanuzi, ikoresheye ry'ibimenyetso byo muri Bibiliya ni urufunguzo ku gusobanuka kwabwo, kandi ni ingenzi ko dusobanukirwa neza ibimenyetso bikoresheye muri ubu buhanuzi. Hakurikijwe ihame ry'uko Bibiliya ikwiriye kwisobanura ubwayo, iyi nkoranyamagambo ngufi y'ibimenyetso by'ubuhanuzi ikurikira izatubashisha gusobanukirwa ubu buhanuzi bukomeye.

Umuyaga = intambara (Yesaya 21:1-2; Zekariya 7:14; Yeremiya 25:32;49:36-37)

Inyamaswa = umwami cyangwa ubwami (Daniyeli 7:17)

Ihembe = umwami cyangwa umutegets (Daniyeli 8:21)

Amazi (inyanja) = amahanga/abantu benshi (Ibyahishuwe 17:15)

Inyamaswa Enye zo muri Daniyeli 7

Mu nzozi za Daniyeli, yabonye imiyaga ine yo mu ijuru ihubukira ku nyanja nini. Dukoresheje ubusobanuro bwa Bibiliya bw'ibi bimenyetso, turabona ko intambara n'amakimbirane bizashyamiranye amahanga.

Muri iyo Nyanja havamo inyamaswa nini enye zidasangiye ubwoko. Daniyeli 7:3

Iya mbere yasaga n'intare, ifite amababa nk'ay'ikizu. Nyihanga amaso kugeza aho amababa yayo ashikurijwe igahagarikwa ku isi, ihagarika amaguru yemye nk'umuntu kandi ihabwa umutima nk'uw'umuntu. Daniyeli 7:4

Intare ikoresheje muri Bibiliya nk'ikimenyetso cy'ubutegets n'ububasha. Iki kimenyetso gikoresheje kuri Kristo igihe avugwa "nk'intare yo mu muryango wa Yuda", ariko ni n'ikimenyetso cya Babuloni, umurimbuzi w'amahanga, n'icyicaro cy'idini y'ubuyobe, iyobora ubwoko bw'Imana mu kuramya ibigirwamana. Ahanura isenywa rya Yerusalemu ryari ryegereje bikozwe na Babuloni, umuhanuzi Yeremiya akoresheje ikimenyetso cy'intare kuri iryo shyamba rikomeye cyane.

Intare yasohotse mu kibira cyayo, kandi umurimbuzi w'amahanga yarahagurutse aha iwe, azanywe no guhindura igihugu cyawe umwirare, n'imidugudu yawe ikaba imisaka itagira uyituyemo. Yeremiya 4:7

Intare ifite amababa nk'ay'ikizu, ibi byerekeza ku kindi kimenyetso cya Babuloni. Ubushakashatsi bwifashisha ibisigazwa bya kera bwagaragaje ko intare ifite amababa nk'ay'ikizu cyari ikimenyetso akenshi cyakoreshejwe mu bishushanyo bibajwe n'imitako by'i Babuloni. Ikindi kandi ikizu cyari ikimenyetso rusange cy'imana zuba, kubw'ibyo rero ubu butegetsi bugereranywa n'intare, buhabwa imbaraga n'iki kigirwamana cya gipagani.

Ikimenyetso cyo guhagarika amaguru yemye nk'umuntu, biganisha ku kwishyira hamwe kwa kimuntu n'ubu butegetsi mu kugomera Imana. Kubera ko idini ya Babuloni ari rwo rufatiro rw'amadini yose ya gipagani, Babuloni ihinduka ikimenyetso gihamye cy'ubuyobozi bw'uruhurirane rw'amadini azishyirira hamwe kurwanya Imana n'ubwoko bwayo ku mperuka y'ibihe.

Ubwo buyobozi bw'uruhurirane rw'amadini nibwo buzaba bugenzura ibizabaho ku mperuka y'ibihe, kandi ni bwo buvugwa muri Daniyeli 2 nk' ibirenge by'icyuma kivanze n'ibumba. Mu mahenka y'amateka y'iyi si, ubutegets busa na Babuloni buzaba na none bugenzura ibibaho ku isi, kandi mu gitabo cy'Ibyahishuwe naho tuzahabona ikimenyetso cy'intare gifitanye isano na Antikristo.

Ubwami bukurikiraho mu mateka ni ubw'Abamedi n'Abaperesi:

Ndongera mbona indi nyamaswa ya kabiri isa n'idubu yegutse uruhande rumwe, kandi yari itambitse imbavu eshatu mu mikaka yayo. Barayibwira bati "Byuka uconshomere inyama nyinshyi." Daniyeli 7:5

Ubutegetsu bwashyirahamwe babuloni aha bugereranywa n'idubu. Idubu yari yegutse uruhande rumwe, bikaba byerekeza ku busumbane mu by'ububasha hagati y'Abamedi n'Abaperesi, amashyamba abiri yishyiriyeho hamwe gutembagaza ubwami bwa Babuloni. Birashoboka ko iyi mikaka itatu yaba yerekeza ku bitero bitatu byagabwe ngo ishyamba ry'igihangange babuloni ribashe guhanguka: Igitero cyo kuri Lidiya, Egiputa no kuri Babuloni ubwayo, byabashije kwigarurirwa n'ingabo za Kuro Ukomeye. Ubwinshi bw'ibiri muri ubu buhanuzi nyanamuntu bw'amateka kandi bishushanywa ibizaza, kuri twe ni igitabo cy'amasomo kubw'ibintu bikomeye byenda kuba ku mperuka y'ibihe. Babuloni, umutegetsu w'amahanga, umutwe w'izahabu, icyicaro cy'ububasha mu by'idini na politiki yajegere amahanga. Yashyirahamwe Yerusalemu kandi abantu b'Imana ibagira abanyagano. Igihe cyari kigeze ngo ubu bwami buhanguke, kandi Kuro ni we wari waratoranijwe n'Imana kugira ngo asohoze kino gikorwa cy'ubutwari. Igihe kirekire mbere y'uko avuka, umuhanuzi Yesaya yise Kuro uwimikishijwe amavuta n'Uwiteka maze abihanura muri aya magambo:

Ibi ni byo Uwiteka abwira Kuro, uwo yimikishije amavuta ati "Ni we mfashye ukuboko kw'iburyo nkamuneshereza amahanga ari imbere ye, kandi nzakenyuruza abami kugira ngo mukingurire inzugi, kandi n'amarembo ntazugarirwa." Yesaya 45:1

Ahanura ibya Mesiya, uwo muhanuzi yaranditse ati:

Umwuka w'Umwami Imana ari kuri jye, kuko Uwiteka yashyirahamwe amavuta ngo mbwirize abagwanye ubutumwa bwiza, yatumye kuvura abafite imvune mu mutima no kumenyesha imbohe ko zibohowe, no gukingurira abari mu nzu y'imbohe. Yesaya 61:1

Kuro yashushanyaga Kristo. Yagombaga gushyira iherezo ku butegetsu bwa Babuloni kandi akabohora imbohe. Iteka ryaciye na Kuro ryavugaga ko Abisirayeli bagomba guhabwa umudendezo, kugira ngo basubire mu gihugu cya gakondo yabo nta kiguzi batanze. Ni muri ubwo buryo Kristo agiye guhangura Babuloni y'iby'umwuka ku iherezo ry'ibihe. Azabohora imbohe, azijyane muri Kanani yabo yo mu ijuru, kandi muri uko gucungurwa kwabo nta kiguzi bazishyura.

Ku migendo y'idini n'imihango y'Abanyababuloni, Abamedi n'Abaperesi bongeyeho gahunda yo kuramya ya Mithraism (soma Mitarayisime) hamwe n'inzego ndwi zayo zo kuyitoza abantu, ibyo bihinduka ibuye rikomeza imfuka muri gahunda yo kuramya izuba.

Iyo gahunda yo kuramya ifite inzego guhera hasi ujya hejuru. Abayigize banyuraga mu ruhererekane rw'inzego ndwi, buri rwego rukaba rwari rufite ikimenyetso cyihariye kandi kigahuzwa n'umwe mu mibumbe igaragiye izuba. Uhereye hasi ukagera hejuru, izo nzego zari: *Corax* (soma Korakisi = ikinyoni kinini cy'umukara, urwego ruhagarariye umugabane wa Mercure), *Nymphus* (soma Nemfusi = umukwe, urwego ruhagarariye Venusi, *Miles* (soma Mayilesi = umusirikari, urwego ruhagarariye Marisi), *Leo* (soma Liyo = intare, urwego

ruhagarariye Yupiteri), *Perses* (soma *Perise* = Umuperesi, urwego ruhagarariye Ukwezi), *Heliodromus* (soma *Heliyodoromusi* = intumwa y'Izuba, urwego ruhagarariye Izuba), hanyuma hakaza *Pater* (data = urwego ruhagarariye Saturne).

Iyo uwamenyerezwaga yabaga ageze ku rwego rwa nyuma, *Pater* cyangwa data, yashoboraga kuba umuyobozi w'itsinda ry'abayoboke. Hari ibintu bibiri by'uwo muhango wa mitarayike bikwiriye kwitabwaho: icya mbere, uwabaga amenyerezwa muri uyu muhango, byashobokaga ko aba umuyoboke wa gahunda yo kuramya irenze imwe. icya kabiri, abagore ntibari bemerewe kuba mu bamenyerezwa.

Nyuma y'Abamedi n'Abaperesi, ubutegetsu bwa gatatu bwagombaga guhaguruka bugatega isi. Amateka atubwira ko Abagiriki ari bo basimbuye ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi:

"Hanyuma y'ibyo mbona indi nyamaswa isa n'ingwe, ku mugongo wayo yari ifite amababa ane asa n'ay'igisiga, kandi yari ifite imitwe ine, ihabwa ubutware." Daniyeli 7: 6

Muri Daniyeli 8 mu bundi buhanuzi buvuga ibyo gusimbura n'ibikorwa by'ubu bwami bwo mu isi, tuhasoma ko Ubugereki bwagombaga guhangura ubwami bw'aba Medi n'Abaperesi, kandi nabwo bukaza kwigabanyamo ubwami buto bune mbere y'uko bukurwaho n'Ubwami bw'Abaromani. Kubw'uko kwigabanyamo ubwami bune, bisobanurwa n'ingwe ifite imitwe ine n'amababa ane yo muri Daniyeli 7. Ikimenyetso cy'ingwe ni ikimenyetso kiranga neza ubwami bw'Ubugiriki ubirebeye mu kwihuta kwabwo mu kwigarurira amahanga.

Ubugiriki buvugwa muri Daniyeli 8 ntabwo bukwiriye kwitiranywa n'Ubugiriki bwo mu gihe cya kera bwabanjirije ukugwa k'Ubuperesi, ahubwo bwerekeza ku bwami bw'igice cy'ubugiriki bwa Masedoniya bwategukwaga na Alexandre Ukomwe wahosheje imyivumbagatanyo mu mugi ya leta y'Ubugiriki na Thrace (soma Tarase), kandi ni we wabaye "umwami wa mbere" w'Ubugiriki. Alexandre ubwe yatangaje ko abaye umusimbura w'Abafarawo, kandi ingabo ze zamuhaye umwanya w'ibisengwa maze bakamuramya nk'imana yabo. Imwe mu ntego z'ibanze z'Alexandre yari ugusakaza umuco n'inyurabwenge(filosofiya) by'Abagiriki mu bwami bwe hose. Idini ya Kigiriki yongeye byinshi mu kunoza, mu migendo, ndetse no mu mihango bikorwa muri gahunda zo kuramya zo ku isi. Gahunda yo kuramya ya Bacchus (soma Bakusi), ibitekerezo bya kera by'imirwano y'ibigirwamana no kuramya ibigirwamanakazi byabaye gikwira mu byiciro byose by'abatuye isi.

Hanyuma, Bibiliya yahanuye iby'Ubwami bwa kane bwagombaga gutegeka isi:

"Hanyuma y'ibyo nitegereje mu byo neretswe nijoro, mbona inyamaswa ya kane iteye ubwoba y'inyamaboko n'imbaraga byinshi cyane. Yari ifite imikaka minini y'ibyuma, iconshomera ibintu irabimenagura, ibisigaye ibisiribangisha amajanja yayo. Ariko yari ifite itandukaniro n'izindi nyamaswa zose zayibanjirije, kandi yari ifite amahembe cumi." Daniyeli 7:7

Inyamaswa ya kane igoye kuvuga imiterere yayo. Iteye ubwoba, ni inyamaboko n'imbaraga byinshi cyane. Ni ubwami bwagombaga kuzuza igikombe cyo gukiranirwa.

Nubwo ingoma y'Abaromani yagombaga kwigabanyamo, icyuma cyagombaga kugumaho kugeza igihe kirimburiwe n'ibuye.

Ubu bwami bune, bwakurikiranye bumwe nyuma y'ubundi, busa neza n'ubuvugwa n'igishushanyo cya Daniyeli 2.

Umutwe wa zahabu	BABULONI	Intare ifite amababa (Dan 7:4)
Igituza n'amaboko by'ifeza	ABAMEDI N'ABAPERESI	Idubu n'imikaka (Dan 7:5)
Inda n'ibibero by'ifeza	UBUGIRIKI	Ingwe (Dan 7:6)
Amaguru y'icyuma	ABAROMANI	Inyamaswa iteye ubwoba (Dan. 7:7)

Imbonerahamwe 4.1 - Twite ku isanishwa ry'ibimenyetso byo muri Daniyeli 2 na Daniyeli 7

Ku ngoma y'ubwami bwa nyuma, ari bwo bwa Roma, ugusakirana guheruka hagati y'ubwoko bw'indahemuka ku Mana n'abandi biyunze n'umwanzu niko kuzabyara intambara ya nyuma ya Harimagedoni. Ahasigaye rero ni ahacu ngo dusobanukirwe n'impamvu Roma igomba kuba ari bwo butegetsi buheruka mu gutegeka isi, no kumenya impamvu Roma ari yo izageza ku gipimo cyo gukiranirwa kitihanganirwa n'Imana. Ese ni iki kiranga ingoma ya Roma kizakurura irimbuka rya burundu, kandi ni iki ubuyobozi bw'uruhurirane rw'amadini yayobye bwakoze cyateye Imana gusuka ku nzoga y'umujinya wayo "yiteguwe idafunguwemo amazi" (Ibyahishuwe 14:10) – urwo ni urubanza rutarangwamo imbabazi.

Nubwo Inyamaswa ndetse n'ibyuma bigenda bikurikiranye kimwe nyuma y'ikindi, igishushanyo cyose (kigizwe n'umutwe wa zahabu, amaboko y'ifeza, n'ibibero by'umuringa) kirimburwa igihe ibuye rikubise ibirenge. Abamedi n'Abaperesi bahanguye Babuloni, ariko uburyo bwo kuramya bw'Abanyababuloni bwo ntibwakuweho, ahubwo icyakozwe ni ukubunoza babuhinduraho gatoya.

Muri ubwo buryo, ubwo Ubugiriki bwahanguraga ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi, amazina y'ibigirwamana yarahindutse ariko uburyo bwo kuramya bwakomeje kuba bumwe, kandi ibyo bigirwamana nibyo bakomeje kuramya no ku ngoma y'Abaromani, ariko mu mwambaro utandukanye. Mu minsi ya nyuma, ubuyobozi bw'abahakana Mana ni bwo buzaba bugenzura ibibaho ku isi, kandi ukuramya kwabo kuzarangwa n'ibyanze ukuramya kw'aya madini yo mu bihe byashize. Ubu buyobozi buziyambika kwiyoberanya kugira ngo bayobye n'intore niba bishoboka.

Dushingiye ku buryo ingoma zikurikirana muri Daniyeli 2, turabona ko inyamaswa iteye ubwoba yo muri Daniyeli 7 ishushanya ingoma y'Abaromani, kandi nubwo yigabanijemo andi mami cumi, ni yo Roma izategeka kugeza ku mperuka y'ibihe. Icyuma ntigihinduka, gitandukanywa gusa n'ibumba kandi ibirenge bifite amano icumi ahwanye n'amahembe cumi yo muri Daniyeli 7. Amahembe cumi, hakurikijwe ubuhanuzi, ni ubwami cumi buzaduka buvuye muri ubu bwami bw'Abaromani.

Kandi ayo mahembe cumi, muri ubwo bwami hazakomokamo abami cumi. Daniyeli 7:24

Ubwami cumi bwakomotse kuri Roma imaze kugwa, ni nabwo bushushanywa n'amanu cumi y'igishushanyo kivugwa muri Daniyeli 2, kandi ubwo bwami ni: Abositorogoti(Ostrogoths), Abavisigoti(Visigoths), Abafuranki (Franks), Abavandale(Vandals), Abasuwevi(Suevi), Abalamani(Alamani), Abangolo-Sakiso (AngloSaxons), Abaheruri(Heruli), Abalombaridi(Lombardi), n'Ababurugundyanzi(Burgundians). (Reba imbonerahamwe 4.2) Ubwo Daniyeli yitegerezagaga aya mahembe cumi, akandi gahembe gatoya kazameze hagati muri yo.

...muri yo hameze irindi hembe ritoya. Imbere yaryo hakurwa amahembe atatu mu yari asanzwe, kandi kuri iryo hembe mbonaho amaso asa n'ay'umuntu, n'akanwa kavuga ibikomeye. Daniyeli 7:8



Imbonerahamwe 4.2 – Amami cumi yigabanyije muri Roma y'Iburengerazuba

Muri uyu murongo, na none tuhabona amagambo yerekeza ku muntu nk'uko twari twabonye amagambo aganisha ku muntu usanishwa n'intare ifite amababa nk'ay'ikizu

ishushanya Babuloni. Ni Babuloni yayobeje abo mu isi ya kera binyuze mu buryo bwayo bwo kuramya (Iyi Babuloni ni igishushanyo), kandi ubutegetsu bugereranywa n'ihembe rito nabwo buzaba bufite ibiburanga bihwaye ni ibya Babuloni ariko ku rwego rw'isi yose (Iyi ni Babuloni ikomeye yashushanywaga na Babuloni ya mbere). Bwari ubutegetsu bwari gutuka Imana, buvuga amagambo akomeye, kandi bukayobya amahanga ku iherezo ry'ibihe. Inyigo ya Bibiliya NIV igaragaza ubu bubasha nk'antikristo kandi amagambo yo hasi ku rupapuro mu nshoza ya Bibiliya yitwa Douay (Bibiliya ya kiriziya Gatulika y'i Roma) ku murongo wa 8 igira iti:

Muri rusange uyu yumvikana nka Antikristo.

Ubutegetsu bw'ihembe ritoya nk'uko tuzabibona, burakura bugakomera kurusha ayandi yose kandi bukwiriye kubonwa nk'ihembe rikura riva ku buto rikagera ku gihagararo kinini cyane. Kubera ko ubutegetsu bw'ihembe ritoya bushushanya antikristo, ni ingenzi cyane ko tugaragaza mu buryo nyakuri ubu butegetsu. Uburyo dukoresha ni ubw'ihame ry'uko Bibiliya yisobanura ubwayo. Kandi ni ingenzi na none kumenya ko ijamba "anti" rifite ubusobanuro bubiri mu Kigiriki. Rishobora gusobanura "gihanganye" cyangwa rigasobanura "mu mwanya wa". Kandi ku kigero cya 75% cy'aho rikoresheye, ryerekeza cyane kuri "mu mwanya wa" kurusha kuri "gihanganye". Hari ibirango bisobanutse neza biranga ubutegetsu bw'iri hembe rito, kandi buri kirango cyose kigomba gukoreshwa kugira ngo ubu butegetsu busobanuke mu buryo bunoze.

Antikristo Agaragazwa

1. Yavutse mu gihe cy'inyamaswa ya kane.

Ubusobanuro bw'ububasha bw'ihembe rito bufitanye isano n'inyamaswa ya kane. Ibi ni ingenzi cyane, kuko hari abantu benshi bagira imyumvire ifititse kuri antikristo bagashaka kumuhuza na Antiochus Epiphanes IV, Umwami w'Umugiriki warenganiye Abayuda kandi agahumanya urusengero. Nyamara ibi ntibyahuza n'ubuhanuzi kubera ko antikristo agomba guturuka mu nyamaswa ya kane, ari yo butegetsu bwa Roma.

2. Ryameze "hagati mu" mahembe cumi. Umurongo wa 8.

Nitegereje ayo mahembe mbona muri yo hameze irindi hembe ritoya. Daniyeli 7:8

Murasanga ko iri hembe ritoya ryameze hagati mu yandi cumi, bishatse kuvuga ko ayo mahembe cumi yari asanzwe ahari ubwo ryameraga, kandi ayo cumi yose yari akiriho ubwo ryatungukaga.

3. Ryameze "nyuma" y'uko ayandi mahembe cumi abaho.

Kandi ayo mahembe cumi, muri ubwo bwami hazakomokamo abami cumi. Hanyuma yabo hazaza undi mwami...Daniyeli 7:24 (ahaciye akarongo ni ukubishimangira)

Ukuvuka kw'ubutegetsu bw'ihembe rito gukwiriye gushakirwa nyuma y'uko Roma yigabanyijemo ubwami cumi. Bisobanuye ko byabaye nyuma y'umwaka wa 476 Nyuma ya

Kristo, kandi ko iri hembe ryagiye rikura riva mu butoya, rigahinduka ihembe rinini rikomeye rihamye kugira ngo ibisabwa bibe byuzuye ngo ribe "ihembe", bisobanura umwami cyangwa ubwami.

4. Ryagombaga "kurandura amahembe atatu". Umurongo wa 8

...Imbere yaryo hakurwa amahembe atatu mu yari asanzwe...

Butatu muri bwa bwami cumi bwagombaga kurimburwa biturutse ku kagambane k'ubutegetsi bw'ihembe rito. Kubera ko iri hembe ryavutse nyuma y'uko Roma yigabanyijemo amaleta cumi atandukanye, (nyuma ya 476 nyuma ya Kristo.), ariko bikaba mbere yo kurimburwa kw'atatu muri yo (kuko ryameze hagati mu mahembe cumi), ubu noneho dufite igihe ndakuka cy'ivuka ry'ubutegetsi bwa antikristo. Kubera ko mu mwaka wa 538 nyuma ya Kristo Abaheruli, Abavandale, n'Abositorogoti bari bamaze gukurwaho, birerekana ko ubu butegetsi bw'ihembe rito bwavutse hagati ya 476 nyuma ya Kristo na 538 nyuma ya Kristo.

5. Ryagombaga gukomera kurusha ayandi mahembe.

...ryarushaga ayandi gukomera...Daniyeli 7:20

Ubutegetsi buhagarariwe n'ihembe rito bwabaye igihangange kurenza ubw'izindi leta. Ibi birerekeza ku mwanya w'ubuhangange mu bya politiki. Nubwo iri hembe ryakuze riva mu butoya ryagombaga guhinduka igihangange kuruta ubundi butegetsi bwose.

6. Ryagombaga kuba "ridasa" n'andi.

...ariko we ntazaba asa n'abo ba mbere...Daniyeli 7:24

Kuko ihembe ari umwami cyangwa ubwami, ihembe ritoya rigomba kuba rihagarariye umwami cyangwa ubwami budasa n'andi mahembe yabanje, avuga ubwami mu rwego rw'ubutegetsi bw'isi. Uburyo bwuzuye iri hembe ryari ryihariye bugaragara ari uko ibiriranga byose bimaze kwegeranywa, ibyo rero turabigarukaho hanyuma.

7. Ryagombaga kugira "Amaso asa n'ay'umuntu, n'akanwa kavuga ibikomeye byo kugomera Isumbabyose". Daniel 7: 8, 25

...kandi kuri iryo hembe mbonaho amaso asa n'ay'umuntu...Ni we uzavuga ibyo kugomera Isumbabyose. Daniyeli 7:8, 25.

Twamaze kuvuga ku byerekeranye n'umuntu n'ubusobanuro bifatanye na Babuloni. Ubutegetsi bw'ihembe ritoya ni umuntu wadutse uhangana n'Imana, kandi akavuga amagambo akomeye yo kugomera Imana. Ryerekeza ku butegetsi buhinyuza Imana budacyebacyeba kandi bwishyirira hejuru kwigomeka ku Mana. Muri Babuloni ya kera, umwami wa Babuloni yari ahagarariwe n'umutwe w'izahabu. Ububasha bwose bwari bwikubiwe n'umwami. Ijambo rye ryari itegeko, kandi yafatwaga nk'imana. Mu cyo byashushanyaga, birasa neza n'uko ububasha bwose bwajyaga kuzaba bwikubiwe n'umuntu umwe, kandi nk'umuvugizi w'ubwo butegetsi, akavuga amagambo yo gutuka Imana, kandi akiha umwanya udakwiriye umuntu upfa. Mu isezerano rishya, Bibiliya itanga ubusobanuro

bwo gutuka Imana cg kwigereranya n'Imana. Dusoma mu butumwa bwiza ko abayuda bashatse gutera Yesu amabuye inshuro ebyiri bavuga ko yigereranyije n'Imana.

... "Mwana wanjye, humura ibyaha byawe urabibabariwe." Abanditsi bamwe baribwira bati "Uyu arigereranije." Matayo 9:2-3

"Mwana wanjye, ibyaha byawe urabibabariwe."... "Ni iki gitumye uyu avuga atyo? Arigereranyije. Ni nde ushobora kubabarira ibyaha uretse Imana yonyine?" Mariko 2:5-7

... "Ku bw'imirimo myiza ntitugutera amabuye, ahubwo tuguhora kwigereranya, kuko uri umuntu ukigira Imana." Yohana 10:33

Mu buryo buhabanye n'ubwa Yesu, Umwana w'Imana kandi ku bw'ibyo akaba ashobora kubabarira ibyaha, ubutegetsu bw'ihembe ritoya ni ubutegetsu bwiyitirira ububasha bwo kubabarira ibyaha, maze ntibugire isoni zo kwishyira mu mwanya w'Imana. Yandikira Abanyatesalonike, Pawulo yavuze kuri iyi ngingo ku bijyanye na antikriso.

Ni umubisha wishyira hejuru y'icyitwa imana cyose cyangwa igisengwa, kugira ngo yicare mu rusengero rw'Imana, yiyerekane ko ari Imana. 2 Abatesalonike 2:4

8. Ryagombaga "kurwanya abera b'Imana."

...mbona iryo hembe rirwanya abera ryenda kubanesha. Daniyeli 7:21

Ubutegetsu bw'ihembe ritoya bwagombaga kuba ubutegetsu butoteza kandi buteza intambara, kandi bwaranzwe no gutoteza no kunegekaza abera b'Imana.

9. Ryagombaga "guhindura ibihe n'amategeko"

...Azigira inama zo guhindura ibihe n'amategeko. Daniyeli 7:25

Ni ibihe bihe n'amategeko byaba bishishikaje Imana mu buryo bwihariye? Nta gushidikanya ko byerekeza ku mategeko Imana ubwayo yishyiriyeho n'ibihe Imana ubwayo yishyiriyeho. Amategeko yigaragaza muri Bibiliya yose ni Amategeko cumi y'Imana. Guhindura ibihe n'amategeko rero, biravugaga ku kugerageza kwubahuka amategeko y'Imana n'ibihe byagenwe n'Imana maze umuntu akiha kubihindura.

10. Ryagombaga Kurenganya abera kugeza aho igihe n'ibihe n'igice cy'igihe bizashirira. Daniyeli 7:25

Kugira ngo usobanukirwe na bino bihe by'ubuhanuzi, ni ingenzi cyane gusobanukirwa n'ubusobanuro bwa Bibiliya ku gihe cya gihanuzi. Turaza gusobanura neza iby'ubu buhanuzi bw'ibihe imbere gato, ariko kuri ubu, reka tuvuge ko ubu butegetsu buzagira ububasha kandi bukazarenganya ubwoko bw'Imana mu gihe runaka kigenwe.

11. Rizaconshomera isi yose

Maze wa wundi arambwira ati 'Iyo nyamaswa ya kane izaba ubwami bwa kane ku isi, kandi buzaba budasa n'ubundi bwami bwose, buzaconshomera isi yose buyisiribange, buyimenagure. Daniyeli 7:23

Ubu buhanuzi bwerekeza ku ngoma ya Roma. Ariko Roma ya gipagani ntiyasohoje ubu buhanuzi uko bwakabaye. Nk'uko twabibonye mu kirango cya gatandatu, ubutegetsu bw'ihembe ritoya nibwo bwavutse buturuka mu bwami bwa Roma bwagombaga kuba butandukanye n'ubundi bwami bwose, kandi ubu butegetsu bwihariye ni bwo bwagombaga guconshomera isi yose. Ubuhanuzi buvuga ko ihembe rito ryagombaga kugira ububasha ku bami bo mu isi yose, ibi bikaba byerekeza ku butegetsu bya gipolitiki buzaba buriho ku iherezo ry'ibihe.

12. Rizateguka kugeza aho Umukuru nyir'ibihe byose azazira.

... kugeza aho Umukuru nyir'ibihe byose yaziye agatsindishiriza abera b'Isumbabyose. Igihe kirasohora abera bahabwa ubwami. Daniyeli 7:22

Ubu ni bumwe mu buhanuzi bwimbitse bwerekeye kuri antikristo. Antikristo yagombaga kwaduka mbere ya 538 nyuma ya Kristo. (itariki iheruka mu irandurwa rya butatu mu bwami cumi bwaturutse mu ngoma y'Abaromani), kandi yagombaga kuganza kugeza igihe Umukuru nyir'ibihe azazira - byerekeza ku kuza kwa kabiri kwa Kristo. Nta muntu nyirizina rero washoboraga gusohozza ubu buhanuzi, ahubwo ubutegetsu gusa ni bwo bwonyine bwashobora kurama igihe kirekire nk'icyo. Kubera ko bugaragazwa nk'ihembe, cyangwa umwami cyangwa ubwami hakurikijwe ubusobanuro bwa Bibiliya, bisobanuye rero ko turimo kuvuga ubwami hamwe n'abayobozi babwo, kandi bakaba bamaze igihe kirenga ikinyagihumbi n'igice bariho.

13. Rizanyagwa ubutware bwaryo

Hanyuma urubanza ruzashingwa, bazamunyaga ubutware ngo babumareho burimburwe kugeza ku mperuka. Daniyeli 7:26

Inkuru nziza ni uko Imana izanesha. Ubwo Kristo azagaruka, ubu butegetsu buzarimburwa maze Imana yimike ubwami bwayo butazigera buhanguka kandi butazarangwamo akarengane. Nta ndwara zizongera kurangwaho kandi Imana izahanagura amarira yose ku maso.

Uko byaba bibabaje kose ndetse binashenguye umutima, hari ubutegetsu bumwe gusa bwujuje ibimenyetso byose biranga rino hembere ritoya. Mbere yo kwinjira mu mizi, ni ingenzi cyane gutahura ko Bibiliya hano itavugaga abantu nyirizina, ko ahubwo ivugaga ubutegetsu bumaze igihe kirenga ikinyagihumbi n'igice bwiyitirira kuyobora imyumvire y'abantu.

Byongeye kandi, mu gihe runaka cyagenwe, bwari bufite ububasha bwo gushyiraho amategekoteka no kurenganya abantu bose bahisemo kubaha Imana n'Ijambo ryayo aho kumvira ubushake bw'umuntu. Kristo yapfiriye inyokomuntu yose kandi abantu bose bashobora gushyikira ubuntu bw'Imana binyuze muri We. Bibiliya ahangaha iravugaga ubutegetsu bukoresha nabi umwanya wabwo, kandi bukishyira mu cyimbo cy'Imana, bukibeshya ko bwakwigarurira icyicaro cy'Imana. Abantu bazabazwa n'Imana bijyanye n'umucyo bahawe. Mu guciraho iteka ubwo butegetsu, ntabwo Imana iciraho iteka abantu bari muri ubu butegetsu bakiranuka neza mu mucyo bafite kandi bagerageza kugirana isano ihamye n'Imana. Ariko nubwo bibabaje, ubutegetsu bwonyine bwujuje neza ibimenyetso biranga ihembe ritoya nk'uko bivugwa muri Daniyeli 7, ni ubutegetsu bw'Ubupapa. Mbere yo kuba wahakana ibi, ndashishikariza buri muntu wese kwiga ibyanditswe byera kandi asenga,

asaba kuyoborwa n’Imana, kandi hanyuma, kimwe na Pawulo, akibaza iki kibazo: *Maze ahinda umushyitsi kandi atangaye arabaza ati Mwami, **urashaka ko nkora iki?** Maze Umwami aramubwira ati:..haguruka ujye mu mudugudu, uzabwirwa ibyo ukwiriye gukora.”* Ibyakozwe 9:6

Antikristo Ahishurwa

1. Yaturutse mu nyamaswa ya kane

Roma itegekwa n’ubupapa yadutse ari ibisigarizwa bya Roma ya Gipagani. Umunyamateka C.C. Eckhardt (soma Ekiharidi) avuga ati:

Igihe ingoma ya Roma yasambukaga maze umwanya wayo ukigabanywa n’ubwami bubi bwitwaraga kinyeshyamba, itorero Gatolika ry’i Roma ntabwo ryahindutse leta yigenga mu by’iyobokamana gusa ahubwo no bindi bikorwa by’isi.1

Buri munyamateka yemera ko Roma y’Ubupapa yaturutse mu matongo y’Ubwami bwa Roma ya gipagani bwa kera. Thomas Hobbes, Umunyamateka w’Umwongereza aravugaga ati:

Uwashaka kugenzura inkomoko y’ubu ubutware bukomeye bw’iby’idini, byamworohera gutahura ko Ubupapa atari ikindi ahubwo ari umuzimu w’Ubwami bwa Roma bwapfuye, wicaye wambaye ikamba hejuru y’imva yabwo. 2

2. Yazamutse “hagati mu” mahembe cumi.

Antikristo yagombaga kuzamuka aturutse hagati mu mahembe cumi, agakura ava ku bwami buto kugera abaye igihangange kurusha ubundi bwami bwose. Ibi ni ukuri rwose ku byerekeye ubupapa. Nyuma yo kuvanga Ubukristo n’amadini ya gipagani yariho icyo gihe, umukuru w’itorero ry’i Roma yagize ububasha cyane ashyingikiwe n’abategeka b’ubwami bwa Roma.

Konsitante(Constantine) ni we wabaye umwami w’abami wa mbere wakirije yombi ubukristo, ariko yari yiyoberanije kuko yambaye umwenda wa gikristo bya nikize. Mu mwaka wa 533 nyuma ya Kristo, umwami w’abami Yusitini (Justinian) yaciye iteka ko umukuru wa kiriziya Gatolika y’i Roma abaye umuyobozi w’iby’imyizerere ya gikristo mu isi yose.

Kugira ngo yuzuze ibyangombwa byo kuba ihembe, ubu butegetsi bugomba kugira ibimenyetso biranga ubwami, kandi ibyo rwose Vatican irabyujuje kuko kugera n’uyu munsu Vatican izwi nka leta yigenga. Ikindi kandi, yaturutse mu bwami bwa Roma yaseniyutse. Umugabane w’uburayi tuzi muri iki gihe ni igisigarizwa cy’amahembe ya Roma.

3. Ryadutse “nyuma” y’uko amahembe cumi yari yarashyizweho.

Itorero Gatolika ry’i Roma ryagize ububasha cyane nyuma y’aho Konsitante yemereye ubukristo, ariko ntiyagenzuraga ibindi bikorwa bisanzwe by’iyi si kugeza igihe amategekoteka ya Yusiitini atangiriye gushyirwa mu bikorwa. Ububasha bw’umukuru w’itorero ry’i Roma bwagiye bwiyongera ni ruto ni ruto, kandi n’ubutware bwa Papa mu bikorwa bisanzwe by’iyi si bwazamutse nyuma yo gucikamo ibice kwa Roma muri 476 nyuma ya Kristo bikozwe n’Ababarubare(Barbarians). Ikinyamakuru cya Kiliziya Gatolika

yo muri Amerika (*The American Catholic Quarterly Review*, April 1911) kigira kiti: *Mu myaka myinshi ishize, kubwo kwirara kw'abami b'abami b'i Burayi bw'iburengerazuba, ubwo Roma yarekerwaga mu biganza by'amashyamba y'Ababarubari, abaturage ba Roma bahindukiriye umutegetsu umwe kugira ngo babone ubufasha n'uburinzi, maze bamwisabira kubayobora;...aho rero niho hatangiriye ubutware bw'igihe gito bw'abapapa. Bityo, bitonze bagera ku ntebe ya Kayizari, maze umusimbura wa Kristo ashyikira inkoni ya gishumba nuko abami b'abami, n'abami b'uburayi bose baramwunamira mu gihe cy'imyaka myishi.*

Andi magambo yakuwe mu nyandiko yitwa Ubwami bw'Abapapa (*The Papal Monarchy*), avuga ibi bikurikira:

Amahoro ya Roma yararangiye. Ni urujijo ahantu hose. Ariko ahantu hose Bishopu aca imanza mu rukiko, idini ni ryo rirengeraga ibisigaye byose bya gahunda ya kera. Roma nshya irazamuka buhoro buhoro iyogiterwinkingi. Ni umuragwa w'iby'idini, umwami w'abami ntakiriho... ariko Pontifex Maximus (bivugaga iteme rikomeye) igumye...Ubu ari mu cyimbo cya Kristo, ahaye imigenzereze ya kera imiryango yo mu majyaruguru. Abahindura abaganisha ku mahame ye, kandi bamukorera nk'abakorera se n'umucamanza w'ikirenga. Ubu ni ubwami bwa papa, mu bubasha bwabwo no kugwa kwabwo buzashushanya amateka y'Uburayi mu gihe cy'imyaka igihumbi. 3

4. Ryagombaga "kurandura" andi mahembe atatu.

Ubupapa bwonyine ni bwo bwujuje ubu busobanuro mw'irimburwa rya butatu mu bwami bugize Roma. Ibi bizwi mu bitabo by'amateka nk'intambara y'Abariyeni(Arian), kuko ubwami butatu, butigeze bwemera amategeko ya papa ku birebana n'ubumana bwa Kristo, bwararanduwe rwose maze burimburwa nta mpuhwe. N'ubwo amahame y'ubumana bwa Kristo yari ukuri, ariko uburyo bwo kuyagenderamo ntabwo bwari mu Mwuka wa Kristo. Abaheruli(Heruli) baratatanijwe burundu muri 493 nyuma ya Kristo, Abavandali(Vandals) muri 534 nyuma ya Kristo, n'Abositorogoti(Ostrogoths) muri 538 nyuma ya Kristo. Kwigarurira ubu bwami kwakomeje cyane amaboko y'ubupapa, maze muri 538 nyuma ya Kristo buba ubwami buganje igihe Umukuru wa kiriziya y'i Roma yicara ku ntebe y'ubupapa ahagarikiwe n'umujenerali w'Umuromani Vijilusi(Vigilus). Ubwo rero itariki yo gushingwa kw'ubupapa bw'i Roma nk'ubutegetsu bwigenga yashyirwa muri 538 nyuma ya Kristo.

5. Ryagombaga gukomera kurusha ayandi.

...Ryarushaga ayandi gukomera. Daniyeli 7:20

"Rikomeye kurusha ayandi" birerekeza ku bubasha bukomeye cyane ubupapa bwagaragaje mu bikorwa byabwo i Burayi kurusha ubundi butegetsu ubwo ari bwo bwose. Kuva muri 800 Nyuma ya Kristo ubwo Sharilemanyeye(Charlemagne) yambikwaga ikamba rya cyami na Papa, ubupapa bwagombaga kugira ububasha ku bami n'amahanga yose. "Ugukozwa isoni kwa Kanosa(Canossa)" kuvugwa muri Roma ya Mutagatifu Petero, ni ubwo mu 1077 nyuma ya Kristo, Heneriko IV(Henry IV), Umwami w'Ubudage, yahagaze mu rubura mu gihe cy'iminsi itatu yicuza, mbere y'uko yemererwa kwakirwa na Papa Gregori VII. Na none kandi, Umwami Yohana (John) w'Ubwongereza mu mwaka wa 1213 yahagaze

yambaye ubusa kuri pavoma y'imbaho zikonje za libuyu(Marble) ategereje kwemererwa kujya imbere ya Papa kugira ngo amusabe imbabazi. Ubuhamya bw'umukozi ukomeye wa kiriziya Gatolika:

*Umusimbura w'Umwana w'Imana wigize umuntu, umutambyi mukuru wasizwe amavuta kandi umutegetsu w'ikirenga, (Papa) yicaye mu rukiko rwe mu butabera ngo ace imanza hagati y'ishyamba n'irindi, hagati y'abaturage n'ibikomangoma, hagati y'umutware n'abo atwaye.*⁴

Umugorizi Luteri yaranditse ati:

*Ni ikintu giteye ishozi kubona umuntu yishyira mu mwanya w'uhagarariye Kristo, agaragaza ubuhangange butashyikirwa n'umwami w'abami habe n'umwe...Ni umwami w'isi, ni ko babivugaga; kandi Kristo ubwe yarivugiyeye ati, "Ubwami bwanjye si ubw'iyi si." Mbese ubutware bw'umusimbura bushobora kurenga ubw'umukuriye?*⁵

Ubupapa igihe cyose bugaragaza ko bufite uburenganzira bwo kwivanga mu bikorwa bya za leta. Ibihugu byagabanyijwemo hashingiwe ku mategekoteka ya Papa, kandi abami bimikwa cyangwa bagakurwaho kubw'amategokoteka ya Papa.

6. Ryari "ritandukanye" n'andi.

Ubupapa bwari butandukanye n'ubwami bwa gipagani bwabubanjirije kuko butari ubutegetsu bwa politiki gusa, ahubwo bwari ubutegetsu bukomatanyije iby'idini n'ibya politiki. Ku bijyanye n'uruhande rw'ibya politike rw'ubupapa, ni leta yemewe. icyicaro cyayo ni Vatikani, yuzuje ibikenewe byose nko kugira abarinzi b'uburyo bwayo, no gukoresha iposita yayo. Vatikani ni yo leta n'ubwami cyane kurusha izindi mu isi, ikaba iri ku buso bwa are 100 zonyine (bingana na km² 0.4), ariko ikaba ari imwe muri za leta zihagarariwe mu buryo bukomaye cyane ku isi. Abahagarariye Papa bafite icyicaro mu mirwa mikuru ikomeye yo mu isi, kandi n'ibi bihugu nabyo bikaba bifite ababihagarariye i Vatikani. Papa si umuyobozi mukuru wa kiriziya gusa, ahubwo ni n'umutegetsu w'igihe runaka wa leta y'ubupapa, ari yo Vatikani.

7. Ryari rifite "Amaso asa n'ay'umuntu, n'akanwa kavuga ibikomeye byo kugomera Imana". Daniyeli 7:8, 25

.....kuri iryo hembwe mbonaho amaso asa n'ay'umuntu, n'akanwa kavuga ibikomeye..... Ni we uzavugaga ibyo kugomera Isumbabyose. Daniyeli 7:8, 25

Mbese ubu bupapa bwaba bufite ibiburanga nk'ibyo mu mikorere yabwo mu by'idini na politiki? Ni byo, burabifite. Rimwe mu mazina y'icyubahiro ry'umukuru wa Roma mu Kilatini ni: "Episcopus Episcoporum" bisobanura "Umugenzuzi w'Abagenzuzi". Iyo havugwa ibyerekeye ubutegetsu bw'ihembwe ritoya, bisobanuye ikintu kinini kuba bwitiranywa cyo busanishwa n'umuntu. Iki kimenyetso ni na cyo cyakoreshwaga kuri Babuloni (intare).

... yemye nk'umuntu kandi ihabwa umutima nk'uw'umuntu. Daniyeli 7:4

Ububasha bw'ubupapa buri mu maboko y'umuntu umwe, ubutegetswe bwiswe ultramontanism (bivugaga utegekaga kugera no hirya y'imisozi biganisha ku kwishyira hejuru bikabije) Mu nama nkuru yabereye i Trent, uku ukwishyira hejuru gukabije (ultramontanism) kwahawe imbaraga nk'uko bigaragara muri iki gihe, kugera aho amategekoteka ya papa afatwa nk'amategekoteka y'Imana. Ihame ryo kutibeshya/kudateshuka kwa papa (infallibility) ryarushijeho kwagura iyi ngingo maze riha abapapa umwanya ugenewe Imana yonyine. Mu Byahishuwe igice cya 13, ubu butegetswe busobanurwa hano muri Daniyeli na none bugarukwaho mu buhanuzi, kandi ku bimenyetso biburanga bivugwa muri Daniyeli 7, hiyongeraho ko burangwa n'umubare 666, bivugwa ko "ari umubare w'umuntu." Mu gice kivugaga *Inyamaswa y'Ibyahishuwe 13*, iyi ngingo izavugwaho birambuye. Umugorozi Yohana Kaluvini (John Calvin) yavuze ibi bikurikira ku bupapa:

Ubwami bwe buzarangwa no kuvugaga amagambo akomeye, cyangwa yo kugomera Isumbabyose.6

Ni ubutegetswe bugomera cy butuka Imana. Nta bundi butegetswe ku isi bwigeze buhangara kwiha ubwo bubasha nk'ubupapa. Inama nkuru ya Kiliziya Gatolika ya Roma yabereye i Trent yatangaje ibikurikira:

Twemeje ko kiriziya ntagatifu n'umukuru wa Gatolika y'i Roma (Pontife) bafite ububasha ndashyikirwa ku isi yose.7

Ikindi kigaragaza guhangara cyavuye mu kanwa ka Papa Lewo XIII:

Duhagaze mu mwanya w'Imana Isumbabyose kuri iyi si.8

Mu kinyamakuru *The Catholic National*, cyo muri Nyakanga 1895, havugwamo ibi bikurikira:

Papa ntabwo ari uhagarariye Yesu Kristo gusa, ahubwo ni Yesu Kristo ubwe, wihishe mu mwabaro w'umubiri.

Izindi ngero z'amagambo yo gutuka Imana yerekeranye n'umwanya yihaye ku isi, ni izi zikurikira:

Papa afite icyubahiro cyinshi kandi ashyizwe hejuru cyane ku buryo atari umuntu gusa, ahubwo ni nk'Imana, kandi ni umusimbura w'Imana...Na we ni umwami mu bwami bw'ijuru ndetse ni umwami ukomeye w'ikirenga, n'umwami w'abami...Ku buryo bishobotse ko abamarayika bakosa mu byo kwizera, cyangwa bagatekereza ibihabanye no kwizera, bashobora gucirwa urubanza kandi bagacibwa na Papa. 9

Karidinali Bellarmine aravugaga ati:

Amazina yose yo mu Byanditswe akoreshwa kuri Kristo, ku bw'ibyo bikaba bihamya ko ari hejuru y'itorero, ayo mazina yose akoreshwa no kuri Papa.10

Nubwo Bibiliya isobanutse neza ku byerekeye amagambo yo gutuka Imana mu kwiha kubabarira ibyaha, Encyclopedia (soma Ansikolopediya) Gatolika ivugaga amagambo akurikira ku bubasha bwa Papa.

Ubu bubasha mu byo guca imanza buzaba bukubiyemo ndetse n'ubwo kubabarira ibyaha.11

Muri Gatigisimu y'idini Gatulika, habazwa iki kibazo:

IKIBAZO: Ese mu by'ukuri umupadiri ababarira ibyaha, cyangwa atangaza gusa ko ibyaha bibabariwe?

IGISUBIZO: Ni ukuri padiri ababarira ibyaha ku bw'ububasha ahabwa na Yesu Kristo.¹²

Mu nyandiko Icyubahiro n'Inshingano z'Umupadiri (*Dignity and Duty of the Priest*) hagira hati:

*Umupadiri afite ububasha bw'imfunguzo cyangwa ububasha bwo kurokora abanyabyaha akabakura mu muriro w'iteka, akabahindura abakwiriye kuba muri Paradizo, no kubahindura maze abari imbata za Satani akabagira abana b'Imana. Kandi Imana nayo ubwayo itegerezwa kubahiriza urubanza rwaciye n'umupadiri, byaba ari ukutababarira cyangwa kubabarira...Iyo Mikayile asanga Umukristo umutakambira agiye gupfa ngo amufashe, uwo mumalayika ukomeye ashobora kwirukana abadayimoni, ariko ntashobora kumubohora iminyururu imuboshye kugeza ubwo umupadiri aza akamubabarira.*¹³

Ntabwo ubupapa bwivuga ko buri mu mwanya w'Imana gusa, ahubwo bwigarurira umwanya w'Imana maze bugafata ububasha bwayo bw'ijuru bwo kubabarira ibyaha bya mwenemuntu. Ibi ni ugutuka Imana byo ku rwego rwo hejuru.

8. Ryagombaga "kurwanya abera b'Imana".

Ni ikintu cy'impamo mu mateka ko intambara zikomeye z'i Burayi zarwanywe bishingiye ku makimbirane y'iby'idini. Abaporotesitanti bo mu Burayi barenganijwe na Roma bikomeye cyane babura amahwemo. Uburayi bwashowe mu cyiswe "Intambara y'imyaka mirongo itatu" ndetse no mu "Ntambara y'imyaka Ijana" hagamijwe umugambi umwe rukumbi wo kurimbura Ubugorozi bw'Abaporotesitanti. Abawalidensi(Waldenses), Abalibigensazi(Albigensers), Abahuganotsi(Huguenots) bose barenganijwe bikomeye cyane, maze urukiko rudasanze rwa kiriziya gatolika y'i Roma rubategukere ibihano by'ubugome ndengakamere maze bigatangwa n'ibikomangoma by'i Burayi, ku bantu bose banze guca gupfukamira ububasha bukomaye bwa Roma. Mu mwaka wa 1200 Nyuma ya Kristo, Papa Inosenti III yategetse umwami w'Ubufaransa gutsemba Abalibigensazi(Albigensers) bitewe n'uko banze kwemera inyigisho za Papa, ahubwo bagafata Bibiliya yonyine nk'Ijambo ry'Imana ridakuka. Abanyamateka D'Augbigne (soma Obinye) na Wylie (soma Wili) bavuga ko abantu barenga miliyoni imwe b'inzirakarengane bishwe ingunga imwe. John Calvin, mu rwandiko yandikiye Umwami w'abami Karoli V yagize ati:

*Mpakanye ko atari uhagarariye Kristo, we uciraho iteka n'ubukana bwinshi Ibyanditwe byera, akaba agaragaza mu myitwarire ye ko ari Antikristo.*¹⁴

Umugatulika uzwi cyane witwa Thomas Aquinas (soma Akwinasi) yavuze ko abemejwe icyaha cy'ubuhakanyi bw'amahame ya Roma bakwiriye kwicwa kimwe n'abandi bagizi ba nabi

bose, kubera ko ari abahimbahimba inyigisho zo kuyobya abantu. Mu kinyamakuru cya Kiliziya Gatulika dusomamo ibi bikurikira:

Ntiwashobora gushishikariza abantu gukiranukira Imana mu mitima binyuze mu kwitotombera amahano ya Kiliziya Gatulika...Ntitwigeze na rimwe twandika umurongo n'umwe mu koroshya cyangwa kugabanya ubukana bw'Urukiko rudasanze rwa kiriziya Gatolika (Inquisition). Ntitwigenze dutekereza ko rwari rukeneye kuvuganirwa.
15

Umunyamateka w'itorero, Philip Schaff (soma Filipe Shafu) yasobanuye ati:

*Dukurikije ibyo tuzi kugeza ubu, abapapa ntibigeze bavuga ijamba ryamagana ibyemezo bya kinyamaswa byashyirwaga mu bikorwa n'Inkiko za Espanye.*16

Umunyamateka Lecky (soma Leky) yaravuze ati:

Itorero rya Roma ryamennye amaraso y'inzirakarengane menshi cyane kurusha urundi rwego urwo ari rwo rwose rwigeze kubaho mu mateka ya mwenemuntu. 17

9. "Rizigira inama yo guhindura ibihe n'amategeko".

Ese ubupapa bwigeze bugerageza guhindura amategeko y'Imana no guhindagura ibihe byashyizweho n'Imana? Mu by'ukuri igisubizo ni "yego". Gatigisimu ya kiriziya Gatolika iyo ari yo yose izerekana ko amategeko y'Imana yahinduwe n'ubupapa. Uyigereranyije na Bibiliya bigaragaza ko Amategeko Cumi yahinduwe. Itegeko rya kabiri, ryerekeza ku bishushanyo n'ibigirwamana, ntiriboneka muri Gatigisimu ya kiriziya Gatulika. Kugira ngo bazibe icyo cyaho cy'iryo tegeko rimwe, irya cumi ryagabanyijwemo abiri. Itegeko rya kane ryerekeranye n'umunsi w'Isabato (ari ryo tegeko ryonyine rivuga ibijyanye n'igihe) rihinduka irya gatatu muri Gatigisimu ya kiriziya Gatulika, kandi umunsi wo kuramya ku bw'itegeko rya Papa ukurwa ku munsi wa karindwi ushyirwa ku munsi wa mbere w'icyumweru (Saturday ushyirwa kuri Sunday). Umuntu uzi byo kujya impaka washyigikiraga iby'ubupapa, Dr. Eck (soma Eki), ahuye na Luteri mu 1553, yaravuze ati:

Nta nyandiko n'imwe ivuga ikurwaho ry'Isabato n'ishyirwaho ry'umunsi wa Mbere mu butumwa bwiza cyangwa mu nyandiko za Pawulo - ndetse no muri Bibiliya yose; ku bw'ibyo rero, ibi byakozwe n'Itorero Gatolika rikomoka ku ntumwa ridashingiye ku Byanditswe. 18

Ikinyamakuru cyitwa World Catholic kigira giti:

*Itorero ryafashe inyurabwenge ya gipagani maze iyigira ingabo y'ibyo kwizera mu guhangana n'imyizerere y'abarwanya ibya Kristo. Ryafashe Umunsi wa Mbere wa gipagani riwuhindura Umunsi wa Mbere wa gikristo. Mu by'ukuri hari ikintu cyerekeye ubwami ku bijyanye n'izuba, birihindura ikimenyetso cya Yesu, Izuba ryo gukiranuka. Ku bw'ibyo itorero muri ibi bihugu rimeze nk'iryaavuze riti "tugumane izina rya kera rya gipagani, rihabwe ikuzo, ribe iryejejwe." Ubwo rero uwo munsi wa mbere wa gipagani wari umunsi weguriwe Balder, uhinduka umunsi wa mbere wa gikristo weguriwe Yesu.*19

Ikinyamakuru cyitwa Catholic mirror, cyo ku wa 23 Nzeri 1893 cyaravuze kiti:

Isabato ya Gikristo, ku bw'ibyo, kugeza uyu munsu ni urubyaro rwemewe rw'Itorero Gatulika, nk'umugeni w'Umwuka Wera, kandi nta jambo na rimwe ryo kubyamagana riturutse mu Baporotesitanti.

Padiri Enright (soma Enirayiti), mu kinyamakuru umurinzi (Sentinel), muri Kamena 1893 yagize ati:

Bibiliya iravuga iti: "Wibuke kweza umunsi w'Isabato". Itorero Gatulika riti "Oya! Ku bw'ubasha mpabwa n'ijuru, nkuyeho umunsi w'Isabato, kandi mbategetse kweza umunsi wa mbere w'icyumweru", maze kandi isi ya none yose ikunama nk'ikimenyetso cyo kubaha itegeko ry'Itorero Ryera Gatulika.

Catechismus Romanus, mu 1987, Igice cya 3, isubira mu magambo ya Papa Pius mu 1566:

Byanejeje itorero ry'Imana ko ukwizihiza umunsi w'Isabato kw'Abakristo byimurirwa ku munsu wa Nyagasani (Umunsi wa mbere).

Ubupapa bw'i Roma bwahinduye amategeko y'Imana maze ihindura amabwiriza, n'ubwo Bibiliya ivuga yeruye ku Mana iti "Kuko jyewe Uwiteka ntabwo mpinduka.... " Malaki 3:6

10. Abera bazarekerwa mu maboko ye kugeza aho igihe n'ibihe n'igice cy'igihe bizashirira.

...kandi bazarekerwa mu maboko ye kugeza aho igihe n'ibihe n'igice cy'igihe bizashirira. Daniyeli 7:25

Igihe ni umwaka, ubwo iyi mvugo yakoreshejwe ivuga igihe, ibihe n'igice cy'igihe bingana n'imyaka itatu n'igice. Abasemuzi bamwe ba Bibiliya bo muri ibi bihe bakoresha "imyaka itatu n'igice". Ku yandi magambo yo gushimangira iby'iki gihe, dushobora kujya mu Byahishuwe 12:14, ahakoreshe amagambo amwe n'ayo: "igihe, ibihe n'igice cy'igihe." Nyamara mu yindi mirongo, ibi bivugwa hakoreshejwe iyindi mvugo, maze uku kugereranya imirongo bikaduha ubusobanuro bunoze neza ku bijyanye na kino gihe kivugwa. Mu Byahishuwe 12:6, icyo gihe kivugwa nk' "Iminsi igihumbi na magana abiri na mirongo itandatu". Iyi ni iminsi 1260 ya gihanuzi cyangwa imyaka itatu n'igice ya gihanuzi. Mu buhanuzi bwa Bibiliya, umunsi uhagarariye umwaka. Mu Kubara 14:34 hagira hati:

Nk'uko iminsi ingana mwatatiyemo icyo gihugu uko ari mirongo ine, umunsi uzahwana n'umwaka. Ni yo muzamara muriho igihano cyo gukiranirwa kwanyu kwinshi uko imyaka ari mirongo ine.' (Reba na Ezekiyeli 4:6).

"Umunsi uzahwana n'umwaka." Ubwo rero, iminsi 1260 ihinduka imyaka 1260. Ijambo ryakoreshejwe hano rivuga igihe, ni ijambo ry'Irinyaramaya (Aramaic) IDAN risobanura umwaka wa gihanuzi ugizwe n'iminsi 360; ku bw'ibyo rero, "igihe, ibihe n'igice cy'igihe" byerekeza ku myaka ya gihanuzi itatu n'igice igizwe n'iminsi ya gihanuzi 1260. Ibi bishimangirwa tubigereranyije n'ubuhanuzi bwo mu Byahishuwe aho igihe cy'imyaka itatu n'igice cyanganyijwe n'iminsi 1260 ya gihanuzi, cyangwa imyaka isanzwe 1260.

Mu ncamake:

<i>IGIHE (UMWAKA)</i>	<i>= IMINSI 360 (Umwaka wa Kiyahudi)</i>
<i>N'IBIHE (RSV ivuga "IBIHE BIBIRI")</i>	<i>= IMINSI 720</i>
<i>N'IGICE CY'IGIHE</i>	<i>= <u>IMINSI 180</u></i>

IMINSI/Imyaka 1260

Ubupapa bwagombaga kuba ndashyikirwa mu kurenganya abera mu gihe cy'imyaka 1260. Uko kuba indashyikirwa kwa Papa kwemewe n'amategeko kwatangiye mu 538 nyuma ya Kristo, ubwo Umwami w'Abami Yunitini (Justinian) yazamuraga Umukuru w'itorero ry'i Roma akamugira Umuyobozi mukuru w'amatorero yose. Ibi bizwi nk'iteka rya Yunitini (Edict of Justinian). Wongeye imyaka 1260 kuri 538 nyuma ya Kristo, bitugeza mu 1798, uyu ukaba ari wo mwaka Papa yakuweho ubwo umujenerali w'umufaransa Beritsiye (Berthier), ku itegeko rya Napolewo (Napoleon), yafashe Papa akamujyana mu bunyage. Mu bigaragara Napolewo yashatse gukuraho burundu ubupapa, maze amezi hafi cumi n'umunani nyuma yaho, uwo mupapa yaje gupfira mu buhungiro mu mujyi wa Valence mu Bufaransa. Iki gikorwa cyashyize iherezo ku bubasha bwa papa mu bijyanye no gushyiraho amategekoteka y'ubutegetsi bw'ubupapa.

Mu isi yacu y'iki gihe, bimera nk'ibihungabanije benshi kuba Bibiliya igaragaza ubutegetsi bw'ubupapa nk'antikristo. Bwishyize mu mwanya wa Yesu Kristo ku isi, kandi buvuga ko bufite ubushobozi bwo guhuza umuntu n'Imana. Abagorizi b'ibirangirire bose bari bahuriye ku kwemeza ko ubupapa bw'i Roma ari bwo butegetsi bw'antikristo, kandi Ubugorizi bwabayeho ari inkurikizi zo kwemeza ibyo. Mu kwitandukanya na Roma kw'aba bagorizi, byatumye Bibiliya yongeye kuboneka igera kuri mwenemuntu na none, kandi benshi mu bagorizi bari biteguye no gutanga ubuzima bwabo aho guhakana ibyanditswe byera. Nyamara kandi Bibiliya yahanuye ko ubu butegetsi buzakomeza gutegeka kugeza ku iherezo aho Umukuru nyir'ibihe byose azazira, kandi ko buzongera gushyiraho amategekoteka arwanya amabwiriza y'Imana.

11. Rizaconshomera isi yose

Ubupapa bw'i Roma bwagombaga guhabwa ububasha budahangarwa bwari busanzwe bufite ku mahanga y'i Burayi mu igihe cyiswe Igihe "cy'umwijima", maze bukabugira ku rwego rw'isi yose ku iherezo ry'ibihe. Ubu buhanuzi butangaje buri gusohora uko bwakabaye, kandi binyuze mu mibanire y'amahanga no mu mishyikirano n'imyanzuro ifatwa n'inzego ziyobora isi, amahame n'amategekoteka y'ubupapa bizongera byemerwe nk'amategeko agenga amahanga. Abategetsi b'isi bahaye Roma ibyo yifuza kandi barayisingiza "nk'ububasha ndashyikirwa mu kubungabunga imibereho myiza y'abayuye isi". Roma ishimirwa kuba ari yo yashyize iherezo ku bukomunisiti (communism), kandi abayobozi b'amatorero bari kwemera ububasha ndashyikirwa bw'ubupapa mu mikorere y'iby'amadini. Izi ngingo ziratangaje cyane, kandi tuzazivugaho birambuye mu bice bizakurikiraho.

12. Rizategeka kugeza aho Umukuru nyir'ibihe byose azazira

Ubudahangarwa bw'ubupapa mu bihe by'umwijima bwakuweho by'igihe gito mu 1798 ubwo Napolewo yayogozaga Roma, maze Papa agafatwa akajyanwa mu bunyage. Roma yatakaje ubusugire bwayo, ariko yongera kubusubirana mu 1929, ubwo Mussolini yasubizaga ubupapa leta zabwo. Bibiliya yahanuye ko ubutegetsi bw'ihembe ritoya buzongera gusubirana

ubudahangarwa bwahoranye mu bihe by'umwijima. Ugusohora k'ubu buhanuzi kuzavugwaho mu gice kivuga *inyamaswa ebyiri zo mu Byahishuwe 13*.

Kuba ubutegetsu bw'ihembe ritoya bwaragombaga kubaho kugeza aho Umukuru nyir'ibihe byose yaziye, byerekana ukudashoboka kw'umyuvire yemewe na benshi ko Antiochus Epiphanes, umwami wo mu muryango wa Selucid wo mu Bugiriki wahumanyije urusengero rwa Yerusalemu, yaba ari we wabaye Antikristo. Iyi myuvire yemerwa na benshi bitwa *preterists (bahamya ko antikristo yabayeho cyera mbere ya Yesu)*, *ihabanye n'uko* Yesu, Pawulo na Yohana bose bavugaga antikristo nk'ubutegetsu bwo mu gihe kizaza. Ubupapa rero ni bwo bwonyine bwigaragaza neza mu gihe kivugwa muri Daniyeli 7.

13. Rizanyagwa ubutware bwaryo

Hanyuma urubanza ruzashingwa, bazamunyaga ubutware ngo babumareho burimburwe kugeza ku mperuka Daniel 7:26

Ibuye rizikubita ku birenge by'igishushanyo (igisa n'ikintu kizima nyamara ari baringa) maze kandi ubwami bwose n'imirimbo yabwo yo mu isi n'abiyita abanyabushobozi mu by'amadini byose bizajanjagurwa ubwo Umwami Nyir'ingabo azaba aje. Ukuyobya abantu bazarangira kandi Yesu aravugaga ati:

Ijuru n'isi bizashira, ariko amagambo yanjye ntazashira na hato. Matayo 24:35

Ntihakagire umuntu uboshya uburyo bwose, kuko uwo munsu utazaza kurya kwimura Imana kutabanje kubaho, kandi urya munyabugome atarahishurwa ari we mwana wo kurimbuka.

Ni umubisha wishyira hejuru y'icyitwa imana cyose cyangwa igisengwa, kugira ngo yicare mu rusengero rw'Imana, yiyerekane ko ari Imana.... Kuko amayoberane y'ubugome n'ubu atangiye gukora, ariko ntazahishurwa keretse uyabuza ubu akuweho. Ni bwo wa mugome azahishurwa, uwo Umwami Yesu azicisha umwuka uva mu kanwa ke, akamutsembesha kuboneka k'ukuza kwe. 2 Abatesalonike 2:3-4,7-8

Pawulo avugaga ko "hazabanza kubaho kwimura Imana" kw'Itorero. Ibi bisobanura ko Itorero rizagwa mu buhakanyi mbere y'uko "uwo munsu" ugera, byerekeza ku kuza kwa kabiri kwa Kristo. Umunyabugome cy'umuntu w'icyaha "uhanganye" n'Imana kandi wiha kuba mu mwanya w'Imana. Yicara mu rusengero rw'Imana, yiyerekana ubwe ko ari Imana. Uyu ni antikristo, uwishyira mu mwanya wa Kristo.

Pawulo yavuze ko "amayoberane y'ubugome" bwe yari yaratangiye gukora mu gihe cye, kandi yagombaga gukura kugera ahishuwe neza mbere yo kuza kwa kabiri k'Umwami. umunyamateka Philip Schaff, avugaga ku buhakanyi bw'itorero agira ati:

Nta torero...mu gihe cy'ubukristo ryigeze rirohama kugera hasi cyane nk'Itorero ry'Ikilatini mu kinyejana cya cumi.20

Ni nde wicara mu rusengero rw'Imana yerekana ko ari Imana? Umugorizi ukomeye w'umufaransa, John Calvin, yagaragaje Antikristo. Mu 1536, yaranditse ati:

Daniyeli na Pawulo bahanuye ko Antikristo yari kuzicara mu rusengero rw'Imana...Twemeza ko ari Papa...Abantu bamwe badutekerezanya ubukana

batunenga cyane ko dukabya iyo twita Umuyobozi wa Roma "Antikristo", ariko abatekereza batya ntabwo bemera ko iki kirego cyo gukeka gusa ari cyo barega na Pawulo ubwe, kuko twe dusubira mu byo yavuze.21


Martin Luther nawe yagaragaje Antikristo ashingiye kubyo yize ku rwandiko Pawulo yandikiye Abatesalonike, n'ibitabo by'ubuhanuzi bya Daniyeli n'Ibyahishuwe. Mu 1520, Luther Yandikiye inshuti ye magara Spalatin ati:

Mu bigaragara numva mboheye mu mpatanwa, kandi sinshobora kongera gushidikanya na gato ko Papa ari we Antikristo...kubera ko buri kintu cyose kiranga antikristo gihwanye neza n'uburyo bw'imibereho ya papa, ibikorwa bye, amagambo ye, ndetse n'amategeko ye.22

Calvin na Luther sibo bayobozi b'itorero bonyine bavumbuye antikristo. Umubare munini w'abagorozi nka Thomas Cranmer, John Wycliffe, John Huss, Jerome, Savonarola, John Knox na Melanchthon, bese bagaragaje antikristo nk'Ubupapa. Luther yareruye ati:

Ntabwo turi aba mbere basobanuye Ubupapa nk'ubwami bw'Antikristo...John Purvey, mu 1390 Nyuma ya Kristo yavuze mu kuri gusesuye atangaza uwo Papa ari we "Antikristo"... umuhamya rwose wagenwe n'Imana mbere y'igihe ngo yemeze amahame yacu.23

Umwirondoro w'antikristo wari uzwi n'abagorozi mu buryo bunonosoye. Banabishushanyije ku ibuye rimaniye hejuru y'inyubako y'urusengero rwa Ratshaus i Nurnberg (mu Budage), kugira ngo abazabaho mu bihe bizaza batazabyibagirwa. Ubu butegetsi bw'ubupapa bwagombaga kongera kwigaragaza na none mu mahenka y'amateka y'isi, kandi niba tudakwiriye gutwarwa n'imikorere y'ubuhenzi y'ubu butegetsi, dukeneye gushikama mu Byanditswe byera, kandi tukizera "Imana imwe, Umwami umwe, Umwami w'abami, Umutware utwara abatware, ari we Yesu Kristo Umucunguzi wacu.



Dan.7:25...IGIHE N'IBIHE N'IGICE CY'IGIHE
 Dan.12:7...IGIHE N'IBIHE N'IGICE CY'IGIHE
 Rev.11:2...AMEZI MIRONGO INE N'ABIRI
 Rev.11:3...IMINSI IGIHUMBI NA MAGANA ABIRI MIRONGO ITANDATU
 Rev.12:6...IMINSI IGIHUMBI NA MAGANA ABIRI MIRONGO ITANDATU
 Rev.12:14...IGIHE N'IBIHE N'IGICE CY'IGIHE
 Rev.13:5...AMEZI MIRONGO INE N'ABIRI



Ifoto ya 4.4 & 4.5- Nürnberg, Germany, mu mwaka wa 1524 wabaye umugi wa mbere wemeye amahame y'ubugorozi. Isi yose rero ntabwo izibagirwa impamvu bahisemo 'Sola Scriptura/Kuyoborwa na Bibiliya yonyine' na 'Sola Gracia/Ubuntu gusa', bakoze aya mashusho hejuru y'umuryango w'inzu yitwaga the Ratshaus (mu mujyi hagati). Iyi shusho iri hejuru i bumoso hariho intare ifite amababa yegeranye na Nebukadinezari, iragaragaza ko ubwo bwami bwari Babuloni kandi kuri iyo shusho i buryo hari idubu ifite imbavu 3 mu kanwa kayo iri hamwe na Kuro, yerekana ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi. Ku ishusho yo hepfo ibumoso hari ingwe ifite imitwe ine iri hamwe na Alegisandere Mukuru, iragaragaza ubwami bw'abagiriki, i buryo kuri iyo shusho yo hasi hari inyamaswa iteye ubwoba ifite amahembe 10 iri hamwe ya Kayizari Julius, ishushanya ubwami bwa Roma. Rimwe muri ayo mahembe 10 iragaragaza ubupapa bwambaye ikamba, bishushanya ubwami bw'ubupapa ko ari bwo gahembe gato. Ndetse no mu mwaka wa 1524, ukuri kugaragaza antikristo uwo ari we nkuko kwari kuzwi n'abakoze aya mashusho.



IBIHAMYA

- 1 Frank Breaden, New Pictorial Aid for Bible Study (Warburton: Signs Publishing Co., 1987).
- 2 J. Gaskin (ed.), Thomas Hobbes, Leviathan (Oxford University Press, 1998): 463.
- 3 William F. Barry, The Papal Monarchy (New York: G. P. Putnam's Sons, 1911): 45-46.

- 4 Cardinal Henry E. Manning, *The Temporal Power of the Vicar of Jesus Christ* (London: Burns & Lambert, 1862): 46. <http://books.google.ca/books?id=YM6kwzjmnTUC&printsec=frontcover#v=onepage&q&f=false>
- 5 J. H. Merle D'Aubigné, *History of the Reformation of the Sixteenth Century Volume 1* (Rapidan, VA: Hartland Publishers, 2006): 300. pdf.amazingdiscoveries.org/eBooks/HISTORY_OF_THE_REFORMATION.pdf
- 6 John Calvin, *Institutes of the Christian Religion Volume 2* (1536): 410.
- 7 *The Most Holy Councils*, Volume 13, Column 1167.
- 8 Pope Leo XIII, *Praeclara Gratulationis Publicae—The Reunion of Christendom* (Rome: 1894). <http://www.users.qwest.net/~slrorer/ReunionOfChristendom.htm>
- 9 F. Lucii Ferraris, “Papa (Pope),” *Prompta Bibliotheca Canonica Juridica Moralis Theologica* (Rome: 1890).
- 10 Cardinal Robert Bellarmine, *On the Authority of Councils Volume 2*: 266.
- 11 “The pope's universal coercive jurisdiction,” *Catholic Encyclopedia*. <http://www.newadvent.org/cathen/12260a.htm>
- 12 Joseph DeHarbe, *A Catechism of the Catholic Religion* (New York: The Catholic Publication Society, 1889): 150.
- 13 Alphonsus Liguori, Eugene Grimm (ed.), “Grandeur of the Priestly Power,” *Dignity and Duties of the Priest* (New York: 1889): 9. wallmell.webs.com/LiguoriDignityDutiesPriest.pdf
- 14 John Calvin, *The Necessity of Reforming the Church*. <http://books.google.ca/books?id=d0eoYSG7fIMC&printsec=frontcover#v=onepage&q&f=false>
- 15 *Western Watchman* (November 21, 1912).
- 16 Philip Schaff, *History of the Christian Church Volume 5* (New York: Charles Scribner and Co., 1870): 280.
- 17 William E. H. Lecky, “On Persecution: the History of Persecution,” *History of the Rise and Influence of the Spirit of Rationalism in Europe* (1865).
- 18 Dr. Johann Eck, *Enchiridion of Commonplaces against Luther and other Enemies of the Church* (translated, Baker Book House, 1979).
- 19 *Catholic World* (March 1894): 809.

- 20 Philip Schaff, *History of the Christian Church Volume 4* (Grand Rapids, MI: Christian Classics Ethereal Library): 176. amazingdiscoveries.org/addownload?resource_id=76
- 21 John Calvin, as quoted in Le Roy Edwin Froom, *Prophetic Faith of our Fathers Volume 2* (Washington D.C: Review and Herald, 1948): 437.
- 22 Martin Luther, *Schriften Volume 21a*, Column 234, as translated in George Waddington, *A History of the Reformation on the continent Volume 1* (1841).
- 23 Martin Luther, *Commentarius in Apocalypsin* (reprint). 24 Carl Conrad Eckhardt, *The Papacy and World Affairs* (Chicago: The University of Chicago Press, 1937): 1.

Igice cya 5:UBUGOME BW'IBIHE BYOSE

Mu Balewi 26, Imana irashishikariza Isirayeli kugendera mu nzira zayo inakora urutonde rw'imigisha bazasukirwa iturutse ku kubaha ndetse n'ibyago bizabageraho nibaramuka bafashe umwanzuro wo gutera Imana umugongo. Mu ntambara ikomeye iri hagati y'icyiza n'ikibi hari impande ebyiri gusa – rumwe ni uruhande rw'abagendera mu mahame ya gipagani ya Satani, urundi ni uruhande rw'abejejwe n'amaraso y'Igikomangoma Emanuweli. Ubupagani ni igikorwa cya Satani kirwanya ubutumwa bwiza. Bunyura mu byiyumviro, bureba ibifatika gusa, kandi kubera ko ari imikorere ishingiyeye ku ihame ryo gukizwa kubw'imirimo, bukurura cyane kamere yangiritse y'umuntu. Kubona, kwiyumvira, gukorakora, gukora, kubaho mu munezero, ibi ni ibintu bifatika mu myumvire y'umuntu, kandi kubera ibi, ubupagani bukurura abantu cyane kandi buteza akaga. Interuro itangira igaragaza urutonde rw'imigisha n'imivumo y'Imana, rwanditswe mu Balewi, ifite icyo ihishura cyane:

Ntimukareme ibigirwamana by'ubusa, ntimugashinge igishushanyo kibajwe cyangwa Inkingi y'amabuye, kandi ikibuye cyabajweho ibishushanyo ntimukagishyirire mu gihugu cyanyu, kugira ngo mwikubite imbere yacyo, kuko ndi Uwiteka Imana yanyu. Muje muziririza amasabato yanjye, mwubahe Ahera hanjye. Ndi Uwiteka. Abalewi 26:1-2

Mbere na mbere hari umuburo ubuzanya gusenga ibigirwamana, hanyuma hakaza ugushishikariza abantu kuziririza amasabato y'Uwiteka no kubaha Ubuturo bwe bwera. Kuramya ibishushanyo bihabanye cyane n'amabwiriza y'Imana. Isabato yo mu mategeko cumi n'amasabato yo mu mategeko y'imihango ni yo yatandukanyaga ubwoko bw'Imana n'andi mahanga yose, kandi akabahambira ku Mana nk'ubwoko bwayo bw'isezerano. Imana yise Isabato yo mu mategeko cumi ikimenyetso cyabo na yo by'iteka ryose, kubera ko ari yo ibeza. (Kuva 31:17). Ubuturo bwera bwerekanaga inzira igana ku gakiza binyuze mu gakiza kabonerwa mu maraso y'Umwana w'intama, atari agakiza kaboneka ku bw'imirimo. Ubuturo bwera butwigisha ko agakiza kadakomoka muri twe ubwacu. Ni impano y'Imana, kandi binyuze muri Yesu Kristo ni bwo gashobora kuboneka. Mbega igitekerezo gicisha bugufi umutima utarahindurwa mushya!

Amategeko cumi ni inyandiko igaragaza kamere y'Imana. Amategeko ane ya mbere yerekeza ku isano yacu n'Imana maze atandatu ya nyuma akerekeza ku isano yacu na bagenzi bacu. Hafashwe itegeko rimwe ukwaryo, hari ikintu cyihariye cyumvikana neza muri buri tegeko ryo muri aya mategeko. Impamvu tudakwiriye kwica, impamvu tutawiriye kubeshyana cyangwa kwibana zirumvikana neza. Kandi kwifuza ikintu cy'umuturanyi byateye umubabaro mwinshi mu mateka y'inyokomuntu.

Itegeko ry'Isabato ryo ritandukanye n'ayandi. Mu bitekerezo bya muntu nta kintu kigaragaza impamvu yumvikana kuri muri iri tegeko. Nta mpamvu yihariye ituma umuntu

akwiriye kweza Isabato y'umunsi wa karindwi, itari gusa ko Imana yabitegetse mu buryo bwihariye. Kurusha irindi tegeko rindi iryo ari ryo ryose, Isabato ni igipimo cyo kwizera. Itegeko ry'Isabato rikubiyemo ibintu bitari mu rindi tegeko iryo ari ryo ryose. Rivuga izina ry'utanga itegeko (Uwiteka cyangwa YHWH), Ahantu ubutware bwe buri (ijuru n'isi), Umwanya w'icyubahiro we (Umuremyi). Ibi bintu bitatu bigize ikizwi nk'ikimenyetso, kandi buha ububasha iri tegeko. Amategeko Cumi akura agaciro kayo mu kimenyetso cy'ubwami bw'Imana Muremyi, gikubiye mu itegeko ry'Isabato:

Wibuke kweza umunsi w'Isabato. Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari yo ukoreramo imirimo yawe yose, ariko uwa karindwi ni wo Sabato y'Uwiteka Imana yawe. Ntukagire umurimo wose uwukoraho, wowe ubwawe, cyangwa umuhungu wawe, cyangwa umukobwa wawe, cyangwa umugaragu wawe, cyangwa umuja wawe, cyangwa itungo ryawe, cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu. Kukuri mu minsi itandatu ari yo

Uwiteka (izina) **yaremeyemo** (Umuremyi) **ijuru n'isi** (aho ubutware bwe buri), **n'inyanja** **n'ibirimo byose**, akaruhukira ku wa karindwi. Ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w'Isabato, akaweza. Kuva 20:8-11

Mu bihe bya kera, abami basabwaga kwemeza ku mugaragaro amategekoteka n'amabwiriza bakoresheje ikimenyetso cya cyami. (Daniyeli 6:8, 1 Abami 21:8-11). Nta tegeko ryagiraga agaciro ridafatanyishijwe ikimenyetso cy'umwami. Byongeye kandi, naho haba hariho ikimenyetso cy'umwami, itegeko rigira agaciro gusa ahantu ubutware bwe buri. (Itegeko rya Canada ntiryakoreshwa mu Busuwisi. Amategekoteka yashyizweho na Perezida w'igihugu runaka nayo ni uko ntiryakoreshwa mu kindi gihugu). Ku bw'ibyo rero, birashoboka kuvuga ko nta kimenyetso, nta tegeko ryaba rifite agaciro aho ari ho hose. Ni kimwe no ku Mategeko Cumi.

Kugira ngo tubashe kumva neza ubusobanuro bw'Isabato, tugomba gusubira ku nkomoko yayo. Isabato yashyizweho mu irema (Itangiriro 2:1-3). Ubwo rero ntiyangijwe n'Abayuda, ahubwo itangirana no kuremwa kw'umuntu. Mu itegeko ry'Isabato, Isabato ni urwibutso rw'igikorwa cy'irema cy'Imana. No mu Gutegeka kwa kabiri, Isabato ifatwa nk'ikimenyetso cy'igikorwa cy'Imana cyo gucungura:

Kandi ujye wibuka yuko wari umuretwa mu gihugu cya Egiputa, Uwiteka Imana Yawe ikagukuzayo amaboko menshi n'ukuboko kurambutse. Ni cyo cyatumye Uwiteka Imana yawe igutegeka kuziririza umunsi w'Isabato. Gutegeka kwa kabiri 5:15

Ibiremhamuntu byose ni imbata z'icyaha, kandi binyuze muri Yesu Kristo, Imana yadukuye mu cyaha n'amaboko menshi n'ukuboko kurambutse. Ku bw'ibyo rero Isabato itubera urwibutso ruhoro rw'igikorwa cyo gucungura cy'Imana. Bibiliya itwigisha ko Kristo ubwe ari Umuremyi. (Abefeso 3:9, Abakolosayi 1:16, Abaheburayo 1:2). Isabato yari igipimo cyo kubaha (Kuva 16:45) n'ikimenyetso kizahoraho iteka ryose (Kuva 31:16-17).

Ubusobanuro bw'Isabato nk'igipimo ntabwo bikwiriye kumvikana nko gukabya. Imana yashoboraga kuba yarahisemo ikindi kimenyetso icyo ari cyo cyose ku gikorwa cyayo cy'irema, ariko yahisemo ikimenyetso kizahoraho mu bihe byose. Igihe ntigishobora gukurwaho mu buryo bumwe n'ubwo wakuraho kimenyetso cy'ikintu gifatika, nk'umujiye cyangwa ahantu hera, bishobora kurimburwa bigakurwaho.

Niba Kristo ubwe, Umuremyi, yarashyizeho Isabato ku bw'umuntu (Mariko 2:27), ubwo umuntu yakwibaza impamvu yayihindura? Mu by'ukuri, Yesu yakomezaga Isabato. Kandi yanakoresheje umunsi w'Isabato kugira ngo amenyekanishe inshingano ye ku isi (Luka 4:16,18,19, Yohana 9:14, Matayo 12:8,12, Luka 13:14-17). Muri Yesaya 42:21, umuhanuzi yari yarabivuze mbere ko Mesiya yari akwiriye kuza gukomeza amategeko, ntabwo ari ukuyahindura, cyangwa ko itakiriho cyangwa yataye agaciro. No muri Matayo 24:20, Yesu avugaga ku by'Isabato abihuza n'abantu bo mu gihe kizaza. Abigishwa ba Yesu nabo muri ubwo buryo bakomezaga umunsi w'Isabato. (Ibyakozwe 13:14,42;16:13;17:1-2;18:3-4,11). Abakristo, bagambiriye guhamya ko Isabato yavanywe ku munsi wa karindwi yimurirwa ku munsi wa mbere, bakoresha amasomo yanditse muri Bibiliya ahantu umunani kugira ngo bashyigikire iyi myumvire. Aya masomo ni aya:

Isomo rya mbere:

Nuko umunsi w'Isabato ushize, ku wa mbere w'iminsi irindwi, umuseke wenda gutambika, Mariya Magadalena na Mariya wundi bajya kureba cya gituro. Matayo 28:1

Ibi byanditswe nyuma y'umuzuko, kandi aya magambo uburyo yanditswemo nta na hamwe havugwa iby'ihinduka ry'umunsi w'Isabato.

Ingeri ya Bibiliya yitwa New English Bible (NEB) ivuga aya magambo muri ubu buryo:

Isabato yari yahise, kandi hari hafi mu museke ku cyumweru ubwo Mariya Magadalena na Mariya wundi baje kureba igituro.

Aho ingeri ya Bibiliya yitwa Authorized Version cyangwa King James Version ivuga "Umunsi wa Mbere w'icyumweru", Ingeri ya Bibiliya yitwa NEB ivuga "Sunday/ku cyumweru" ari wo munsi wa mbere.

Ibyanditswe mu mateka ku birebana n'uko ba Mariya bombi baje kureba igituro hafi mu museke ku munsi wa mbere n'ibyo Matayo yabereye umuhamya umwe rukumbi. Havugwa iminsi ibiri. Umwe uhabwa inyito yejeje, "Isabato irangiye", n'akandi gaciro k'umubare, "umunsi wa mbere w'icyumweru". Murabona neza ko umunsi wa mbere utatangiye kugeza ubwo "isabato yari irangiye". Kubera ko Isabato n'umunsi na Sunday (umunsi wa mbere w'icyumweru) igaragara hano, ni kuki Matayo atahuye ukwimura Isabato igakurwa ku munsi wa karindwi igashyirwa ku munsi wa mbere w'icyumweru nk'amabwiriza yera?

Ukwera k'umunsi w'icyumweru ari wo munsi wa mbere ntikugaragara hano, kandi ntikunasobanurwa haba mu murongo ubanza cyangwa ukurikira amagambo avugwa hano. Mu by'ukuri, Mariya ntiyasuye Yesu ku munsi w'Isabato, kubera ko yaruhutse bijyanye n'ibisabwa n'amategeko.

Basubirayo batunganya ibihumura neza n'imibavu. Kandi ku munsi w'Isabato bararuhuka nk'uko byategetswe. Luka 23:56 NKJV

Isomo rya kabiri:

Isabato ishize, Mariya Magadalena na Mariya nyina wa Yakobo na Salome Bagura ibihumuraneza ngo bajye kubimusiga. Nuko mu museke ku wa mbere w'iminsi irindwi baragenda, bagera ku gituro izuba rirashe. Mariko 16:1-2

Dukurikije iby'abahanga bavuze, ibi byanditswe na Mariko hafi imyaka icumi nyuma y'umuzuko. Mariko avuga kuri iki kintu cyabaye nk'uko byanasobanuwe na Matayo, kandi yemeranya na Matayo ko Isabato yari yarangiye. Na none, dufite igihamba cyo muri Bibiliya ko Isabato n' "icyumweru/umunsi wa mbere" ni iminsi ibiri inyuranye. Mu by'ukuri nta kwera Mariko ashya ku munsi wa mbere mu magambo ye. Aba bakurikiriraga Yesu hafi baje ku munsi wa mbere bazanywe no kugira icyo bakora -- igikorwa cy'umuhango cyo "gusiga" umubiri wa Yesu wabambwe imibavu n'ibihumura neza. Bari bazi ko nta kwera kwarangwaga kuri uwo munsi kandi bari biteguye gukora umurimo utanejeje.

Isomo rya gatatu:

Nuko amaze kuzuka mu museke ku wa mbere w'iminsi irindwi, abanza kubonekera Mariya Magadalena, uwo yirukanyemo abadayimoni barindwi. Mariko 16:9

Uyu murongo ugaragaza ko Kristo "yazutse kare mu museke ku wa mbere w'iminsi irindwi", ariko nta jambo na rimwe ryerekana ko icyumweru/Umunsi wa mbere ku bw'ibyo ukwiriye kuba Isabato nshya y'Abakristo.

Isomo rya kane:

Hari umunsi wo kwitegura, Isabato yenda gusohora. Nuko abagore bavanye na Yesu i Galilaya bamukurikiye, babona imva n'intumbi ye uko ihambwe. Basubirayo batunganya ibihumura neza n'imibavu. Kandi ku munsi w'Isabato bararuhuka nk'uko byategetswe. Ku wa mbere w'iminsi irindwi, kare mu museke, bajya ku gituro bajyanye bya bihumura neza batunganyije. Luka 23:54, 56; Luka 24:1.

Kristo yabambwe ku wa gatandatu mutagatifu nyuma ya saa sita mbere y’uko izuba rirenga kandi *“uwo muni wari uwo kwitegura, kandi Isabato yendaga gutangira.”*

Umuni wa gatandatu (Friday/Vendredi) witwaga uwo “Kwitegura”, bivuga ukwitegura Isabato. Isabato yendaga gusohora izuba rirenze. (Abalewi 23:23). Isabato yubahirizwaga kuwa ku wa gatandatu (Friday/Vendredi) nimugoroba kugeza ku wa karindwi (Samedi/Saturday) nimugoroba. Imana yagenye uko umuni ubarwa kuwa izuba rirenze kugeza na none izuba rirenze kandi ibyo ni ukuva ku ntangiriro z’amateka y’isi nk’uko tubisoma mu Itangiriro 1:5,8:

Buragoroba buracya uwo ni umuni wa mbere... buragoroba buracya uwo ni umuni wa kabiri....

Isomo rya gatanu:

Ku wa mbere w’iminsi irindwi, mu rubungabungo hatarabona Mariya Magdalena aza ku gituro, asanga igitare gikuwe ku gituro. Yohana 20:1

Twese tuzi neza ko ubutumwa bwiza bwa Matayo, Mariko, Luka na Yohana buvuye mu buryo buhwanye iby’umurimo wa Kristo ku isi. Ni yo mpamvu habayeho gusubiramo aya masomo ari hejuru. Nta kintu na kimwe kivugwa ku kwera k’umuni wa mbere, nta kintu kigaragaza ko umuni wa mbere ukwiriye gukomezwa nk’Isabato.

Isomo rya gatandatu:

Nuko kuri uwo muni bugorobye, ari wo wambere w’iminsi irindwi, abigishwa bari bateraniye mu nzu, inzugi zikinze kuko batinyaga Abayuda. Yesu araza ahagarara hagati yabo arababwira ati: ‘amahoro aye muri mwe’. Yohana 20:19

Iri somo nta cyo ritubwira ku kuba abigishwa bari bateranye bizihiza umuzuko wa Kristo. Mu kuri ahubwo n’amakuru y’umuzuko bayafataga ‘nk’ibihuha ntibayemera’. (Luka 24:11).

Abo ni Mariya Magdalena na Yohana, na Mariya nyina wa Yakobo, n’abandi bagore bari hamwe nabo babwira intumwa ibyo babonye. Ariko ayo magambo ababera nk’impuha ntibayemera. Luka 24:10-11

Nk’uko bigaragara neza muri Yohana 20:19, ‘inzugi zari zikinze’ kuko batari mu nama cyangwa se mu kwizihiza umuzuko wa Kristo, ahubwo ni uko ‘batinyaga abayuda’. Bari bihishe ko abayuda babarenganya. Bari bateranyijwe n’ubwoba ntabwo bari bateranyijwe no kuramya! Ese byaba ari ukuri ko Kristo yavuye mu gituro kuri pasika yo ku cyumweru, ibi nta gihamba na kimwe bifite cyo kuba twakwizihiza icyumweru kuko ari wo muni Kristo yazutseho. Bibiliya

yigisha ko *umubatizo* ari urwibutso rw'umuzuko wa Kristo – ntabwo ari icyumweru kitwibutsa umuzuko wa Kristo.

Isomo rya Karindwi:

*Na n'ubu amazi ni yo akibakiza namwe mu buryo bw'igishushanyo cyo kubatizwa....
Ribakirisha kuzuka kwa Kristo. 1 Petero 3:21(Nanone wareba Abaroma 6:3-4;
n'Abakolosayi 2:12)*

Mu gihe mu gitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa cyanditswe na Luka habonekamo gahunda zereyekeranye n'Isabato zigera kuri mirongo inani n'enye, hari umurongo umwe gusa uvuga "umunsi wa mbere" mu gitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa, kandi nta n'ubwo ushyigikira ibyo kweza uwo munsi wa mbere. Uwo murongo ni uyu:

Ku wa mbere w'iminsi irindwi duteranira kumanyagura imitsima, Pawulo arabaganirira ashaka kuvayo mu gitondo, akomeza amagambo ageza mu gicuku. Ibyakozwe 20:7

Ingeri ya Bibiliya yitwa New English Version yo igaragaza icyo gihe:

*Igihe abigishwa bateraniraga hamwe ngo bamanyagure imitsima, **ku munsi wa karindwi nijoro**, kugira ngo bamanyagure imitsima, Pawulo wagombaga kugenda ku munsi ukurikiyeho, arabaganirira, maze akomeza kuvuga kugeza saa sita z'ijoro. Ibyakozwe 20:7*

Uguteranira hamwe kwa nimugoroba kuvugwa ku munsi wa mbere w'icyumweru. Ibi bisobanura ko kuva Isabato irangiye izuba rirenze (Isabato kuva izuba rirenze ku munsi wa gatandatu/Friday/Vendredi kugeza izuba rirenze ku munsi wa karindwi/Samedi/Saturday nk'uko byari byavuzwe mbere), umunsi wa mbere w'icyumweru waratangiye hakurikijwe uko Bibiliya ibara. Ingeri ya Bibiliya yitwa New English Bible ibishyira mu mvugo yo muri iki gihe maze igakoresha aya magambo- "ku wa karindwi/Samedi/Saturday nijoro". Byanditse ko Pawulo yakomeje ikiganiro cye kugeza saa sita z'ijoro kuri uwo munsi wa karindwi. Umurongo wa 8 uravuga ngo:

Kandi hariho amatabaza menshi mu cyumba cyo hejuru, aho twari duteraniye.

Birumvikana neza ko Pawulo yari yabasuye abana nabo umunsi wose w'Isabato, kandi bamwemeza ko yagombaga kugumana nabo iryo joro agakomeza kubaganirira birambuye. Umurongo wa 11 w'icyo gice uravuga ngo:

*... abaganirira igihe kirekire **ageza mu museso**, ubwo abona kugenda.*

Pawulo ntabwo yahagumye ku muni wa mbere, nk'uko umuntu ashobora kubitekereza, iyo umunsi wa mbere uba warahawe ukwera. Mu by'ukuri igihe Isabato yari irangiye nibwo abigishwa bateraniye hamwe kugira ngo bamanyagure imitsima (gusangira ifunguro), kandi Pawulo yabaganiririyeyi kugeza mu museso (umunsi wa mbere/ Dimanche/ Sunday mu gitondo), hanyuma arahava akora urugendo rurerure agenda n'amaguru. Muri ubu buryo rero, yagenze hafi ibilometero 30 aya i Torowa agera Aso, aho yifatanijeyi n'abandi bavugabutumwaga bari mu bwato bwabo. Kuri uwo muni, bagiyeyi i Metulene-ahari intera y'ibilometero 65, kandi uru rugendo rwose rwakozweyi ku muni wa mbere/Dimanche/Sunday. (Ibyakozweyi 20:13-14). Aya masomo ubwo rero ashigikirayi ukwera kw'Isabato, ntabwo ari ukwera k'umunsi wa mbere/Dimanche/Sunday. Kuba bamanyaguriyeyi hamwe umutsima ku muni wa mbere akenshi bikoreshwaga nk'ibishigikirayi ukuramya ko ku muni wa mbere. Nyamara ibi ntabwo ari ko bimeze, kubera ko abigishwaga bateraniraga hamwe kumanyagura umutsima buri muni mu minsi yose igize icyumweru.

Kandi iminsi yose bakomezaga kuja mu rusengeru n'umutima uhuye, n'iwabo bakamanyagura umutsima bakarya bishimye, bafite imitima itishama. Ibyakozweyi 2:46
Guteranira hamwe basangira ntabwo byabaga gusa ku muni wa mbere/Sunday/Dimanche:

Uko muzajya murya uwo mutsima mukanywera kuri icyo gikombe muzaba mwerekana urupfu rw'Umwami Yesu kugeza aho azazira. 1 Abakorinto 11:26

Isomo rya munani:

Ku byerekeye ku byo gusonzoranyiriza abera impiya nk'uko nategetse amatorero y'i Galatiya, aha ari ko namwe mukora. Ku wa mbere w'iminsi irindwi hose, umuntu wese muri mwe abike iwe ibimushobokera nk'uko atunze, kugira ngo ubwo nzaza ataba ariho impiya zisonzoranywaga. 1 Abakorinto 16:1-2

Pawulo hano arerekaza kuri kimwe cya cumi n'amaturu bigenewe kugira uruhare mu murimo w'Imana. Ibi byagombaga gukorwaga buri muni wa mbere w'icyumweru. Kimwe n'ahandi hose ku isi, ku iherezoyi rya buri cyumweru (umunsi wa gatandatu/Friday/Vendredi), umukozi yahabwaga igihembo cyeyi. Pawulo yibandaga cyane ku kwera kw'Isabato ku buryo yatanze inama yo gushyira ku ruhande no kubara neza icya cumi n'amaturu bitagombaga gukorwaga mu gihe cyo kwitegura mbere y'isabato cyangwa ku muni w'Isabato. Yatanze inama ko ahubwo iki gukorwaga cyagombaga gukorwaga ku muni wa mbere w'icyumweru, ku buryo utakorwaho ibindi bintu by'agaciro gacyeyi mu cyumweru gikurikiyeho. Aho gupfobya Isabato, na none uyu murongo ushigikirayi Isabato.

Amasomo avugaga ku Muni w'Umwami

Amasomo yakunze gusubirwamo mu gushyigikira umunsi wa mbere/Dimanche/ Sunday nk'Isabato, nyamara akaba atavuga iby'umunsi w'icyumweru ni aya:

Ku munsi w'Umwami wacu nari ndi mu mwuka. Ibyahishuwe 1:10

Ni cyo gituma Umwana w'umuntu ari Umwami w'Isabato nayo. Mariko 2:28

Niba Kristo ari Umwami w'Isabato, ubwo birumvikana neza ko Isabato ari umunsi w'Umwami. Itegeko riyita *"Isabato y'Uwiteka Imana yawe." Kuva 20:10 (Reba na Yesaya 58:13)*

Isabato y'umwimerere, Umunsi wa Karindwi, ni umunsi w'Umwami. Nyamara mu murava wo guhatiriza ukwera k'umunsi wa mbere/Dimanche/Sunday, Bishop Silivesitiri mu mwaka wa 325 N.K. yakoresheje ijamba umunsi w'Umwami avuga umunsi wa mbere nta bubasha na bucyeye ashingiyeho bwo muri Bibiliya.

Undi murongo wundi wonyine werekeza ku munsi w'Umwami ni uw'umuhanuzi mu gitabo cya Yesaya, aho Isabato ivugwa nk'umunsi wera w'Umwami. (Yesaya 58:13)

Abakolosayi igice cya 2 n'Isabato

Kweza umunsi w'Isabato binengwa n'inzobere mu by'iyobokamana bo muri iki gihe bishingikiriza ku nyandiko za Pawulo zo mu Bakolosayi. Mu Bakolosayi 2:11-17, Pawulo aburira abakurikira Kristo ko batagomba kugira iyobokamana ryihambira ku mategeko. Yerekeza ku mategeko y'imihango yanditswe n'intoki yabambwe ku musaraba, maze hanyuma atanga uyu muburo ati:

Nuko rero ntihakagire ubacira urubanza ku bw'ibyo murya cyangwa ibyo munywa cyangwa ku bw'iminsi mikuru, cyangwa ku bwo kuziririza imboneko z'ukwezi, cyangwa amasabato, kuko ibyo ari igicucu cy'ibizaba, naho umubiri wabyo ufitwe na Kristo. Abakolosayi 2:16-18 NJKV

Aya mategeko avugwa aha ni amategeko y'imihango cyangwa amategeko y'igicucu yerekezaga ku murimo wa Kristo. (*wareba icyigisho cyitwa Umuvugizi wo mu gihe cyacu*). Amasabato avugwa ku murongo wa 16 avugirwa hamwe n'ibyo kurya, ibyo kunywa, n'ibyo iminsi mikuru Ntabwo havugwa rimwe mu mategeko 10. Ubwo rero Pawulo arasobanura ko amategeko y'imihango hamwe n'amasabato yose adasanzwe abona yasohorejwe muri Kristo, nk'uko abivugaga ku murongo wa 17. Isabato yo mu Mategeko Cumi ni urwibutso rw'irema n'icungurwa, kandi si igishushanyo cy'ibintu bizaza. Kristo ntiyakuyeho amategeko. Mu by'ukuri aravugaga ngo:

Mwitekereza ko naje gukuraho amategeko cyangwa ibyahanuwe. Sinaje kubikuraho, ahubwo naje kubisohozza. Matayo 5:17 NJKV

Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye. Yohana 14:15

Bibiliya itwigisha ko Imana idahinduka.

Ndi Uwiteka, simpinduka. Malaki 3:6

Nk'uko umuntu abibona neza mu ishusho 5.1, amategeko y'Imana ni inyandiko ya kamere yayo. Ntashobora na rimwe guhinduka, kugira iherezo, kimwe n'uko bitanashoboka ku Mana Ubwayo.

IKIGERERANYO CY'IMANA N'AMATEGEKO YAYO

IMANA

AMATEGEKO YAYO

Imana ni Umwuka Yohana 4:24	Amategeko yayo ni Umwuka. Abar.7:14
Imana ni Urukundo 1 Yohana 4:8	Amategeko yayo ni Urukundo. Mat. 22:37-40
Imana ni Ukuri Yohana 14:6	Amategeko yayo ni Ukuri. Zab. 119:142
Imana Irakiranuka 1 Abak.1:30	Amategeko yayo Arakiranuka. Zab. 119:172
Imana Irera Yesaya 6:3	Amategeko yayo Arera Abar. 7:12
Imana Iratunganye Mat.5:48	Amategeko yayo Aratunganye Zab. 19:7
Imana Ihoraho iteka ryose Zab.29:10	Amategeko yayo ni ay'iteka ryose Zab 111:7-8
Imana ni Nziza Luka 18:19	Amategeko yayo ni Meza Abar. 7:12
Imana ni Inyakuri Guteg 32:4	Amategeko yayo ni ay'Ukuri Abar 7:12
Imana Iraboneye 1 Yohana 3:3	Amategeko yayo Araboneye Zab 19:8
Imana Ntuhinduka... 1:17	Amategeko yayo Ntuhinduka Mat 5:18

Yesu n'Isabato

Ese Yesu yigeze ahindura amategeko cyangwa Isabato? Oya. Yumviye amategeko ya Se, kubera ko Yavuze ati:

...nk'uko nanjye nitondeye amategeko ya Data nkaguma mu rukundo rwe. Yohana 15:10

Yakomezaga Isabato dukurikije ibivugwa muri Luka 4:16:

Ajya i Nazareti... nk'uko yamenyereye, ku munsu w'Isabato yinjira mu isinagogi nk'uko yamenyereye.

Yanagaragaje kandi ko Isabato yagombaga kwezwa imyaka mirongo ine nyuma yo gupfira ku musaraba, igihe yavugaga ku byo guseniyuka kwa Yerusalemu kwagombaga kuzabaho, yaravuze ati:

Namwe musengere kugira ngo guhunga kwanyu (muva mu muji) kutazabaho mu mezi y'imbeho cyangwa ku Isabato. Matayo 24:20

Abigishwa n'Isabato

Abigishwa n'abakurikiye Kristo nta kintu na kimwe bigeze bigishwa ku byerekeye ihinduka ry'Isabato iva ku munsu wa Karindwi/Samedi/Saturday ikajya ku munsu wa mbere/Dimanche/Dunday, kubera ko nabo bakomezaga Isabato nk'uko ivugwa mu mategeko. Muri Luka 23:55-56 haratubwira ngo:

Nuko abagore bavanye na Yesu i Galilaya bamukurikiye, babona imva n'intumbi ye uko ihambwe, basubiraye batunganya ibihumura neza n'imibavu. Kandi ku munsu w'Isabato bararuhuka nk'uko byategetswe.

Nk'uko twamaze kubibona mu gice cya 2, amategeko yose ya kamere nziza y'Imana ashobora kuboneka asubiwemo mu Isezerano rishya. (Reba ishusho 2.2)

Ese Pawulo cyangwa intumwa bigeze bahindura Isabato bayikura ku munsu wa Karindwi/Samedi/Saturday bakayishyira ku munsu wa mbere/Dimanche/Sunday?

Ijambo ryahumetswe ry'Imana mu gitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa, nk'uko byanditswe na Luka, havuga inshuro 84 ko Pawulo na bagenzi be bubahirizaga isabato, nk'uko byari byagaragajwe mbere. Tubona ko mu Byakozwe 13:14:

Ariko bo bava i Peruga, bararomboreza bagera muri Antiyokiya y' i Pisidiya, Ku munsu w'Isabato binjira mu isinagogi baricara...

Ibi byabaye mu mwaka wa 45 N.K., imyaka cumi n'ine nyuma yo kuzuka kwa Kristo, kandi Pawulo n'abamwunganira bari bagikomeje gukomeza Isabato. Yagiye mu rusengero gusa kubwiriza Abayuda, kubera ko imirongo 42 na 44 yongeraho ibi bikurikira:

Bagisohoka, barabingira ngo bazongere kubabwira ayo magambo ku Isabato ikurikiyeho. Ku Isabato ikurikiraho, ab'umudugudu hafi ya bose bateranira kumva Ijambo ry'Imana. Ibyakozwe 13:42-44

Abanyamahanga nabo bakomezaga Isabato hamwe na Pawulo, kandi bategeraga amatwi “*ijambo ry’Imana.*” Nta kintu na kimwe kigaragaza impinduka kiboneka hano. Uretse n’ibyo gusengera mu masinagogi, no “*ku munsu w’Isabato... bava mu mudugudu baja ku mugezi inyuma y’irembo.*” Ibyakozwe 16:13 Ibi byabaye imyaka makumyabiri n’ibiri nyuma y’umuzuko, muri 53 N.K. Dukomeje gusoma, tugera ku Byakozwe 17:2:

Nuko Pawulo nk’uko yamenyereye yinjira muri bo, aya impaka nabo mu Byanditswe ku Masabato atatu.

Hanyuma:

...Pawulo aya muri Atenayi aya i Korinto. Agira impaka mu isinagogi Amasabato yose, yemeza Abayuda n’Abagiriki. Ibyakozwe 18:1,4

Umurongo wa cumi na rimwe wongeraho ibi:

Amarayo umwaka n’amezi atandatu, yigisha ijambo ry’Imana muri bo.

Kubera ko ibi byose byageze hose hamwe ku byumweru mirongo irindwi n’umunani, (yabwirije ku masabato 78), byakongera ku byavuzwe hejuru, biba amasabato 84 aya Ibyanditswe bivuga ko Pawulo na bagenzi be bateraniraga hamwe baramya.

Umunsi wa Karindwi/Samedi/Saturday, Isabato y’umunsi wa karindwi, wigishwa kandi uhabwa Abakristo muri Bibiliya yose, mu gihe ukwera ku munsi wa mbere/Dimanche/Dunday kutigishwa ahantu na hamwe muri Bibiliya yose. Niba Isabato itarahinduwe n’Imana cyangwa Kristo cyangwa Intumwa, ni nde wayihinduye? Dukwiriye kujya hanze y’Ibyanditswe Byera kugira ngo tumenye ibijyanye n’ihinduka ryo kuva ku munsi wa Karindwi ukajya ku munsi wa mbere.

Ububasha bwa Papa no guhindura isabato agashyiraho umunsi w’icyumweru.

Ubupapa ni bwo buyobozi bwonyine ku isi buhamya ko bwahinduye Isabato bukayisimbuza n’umunsi w’icyumweru. Umupadiri w’Umugatulika witwa T. Enright wo mu rwunge rw’amashuri ya Redemptor avuga amagambo akurikira mu kinyamakuru cyitwa “The American Sentinel”:

Narabikoze kandi mbisubiramo incuro nyinshi nemera guha amadolari 1000 umuntu uwo ari we wese washobora kumpamiriza ashingiye kuri Bibiliya gusa y’uko ntegetswe kweza Umunsi w’icyumweru. Iryo tegeko ntiriri muri Bibiliya. Ni itegeko rya kiriziya itunganye Gatulika. Bibiliya iravuga iti: “Wibuke kweza umunsi w’Isabato.” Idini Gatulika iravuga iti: “Oya-ku bw’ububasha bwanjye mvajuru nkuyeho umunsi w’Isabato, kandi mbategetse kweza umunsi wa mbere w’icyumweru.” Yooo! Maze abantu bose bumva ko

bateye imbere mu myumvire barunama mu kubaha itegeko rya Kiliziya itunganye Gatulika.²

Uwitwa James Cardinal Gibbons yatangaje ibi bikurikira:

Ushobora gusoma Bibiliya kuva mu Itangiriro kugeza mu Byahishuwe, nta na hamwe uzasanga umurongo n’umwe ukwemerera kweza Umunsi w’icyumweru/Sunday/Dimanche. Ibyanditswe bishimangira kubahiriza Umunsi wa Karindwi/Samedi/Saturday mu iyobokamana, umunsi twe (Abagatulika) tutajya tweza na rimwe.³

Kubahiriza Umunsi w’icyumweru ni gahunda yashyizweho na Kiliziya Gatulika, kandi inavuga ko kuwubahiriza bishobora gushyigikirwa gusa hashingiwe ku mahame y’idini Gatulika... Kuva mu ntangiriro kugeza mu iherezo ry’Ibyanditswe, nta hantu na hamwe hatanga uburenganzira bwo kwimura gahunda yo kuramya mu ruhamu mu cyumweru, igakurwa ku munsi wa nyuma w’icyumweru/Samedi/Saturday igashyirwa ku munsi wa mbere/Dimanche/Sunday.⁴

Kiriziya Gatulika, mu gihe kirenga imyaka igihumbi mbere y’uko habaho ubuporotesitanti, bashingiye ku ihame ry’ububasha bwaryo mvajuru, RYAHINDUYE Umunsi wo gusenga ho riwukura ku Munsi wa Karindwi/Samedi/Saturday riwushyira ku Munsi w’icyumweru/Dimanche/Sunday.⁵

Mu kinyamakuru cyitwa New Jersey News cyasohotse ku wa 18 Werurwe 1903, Padiri Brandy yashyizemo inyandiko igira iti:

Ni byiza kwibutsa Abaperesebiteriyene, Abametodisite, n’abandi bakristo ko Bibiliya itabashyigikira ahantu na hamwe mu kubahiriza umunsi w’icyumweru/Dimanche/Sunday. Umunsi wa Mbere nk’umunsi wo kuramya washyizweho n’Itorero Gatulika ry’i Roma kandi abandi bubahiriza uwo munsi, bumvira itegeko rya kiriziya Gatulika.

Ikinyamakuru “The Catholic Virginian cyo ku wa 3 Ukwakira 1917 cyatangaje ibi bikurikira:

Nta hantu na hamwe muri Bibiliya tubona Kristo cyangwa intumwa ze batanga itegeko ko Isabato ihindurwa ikava ku Munsi wa Karindwi/Samedi/Saturday ikajya ku munsi wa mbere/Dimanche/Sunday... Muri iki gihe, Abakristo benshi tweza umunsi wa mbere/Dimanche/Sunday kubera ko twabihishuriwe n’itorero (ry’i Roma) ridashingiye kuri Bibiliya.

Gatigisimu y’amahame gatulika agira ati:

Ikibazo: Umunsi w’Isabato ni uwuhe?

Igisubizo: Umunsi wa Karindwi/Samedi/Saturday ni wo munsi w'Isabato.

Ikibazo: Ni kuki tweza Umunsi w'icyumweru/Dimanche/Sunday mu cyimbo cy'Umunsi wa Karindwi?

Igisubizo: Dukomeza Umunsi w'icyumweru/Dimanche/Sunday mu cyimbo cy'Umunsi wa karindwi kubera ko Itorero Gatulika mu nama y'i Lawodokiya (336 N.K.) yimuye ukwera ku munsi wa karindwi igushyira ku munsi wa mbere.⁶

Ku wa 25 mutarama 1910, iyi gatigisimu yahawe umugisha na Papa Piyusi wa 11. Mu kinyamakuru cyitwa “The East African” (doreko itegeko ryabaye irya gatatu rivanwa ku mwanya wa kane nyuma y’uko bakuraho irya kabiri ribuzanya kurambya ibishushanyo). Uwiga gatigisimu arabazwa ati:

Ikibazo: Itegeko rya gatatu ni irihe?

Igisubizo: Itegeko rya gatatu ni “Wibuke kweza umunsi w'Isabato.”

Ikibazo: Ni iki dutegekwa n'itegeko rya gatatu?

Igisubizo: Mu itegeko rya gatatu dutegekwa kweza Umunsi w'icyumweru.⁷

Mu nyandiko yitwa “The New Revised Baltimore Catechism” tuhasoma ngo:

Itorero rya mbere ryahinduye umunsi wo kuramya riwukura ku munsi wa Karindwi/Samedi/Saturday riwushyira ku Munsi wa Mbere/Sunday/Dimanche ku bw'ububasha bwatanzwe na Kristo. Isezerano rishya nta hantu na hamwe rivuga ko intumwa zahinduye umunsi wo kuramya, ahubwo tubizi gusa mu migenzo.⁸

Ese mu by'ukuri umuyobozi wacu ni uwuhe -- ni Bibiliya cyangwa ni imigenzo? Ese ni iki Yesu yavuze kuri iyi ngingo?

Namwe n'iki gituma mucumurira itegeko ry'Imana imigenzo yanyu?... Nuko ijambo ry'Imana mwarihinduye ubusa ngo mukomeze imigenzo yanyu... Bansengera ubusa, kuko inyigisho bigisha ari amategeko y'abantu. Matayo 15:3, 6, 9

Kubera ko Isabato ari itegeko rishimangira ububasha bw'utanga amategeko, kuba iri tegeko ryarahindutse bifite icyo bisobanuye. Mu guhindura Isabato, harimo n'ihinduka ry'ububasha bw'utanga amategeko. Undi munsi uha ububasha ubundi buyobozi. Imana ntabwo iba ari yo Muyobozi, ahubwo ni uri mu mwanya wayo cyangwa uwigereranya ni we wigarurira ubwo bubasha bw'Imana. Indi mana ku isi yagerageje gusimbura Imana nyakuri.

Inyuma y'ububasha bwa Papa, hagomba kuba hari ububasha bwisumbuyeho, bw'igikomangoma cy'umuyaga cyari ikigirwamana cyaramywaga mu migenzo ya gipagani, mu kimenyetso cy'izuba. Cyari ikigirwamana cyihishe inyuma y'ibigaragara. Umunsi

w'icyumweru/Dimanche/Sunday wari umunsi wagenewe kuramya izuba. Pawulo we yabyise "ukuramya abadayimoni.

Uwo munsi wiswe 'Sunday/Icyumweru'...kubera ko uyu munsi kera wari waragenewe izuba, cyangwa ukurirama.⁹

Wiswe 'Sunday' kubera ko wari waragenewe ukuramya izuba.¹⁰

Sunday (Dies Solis mu ngengabihe y'Abaromani, 'umunsi w'izuba' Wari waragenewe izuba), umunsi wa mbere w'icyumweru.¹¹

Ubu ni ububasha bw'Abayahudi:

Umunsi abapagani muri rusange bageneye kuramya no guha ikuzo ikigirwamana cyabo gikuru, ari cyo izuba, dukurikije uburyo bwacu bwo kubara, uwo wari umunsi wa mbere w'icyumweru.¹²

Abadage ba kera cyane kuba bari abapagani, kandi bakaba bari bageneye umunsi wabo wa mbere w'icyumweru ukuramya kwihariye kw'izuba, mu gihe uwo munsi na n'ubu ukiri mu rurimi rwacu rw'Icyongereza wagumanye izina 'Sunday/umunsi w'izuba'.¹³

Mu gitabo cyitwa "encyclopedia of Biblical, Theological and Ecclesiastical Literature, haravugako ngo:

Birakwirirye kwemera ko nta tegeko na rimwe mu isezerano rishya rihamya umunsi w'icyumweru.¹⁴

Binyuze mu nyigisho zitwa 'Mithraism' (ukuramya izuba kw'Abaperesi) mu Bwami bw'Abaromani n'umugenzo wa gipagani wo ku munsi wa mbere w'icyumweru, itorero ritunganye rya Kristo ni ruto ni ruto ryagiye rigwa mu buhakanyi. Ndetse no mu minsi y'intumwa, ubuhakanyi bukomeye bwari bwaratangiye kwigaragaza. Pawulo yaranditse ati:

Kuko amayoberane y'ubugome n'ubu atangiye gukora. 2 Abatesalonike 2:7

Na none kandi yaravuze ati:

Nzi yuko nimara kuvaho, amasega aryana azabinjiramo ntababarire umukumbi. Kandi muri mwe ubwanyu hazaduka abavuga ibigoramye, kugira ngo bakururire abigishwa inyuma yabo. Ibyakozwe 20:29-3

Uku kuva mu kwizera kuzaguka kandi gukure kugere ku bipimo biri hejuru, nk'uko intumwa yabivuze. "Ukugwa" gukomeye, cyangwa ubuhakanyi, mu iherezo kuzahishura "uwo munyabugome"

... umwana wo kurimbuka. Ni umubisha wishyira hejuru y'icyitwa imana cyose cyangwa igisengwa, kugira ngo yicare mu rusengero rw'Imana, yiyerekane ko ari Imana. 2

Abatesalonike 2:3-4

Umunsi w'icyumweru mu by'ukuri wateye intambwe ntoya nk'umunsi wa gikristo w'ikiruhuko kugeza mu gihe cya Constantin (Konsitantine) ukomeye mu kinyejana cya kane. Constantin yari Umwami w'abami wa Roma kuva muri 305 N.K. kugeza muri 337 N.K. Kimwe mu gihangano cyubakiwe kumuhesha icyubahiro kubera ibikomeye yakoze, gihagaze mu ikuzo rye muri Roma hafi y'inyubako yitwa Colosseum. Yaramyaga izuba mu mwaka wa mbere ari ku ngoma. Hanyuma yaje kuvuga ko ahindutse umukristo, ariko yakomeje kuba ari umuyobohe w'abasenga izuba. Edward Gibbon, mu nyandiko ye yise "Decline and Fall of the Roman Empire/ Ugusubira inyuma no Kugwa k'ubwami bwa Roma" aravuga ati:

Izuba ryubahirizwaga mu buryo buzwi hose nk'umuyobozi utaneshwa kandi rikaba umurinzi wa Consitantine.¹⁵

Konsitantine yatangaje itegeko rya kera ry'Umunsi w'icyumweru rizwi mu mateka mu mwaka wa 321 N.K. riravuga ngo:

Ku munsi wubashywe w'izuba mujye mureka abacamanza n'abaturage baba mu mijyi baruhuke, kandi mureke inzu zikorerwamo imyuga zikingwe. Nyamara mu giturage, abantu bakora mu buhinzi bashobora gukomeza inshingano zabo mu mudendeko: kubera ko akenshi bijya bibaho ko undi munsi uba atari wo ukwiriye mu kubiba imbuto cyangwa gutera imizabibu, ku buryo mu kutita ku gihe gikwiriye cyo gukoreramo ibyo bikorwa ibyasezeranijwe n'ijuru byaburiramo.¹⁶

Muri Encyclopedia Britannica (umuzingo wa 11), "Sunday/icyumweru" bawusobanura mu buryo bukurikira:

Kwemera kweza umunsi w'icyumweru nk'inshingano isabwa n'amategeko ni itegeko shingiro rya Konsitantine ryo mu mwaka wa 321 N.K., ritegeka ko inkiko z'ubucamanza, abatuye imirwa, n'inzu zikorerwamo imyuga, byose byagombaga kuba mu kiruhuko ku munsi w'icyumweru (venerabili die solis bivuga umunsi w'izuba wubashywe), abahinzi bonyine niba bemererwaga gukora.

Muri Encyclopedia ya Chamber hasomwa ibi:

Ntagushidikanya itegeko ryo kuruhokwa umunsi wa mbere ryibazwaho, byaba mu by'idini cyangwa mu buyobozi busanzwe bwa leta, iryo tegeko ryerereza umunsi wa mbere, rizwi ko ryashyizweho na Konsitantine, mu mwaka wa 321 N.K.¹⁷

Hakurikijwe iri shyirwaho ry'itegeko rya mbere, abami b'abami n'abapapa mu binyejana byagiye bikurikirana bagiye bongeraho andi mategeko yo gushimangira ugukomeza Umunsi w'icyumweru.

Nyamara icyatangiye nk'amabwiriza ya gipagani, cyaje kurangira ari itegeko rya gikristo. Hafi y'itangazwa ry'iteka rya Konsitante hakurikiyeho inteko y'itorero yabereye ahitwa I Lawodokiya (hafi muri 364 N.K.) yavugiwemo ibi bikurikira:

Abakristo ntibakwiriye kwigana Abayahudi kandi ntibakwiriye kuba imburamukoro ku munsi wa Karindwi (Isabato), ahubwo bakwiriye gukora kuri uwo munsi: ariko ku munsi w'Umwami, mu buryo bwihariye bazajya baramya, kandi nk'Abakristo, niba bishoboka, ntibakwiriye gukora kuri uwo munsi. Nyamara nibasangwa bakora iby'Abayahudi, bazacibwa bakurwe kuri Kristo.¹⁸

Ubuhamya bwa giporotesitanti:

Igitekerezo cyo gusimbuza mu buryo buzwi (umunsi wa mbere ugasimbuzwa umunsi wa karindwi)... n'ibyawimuriweho, hagasimbuzwa isabato ivugwa mu itegeko rya kane, nta shingiro n'imwe bifite, byaba mu Byanditswe Byera cyangwa mu mateka ya kera ya gikristo.¹⁹

Augustus Neander, umunyamateka mu by' amatorero wubashywe cyane agira ati:

Kwizihiza umunsi w'icyumweru, kimwe n'indi minsi mikuru yose, iteka ryose byagiye bibaho bishingiye ku mategeko y'abantu, kandi ntibyigeze biba mu migambi y'intumwa kuba ryashyiraho itegeko nk'iri rytwa iritunganye; ndetse ntibyigeze biba no mu migambi y'itorero rya mbere ry'intumwa, kuba bahindura itegeko ry'isabato bakarisimbuza icyumweru.²⁰

Ntihigeze na rimwe habaho ihinduka ry'Isabato iva ku munsi wa Karindwi ikajya ku munsi w'icyumweru. Nta hantu na hamwe muri Bibiliya haba havuga amagambo yenda kugirana isano n'iryo hinduka.²¹

Ubuhamya bw'abitwa aba Congregationalist:

Birasobanutse neza ko uko dukoresha umunsi wa mbere w'icyumweru n'umurava mwinshi n'umutima wacu wose, ntituba turi kweza Isabato... Isabato yashyizweho bishingiye ku itegeko ry'Imana ryihariye. Ntitwagira rero itegeko na rimwe twishingikirizaho mu kubahiriza umunsi wa mbere (Dimanche/Sunday... Nta n'interuro ntoya yo mu Isezerano rishya itwereka ko hari igihano twahanishwa turamutse turetse kweza umunsi w'icyumweru.²²

Imyumvire yo muri iki gihe ivuga ko Kristo n'intumwa ze bakoresheje ububasha bwabo umunsi wa mbere bawusimbuje umunsi wa karindwi, ibyo nta kuri kubirimo kuko ntaho byanditswe mu Isezera rishya.²³

Ubuhamya bw'Ababatista:

Dr. Edward T. Hiscox, umwanditsi w'Indongozi y'Ababatista yaravuze ati:

Habayeho kandi hariho itegeko ryo kweza umunsi w'Isabato, ariko iyo Sabato ntiyari ku munsi w'icyumweru... Nyamara bizavugwa, kandi hari n'ibintu bigaragaza ko hari ukuganza, ko Isabato yakuwe ku munsi wa karindwi ishyirwa ku munsi wa mbere w'icyumweru...Ese ni he twasanga inyandiko ihamya ibyo? Ntabwo ari mu Isezerano rishya, si byo na gato. Nta gihamya na kimwe cyo mu Byanditswe Byera cy'ihinduka ry'isabato iva ku munsi wa karindwi igashyirwa ku munsi wa mbere w'icyumweru.

Mu nyandiko yasomewe imbere y'abavugabutumwa mu nama yabereye i New York ku wa 13 Ugushyingo 1893, Dr. Hiscox arakomeza ati:

Nzi neza rwose ko umunsi w'icyumweru watangiye kubahirizwa mu ntangiriro z'amateka ya gikristo nk'umunsi wo gusengwaho, nk'uko tubibona tubibwiwe n'Abapadiri b'Abakristo no kubisoma ku yandi masoko; ariko mbega ukuntu bibabaje ko ibyo byaje bifubikishijwe ikimenyetso cy'ubupagani kandi bihawe isura y'ubukristo n'izina ry'ikigirwamana-zuba, ubwo byemerwaga kandi bishimangirwa n'ubuhakanyi bw'ubupapa, kandi bitangwa nk'umurage wera ku buporotesitanti!

Ubuhamya bw'Abaluterani

Gukomeza umunsi w'Umwami (Umunsi w'icyumweru) ntigushingiye ku itegeko iryo ari ryo ryose ry'Imana, ahubwo ni ku bubasha bwa Kiriziya.²⁴

Ubuhamya bw'Abametodisite:

Ni iby'ukuri ko nta tegeko na rimwe rihamye rigena umubabatizo w'abana bato... kimwe n'uko nta tegeko na rimwe ririho ryo kweza umunsi wa mbere w'icyumweru.²⁵

Mugenzure iby'Umunsi w'icyumweru... nta hantu na hamwe habwira Abakristo Kweza uwo munsi cyangwa kwimurira Isabato y'Abayahudi kuri uwo munsi.²⁶

Ubuhamya bw'idini rya Episcopal:

*Ese haba hariho itegeko mu Isezerano rishya ryo guhindura umunsi w'ikiruhuko cya buri cyumweru riwukura ku munsi wa Karindwi rikawushyira ku munsi wa mbere? Nta na rimwe.*²⁷

Musenyeri Seymour arandika ati:

*Twakoze impinduka tuva ku munsi wa karindwi tujya ku munsi wa mbere, twashingiye ku bubasha bwa kiriziya itunganye Gatulika n'itorero ry'intumwa rya Kristo.*²⁸

Ubuhamya bw'Abaperesebiteriyeni:

*Ihinduka ry'umunsi wo gukomezwa ukava ku munsi wa nyuma w'icyumweru ukajya ku wa mbere, nta kintu cyanditswe, nta tegeko ryeruye, ritegeka iyo mpinduka.*²⁹

*Isabato ya Gikristo (icyumweru) ntiri mu Byanditswe, kandi nta n'ubwo yari n'isabato y'abari bagize itorero rya mbere.*³⁰

Ubuhamya bw'Itorero rya Kristo:

*Sinemera ko umunsi w'Umwami waje mu mwanya w'Isabato y'Abayahudi, cyangwa ko Isabato yahinduwe igakurwa ku wa karindwi igashyirwa ku munsi wa mbere.*³¹

David Lipscomb, umwanditsi wa Gospel Advocate, aravuga ati:

*Haribazwa ngo: Ni kuki mukomeza Isabato? Niba ari byo, inshuti zacu z'ubahiriza umunsi wa karindwi zivuga ukuri. Imana ntiyigeze na rimwe idutegeka undi munsi keretse umunsi wa karindwi/Samedi/Saturday wo kweza nk'umunsi w'Isabato. Ntiyigeze ihindura Isabato ngo ive ku munsi wa karindwi ijye ku munsi wa mbere w'icyumweru.*³²

Ubuhamya bw'Abangilikani:

*Abantu benshi batekereza ko Umunsi w'icyumweru ari Isabato, ariko haba mu Isezerano rishya ndetse no mu itorero rya mbere, nta kintu na kimwe kigaragaza ko dufite uburenganzira bwo guhindura kweza umunsi wa karindwi w'icyumweru ugasimbuzwa umunsi w'icyumweru. Isabato yari, kandi iracyari Umunsi wa Karindwi, si umunsi wa mbere, kandi niba iryo tegeko ritureba, ubwo twaba dukwiriye gukomeza Isabato kuri uwo munsi, si ku wundi munsi uwo ari wo wose.*³³

Hifashishijwe ubu buhamya bwose bw'Abaporotesitanti, ntibitangaje ko kiriziya Gatulika ya Roma ishobora kuvuga ngo:

Isabato ya Gikristo kugeza uyu muni ni ubutware bwa kiriziya gatulika, izwi nk'umufasha wa Mwuka Wera, kandi ibi nta jambo na rimwe rishobora kuvugwa n'abaprotestanti ryo kuyirwanya.³⁴

AMATEGEKO Y'IMANA

1

"Ntukagire izindi mana mu maso yanjye"

2

*Ntukiremere igishushanyo kibajwe, cyangwa igisa n'ishusho yose iri
hejuru mu ijuru, cyangwa hasi ku butaka, cyangwa mu mazi yo hepfo
y'ubutaka. Ntukabyikubite imbere, ntukabikorere kuko Uwiteka Imana
ndi Imana ifuha, mpora abana gukiranyirwa kwa ba se, nkageza ku
buzukuruza n'ubuvivi bw'abanyanga, nkababarira abankunda
bakitondera amategeko yanjye, nkageza ku buzukuruza babo b'ibihe
igihumbi.*

3

*"Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka Imana yawe, kuko Uwiteka Imana
atazamubara nk'utacumuye, uvugiye ubusa izina rye".*

4

*"Wibuke kweza umunsi w'Isabato. Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari
yo ukoramo imirimo yawe yose, ariko uwa karindwi ni
wo Sabato y'Uwiteka Imana yawe. Ntukagire umurimo wose
uwukoraho, wowe ubwawe, cyangwa umuhungu wawe, cyangwa
umukobwa wawe, cyangwa umugaragu wawe, cyangwa umuja wawe,
cyangwa itungo ryawe, cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu,
kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyeho ijuru n'isi n'inyanja
n'ibirimo byose, akaruhukira ku wa karindwi. Ni cyo cyatumye Uwiteka
aha umugisha umunsi w'Isabato, akaweza".*

5

*"Wubahe so na nyoko, kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana
yawe Iguha."*

6

"Ntukice."

7

"Ntugasambane."

8

"Ntukibe."

9

"Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe."

10

*"Ntukifuze inzu ya mugenzi wawe, ntukifuze umugore wa
mugenzi wawe, cyangwa umugaragu we, cyangwa umuja we,
cyangwa inka ye, cyangwa indogobe ye, cyangwa ikindi kintu
cyose cya mugenzi wawe."*

AMATEGEKO Y'IMANA

NK'UKO YAHINDUWE N'UMUNTU

1

Ndi Uwiteka Imana yawe. Ntukagire izindi mana mu maso yanjye.

(Itegeko rya kabiri rya kuwemo!)

2 (ryagombye kuba irya 3)

Nukavugire ubusa izina ry'Uwiteka Imana yawe.

3 (ryagombye kuba irya 4)

Wibuke kweza umunsi w'Isabato

(Itegeko ry'Isabato ryarahinduwe cyane!)

4 (ryagombye kuba irya 5)

Wubahe so na nyoko.

5 (ryagombye kuba irya 6)

Ntukice.

6 (ryagombye kuba irya 7)

Ntugasambane.

7 (ryagombye kuba irya 8)

Ntukibe.

8 (ryagombye kuba irya 9)

Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe.

9 (ryagombye kuba irya 10, umugabane wa mbere)

Ntukifuze umugore wa mugenzi wawe.

10 (ryagombye kuba ari irya 10, umugabane wa kabiri)

Ntukifuze ikintu icyo ari cyo cyose cya mugenzi wawe.

-byakuwe muri Gatigisimu Rusange Gatulika.

Ishusho 5.2

IBIHAMYA

- ¹ “Lesson 11: Sunday Observance and the Book of Revelation,” *Revelation Seminars* Exhibit #2.
http://battlecryministry.netadvent.org/revelation_seminarspage.htm
- ² T. Enright, *The American Sentinel* (NY: June 1, 1893): 173.
- ³ Cardinal James Gibbons, *The Faith of Our Fathers* (Ayers Publishing, 1978): 108.
- ⁴ *Catholic Press* (Sydney, Australia: August 25, 1900).
- ⁵ *Catholic Mirror* (September. 23, 1893).
http://pdf.amazingdiscoveries.org/References/TO/Romes_Challenge.pdf
- ⁶ Rev. Peter Geiermann, *The Converts’ Catechism of Catholic Doctrine* (1957): 50.
- ⁷ *The Catechism Simply Explained. Canon Cafferata*, New Revised Edition (1959): 84.
- ⁸ Rev. F.J. Connell, *The New Revised Baltimore Catechism* (1949): 139.
- ⁹ *Webster’s Online Dictionary*, <http://www.websters-online-dictionary.net/definition/sunday>
- ¹⁰ John McClintock and James Strong, "Sunday," *Biblical and Theological Encyclopedia*, as quoted in Ray Cottrell, *The True Sabbath* (1942): <http://www.bible-sabbath.com/Sabbath-Sunday/TheTrueSabbath-Cottrell.pdf>
- ¹¹ Johann Jacob Herzog and Phillip Schaff, “Sunday,” *The New Schaff- Herzog Encyclopedia of religious Knowledge*.
- ¹² David Jennings, *Antiquities* Chapter 3 Book 3 (London: Printed for J. Johnson & B. Davenport): 1766.
- ¹³ Richard Verstegan, *A Resitution of Decayed Intelligence: In Intiquites* (Ioyce Norton and Richard Whitaker, 1634): 10.
- ¹⁴ John McClintock and James Strong, *Cyclopedia of Biblical, Theological and Ecclesiastical Literature* Volume 9: 196.
- ¹⁵ . Edward Gibbon, *The history of the decline and fall of the Roman Empire* Volume 3 (London: 838): 237.
- ¹⁶ Philip Schaff, *History of the Christian Church* Volume 3 (Edinburgh: 1884): 380, note.
<http://books.google.ca/books?id=Z7kGAAAAQAAJ&>

- ¹⁷“Sabbath,” *Chamber’s Encyclopedia* Volume 11 (1982): 401, as quoted in *Bible Readings for the Home Circle* revised edition (Review¹³⁷and Herald Publishing Association, 1920).
<http://www.gutenberg.org/files/34520/34520-pdf.pdf>
- ¹⁸Rev. Charles Joseph Hefele, Henry N. Oxenham (trans.), *A History of the Church Councils from 326 to 429* Volume 2 (Edinburgh: T. and T. Clark, 1896): 316.
- ¹⁹William Smith and Samuel Cheetham, “Sabbath,” *A Dictionary of Christian Antiquities*: 1823.
- ²⁰Augustus Neander and Henry John Rose, *The History of the Christian Religion and the Church* (New York: Standford and Swords, 1848):186.
- ²¹John M. Vankirk, *Thirteen Chapters on First-Day Observance* (Iowa:Christian Index, 1898): 17-19.
<http://archive.org/stream/thirteenchapters00vank#page/18/mode/2up>
- ²²Dr. Robert William Dale, *The Ten Commandments* (London: Hodder and Stoughton, 1906): 100-101.http://quintapress.macmate.me/PDF_Books/RW_Dale/The_Ten_Commandments_v1.pdf
- ²³Dr. Lymen Abbott, *Christian Union* (June 26, 1890).
- ²⁴*Augsburg Confession*, as quoted in *Catholic Sabbath Manual* Part 2.
- ²⁵*M.E. Theological Compendium* (1865); 103.
- ²⁶Harris Franklin Rall, *Christian Advocate* (July 2, 1942): 26.
- ²⁷Manual of Christian Doctrine: 127.
- ²⁸Bishop Seymour, as quoted in Kevin Morgan, *Sabbath Rest* (TEACH Services, 2002): 13.
- ²⁹Nathan L. Rice, et al., *The Christian Sabbath* (New York: Robert Carter & Brothers, 1863). 60.
- ³⁰Timothy Dwight, *Theology* Volume 4: 401.
- ³¹Alexander Campbell, *Washington Reporter* (October 8, 1821).
- ³²David Lipscomb and E. G. Sewell, *Questions Answered* (McQuiddy Print Co., 1921): 558-559.
- ³³Rev. Lionel Beere, *Church and People* (Ponsonby, New Zealand: September 1, 1947).
- ³⁴James Cardinal Gibbons, *Catholic Mirror*, (September 23, 1883).

Igice cya 6:INTAMBARA IKOMEYE

Urugamba rwo kugira Ububasha busesuye ku bantu b’Imana

“Uko isi igaragara umuntu ayirebeye ku kwezi byaranshimishije cyane,” Ibi byavuzwe na Frank Borman, umwe mu bantu batatu bazengurutse ku kwezi bwa mbere.

Byari bigoye kwiyumvisha ko ako kantu gato (isi) kaba karimo ibibazo byinshi cyane, ibibabaza byinshi cyane, impagarara z’abaharanira inyungu z’ibihugu, inzara, intambara, ibyorezo, ibyo byose ntibigaragara iyo umuntu ari ku ntera nk’ iyo.¹

Frank Borman yabonye umugabane uri mu bwigomeke. Aiko se inkomoko y’uko kwigomeka ni iyihe? Uwigometse se ni nde?

Amateka y’ishyano mwenemuntu yagushije itangirana n’ipica y’ikiremwa gitangaje cy’ubwiza burabagirana cyitwaga Lusiferi, umwana w’umuseke, inyenyeri yo mu ruturuturu. Aiko nk’uko inyenyeri yo mu ruturuturu imurika umucyo mwiza by’igihe gito, maze ugatwikirwa no kubanduka kw’amanywa, ni ko n’iyi nyenyeri itangaje yamaze igihe irabagirana, aiko nyuma ikaza kugwa mu mwijima w’icuraburindi.

Lusiferi, marayika w’umucyo urabagirana, yahoze mu ijuru afite umwanya ukomeye. *“Wari warasigiwe kugira ngo ube umukerubi utwikira”* intebe y’Imana. Yari *“yuzuye ubwenge n’ubwiza buhebuje.”* Uko bigaragara yari afite ijwi rihebuje kandi ashobora kuba yarayoboye imitwe y’abaririmbyi yo mu ijuru. (Ezekiyeli 28:12-14)

Nonese Imana yaremye Umubi?

Ezekiyeli akomeza ubusobanuro bw’imiterere ye mu gice cya 28 ku murongo wa 15:

Wari utunganye bihebuje mu nzira zawe zose uhaye umunsi waremweho...

Hano tubwirwa ko Lusiferi yari ikiremwa. Yaremwe atunganye. Imana ntiyaremye umubi, Yaremye Lusiferi. Imana ntiyaremye pome ziboze, yaremye pome nziza zo kuribwa iyo zihishije. Muri ubwo buryo, Imana yaremye impeke, aiko umuntu akoramo inzoga ikaze yitwa wisiki amaze kwangiza icyo Imana yaremye.

Wari utunganye bihebuje mu nzira zawe zose uhaye umunsi waremweho, kugeza igihe wabonetsweho gukiranirwa.

Umudendezo wo Guhitamo

Aha ni ho hari inkomoko y’icyaha - mu wo cyakomotseho - Lusiferi. Yari atunganye kugeza igihe yabonetsweho gukiranirwa. Imana ntiyigeze na rimwe irema icyaha, ahubwo Lusiferi ni we wacyadukanye. Ni kuki cyadutse muri we? Mbese Imana ntiyashoboraga kurema abamarayika n’abantu ku buryo batari gushobora gucumura?

Yego rwose byarashobokaga. Yaremye inyenyeri kugira ngo zigume mu byimbo yazishyizemo mu kirere. Aiko abamarayika n’umuntu ntiyabaremye nk’ibimashini ukoresha uko ushaka, ahubwo nk’ibiremwa bifite umudendezo. Yabahaye umudendezo wo guhitamo.

Bashoboraga rero kumvira cyangwa kutumvira. Lusiferi rero yari afite ano mahirwe yo kumvira cyangwa kwigomeka, maze ahitamo kwigomeka. Natwe uko ni ko twahawe ano mahitamo.

Uyu munsu nimwitoranyirize uwo muzakorera... Yosuwa 24:15

Ugukura kw'Icyaha

Umugorizi w'Umufaransa witwa John Calvin yaravuze ati: "Ni *iby'ubusa kandi nta mumaro kwibaza ku buryo, igihe, n'imiterere yo kugwa kw'abamarayika*".²

Gutanga impamvu y'icyaha byaba ari nko kukivuganira, kuvuganira icyaha byaba ari nko kugishyigikira. Bibiliya itanga ubusobanuro buhagije ku buryo icyaha cyadutse muri Lusiferi:

Ubwiza bwawe ni bwo bwateye umutima wawe kwishyira hejuru, kubengerana kwawe ni ko kononnye ubwenge bwawe...Ezekeli 28:17

Lusiferi yirataga ubwiza bwe. Ibyo byinjije mu mutwe we ahinduka indakoreka. N'uko imbuto y'icyaha iramera. Ni ruto ni ruto Lusiferi yaje kwiha kurarikira kwikuza. Nuko yandura akaga ka "**NZ**" kubera inarijye. Ibyanditswe bigira biti:

*Waribwiraga uti '**NZ**azamuka nje mu ijuru **NK**uze intebe yanjye y'ubwami isumbe inyenyeri z'Imana', kandi uti '**NZ**icara ku musozi w'iteraniro...**NZ**azamuka ndenge aho ibicu bigarukira, **NZ**aba nk'Isumbabyose'. Yesaya 14:13-14.*

Mbese ni kuki Imana itarimbuye Lusiferi?

Iyo Lusiferi aza guhita akurwaho akamburwa kubaho, bamwe bari kujya bakorera Imana babitewe n'ubwoba aho kubiterwa n'urukundo. Ububisha bw'umushukanyi ntibwari kuba burimbuwe burundu, kandi ntabwo umwuka w'ubwigomeke wajyaga kuba uranduwe burundu. Kubw'ineza y'ibiremwa byose uko ibihe bihaye ibindi, satani yagombaga kurushaho kwerekana amahame ye, ngo ibirego bye by'ibinyoma yaregaga ubutegetsu bw'Imana bigaragarire ibiremwa byose, ngo ubutabera n'imbabazi by'Imana n'ukudahinyuka kw'amategeko yayo bigaragarire bose bitagibwaho impaka. Icyaha cyagombaga kugaragara uko cyakabaye n'ubukana bwacyo ngo cyangwe uruhenu; maze kandi amaherezo kiranduranwe n'uwagiteje.

... ni cyo cyanteye gukongeza umuriro ukuvuyemo uragukongora, maze nguhindurira ivu ...*kandi ntabwo uzongera kubaho ukundi*. Ezekeli 28:18-19

Igikomangoma cy'uuyu mugabane

Yuzuwe n'ubwibone atewe n'ubwiza bwe, Lusiferi yabibye impagarara, ukutishima no kutanyurwa mu bamarayika, abayobora mu bwigomeke bweruye. Ibi ntibyari byarigeze bibaho na rimwe mu byaremwe. Cyari ikintu gishya, cy'inzaduka, cy'amayobera, kandi kitabonerwa ubusobanuro. Nuko habaho intambara mu ijuru.

Mikayeli n'abamarayika be batabarira kurwanya cya kiyoka, ikiyoka kirwanana n'abamarayika bacyo. Ntibanesha kandi mu ijuru ahabo ntihaba hakiboneka. Cya kiyoka kinini kiracibwa, ari cyo ya nzoka ya kera yitwa umwanzi na Satani, ari cyo kiyobya abari mu isi bose. Nuko kijugunywa mu isi, abamarayika bacyo bajugunyanwa na cyo. Ibyahishuwe 12:7-9

Abantu babiri bahanganye bikomeye bavugwa hano ni Mikayeli ndetse n'ikiyoka. Tuzi ikiyoka uwo ari we, ni Lusiferi marayika waguye cyangwa Satani, kuko Ibyahishuwe 12:9 haramugaragaza.

... Cya kiyoka kinini kiracibwa, ari cyo ya nzoka ya kera yitwa umwanzi na Satani, ari cyo kiyobya abari mu isi bose... Ibyahishuwe 12:9

Nonese Mikayeli ni nde? Kubera ko yitwa Marayika ukomeye, bamwe bizera ko ari umumarayika uri ku rwego rumwe n'urwo Lusiferi yahozeho, Nyamara Bibiliya ituma umuntu yizera ko Gaburiyeli yafashe umwanya wa Lusiferi. Izina Mikayeli rivugwa muri Daniyeli, Yuda n'Ibyahishuwe, kandi igihe cyose biba ari mu ntambara ikaze na Lusiferi, aho Mikayeli ayoboye ingabo z'abamarayika bera. Inyito "marayika ukomeye" hano riraganisha k'uruta marayika usumba abandi, ari we muyobozi w'abamarayika. Izina Mikayeli risobanura "Uri icyo Imana iri cyo", kandi Kristo wenyine ni we wujuje ibisabwa byo kuba muri uwo mwanya. Ni nde wari guhangana na Satani barwanira umurambo wa Mose (Yuda 9) atari Kristo ubwe? Kandi ijwi rya marayika ukomeye rizahamagara abapfuye igihe Kristo azaba aje ubwa kabiri, nta rindi ritari irya Kristo ubwe.

Kuko Umwami ubwe azaza amanutse ava mu ijuru aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye n'impanda y'Imana, nuko abapfiriye muri Kristo nibo bazabanza kuzuka. 1 Abatesalonike 4:16 (Ijwi ry'Umwana w'umuntu...Yohana 5:2728)

Kristo ni Umuremyi w'ibintu byose kandi ku bw'ibyo ni we waremye amasi, abamarayika, ndetse na mwenemuntu.

Mbere na mbere hariho Jambo; Jambo uwo yahoranye n'Imana kandi Jambo yari Imana. Uwo yahoranye n'Imana mbere na mbere. Ibintu byose ni we wabiremye, ndetse mu byaremwe byose nta na kimwe kitaremwe na we. Yari mu isi ndetse ni we wayiremye, nyamara ab'isi ntibamumenya ... Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe. Yohana 1:1, 3,10,14

Ariko kuri twe hariho Imana imwe ari yo Data wa twese ikomokwamo na byose, ari yo natwe dukeshya byose, kandi hariho Umwami umwe ari we Yesu Kristo ubeshaho byose, natwe akatubeshaho. 1 Abakorinto 8:6

Mu Isezerano rya Kera, Kristo yitwa "Marayika w'Uwiteka", cyangwa "Marayika uhora imbere ye", kandi Mikayeli ni Umuyobozi w'ubwoko bw'Imana.

... Mikayeli, umutware wanyu. Daniyeli 10:21
Maze icyo gihe Mikayeli, wa mutware ukomeye ujya ahagarikira abantu bawe azahaguruka. Daniyeli 12:1

... Marayika wancunguye mu bibi byose...Itangiriro 48:16

... Marayika w'Uwiteka amubonekerera mu kirimi cy'umuriro... Kuva 3:2

Kuko yavuze ati "Ni ukuri aba ni abantu banjye, abana batariganya." Nuko ababere Umukiza. Yababaranye na bo mu mibabaro yabo yose, na marayika uhora imbere ye yajyaga abakiza. Urukundo rwe n'imbabazi ze ni byo byamuteye kubacungura...Yesaya 63:8-9

Kristo wenyine ni we ufite ubushobozi bwo kuyobora, gukiza, ndetse no gucungura ubwoko bwe. Itangiriro 48:16 havuga marayika wancunguye mu bibi byose. Kristo wenyine ni we wacunguye umuntu wese mu bibi byose. Avugwa kandi nk' umugaba w'ingabo z'Uwiteka. Muri Yosua 5:13-14, Yosua ahuye n'umugaba w'ingabo z'Uwiteka yikubise hasi yubamye aramuramya. Imana yonyine ni yo ikwiriye kuramywa, si abamarayika. (Ibyahishuwe 22:8-9) Igihe Imana yari imaze kurema iyi si n'ibiyirimo byose harimo n'umuntu,

Imana ireba ibyo yaremye byose, n'uko byari byiza cyane. Itangiriro 1:31

N'ubwo Imana atari yo yateye icyaha, nyamara yemeye kwishyiraho ingaruka zacyo. Intambara ikomeye irimo guca ibintu mu byaremwe iri hagati y'Umuremyi w'ibintu byose na Satani wahoze ari umukerubi utwikira, akaza kwigomeka ku Mana kuko ubwe yibwiye ko ahwanyije na Kristo ikuzo bigatuma yanga kuyoboka ububasha ndetse n'ubutegetsu bwe.

Ubwo yari amaze gucibwa mu ijuru, Satani yahindukiriye isi yari ikimara kuremwa. Ubwo Eva yazereraga akava iruhande rw'Adamu agasakirana na Satani, yarashutswe nuko yizera ko ubwenge bumenyeshya icyiza n'ikibi bwajyaga kumuha kumera nk'Imana, kandi ko icyo cyaha kitari gukurikirwa n'ingaruka y'urupfu. Icyaha ni ukwica amategeko ("Umuntu wese ukora icyaha, aba yishe amategeko, kandi icyaha ni ukwica amategeko 1 Yohana 3:4), kandi amategeko agize urufatiro rw'ubutegetsu bw'Imana mu ijuru. Yamugerageresheje kwica amategeko y'Imana yifuza umwanya w'Imana. Maze kuva ubwo, iyi si ikomeza kuzahazwa n'izo ngaruka. Uyu mugabane w'isi, ni umugabane uri mu bwigomeke ku butegetsu bw'Imana. Mu kwumvira ubushake bwa Satani, Adamu na Eva bagiye mu bubata bw'ubutegetsu bw'umubi.

...kuko icyanesheje umuntu kiba kimuhinduye n'imbata yacyo. 2 Petero 2:19

....ntimuzi yuko uwo mwihaye kuba imbata zo kumvira, muri imbata z'uwo mwumvira uwo... Abaroma 6:16

Satani yakoresheje byuzuye umwanya yihaye wo kuba "imana y'iyi si" (2 Abakorinto 4:4) cyangwa "umutware w'ab'iyi si" (Yohana 12:31), "umwami utegeka ikirere" (Abefeso 2:2), "Ni umutware w'abadayimoni" (Matayo 12:24-26) Luther yaravuze ati:

Ubugome bw'Umubi kuri iyi si burakomeye cyane ku buryo nta muntu n'umwe wabusobanukirwa. Ni umugome birenze ubonera ibyishimo n'umunezero mu byago by'abantu; mu nzara zidashira, kwicwa n'inyota, ishavu, no kwifuza, gusesa amaraso n'ubugambanyi, cyane cyane ku buzima bw'inzirakarengane n'abadateye

*ingorane n'imwe, ibi ni ubugome mvakuzimu kandi budashira n'umujinya ndengakamere by'umubi w' umugome karundura.*³

Ibyanditswe bigira biti:

...Uwo yahereye kera kose ari umwicanyi, kandi ntiyahagaze mu by'ukuri kuko ukuri kutari muri we. Yohana 8:44

Ikuzo rye ryamuteye kwifuza kubi, maze kwifuza kwe nako kumutera urwango. Urwango afitiye Kristo nta cyo rusiga inyuma, kugeza n'aho yishe Umwana w'Imana ku musaraba I Kaluvari. Urwango afitiye abo Kristo yacunguye ni rwo rukongeza umuriro w'imibabaro n'ishavu byo muri iyi si. Abakunda kandi bagakorera Kristo nabo ni abanzi ba Satani. Ikinejeje ariko, ni uko bazi amagambo ya Kristo:

Ibyo mbibabwiriye kugira ngo mugire amahoro muri jye. Mu isi mugira umubabaro, ariko nimuhumure nanesheje isi. Yohana 16:33

N'ubwo hari ibihamya byinshi by'uru rwango rudafite ishingiro, intambara, n'isesa ry'amaraso kuri iyi si, hariho bamwe bagihakana bavuga ko Satani atabaho. Ariko rero, umuntu wese utemera ko Satani abaho, nawe aba yaramaze kugwa mu bushukanyi bw'umubi.

*Imigenzo yo mu buvuzi n'iyemeragato ni byo soko y'imyumvire yatugezeho ivuga Satani nk'igikoko gifite ishusho iteye ubwoba kandi mbi cyane iteye ishozi, gifite ibinono, amahembe, ibyinyo binini, umurizo w'ibyoya, kandi kigahumeka ibirimi by'umuriro. Ino baringa y'injiji n'abemeragato mu by'ukuri si impamo, nta shingiro bifite mu Byanditswe, kandi ni isoko yo kunnyega bikorerwa abantu b'abanyabwenge barangwa n'umuco. Iyi myumvire ifititse ku birebana na Satani ubwayo ni igihamya cy'ubucakura n'uburyarya by'umushukanyi.*⁴

Umubi satani si ikintu kidafatika mu nyigisho z'iyobokamana, si ihungabana mu ntekerezo, cyangwa ukwangirika k'ubushobozi mu mitekerereze. Umubi ni ikiremwa kibaho, gishobora kwigarurira abantu batagira amakenga. Yahanganye imbona nkubone na Kristo mu bigeragezo byo mu butayu aho Yesu yamubwiye ati, "Subira inyuma yanjye Satani." (Matayo 16:23) Yohana yanditse iby' "umwuka wa Satani winjira mu mutima wa Yuda" wagambaniye Umwami we. (Yohana 13:27) Ikibazo cyabajijwe Ananiya, ngo "Ni iki gitumye Satani yuzuza umutima wawe Kubeshya Umwuka Wera?" (Ibyakozwe 5:3) Tubwirwa ko umubi aba muri uyu mugabane w'isi.

... mvuye gutambagira isi no kuyizereramo. Yobu 1:7

Umurezi wanyu Satani azerera nk'intare yivuga ishaka uwo iconshomera. 1 Petero 5:8

Satani ni umushukanyi, ukora n'ibitangaza kugira ngo agere ku ntego ze (1 Timoteyo 2:14, Ibyahishuwe 16:14); yihindura nka marayika w'umucyo (2 Abakorinto 11:14); ni

imbaraga irwanya abantu b'Imana (Abefeso 6:12); ni umurezi wa bene Data (Ibyahishuwe 12:10), abateza imibabaro (Yobu 2:7), akabarenganya, kandi akabica (Yohana 8:44).

Uburyo bumwe rukumbi bwo kumunesha ni ukwitwaza *"inkota y'Umwuka, ari yo Jambo ry'Imana."* (Abefeso 6:17) Mu butayu, Kristo yatsindishije satani *"Handitswe ngo."* Amasezerano y'Imana akwiriye guhora mu ntekerezo zacu muri iki gihe. Ingero z'aba kera, abahanuzi n'intumwa, ni izo gukomeza umwizera.

Murwanye Satani, na we azabahunga. Yakobo 4:7

Na bo bamuneshesheje amaraso y'Umwana w'Intama n'ijambo ryo guhamya kwabo. Ibyahishuwe 12:11

Mu ntambara ikomeye iri hagati ya Kristo na Satani, umuntu ntiyari kurekwa ngo yirwanirire. Imana yari ifite umugambi kandi yahisemo kwirengera ingaruka z'icyaha yo ubwayo. Yemeye guhinduka icyaha ku bwacu maze ntiyita ku isoni z'umusaraba, kugira ngo uwizera Kristo wese ashobore gukizwa. Intwari z'ubwoko bw'Imana ntizagombaga kuba intwari z'isi, ahubwo ni inkota y'Umwuka, ari yo Jambo ry'Imana. Ku rundi ruhande, Satani iteka yagerageje kwigarurira imitimanama y'abantu ku ngufu, kandi yifashishije abakozi be ku isi, yashoje intambara z'urudaca akoresheje ubugome ndengakamere kugira ngo agushye abantu b'indahemuka kuri Kristo.

Mu Byahishuwe 12 havugaga muri make ishusho y'intambara hagati ya Kristo hamwe n'itorero rye ryo mu Isezerano Rishya na Satani kugera ku musozo w'ibihe. Ipica ya mbere yerekana umuhati wa Satani wo kurimbura Kristo mu ivuka rye kugira ngo aburizemo umugambi w'inama y'agakiza, hagakurikiraho ukubambwa, hakaza umuhati wa Satani wo kurimbura itorero rya Kristo ryo mu Isezerano Rishya, maze ku iherezo hakaba umuhati wa satani wo kurimbura itorero ry'abasigaye. Ikimenyetso cyakoreshejwe mu kuvuga itorero rya Kristo ni umugore utunganye, naho mu kuvuga Satani n'abambari be hakoreshwa ikiyoka.

Ikimenyetso gikomeye kiboneka mu ijuru, mbona umugore wambaye izuba, ukwezi kwari muni y'ibirenge bye, ku mutwe yambaye ikamba ry'inyenyeri cumi n'ebiri, kandi yari atwite. Nuko atakishwa no kuramukwa, ababazwa n'ibise. Mu ijuru haboneka ikindi kimenyetso, mbona ikiyoka kinini gitukura gifite imitwe irindwi n'amahembe cumi, no ku mitwe yacyo gifite ibisingo birindwi. Umurizo wacyo ukurura kimwe cya gatatu cy'inyenyeri zo ku ijuru, uzijugunya mu isi. Icyo kiyoka gihagarara imbere y'uwo mugore waramukwaga, kugira ngo namara kubyara gihereke kirye umwana we kimutsōtsōbe. Abyara umwana w'umuhungu uzaragiza amahanga inkoni y'icyuma. Umwana we arasahurwa ajoyanwa ku Mana no ku ntebe yayo. Ibyahishuwe 12:1-5

Mbere y'uko dukomeza inyigo yacu, dukwiriye gutahura ushushanywa n'umugore wambaye izuba, ukwezi, n'inyenyeri. Dusoma mu gitabo cya Yesaya amagambo akurikira:

Nk'uko umukwe anezererwa umugeni, ni ko Imana yawe izakunezererwa. Yesaya 62:5

Pawulo yise Abanyakorinto umugeni wa Kristo.

Kuko mbafuhira ifuhe ryo mu buryo bw'Imana, kuko nabakwereye umugabo umwe ari we Kristo, ngo mubashyingire mumeze nk'umwari utunganye. 2 Abakorinto 11:2

Mbega ubusobanuro buhamye bw'itorero rya Kristo! Ntiriyigeze risambana n'isi; amahame yaryo aratunganye. Izuba, ukwezi n'inyenyeri bishushanya umucyo w' ijuru umumurikira. Umugore aratwite kandi arimo kuramukwa, kandi hanyuma dusoma ko yabyaye umwana w'umuhungu:

Abyara umwana w'umuhungu uzaragiza amahanga inkoni y'icyuma. Umwana we arasahurwa ajoyanwa ku Mana no ku ntebe yayo. Ibyahishuwe 12:5

Uyu nta wundi yaba we atari Yesu, kuko ari we uzatwara amahanga, kandi ni We wazamutse mu ijuru. Zaburi 2:7-9 haravugaga hati:

Ndavugaga rya tegeko, Uwiteka yarambwiye ati "Uri Umwana wanjye, Uyu muni ndakubonye. Nsaba nzaguhanga amahanga ngo abe umwandu wawe, N'abo ku mpera y'isi ngo ubatware. Uzabavunagura inkoni y'icyuma, Uzabamenagura nk'ikibumbano."

Uyu mwana ntiyari undi uwo ari we wese ahubwo yari Imana Ubwayo:

Nuko Umwana yatuvukiye duhawe Umwana w'Umuhungu, ubutware Buzaba ku bitugu bye. Azitwa Igitangaza, Umujyanama, Imana Ikomeye, Data wa twese Uhoraho, Umwami w'Amahoro. Yesaya 9:6

Itorero Gatulika ryigisha ko uyu mugore wambaye izuba ari Mariya, kuko ari we wabyaye Yesu. Nyamara ubu busobanuro butera ibibazo kuko uyu mugore hanyuma yaje kurenganywa n'Ikiyoka, ahungira mu butayu, yitabwaho mu gihe cy'iminsi 1260 (igihe gihwanye n'igihe ihembe ritoya ryari kurenganywa ubwoko bw'Imana nk'uko bisobanurwa muri Daniyeli 7), kandi bwa nyuma ikiyoka kirwanya abasigaye bo mu rubyaro rwe. Mu buryo busobanutse neza, uyu mugore arerekaza ku bwoko bw'indahemuka ku Mana (na Mariya akaba ari umwe muri bo). Mesiya rero yagombaga guturuka muri ubu bwoko bw'Imana. Ipica ikurikira irerekana umwanzi.

Mu ijuru haboneka ikindi kimenyetso, mbona ikiyoka kinini gitukura gifite imitwe irindwi n'amahembe cumi, no ku mitwe yacyo gifite ibisingo birindwi. Umurizo wacyo ukurura kimwe cya gatatu cy'inyenyeri zo ku ijuru, uzijugunya mu isi. icyo kiyoka gihagarara imbere y'uwo mugore waramukwaga, kugira ngo namara kubara gihereke kirye umwana we kimutsōtsōbe. Ibyahishuwe 12:3-4

Umurongo wa 9 udushyirira ko Ikiyoka ari Satani. ariko Satani akorera mu bikoreho bye ku isi ngo agere ku ntego ze. Ikiyoka kandi gifite amahembe cumi, ibi bikatwibutsa inyamaswa ya kane yo muri Daniyeli 7, yashushanyaga Roma. Satani yakoreye muri Roma ya Gipagani mu kwica Yesu. Umutegetsi w'Umuromani niwe waciriye Kristo urwo gupfa, abasirikari b'Abaroma bamubambye kandi barinze imva ye, kandi ikimenyetso cy'Abaroma ni cyo cyafungishijwe imva ye. Mu ivuka rye, Herode yagerageje kurimbura umwami wari

ukivuka asohora itegekoteka rikakaye ricira urwo gupfa abana bato b'abahungu, amaherezo Roma yaramubambye. Ariko aho kunesha Kristo kubw'icyo gikorwa, ahubwo cyatanze intsinzi ikomeye cyane kurusha izindi zose zabayeho ku isi, kuko Kristo, umuziranenge, atahaze mu gituro ahubwo yarazutse. Nta kimenyetso cy'Abaroma cyashoboraga kumubuza kuzuka maze Satani aba atsinzwe urugamba.

Numva ijwi rirenga rivugira mu ijuru riti: "Noneho agakiza karasohoye, gasohoranye n'ubushobozi n'ubwami bw'Imana yacu n'ubutware bwa Kristo wayo, kuko umurezi wa bene Data ajugunywe hasi, wahoraga abarega ku manywa na nijoro imbere y'Imana yacu. Ibyahishuwe 12:10

Ikigaragara nk'itsinzi ya Satani ku musaraba ahubwo cyari ugutsindwa ruhenu kwe. Nyuma yo kubona ko adashoboye kugerageza Kristo, kandi akabona ko iherezo rye ryahamijwe ubudasubirwaho, yagambiriye gutsemba ku isi umuntu wese uzizera ingororano z'Umukiza wazutse. Yarenganiye ubudacogora itorero ry'Imana akoresheje leta, bwa mbere akoreye muri Roma y'ubupagani, hanyuma no muri Roma y'ubupapa, ariko:

Na bo bamuneshesheje amaraso y'Umwana w'Intama n'ijambo ryo guhamya kwabo; ntibakunda amagara yabo, ntibanga no gupfa. Ibyahishuwe 12:11

Amateka atubwira ukuntu Roma karesheje ubugome bukabije mu kurenganya ubwoko bw'Imana. Mu nyubako yitwa Colosseum (soma Kolosewumu), aho abakristo babarirwa mu 80.000 batwitswe abandi bakicishwa intare, bihamya ko hafi miliyoni 3 z'Abakristo bahowe Imana mu gihe cy'ibinyejana bibiri n'igice bya mbere, nyuma y'uko Kristo asubira mu ijuru. Abami b'abami ba Roma ntibigeze bacogora mu bugome bukabije bagiriye abantu biyeguriraga Imana, kandi abantu-nyamaswa nka Nero n'Umwami w'abami Marcus Aurelius babigize umukino wo kunezezwa no kureba uko abantu b'Imana bicwa. Abanyamateka batubwira ko Marcus Aurelius yajyaga azirika amaguru y'izo nzirakarengane ku mafarashi abiri kugira ngo anezewe no kureba uburyo aba bakristo batanyukaga.

Ubwo Roma yemeraga idini rya gikristo maze ikarigira idini rya leta, ibintu ntabwo byigeze bihinduka na gato. Ahubwo byarushijeho kuba bibi. Ubwa mbere, ubwumvikane bwa nyirarureshwa bwabayeho bwateye urwicyekwe, maze ubwo byagaragaraga ko ntacyo byatanze, umuriro w'akarengane wongeye kwenyegazwa. Ubwo Constanine yahitagamo iryo dini rishya, yabigenje atyo agambiriye gufata idini yabo ya gipagani isanzwe ngo ayambike izina ry'Ubukristo. Igitabo cya Harry R. Boer cyitwa "Amateka magufi y'itorero rya mbere" (*A Short History of the Early Church*) kitubwira ibyabaye ubwo itorero na leta byishyiraga hamwe:

Ukwiyongera kw'iminsi mikuru, kwubaha cyane abatagatifu, kurenganyirizwa imyizerere n'amashusho matagatifu, ndetse n'agaciro kahabwaga ingendo ntagatifu akenshi byatumye iby'Umwuka by'ukuri bigujunywa hasi. (p.42)⁵

F.J. Foakes-Jackson, mu gitabo cye cyitwa "Amateka y'itorero rya Gikristo" (*History of the Christian Church*), asobanura imigambi ya Constantine:

Mu migirire ye y'ibijyanye n'itorero, intego ye yari iyo kwinjiza buhoro buhoro mu bukristo ibintu byose byo mu bupagani byakururaga amaso y'abantu. (p.286) ⁶

Constantine mu by'ukuri ni we wabayeho mu gushyiraho amategeko yo kuruhuka umunsi wa mbere w'icyumweru (sunday) muri 321 nyuma ya Kristo, ategereye kwubahiriza umunsi wo kuramya w'abapagani bagomera amategeko y'Imana. Umunyamateka w'Umudage H.G. Heggteit asobanura ubwumvikane bwabayeho muri aya magambo:

Mu gihe cye, Constantine yakozwe ubaturuhuka kugira ngo abaramyaga mu migenzo ya kera ya gipagani n'abakiriye kwizera gushya abahurize mu idini rimwe. Amategeko ye yose n'imigambi ye y'ubucakura byose byari bigamije gushyiraho iri huriho ry'iby'imyizerere. Mu buryo bushoboka bwose yashakaga gufata ubupagani bwambitswe izina ryera akabuvanga n'Ubukristo bucagase. ⁷

Ku birebana n'amategeko y'umunsi wa mbere w'icyumweru (sunday), Heggteit agira ati:

Itegeko rye ko "umunsi w'izuba" ukwiriye kuba umunsi rusange w'ikiruhuko ryarangaga aho ahagaze... Mu byo yakozwe byose mu kuvanga no guhuriza hamwe ubukristo n'ubupagani, nta kirimo cyoroshye kubona nk' igikorwa cye cyo gushyiraho itegeko rye ry'umunsi wa mbere w'icyumweru. Abakristo baramyaga Kristo wabo, abapagani bakaramya ikigirwamana cyabo ari cyo zuba; hakurikijwe imyumvire y'Umwami w'abami, ibigambiriwe mu kuramya muri ayo madini yombi muri rusange ni bimwe.

Harry Boer mu gitabo cye cy'amateka: "Amateka magufi y'itorero rya mbere", avugaga amagambo akurikira:

Constantine yagennye "umunsi wa mbere w'icyumweru (sunday)" ashingiyeye ku izina ry'uwo munsi w'imigenzo ya gipagani - Umunsi w'izuba, bitari Isabato cyangwa Umunsi w'Umwami. Kubw'ibyo rero abapagani bagombaga kuwemera. Abakristo bahaye izuba risanzwe ubusobanuro bushya batekereza kuri Kristo Zuba ryo Gukiranuka. Constantine n'abandi bami b'abami bakurikiyeho, ndetse n'inama nkuru z'itorero, batoye andi mategeko y'inyongera agenga umunsi wa mbere w'icyumweru. Nyamara itegekoteka rya Constantine ryo muri 321 nyuma ya Kristo, ni ryo ryashyizeho urufatiro ngo umunsi wa mbere w'icyumweru wemerwe ku rwego rw'isi yose nk'umunsi w'ikiruhuko. (p.143) ⁸

Muri icyo gihe cy'akaga ariko, abantu bemeye gukomeza kuba indahemuka ku Mana n'Ijambo ryayo bahungiyeye mu bice bidatuwe ngo babashe kuramya Imana mu buryo bujyanye n'ibyo bategekwe n'umutimanama wabo. Mu byahishuwe 12:6 tuhasoma ngo:

Uwo mugore ahungira mu butayu aho afite ahantu yateguriwe n'Imana, kugira ngo bamugaburireyo kumara iminsi 1260.

Iki ni cyo igihe cy'akarengane cyavuzwe n'umuhanuzi Daniyeli ku bijyanye n'ihembe ritoya, twasanze ko ari antikristo cyangwa Roma y'ubupapa. (Reba *umuntu wiyoberanya*). Itorero ryagize ubwumvikane n'ubupagani ni ryo ryahindutse itorero rirenganya. Roma ya gipagani yasimbuwe na Roma y'ubupapa.

Nuko cya kiyoka kibonye yuko kijugunywe mu isi, gihiga wa mugore wabyaye umuhungu. Umugore ahabwa amababa abiri y'ikizu kinini, kugira ngo ahungire mu butayu ahantu he, aho agaburirwa igihe n'ibihe n'igice cy'igihe, arindwa icyo kiyoka.
Ibyahishuwe 12:13-14

Itorero ryahungiyeye ahantu hihishe mu kidaturwa ho mu isi, kandi mu gihe y'ubudahangarwa bw'ubupapa, ijambo ry'Imana ryakomeje gukomezwa n'amatsinda mato y'abizera nk'Abawalidensi, bakomezaga Isabato y'itegeko rya kane aho kuruhuka umunsi wa mbere w'icyumweru wa gipagani kandi bahisemo gupfa aho kwihakana ukwizera kwabo muri Kristo n'Ibyanditswe. Bajugunywe mu bihanamanga, imitwe y'abana babo igakubitwa ku bitare, kandi bamwe batwitswe ari bazima. Itorero (umugore) ryahungiyeye ahantu hihishe hadatuwe mu misozi ya Alps (soma Alupes) kugira ngo barokoke akarengane k'ikiyoka, kandi no mu bibaya bya Piedmont (soma Pidimonte) mu majyaruguru y'Ubutaliyani, ibihumbi amagana menshi muri bo barishwe bahowe ukwizera kwabo.

Itorero ryo mu butayu ryakomeje gucana urumuri rw'ukuri rukomeza kwaka. Bakunze n'umutima wabo wose Ibyanditswe, kandi igihe ubugorozi bwakwizaga ijambo ry'Imana hirya no hino, Roma nayo yafashe ingamba zo gukorana umuhati kugira ngo itsembeho umuntu wese usuzugura amahame yayo. Amateka yuzuye ibihamya by'amarorerwa yakorewe Abaporotesitanti, intambara zarwanywe hagamijwe kubatsembaho, iyicwa ry'abantu benshi, n'imirimo y'urukiko rwihariye rwiswe "Inquisition" (soma Enkizisiyo) rwashyizeho iyica rubozo no gutwikirwa ku biti byakorewe ibihumbi byinshi by'abantu. Igihe akarengane katashoboye kurimbura umurimo w'Ubugorozi, ubundi buryo bushishana bwarakoreshejwe, maze havuka gahunda yo guhangana n'ubugorozi iyobowe n'Abajezuwite (Jesuits). (Reba igice kivuga "*Umwuka w'ubumwe*"). Ikibabaje ariko, ni uko ibi byabyaye imbuto y'ubwumvikane, kimwe no mu gihe cya Constantine, maze itorero ryo mu butayu na none ryongera guhinduka itorero riri mu mahoro riyunze na Roma. Ariko, Bibiliya yahanuye ko nyuma y'iminsi 1260, nyuma y'umwaka w' 1798 (Reba igice kivuga "*Umntu wiyoberanya*"), itsinda ry'abasigaye ryagombaga kuvuka maze rikarakaza ikiyoka kuko rizakurikira Yesu ryubaha amategeko ye.

Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanyeho abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu. Ibyahishuwe 12:17

Nk'uko twabibonye mu gice cyabanje, inyamaswa 2 zo mu Byahishuwe zizifatanya mu kurenganya iri torero ry'abasigaye, kandi amategekoteka (Reba *Ikimenyetso cy'Inyamaswa*), azashyirwaho, ateguka kwubahiriza amahame y'ubupapa. Intambara ikomeye izarangira ubwo ubuhakanyi buheruka bugomera ubutegetsu bw'Imana buzatangaza ko amategeko y'Imana atakiriho kandi nta gaciro agifite, ndetse bushyireho amategekoteka ko abantu bakomeza amategeko y'Imana, aho kumvira umuntu bakumvira Imana, bakwiriye gutsembwaho.

Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu. Ibyahishuwe 14:12

Uku kwihangana kuzatangirwa ingororano ubwo Kristo azaba agarutse nk'Umwami w'abami n'Umutware utwara abatware, ngo abamutegereje bihanganye abijyanire iwe ahari amazu meza yamaze kubategurira.

IBIHAMYA

¹ *Scope: Supplement* (February 7, 1969): 11.

² John Calvin, *Institutes of the Christian Religion* Book 1 Section 14.

³ Ewald Plass, *What Luther Says* Volume 1 (Concordia College, 2006): 394.

⁴ Carlyle B. Haynes, *Satan, His Origin, Work and Destiny* (Nashville: Southern Publishing Associates, 1920): 5.

⁵ Harry Boer, *A Short History of the Early Church* (Eerdman's, 1976): 42.

⁶ Frederick John Foakes-Jackson, *A History of the Christian Church from the Earliest Times to A.D. 461* (Cosimo, 2005): 286.

⁷ Christian Edwardson, *Facts of Faith* (TEACH Inc., 2001): 109 ⁸ Harry Boer, *A Short History of the Early Church*, (Eerdman's, 1976): 143.

Igice cya 7: INYAMASWA EBYIRI ZIHINDUKA INSHUTI

Itegurwa ry'urugamba ruheruka

Ngihagarara ku musenyi wo ku nyanja, ngiye kubona mbona inyamaswa iva mu nyanja ifite amahembe cumi n'imitwe irindwi. Ku mahembe yayo hariho ibisingo cumi, no ku mitwe yayo hariho amazina yo gutuka Imana... Abari mu isi bose bazayiramy, umuntu wese izina rye ritanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama, watambwe uherye ku kuremwa kw'isi... Nuko mbona indi nyamaswa izamuka iva mu butaka. Iyo yo yari ifite amahembe abiri nk'ay'umwana w'intama, ivuga nk'ikiyoka. Itegekesha ububasha bwose bwa ya nyamaswa ya mbere mu maso yayo, ihata isi n'abayirimo ngo baramye ya nyamaswa ya mbere yakize uruguma rwayishe, kandi ikora ibimenyetso bikomeye, imanura umuriro uva mu ijuru ugwa mu isi mu maso y'abantu. Iyobesha abari mu isi ibyo bimenyetso yahawe gukorera imbere ya ya nyamaswa, ibabwira kurema igishushanyo cya ya nyamaswa yari ikomerekejwe n'inkota ikabaho. Ihabwa guha icyo gishushanyo cy'inyamaswa guhumeka, ngo kivuge kandi cyicishe abatakiramy bose. Itera bose aboroheje n'abakomeye, n'abatunzi n'abakene, n'ab'umudendezo n'ab'imbata, gushyirwaho ikimenyetso ku kiganza cy'iburyo cyangwa mu ruhanga. Ibyahishuwe 13:1, 8, 11-12, 16

Mu Byahishuwe 13, havugwa inyamaswa ebyiri zizaba zifite ububasha ku bibera ku isi ku iherezo ry'ibihe. Iya mbere iva mu nyanja naho iya kabiri ikava mu butaka. Ikindi kandi, iya kabiri yubahiriza iya mbere maze igatera abatuye isi bose kuramya ya nyamaswa ya mbere, muri ubwo buryo kandi, bagashyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa. Na none, hakoreshejwe ubusobanuro bwa Bibiliya ku bimenyetso bikoreshwa muri ubu buhanuzi bukomeye, dushobora guhishura amayobera yabwo.

Ibimenyetso by'ingenzi bivugwa ni inyamaswa, imitwe, amahembe, inyanja, ikiyoka, n'ubutaka. Nk'uko byasobanuwe mu byigisho *Urujijo rw'ibihe n'Umuntu wiyoberanya*, inyamaswa ishushanya umwami cyangwa ubwami. (Daniyeli 7:17) Ubwo rero inyamaswa ebyiri zo mu Byahishuwe 13 zishushanya ubwami bubiri cyangwa ubutegetsu mu bya politiki bugenzura kandi butegeka ibiba mu isi mu minsi iheruka. Inyamaswa ya mbere yavuye mu nyanja, inyanja ikaba ishushanya amahanga, abantu benshi, amoko y'abantu, n'abami nk'uko bisobanurwa mu Byahishuwe 17:15 aho amazi avugwa ko ashushanya amahanga yo mu isi. Bitandukanye n'inyamaswa ya kabiri yo ituruka mu butaka. Ikaba ihabanye n'iva mu mahanga, cyangwase ahatuwe n'abantu benshi n'amami; kubw'ibyo rero, iyi nyamaswa igomba guturuka mu gice cy'isi kitarangwagamo abantu benshi, n'abami.

Inyamaswa ya mbere ifite amahembe cumi, ibyo kandi bitwibutsa inyamaswa ya kane yo muri Daniyeli 7 isobanura Roma n'amahembe yayo cumi. Imitwe irindwi y'inyamaswa ya mbere ishushanya ibihe byabayeho mu mateka, ariko kandi umubare karindwi ni umubare w'Imana, bikagaragaza ko iyo nyamaswa yiyitirira ububasha nk'ubw'Imana. Ibiranga iyi nyamaswa birushaho gusobanurwa, kandi bigaragara ko ibiyiranga bihwanye neza n'ibiranga ubutegetsu bw'ihembe ritoya ryo muri Daniyeli 7. Bigomba kubonwa nk'ubutegetsu bumwe neza. Aha rero turavuga ubutegetsu bwa Roma y'ubupapa. (Reba icyigisho cyitwa *Umuntu wiyoberanya*). Iyi nyamaswa ifite ibice by'ingwe,

idubu, n'intare, ibyo tukaba tubibona nanone muri Daniyeli. Uburyo izi nyamaswa eshatu zigaragaramo hano mu Byahishuwe ni nk'ibyo tubona muri Daniyeli ubihereye inyuma. Ibi biraterwa n'uko Daniyeli yabirebaga ahazaza naho Yohana we akaba yarasubizaga amaso inyuma ahashize.

...cya kiyoka kiyiha imbaraga zacyo n'intebe yacyo y'ubwami, n'ubutware bukomeye.
Ibyahishuwe 13:2

Ikiyoka kigaragazwa nka Satani mu Byahishuwe 12:9.

Ubutegetsu bw'ihembe ritoya ryo muri Daniyeli 7 n'iyi nyamaswa ya mbere yo mu Byahishuwe 13 bihuje ibibiranga bikurikira:

- *Yavugaga ibikomeye n'ibyo gutuka Imana (Umurongo wa 5)*
- *Yarwanyije abera (Umurongo wa 7)*
- *Yanesheje abera (Umurongo wa 7)*
- *Yarushaga abandira gukomera, kandi ihabwa no gutwara imiryango yose n'amoko yose, n'indimi zose n'amahanga yose (Umurongo wa 7)*
- *Ihabwa kurama ngo imare amezi mirongo ine n'abiri/Iminsi 1260 (Umurongo wa 5)*

Iyerekwa rya Yohana rihuye cyane n'iyerekwa ryo muri Daniyeli 7 kandi amashusho n'ibiranga nyamaswa iva mu nyanja mu buryo bwahuranyije byerekeza ku butegetsu bw'agahembe gatoya. icyakora, ishusho y'inyamaswa iragutse, kuko iyi nyamaswa ifite ibice by'intare, iby'idubu, iby'ingwe, ndetse n'ibyo nyamaswa iteye ubwoba y'amahembe cumi. Ibyo kandi bikaba byari ibimenyetso by'ubwami bwa Babuloni, Ubumedi n'Ubuperesi, Ubugiriki na Roma. Hari impamvu yihariye y'ibi, kuko Itorero rya Roma ryinjije kandi rikanoza byinshi mu buryo bwo kuramya n'ubw'imiyoborere y'ubwo bwami bwa kera maze rikabiha umwanya ukomeye mu mikorere yaryo. Ububasha butavuguruzwa bw'umwami uyobora, ukutibeshya no kudahinduka mu mategekoteke ye, ukumwubaha utizigamye kw'ingabo ze, inzego z'abacurabwenge n'amashyirahamwe menshi akorera mu ibanga bituma agira ububasha ndakuka, byose ni umurage akomora ku bwami bwa kera. Roma kandi yagumanye myinshi mu migenzo n'imyambarire y'idubu; ikamba ry'imigabane itatu ryambarwa na Papa, rikozwe muri zahabu nziza, rikomoka mu Buperesi- Risobanura "Umwami w'Ijuru, n'uw'Isi, ndetse n'Ikuzimu," kimwe n'imigenzo n'amazina y'icyubahiro ya Mithraism (soma Mitrayisime). Imigenzo n'ibirori byo kuva mu bihe by'Abagereki n'Abanyababuloni ni byo bigize urufatiro rw'imihango n'ibirori bikomeye byubahirizwa mu myambarize ya kiriziya Gatolika y'I Roma. Ndetse n'amazina y'icyubahiro akoresheye n'aba papa bo muri iki gihe ahwanye neza n'ayakoresheye mu madini ya kera ya gipagani hamwe n'abami babonwaga nk'abahagarariye imana, ndetse nabo ubwabo bagafatwa nk'imana.

Uko ububasha bwa Roma ya gipagani bwagendaga bugabanuka, ububasha bwa Roma y'ubupapa bwo bwariyongeraga kuko Itorero ryarushagaho kugwiza imbaraga n'ububasha. Ubwo umwami w'abami Konstantino yemeraga kwambara umwambaro w'ubukristo maze akabumbira hamwe Ubukristo n'ubupagani, Roma yahindutse umurwa mukuru w'isi mu by'idini. Mu gitabo cya Abbot cyitwa "Roman History", kuri p. 236 agira ati:

Kwimurira icyicaro cy'umwami i Konsitantinopule cyari ikintu kibabaje cy'urucantege ku cyubahiro cya Roma, kandi icyo gihe umuntu yabashaga guhita abona ko hariye kubaho ugusubira inyuma kwihuse kwa Roma. Ariko ugukura kw'itorero, n'ukwiyongera k'ububasha bwa Bishopu wa Roma, cyangwa Papa, byayihaye agahenge, kandi byongera kuyigira umurwa mukuru - ariko noneho ihinduka umurwa mukuru w'iby'idini ku isi.

Kuva mu mwaka wa 538 nyuma ya Kristo, igihe umwami w'abami Justinia yashyiragaho itegekoteka ryemeza ko papa abaye umuyobozi w'ikirenga mu by'iyobokamana, papa yiyambitse umwambaro w'uhagarariye Yesu Kristo ku isi. Igihe Kosintatine yimuriraga icyicaro cye i Konsitantinopule, abapapa beguriwe ububasha bw'abami b'abami ba Roma - ibyubahiro byabo, ndetse n'amazina y'ibyubahiro yabo. Izina ry'icyubahiro rikomeye cyane kurusha ayandi ryari irya: "Pontifex Maximus"- izina rya gipagani rivuga "Umwubatsi w'Iteme rihuza Ijuru n'Isi." Byongeye kandi, abakuru ba kiriziya Gatolika y'i Roma bambaraga imyambaro isa n'iy'abatambyi ba Dagoni, ikigirwamana cy'ifi. Ingofero yitwa *mitre* imeze nk'umutwe w'ifi, yambarwa na ba musenyeri n'abapapa, nayo isa n'ingofero ya kera yakoreshwaga mu butambyi i Babuloni. Amashusho y'imfunguzo z'ibigirwamana by'igitsinagore n'iby'igitsinagabo bya gipagani na yo yahindutse ikimenyetso cy'ubupapa, kimwe n'inkoni ya papa, ari yo kimenyetso cy'inzoka, kandi byatwarwaga n'abami b'abami ba kera uhareye i Babuloni no muri Egiputa ukageza mu gihe cy'Abaroma. Izo mfunguzo zahindutse "imfunguzo za Petero" n'inkoni ihinduka "inkoni y'umwungeri", nuko ibi bikoresho bya gipagani bihindurwa ibya gikristo.

Ubupapa si ikindi ni umuzimu w'Ubwami bwa Roma, wicaye yambitswe ikamba hejuru y'imva yabwo.¹

Igihe cy'amezi mirongo ine n'abiri ubutegetswe bw'inyamaswa bwagombaga kugiramo ububasha (Ibyahishuwe 13:5) gihwanye n'igihe cy'ububasha bw'ihembe ritoya cyo muri Daniyel 12:7. "Ihembe ritoya ryagombaga gutegeka "igihe, ibihe n'igice cy'igihe." Igihe, ibihe n'igice cy'igihe, amezi mirongo ine n'abiri, ndetse n'iminsi 1260 bivuga igihe kimwe ariko cyanditswe mu buryo butandukanye. Ibi bishobora kuboneka uhareye mu isanisha rya Giheburayo. Mu Byahishuwe 11:2-3, dufite isanisha ry'ububasha bwa gipagani bwagombaga kumara amezi mirongo ine n'abiri bukandagira umudugudu wera, nyamara kandi abahamya b'iby'Imana bagahamya kandi bagahanura mu gihe cy'iminsi 1260, ibyo rero bikanganyisha amezi mirongo ine n'abiri n'iminsi 1260. Urundi rugero turusanga mu Byahishuwe 12:6 aho umugore yahungiyeye mu butayu, maze akitabwaho mu gihe cy'iminsi 1260. Kuko umugore ashushanyaga itorero, ibi bishushanyaga itorero ririndirwa ahantu ho mu kidaturwa ho mu isi, mu gihe cy'ububasha bw'ikirenga bw'ubupapa. Isanisha ry'ibi turibona mu Byahishuwe 12:4 aho nanone umugore ahungira mu butayu ngo yitabweho mu gihe, ibihe n'igice cy'igihe.

Ibyo rero bikanganyisha iminsi 1260 n'igihe, ibihe n'igice cy'igihe. Bibiliya ivuga iby'iki gihe cya gihanuzi incuro ndwi, kandi buri gihe byerekeza ku bupapa. Iki gihe cyatangiyeye muri 538 nyuma ya Kristo maze kirangira mu 1798 ubwo Ubupapa basaga n'ubukomeretse uruguma rwica (ku busobanuro burambuye bw'iki gihe gishushanyaga iminsi 1260, reba icyigisho cyitwa *Umuntu Wiyoberanya*).

Muri iki gihe cy'ubudahangarwa, Papa yarushijeho kugwiza ububasha kurusha kure abami b'abami ba Roma. Umunyamateka Gibbon yavuze ko Papa Innocent III yabaye umuntu w'ikirenga mu isi kurusha ba Kayisari bose bategetse ubwo bwami bukomeye.

Abami barambitse amakamba yabo ku birenge bya Papa, maze akaba ari we ubimika akabambika amakamba. Basomaga inkweto za Papa mu kwerekana ko bamuyobotse. Umwami wigomekaga kuri papa yakurwaga ku ngoma. Urugero rumwe ni urw'Umwami John w'Ubwongereza wahagarikiwe amasakamentu na Papa. Kugira ngo yongere guhabwa icyubahiro cy'umwami, inzira yonyine yari uko yagombaga kumara amanywa n'ijoro aryamye hasi kuri sima ikonja ikozwe mu byitwa marble (soma marubule) kandi yambaye ubusa. Ibi kandi umwami yarabyubahirije. Henry IV, umwami w'abami w'Ubudage, yagombye kumara iminsi ine mu mvura n'urubura mbere y'uko Papa amwemerera kubonana na we. Papa yari umuntu w'ikirenga uri hejuru y'amahanga yose n'abantu bose.

Mu Byahishuwe 13, inyamaswa iva mu nyanja isa n'ikomerekejwe uruguma rwica, ariko ubuhanuzi bwerekana ko urwo ruguma rwagombaga gukira, kandi ko abari mu isi bose bari kuyikurikira bayitangarira ndetse bakaramya iyo nyamaswa.

Nuko mbona umwe mu mitwe yayo usa n'ukomeretse uruguma rwica, ariko urwo ruguma rwawishe rurakira. Abari mu isi yose bakurikira iyo nyamaswa bayitangarira. Baramya icyo kiyoka kuko cyahaye iyo nyamaswa ubutware bwacyo, baramya n'yo nyamaswa bati "Ni nde uhwanyeye n'iyi nyamaswa, kandi ni nde ubasha kuyirwanya?"
Ibyahishuwe 13:3-4

Ingeri ya Bibiliya yitwa BBE ivuga aya magambo muri ubu buryo:

Kandi mbona umwe mu mitwe yayo umeze nk'uwari warakomererekejwe uruguma rwica; kandi urwo ruguma rwayo rwica rurakira: maze isi yose ikurikira iyo nyamaswa iyitangarira.

N'ingeri ya Bibiliya ya NIV ihindura aya magambo itya:

Umwe mu mitwe y'inyamaswa wasaga n'uwakomererekejwe uruguma rwica, ariko urwo ruguma rwica rurakira. Isi yose iratangara kandi ikurikira iyo nyamaswa.

Uru ruguma ni uruguma rw'urwiganano, ariko uko biri kose rugaragara nk'aho ari uruguma rw'ukuri. Imbere, (mu cyigisho cyitwa *Inzoga za Babuloni*) tuzabona ko iyi nyamaswa ari imwe mu mbaraga zigize ububasha bw'inyabutatu bukoze uruhurirane rukomeye ruheruka rwishyiriye hamwe kugomera Imana, kandi urwo ruhurirane Bibiliya irwita Babuloni. Iyi Babuloni y'igishushanyo igizwe n'ibintu bitatu: Inyamaswa, Ikiyoka, n'Umuhanuzi w'ibinyoma, bikaba kandi ari ibyiganano by'Ubutatu Bwera. Inyamaswa, cyangwa Ubupapa, bwivuga kuba ari bwo buhagarariye Kristo. Isaba kubahwa n'isi yose kandi yakoze icyiganano cy'urupfu n'umuzuko bya Kristo. Ku iherezo ry'ibihe, ububasha bw'ubupapa bwazutse buzaba bukomeye cyane ku buryo nta muntu n'umwe wabwigerereza ngo aburwanyeye - uruguma rwica rwagombaga gukira.

Ububasha bw'ikirenga Bw'ubupapa bwo mu gihe cyiswe igihe cy'umwijima bwarangiye mu 1798, nyuma y'imyaka 1260 neza, uhereye ubwo ubupapa bwashyirwaga hejuru nk'ubuyobozi bw'ikirenga bwa gikristo muri 538 Nyuma ya Kristo kubw'itegeketeka ry'umwami w'abami Justinian. Mu 1798, Jenerali Berthier, umujenerali wa Napoleon, yafashe bunyagano Papa amujyana mu buhungiro. Iyicwa ry'umufaransa i Roma mu 1798 ryatumye Abafaransa babona urwitwazo bashakaga rwo kwigarurira icyo bitaga umurwa

Nuko mbona umwe mu mitwe yayo usa n'ukomeretse uruguma rwica, ariko uruguma rwawishe rurakira. Abari mu isi yose bakurikira iyo nyamaswa bayitangarira.
Ibyahishuwe 13:3

Kuva icyo gihe, imbaraga n’ububasha by’Ubugabane byongeye gukura bikwira ku isi yose, by’umwihariko mu myaka ihera y’ikinyagihumbi gishize. Papa Yohani Pawulo II yakiriye abakuru ba za leta bava mu bihugu byose by’isi, kandi na we ku ruhande rwe yasuye ibihugu byinshi. Umwanya we ukomeye nk’umuyobozi w’isi warushijeho kugira ikuzo ryinshi bitangaje. Ndetse ubwo papa yasuraga St. Louis, Bill Clinton Perezida wa Leta Zunze Ubumwe z’Amerika wa nyuma w’ikinyagihumbi gishize, yashimiye papa ko yashoboye kurinda isi amarorerwa y’intambara zikoreshwamo intwara za kirimbuzi no kubohora miliyoni z’abantu zakandamijwe ku mpamvu za politiki.

Ku nyandiko iri hanze ku Kiriziya cya Papa cyitwa Lateran i Roma, aho yambikiwe ikamba mu 1978, hari amagambo - "Ecclesium Mater"- bivuga "Nyina w'Amatorero". Umworera w'itandukaniro hagati ya miliyari 1,2 y'Abagatolika ku isi na miliyoni 350 z'Abaporotesitanti uragenda usibangana neza. icyakora muri urwo rugendo Roma ubwayo ntiyigeze igira ihame na rimwe ihindura mu mahame yayo igenderaho. Nyamara bigaragara ko menshi mu matorero yitwa ko akomoka ku bagorozi yose yatonze umurongo mu kwubahiriza Roma. (Reba icyigisho cyitwa *Umuriro Udasanzwe*).

119

ry'amategoko yose yifuzaga. Ubwo yagiraga ububasha bukomeye cyane mu myaka yiswe imyaka y'umwijima, Roma yatangaje ibi bikurikira:

Kubw'uburenganzira ihabwa n'ijuru kiriziya ibasha gufatira imitungo y'abahakana inyigisho zayo, kubafunga, ndetse no kubakatira igihano cyo gutwikwa.

Aya magambo ashimangira ububasha Roma yagize, kandi izongera kugira ku isi. Muri rumwe mu nzandiko ze, urwiswe *Dies Domini*, rwasohotse ku wa 7 Gicurasi 1998, Papa Yohani Pawulo II yasabye ko hashyirwaho amategoko yo gushyigikira iyubahiriza ry'umunsi w'Icyumweru, nubwo kweza umunsi w'icyumweru bikomoka ku bupapa.

*Mu binyejana byinshi, ubwo yashyiragaho amategoko yerekeranye n'ikiruhuko cy'Umunsi wa mbere uzwi ku izina ry'icyumweru, (109) Kiriziya yashyize imbere umurimo w'abakozi boroheje n'abakomeye, bidatwe n'uko uyu murimo ufite agaciro na gake ugereranyije n'iby'umwuka bisabwa byo kwubahiriza umunsi w'icyumweru, ahubwo kuko umurimo wari ukeneye amategoko yagutse ngo bigabanye uburemere bwawo kubw'ibyo bizabashisha buri wese kweza Umunsi w'Umwami. Ni muri ubwo buryo uwambanjirije papa Leo XIII mu byandiko ye yiswe *Rerum Novarum* yavuze ibyo kuruhuka ku munsi w'icyumweru nk'uburenganzira bw'umukozzi leta igomba kumuha... Kubw'ibyo rero, nanone kubw'impamvu zihariye z'igihe cyacu, abakristo bazaharanira ko ishyirwaho ry'amategoko ryubahiriza inshingano yabo yo kweza umunsi w'icyumweru. (DIES DOMINI)*

Mu rundi rwandiko rw'ivugabutumwa rwiswe AD TUENDAM FIDEM, rwasohotse ku wa 18 Gicurasi 1998, Papa yakoresheje ijambo "heretic" bwa mbere kuva rwa ruguma rwakira kandi aburira abagize umukumbi utubaha amahame ye, ko bazahanwa nibatemera ubutegetsi bwa Papa mu bijyanye n'amahame ya kiriziya.

*Can. 1436 § 1. Umuntu wese uhakana cyangwa agatera gushidikanya ukuri uko ari ko kose kugomba kwakiranwa ukwizera kw'ijuru n'ukwizera kwa kiriziya, cyangwa agahakana ukwizera kwa gikristo muri rusange, kandi ntiyemere kwisubiraho nyuma yo kuburirwa mu buryo buteganyijwe, agomba guhanwa nk'umu **heretic** (umuhakanyi) cyangwa uwayobye agahanishwa guhagarikirwa amasakaramentu agacibwa burundu; umuntu ufite inshingano muri kiriziya nawe kandi, ashobora guhanishwa ibindi bihano bitaburamo no gukurwa ku nshingano ze. 2. Uretse ibi bimaze kuvugwa, umuntu wese uhakana ihame ryatanze kandi rigomba kubahirizwa ku buryo ndakuka byemejwe na papa cyangwa inama ya ba musenyeri bakoresha ububasha bwabo butavuguruzwa mu kwigisha ukuri kw'iby'iyobokamana, cyangwa umuntu wemera andi mahame papa na ba musenyeri baciye nk'afutamye kandi ntiyemere kwisubiraho nyuma yo kuburirwa mu buryo buteganyijwe, agomba guhanishwa igihano gikwiriye. AD TUENDAM FIDEM*

Mu buryo butagaragarira buri wese kandi bw'ubucakura, Roma iri gutegeza kongera guhatira isi iyubahirizwa ry'amategokoteka yayo, nk'uko Bibiliya yabihanuye. Mu byumba by'uburukiro by'ibanga byo mu nyubako zayo nini, no mu byumba aho abanyabubasha bategeka isi bashyiriraho amategoko, harimo gutegegurwa iby'urugamba ruheruka hagati y'abakurikiye igikomangoma cy'Umwijima n'abahagaze mu bwishingizi bw'igikomangoma Emanuweli.

Muri Daniyeli 7 n'Ibyahishuwe 13:5, havuga ko ubutegetsu bw'inyamaswa buzaba ari ububasha buvuga amagambo yo gutuka Imana. Papa Lewo yarishongoye aravugaga ati:

*Turi mu mwanya w'Imana Ishoborabyose hano ku isi. Imana ubwayo igomba gukurikiza ibyemezo by'abapadiri ku bijyanye no kubabarira cyangwa kutababarira ibyaha. Imyanzuro ya padiri irabanza maze Imana ikayikurikiza.*²

Nta na kimwe muri ibi byavuzwe cyigeze gihindurwa mu myaka ya vuba, ndetse no guhera ku nama ya Vatican II.

Ntimuzi yuko uwo mwihaye kuba imbata zo kumwumvira, muri imbata z'uwo mwumvira uwo, imbata z'ibyaha bizana urupfu, cyangwa izo kumvira Imana kuzana gukiranuka? Abaroma 6:16

Igiheruka kiranga inyamaswa yo mu nyanja ni uko ifite umubare, kandi uyu ni umubare w'umuntu.

Aha ni ho ubwenge buri: ufite ubwenge abare umubare w'iyi nyamaswa kuko ari umubare w'umuntu, kandi umubare we ni magana atandatu na mirongo itandatu n'itandatu (666). Ibyahishuwe 13:18

Ubusobanuro bwakwiriye muri iki gihe kuri ubu buhanuzi bwerekeza umubare 666 kuri mudasobwa y'I Buruseli, bukavugaga ko uyu mubare uhagarariye iyandikwa rya buri muturage wese wo ku isi ugomba kugengwa n'amabwiriza mashya mu by'ubukungu nk'uko agenwe na gahunda nshya igenga isi. Ibibazo dukwiriye kwibaza ni ibi: Mbese iyi mudasobwa yarenganyije abera mu gihe cy'imyaka 1260? Mbese iyi mudasobwa yiyise Imana? Yaba se yarihayeho ububasha bwo kubabarira ibyaha? Inyandiko ivugaga neza ko ari umubare w'umuntu, kandi ukaranga inyamaswa. Mbese uyu mubare waba werekeza ku bupapa, kandi ukaba umubare w'umuntu, bityo bikawuhuza "n'umuntu w'icyaha" (umunyabugome) wanditswe mu Byanditswe Byera?

Rimwe mu mazina y'icyubahiro ya Papa ni "Vicarius Filii Dei"- "Umusimbura w'Umwana w'Imana". Ibi bishobora kugenzurwa mu mategeko ya papa yashyizwe ahagaragara mu myaka yashize.

Inyuguti z'Ikilatini zifite agaciro k'umubare kandi izina ry'icyubahiro "Vicarius Filii Dei" biteranijwe bitanga 666. (V=5, I=1, C=100, U=5, L=50, NA D=500). Inyuguti z'Ikigiriki nazo zifite agaciro k'umubare. Kandi ugenzuye amazina y'icyubahiro y'Itorero rya Roma mu bubasha bwaryo mu by'isi bisanzwe ndetse n'iby'idini usanga umubare 666 nanone wigaragaza cyane. Izina ry'icyubahiro "Italika ékklesia" (I=10, T=300, A=1, L=30, I=10, K=20, A=1, E=5, K=20, K=20, L=30, É=8, S=200, I=10, A=1) bisobanura "Itorero ry'Ubutaliyani" biteranijwe bitanga 666. Izina ry'icyubahiro ry'Ikigiriki "Hélatiné Basileia" (H=0É=8, L=30, A=1, T=300, I=10, N=50, É=8, B=2, A=1, S=200, I=10, L=30, E=5, I=10, A=1) bisobanura "Ubwami bw'Ikilatini" na byo biteranijwe bitanga 666 kimwe n'izina ry'icyubahiro "Dux Clerici" (D=500, U=5, X=10, C=100, L=50, E=0, R=0, I=1) bisobanura "ukuriye ubuyobozi bw'itorero", na "Lateinos" (L=30, A=1, T=300, E=5, I=10, N=50, O=70, S=200) bisobanura "umuntu uvugaga ikilatini".

Nyuma yo kugaragaza inyamaswa ya mbere yo mu Byahishuwe 13, igisigaye ni ukugaragaza inyamaswa ya kabiri izakorana n'inyamaswa ya mbere maze igahatira isi

kuramya iyo inyamaswa ya mbere. Ni ubuhe butegetsi bwa politiki buzaduka ku isi bufite ububasha buhagije bwo guhata abatuye isi bose kandi ni iyihe sano buzaba bufitanye na Roma? Umurongo uri hagati y'ubusobanuro bw'izi nyamaswa zombi ni Ibyahishuwe 13:10:

Nihagira ujyana abandi ho iminyago na we ubwe azajyanwa ho umunyago; kandi uwicisha abandi inkota na we akwiriye kwicishwa inkota. Byahishuwe 13:10

Uyu murongo ni ingenzi cyane kuko ari nk'indangagihe yerekana igihe inyamaswa ya kabiri yagombaga kwaduka, nk'uko umurongo wa 11 utangira ugira uti: *"nuko mbona indi nyamaswa iva mu butaka..."*

Mu 1798, inyamaswa ya mbere yajyanywe mu bunyage maze 'yicishwa' inkota. Kandi iki ni cyo gihe Yohana yabonye indi nyamaswa yaduka. Ntiyadutse ivuye mu Nyanja (ahatuwe n'abantu benshi) ahubwo yavuye mu butaka, ahantu hadatuwe n'amashyamba akomeye, abantu benshi, amoko menshi, n'indimi nyinshi. Hari ishyamba rimwe rukumbi ku isi ryujuje ibirango bivugwa mu gice cya kabiri cy'Ibyahishuwe 13. Ubutegetsi buvugwa bwagombaga guhinduka ishyamba rikomeye cyane kugira ngo ribashe gukoresha ububasha bwahanuwe mu gutegeka andi mahanga yose yo ku isi. Ubwo butegetsi bwagombaga kugira ibiburanga bigereranywa n'ibiranga umwana w'intama, ariko bukavuga nk'ikiyoka. Ibi bisobanura ko iri shyamba rizaba rifite ibiranga Kristo, ariko nyuma rikazagamburura rikifatira ibiranga ikiyoka. Tuzi ko ikiyoka gishushanya Satani, warenganije ubwoko bw'Imana yifashishije itorero mu gihe cyiswe icy'umwijima. Mu nzira nk'iyi, ubu butegetsi bwa kabiri na bwo buzarenganya ubwoko bw'Imana butazemera inyigisho z'inyamaswa ya mbere, kugeza no kubacira iteka ryo kwicwa.

Leta Zunze Ubumwe z'Amerika zonyine ni zo zujuje ibyo bintu byose byavuzwe. Intambara y'Ubwigenge bw'Amerika yarangiye 1776 ku wa 4 Nyakanga. Itegekonshinga ry'Amerika ryanditswe mu 1789. Ubufaransa (Igihugu cyari igikomerezwa kurusha ibindi I burayi icyo gihe) bwemeye ku mugaragaro Amerika nk'igihugu cyigenga, ndetse bunaha Amerika nk'impano igishushanyo y'ubwigenge (Statue of Liberty) mu 1798.

Ubwo rero iryo shyamba ryashyize iherezo ku bubasha bw'inyamaswa ya mbere ryakoze ikimenyetso gikomeye kandi gifite ubundi busobanuro mu kwemera ishyamba rishya ryari ryarahariye gutandukanya itorero na leta. Itegekonshinga ry'iryo shyamba rishya ryahaye abaturage baryo umudendezo usesuye mu byo kuramya.

Inteko nshingamategeko nta mategeko izashyiraho yubahiriza ishingwa ry'idini, cyangwa abuza umudendezo wo gushinga idini. Nta suzuma ku by'iyobokamana rizigera risabwa nk'ishingiro ryo guhabwa akazi mu mirimo runaka cyangwa mu nzego z'ubuyobozi.

Leta zunze ubumwe z'Amerika zuzuje neza ubusobanuro buhabwa inyamaswa y'amahembe abiri kandi isa n'umwana w'intama ivugwa ku murongo wa 11. Itangira imeze nk'umwana w'intama ariko hanyuma ikavuga nk'ikiyoka.

Inteko y'Abakristo barenganywaga bahunze ubwicanyi ndengakamere no gukandamizwa by'i Burayi, bajya gushakira agahenge n'umudendezo mu isi nshya y'Amerika y'Amajyaruguru.

Nta gushidikanya ko iyi nyamaswa ari Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Nyamara yagombaga kurushaho guhinduka uko ibihe biha ibindi. Umurongo wa 12 utuburira ko iyi nyamaswa Izategekesha ububasha bwose bwa ya nyamaswa ya mbere mu maso yayo. Ku bw'ibyo rero, dushobora kwitega akarengane kuko itorerwa na leta (bishushanywa n'amahembe abiri y'iyi nyamaswa) bigomba kwishyira hamwe muri iyi minsi iheruka, kuko umurongo wa 12 ukomeza utuburira ko Leta Zunze Ubumwe z'Amerika zizahatira abatuye isi bose kuramya ubutegetswe bw'ubupapa (inyamaswa ya mbere). Ibyo bikaba byagerwaho gusa binyuze mu guhatira abantu iyubahirizwa ry'amahame y'ubupapa.

Itegekesha ububasha bwose bwa ya nyamaswa ya mbere mu maso yayo, ihata isi n'abayirimo ngo baramye ya nyamaswa yakize uruguma rwayishe. Ibyahishuwe 13:12

Ibi bisobanuye ko amahame y'ubupapa azandikwa mu mategeko, kuko bitabaye ibyo nta bubasha amategeko yagira bwo guhatira abantu iyubahirizwa ry'ayo mahame. Ibi bisobanuye kandi ko itegekonshinga rya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika rizirengagizwa, cyangwa rigahindurwa kuko ribuzanya gushyiraho amategeko agenga iby'idini. Mu buryo runaka rero, kugira ngo ayo mategeko abashe kwemerwa, uko ibintu bimenyerewe bigomba guhinduka bikoze munsu y'ubuyobozi bw'amadini, ahamagarira impinduka mu itegekonshinga, bitaba ibyo rigahagarikwa.

Mu buryo bwihuse cyane, Amerika iri kugenda ihinduka umupolisi w'isi, yigaragaza mu bintu bibera mu bice byose by'isi – kandi byose bigakorwa hitwajwe kuzana umudendeko n'ubutabera. Nyuma y'isenyuka rya leta y'Ubumwe bw'Abasoviyeti, nta kindi gihugu gifite ibyangombwa byose byo gusohozwa iyi nshingano, kandi nk'uko zibiyemerera, Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ni cyo gihugu rukumbi cy'igihangange gusumba ibindi ku isi.

Ikibazo gisigaye ni ukumenya uburyo itorerwa na leta bizishyira hamwe ngo bisohozwe ubu buhanuzi. Umurongo wa 13 na 14 itanga igisubizo gishoboka kuri iki kibazo cy'ingorabahizi.

Kandi ikora ibimenyetso bikomeye, imanura umuriro uva mu ijuru ugwa mu isi mu maso y'abantu. Iyobesha abari mu isi ibyo bimenyetso yahawe gukorera imbere ya ya nyamaswa, ibabwira kurema igishushanyo cya ya nyamaswa yari ikomerekejwe n'inkota ikabaho. Ibyahishuwe 13:13-14

Mbese kuvuga ko umuriro uzamanuka uva mu ijuru bisobanura iki? Leta Zunze Ubumwe z'Amerika zifite ubushobozi bwo kumanura umuriro uva mu ijuru mu bushobozi bwa gisirikari, ariko bishoboka ko aya magambo anafite ubusobanuro bundi bw'iby'Umwuka. Igihe Eliya yahanganaga n'abana ba Isirayeli abasaba guhitamo hagati y'Imana yo mu ijuru na Baali, iryo hangana ryagombaga kurangizwa n'ukwigaragaza kw'imana yari kumanura umuriro uva mu ijuru, kandi tuzi ko Imana ya Isiraheli yagaragaje ububasha bwayo icyo gihe hakavanwaho urujijo kubyo kumenya Imana nyakuri. Nta gushidikanya, Satani yari kunezweza no kumanura imvura y'umuriro icyo gihe, ariko ububasha bwe bwaburijwemo n'Imana. Ku iherezo ry'ibihwe, hazaba hari icyemezo na none kigomba gufatwa, bigashoboka ko umuriro uzamanuka uvuye mu ijuru, ariko umurongo uvuga ko uzaba ari umuriro wo kuyobya abantu. Ku bw'ibyo rero ntuzaba uvuye ku Mana. None se niba ari uko bimeze, ni iki kizarinda abantu b'Imana ngo nabo batayobye? Mu by'ukuri nta yindi nzira uretse gukoresha imvugo yeruye "uku ni ko Uwiteka Avuga". Ubwo Satani yageragezaga gushuka Kristo agoreka Ibyandistwe, Yesu yamusubirishije aya magambo ngo: "Handitswe ngo..."

Kristo yerekanye ibintu byose ku buryo bweruye mu Ijambo Rye, kandi nta kindi akeneye gukora ngo ahamye ukuri kwabyo. Abantu nibadashaka kwizera ibintu byeruye bisobanutse byo mu Ijambo ry’Imana, Kristo ntabwo azabibahatira.

Hari ikindi kintu gishobora gutanga umucyo kuri uyu murongo ku byerekeranye n’umuriro ugomba kumanuka uva mu ijuru, ukayobya abatuye ku isi. Umuriro mu Byanditswe usobanura Umwuka Wera. Mu Byakozwe n’Intumwa 2, hari ubusobanuro bw’ibyabaye ku munsu wa Pantekote. Ubwo abigishwa barimo basengera hamwe, ibirimi by’umuriro byabamanukiyeho, bisobanuye isukwa ry’Umwuka Wera wari kubabashisha kubwiriza Ubutumwa mu mbaraga z’Imana. Bishoboka ko umuriro uzamanuka uva mu ijuru mu bizaba biba ku iherezo ry’ibihe uzaba ari isukwa ry’Umwuka Wera w’ikinyoma uzayobya abantu ukabatera kwizera ikinyoma aho kwizera ukuri. Birashoboka ko abayobozi b’amadini na politiki bazabatwa n’ibimenyetso by’Umwuka maze babona ibitangaza bizanwa na wo bikabahamiriza ko bakorana n’imbaraga y’Imana. Maze bayobejwe n’ibyo bibwira, bese hamwe bagakorana mu buryo bwo gusohoz ubuhanuzi.

Kugira ngo abantu bahatirwe gukurikiza amahame y’iby’idini, itorero na leta bigomba kongera kwishyira hamwe. Muri Leta Zunze Ubumwe z’Amerika, ukwishyira hamwe kw’amadini ya gikristo kwakozwe hagamijwe kugera kuri iyi ntogo, kandi nubwo atari ko bigaragara kuri ubu, ibyari bigenderewe ni byo bigifite umwanya w’ibanze mu bitekerezo bya benshi mu banyapolitiki. Kuyobya bisobanura kwiringira ko uri gukora ikintu gikwiye, mu gihe nyamara uri gukora ikidakwiye. Nta muntu n’umwe Kristo yigeze ashiraho agahato, ahubwo yagaragaje urukundo rwe akunda mwenemuntu kubw’ubushake bwe yemera gufira umuntu wacumuye. Ibitandukanye n’ibyo, ni uko ari gahunda y’umushukanyi yo guhatira abantu iteka kumuyoboka. Ikibabaje ni uko Ibyahishuwe 13 hahanywe ko nk’uko byagenze mu gihe cyiswe icy’umwijima, ukutihanganira abandi mu by’iyobokamana bizongera kubutsa umutwe n’imigambi mibisha. Mu izina ry’amahoro na gahunda inoze, umuriro uzenyegezwa n’abanyamadini maze hashyirweho amategeko y’imibanire mu bantu, kandi muri ayo mategeko hazabamo amahame adakomoka ahandi hatari mu butegetsi bw’I Roma.

Leta Zunze Ubumwe z’Amerika na Vatikani bigeze kure mu gukorera hamwe bagamije intego zimwe. Mu 1982, habayeho inama yo mu mwiherero yahuje Papa na Perezida Ronald Reagan, nyuma y’aho gato Leta Zunze Ubumwe za Amerika zahise zohereza intumwa yo guhagararira Amerika i Vatikani. Abaperezida bamubanjirije bari barabigerageje ariko mu matora hagatorwa ko ibyo bikorwa byabo binyuranyije n’itegekonshinga. Perezida Ronald Reagan yaje kubisohoz, ariko bikorwa bitanyuze muri Sena cyangwa Kongere.

Mu gusubiza ku mpungenge za Vatikani, ubuyobozi bwa Reagan bwemeye guhindura gahunda yabwo ku bijyanye no gufasha ibindi bihugu kugira ngo hubahirizwe inyigisho za Kiriziya ku byo kuringaniza imbyaro.³

Amadini akora umurimo w’ibwirizabutumwa afite ububasha bwo guhindura umurongo ngenderwaho wa Leta Zunze Ubumwe z’Amerika. Kuri ubu ayo madini afite ububasha mu bya politiki bwo kugera ku ntogo zayo. Nibimara kugerwaho, ikibuga kizaba giteguwe ngo ibigomba kuba ku iherezo ry’ibihe byavuzwe mu Byahishuwe 13 bisohore. Imiterere nyayo y’amategeko azashyirwaho n’ubusobanuro bw’ikimenyetso cy’inyamaswa tuzabivugaho mu byigisho *Ikimenyetso cy’inyamaswa n’Umwuka w’Ubumwe*.

IBIHAMYA

1 Stanley, *History*: 40.

2 St. Alphonsus de Liguori, *Dignities and Duties of the Priests* (New York: Benziger Brothers, 1888): 27-28.

3 *Liberty Magazine*, 1980.

Intambara iheruka hagati y'ikinyoma n'ukuri

Igice cya 8: **IKIMENYETSO CY'INYAMASWA**

Ikigeragezo Giheruka

Igitabo cy'ibyahishuwe gisobanura neza iherezo ry'intambara ikomeye iri hagati ya Kristo na Satani, kandi iyi ni intambara y'ubutware. Mu Byahishuwe 12 tubona ko ikiyoka kirwanya abitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu (Ibyahishuwe 12:17). Kubw'ibyo hari ibintu bibiri umwanzi azibandaho arwanya muri iyi ntambara iheruka ari byo, "amategeko y'Imana" no "guhamya Yesu Kristo". Guhamya kwa Yesu tuzabirebaho nyuma (Reba icyigisho cyitwa *Impano Nyobozi y'Imana*), ariko amategeko y'Imana, ni yo ngingo irimo ubutware n'ubutegetsi by'Imana. Mu Byahishuwe 11:19 turahasoma ngo:

Urusengeru rw'Imana rwo mu ijuru rurakingurwa, mu rusengeru rwayo habonekamo isanduku y'isezerano ryayo, habaho imirabyo n'amajwi no guhinda kw'inkuba, n'igishyitsi n'urubura rwinshi. Ibyahishuwe 11:19

Umuhanuzi Yohana arimo kutuburira atwereka ko intambara ikomeye iheruka izaba ishingiyeye ku mategeko y'Imana. Umwanzi azahinyura ubutware bw'Umuremyi maze agerageze kwishyiriraho ikimenyetso cy'ubutware bwe. Ibyahishuwe 13 hagaragaza ubutware buzashyira mu bikorwa ibizaba bigambiriye kurwanya ubutware bw'Imana, kandi twabonye ko ubupapa bwa kiliziya Gatulika na Leta zunze ubumwe za Amerika aribwo bwami buzagira uruhare rukomeye muri iyi ntambara. Ikindi kandi, ni ingenzi kwibuka ko Ubupapa buvuga bufite akanwa nk'a k'intare, aho mu buhanuzi bwa Daniyeli, intare ishushanya Babuloni. Mu yandi magambo, mu bigize ubupapa harimo ibinyababuloni, cyane cyane mu mvugo y'ubupapa.

Amateka atubwira ko mu gihe cyo kurimbuka kwa Babuloni, ubutambyi bwaho bwahise bwimukira muri Perugamo muri Aziya, maze imisengere y'abanyababuloni, imihango yaho, n'imiterere y'iyi misengere ya Babuloni yose igumaho. Umwami uheruka wa Perugamo yitwaga Attalus, izina rye rw'ubutegetsi (Pontifex Maximus), iyi niyo yari imiterere y'ubutambyi bwa Babuloni, ndetse n'imyambaro ye byose byabaye umurage wa Roma.¹ Umutambyi mukuru w'umupagani wa Roma ni we watangiyeye akoresha iryo zina, ariko ubwo Roma mpagani yahangukaga, iri zina ry'abanyababuloni ryahise rihabwa Papa. Kandi ikintu cya mbere ubona iyo winjiye mu ngoro ya Mutagatifu Petero ni iri zina ry'abanyababuloni, ari ryo Pontifex Maximus. Iri zina uribona iyo ucyinjira muri Vatikani kandi rigaragarira kuri buri mashusho yose y'ubupapa. Igitangaje, ni uko ku ishusho ya Papa Gregory wa 13 hagaragara iri zina, kandi akagaragara ari hejuru y'ikiyoka. Nk'uko biri mu Byahishuwe 13, ikiyoka cyahaye imbaraga zacyo inyamaswa yaturutse mu nyanja, ariyo ubupapa. Mu buryo budasazwe, papa wa Roma ni umuvugizi w'ikiyoka kandi binyuze mu bupapa, aribwo musimbura w'ubwami bwa Roma, imigambi yose y'ubutware bw'ikiyoka igerwaho.

Nyuma y'uko Umwami Constantine avuye i Roma mu mwaka wa 330 N.K kugira ngo yubake Constantinople, ari yo Istanbul y'ubu, ngo ayigire umurwa mukuru we, Roma mpagani yiyambuye ubutware bwayo n'intebe yayo ya cyami byose ibiha Ubupapa bwa Kiliziya Gatulika. Karidinali Henry Edward Manning wo mu Bwongereza avuga ko kwegura kwa Roma mpagani

*byari uguha umudendezo Kiliziya Gatulika. Uko iminsi yagiye ishira, uyu mukaridinali akomeza avuga ko, abapapa baje kwisanga bihariye ingoma, maze bahinduka isoko yo gushyiraho gahunda, amahoro, amategeko n’umutekano nta handi babikura uretse muri Roma y’iburengera zuba.*²

Papa ahamya ko afite ubutware budasanzwe mu by’iyobokamana ndetse no mu by’imico mbonera kugeza naho avuga ko ubutware bwe busumba ibyo Imana isaba. Inyandiko ya Romana Decretalia iravuga ngo:

*(Papa) ashobora guca imanza zivuguruza uburenganzira bw’ ibihugu, zikanyuranya n’amategeko y’Imana n’ay’abantu... Ubwe ashobora kwishyiriraho amategeko atandukanye n’amategeko y’intumwa, kuko ari we mutware w’intumwa, ndetse akaba hejuru y’amategeko yo mu isezerano rya kera. Avuga kandi ko “afite ubutware bwo guhindura ibihe, gukuraho amategeko, ndetse n’ibyo Kristo ategereye ashobora kubihindura.”*³

Amagambo akurikira arashimangira iyi ngingo yavuzwe haruguru:

*Papa akora ibintu kubera impamvu runaka. Ashobora gutanga amategeko ari hejuru y’amategeko y’Imana; kandi ikibi ashobora kugihindura icyiza, binyuze mu gukosora no guhindura amategeko.*⁴

Nk’uko twabibonye amategeko y’Imana ari nayo anagaragaza ingoma y’Imana, Satani ayagabaho igitero, kuko ayo mategeko arikibazo ku ngoma ya Satani. Ubupapa buzakoreshwa muri iyi ntambara iheruka ikomeye iri hagati y’icyiza n’ikibi kandi ubu bwami buzahatira abantu bo mu isi yose kwakira ikimenyetso cy’inyamaswa. Imiburo yerekeye ikimenyetso cy’inyamaswa irakomeye cyane kandi irimo ubutumwa bwihariye tubona muri Bibiliya, kandi ni ingenzi ko tumenya ibiri muri ubwo butumwa neza tubyitondeye.

Itera bose aboroheje n’abakomeye, n’abatunzi n’abakene, n’ab’umudendezo n’ab’imbata, gushyirwaho ikimenyetso ku kiganza cy’iburyo cyangwa mu ruhanga, kugira ngo hatagira umuntu wemererwa kugura cyangwa gutunda, keretse afite icyo kimenyetso cyangwa izina rya ya nyamaswa, cyangwa umubare w’izina ryayo. Ibyahishuwe 13:16-17

...umuntu naramya ya nyamaswa n’igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza, uwo ni we uzanyjywa ku nzoga ari yo mujinya, yiteguwe idafunguwemo amazi mu gacuma k’umujinya wayo. Kandi azababazwa n’umuriro n’amazuku imbere y’abamarayika bera, n’imbere y’Umwana w’Intama. Umwotsi wo kubabazwa kwabo ucumba iteka ryose, ntibaruhuka ku manywa na nijoro abaramya ya nyamaswa n’igishushanyo cyayo, umuntu wese ushyirwaho ikimenyetso cy’izina ryayo. Ibyahishuwe 14:9-11

Ikimenyetso cy’inyamaswa kivugirwa hamwe n’ibihano bikomeye, ibyo Imana itigeze ibwira inyoko muntu. Ni igihano cyo gutandukanywa n’Imana by’iteka ryose. Ikimenyetso cy’inyamaswa ku bw’ibyo kigomba kuba ari ikintu gikomeye cyane, kandi kuba Imana ishaka imitima y’abantu n’imico yabo, iki kimenyetso kigomba kuba gifite aho gihurira n’umushyikirano uri hagati y’umuntu n’Imana. Biratangaje ukuntu hari inyigisho nyinshi n’uburyo abantu benshi basobanura ikimenyetso cy’inyamaswa, bamwe

bavuga ko ari imibare itangwa na mudasobwa gukora indanga muntu, abandi bakavuga ko ikimenyetso cy'inyamaswa ari akantu bashyira mu mubiri w'umuntu, ibyo bavuga byose ni ibyo mu mubiri, nta cyo bavuga cyerekeye imico y'umuntu, n'uburyo umuntu abana n'Imana, cyangwa se uko yumvira ingoma y'Imana. Inyamaswa mu busobanuro bw'abasesenguzi b'ubuhanuzi bagiye bayigereranya n'ikintu cyangwa se umuntu uteye ubwoba cyangwa se mudasobwa nini iri ahantu runaka ibitsemu amakuru yose yerekeye buri muntu. Ibi byose bishobora gukoreshwa n'umwanzi kugira ngo amenye ibikorwa bya buri muntu ndetse umwanzi anamenye aho ubutunze bwe buri, ariko nta na kimwe muri ibi cyaba ikimenyetso cy'inyamaswa kuko inyamaswa ishushanya ubupapa, nk'uko twabibonye mu cyigisho kivugaga ku nyamaswa ebyiri zo mu byahishuwe 13. Niba tugiyeye gucukumbura ikimenyetso cy'inyamaswa, ubwo turaza kukibona mu ntambara ikomeye ndetse turebe n'uburyo iki kimenyetso kibangamira inama y'agakiza. Kandi binyuze mu cyaha (ari ko kugomera amategeko y'Imana, 1 Yohana 3:4) nibwo umuntu yatandukanywe n'Imana, kandi uku kwigomeka ku ngoma y'Imana byazaniye ingaruka buri muntu wese mu buryo abayeho uyu muni.

Ahubwo gukiranirwa kwanyu ni ko kwabatandukanije n'Imana yanyu, n'ibyaha byanyu ni byo biyitera kubima amaso ikanga no kumva. Yesaya 59:2

Ibihembo by'ibyaha ni urupfu. Abaroma 6:23

Ubutabera busaba ko igihano cy'icyaha cyishyurwa, kandi Kristo yujuje icyo kiguzi abinyujije mu kwitanga ubwe. Binyuze muri icyo gitambo cye, ubuntu bwashoboye kubaho, kandi byabashije kunga umushyikirano w'umuntu n'Imana.

Umutima mushya ni umutima...wubahiriza amategeko y'Imana, ukagira guhamya kwa Yesu.
Ibyahishuwe 14:12

Kuko iri sezerano ari ryo nzasezerana n'inzu ya Isirayeli, hanyuma y'iyi minsi, ni ko Uwiteka avuye, 'Nzashyira amategeko yanyu mu bwenge bwabo, nyandike mu mitima yabo, kandi nzaba Imana yabo, nabo bazaba ubwoko bwanjye.' Abaheburayo 8:10

Umushyikirano wasubijweho usobanuye kugira imibereho igendera ku kumvira ibyo Imana itegeka. Umuntu wese uvuye aho ari Imana ariko ntiyitondere amategeko ya Yo uwo ni umubeshyi kandi ukuri ntikuri muri we (1 Yohana 2:4). Niba gutandukana kw'umuntu n'Imana byarabaye ingaruka y'icyaha, ubwo ikimenyetso cy'inyamaswa na cyo ni icyaha, kuko na cyo gituma umuntu atandukana n'Imana. Niba icyaha ari ukugomera amategeko y'Imana (1 Yohana 3:4), nk'uko byagenze mu itangiriro, ubwo icyaha cyatandukanyaga umuntu n'Imana ni nacyo kizatuma abantu batandukana n'Imana by'iteka ryose.

Inyamaswa n'ikimenyetso cyayo twabivuzeho cyane mu cyigisho cyitwa *inyamaswa ebyiri ziba inshuti zo mu Byahishuwe 13*. Ibyahishuwe 13 hatubwira ko ishusho y'inyamaswa ari yo izahatira abantu ikimenyetso cy'inyamaswa. Ishusho ni ikintu gisa n'ikindi cy'umwimerere, nk'uko biba ku ishusho iri mu ndorerwamo. Inyamaswa ya mbere yo mu Byahishuwe 13 (ari ryo yobokamana ry'abagatulika) yari ingoma yakoresheje leta kugira ngo ihatire abantu kubahiriza amahame yayo kandi ayo mahame akaba yaranyuranyije n'ijambo ry'Imana. Dushingiye ku Byahishuwe 13, ishusho y'inyamaswa igaragara mu nyamaswa ya kabiri, ari yo yagaragajwe nka leta zunze ubumwe za Amerika. Leta zunze ubumwe za Amerika nk'igihugu cy'igihangange mu isi kizakoresha imbaraga za leta kugira ngo gihatire abantu

amahame bita iyobokamana n’aho ayo mahame yaba atandukanye n’ijambo ry’Imana. Niba leta zunze ubumwe zizakoresha ububasha zifite mu guhatira abatuye isi kuramya ubupapa , ubwo leta zunze ubumwe za Amerika zizaba zikurikiye inzira nk’iyo Gatulika yari irimo mu gihe cy’imyaka 1260 ubwo yahatiraga abantu amahame yayo binyuze mu kubategeka ndetse no kubarenganya. Leta zunze ubumwe z’Amerika zizafata amategeko y’ubupapa, maze ziyahatire abantu ngo abatuye isi bose bayumvire. Zizaba zihindutse nka Gatulika, binyuze mu guhuriza hamwe itorero na leta maze zigakoresha imbaraga za leta ngo zihatire abantu kumvira ayo mategeko, leta zunze ubumwe zizaba ari ishusho y’inyamaswa.

Uburyo icyo kimenyetso kizahatirwa abantu, dushingiye ku Byanditswe Byera, ni mu ikomanyirizwa ry’ ubukungu bwa buri kigo cyangwa se umuntu ku giti cye ku bazaba badashaka kwemera icyo kimenyetso.

Kugira ngo hatagira umuntu wemererwa kugura cyangwa gutunda, keretse afite icyo kimenyetso cyangwa izina rya ya nyamaswa, cyangwa umubare w’izina ryayo...kandi umubare we ni magana atandatu na mirongo itandatu na gatandatu. Ibyahishuwe 13:17-18

Ikimenyetso ni ikintu kigaragaza itandukaniro hagati y’ikintu kimwe n’ikindi. Ikimenyetso cy’ubwami bw’iby’iyobokamana kigomba kuba ikintu gishingiye ku kwizera gitandukanya iryo yobokamana n’ayandi yose. Uburyo bwiza bwo kumenya igitandukanya kiriziya gatulika n’andi madini ni ugukoresha inyandiko z’ibyo bigisha ubwabo. Karidinali Gibbons yivugira ko kubahiriza icyumweru ari ikimenyetso cy’ubutware bwa gatulika.

Ni ukuri kiriziya Gatulika ihamya ko ari yo yahinduye amategeko. Nta kundi byagenze, kuko muri icyo gihe nta wundi washoboraga kuba yagira icyo akora, ku byerekeye ibya mwuka, mu kwigisha no mu iyobokamana keretse kiriziya Gatulika yonyine. Iki gikorwa cyo guhindura amategeko ni ikimenyetso cy’ubutware bwa kiriziya mu iyobokamana.⁵

Izuba ryari ikigirwamana gikuru mu bupagani... izuba rifite abariramyaga kuri iyi saha mu Buperesi n’ahandi ku isi... muri ryo harimo ikintu cy’ukuri, ikintu cyo kwifuzwa, ubutware bw’izuba, ari bwo butumwa rihinduka ikirango cya Yesu, Zuba ryo gukiranuka. Niyo mpamvu kiriziya muri ibi bihugu ivuga ngo, “mugumane iryo zina rya kera, rya gipagani. Rizahora ritunganye kandi ryejejwe.” Maze kuva ubwo, icyumweru cya gipagani, cyari cyeguriwe Balder, gihinduka icyumweru cya gikristo, cyerejwe Yesu.⁶

Gusenga ku cyumweru nta ishingiro bifite muri Bibiliya na rito, bifite inkomoko mu migenzo ya kera. Abaporotestanti bahereye kera bavugaga ko Bibiliya kandi Bibiliya yonyine ari yo ikwiriye kuba ishingiro ry’ukwizera kw’iyobokamana ryabo. Kugira ngo bakureho iyo ngingo, kiriziya Gatulika yahamagaje inteko ya Trent yabaye mu mwaka wa 1545, maze bahamya ko imihango iri hejuru y’Ibyanditswe Byera. Umushumba mukuru wa Reggio, mu ijambo yavuze ryerekeye iyi ngingo, yakomeje avuga ko igihamya ko imihango iri hejuru y’ubutware bwa Bibiliya ari icy’uko Isabato yahinduwe igashyirwa ku cyumweru.

Kiriziya yahinduye Isabato iyimurira ku cyumweru, itabitegetswe na Kristo ahubwo ibikora ku bw’ubutware bwayo bwite.⁷

Si ku byanditswe byesa ahubwo ni ku migenzo Rutare Yesu yubatsheho itorero rye.⁸

Abaporotestanti bubahiriza icyumweru nk'umunsi wogusengeraho baba bari kubaha ikimenyetso cy'utware bwa Gatulika ya Roma. Abagatulika ba Roma barahamya bati:

*Isabato ya gikirisito yubahirizwa ku muni wa kiriziya gatulika, bituma gatulika ihinduka nk'umugeni wa Mwuka Wera, ni yo mpamvu nta jambo ryo kwiregura abaporotestanti bafite.*⁹

*Icyumweru ni ikimenyetso cyacu cy'ubutware... kiriziya iri hejuru ya Bibiliya, kandi uku guhindura Isabato ni cyo kibihamya.*¹⁰

Ikibazo: haba hari igihamya mufite cyerekana ko itorero rifite ububasha bwo gushyiraho iminsi mikuru?

Igisubizo: Iyo Kiriziya itaza kuba ifite ububasha bungana butyo, ibyo yashyizeho ntabwo byari kuba byemewe n'abanyamadini hafi ya bose, ntabwo yari kuba yarahinduye ukwera kw'isabato yubahirizwaga ku muni wa karindwi/samedi/Saturday ngo ijye yubahirizwa ku muni wa mbere/ku cyumweru/Sunday, iyo mpinduka kandi ntaho Ibyanditswe Byera biyishyigikira.¹¹

Muzambwira ngo umunsi wa karindwi/Saturday wari Isabato y'Abayuda, ariko ko isabato ya gikirisito yahinduwe igashyirwa ku muni wa mbere/ku cyumweru/Sunday. Yarahindutse! Yahinduwe na nde? Ni nde ufite ububasha bwo guhindura amategeko yavuzwe n'Imana Ishoborabyose? Mu gihe Imana yavuze ngo 'Mujye mweza umunsi wa karindwi', ni nde wagerageje kuvuga ngo mujye mukora imirimo yanyu ndetse n'ubucuruzi bwanyu bwo mu isi ku muni wa karindi, maze muruhuke ku muni wa mbere aho kuruhuka ku muni wa karindwi? Iki ni ikibazo gikomeye ntazi uburyo mwagisobanura. Muri abaporotestanti kandi muhamya ko mugomba kuyoborwa na Bibiliya ndetse Bibiliya yonyine, ku ihame ryo kweza umunsi wa karindwi, murenga ku byanditswe muri Bibiliya maze mukawusimbuza umunsi Imana yategetse. Itegeko ryo kweza umunsi wa karindwi ni rimwe mu mategeko icumi; mwizera ko andi mategeko icyenda agihamye, ariko se ni nde wabahaye ububasha bwo kugomera itegeko rya kane? Niba mushikamye ku mahame yanyu, mukaba mukurikiza Bibiliya by'ukuri ndetse Bibiliya yonyine, mwari mukwiriye kugira ububasha bwo kubona amasomo yo mu isezerano rishya aho itegeko rya kane rigaragazwa neza.¹²

Ese ni ukubera iki itegeko ry'Isabato rifite agaciro gakomeye mu mategeko y'Imana, kandi ni kuki ari ingenzi kumvira ibiri muri iryo tegeko? Igisubizo kiri mu magambo agize iryo tegeko agizwe n'ibigize ikimenyetso cy'Imana.

Itegeko ry'isabato uretse kuba ari umutima w'amategeko icumi, ni naryo kimenyetso cy'amategeko cumi. Kurikuraho ni ugutuma andi mategeko asigara adafite ubutware cyangwa se agasigara adafite ikimenyetso cyemewe.



Ikimenyetso (Cachet) kigira ibintu bitatu bikiranga:

- Izina ry'uwanditse amategeko

- icyo akora,
- N'izina ry'ahantu ayobora



Itegeko rya kane gusa ni ryo rifite ibi bintu uko ari bitatu:

- Imana (Izina ry'Imana)
- Umuremyi (Umurimo w'Imana)
- Ijuru n'Isi (ahantu Imana iyobora)

Gukuraho iri tegeko byatuma buri dini ryose naryo ryubahiriza andi mategeko icyenda. Guhindura ikimenyetso (cachet) bisobanuye guhindura ubuyobozi, bituma uba ugize undi muyobozi mushya ushobora no gushyiraho andi mategeko. Ukumvira ayo mategeko mashya yakuwemo ubutware bw'ikimenyetso cy'Imana aba ari ukwiyegurira undi muyobozi mushya. Ibi byahozze ari intego ya Satani ko yazaba umutware maze agasumba intebe y'ubwami y'Imana. Mu kwihamiriza ubutware bwo guhindura amategeko ndetse no guhatira abantu ikimenyetso gitandukanye n'ikimenyetso cy'Imana, Satani aba akuye ubutware ku Mana abuhinduye ubwe. Kumvira iki kimenyetso cy'ubutware bwa satani bisobanuye kwiyegurira ubuyobozi bwe maze ugahakana ubutware bw'Imana. Ubu ni ubuhakanyu bwuzuye. Mu gihe abantu biyeguriye kwemera iki kimenyetso kibi maze bagahamya ko bumvira amategeko bagakomeza kweza icyumweru, ubwo baba biyeguriye kuyoboka ingoma ya Satani. Mu gihe ayo mategeko atarahinduka agahato, umudendeze wo guhitamo uracyashoboka. Ikimenyetso cy'inyamaswa kiyobora abantu mu kubatandukanya n'Imana by'iteka ryose kuko abantu bazaba bahatiwe guhitamo uwo bashaka kuyoboka uwo ari we. Nibaramuka bahisemo kumvira Imana ku byerekeye iyi ngingo, bazarenganywa. Nibaramuka bahisemo kumvira ubutware bw'isi, ubwo igihano kizaba gutandukana n'Imana burundu. icyo dukwiriye gukora ni uguhitamo.

Mu Byanditswe Byera, Isabato y'Imana igaragazwa nk'umwihariko udasanzwe.

Kandi mujye mweza amasabato yanjye aho ikimenyetso hagati yanjye namwe, kugira ngo mumenye yuko ndi Uwiteka Imana yanyu. Ezekeyeli 20:20

Kandi ndababwira ukuri yuko ijuru n'isi kugeza aho bizashirira, amategeko atazavaho inyuguti imwe cyangwa agace kayo gato, kugeza aho byose bizarangirira. Matayo 5:18

Bansegere ubusa, kuko inyigisho bigisha ari amategeko y'abantu. Matayo 15:9

Igiye cyose Data wo mu ijuru adateye kizarandurwa. Matayo 15:13

Uyu muni nimwitoranyirize uwo muzakorera, niba Uwiteka ari we Mana mumukurikire. Yohuwa 24:15

Kiriziya Gatulika ivuga ko icyumweru ari ikimenyetso cy'ubutware bwayo. Ikindi kandi ni uko ihamya ko ibyo yakoze ndetse n'amategeko yashyizeho ko ari byo bigomba kugenderwaho na za guverinoma. Ubu kandi si ububasha yihamirije gusa mu gihe cy'imyaka yakera y'umwijima, ahubwo ihamya ko ari

ubutware ifite bwa buri muni. *Gatigisimu ya kiriziya gatulika*, yahawe umugisha na Papa Yohani Pawulo wa 2, ifite icyo ivuga kuri iyi ngingo:

*Kiriziya, nk'inkingi n'umurage w'ukuri, yahawe itegeko na Kristo riturutse ku ntumwa ko bagomba kwamamaza ukuri gukiza... kiriziya ni yo ifite uburenganzira bwo kwamamaza amahame y'ukuri, ndetse n'amategeko y'imibanire, kandi kiriziya ni yo ica imanza z'uburyo abantu bagomba kubaho nk'uko babisabwa n'amategeko yaba ari ay'umuntu ku giti cye cyangwa se amategeko areba agakiza k'imitima.*¹³

Ushingiye kuri iyi gatigisimu, amategeko avugwa ni amategeko icumi, ariko ntabwo ari amategeko icumi nk'uko yanditswe muri Bibiliya, ahubwo ni amategeko icumi nk'uko yasobanuwe na Augustine, umupadiri wa kiriziya gatulika.

*Kuva ku gihe cya Mutagatifu Augustine, amategeko icumi yagize umwanya muri gatigisimu y'abitegura kubatizwa.... Gatigisimu ya kiriziya yagaragaje ko imibereho y'umukirisito ikwiriye kuba ikurikiza aya mategeko icumi. Ukugabanya amategeko no kuyahindura byagiye bibaho mu mateka. Iyi gatigisimu ikurikiza amategeko yahinduwe na mutagatifu Augustine, ari yo yaje gukomeza gukoreshwa na kiriziya Gatulika.*¹⁴

Mbega ukwihamiriza ibintu bitangaje! Ntabwo ari ukubahiriza amategeko cumi nk'uko yanditswe muri Bibiliya, ahubwo ni nk'uko yahinduwe na Augustine arangije ahinduka ishingiro ry'imyizerere y'ubugatulika. Kuba icyumweru ari ikimenyetso cy'ubutware bwa kiriziya gatulika, iki kimenyetso kinyuranye n'ubushake bw'Imana kandi iki kimenyetso kugihuza n'ubukristo ntibishoboka. Kuramya ku cyumweru bishobora gusa kubonerwa ubusobanuro n'amahame ya gatulika. Kiriziya gatulika ubwayo yagerageje kugira ibyo ivuga kuri iyi ngingo:

*Icyumweru cyatangijwe na gatulika, kandi gusenga ku cyumweru bishobora kuboneka mu mahame ya gatulika gusa...kuva mu itangiriro kugeza ku iherezo rya Bibiliya nta somo na rimwe, ryemerera abantu kwimura ukwera ku muni wa karindwi ngo bagushyire ku muni wa mbere.*¹⁵

*Ukweza icyumweru kw'abakristo ku bw'ibyo kugaragaza ko bashyigikiye kiriziya Gatulika ko ihinduka umugeni wa Mwuka Wera, n'ubwo nta gihamba abaporotestanti bafite kibashyigikira muri uku kweza icyumweru.*¹⁶

*Niba abakristo bavugako bakurikiza Bibiliya, bari kuzajya basenga Imana ku muni w'Isabato. Mu kuruhuka ku muni w'icyumweru abaporotestanti baba bakurikira amategeko ya kiriziya Gatulika.*¹⁷

*Abaporotestanti, mu kwanga ubutware bwa kiriziya gatulika, nta mpamvu n'imwe bafite yo kuba bubahiriza icyumweru, bari bakwiriye kubahiriza umuni wa karindwi (samedi/saturday) nk'isabato.*¹⁸

Hari impamvu ikwiriye gutuma uhitamo kimwe mu bintu bibiri bikurikira: ugahitamo ubaporotestanti maze ukeza umuni w'isabato cyangwa ubugatulika ukeza umuni

*w'icyumweru. Ikidashoboka ni uguhuza ubuporotestanti no kuruhuka icyumweru cyangwa se ubugatulika no kuruhuka isabato.*¹⁹

Bamwe bashobora gutekereza ko izi nyandiko ari iza kera, ko Gatulika itashobora kwandika amagambo nk'aya mu gihe cyacu. Niba, mu buryo bwose guhatira abantu kuruhuka icyumweru bizahinduka ukuri gikwira, naho rero tugomba kwitega ko iyi ntambara ikomeye izarushaho kuba mbi kandi binyuze mu mategeko abantu bazahatirwa kuruhuka umunsi w'icyumweru. Ibi ni byo Yohani Pawulo wa 2 yakozwe mbere y'ikinyagihumbi gishya. Ikindi kandi, ni uko kiriziya yagaragaje uburyo abantu bagomba kumvira amategeko ari ukwiyegurira kumvira papa n'amahame ye. Amagambo nk'abahakanyi n'ibihano, yakoreshejwe muri izi nyandiko za Papa, aributsa abantu iby'akarengane ko mu gihe cya kera. Mu rwandiko rwe yanditse asaba ko icyumweru cyakwezwa, Papa yasubiyemo kenshi ko hakwiriye gushyirwaho amategeko asaba kubahirizwa k'umunsi wo ku cyumweru:

Umunsi wo kuruhuka wa 64.... Mu kinyejana cya kane nibwo amategeko agenga abaturage b'ingoma ya Roma bemeye icyumweru kigenda kigaruka kandi ko "ku munsi w'izuba" abacamanza, abantu bo mu migi ndetse n'ibigo bigamije inyungu ko byose nta na kimwe gikwiriye gukora kuri uwo munsi (107). Abakristo barishimye kuko bari babonye ikibakuriraho umutwari maze bituma babona ko kuruhuka ku munsi w'Uwiteka ari ubutwari. Bari babonye umwanya wo gusengerana hamwe ku mudendeza badafite inkomyi (108).

Niyo mpamvu ubu byaba ari bibi kubona mu riri tegeko ngaruka cyumweru nk'amateka gusa ukirengangiza icyo bisobanuye mu myemerere y'itorero, kandi uyu munsi washoboraga kutubahirizwa.

*Ndetse na nyuma y'ihanguka ry'ubu bwami, inteko ntabwo yigeze ihwema gusaba abantu ko baruhuka ku cyumweru.... mu binyejana byinshi, kiriziya yagiye ishimangira mu mategeko yayo kuruhuka ku cyumweru (109), kiriziya yahoranye mu migambi yayo ko igomba kugenga abakoresha n'abakoresha, bidatwe n'agaciro gake babona mu murimo ugereranyije n'ibikenewe mu myizerere cyangwa kubahiriza umunsi wicyumweru ahubwo kubera Kiriziya yarikeneye kuzashyiraho amategeko yo mu rwego rwo hejuru agambiriye kuzahatira buri wese kuruhuka umunsi w'icyumweru, ni muri ubwo buryo uwabanyirije Papa Leo wa 13 mu itegeko rye yise "Rerurn Noverum" yavuze ku bijyanye no kuruhuka ku cyumweru ko ari uburenganzira bwa buri mukozi kuruhuka ku cyumweru kandi ko Leta igomba kubyemeza... **ku bw'ibyo, mu bihe byacu bidasanze, abakristo mu nshingano zabo bagomba guharanira itegeko ribemerera kweza umunsi w'icyumweru.***²⁰

Uru rwandiko rwa papa rwatumye ikinyamakuru cyitwa *Sunday Times* cyo mu bwongereza cyihutira kwandika ngo: "Papa yatangiye igiterane cyo kurengera icyumweru." Byanditswe ku itariki ya 5/7/1998.

Nyuma y'iminsi mike yo gushyira ku mugaragaro amabwiriza asaba kubahiriza umunsi w'icyumweru, ku itariki ya 18/5/1998, Vatikani yasohoye inyandiko y'ubupapa yitwa AD TUENDAM FIDEM irimo amwe mu mahame yagiye yongerwa mu mategeko yatanze n'aba papa, ndetse no mu matorero y'iburasirazuba yongerewemo, maze bituma bashyiraho amahame akomeye yerekeye ukwiyegurira kumvira Papa kuri iyi ngingo y'iri hame.

Can. 1436 § 1. Umuntu wese uzahakana cyangwa se agashidikanya ku kuri kose kwatanzwe na kiziriya Gatulika, cyangwa se agahakana ukwizera kwa gikriso muri rusange, ndetse ntashake guhindura ibyo yemeraga nyuma yo guhabwa umuburo, akwiriye guhanwa nk'umuhakanyi ufite amahame y'ibinyoma; abaye ari umwe mu bayobozi, yahanishwa ibindi bihano birimo no guhagarikwa mu buyobozi.

§ 2. Uretse ibyo, umuntu wese wanga kwemera amahame yatanzwe, nk'uko yasobanuwe ndetse agatangwa na Papa w'i Roma cyangwa se ihuriro ry'abashumba, maze akemera amahame y'ibinyoma yahawe, maze uwo muntu ntahindukire nyuma yo guhabwa impanuro n'imiburo, uwo muntu akwiriye guhanwa igihano kimukwiriye.

5. Turateguka ko ibintu byose twabasabye muri uru rwandiko rwa papa rwiswe motu proprio ko bikwiriye guhama ndetse bigashyirwa mu bikorwa kandi turateguka ko bishyirwa mu mategeko mpuzamahanga ya kiriziya Gatulika ko biri mu bigize amategeko y'ibanze ndetse bishyirwe no mu mategeko y'amadini y'iburasirazuba, bibe bikurikiranye nk'uko byavuzwe haruguru, uko biri kose. Nta kinyuranyo kigomba kubaho itangiwe I Roma, mu ngoro ya mutagatifu Petero ku itariki ya 18/5/1998, mu mwaka wa 20 w'ubupapa bwacu.²¹

Umuntu wese uzahakana cyangwa se agashidikanya ukuri kwatanzwe na kiriziya gatulika agomba kwitwa umuhakanyi? Agahanishwa igihano kimukwiriye? Ibi birumvikana nabi cyane, biributsa igihe abantu bahabwaga ibihano kubwo kwizera kwabo ndetse bakabiriza. Igihano bahabwaga cyari urupfu. Bibiliya ivuga neza ko amateka azisubiramo kandi ko umuntu wese wangaga kwemera kuruhuka ku cyumweru yafatirwaga ibihano mu by'ubukungu ndetse harimo no kwicwa byabaye mu gihe cyiswe icuraburindi, ibyo kandi ni ko bizongera kubaho mbere y'uko igihe cy'imbabazi kirangira. Iri tegeko rizaba riri mu bihugu byose kandi isi yose izahitamo kubaha Imana cyangwa se kugendera ku mategeko y'abantu. Kandi dushingiye kuri Daniyeli na Yohana, ikizakurikiraho ni igihe cy'amakuba atigeze abaho.

Uko kurimbuka kwa Yerusalemu kwagenze ni nako bizaba mbere yo kugaruka kwa Kristo, Yesu yaburiye abantu ikizira kizaza kizatuma kurimbuka kubaho. Ese ni iki Yesu na Daniyeli bavuze kandi bihuje n'uko Yohana yazihishuriwe. Ukurimbuka kwa Yerusalemu kwabayeho ni icyitegererezo cy'uburyo isi izarimbuka, kandi niba twumvira imiburo ya Bibiliya, Imana izarinda abayizera dushingiye ku masezerano ya Yo.

Ariko ubwo muzabona ikizira kirimbura cyahanuwe n'umuhanuzi Daniyeli gihagaze ahera – ubisoma abyitondere. Matayo 24:15

Ese icyo kizira cyatumye habaho kurimbuka ni ikihe? Muri Luka 21:20 tuhabona igisubizo.

Ariko ubwo muzabona I Yerusalemu hagoswe n'ingabo, muzamenye yuko kurimbuka kwaho kwenda gusohora. Luka 21:20

Aya masomo abiri aratubwira ingabo z'Abaroma arizo zavuzwe nk'ikizira kirimbura. Roma mpagani hano yiswe ikizira, kandi tuzi ko Umwami w'amahoro yabambwe mu gihe cyo ku ngoma ya Roma. Ikindi kandi, ni uko barenganyije abantu b'Imana bashaka no kubarimbura mu isi yose. Imyizerere yabo nayo yari ikizira. Uretse kuba barasengaga umwami, banahatiye abatuye isi kuramya umunsi

w'ikinyoma mu mwaka wa 321 N.K. Abaroma bari bafite gahunda y'abaseseredoti cyangwa se ubupadiri, aho abapadiri babaga barahawe ubutware bukomeye cyane, ubwo Bibiliya nanone ishobora kwita ikizira.

Indi mpamvu yiyongereyeho ituma Roma yitwa ikizira kirimura ni uko muri kamere yabo byari imyizerere yabo yarishingiye mu kuramya ibigirwamana. Basengaga ibigirwamana byinshi aho ibigirwamanakazi byari bifite uruhare runini cyane. Ikigirwamanakazi cy'Abaroma cyitwa Diana, ikigirwamana cy'abagiriki bitaga Artemis, cyasengwaga nk'ikigirwamanakazi gikuru mu bindi bigirwamanakazi byose by'Abaromani, kandi 2 Abami 23:13 na Yesaya 44:19 havuga ko kuramya ibigirwamana ari ikizira.

Kuko Yesu yavuze ku bihe bibiri by'amateka yerekeye ubwoko bwe, ijamba "ikizira cy'umurimbuzi" ntabwo ryaba rivuga Roma mpagani gusa, ahubwo rivuga na Roma y'ubupapa, izasubiramo ibyo bikorwa biteye agahinda mu gihe giheruka. Mu yandi magambo, ubwo Yesu yavugaga ibya Roma mpagani yarenganyije abantu b'Imana maze ikarimbura Yerusalemu, yarengurizaga kuri Roma y'ubupapa. Roma y'ubupapa ku bw'ibyo ni ikizira – ni iyobokamana ry'ibinyoma rirenganya Yerusalemu y'ibyumwuka, ari yo bwoko bw'Imana buri mu isi yose. Nk'umwami wa kera, papa afite ubutware mu isi yose kandi urwunge rw'ibigirwamanakazi rwasimbuwe na Mariya n'abatagatifu, aho bafite ubushobozi bwo kuvuganira umuntu imbere y'Imana.

Kugira ngo dusobanukirwe n'ugusohora kuzuye k'ubuhanuzi bwa Yesu bwo muri Matayo 24, ni ingenzi kugira ngo twige ibyabanje kubaho, uburyo Yerusalemu yasenutse ubwo ingabo z'Abaroma zagose Yerusalemu. Abanyamateka batubwira ko Cestius Gallus yageze i Yerusalemu mu kwezi kwa cumi mu mwaka wa 66 N.K. Maze arimbura igice cy'inkike zarindaga uwo murwa, maze abarinzi b'Abayuda bahungira mu nkike z'urusengero, Josephus, umunyamateka w'umuyuda atubwira ko ku mpamvu itumvikana iyo ariyo yose, Cestius Gallus n'ingabo ze bahise basubira inyuma bava muri Yerusalemu basubira muri Antiyokiya. icyemezo cy'e cyateje ikibazo, kuko ingabo z'abayuda zakurikiye iza ngabo maze zicamo hafi ingabo z'Abaroma ibihumbi bitandatu. icyo gikorwa cyatumye abakristo bari barumviye ijamba rya Yesu babona amahirwe yo guhunga bava muri Yerusalemu.

Ariko ubwo muzabona ikizira kirimura cyahanuwe n'umuhanuzi Daniyeli gihagaze ahera (ubisoma abyitondere), icyo gihe abazaba bari i Yudaya bazahungire ku misozi, n'uzaba ari hejuru y'inzu ye ntazamanuke ngo atware ku bintu byo mu nzu ye, n'uzaba ari mu mirima ye ntazasubire i muhira ngo azane umwenda we. Abazaba batwite n'abonsa muri icyo minsi bazabona ishyano. Namwe musengere kugira ngo guhunga kwanyu kutazabaho mu mezi y'imbeho cyangwa ku isabato. Matayo 24:15-20

Ese aha kuki Yesu yavuze igihe cy'imbeho n'isabato? Ikintu cyose Yesu yavuze cyari ingenzi, kubw'ibyo turabona ko isabato izaba ari ikintu gikomeye mu minsi y'imperuka. Natwe dukwiriye kuzahunga akarengane kagiye kuza ka Roma (ikizira cy'umurimbuzi).

Isabato ni ikimenyetso cyo kuruhuka mu rimo Yesu yarangirije I kaluvari, kandi amateka atubwira ko Imana yasubije gusenga kw'abakristo bose bari bari muri Yerusalemu mu mwaka wa 70 N.K. Bahunze Yerusalemu mu kwezi kwa cumi na kumwe; mbere y'uko ibihe by'imbeho bibaho kandi bahunze ari ku munsu wa gatanu w'isabato. Babonye ubuhungiro ahitwa Pella, mu majyepfo y'uburasirazuba bw'inyanja ya Galileya, kandi mu bantu bose bemeraga ubuhanuzi bwa Yesu nta

n’umwe wigeze arimbukira muri Yerusalemu. Ni nako, n’abantu bo mu minsi y’imperuka, ubwo ikimenyetso cy’inyamaswa kizaba kigiye gushyirwa mu bikorwa, abakurikiye imiburo bazabasha guhungira ahantu hadatuwe cyane nk’uko byabaye ku bakristo ari i yerusalemu. Imana yasezeranye ko izarinda abantu bayo mu gihe nk’iki.

Wa bwoko bwanjye we, ngwino winjire mu nzu yawe wikingirane, ube wihishe akanya gato kugeza aho uburakari buzashirira. Yesaya 26:20

Abantu igihumbi bazagwa iruhande rwawe, abantu inzovu bazagwa iburyo bwawe, ariko ntibizakugeraho. Uzabirebesha amaso yawe gusa, ubone ibihembo by’abanyabyaha. Zaburi 91:7-8

Niba duhinyura ubuhanuzi, tuzarimbuka nk’uko Abayuda batumvira barimbutse mu mwaka wa 70 N.K. Mu gihe cy’ubukonje bushyira ubushyuhwe (Spring) cyo muri uwo mwaka, ibihumbi by’abayuda bagiye i yerusalemu kwizihiza umunsi mukuru wa Pasika. Ku buryo butunguranye uwo murwa wahise ugotwa n’abaroma baje kwihorera gutsindwa kwari kwababayeho mu mwaka wa 66 N.K. Amateka ya Titus i Roma atubwira ko Titus yagose umurwa nyuma y’aho abayuda bose bari bamaze guteranira i Yerusalemu. Mu gihe yari akigose uwo murwa, abayuda bagize ibibazo birimo indwara, umwanda, n’inzara irabica, maze muri uko guta umutwe, amatsinda atatu y’abagizi ba nabi atera abisirayeli bagenzi babo kugira ngo babatere ubwoba kandi mu bugome bwabo bari bagamije kugenzura ibigega byarimo ibibatunga maze ibigega bigenda bishira buhoro buhoro kugeza ubyo byashize burundu bakigoswe. Umunyamateka Josephus yanditse ko ababyeyi bageze aho barya impinja zabo.

Nibwo Titus yatanze itegeko ryo kurinda urusengero, urwo rusengero rwiza rwarasenywe ndetse ruratwikwa nk’uko Yesu yari yarabihanuye. Nta buye na rimwe ryasigaye rigeretse ku rindi kuko abasirikare b’Abaroma bashakaga izahabu yari irwubakishije yabaga hagati y’amatafari, ingabo z’Abaroma kandi zarimbuye amabuye yose kugira ngo zitware iyo zahabu. icyasigaye muri Yerusalemu kuva mu gihe cya Kristo ni urukuta rw’abarinzi, rwari hanze y’urugo rw’urusengero.

Abayuda ibihumbi magana abiri na mirongo itanu bapfiriye muri Yerusalemu mu mwaka wa 70N.K. Nyuma yuko Abaroma bafata uwo murwa, batambiye ingurube ku butaka bw’urusengero kugira ngo bagaragaze ko batsinze Abayuda maze bahasengera ibigirwamana byabo. Abantu ibihumbi mirongo icyenda na birindwi bafashwe bunyago barafungwa maze abandi benshi boherezwa muri Egiputa no mu bindi bihugu kugira ngo bahinduke abacakara. Mose yari yarahanuye ingaruka zo kutumvira.

Ariko nutumvira Uwiteka Imana yawe, ngo witondere amategeko yayo y’uburyo bwose gutegeka uyu munsi, iyi mivumo yose izakuzaho, ikugereho. Gutegeka kwa kabiri 28:15

Bazagota imidugudu yawe yose, kugeza aho inkike z’amabuye zawe ndende zikomeye wiringiraga zo mu gihugu cyawe cyose zizaridukira. Bazasakiza imidugudu yawe yose yo mu gihugu cyawe cyose, Uwiteka Imana yawe izaba yaraguhaye. Uzarya imbuto zo mu nda yawe, inyama z’abahungu bawe n’abakobwa bawe, Uwiteka Imana yawe izaba yaraguhaye ku bwo kugotwa no gusakizwa, ababisha bawe bazagusakiza. Gutegeka Kwa Kabiri 28:52-53

Imana yari yarabwiye abantu bayo imigisha bazagira nibaramuka bumviye ndetse n'imivumo izabageraho nibaramuka batumviye. Amahitamo yari ayabo. Amategeko y'Imana ntabwo abereyeho guhana abatumvira, ahubwo kutayumvira bizana ingaruka mbi. Imana ntabwo idusaba kumvira amategeko yayo kugira ngo tubone gukizwa, ahubwo amategeko ahabwa abantu bamaze gucungurwa kugira ngo abarinde ibibi bituruka mu kutayumvira. Kumvira amategeko y'Imana ni ukugaragaza urukundo; mu kuyumvira ni bwo dukuza umushyikirano w'urukundo dukunda Imana.

Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye. Yohana 14:15

Ibyo Yesu yabwiye abigishwa batubanjirije, natwe nibyo atubwira uyu muni. Roma nanone izongera kurenganya ubwoko bw'Imana kandi dukwiriye gusoma ibimenyetso by'ibihe bitwereka ko kugaruka kwa Yesu kutwegereye cyane kurusha uko twabyumvaga mbere. Mu gihe twiga amagambo y'ubuhanuzi, tubona aho tugeze mu mateka y'ibihe bitandukanye. Tugeze kure kuruta uko tubitekereza. Ubu ni igihe cyo gukanguka tukava mu bitotsi maze twitegure kugaruka kwa Yesu.

Ikimenyetso cy'inyamaswa ni ikizamini giheruka cyo kumvira. Kizagaragaza uzakomeza kwizera ibyo Yesu yategetse byose n'iyi byaba bisaba igiciro kinini, icyo kimenyetso kigaragaza kandi uzatsindwa maze akayoboka ubutware bwa Satani. Kubahiriza Isabato ni ikimenyetso gikomeye kibwira abisi y'uko twizera ko Imana yacu ari Umuremyi n'Umucunguzi wacu. Ni ikimenyetso kandi cy'uko twemera ubutware bw'Imana mu mibereho yacu, mu buryo bw'iyobokamana. Mu gihe cyacu, umuntu wese wubahiriza umunsi wa karindwi w'isabato azafatwa nk'umuntu w'ikigande kandi asuzugurwe. Ikibazo gishobora kuba iki ngo, "ni gute umuntu ashobora kubahiriza umunsi wa karindwi nk'isabato mu kwibuka ko Imana yaremeye mu minsi itandatu mu gihe abandi bantu bo mu isi bizera amahame y'ihindagurika?" Ikindi kibazo, ni buryo ki isi yose yakwibeshya yubahiriza umunsi wo ku cyumweru, maze abantu bake gusa bashobora guteraganwa akaba ari bo bari mu kuri. Bisaba umwete mwinshi cyane guhagarara mu ruhande rw'Imana. Ikibazo ntabwo ari umunsi. Ikibazo ni uguhitamo kumvira ingoma yose y'Imana, aho umunsi uba ikimenyetso cyo kumvira.

...umuntu naramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza, uwo ni we uzanywa ku nzoga ari yo mujinya w'Imana, yiteguwe idafunguwemo amazi mu gacuma k'umujinya wayo. Kandi azababazwa n'umuriro n'amazuka imbere y'abamarayika bera, n'imbere y'Umwana w'Intama. Umwotsi wo kubabazwa kwabo ucumba iteka ryose, ntibaruhuka ku manywa na nijoro abaramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, umuntu wese ushyirwaho ikimenyetso cy'izina ryayo. Ibyahishuwe 14:9-11

IBIHAMYA

- ¹ Roy Allan Anderson, *Unfolding the Revelation: Evangelistic Studies for Public Presentation* (California: Pacific Press Publishing Association, 1953).
- ² Henry Manning, *The Temporal Power of the Vicar of Jesus Christ* (1826): 27.
- ³ *Decretal de Translat, Episco, Cap.*
- ⁴ Pope Nicholas, *Dist.96*, quoted in *Facts for the Times* (1893): 55-56.

- ⁵ Extract from a letter written by the Chancellor of Cardinal Gibbons (November 11, 1895).
- ⁶ *Catholic World* (March 1894): 809.
- ⁷ J. H. Holtzman, *Canon and Tradition* (Ludwigsburg, Germany: 1859): 263.
- ⁸ Adrien Nampon, *Catholic Doctrine as defined by the Council of Trent* (P. F. Cunningham, 1869): 157.
- ⁹ *Catholic Mirror* (September 23, 1893).
- ¹⁰ *Catholic Record* (September 1, 1923).
- ¹¹ Stephen Keenan, *A Doctrinal Catechism On the Obedience Due to the Church*, 3rd edition: 174.
- ¹² Burns and Oates, *Library of Christian Doctrine*, as quoted in Carlyle Haynes, *From Sabbath to Sunday* (Review and Herald, 1928): 48.
- ¹³ "Moral Life and Magisterium of the Church," *The Catechism of the Catholic Church*: 2032
- ¹⁴ *The Catechism of the Catholic Church*: 2065-2066.
- ¹⁵ *Catholic Press* (Sydney: August 25, 1900).
- ¹⁶ *Catholic Mirror* (September 23, 1893).
- ¹⁷ Albert Smith, Chancellor of the Archdiocese of Baltimore, replying for the Cardinal in a letter (February 10, 1920).
- ¹⁸ John Gilmary Shea, *The American Catholic Quarterly Review* (January 1883).
- ¹⁹ *Catholic Mirror* (September 23, 1893).
- ²⁰ John Paul II, *Dies Domini* (May 7, 1998).
- ²¹ *Ad Tuedam Fidem* (May 18, 1998).

Igice cya 9:WINO YA BABULONI

Idini ry'ubuyobe riri ku isi yose

Ijambo Babuloni riva ku ijambo BAB-ILU – bisobanura “irembo ry'ibigirwamana”, kandi birumvikana ko ari ijambo risobanura kugirana umushyikirano n'ibigirwamana birwanya inama y'Imana y'agakiza. Uwo mushyikirano bawugirana binyuze muri icyo myizerere itandukanye no kwizera nyakuri. Ni imyizerere ivuga ko umuntu abona agakiza kubw'imirimo yakoze atabitewe no kwizera Yesu Kristo. Mu kurushaho gutera urujijo (Babuloni kandi isobanura urujijo), abanyababuloni bizeraga ibigirwamana byinshi, kubw'ibyo bigatuma bagira abahuza barenze umwe, ibyo bigamije gutesha agaciro umurimo wa Kristo.

Imyizerere y'abanyababuloni yo kuramya, iteka ryose yagiye ibera imbogamizi abantu b'Imana, kuko muri kamere y'abantu bumva ko bahabwa agakiza kubw'imirimo kuruta uko bagahabwa kubw'ubuntu. Guhera mu itangiriro, iyi myizerere ibiri yo kuramya yagiye ihabana. Amateka ya Kayini na Abeli abisobanura neza. Abeli yasobanukiwe n'inzira itunganye maze azana umwana w'intama udafite inenge ngo amutambe (washushanyaga Yesu Kristo), ariko Kayini we yazanye imbuto z'imirimo ye. Ubwo igitambo cya Abeli cyemerwaga n'Imana, umujinya wa Kayini warabyutse, uhereye iki gihe uku guhangana gushingiye kuri iyi myizerere ihabanye kwarakomeje kugeza igihe byavuyemo gutoteza abaramya by'ukuri.

Babuloni ya kera yabayeho ishushanya urwunge rw'amadini y'ubuyobe ruzagerageza kuyobora imitekerereze y'abantu mu mateka aheruka isi. Dushingiye kuri Bibiliya, Babuloni ya kera yarangwaga n'ubwibone bw'Abakaludaya. Babuloni yari nini cyane kandi itangaje kurusha indi migi ya kera kandi ni yo yari ihuriro ry'ahasengerwaga. Babuloni yaranzwe n'ubutegetsu ndashyikirwa, cyane igihe yari iyobowe na Nebukadinezari, kandi amagambo ya kera yanditswe ku mabuye atubwira iby'amateka ya se wa Nebukadinezari witwaga (Nabopolasser) uko yasubijeho umunara wa kera wa Babeli ushushanya ukwitsindishiriza:

Mu gihe cya Marduk yantegetse kubaka umunara wa Babeli, nubwo wagiye usenyuka buhobo buhoro kugeza ushizeho burundu; yantegetse gukomeza imfuruka zawo kugeza mu kirere, kandi wagombaga gukorwa, kugira ngo abazakurikiraho bazakomeze icyo gihango. Nabopolazari.

*Kugasongero ka **E-temen-an-ki** kazaba karinganiye 'ijuru, nashyizeho ikiganza cyanjye Nebukadinezari.*

Ntibitangaje kuba Imana yari yarahanuye ko uyu murwa wagombaga kuzarimbuka kuburyo utazongera guturwamo ukundi. Hafi imyaka 300 mbere y'uko uwo murwa urimburwa na Xerxes, umuhanuzi Yesaya yari yarabihanuye:

Kandi I Babuloni ari ho cyubahiro cy'amahanga y'abami, ari ho bwiza bw'ubwibone bw'Abakaludaya, hazamera nk'uko Imana yarimburaga I sodomu n'I gomora. Nti hazongera guturwa kandi ntihazongera kubabwa uko ingoma yimye. Abarabu ntibazahashinga amahema, kandi n'abungeri ntibazahabyagiza imikumbi yabo. Yesaya 13:19-20

Batitaye kuri ubu buhanuzi, hari abagerageje kongera kubaka Babuloni. Alexandre the great yagerageje kongera kubaka umunara wa Babeli kugira ngo awusubize uko wari wubatswe kandi uwo murwa awugire umurwa mukuru mu mwaka wa 330 B.K, ariko mbere y'uko atangira ibyo bikorwa yahise apfa. Mu mateka ya bugufi, Saddam Hussein wa Iraq nawe yagerageje gusubizaho Babuloni, ni umurimo yatangiye mu mwaka wa 1980. Yakoresheje amatafari arenga miriyoni 60 kandi muri buri metero eshatu kuri uwo munara yandikagaho izina rye kugira ngo abazakurikiraho bazajye bamwibuka. Saddam Hussein asa n'uwari warasomye ubuhanuzi bwo muri Yesaya, kuko ubwo yageragezaga kongera kubaka Babuloni yakekaga ko uwo murwa utazigera uturwa kuko ingoro ye yari yubatswe hirya y'uruzi rwa Ufurate.

Babuloni, umudugudu ukomeye, nk'uko witwaga mu gitabo cy'Ibyahishuwe, ntabwo ishatse kuvuga Babuloni y'ibigaragara, kuko Babuloni itigeze yongera guturwa. Ahubwo hari ikindi iyi Babuloni ishushanyaga, ariko nacyo gisohozaga ubuhanuzi bwose bw'icyo Babuloni ya kera yashushanyaga. Kandi nk'uko Babuloni ya kera yageze igihe igahanguka, ni ko n'urwunge rw'amadini rwo mu minsi y'imperuka rushushanyaga Babuloni rugomba narwo kuzagera ku iherezo kubera ko, nk'uko byari mu gihe cya kera, Babuloni yatumye abantu bose basinda inzoga z'inyigisho z'ibinyoma byayo.

Ubutumwa bwa marayika wa kabiri mu Byahishuwe 14:8 haravugaga ngo:

Marayika wundi wa kabiri akurikiraho ati: "Iraguye, iraguye! Babuloni wa mudugudu ukomeye, wateretse amahanga yose inzoga nizo ruba ry'ubusambanyi bwawo."

Kugira ngo usobanukirwe n'ubu butumwa, ni ingenzi ko ubanza kumenya Babuloni yo muri iki gihe iyo ari yo. Amasomo menshi yo mu gitabo cy'Ibyahishuwe aburira abantu ngo birinde Babuloni kandi agahamagarira abantu b'Imana kwitandukanya na Babuloni. Kandi ubu butumwa bwo mu Byahishuwe 14:8 bwongera kuvugwa mu Byahishuwe 18:2 mu mbaraga ikomeye, bugaragaza ko Babuloni ivugwa ari iyo mu buryo bwa Mwuka.

Arangurura ijwi rirenga ati: "Iraguye iraguye, Babuloni ikomeye! Ihindutse icumbi ry'abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose n'ibisiga byose bihumanye kandi byangwa."

Ibisiga bihumanye kandi byangwa bisobanura imbaraga yiyita ko ari iya Mwuka Wera izatuma abantu bo muri iyi myizerere bumva ko bari gukorana n'imbaraga y'Imana kandi ahubwo bari mu buyobe bwiyoheranya nkaho ari ukuri. Ku murongo wa 4, Yohana yumva irindi jwi rivugira mu ijuru riti:

Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo kugira ngo mwe gufatanyaga n'ibyaha byawo, mwe guhabwaga no ku byago byawo. Ibyahishuwe 18:4

Ntabwo Imana yahamagara ubwoko bwayo ngo buve muri Babuloni itabashije kubereka icyo Babuloni ari cyo. Mu gihe cy'abakristo ba mbere, abayuda n'abakristo bavugaga ko umugi wa Roma ari wo Babuloni. Mu 1 Petero 5:13 naho hagaragazaga ko Roma ari Babuloni, niba Petero yaranditse aya magambo ari muri Roma, ingoma ya Babuloni nti yari ikiriho.

Itorero ry'I Babuloni ry'abatoranijwe nkamwe rirabatashya, na Mariko umwana wanjye na we arabatashya. 1 Petero 5:13

Abagatulika ba Roma nabo basobanukiwe n'uru rwunge:

“Babuloni,” iyo Petero yandikiye urwandiko rwe rwa mbere, abaporotestanti n’abagatulika bose bazi ko yavugaga Roma – ijambo Babuloni ryari ikimenyetso cy’ubuyobe kubw’ibyo ntabwo ryasobanuraga umugi wa Kayizari.¹

Icyiyongereyeho, ubusobanuro butangwa mu gitabo cy’Ibyahishuwe bugaragaza neza ko Babuloni isobanura itorero rya Gatulika. Kubera ubuyobe bw’itorero rya Gatulika, abaporotestanti benshi b’abagorozi ndetse n’abakurikiye abagorozi bose bagaragazaga ko itorero rya Gatulika ari ryo Babuloni y’ibya Mwuka, ikaba umwanzi ukomeye w’ubwoko bw’Imana. Umugore uyoboye inyamaswa wo mu Byahishuwe 17 afite ibiranga kiliziya Gatulika. Kandi Kiliziya Gatulika ifite ibimenyetso byose bigaragaza ko ari yo ivugwa muri iki gice.

Uwo mugore yari yambaye umwenda w’umuhengeri n’uw’umuhemba. Yari arimbishijwe n’izahabu n’amabuye y’igicro cyinshi n’imaragarita, mu ntoki ze yari afite igikombe cy’izahabu cyuzuye ibizira n’imyanda y’ubusambanyi bwe. Mu ruhanga rwe afite izina ry’amayoberane ryanditswe ngo BABULONI IKOMEYE, NYINA W’ABAMARAYA, KANDI NYINA W’IBIZIRA BYO MU ISI. Ibyahishuwe 17:4-5

Muri Bibiliya umugore ashushanya itorero.

Umukobwa w’Isiyoni ufite uburanga bwiza wadamaraye, ngiye kumuca. Yeremiya 6:2

Yesaya ahanura akoresheje ikimeyetso cy’umugore ashaka kuvuga umugeni. Umugeni utunganye ashushanya itorero ritunganye:

Nk’uko umusore arongora umukobwa, ni ko abahungu bawe bazakurongora, kandi nk’uko umukwe anezererwa umugeni, ni ko Imana yawe izakunezererwa. Yesaya 62:5

Hoseya asobanura ubumwe bw’Imana n’abantu ba yo muri aya magambo:

Kandi nzakwishyiringira ube uwanjye iteka ryose. Hoseya 2:21

Tugiye mu isezerano rishya naho dusanga umugore ashushanya itorero:

...kuko nabakwereye umugabo umwe ari we Kristo, ngo mubashyiringire mumeze nk’umwari utunganye. 2 Abakorinto 11:2 (nanone wareba Abefeso 5:22-25; Ibyahishuwe 19:7-8)

Babuloni ivugwa mu Byahishuwe 17:5 nka **“Nyina w’abamaraya”** (Bisobanura Amadini yaguye yitandukanije n’ukuri cyangwa amadini y’ibinyoma), **“Amayoberane n’ibizira byo mu isi”**. Biragaragara ko niba ubwoko bw’Imana bugeranywe n’umugore utunganye, Babuloni yo ishushanya iyobokamana ryose ry’ubuyobe rihakana Imana, kandi rifite imyizerere y’amayobera, rikigisha kandi rigakora ibizira. Abakobwa b’indaya ba Kiliziya Gatulika bashushanya amadini yose akurikira inyigisho z’ibinyoma za Kiliziya Gatulika kandi kubw’ibyo bakemera ubuyobozi bwayo ndetse ku mugaragaro.

Ese Kiliziya Gatulika yaba yihamiriza ko ariyo nyina w’amadini yose? Yego, irabihamya. Ku muryango w’urusengero rwa St. John Lateran (Mutagatifu Yohana Laterani) i Roma hari inyuguti nini zanditswe mu kiratini ngo (**“SACROS LATERAN ECCLES OMNIVM VRBIS ET ORBIS ECCLESIAEVM MATER ET CAPVT”**) ubisobanuye mu Kinyarwanda birasobanura ngo:

Itorero ritunganye rya Lateran. Itorero ribyaye andi madini yose kandi riyoboye uyu murwa ndetse n'isi yose.

Gatigisimu y'itorero Gatulika ivuga ku itorero gatulika muri ubu buryo:

Iri torero, ni umubyeyi w'andi matorero kandi ni ryo mwigisha.²

Mu kwezi kwa cumi mu mwaka wa 2000, Vatikani yosohoye inyandiko yiswe “Dominus Iesus,” aho muri yo Karidinali Ratzinger yavuze ati:

Bikwiriye gusobanukira buri wese ko itorero rimwe rukumbi, kandi ritunganye Gatulika ritavukana n'andi matorero yose, ahubwo ni ryo nyina w'ayandi matorero yose.³

Ikinyamakuru cyitwa *The Washington Post* hari icyo cyanditse kuri iyi ngingo muri aya magambo agira ati:

Inyandiko nshya ya Vatikani yasohotse uyu munsu yahamije ko umuntu ashobora kubona agakiza kuzuye ko kubabarirwa ibyaha byo mu isi binyuze gusa mu buntu agirirwa n'itorero Gatulika kandi ko andi matorero – harimo n'ayabaporotestanti – bese bayobeje abizera babo ku ngingo y'agakiza. Nk'uko bivugwa n'umuyobozi wa Vatikani, ikigenderewe ni ukurwanya ibyo bita iyobokamana rivuga ko ubugatulika, n'ubuyahudi, n'ubusilamu, n'ubuhindu bingana mu maso y'Imana⁴

Kiliziya Gatulika, ni yo yonyine ku isi ifite iryo zina ryo kuba yitwa “Nyina w'ayandi madini”, ariko se ni ibiki bindi biyugwaho mu Byahishuwe 17? Kiliziya Gatulika yitwa umudugudu ukomeye, umugore ufite igikombe cy'izahabu. Yambaye amabara y'umuhengeri n'umuhemba. Arimbishijwe izahabu n'amabuye y'igicro cyinshi, yicaye ku misozi irindwi, kandi ku ruhanga rwe handitsweho amayobera.

Ijambo “Vatikani” ubwaryo risobanuye “inzoka yejeje”, kandi iri jambo rikomoka ku magambo abiri, Vatis bisobanura kweza na Can bisobanura inzoka. Umugi wa Vatikani ndetse n'ingoro ya Basilika ya Mutagatifu Petero byubatswe ku butaka bwari ubwa gipagani kera bwitwaga mu kiratini vaticanus mons cyangwa vaticanus collis, bisobanura *umusozi w'ubuhanuzi*. Ibiceri byakoreshwaga mu mugiri wa Vatikani byari biriho amagambo agira ati “CITTA DEL VATICANO”, ari byo bisobanura *umudugudu w'ubuhanuzi*. Iri torero rya Roma rifite iri zina ry’ “umudugudu” ku nyubako yaryo nk'uko turi buze kubibona, iri torero ryujuje ibivugwa byose mu Byahishuwe. Mu giceri kigaragazwa hano, cyavumbuwe mu 1963, Papa Pawulo wa 6 ni we ugishushanyijweho n'izina rye Pontifex Maximus. Inyandiko iri ku rundi ruhande rw'iki giceri iravugaga ngo, “CITTA DEL VATICANO.” Kandi izina ryuzuye rya Leta ya Vatikani ni “STATO DELLA CITTA DEL VATICANO” aribyo bihuza itorero na leta. Kandi hari umugore ku rundi ruhande rw'iki giceri, kandi ku kirenge cye handitseho ngo FIDES, bisobanura *kwizera*. Uyu mugore ashushanya ukwizera kw'itorero Gatulika, cyangwa se itorero Gatulika rya Roma, ari ryo rihamya ko rifite imbaraga yo kuyobora ibihugu byose byo ku isi.

Wa mugore wabonye ni we wa mudugudu ukomeye utegeka abami bo mu isi.
Ibyahishuwe 17:18

Ishusho ya 9.1



Ese Roma yaba ihamya ko igenzura ibihugu byose byo ku isi? Mu by'ukuri irabikora. Indahiro y'abajesuite (nk'uko yanditse mu nyandiko za leta zunze ubumwe za Amerika (*House Bill 523, 1913*)) irimo amagambo akurikira:

... Mu budakemwa bwo guhuriza hamwe cyangwa gutandukanya bweguriwe Nyirubutungane, abuhawe n'Umukiza wanjye, Yesu Kristo, Papa afite ububasha bwo gukuraho abami, ibikomangoma, leta, n'ibihugu, kandi abadahuje n'amahame ye, bashobora kurimburwa.

Uyu mugore (Fides) ufite igikombe cy'izahabu mu kiganza ni we ushushanya idini Gatulika nta handi uzasanga irindi dini rya gikristo ryishushanyije mu ishusho nk'iyi. Nk'uko mu Byahishuwe 17 habivuga, iki gikombe cyuzuye ibizira by'ubusambanyi bw'uyu mugore, ari byo bishushanya inyigisho z'ubuhakanyi, kandi uyu mugore yatumye isi yose isinda inyigisho zayo. Izi nyigisho zidashingiye kuri Bibiliya yahishuwe n'abagorozi mu gihe cy'ubugorozi, ariko ikibabaje, ni uko amatorero ya giporotestanti uyu munsu ari gushaka kwihakana amahame yabatandukanyije na Roma kugira ngo bagire ubumwe bw'amadini ya gikristo. Gusa, ubumwe babushyizeho ariko bwanyuranyije n'ukuri, ubwo bumwe bubabatswe ku musenyi kandi buzakurwaho mu gihe cy'umuyaga mwinshi. Reka tuvuge ku mahame y'ingenzi yarwanyijwe n'abagorozi, yongeye kwemezwa na kiliziya Gatulika mu nteko ya Trent. Iyi nteko yatumiye na Papa Pawulo wa 3 hagati y'umwaka wa 1545 na 1563 kandi yagiye ahura n'abaporotestanti inshuro 3 mu nama ya kabiri.

AMAHAME YEMEJWE: Ihame ry'uko umubiri wa Kristo wihinduramo Ukarisiya n'amaraso ye agahinduka divayi, ihame ryo gutsindishirizwa ku bwo kwizera n'imirimo, misa yo mu gihe cy'icuraburindi yasubijweho, amasakaramentu arindwi yasubijweho, ukudashaka kwagumishijweho, ihame rya puligatori ryagumishijweho, indulugensiya zagumishijweho, ubutware bw'ubupapa bwongerewe imbaraga ku bwo guha papa ubushobozi bwo gushimangira itegeko ry'iyi nteko ndetse no kubwo gusaba abayobozi b'amadini yose ko bashyira hamwe mu kuzajya bumvira papa.⁵

Inyigisho z'uko umubiri wa Kristo uhindukamo ukarisiya n'amaraso ye agahindukamo divayi bisobanuye ko Yesu atambwa buri gihe uko hasomwe misa:

Ikuzo rihebuje ry'abapadiri, mu kiganza cyabo nk'uko mu nda y'umwari uhiriwe Mariya umwana w'Imana yihinduriyemo umuntu. Itegereze, imbaraga z'abapadiri uko zimeze! Bagabanya agaciro k'Imana ku rwego rw'agace k'umukati iyo bagabura ukarisiya, ibi birenze kurema isi.⁶

Canon 1: Niba hari uhakana ko mu isakaramentu ya ukarisitiya itunganye ko harimo ukwigaragaza k'umubiri n'amaraso ya Kristo, ahubwo uwo muntu akavuga ko ukarisitiya ishushanya uwo mubiri gusa, uwo muntu akwiriye kuvumwa.⁷

Ariko Bibiliya iravuga neza iti:

Kuko abezwa yabatunganishije rwose igitambo kimwe kugeza iteka ryose. Abaheburayo 10:14

Ubuntu bushobora kubonwa gusa binyuze mu gitambo cya Kristo. Kubw'ibyo **amasakaramentu** nta ruhare yagira mu gakiza ka muntu. Niba kubw'igitambo cya Kristo umunyabyaha wihannye ashobora gutsindishirizwa, kubw'ibyo ihame rya purigatori nta gihamba rifite muri Bibiliya. Mu kuri amahame y'abagatulika ahakana umurimo wa Kristo maze akawusimbuza gukizwa n'imirimo. Papa yahindutse umuyobozi mukuru, padiri ahinduka utanga imbabazi, maze Mariya ahinduka umuhuza hagati y'umuntu n'Imana. Aya magambo akurikira arasobanura amahame y'abagatulika kuri iyi ngingo.

Padiri afite imbaraga z'imfunguzo zo gukura umunyabyaha ikuzimu, afite imbaraga zo guha umuntu paradizo kandi afite n'ubushobozi bwo guhindura abantu akabakura mu buretwa bwa Satani akabahindura abana b'Imana. Kandi Imana ubwayo ikwiriye gushingira kuri icyo cyemezo cy'abapadiri kugira ngo ice urubanza.⁸

*Ukwezwwa, cyangwa **Purigatori**: 1030 abantu bose bapfiriye mu buntu bw'Imana kandi bafitanye ubushuti nayo, ariko bakaba barapfanye ibyaha, bashobora guhamirizwa kuzahabwa ubugingo buhoraho; ariko nyuma y'urupfu bashobora kwezwwa, kugira ngo bahabwe ubutungane bwatuma binjira mu ijuru.⁹*

Itorero gatulika ryazamuye **Mariya** ku rwego rwo kumugira umuhuza, umuvugizi ndetse n'ugira uruhare mu gukiza umuntu mu buryo bunyuranye n'ibyangirirwe byera. Mu mwaka wa 1854, Papa Pius wa 9 yavuze ko Mariya ari uwera, maze mu mwaka wa 1951, Papa Pius wa 12 yasobanuye kandi ashimangira ihame ry'ukujyanwa mu ijuru kw'umubiri wa Mariya, rituma Mariya ahinduka umuhuza kandi ushyigikira urutonde runini rw'abagiriwe abatagatifu.

Abanyabyaha bashakira Kristo bakwiriye kubanza bakumva umubabaro we; ariko reka bamusange babanje kunyura kuri Mariya kugira ngo abagirire imbabazi maze yereke Umwana we amabere yamwonkeje kugira ngo asabire imbabazi abo baje bamusanga bityo abakize umujinya we.¹⁰

Amagambo avuga kuri Mariya nk'uko abatagatifu b'abagatulika bayavugaga:

....umuntu wese utiyunga kuri Mariya ararimbutse. Mariya yitwa irembo rijya mu ijuru kubera ko nta muntu n'umwe wakwinjira mu bwami bwejeje atabanye kunyura kuri Mariya. Inzira ijya mu gakiza irakinguye ku bantu bose banyura muri Mariya... agakiza k'abantu bose gashingiye ku mubano n'uburindi bafitanye na Mariya. Umuntu wese urinzwe na Mariya azakizwa: utarinze nawe wese azarimbuka... agakiza kacu gashingiye kuri Mariya... Imana ntabwo izigera idukiza hatabayeho ubuhuza bwa Mariya...¹¹

Mu nyigisho z’abagatulika Mariya afata umwanya wa Yesu. Aho kugira ngo uwizera arebe kuri Yesu, we shingiro ryo kwizera kwacu kandi akaba ari we ugusohozza, berekeza abantu kuri Mariya. Muri Mariya ni ho abantu bahurira n’Imana, muri Mariya niho itorero ryerezwa. Muri Mariya niho abantu biga kumvira Imana n’ibindi byinshi. Kandi aya mahame yose nta na rimwe rishyigikirwa na Bibiliya. Mu kuri, Ibyanditswe Byera byigisha inyigisho itandukanye n’iyi. Mariya ajya mu mwanya w’Imana kandi afatwa nk’ikigirwamanakazi, kandi iyo ni inyigisho y’itorero gatulika idashobora guhindurwa no muri iki gihe niko ifatwa. Ingingo ya 829 ya *gatigisimu y’itorero gatulika* iravuga ngo:

Mu itorero ritunganye niho gusa umuntu ashobora kubonera ugutungana no kutagira umunkanyari, abakiranutsi bashishikarira kurwanya icyaha maze bakarushaho gutungana. Maze bagatumbira Mariya: muri we, itorero riritunganye.

Mariya – mu gitabo Eschatological Icon of the Church. Ingingo ya 972, *muri gatigisimu y’itorero gatulika* haravuga ngo:

Nyuma yo kuvuga ku itorero n’inkomoko yaryo, intego n’inshingano yaryo, ntabwo twagira icyo tugeraho tutishingikirije kuri Mariya. Muri we twitegereza neza tugasobanukirwa n’icyo itorero ari cyo uyu munsu wa none, binyuze mu mayobera no mu migenzo, kandi muri we niho hazasohorezwa urugendo rw’abizera. Aho ni ho ikuzo ry’ubutatu bwera rigaragarizwa, mu gushyira hamwe abatagatifu bese, itorero rifite agaciro kuko riyobowe na Nyina w’Imana. Kandi Nyina w’Imana, mu ikuzo afite mu ijuru, niho hahishe itangira ry’itorero n’uburyo rikwiriye kuzatunganirizwa kuzaba mu isi izaza. Byumvikane ko rero no mu isi y’ubu rirabagirana, kuzageza ku munsu Umukiza azaza, nk’ikimenyetso cy’ibyiringiro byo gukomeza ubwoko bw’Imana.

Nk’uko tubibona mu gitabo “*Thunder of Justice*”, igika kivuga kuri Mariya mu gihe cyacu hari amagambo avuga ati:

Umuhanuzikazi wo muri ibi bihe biheruka, Mariya mutagatifu, Nyina w’Itorero, Mariya nka Eva mushya, Umwamikazi w’Ijuru n’isi kandi akaba Umwamikazi w’amahoro, Uwagiye mu ijuru, Umwamikazi wa Rozari Itunganye, Umwamikazi kandi akaba Umubyeyi w’imiryango, Mariya nk’umucunguzikazi, n’umuhuzakazi, Umuvugizi, Umuyobozi w’ibihugu byacu byose, ni we nkuge y’isezerano rishya kandi akaba nyina w’abategereje kugaruka kwa Kristo bese.

Ijambo Umucunguzikazi, Umuhuzakazi n’Umuvugizikazi byumwihariko bizamura ihame rikomeye rirwanya inyigisho zose za Bibiliya. Bibiliya yigisha neza ko hariho Umucunguzi umwe, Umuhuza Umwe, kandi Umuvugizi umwe w’abantu ubavuganira imbere y’Imana – kandi uwo ni Kristo Yesu.

Kuko hariho Imana imwe, kandi hariho Umuhuza umwe w’Imana n’abantu, na we ni umuntu, ari we Yesu Kristo. 1 Timoteyo 2:5

Umwami ahimbazwe, Imana y’Abisirayeli, kuko igendereye abantu bayo ikabacungura. Luka 1:68

Ibi ni ibyo Uwiteka, Umucunguzi wa Isirayeli, Uwera we abwira uwo abantu basuzugura, uwo ishyanga ryanga urunuka, ikiretwa cy’abatware ati “Abami bazabireba bahagurukane

n'ibikomangoma baramye ku bw'Uwiteka ugira umurava, Uwera wa Isirayeli wagutoranyije."
Yesaya 49:7

Bana banjye bato, mbandikiye ibyo kugira ngo mudakora icyaha. icyakora nihagira umuntu ukora icyaha, dufite Umurengezi kuri Data wa twese, ari we Yesu Kristo ukiranuka.
1 Yohana 2:1

Batitaye kuri aya masomo, itorero gatulika rirashaka kwemera Mariya mu mwanya wa Yesu Kristo, ibyo bikaburizamo umurimo w'Ubuhuza wa Kristo. Mu gitabo *The Thunder of Justice* ahagarutswe ku murimo wa Mariya, aha hari amagambo ahaboneka, agaragaza isumbwe itorero ryagize:

Umubyeyi w'ibihugu byose yahanuye ihame riheruka rya Marian rihamya ko Umubyeyi wacu ari Umucunguzikazi, Umuhuzakazi n'Umuvugizi, aribyo byavugwa mu nshamake ko Mariya ariwe yobokamana, byose byambika umubyewi wacu Mariya ikamba. Aya mayerekwa arimo aragenzurwa na Kiriziya nk'uko yanditswe. Karidinali Ratzinger yanditse avuga ko hatagomba kugira imbogamizi n'imwe ihakana aya mahame. P53-54

Ikindi gitangaje cyane ni ubushake bwa kiriziya gatulika bwo kwigisha ko Mariya akwiriye kubahwa nk'imana ndetse ko ari umwe mu bagize Ubumana. Iyi nyigisho yamaze kuba gikwira, kandi nta kindi igendereye uretse kwigisha ugusenga ikigirwamanakazi cya gipagani. Kuri iyi ngingo, ikinyamakuru cyitwa *The Kronen Zeitung*, 30.8.97, cyanditse inkuru ifite umutwe uri mu kidage ugira uti: "Miliyoni nyinshi z'abagatulika bo muri Leta Zunze Ubumwe barashaka ikigirwamana cy'Umwari Mariya." Dushingiye kuri iyi nkuru no ku yindi nkuru yo mu kinyamakuru cyitwa *Newsweek*, biragaragara ko ari Vatikani yari yihishe inyuma y'izo nyandiko, kandi Karidinali John O'Conner na Papa Yohani Pawulo wa 2, ntabwo bigeze barwanya iyi nyandiko.

Inyigisho z'ubugatulika za Roma zigaragara nk'izigendereye gutesha agaciro umurimo wa Yesu mu gukiza imitima y'abantu, maze bakamusimbuza abandi bashaka kugira ngo bagere ku myemerere bashaka mu isi idafite ishingiro mu byanditswe byera. Kubw'ibyo ni uguhitamo niba Yesu ari Imana kandi akaba ari we wenyine abo mu isi no mu ijuru bashobora gukirizwamo cyangwa akaba atari we. Kunyuranya n'iyi ngingo ntibishoboka. Nubwo bakora byose kugira ngo bahindagure amategeko ngo ajyane nibyo bashaka kugirango bahurize amadini yose hamwe. Bibiliya ivuga amagambo akurikira:

Kandi nta wundi agakiza kabonerwamo, kuko ari nta rindi zina muni y'ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo. Ibyakozwe n'Intumwa 4:12

Batitaye kuri uku kuri, kugira ngo kiriza gatulika igere ku rugero rwo kubumbira hamwe amadini bahisemo kwigisha ibinyuranye n'iyi ngingo. Nyuma y'inteko yiswe Vatican II umujezuwite witwa Karl Rahner yahawe inshingano yo kubumbira hamwe amadini yose kugira ngo yongere kwiwunga na Roma binyuze mu guhindura ihame ry'agakiza kandi biha Roma kugira ubutware kuri ayo madini yose. Kugira ngo agere kuri iyi ntego ye, umurimo wa Kristo wagombaga guteshwa agaciro. Iyi nyigisho nshya y'ubuyobe yahise itangizwa mu bigo by'amashuri bikomeye, maze n'abigisha iyobokamana ry'ubugatulika bahita bayikwirakwiza hirya no himo. Paul Knitter, umwarimu w'iyobokamana kuri Kaminuza ya Xavier kandi akaba yarahoze ari umunyeshuri wa Karl Rahner kuri kaminuza yitiriwe papa Gregory iri i Roma, yanditse igitabo cyitwa ngo *nta rindi zina? Hakozwe ikusanyabitekerezo ku bijyanye no guhuza amadini yose mu idini rimwe ku isi*, aho yakwirakwije inyigisho zivuga ko Yesu Kristo atari we

nzira yonyine yo gukirizwamo. Leonard Swidler mu kinyamakuru *Journal of Ecumenical studies* yaranditse ati:

Paul Knitter yahuye n'ikibazo gikomeye ubwo yavugaga ko hari izindi nzira ziyobora abantu ku mibereho mbonera ya kimuntu. Ese umuntu ashobora gukizwa akabaho imibereho itunganye bitanyuze mu kwizera izina rya Yesu Ksristo? Knitter yasubije ko umuntu ashobora gukizwa kubwo kwizera abandi batari Yesu, maze akomeza agaragaza ko iki gisubizo gikwiriye gusakazwa mu bakristo babifitemo umurava. Iri ni ryo yobokamana ryashimwe cyane mu kuzana ibitekerezo bishya. Iri niry o shingiro ry'Imyizerere y'amatorero mu gihe cya none. Kandi akomeza avuga ko ubu bwoko bw'iyobokamana butuma nta kibazo kibaho hagati y'abanyamadini batandukanye kuko ritabangamiye imigenzo ya gikristo....

Mu kuri iri ni iyobokamana rifite inzaduka, ariko si iyobokamana rikomoka muri Bibiliya. Mwitgereze ubusobanuro bwahawe agakizango ni “ukubaho imibereho mbonera ya kimuntu”. Ntibashaka ko umuntu yakwiga byanditswe Byera kuko iyobokamana ryo guhuriza hamwe amadini yose bashaka ko ritangira gushyirwa mu bikorwa uyu muni: ati kandi nibwo buryo amadini akwiriye gukorwa muri iki gihe.

Amahame menshi y'abagatulika ashimangirwa n'inyandiko z'aba Gnostics n'iza **Apocrypha** (Apocrypha ni ibitabo byemerwa na kiriziya gatulika ko ari ibyera kandi biri muri Bibiliya ntatifu. Bishingiye ku nyigisho yo kuvugana n'umyuka y'abapfuye kandi ibyo bitabo birimo amahame y'ibanga (amayobera) ashobora gusobanurwa gusa n'abamurikiwe.) Inteko ya Trent ivuga kuri *Apocrypha*, yatanze itegeko rigira riti:

Inyigisho zose ziri muri ibi bitabo byera n'amagambo yose abirimo nk'uko yigishwa na Kiriza gatulika ndetse n'uko yanditswe mu ngeri ya Bibiliya y'ikiratini yitwa Vulgate, umuntu wese utazayemera cyangwa ngo ayashyigikire akwiriye gucirwaho iteka – Byemejwe mu nteko ya Trent ya 4

Izi nyandiko ntabwo zigeze ziba mu bitabo byera by'amategeko byanditswe na Mose, kuko bihakana Bibiliya nk'uko tugiye kubibona mu ngingo nke zikurikira:

Umuco wo Kuraguza

Tobiya 6:4-8 Satura ifi, maze ukuremo umutima, umwijima n'amazi y'ubusharire ayivamo ... dayimoni cyangwa umwuka mubi nushaka kukubangamira, tugomba guteza umwotsi imbere y'umugabo cyangwa umugore, nitubikora ntakizakoma mu nkokora ibirori. Naho ku bijyanye n'amazi y'ubusharire aturuka muri yo, ni ingezi ko umuntu abyibonera n'amaso ye kugira ngo akire.

Bibiliya yamagana amagambo nk'aya nkuko tubibona muri Mariko 16:17 no mu Byakozwe n'Intumwa 16:18:

Kandi ibimenyetso bizagumana n'abizera ngibi: bazirukana abadayimoni mu izina ryanjye, bazavugaga indimi nshya. Mariko 16:17

... ariko Pawulo abonye ko amurembeje, arahindukira abwira dayimoni ati “Ndagutegetse mu izina rya Yesu Kristo, muvemo!” Amuvamo muri ako kanya. Ibyakozwe n’Intumwa 16:18

Gukizwa n’Imirimo

Tobiya 12:9 ku bw’ibikorwa byawe nzagukura mu rupfu, maze ngukureho ibyaha byose

Bibiliya ibyamagana muri aya magambo: *kuko muzi yuko ibyo mwacungujwe ngo muve mu ngeso zanyu zitagira umumaro mwatojwe naba sekuruza banyu, atari ibyangirika nk’ifeza cyangwa izahabu, ahubwo mwacungujwe amaraso y’igicro cyinshi... 1 Petero 1:18-19*

Gusengera abapfuye:

2 Makabe 12:43-46,... iyo bataza kuba bafite ibyiringiro bashoboraga kongera kuzuka, ni ingezi cyane gusengera abapfuye... ari naho abantu biyungira n’abapfuye, kugira ngo bakurwe mu cyaha.

Bibiliya ibyamagana muri ubu buryo: *ariko rero iyo tugendeye mu mucyo nk’uko nayo iri mu mucyo, tuba dufatanije ubwacu kandi amaraso ya Yesu Umwana wayo atwezaho ibyaha byose. 1 Yohana 1:7*

Ntabwo umwanya watwemerera kuvuga kuri buri ngingo zose uko zagiye zandikwa mu ngeri zitandukanye zagiye zisemura Bibiliya, ariko ikibazo ni uko izo ngeri zose zagiye zishingikiriza ku busobanuro bw’inyandiko z’abagatulika ku masomo amwe n’amwe. Ingero zimwe ziragaragaza amakosa ari mu ngeri ya Bibiliya yitwa Vulgate kandi ayo makosa nanone agaruka muri Bibiliya zose zagiye zisobanurwa zivuye kuri iyo ngeri kuko zirwanya ukuramya Imana gukwiriye.

Amakosa ari mu ngeri ya Bibiliya ya Vulgate

2 Timoteyo 3:16 – *Ibyanditswe Byera byose byahumetswe n’Imana (Bibiliya yitiriwe Umwami Yakobo)*
Ingeri ya Douay – *Ibyanditswe Byera byose byahumetswe n’Imana birimo inyungu*

Abaheburayo 11:21 – *Yakobo yasenze yishingikirije ku mukuru w’ab’umuryango we (Bibiliya yitiriwe Umwami Yakobo)*

Ingeri ya Vulgate -- *Yakobo yasenze yishingikirije ku ipfundo ry’inkoni ye.*

Ibyahishuwe 22:14 -- *hahirwa abakurikiza amategeko y’Uwiteka (Bibiliya Yitiriwe Umwami Yakobo)* **Ingeri yitwa Codex vaticanus** – *hahirwa abamesa ibishura byabo*

Kugira ngo kiriziya gatulika ikureho ingingo z’ubugorizi, yatangije umutwe ugamiye gutsemba ibyo abagorizi bakoze, uyobowe n’itsinda ry’abajesuite. Inyigisho zimwe z’ubuhanuzi aho kuzishyira mu gihe cyazo, zimwe bazjugunye mu gihe kizaza (**Futurism**), izindi bazishyira mu gihe cyashize (**Preterism**), izi nyigisho zashyizwe ahagaragara mu mwaka wa 1585 zanditswe na Alcasar na Ribera, abo bari abapadiri babiri b’aba Jesuite, batanze ubundi busobanuro bukuraho icyo abagorizi bari baravuze kuri Antikristo maze bavuga ko antikristo atari ubupapa ko ahubwo ari umwami w’abagiriki Antiochus Epiphanus wa 4 ndetse bavuga ko Antikristo ari n’abantu bazabaho mu gihe kizaza baje kurwanya ubwoko bw’abayuda. Aya mahame **agamije gutesha agaciro ibyanditswe byera**, yatangijwe n’abigisha iyobokamana b’abagatulika aribo Richard Simon na Dr. Alexander Geddes mu mwaka wa 1678, bashyize Ibyanditswe Byera iruhande maze bahindura byinshi mu mateka nyakuri n’inkomoko. Inyandiko za Mose bazise ko ari iz’amayobera, maze kwizera kvanwaho. Yesu yacyashye bikomeye abantu bose bashakaga gukemanga agaciro k’Ibyanditswe byera.

Iyo mwizera Mose nanjye muba munyizeye, kuko ari ibyanjye yanditse. Ariko se nimutizera ibyo uwo yanditse, noneho n’amagambo yanjye muzayizera mute? Yohana 5:46-47

Kiriziya gatulika yahakanye ku mugaragaro **iby’iremwa rivugwa muri Bibiliya** maze bavuga ko atari ukuri na gato. Ikinyamakuru cyitwa *the Sunday times*, cyanditswe ku itariki ya 6/12/1987, mu nkuru yanditswe na Nic Van Oudtshoorn, muri Sydney, yanditse amagambo avuga ngo “Itangiriro nta bwo ari ukuri”... kiriziya gatulika yahamije ku mugaragaro ko Irema nk’uko ryanditswe mu Itangiriro nta busobanuro bw’ukuri rifite. Ayo magambo yavuzwe na Papa Yohani Pawulo wa 2 yanditswe n’ibinyamakuru mpuzamahanga, ikinyamakuru cyitwa *Times Magazine* cyanditse inkuru ifite umutwe uvuga ngo “uguhinduka kw’imitekerereze ya Vatikani... Papa yahaye imigisha inyigisho y’abantu ishyira hejuru ihame rya siyansi kurirutisha ihame rya Bibiliya.” Ikindi gitangaje ni amagambo yavuzwe n’umujesuite, Consolmagno, ubwo yaganiraga n’ikinyamakuru cyitwa *Elm Street* mu mwaka wa 1999 mu nkuru bise “Kandi Ijuru n’Isi biraririmba,” yabajijwe ikibazo kigira kiti “Ese mwebwe ntimwaba mwizera irema?” maze asubiza agira ati “Irema ni ubuyobe bwazanywe mu kinyejana cya 19. Abakurambere ba kiriziya bari bazi gusobanura Bibiliya neza bitari muri ubwo buryo.”

Kiriziya gatulika, mu gihe cya kera, yari yarabujije abantu gusoma no gukwirakwiza Ijambo ry’Imana. Mu kuri, Bibiliya yari iri “ku rutonde rw’ibitabo bibuzanyijwe” rwanditswe na Papa Pawulo wa 4 mu mwaka 1599 n’Umushumba Adolphus mu mwaka 1462 aho bahagaritse icapiro rya Gutenberg na Schoeffer kugira ngo bakumire ikwirakwizwa rya Bibiliya¹²

Ubwo bacaga Bibiliya nta muntu washoboraga gusobanukirwa Ijambo ry’Imana kuko ryahise risimbuzwa amahame akemanga Ijambo ry’Imana maze risimbuzwa “**imigenzo**”. imigenzo yahise ishyirwa imbere kugira ngo isimbure kuvuga ngo “Handitswe ngo”. Roma ntabwo yigeze ihinduka ku byerekeye iyi ngingo, nk’uko inteko ya Vatikani ya 2 ibigaragaza muri aya magambo ngo:

Kuba Ibyanditswe Byera n’imigenzo bikubiye hamwe nk’amahame 2 ayoboye itorero ni icyerekana ko itorero riri kwegereza Iyahishuwe n’Imana. Ihame rya mbere ryahamijwe n’inteko ya Vatikani ya 2 muri aya magambo: ntabwo itorero rikomora imyemerere yaryo mu

Byanditswe Byera gusa. Ni yo mpamvu Imigenzo n'ibyanditswe byera bikwiriye byombi kwemerwa kandi bikubahwa nk'ibinganya gaciro... icya kabiri, ni uko umugozi w'umurunga uri hagati y'ibyanditswe Byera n'imigenzo udakwiriye gucika kuko watumye gatulika ihama, Imigenzo niyo byanditswe Byera bikomoraho ubusobanuro bwabyo, kubw'ibyo imigenzo ubwayo ikwiriye guhabwa agaciro nk'agahabwa byanditswe Byera.¹³

Ukutibeshya kwa Papa n'ubudahangarwa ni ingingo abagorozi bose bagizeho ikibazo gikomeye cyane. Padiri Bonaventure Hinwood, umuvugizi wa Kiriziya gatulika abishimangira muri aya magambo akurikira:

.... Biragaragara ko kiriziya idashobora kwibehya mu gukora umurimo wayo yerekeza mu guhishurirwa n'Imana. Ariko Papa niba ari we shingiro ry'ubu bumwe, kandi akaba yemera kuba umutware n'umuyobozi w'abizera bose, kubw'ibyo bituma adashobora kuyobora itorero mu makosa ku bijyanye no guhishurirwa n'Imana...

Hariho umuntu umwe rukumbi kandi niwe wenyine ufite ubutware bw'itorero ndetse uwo niwe ukuriye urwunge rw'abashumba, uwo ni Papa. Kubw'ibyo rero niba Papa akoresheje ubutware bwe bwose kugira ngo agaragaze ko ari we uyoboye itorero, akwiriye gukora nk'umuyobozi w'urwunge rw'abashumba. Iyi niyo mpamvu inteko ya Vatikani ya 1 yashimangiye ko mu gihe Papa akoresheje ubutware bwe buhebuje mu kwigisha, ntabasha kwibeshya na rimwe nk'uko Kristo yari arinzwe kuba yakora ikosa ubwo yigishaga abo mu itorero rye. Abakaridinali bahitamo umu papa, kugira ngo uwo mu papa yemerwe ku murimo we, ahabwa ububasha buturutse kuri Kristo kugira ngo abashe gukora imirimo ashinzwe. Ibi birimo guhabwa impano yo kutibeshya.¹⁴

Icyo ni igikorwa gihindura Papa Imana, kandi ni ko abapapa bagiye bitwa, ko ari ba nyirubutungane, ko badashobora gukosa. Papa Boniface wa 8 mu nyandiko ye yitwa BULL UNAM SANCTAM yaravuze ati:

Papa wa Roma acira abantu bose urubanza, ariko we ntawe umucira urubanza. Turahamya ko ibyaremwe byose bikwiriye kwemerwa ko agakiza kabonerwa muri Papa w'I Roma... nk'uko byavuzwe na Kristo ngo "kuko yashyize ibintu byose muni y'ibirenge bye" ibyo mbona ari jye bivuga... Mfite ubutware ku Bami b'abami. Ndi hejuru ya bose nje n'Imana, ndi umusimbura w'Imana, kandi nshoboye gukora ibintu byose Imana ikora. Ese ubwo hari ikindi mwangereranya na cyo uretse Imana?

Mu gihe dusoma amagambo nk'aya, hari amagambo ya Bibiliya ayamagana ahita agaruka mu bitekerezo ari yo:

Ntihakagire umuntu uboshya uburyo bwose, kuko uwo muni utazaza kurya kwimura Imana kutabanje kubaho, kandi urya munyabugome atarahishurwa ari we mwana wo kurimbuka. Ni umubisha wishyira hejuru y'icyitwa Imana cyose cyangwa igisengwa, kugira ngo yicare mu rusengero rw'Imana, yiyerekane ko ari Imana. 2 Abatesalonike 2:3-4

Batitaye kuri uyu muburo, abantu benshi barimo baranywa byimbitse iyi vino ya Babuloni. Inyigisho z'ibinyoma za Roma zamaze kwinjira mu myizerere y'abantu benshi bo ku isi ndetse no mu matorero y'abaporotestati, aho bibera bibi kurushaho nuko izi nyigisho zisigaye zemerwa n'abaporotesitanti hirya no hino mu matorero ndetse bagatanga n'amahugurwa y'izi nyigisho zipfuye. Ubu, abakristo benshi

bamaze kwemera rimwe muri aya mahame, bamwe bemera ko antikristo yamaze kuza, cyangwa se bakemera ihame ry’uko ataraza ariko azaza. Ihame ryo **kudapfa kwa Roho** ni rimwe mu mahame ayoboye ayandi, ryashyizwe imbere na Roma. Iri hame ryafunguye imiryango yatumye andi mahame y’ibinyoma yinjira mu matorero, kandi ryafunguye inzira **yo kuvugana n’abapfuye** ndetse rituma habaho n’uburyo bwo kwigaragaza n’amayerekwa by’ibinyoma bigendereye kuyobya abo mu minsi y’imperuka (Reba icyigisho cyitwa *amayobera y’urupfu*). Kubwo kwemera izi nyigisho, cyangwa kubwo gushaka kwihuza nazo, ndetse no kwemera ubutware bw’ubupapa, ubuporotestanti bwaraguye maze nabwo buba bumwe mu bagize Babuloni.

Hari igihe ubuporotestanti bwari bufite umurava wo kuvuga ko agahembe gato ko mu gice cya 7 cya Daniyeli ari ubupapa, aribwo antikristo. Ndetse banabyanditse ku ibuye ryari ku muryango wa Rathaus muri Nürnberg (reba ifoto ya 4.4 na 4.5), ariko uyu munsu abaporotestanti baracecetse. Habayeho igihe ubwo abaporotestanti bizeraga ko Imana yaremye isi mu minsi 6 nk’uko ikurikirana, ariko ubu barahinduye maze bemera ihame ry’ihindagurika rikomoka kuri Kiliziya Gatulika ya Roma. Amenshi mu matorero ya giporotestanti yahakanye umwuzure n’irema nk’uko biri mu bice 11 bibanza mu gitabo cy’Itangiriro maze bavuga ko byose ari amayobera. Ubwo ukuri kw’Imana kwerekeye Isabato yera kwahabwaga abaporotestanti n’abayobozi babo, barakwanze maze bigumira mu migenzo yabo yo kuramya icyumeru, ari wo mugenzo wa kiriziya gatulika. No mu myaka yakurikiyeho, amatorero ya giporotestanti yagiye yanga ukuri kw’isabato y’Imana. Ariko nubwo hari abagiye banga uku kuri mu matorero amwe, Imana ifite ubutumire budasanzwe ku bana bayo bayumvira, yewe no mu bari muri Babuloni. Imana ntabwo ishaka ko abana bayo baguma muri uyu mudugudu w’ubwami bwa Babuloni budashingiye ku kuri, niyo mpamvu ibabwirira mu byahishuwe 18:4 ngo “....*bwoko bwanjye nimuwusohokemo, kugira ngo mwe gufatanywe n’ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo.*”

Ubumwe bw’amadini buheruka bwa Babuloni buyobowe na Papa buzaba bugizwe n’imigabane itatu, ari yo **ikiyoka, inyamaswa n’abahanuzi b’ibinyoma**. (Ibyahishuwe 16:13,19)

Wa mudugudu ukomeye ugabanywamo gatatu, imidugudu y’abanyamahanga iragwa. Babuloni ikomeye yibukwa imbere y’Imana, ngo ihabwe agacuma k’inzoga, ari yo nkazi y’umujinya wayo. Ibyahishuwe 16:19

*Nuko mbona mu kanwa ka cya **kiyoka** no mu kanwa ka ya **nyamaswa**, no mu kanwa ka wa **muhanzu w’ibinyoma**, havamwo imyuka itatu mibi isa n’ibikeri.* Ibyahishuwe 16:13

Babuloni ya kera yari ikigereranyo cya Babuloni yo muri iki gihe. Nk’uko habayeho umuburo wo gusaba kwitandukanya na Babuloni ya Kera, ni ko n’uyu muburo uzasubirwamo ku geza ubwo babuloni yo muri iki gihe igera ku iherezo:

Nimuhunge muve muri Babuloni umutu wese akize amagara ye, muticwa muhowe igicumuro cyaho kuko ari igihe cyo guhora k’Uwiteka, azahitura ibihakwiriye. I Babuloni hahoze ari igikombe cy’izahabu mu ntoki z’Uwiteka, hashindishaga isi yose. Amahanga yanyoye kuri vino yayo, ni cyo cyatumye amahanga asara. Yeremiya 51:6-7

Itegeko ry’ikigereranyo, icyo rishushanya kiba gifite agaciro ku rusha icyarishushanyaga. Urugero, umwana w’intama wakoreshwaga mu gutamba yashushanyaga Yesu, kubw’ibyo Yesu afite agaciro kurusha intama yamushushanyaga. Nk’uko bigaragara Yesu ahagarariye umwana w’intama

watambwagwa; Yesu afite agaciro kurusha uwo mwana w'intama, kandi ubwo Yesu yasohoje isezerano ry'agakiza ryashushanywaga n'uwo mwana w'intama, ni yo mpamvu ibitambo byarangiye ubwo Yesu yatambwaga. Muri ubwo buryo, Yerusalemu yashushanyaga Yerusalemu nshya, ari wo murwa w'abacunguwe bose. Bamwe mu basemura Bibiliya muri iki gihe bagerageza kwica iri hame aho bafata ikigereranyo bakagihuza n'icyo cyashushanyaga muri icyo gihe. Urugero, bakavuga ko Yerusalemu nk'uko iri ari yo izahinduka umurwa w'Ubwami bw'Imana, ariko Bibiliya yo ikaba igaragaza ko Yerusalemu nshya ari yo izamanuka iva mu ijuru irimbishijwe nk'uko umugeni arimbishirizwa umugabo we, ntabwo izaba ari umurwa wubatswe n'umuntu, ahubwo ni Imana Ubwayo (Ibyahishuwe 21:2,10). Ni muri ubwo buryo, Babuloni y'ibya mwuka idafite aho ihuriye na Babuloni ya kera, naho uwo mudugudu waba warongeye kubakwa, kuko babuloni ishushanya ubuyobe bukomeye bwo mu isi bwo mu minsi y'imperuka. Ubwo butatu bugize babuloni bushushanya ikinyoma cy'icyiganano cyo kuramya Satani n'ubutatu bwe bw'ibinyoma.

Ikiyoka gisobanura Satani, kandi cyishushanya nk'Imana, ni icyiganano cy'Imana Data. Imikorere ye mu bantu iri mu buryo bw'amayobera, kandi imbaraga ze zigagariza mu buryo bwose bwo kuvugana n'imyuka mibi. Imbaraga z'abadayimoni zihishe inyuma z'ubu butatu bwa Babuloni, ariko mu buryo bw'imyuka mibi, uribwo Satani akoreramo. Imyemerere yo muri iki gihe bita New age ni imwe ikubiyemo ukwigaragaza kwa Satani. Inyamaswa ihagarariye umwana w'ikinyoma. Ni icyiganano cya Yesu Kristo. Inyamaswa yamaze kwigaragaza ko ari ubugatulika bwa Roma, kuko bwihamiriza ko ari bwo busimbura Kristo ku isi. Nk'uko Kristo yagize uruguma rwica ari ku musaraba, agapfa akazuka ni ko n'iyi nyamaswa yagize uruguma rwica ariko nyuma yongera kubaho. Nk'uko Kristo yazuwe mu bapfuye, ni ko n'iyi nyamaswa yagize uruguma rwica yageze aho igakira. Nk'uko Kristo yakurikiwe n'abantu benshi, ni ko n'isi yose izatangirira iyi nyamaswa, maze bayikurikire. Kandi nk'uko amavi yose azapfukama mu izina rya Yesu, ni ko n'ubupapa uyu muni busaba ko abantu bose babwumvira.

Igice cya gatatu kigize Babuloni ni abahanuzi b'ibinyoma, kubw'ibyo akwiye kuba ashushanya mwuka wera w'ibinyoma. Ni umuhanuzi w'ibinyoma, ukora ibitangaza bikomeye n'ibimenyetso (Ibyahishuwe 19:20), kandi mu Byahishuwe 13, hano nanone uyu muhanuzi w'ibinyoma afite aho ahurira n'inyamaswa ya kabiri, icyo twabonye ko ishushanya Leta zunze ubumwe za Amerika. Amerika y'ubuporotestanti uyu muni ni igihugu cyamaze kugira iyobokamana ry'ab'isi. Mu madini amwe ya gikristo, mwuka Wera afatwa nk'umugore, kandi babikomora mu myemerere mpagani ya kera, nk'uko biri mu bugatulika, imbaraga ikora ibitangaza y'ibigirwamana yigaragazaga kenshi mu ishusho y'ibigirwamanakazi nka Rhea, Ishtar, Astarte; Isis, uyu muni mu bugatulika ni Mariya. "Ukwigaragaza kwa Mwuka" ni ingingo imaze kuba gikwira mu buprotestanti, ariko ikaba ari ukwigaragaza kwa Mwuka ubunga na Roma. Ubwo Kristo yasengeraga ko haba ubumwe mu itorero rye, ntabwo yasobanuraga kugirana ubumwe mu kugomera Imana, ahubwo yasobanuraga kugirana ubumwe n'ukuri. Amadini y'ubuporotestanti yaguye yiyunze na Roma kubwo kwemera ubutware bw'ubupapa yose aba ahindutse igice cy'abagize umugabane wa gatatu wa Babuloni yo mu minsi iheruka, kuko ari bwo bumwe buheruka bubereyeho kurwanya ubutware bw'Imana n'amategeko yayo (Reba icyigisho kivuga ngo *umwuka w'ubumwe*). Ibyerekeye ikiyoka tuzabigarukaho mu yigisho kytwa *idini ryo muri iki gihe*, maze umuhanuzi w'ibinyoma tuzamugarukeho ku buryo burambuye mu cyigisho cyitwa *umuriro utunguranye*.

Ubusobanuro bwose bw'uyu mugore (ari we torero) wo mu Byahishuwe 17 bugaragaza neza ko ari kiliziya Gatulika. Uretse kuba afite "igikombe cy'izahabu mu kiganza cye cyuzuwemo ibizira byose

by'ubusambanyi bwe", tubwirwa mu Byahishuwe 17:1 ko "yicaye ku mazi menshi" kandi mu Byahishuwe 17:4, ko "uwo mugore yari yambaye umwenda w'umuhengeri n'uw'umuhemba. Yari arimbishijwe n'izahabu n'amabuye y'igicro cyinshi n'imaragarita." amazi menshi ashushanya amahanga yose cyangwa ibihugu byo mu isi:

Nuko arambwira ati "Ya mazi wabonye wa maraya yicaraho, ni yo moko n'amateraniri y'abantu n'amahanga n'indimi." Ibyahishuwe 17:15

Iri torero, rishushanywa n'uyu mugore, rikwiriye kuba riri ku isi yose. Ijambo "Gatulika" risobanuye "Gikwira". Ni yo mpamvu kiriziya gatulika ya Roma ivuga ko ari itorero ry'isi yose, kandi nk'uko twabibonye, bavuga ko bafite ubutware ku bihugu byose.

Wa mugore wabonye ni we wa mudugudu ukomeye utegeka abami bo mu isi. Ibyahishuwe 17:18

Ibyerekeye imyambaro ye, hari umwambaro washushanyijwe na kiriza gatulika wagenewe kwambarwa n'abakaridinali ugizwe n'amabara yabugenewe ariyo umuhengeri n'umuhemba. Abapadiri ba kiriziya gatulika bambara imyambaro y'umutuku ku wagatanu mutagatifu, ku cyumweru cya mashami, kuri pentekoti, ku munsu wo kwizihiza amavuka y'intumwa n'ababwirizabutumwa, no ku munsu w'amagaburo y'intwari. Bambara imyambaro y'imihengeri ku munsu wo gutegereza, ku munsu wo kwibabaza no mu gushyingura, mu yindi minsi nibwo bemerewe kwambara indi myenda y'andi mabara asanzwe. Andi mabara yemewe kwambara arimo, umweru, icyatsi, umukara, n'ibara ry'iroza n'umuhondo wa zahabu. Gusura Vatikani byatuma umenya ubukungu ifite bitewe n'ibiyirimbishije bishimangira ubugatulika. Amashusho ya Mariya n'abatagatifu arimbishijwe mu mabuye y'izahabu n'imaragarita, kandi n'imyambaro yambarwa n'abapapa irimbishijwe izahabu y'igicro cyinshi ndetse n'impeta ze zirimbishijwe izahabu ihenze kurusha amakamba y'abami bose bo mu isi. Ikamba rya papa ry'izahabu rya mpandeshatu, nk'uko rigaragazwa mu nzu ndangamurage ya Vatikani ryambikwa Papa igihe aba ari kwimikwa rifite agaciro gahanitse cyane. Ubu butunzi ni nabwo kandi butatse ingoro zose za kiriziya gatulika ya Roma.

Ku ruhanga rwe handitswe amagambo ngo: "**amayoberane**, babuloni ikomeye, nyina w'abamaraya, kandi nyina w'ibizira byose." Ibyahishuwe 17:5. Ese itorero gatulika ryaba rifite iryo jambo "Amayoberane" mu myemerere yaryo no mu nyigisho zaryo? Yego rirabifite.

Papa Yohani Pawulo wa 2 yavuze ku mayobera ya kiriziya ubwo yahishuraga imirimo ya Vatikani ku itariki ya 17/9/1997. "Amayobera" ni ijambo kandi rikunda gukoreshwa na kiriziya gatulika iyo bavugaga Misa, cyangwa bashakaga kuvugira ukuntu umugati na vino byihinduramo umubiri n'amaraso bya Kristo. Mu muhango wa misa, padiri aba avugaga "amayobera yo kwizera". Rozari y'abagatulika nayo irimo amayobera yo kwizera. Harimo ibinyacumi 15 by'amasengesho (bingana n'amasengesho 150) kandi muri ibyo binyacumi byose, hagiye harimo "amayobera" nk'uko bihamywe na Kiriziya. Amayobera 15 ya Rozari agabanyijwemo ibice 3 ari byo: ibinejeje, ibiteye agahinda, n'iby'ikuzo. Amayobera 5 y'umunezero ni: *iyobera* ryo gutangazwa, *iyobera* ryo gusurwa, *iyobera* ry'ukuvuka kw'Umukiza, *iyobera* ry'ukwigaragaza mu rusengero n'iyobera ryo kubona Yesu mu rusengero. Naho amayobera 5 y'agahinda ni: *iyobera* ryo gusengana umubabaro mu gashyamba, *iyobera* ryo kurimbuka kw'urusengero, *iyobera* ryo kwambara ikamba ry'amahwa, *iyobera* rya Yesu ryo kwikorera umusaraba n'iyobera ryo kubambwa. Naho amayobera 5 y'ikuzo ni: *iyobera* ryo kuzuka, *iyobera* ryo kujya mu ijuru k'Umukiza wacu, *iyobera*

ry'ukumanuka kwa Mwuka Wera, *iyobera ry'ukujiyanwa* mu ijuru k'umwari Mariya n'*iyobera* ryo kwambikwa ikamba k'umwari Mariya nk'Umwamikazi w'Ijuru. Aha hari amagambo asobanura iby'uwo mugore mu byahishuwe 17 nk'uko tuhasoma ngo:

Mbona ko uwo mugore asinze amaraso y'abera n'amaraso y'abahowe Yesu. Mubonye ndatangara cyane. Ibyahishuwe 17:6

Nk'uko twabivuze mu cyigisho cyitwa *Umntu w'Ibanga*, Kiliziya gatulika yarenganyije abakomeje kwishingikiriza ku ijambo ry'Imama nk'umuyobozi w'ukwizera kwabo mu gihe cy'imyaka myinshi. Abenshi mu bagorozi barishwe bahowe ukwizera kwabo kandi miliyoni nyinshi zarapfuye ziguye mu ntambara y'iyobokamana yari iyobowe n'ubupapa kandi baratwikwa. Umugore wo mu Byahishuwe 17 yicaye ku misozi irindwi:

Aha niho hakwiriye ubwenge n'ubuhanga. Iyo mitwe irindwi ni yo misozi irindwi uwo mugore yicaraho. Ibyahishuwe 17:9

Hari ubusobanuro burenze bumwe kuri iri somo, ariko Vatikani izwi nk'umugi wubatswe ku misozi irindwi. Iyo misozi irindwi ni Capitoline, Quirinal, Viminal, Esquiline, Celian (Coelian), Aventine na Palatine. Iyo misozi kera yarizwiho kuba imisozi yo gutambiraho no gusengerwaho. Ibigerwamana byahasengerwaga byari bizwi nk'ibigerwamana by'izuba kandi icyogihe byashoboraga kwigaragaza nk'ikigabo cyangwa ikigore. Kandi imyemerere y'abasengeraga aho bizeraga ko umuntu akizwa n'imirimo, ariko bakaba bari bafite n'umukiza w'icyiganano uri mucyimbo cya Mesiya, kandi akaba yari umuhuza w'abagore n'abagabo.

Indi mpamvu ituma ubumwe bw'amadini yose buyobowe n'ubupapa bwitwa Babuloni ni ukubera ko imisengere yabo iri mu bwiru bw'amayobera, nk'uko yahoze mu myizerere ya Babuloni ya kera ari nabyo bigaragara mu myizerere y'aba Buddhist, Abahindu, n'andi madini menshi yo mu isi harimo n'ubusiramu.

Imisengere ya gipagani yo kuramya Izuba

Imisengere y'abanyababuloni yo kuramya izuba yagumyehe no muri iki gihe. Abakarudaya ba kera basenganga ikigerwamana cy'ikigabo n'ikigore icyarimwe cyashushanywaga n'ikigerwamana cy'izuba. Hariho uburyo butatu bwo gusenga izuba, bushushanya data, umugore n'umwana. Hariho ikigerwamana cya Bel cyangwa Merodaki, Ninus umwana, ari nawe wasengwaga nka Tamuzi, hakaba n'ikigerwamanakazi cya Rhea, ari nacyo cyasengwaga nka Ishtar, Astarte, cyangwa Beltis nawe washushanyaga umugore. Kandi icyo kigerwamanakazi nanone cyitwaga 'umwamikazi w'ijuru', cyangwa ugabanya umujinya'. Gusenga umugore n'umwana byahoze ari ishingiro ryo kuramya kw'abakera. Kandi mu iyobokamana ritandukanye ryo mu isi, n'ubu baracyasenga muri ubu buryo gusa bakabyita andi mazina. Muri Egipta, basengaga ibi bigerwamana ariko bakabyita Isis na Hosiris cyangwa Horus; mu Buhinde bakabyita Isi na Iswara; mu bushinwa no mu buyapani bafite ikigerwamana kazi cyitwa Shingmoo n'umwana; mu Bugiriki babisenga nka Ceres cyangwa Irene na Ptulus; muri Roma babisenga nka Fortuna na Jupiter-puer, cyangwa Venus na Adurnis; muri Scandinavia babisenga nka Frigga na Balder. Umugore n'umwana byasengwaga muri Babuloni nka Ishtar na Tamuz, naho muri Phoenicia

bakabisenga nka Ashitoreti na Bali. Igitangaje ni uko umwana yasengwaga nk'umwana ndetse nk'umugabo w'ikigirwamanakazi icyarimwe.

Umwana cyangwa umugabo ugize ikigirwamana cy'umwana n'umugore, ni icyiganano cy'Umukiza, aricyo cyigana Yesu Kristo. Amazina yose avuga kuri Yesu yagiye yitwa ikigirwamana cy'umwana mu myizerere y'aba kera inyuranye n'ukuri. Urugero ni ikigirwamana cya Zoroaster cyiswe 'urubyaró' rw'umugore, ikigirwamana cya Mitras (ari cyo kigirwamana cy'izuba cy'abaperesi) cyiswe Umukiza, ikigirwamana cyitwa Dionysus cyiswe uwikorera ibyaha, ikigirwamana cyitwa Bacchus cyiswe umuzabibu, ikigirwamana cyitwa Vishna cyiswe uwahowe abantu, naho ikigirwamana cyitwa Osiris cyitwa umwami w'abami.

Iyi misengere yari ifite inkomoko kuri Nimurodi, n'umugore we Semiramus. Nimurodi yari umuhakanyi kandi wigumuye ku Mana, nka se witwaga Cush. Maze Nimurodi acirwa urubanza rwo gupfa kubw'ibikorwa bye bibi, maze nk'uko bivugwa n'abanyamateka ba kera, bimwe mu bice by'umubiri we byagiye byoherezwa mu migi itandukanye kugira ngo bibe umuburo. Umugore we Semiramus yarahunze, ariko hakwirakwizwa ibihuha ko yaba yaragiye mu ijuru, aho yaje guhinduka umwe n'izuba. Ubwo Semiramus nyuma y'igihe yaje kubyara umwana w'umuhungu, aho yahamije ko uwo mwana ari ukongera kw'igaragaza k'umugabo we ariko mu buryo bw'ubumana, kandi akagaruka aje guhinduka Umukiza w'inyokomuntu. Nyuma y'aho semiramus yaje guhindurwa ikigirwamana kuko yari abaye nyina w'ikigirwamana kuko yagiye mu ijuru agahinduka umwamikazi w'ijuru. Mu mico itandukanye, bagiyeye basenga ibi bigirwamana gusa bakabisenga mu mazina atandukanye.

	NIMURODI, UMWAMI W'IJURU	TAMUZI, MWANA CYANGWA MESIYA	SEMIRAMIS, UMWAMIKAZI W'IJURU
ABISIRAYELI ABANYAPHOENICIA ABANYABABULONI ABANYASHURI ABAGIRIKI ABAROMA ABANYEGIPUTA ABAHINDE ABASHINWA ABANYAMEXICO ABANYASCANDINAVIA	BALI EL BELUS NINUS ZEUS JUPITER RA VISHNU PAN-KU TEOTL ODIN	TAMUZ BACCHUS TAMUZI HERCULES DIONYSIUS ATTIS OSIRIS, HORUS KRISHNA YI QUETZALCOATL BALDER	ASHITORETI ASTARTE RHEA, ISHTAR BELTIS APHRODITE CYBELE, DIANA ISIS, HARTHOR ISI, DEVAKI HENG-O, MATSOPO COATTLICUE FRIIG, FREYDA

Ishusho 9.2

Gusenga izuba biragaragara akenshi nk'ibikorwa n'abaturage giseseka, ariko bikoranywe ubuhanga budasanzwe, kuko byagiye bikorwa mu buryo bwigarurira intekerezo binyuze mu mihango

ihambaye bikorwamo. Ubu buryo bw'imisengere bwagiye bwaguka cyane uko ibihe biha ibindi. Kandi mu gihe turimo, iyi misengere yaragutse cyane ku buryo aribwo amadini menshi yubakiyeho; urugero nk'amadini yose y'iburasirazuba, ububudisme, ubuhindu, n'ubugatulika. Mu mayobera y'ubugatulika, gusenga izuba byageze ku rwego rwo hejuru cyane. Amazina y'ibi bigirwamana yose yarahinduwe, ariko uburyo bwo kubisenga bwo ntibwahindutse.

Nk'ikigirwamana cy'izuba (aricyo Nimurodi) cyinjiye mu mugezi (ari wo Ufurate), ni nako umwana yinjiye mu mazi y'inda kugira ngo asengwe nk'umucunguzi. Uku kuramya izuba kwahozeho mu gihe izuba rirashe (basenga **Brahma**), mu gihe izuba rigeze hagati (hagasengwa Siva) naho izuba ryarenga (hagasengwa Vishnu). Mu ijoro, izuba riguma mu nda y'inyanja mu mwijima w'icuraburindi (bishushanya urupfu n'umubabaro by'ikigirwamana cy'izuba). Nk'ikigirwamana cy'inyanja (Poseidon, Neptune), ni nako yasengwaga nk'ikigirwamana cy'ifi cya Dagon (Dag= bisobanura ifi, On = bisobanura izina ry'ikigirwamana nk'uko ryari muri Egiputa) niko nacyo cyinjiraga mu nda y'inyanja kugira ngo cyongere kivuke. Ubu buryo bw'imisengere bwo muri Babuloni bwari bweguriwe Dagoni, maze nyuma bihindurwamo gusenga Ichthys, cyangwa ifi. Mu gihe cy'abakaludaya, umuyobozi w'itorero niwe wabaga ahagarariye Dagoni. Yafatwaga nk'udakora icyaha kandi akitwa 'Nyrubutungane'. Abo mu bihungu bazaga i Babuloni bagombaga gusoma impeta n'inkweto z'umwami uhagarariye ikigirwamana cy'abanyababuloni. Ubwo butware muri iyi minsi bufitwe na Dalai Lama w'ababuddhiste, na Papa. Kandi imyenda y'ubupagani – ariyo ngofero y'imitwe itatu iteye nk'ifi n'amakanzu by'abapadiri ba Dagoni – uyu munsu yambarwa n'abashumba ba kiliziya gatulika, n'abakaridinali ndetse n'aba papa.

Ubupapa buhamya ko bwamaze gusigarana iyi myemere ya kera buyisimbuje imigenzo. Kandi iyo migenzo n'ubundi ni iya banyababuloni, kandi ntaho ikwiriye guhurira n'inyigisho za Yesu. Amahame y'abagatulika arimo nko kubatiza abana, kubaminjagira amazi mu gihe bababatiza, inyigisho zerekeye urupfu no kudapfa, gusengera abapfuye n'ibisigazwa byabo, gusubiramo amasengesho bakoresheje amasaro, amahame yo kubabarira ibyaha, inyigisho z'ikuzimu, misa no gusenga ku cyumweru, ayo yose ni amahame yakuwe mu banyababuloni ba kera. Ubwo Constantine yahuzaga ubupagani n'ubukristo, umuryango wari ukinguriwe amahame y'ibinyoma kugira ngo yinjizwe mu itorero, maze yinjizwa muri gahunda zo kuramya.

AMAHAME Y'IBINYOMA

IGIHE

Icyumweru	321-364 N.K mu nteko ya Lawodokiya
Gusenga ibice by'imibiri y'abapfuye	337 N.K
Rozari	366 N.K
Misa	394 N.K
Ukubabazwa by'iteka ryose	590 N.K
Indulugensiya	799 N.K
Kuramya Mariya	850 N.K
Kwicuriza ibyaha imbere y'abapadiri	1198 N.K

Kwamagana Bibiliya	1299 N.K
Kubatiza abana	1311 N.K
Imihango kuyisimbuza Bibiliya	1563 N.K (Byongeye gushimangirwa)
Ihame ry’uko Divayi ari amaraso n’umugati ukaba Umubiri	1563 N.K (Byongeye gushimangirwa)
Purigatori	1563 N.K (Byongeye gushimangirwa)
Gutsindishirizwa kubwo kwizera n’imirimo	1563 N.K (Byongeye gushimangirwa)
Indulugensiya	1563 N.K (Byongeye gushimangirwa)
Kuvuga ko Antikristo yabayeho kera cyangwa azaza	1585 N.K
Ugutungana kwa Mariya	1854 N.K
Ukutibeshya kwa Papa	1870 N.K
Papa kuba ari umutware w’isi	1929 N.K
Kujyanwa mu ijuru kwa Mariya	1951 N.K
Mariya kuba ari umuhuzakazi w’abantu n’Imana	bizahoraho nk’uko Vatikani ibihamya

Nk’uko ikintu kigerekwa ku kindi kikagitwikira, ni ko n’ubuyobe bwagiye bwinjira mu itorerero buhoro buhoro.¹⁵

Umunyamateka w’itorero witwa Philip Schaff aravuga ati,

Nta torero... mu mateka ya gikristo ryigeze rizimiza ukuri nk’itorero ry’abalatini mu kinyejana cya cumi.¹⁶

Muri Misa y’abagatulika, Ukarisitiya cyangwa se “Umugati” (umugati w’uruziga) ukomora ubusobanuro mu kilatini, ari byo bisobanura ‘inzirakarengane’ cyangwa se ‘igitambo’. Ni uruziga kuko rushushanya izuba. Akenshi ikoreshwa mu mihango ya za misa iri hamwe n’ukwezi, bishaka gusobanura ko izuba ryinjiye mu nda y’ikigirwamanakazi. hamwe mu haterekwa iyo migati hagiye handitswe inyandiko ‘SFS’, mu buryo bw’amayobera bisobanuye 666, kuko S yari ingombajwi ya 6 mu nyandiko z’abagiriki na F ikaba ingombajwi ya 6 yo mu nyandiko zacu. Uruziga ruri mu kwezi ni ikimenyetso cy’abanyababuloni ba kera, kandi kigaragara mu myemerere yose y’aba kera. Muri katedrali z’abagatulika, ibi bimenyetso byiganjemo cyane, ndetse hakabamo n’umugore ufite umwana ari mu ruziga rw’ukwezi. Ukongera kuvuka kw’ikigirwamana cy’izuba byizihizwaga bari mu kurya imigati y’uruziga mu gihe cy’abanyababuloni, kandi byari gikwira cyane mu misengere y’ubu Mithraism, mu kuramya ikigirwamana Osiris, kandi niko bikimeze mu bugatulika bw’iki gihe. Umushumba (Bishop) w’umunyamateka aravuga ati:

Umugati w'uruziga, uko kwizinga kwawo gufite ubusobanuro bukomeye mu mayobera y'abaroma, na cyo ni ikindi kimenyetso cy'ukwigaragaza kwa Bali, cyangwa gusenga izuba.¹⁷

Izuba mu kumurika kwaryo naryo ryafatwagwa nk'inyenyeri mu myemerere y'aba kera, kandi iki kirango gikoreshe n'abasiramu kugira ngo kigaragaze idini yabo. Imyemerere y'ubusiramu ntabwo itandukanye n'iy'ubugatulika. Isiramu ni idini yemera ko umuntu akizwa n'imirimo. Muri isilamu kandi bemera gusenga bifashishije ibisigazwa by'imibiri y'abapfuye aho bifashisha bamwe mu bahanuzi bo muri Bibiliya barimo Eliya na Yohana Umubatiza. Nk'uko biri no mu Bugatulika, usanga mu ngoro zabo zo gusengeramo harimo imibiri y'abapfuye, urugero ni ibisigazwa bya Mohammed biri I Maka n'umutwe wa Yohana Umubatiza bavugako uri mu musigiti wa Omayyad W'I Damasiko muri Siriya. Umushumba witwa Isidore Battikha muri Werurwe 2001 yavuze ko uwo musigiti ari wo musigiti wa mbere wasuwe n'umupapa. Isilamu kimwe n'ubugatulika, bese bashishikariza abantu kujya mu mutambagiro wo kubutaka butagatifu. Kandi bese basenga basubira mu masengesho kandi bese bagakoresha amashapure abayobora muri ayo masengesho, bese bemera Mariya nk'umugore udasanzwe uri mu ijuru. Ibishushanyo by'ubusilamu bikomoka mu migenzo ya kera yo kuramya izuba, harimo nk'inyoni z'amayobera hamwe n'izuba.

Izina ry'ubupapa rya 'Pontifex Maximus' rikomoka mu myizerere ya kera y'abatambyi (b'ibigirwamana) b'abakaludaya. Ubwo abamedi n'abaperesi baneshaga abanyababuloni, imyemerere y'abanyababuloni yagumye, ariko nyuma yo kwigomeka kw'abatambyi, abatambyi ba Babuloni bakuwe mu bamedi n'abaperesi, maze bajya gutura i Perugamo, bagumana icyubahiro cyabo n'imyambaro yabo. Umwami wa nyuma wa Perugamo yari Attalus wa gatatu, ari we waje guha icyubahiro cye umwami w'abami wa Roma mu mwaka wa 133 B.K. mu mwaka wa 375 N.K, umwami w'abami Gratian yanze izina Pontifex Maximus, maze mu mwaka wa 431 N.K, iryo zina rifatwa na Damascus, umushumba wa Roma. Ishuri ry'abakaridinali ryo muri iki gihe riyobowe na papa rimeze kimwe n'ishuri ry'abigaga ibijyanye n'iteme rihuza ijuru n'isi (pontiff) ryabaga riyobowe na Pontifex Maximus. Imfunguzo za papa ntabwo ari imfunguzo za Petero nk'uko babivuga, ahubwo usanga ari izikomoka mu gihe cy'abanyababuloni, nk'uko byari bikwiriye ko uyu usimbura Imana aba afite imbaraga zo gukinga cyangwa gukingura ijuru n'ikuzimu. Iyi mvugo ya Papa igaragaza aho bahagaze nk'uko biboneka mu nyandiko bise *Papal Monachrky*:

Pax Romana yarasheshwe, ni urujijo mu isi yose, ariko igihe cyose umushumba atangije urubanza, idini ririnda umutekano w'ibyasigajwe n'ubuyobozi bwa kera. Uwo mwami ingoma ye iba irangiye asimbuwe na Pontifex Maximus. Ni umusimbura wa Kristo, ugarura iterambere rya kera ku muryango w'ikusi. Akabahindurira kugira imyizerere nk' iye maze bakamwemera nk'umuyobozi wabo kandi nk'umucamanza mukuru.¹⁸

Gusenga ku cyumweru bya gipagani, nk'uko babyiyemerera, bikomoka mu migenzo ya gipagani. Ibi kandi bisobanurwa n'inkoranyamagambo yemewe.

Itorerwa ryafashe imyemerere y'ubupagani, maze riyihindura ishingiro ry'ukwizera. Itorerwa ryatoranyije icyumweru cya gipagani, maze rigihindura icyumweru cya gikristo. Mu kuri ikibyihishe inyuma, kigenderewe kuramya izuba mu cyimbo cya Yesu. Cyane mu bihugu byinshi ni nkaho byakavuze ku mugaragaro ngo mwubahe izina rya kera ry'ubupagani. Rizagume ryejeje,

kandi ritunganye. Kandi icyumweru cy'ubupagani cyari cyeguriwe ikigirwamana Balder, maze gihinduka icyumweru cya gikristo, cyeguriwe Yesu.¹⁹

Icyumweru (Umunsi w'izuba) – cyitwa gityo kuko kera wari umunsi wari wareguriwe izuba, cyangwa se kurirama. Kandi ni wo munsi wa mbere w'icyumweru.²⁰

Abatambyi b'abapagani ntibashakaga abagore, kandi babaga bogoshe imisatsi, maze bagahabwa imbaraga zo gutambira abazima n'abapfuye. Imbaraga nk'izo ziracyahabwa abapadiri b'abagatulika. Nk'abapadiri b'ingaragu, beguriwe ikigirwamanakazi cy'umugore cyangwa umuhuzakazi Mariya. Mu mwaka wa 1854, ubupapa bwahamije ko Mariya ari intungane, maze mu mwaka wa 1951, buhamya ko Mariya yajyanywe mu ijuru, aho yambitswe ikamba nk'umwamikazi w'ijuru. Guhera mu mwaka wa 1951, Mariya yakomeje gufatwa nk'ukora umurimo w'ubuhuza mu bugatulika nk'uko byakorwaga muri gahunda y'imisengere y'abanyababuloni. Icyo kigirwamanakazi mu myizerere ya kera cyasengwaga nk'igitanga ubugingo n'ikuzo kandi iryo yobokamana ryagendanaga n'ibikorwa by'ubusambanyi. Amabere y'iki kigirwamanakazi yari agize umugabane ukomeye w'inshingano y'iki kigirwamanakazi kuko cyabaga gifite amabere menshi yo kugaburira isi. Kandi n'ikigirwamana cy'izuba nacyo cyonkaga amabere y'iki kigirwamanakazi, n'inzoka nayo yagaragajwe nk'iyonka iki kigirwamanakazi.

Muri Beterehemu, muri Isirayeli, hari ahantu hitwa "Milk Grotto/Ubuvumo bw'amata" ahari umugenzo w'abagatulika uvuga ko Mariya yahanyanyagije amashereka ye ubwo yonsaga Yesu akiri uruhinja. Ayo mashereka bivugwa ko yamenetse ku bikuta by'ubwo buvumo maze akahaguma n'uyu munsi abantu bakaba bashobora kujya kuhasura bagiye kuhakirira indwara cyangwa se kuhashakira ubutunzi. Iyo misengere y'ubupfumu n'uyu munsi irakorwa gusa igakorwa mu bundi buryo bw'amayobera. Ibishushanyo by'igitsina cy'abagabo n'ibishushanyo by'igitsina cy'abagore, byakundaga gukoreshwa mu ngoro za kera (nk'uko n'uyu munsi biri mu ngoro z'iki gihe, cyane cyane mu Buhinde), kandi byiganje no mu ma katedrali y'abagatulika. Mu by'ukuri ibimenyetso byose byakoreshwaga mu kuramya izuba n'uyu munsi biracyahari muri za katedrali z'abagatulika zo muri iki gihe. Kateridelari ya Mutagatifu Petero iri i Roma niyo ifite ibimenyetso bya gipagani byinshi kurusha izindi zose zo ku isi. Kuri alitari yo mu ngoro ya Mutagatifu Petero hari ikimenyetso cy'inzoka, n'ibimenyetso byo kuramya ukwezi n'izuba, hari ishusho y'igitsina cy'abagabo n'icy'abagore biri mu ishusho y'imirasire y'izuba kandi iyo alitari iriho ishusho ya Papa Joane (ari we mu Papa wenyine w'umugore wabaheyo mu mateka) arimo kubyara bishushanya ukuvuka kw'ikigirwamana cy'izuba.

Ibindi bimenyetso byo kuramya izuba bigaragara mu bugatulika birimo izuba ry'uruziga ryagiye rikoreshe mu Bakaludaya, n'uyu munsi rigaragara muri katedrali zose. Imiterere y'uruziga y'ingoro ya Mutagatifu Petero iri i Roma niyo igize uruziga rw'izuba runini kurusha izindi mu isi. Mpande enye iba izengurutse kandi uruziga ruyigize rugizwe n'imirasire y'izuba umunani. Kandi mu miterere ya mpande enye y'ingoro ya Mutagatifu Petero, harimo uruziga ruri mu rundi ruziga, aribyo bihagarariye icyiganano cy'intebe y'Imana, nk'uko yagaragajwe n'umuhanuzi Ezekiyeli. Ariko kuri bo, urwo ruziga rurimo urundi ruziga rushushanya intebe y'Ikiyoka cyahaye inyamaswa intebe yacyo n'ubutware bwacyo. Hagati muri iyo mpande enye, harimo inkingi ndende, kandi iyo nkingi ifite ishusho y'igitsina cy'abagabo byari byeguriwe kuramya izuba. Vatikani yubatswe ku musozi wahozeho ingoro ya Janus ahabaga ikigirwamana cy'izuba. Mu ngoro ya Mutagatifu John's Lateran, ariho papa yambikirwa ikamba kandi akahahererwa ububasha bwo kudacumura, naho hari inkingi ndende ya Tutmoses wa gatatu, yari

yareguriwe ikigirwamana cy'izuba cyitwa Reharakti. Tutmoses wa kane yashyize inkingi ye mu ngoro ya Amun muri Karnak (Luxor). Iki kimenyetso cyo kuramya izuba cya gipagani cyaje kwimurirwa mu ngoro ya Mutagatifu John's Lateran nk'ikimenyetso cyo kuramya izuba.

Hari ibimenyetso byinshi byo kuramya izuba bikoreshwa mu bugatulika, imisaraba myinshi ya gipagani, inkoni ziriho urumuri, ibimenyetso byo kubiganza bigendereye kuramya izuba, majagu, indabyo zitwa Fleur-de-lis, mpandeshatu irimo ijisho rya Hathor, impu, aho mu bupagani zakoreshezwaga nk'ibimenyetso bigaragaza ikintu gikwira, ibimenyetso by'inzenyeri, umubumbe w'isi nk'ikimenyetso cy'ubuyobozi bw'isi yose (ibigirwamana by'abapagani byabaga byikoreye isi nk'uko ibirango by'abagatulika uyu muni bimeze, kandi umubumbe w'isi munini kurusha iyindi uri hejuru y'ingoro ya Mutagatifu Petero muri Roma), ibyo bita imitima yejeje nk'uko yakoreshezwaga cyane mu bupfumu bwo kuramya izuba, inyamaswa zejeje (inyinshi muri zo zirimo amayobera nk'ibinyamaswa binini, inzoka, intama y'ihembe rimwe, n'inyoni zidasanzwe), ibimenyetso by'uburumbuke birimo ibiceri bisenye (ibigirwamana by'abapagani byambaraga ibiceri ku misaraba yabyo nk'uko abapapa babikora uyu muni), ibiti bitagatifu (bishushanya umubabaro n'ukuzuka by'ikigirwamana cy'izuba) n'amasengesho asubirwamo buri kanya kandi Bibiliya iyabuzanya:

Namwe nimusenga, ntimukavuge amagambo muyasubiramo hato na hato nk'uko abapagani bagira, bibwira ko kuvuga amagambo menshi ari byo bituma bumvirwa. Matayo 6:7

Iminsi mikuru ya gipagani n'imihango

Iminsi mikuru yose ya gipagani igendereye kuramya izuba ubupapa bwayinjije mu bukristo. Na gahunda zose zo kuramya ibigirwamana nazo zamaze kwinjizwa mu bukristo. Kandi ibyo bikorwa byamaze kuba gikwira, no mu minsi mikuru y'abantu benshi, mu myidagaduro no muri za siporo ibikorwa byaho byinshi bigendereye kuramya ikigirwamana cy'izuba. Uburyo dukinamo amakarita bishingiye ku mihango ya kera yo kuramya izuba. Mu gapaki kamwe habamo amakarita 52 (bihagarariye ibyumweru 52 bigize umwaka umwe), hakabaho ubwoko bune bw'amakarita (bihagarariye ibihe bine cyangwa se imfuruka enye z'isi), hariho amafoto 12 ku makarita (bihagarariye ubwoko 12 bw'izuba), hariho amakarita 36 atari ibigarasha (bihagarariye ibyumba 36 bigize amazu y'izuba) kandi A (ihagarariye Alpha) cyangwa se igisuka ni yo karita iruta izindi ariko ikabara nk'izindi (aribyo bishushanya Alpha na Omega).

Iminsi y'icyumweru yeguriwe ibigirwamana by'izuba, kandi umubare 7 nawo uhujwe n'ijisho rya Osiris, n'imirasire irindwi y'ikigirwamana Mithra nk'uko igaragara cyane mu bigirwamana n'ibigirwamanakazi by'abapagani. Muri ubu buryo, igishushanyo cy'ubwigenge gishushanya ikigirwamana cy'izuba mu buryo bwa kigore, nk'uko iyo shusho ifite imirasire irindwi ya Mithra ku mutwe wayo kandi ikaba ifite urumuri, ari rwo rushushanya umutwaramucyo cyangwa se Lusiferi. Imirasire 7 y'izuba ikomoka kuri Mithra ishushanya insinzi ye anesha imbaraga z'umwijima.

Ku wa mbere (Monday/Lundi) wari umuni w'ukwezi, kandi nk'uko byari igihe cyo kuramya ibigirwamana by'abongereza n'abo muri Scandinavia, Tyr, cyari kimwe mu bigirwamana bikuru byo mu myigishirize y'aba Norse, maze basanga gihura n'umubumbe wa Mars, ni yo mpamvu dufite Tys dagr cyangwa se Tuesday/Mardi cyangwa se ku wa Gatatu; Wednesday/Mercredi

cyangwa se ku wa Kane ni izina rwakomotse kuri Woden, nanone yari izwi nka Odin; maze Thor, ikigirwamana cy'inkuba cyahozze ari icy'abadage gihabwa izina rya Thursday/Jeudi cyangwa se ku wa Gatanu kuko cyari gifite inshingano nk'iyikigirwamana cy'abaroma cyitwaga Jupiteri; Friday/Vendredi/Ku wa Gatandatu wo ni umunsi wiswe gutyo ukomoka kuri Frigg, umugore wa Odin kandi yari nyina w'ikindi kigirwamana cy'abapagani cyitwa Balder. Umunsi w'inyenyeri yitwa Saturn cyangwa se Saturday/Samedi cyangwa se ku wa Karindwi wari umunsi ubanziriza Sunday/Dimanche cyangwa se umunsi wa mbere, kandi wari umunsi wo kuruhukaho nk'uko bimeze uyu munsi.

Abaroma bavumbuye ko iyo migabane irindwi izengurutse imirasire y'izuba bisa n'ibikomoka ku ngofero ya Mithra maze bituma bashyira hejuru ukwera kw'umubare 7 bagendereye gusenga izuba bagambiriye gushyiraho ukuri kumwe n'ubutabera, inzira ebyiri, n'amasi atatu, ndetse n'ibyerekazo bine bigana mu isi.

Umutwe w'igishushanyo cy'ubwigenge wambitswe imirasire 7 ya Mithra ndetse n'urumuri icyo gishushanyo gifite ni ishusho y'izuba.²¹

Siporo

Urumuri batwara mu mikino ya Olimpiki ni ikimenyetso cy'izuba. Siporo z'abo mu gihe cya kera, zari zifatanyije no kuramya izuba kandi ibimenyetso biyikoreshwamo iki gihe bigamije kugaragaza insinzi z'ibigirwamana by'izuba. Izuba, ukwezi n'indi mibumbe yagiye yererezwa mu mikino ya Olimpiki yabereye I Barcelona mu mwaka wa 1992 yatwibukije ko kuramya izuba bibumbiwe mu mikino hagamijwe kuramya ibigirwamana Herakles na Apollo byo mu Bugiriki, nk'uko bihamywa na Gilgamesh.

Amateka ya Sumerina Gilgamesh yanditswe mu buryo bwa kera bwa cuneiform (soma Kiyayiforme) ku bisate bw'amabuye agaragaza uko ibikoresho byo muri siporo – nk'inkoni cyangwa impeta cyangwa umupira – ibyo Gilgamesh yavumbuye ko bitagendereye ikindi keretse kuramya ikigirwamana cy'izuba cyane ko ari cyo gitangiza iyo mikino. Urumuri rwa Olimpiki ruhabwa uwatsinze kugira ngo aruzengurutse agendereye kugaragaza uko izuba rizenguruka mu isanzure, imyaka 4 ishira kugira ngo indi mikino izongere kubaho, nayo ishushanya imyaka izuba rimara kugira ngo rizagaruke aho ryatangiriye... yizihizwaga mu Bugiriki, iyo mikino yari igendereye kuramya ikigirwamana Zeus, ugutsinda igitego utsindishije umupira w'izuba byanganaga no kuba umucyo utsinze umwijima, icyiza gitsinze ikibi... umupira ni ikimenyetso cy'izuba mu mikino yose nka football, hockey, basketball, na cricket... umukino wa Baseball ugendereye kuramya izuba nk'uko umupira uhakinwa ushushanya izuba mu mikinire yawo ari mu miterere yawo no mu mitsindire y'ibitego. Nko mu yindi mikino yose, baseball nayo igendereye kuramya izuba nk'uko byari mu mihango ya kera igamije kwizihiza uburumbuke.²²

Iminsi mikuru y'iyobokamana

Ubugatulika bufite ibimenyetso byose by'ubu Mithraism. Mu bigo bikorera mu bwiru no mu mihango y'amayobera, abatangizi muri byo bashobora guhera hasi maze bakazagenda bazamurwa mu ntera. Imihango y'abatangizi bo muri Freemasonry, no mu bindi bigo byinshi by'ubupfumu, bafite ibintu byinshi bahuriyeho n'abo mu bugatulika. Urugero: urupfu n'umuzuko by'ikigirwamana cy'izuba bishushanywa no kuryama mu isanduku maze ugahamagarwa inshuro nyinshi bishushanya kongera kuvuka. Kubw'ibyo, umuntu ashobora kuzamurwa mu ntera kugeza ageze ku rwego rwo hejuru. Nanone abapadiri b'abagatulika bashobora kuba mu matsinda atandukanye ariko bari gukorera mu idini rimwe.

Ubugatulika bufite ibintu byinshi bya gipagani byo kuramya izuba kandi bwigaruriye n'ubutaka bwinshi bw'aharamirizwaga izuba maze bahita amazina ya gikristo. Urugero, ni ikigirwamana cy'izuba Helio cyabaga mu mva ya gipagani cyavumbuwe mu mwaka wa 1574 mu ngora ya Mutatagifu Petero muri Vatikani maze bacyita Cristo Sole.

Ingoro y'abagatulika ya San Clemente muri Roma itatswe n'ibisingizo by'izuba kandi ibyo bisingizo byari ibyo mu kinyejana cya 2 byo kuramya Mithra. Mu bu Mithraism urutonde rw'abatangizi rwakurikiranaga rutya:

Imiterere y'ubupfumu yari uruhererekane. Abanyamuryango binjiraga mu ruhererekane rw'ibyiciro birindwi, aho buri cyiciro cyabaga gishushanywa n'umubumbe. Kuva ku rwego rwo hasi kugera ku rwego rwo hejuru ibi byiciro byari Corax (raven, ihagarariwe n'umubumbe wa Mercury), Nymphus (ijambo risobanuye mukwe, ishushanywa na Venus), Miles (umusirikare, ishushanywa na Mars), Leo (intare, ishushanywa na Jupiter), Perses (abaperesi, ishushanywa na Luna, ukwezi), Heliodromus (inzira y'izuba, ishushanywa na Sol, izuba), na Pater (umugabo, ishushanywa na Saturn). Abageraga mu cyiciro cyo hejuru, Pater, bashoboraga kuba abayobozi b'itsinda. Kubera ko mithraea yari muto, iryo tsinda rishya ryashoboraga kuba rigizwe n'abantu bake bitewe n'ababaga bashoboye kugera mu cyiciro cyo hejuru. Hari ibintu bibiri bitangaje byo muri iyi migenzo y'ubupfumu ya Mithraism. Icyo mbere, ni uko byashobokaga ko umuntu utangiye ubu mithraism yashoboraga kuba umunyamuryango w'andi matsinda y'ubupfumu, icyo kabiri ni uko nta mugore wari wemerewe kuba umunyamuryango.²³

Ni ingenzi cyane kumenya ko ingoro n'amakatederali y'abagatulika yubatswe ku butaka bw'aho abapagani basengeraga ndetse no mu buvumo bwa gipagani, kandi n'ibisenge by'amazu yabo bishushanywa ibisenge by'abasengaga izuba. Amayerekwa ya Mariya n'abatagatifu b'abagatulika amenshi agaragarizwa muri ubwo buvumo. Mu mucyo w'aba Shinto, ikigirwamanakazi cy'izuba Amaterasu cyinjiye mu buvumo kandi mu miyini yabo y'umuco w'aba Shinto bita Takachiho-kagura, icyo kigirwamana cyinjiye mu buvumo ishusho yacyo isa n'umweru nk'uko tubibona mu mihango myinshi ya gipagani. Mu bugatulika, Mariya yagaragaye mu buvumo (I Lourdes) kandi ahantu uzabona ibirango by'ubugatulika byinshi ni mu buvumo cyangwa mu busitani (ahari ibigirwamana by'ubusitani n'ibiti) cyangwa se mu byumba byo hasi by'amakatederali.

Imiryango iriho izuba nabwo ni ubundi buryo bwo kuramya izuba. Iyo miryango ishushanywa imiryango y'ibigirwamana by'ijuru cyangwa umuryango wo kuramya izuba ritanga ubuzima cyangwa urupfu. Iyi miryango igize igice kinini cy'imigenzo yo kuramya izuba, cyane cyane mu gihe cyo gutangira

iminsi mikuru cyangwa umwaka. Kandi n’uyu muni biracyizihizwa cyane mu iyobokamana ryo mu mugabane wa Amerika uyu muni, kandi mu bugatulika bafite byinshi bakora bigendereye kwizihiza iyi mihango. Vatikani ifite ‘Urugi rutagatifu urwo papa afungura kuri Yubile, no ku muni utangira umwaka ubwo aba aha imigisha imiryango yindi myinshi mitagatifu iri hira no hino. Iminsi mikuru y’abagatulika kandi ihura n’iminsi mikuru abapagani bitaga ko ari iyera, kandi n’uyu muni iyo minsi mikuru iracyizihizwa mu buryo bumwe cyangwa ubundi.

Ivuka rya Yesu/Noheri

Itariki ya 25/12, iyo twizihizaho ivuka rya Yesu, wari umuni wo kwizihizwaho ivuka ry’ikigirwamana cy’izuba. Ivuka ry’ikigirwamana Osiris naryo ryizihizwaga uwo muni, ariko kwari ukwizihizwa kw’izuba ritabaga ryaravutse. Ubwo Nimurodi yakurwagaho, yashushanyijwe n’igiti cyatemwe. Kuri uyu muni, ukongera kuvukwa kwe kwizihizwaga nk’ishami rishya (igiti cya Noheri) ari cyo giti cyatemwe ariko kikaba cyaragarutse gifite ubuzima gikomora ku nzoka. Mu bwongereza, Noheri yizihizwa bajugunya ibiti mu muriro, bishushanya ukurimburwa kwa Nimurodi, maze igiti cya Noheri kigashushanya igiti cyashibutse. icyo giti cyashyirwagaho imitako, bishushanya ukongera kuvuka kw’ikigirwamana cy’izuba. Imihango ya kera yo kwizihiza ukuvuka kw’ikigirwamana cy’izuba binyuze mu giti gitatse mur’iki gihe cya none biri mu myizerere y’amadini menshi, no mu muco w’abahinde ba kera bo muri Amerika y’amajyepfo ubisangayo. Kuri uwo muni batambaga inyamaswa zanduye zirimo ingurube n’ibishuhe. Izi nyamaswa zombi ni zo nyamaswa ziribwa cyane kuri noheri mu bihugu by’i Burayi. Ibishuhe nibyo bikunda kuribwa cyane mu bihugu by’i burayi, ariko mu bwongereza bakunda kurya ingurube ku muni wa noheri. Inyoni zitandukanye zajyaga zisimbura ibigushu, nk’uko mu bita bitandukanye habonekamo inyoni maze zigasimbura iryo gaburo ry’ibishuhe ku batarashoboraga kubibona.

Kwizihiza kuvuka kw’ikigirwamana Osiris kwabaga mu gihe cy’imbeho cyangwa mu gihe cyo gutangira kumurika kw’izuba, kuko byose byaterwaga n’imihindagurikire y’ibihe, kandi kuri uyu muni ikigirwamana cy’izuba cyagombaga kumurika maze kikagaragara kija mu ijuru gihetswe n’amagare yacyo y’intambara. Ikigirwamana cy’izuba Helios cyagombaga kugaragarira mu kirere gihetswe n’amagare yacyo y’intambara gikuruwe n’amafarashi nk’uko byagaragaye ku iriba rinini rya Versailles. Mu muco w’Abahindu, ibyo bigaragara kuri Surya ahetswe akuruwe n’amafarashi, ayobowe n’umurwanyi Aruna, ari we wamuyoboraga mu kirere, kandi mu yindi myizerere ayo magare yabaga akuriwe n’izindi nyamaswa nko ku kigirwamana Zeus cyabaga gikuruwe n’ihene. Ibi bikorwa bya gipagani n’uyu muni biracyakorwa, kandi bigakorwa mu izina rya Yesu Kristo ku muni wa Noheri. Ku itariki 25/12, Santa ayobora ayo magare y’intambara mu kirere. Kandi inshuti ze zirabimwemerera, kandi nk’uko byatangijwe na Walt Disney, Santa agomba kubikora gusa afite ibikorwa byose bigendereye kuramya ikigirwamana cy’izuba.

Inkomoko ya Santa Claus (père Noël): ikinyejana cya 4: ibihamya byo mu mateka bigaragaza ko Mutagatifu Nicholas atigeze abaho nk’umuntu. Ahubwo yahoze ari ikigirwamana cya gipagani cy’inyanja maze ahindurwa umukristo – ikigirwamana cy’abagiriki cya Poseidon, ikigirwamana cy’abaroma cya Neptune, n’ikigirwamana cy’aba Teutonic cya Hold Nickar. Mu binyejana bya mbere byo mu itorero rya gikristo, ibigirwamana byinshi by’abapagani n’ibigirwamanakazi

byagizwe abantu maze bihindurwa abatagatifu b'abakristo. Ubwo itorero ryaremaga ubumuntu bwa Mutagatifu Nicholas, bamuhaye izina ry'icyubahiro ry'ikigirwamana Poseidon" umuyobozi". Iryo zina barikomoye kuri Nickar. Ingoro nyinshi z' ikigirwamana Poseidon zahindutse ingoro za Mutagatifu Nicholas.²⁴

Iyobokamana rya Santa (père Noël) rigendanye n'iyi myemerere, kuva Santa yabyigisha abana be, yagaragaje ko ibimuranga bihuje n'ibiranga Imana.

1. Santa (père Noël) nawe ahoraho iteka. Mu ijoro rimwe ashobora gusura miliyoni nyinshi z'abantu icyarimwe.
2. Afite ubwenge buruta ubw'abandi. Amenya ibyo buri mwana wese akeneye; areba byose kandi azi byose; azi niba abo bana ari babi cyangwa niba ari beza. Ashobora gutegura impano za milioni z'abana, maze bose akazibagezaho mu ijoro rimwe kandi buri mwana wese akabona impano imukwiriye.
3. Ni mwiza kandi aratunganye. Azi guca urubanza rutuma amenya abana bagaragaje imico myiza maze akabahemba ibibakwiriye. Abana babi maze akabatambukaho ntacyo abahaye cyangwa se akabaha impano zidakwiriye.
4. Ahoraho iteka ryose.

Umunsi w'Umugore

Umunsi w'umugore ni umunsi w'umukuru w'abagatulika wizihizwaga ku itariki ya 25/3. Uyu ni umunsi wari ugendereye kuramya ikigirwamanakazi Cybele mu bihe bya kera.

Pasika n'igisibo

Pasika yizihizwaga mu kuramya ikigirwamanakazi cya Ishtar (ari naho hakomoka izina Easter). Umunsi wa 40 w'igisibo wari umunsi wo kwizihiza urupfu n'umuzuko bya Tamuzi (umunsi wa 40 w'igisibo kurya nanone uhura n'igisibo cy'abasiramu). Igisibo cyatangijwe mu bugatulika na Hormisdas, umushumba wa Roma mu mwaka wa 519 N.K. kugira ngo atangize umunsi wa Pasika mu minsi mikuru y'abagatulika, byabaye ngombwa ko iminsi ihindurwa na Dionysius, kugira ngo Pasika ijye iba nyuma y'ukwezi kwizihizwagamo pasika y'abayahudi. Ibi byari bigendereye guhuza uwo munsi n'iminsi mikuru y'abapagani yabaga kuri iyi tariki, imigati y'umwamikazi w'ijuru hamwe n'imisaraba y'abapagani ya kera byose byashushanyaga imigati yaribwagwa mu kuramya izuba. Kuri uyu munsi, batwikaga umusaraba. Iki ni ikimenyetso cya gipagani gishushanya ukongera kuvuka, kandi amagi arimbishijwe niyo yaribwaga kuri uyu munsi mukuru. Abisirayeli ba kera bari babujijwe gukora imihango nk'iyi y'abanyababuloni ba kera. Muri Yeremiya 7:18, tuhasoma ngo:

Abana batashya inkwi nabo ba se bagacana umuriro, abagore nabo bakavuga umutsima kandi bavugira umugabekazi wo mu ijuru imitsima, bagasukira izindi mana amaturo y'ibyo kunywa banyendereza kugira ngo bandakaze.

Umucurabwenge witwa Socrates, yavuze ko Pasika yinjijwe mu itorero nk'uko wahoze ari umugenzo wa kera, kandi ko uko yizihizwaga kera ariko n'ubu yizihizwa.²⁵

Umuriro wo kuri pasika ucanwa ku misozi miremire... uyu ni umugenzo wa gipagani. Itorero ryamaze kwemeza ibikorwa byose bya gipagani bibikoresha mu mihango yo kwizihiza pasika.²⁶

Umunsi mukuru wo kuvuka kwa Mutagatifu Yohana

Uyu ni umunsi mukuru wa Gatulika wizihizwa ku itariki ya 24/6, ushushanya umunsi w'abakonikoni urimo ubusobanuro bw'izuba ngaruka mwaka. Mu bihe bya kera wari umunsi mukuru wo kuramya ikigirwamana Bel cyangwa Tamuzi, wizihizwagwa basimbukira mu muriro cyangwa se bagatwika umunara w'ibiti, kandi uwo muhango n'ubu uracyakorwa mu bihugu bimwe na bimwe. Imana ntiyemera ibi bikorwa:

Muri mwe ntihazaboneke ucisha umuhungu we cyangwa umukobwa we mu muriro, cyangwa ukora iby'ubupfumu cyangwa uragurisha ibicu, cyangwa umupfumu cyangwa umurozi. Gutegeka kwa kabiri 18:10

Babuloni ishushanya amadini y'ubuyobe yo mu minsi y'imperuka azazana ubuyobe buheruka bugendereye kurwanya Imana n'amategeko ya yo.

Ni cyo cyatumye witwa Babeli, kuko ari yo Uwiteka yahinduriye ururimi rw'abo mu isi bose, rukavamo nyinshi zinyuranye, kandi ari yo yabikuriyeyo, ikabatataniriza gukwira mu isi yose. Itangiriro 11:9

Ubuyobozi bushya bw'isi buri kugerageza gushyiraho ikimeze nk'umunara wa Babeli maze babumbire hamwe abantu bose kugira ngo barwanye Imana. Babeli bisobanuye urujijo, kandi twabwiwe ko abami bo mu isi bazasambana na Babuloni. (Ibyahishuwe 17:2)

Umuntu wese wemera ubutware bw'umushumba wa Gatulika ya Roma aba arimo kwemera kuyoborwa n'umwami wa Babuloni, yaba ari leta ibwemeye cyangwa se ari idini ribwemeye. Kandi iyo babwemeye baba bihuriye muri Babuloni, maze bagahitamo kurwanya Imana aho kuyumvira. Amahitamo ni ayacu.

IBIHAMYA

¹ James Cardinal Gibbons, *Faith of Our Fathers* (111th printing, Illinois: TAN Books Inc., 1980): 87.

² Article 3, *Catechism of the Catholic Church*: 2030.

³ Cardinal Joseph Ratzinger, *Dominus Iesus* (August 6, 2000).

http://www.vatican.va/roman_curia/congregations/cfaith/documents/rc_con_cfaith_doc_20000806_dominus-iesus_en.html

⁴ R. Jeffrey Smith, *Washington Post Foreign Service* (September 6, 2000): A13.

⁵ Paul Johnson, *A History of Christianity* (New York: Simon & Schuster, 1979): 410.

⁶ *Eucharist Meditations*: 111.

⁷ *Council of Trent* Session 13, Chapter VIII. <http://www.thecounciloftrent.com/ch13.htm>

⁸ St. Alphonsus Liguori, *Dignity and Duty of the Priest*, 1927. <http://wallmell.webs.com/LiguoriDignityDutiesPriest.pdf>

⁹ "Article 12 Part III: The Final Purification, or Purgatory," *Catechism of the Catholic Church* 2nd Edition.

<http://www.scborromeo.org/cc/p123a12.htm>

¹⁰ *Catholic Layman* (July, 1856).

¹¹ Dave Hunt, *A Woman Rides the Beast* (Oregon: Harvest House Publishing, 1994): 438.

¹² Samuel Smiles, *The Huguenots* (New York: Harper and Brothers, 1868): 17.

¹³ Bonaventure Hinwood, *More Answers to Your Questions* (Human & Rousseau, 1983).

¹⁴ *Ibid.*

¹⁵ Janus, *The Pope and the Council* (London: Rivingtons, 1869): 117.

http://books.google.ca/books?id=7DQYAAAAIAAJ&printsec=frontcover&source=gbs_ge_summary_r&cad=0#v=onepage&q&f=false

¹⁶ Philip Schaff, *History of the Christian Church* Volume 4 (New York: Charles Scribner Sons, 1885): 280.

<http://books.google.ca/books?id=zfg7AAAAIAAJ&pg=PA749#v=onepage&q&f=false>

¹⁷ Alexander Hislop, *The Two Babylons* (New Jersey: Loizeaux Brothers, 1959): 120-121.

¹⁸ William Barry, *The Papal Monarchy: From St. Gregory the Great to Boniface VIII* (New York: G. P. Putnam's Sons, 1911): 45-46.

¹⁹ *Catholic World* (March 1894): 809.

²⁰ "Sunday," *Webster's Dictionary*. <http://www.websters-online-dictionary.net/definition/sunday> ²¹ Madanjeet Singh, *The Sun in Myth and Art* (London: UNESCO, 1993): 90.

²² Madanjeet Singh, *The Sun in Myth and Art* (London: UNESCO, 1993): 87-88.

²³Alison Griffith, "Mithraism," *The Ecol Initiative* (1995). <http://www2.evansville.edu/ecoleweb/articles/mithraism.html>

²⁴Barbara Walker, *The Woman's Encyclopedia of Myths and Secrets* (Harper and Row, 1983): 725-726.

²⁵*Encyclopedia Britannica* Volume 7: 614.


²⁶"Easter," *The Catholic Encyclopedia*, newadvent.org/cathen.

Ubupagani hamwe "n'idini rishya ry'Isi yose"

Idini rishya ry'isi yose rizabumbira hamwe amadini yo mu isi yose kugira ngo agire gahunda imwe, ariko kugira ngo ibi bigerweho, ayo madini akwiriye gushaka kwihuriza kubyo ahuriyeho ndetse no mu guhuriza hamwe ubuyobozi bwayo. Inteko ya Vatikani ya 2 yatangiye uyu muhango uvugako amadini yose yo mu isi akwiriye kunga ubumwe, kandi ko Vatikani ariyo ikwiriye kuyobora icyo gikorwa kugira ngo gishoboke. Amadini akomeye yo mu isi yose akwiriye kujya ashinga imizi yayo mu myizerere ya Babuloni, muri ubwo buryo yose ugasanga afite ibyo akomora mu Bugatulika (Birebe mu cyigisho cyitwa *Wino ya Babuloni*). Ubugatulika nibwo bwunze ubumwe hagati y'ubukristo n'ubupagani aribyo byazanye ubuhakanyi buheruka nk'uko bwahanuwe mu gitabo cy'ibyahishuwe. Iyobokamana rya Kristo rizasimbuzwa idini rya Babuloni. Mariya (ari we ukoreshe mu izina ry'ikigirwamana cya gipagani cya Isis) azashyirwa hejuru mu bakristo bose, maze Kristo w'icyiganano cyangwa se Maitreya w'abapagani asimburwe Yesu Kristo. (reba icyigisho cyitwa *idini ryo mu gihe cyacu*). Mu buryo bwa Mithraism buvuguruye, ubupfumu bwa kera bwo kuramya Osiris nanone buzongera gukoreshwa mu madini yo mu isi. Aha hasi hari amashusho agaragaza ibyakoreshwaga mu kuramya ibigirwamana bya kera kandi bikaba bikoreshe mu gihe cyacu.



Kuvuka kw'izuba



Izuba mu gice cy'ukwezi nk'uko ryasengwagwa muri Babuloni, Mesopotamiya no mu ri Egiputa

Ifi



Ikimenyetso cy'ikigirwamana Dagoni nk'uko kiri mu bahindu (iki ni cya Dagoni kiri mu nzu ndangamurage y'abongereza)



Abapadiri ba Dagoni (Osiris) bambaraga ingofero iteye nk'ifi, kandi bakoreshaga amazi matagatifu muri Babuloni (ibi biri mu nzu ndangamurage ya Pergamon muri Berlin)

Ubu Papa bugaragazwa no kwambara ibi bimenyetso mu mutwe



Ingofero y'ikigirwamana Osiris




Ingofero yambawe na Papa Yohani Pawulo wa 2



Ingofero z'abasenyeri ba Gatulika

Umugati w'uruziga nawo ni ikimenyetso cy'izuba. Mwitgereje neza mu ishusho yo hagati murabona ko ari ikimenyetso cy'izuba kizengurutse okaristiya, mu ishusho ya gatatu murabona n'igice cy'ukwezi kirimo imbere (ari cyo gishushanyo cy'ikigirwamanakazi cy'ukwezi) ariho hashyirwa umugati mu gihe cya misa.



Iki kimenyetso kiri hasi cy'igiti mubona cyari ikimenyetso cy'uburumbuke cyakoreshwaga mu myemerere y'abapagani kandi n'uyu munsu kiracyakoreshwa. Ibigirwamana by'abapagani byo muri Babuloni, Egiputa, Ubugiriki na Roma byari bifatanyijwe n'ibi bimenyetso, kandi imihango yo kuramya ibyo bigirwamana yakorerwaga kuri icyo giti. Umutambyi mukuru w'ubupagani niwe wakoreshaga iki kimenyetso kugira ngo kimutandukanye n'abandi mu mihango y'ubupfumu y'uburumbuke.



Iyi nkoni ifitwe na Papa, iramugaragaza nk'umutambyi mukuru w'ubupagani

Iki giti kiri mu kiganza cy'abakerubi b'abanyababuloni kandi icyo giti ni


icy'ikigirwamana cya Osiris
n'inyoni 2 bishushanya ikigirwamana cy'izuba.

Iyi nkoni iri muri Vatikani ifashwe

Ishusho ya **Apollo** n'ibindi bimenyetso byo kuramya izuba ku ruhimbi rwa **Bernini** no ku gisenge cy'ingoro ya Vatikani



Ibimenyetso byo kuramya izuba bya gipagani ku ngoro z'amakatederali y'abagatulika



Urugi rwa chapel ya Mutagatifu Ignatius muri San Francisco ruriho imisambi, ikiyoka mu ishusho y'ifi, ifi ya gipagani na P iriho amababa akoze ishusho y'umusaraba (aricyo kimenyetso cya 666 gikoreshwa muri Freemasonry)

Ikizu kiri muri katedrali y'abagatulika mu Budage.



*Ying-yang 3 ziri muri
y'abagatulika
mu Bwongereza*

*ying-yang zirimo imirasire y'izuba Catedrali
iri muri katedrali y'abagatulika
mu Budage*



Ikinyoni kizamuka kiva mu ivu (ikimenyetso cyo kuzuka kw'ikigirwamana cy'izuba, kandi mabara y'umweru n'umukara ashushanya icyiza n'ikibi akoresheye nanone muri Freemasonry) muri catedrali yo mu Bwongereza.



*Ikigirwamana Pan bitirira Dawidi (Pan afite umwirongi)
aricyo kirango cya Pan.*

Janus i fite imitwe 2.



Ikigirwamana cy'inyoni n'ihene (igishushanyo cya Luciferi) kiri muri Katedrali

Iyi ni
Budage
Budage



ying-yang iri ku rugi rwa Katedrali y'abagatulika yo mu
Ikimenyetso cya Hermes mu rusengero rw'abajesuite mu

Mariya na Madona n'umwana wasengwaga mu gihe cya kera nk'ikigirwamana **Isis** na **Horus**. Mariya yahindutse umwamikazi w'ijuru n'umuhuzakazi nk'uko byari ku bigirwamanakazi by'abapagani.

Mariya



Isis.



Ikigirwamanakazi cya gipagani kirimo konsa inzoka, gihagaze ku mutwe w'inzoka.



ahagaze ku nzoka mu rusengero rwa Betelehemu.

Madona n'umwana



Mu bugatulika



Mu Buhindu



Mu Budisme





Muba Hittite



Mu iyobokamana ry'abanyamexico b'abahinde hamwe n'umugore wa Guadalupe nk'uko yigaragaza muri iyi minsi.

Mu Banyegiputa ba kera.

Ibigirwamanakazi by'abapagani byasengwagwa mu **mihango y'uburumbuke** niko na Mariya yizihizwa uyu muni. Amashusho akurikira ni ayo mu buvumo bw'amata muri Betelehemu aho abagore uyu muni baja baja gushakira uburumbuke.



Ibyo bintu by'umweru biri kuri icyo gikuta cy'ubwo buvumo bivugwa ko ari amata yahamenetse, aya mu mabere ya Mariya, maze asimbukira kuri izo nkuta ubwo Mariya yonsaga umwana Yesu. Murebe neza no mu ishusho iheruka yaba Mariya cyangwa umwana Imitwe yabo izengurutse n'uruziga aricyo gice cy'ukwezi

Mariya kandi afite umwanya w'ikigirwamanakazi cya gipagani aho afatwa nk'**Umwamikazi w'ijuru**:



kuri iyi shusho yo mu rusengero rw'abagatulika rwo mu Budage, Imana Data na Mwana barimo barambika Mariya ikamba nk'umwamikazi w'ijuru kandi akazurwa mu bapfuye



Hano Mariya arimo kwambikwa ikamba n'abamarayika, Imana Imureba.



Mariya arimo arambikwa ikamba na Papa Yohani Pawulo wa 2

*Ishusho ya
na Papa*

*Mariya
ahinduka
umuhuza
mushya
hagati*




*Mariya isengwa
n'abigishwa*



y'umuntu n'Imana kuko yambaye ikimenyetso cyo kubambwa kandi n'ikamba ry'amahwa arimo araryambikwa na Yesu Ubwe (iyi shusho iri mu ngoro ya Roma.)

Mu myizerere y'ubupagani, ibigirwamana n'ibigirwamanakazi byasengerwaga mu buvumo no mu mashyamba. Ahanu ha kera hasengerwaga ibyo bigirwamana hanatambirwaga ibitambo. Mu bugatulika uyu muni, Mariya asengerwa mu **Buvumo, mu mashyamba n'ahantu ha kera:**



Papa ari gusengera mu buvumo bwa Lourdes

*Mariya mu ishyamba no mu buvumo mu nyubako za
Kera z'abagatulika mu Budage*




butaka bwa kera bwa

Mariya asimburira Yesu maze akabambwa mu ishusho yihishe igaragaza ko Luciferi atsinze Yesu. Muri uku kubambwa kugaragara mu rusengero rw'abagatulika rwo mu budage, ubusobanuro bwihishe burasobanuka kuko aha hari umusaraba uvunitse ufite icyo usobanura. Umusaraba uvunitse nanone ukoreshwa mu bemera satani, kandi aho hari umusaraba ucuritse. Ese umusaraba wari ukwiriye kuba uteye utya, maze Yesu akawubambwaho acuramyeye, ibi ni ibimenyetso bya Satani.




Ishusho ya Mariya iri ahitwa Saydanaya muri Siriya ahari inzu y'aba Mariyani yubatswe ku gipagani ahari ubuvumo bwa gipagani bw'umwimerere

Iyi nyubako ya Saydanaya n'ubuvumo byaharamirizwaga mu buryo bwa gipagani hafungishijwe urugi rw'icyuma rw'umukara. **Hari imva eshatu** zari zimenyerewe muri gahunda yo kuramya bya gipagani kandi n'ubu zirakoreshwa mu kuramya Mariya nk'uko zigaragara muri ubu buvumo no mu ishyamba kuri aya mashusho.



Mu nyubako ya Saydanaya, hari amashusho asize amabara ya Mariya na Yesu bivugwa ko Yashushanyijwe n'intumwa Luka. Ayo mashusho arira amavuta maze ayo marira avamo ishusho ya Mariya kandi iyo shusho irubashywe cyane uyu munsu.

Iyo



*Iyo shusho
ishusho y'ibitonyanga by'amarira.*



shusho irira.

ishushsnya Mariya

Ingufuri zifunze mu

Ugusenga cyangwa kuvugana n’ abapfuye ntabwo byemewe muri Bibiliya:

Muri mwe ntihazaboneke ucisha umuhungu we cyangwa umukobwa we mu muriro, cyangwa ukora iby’ubupfumu cyangwa uragurisha ibicu, cyangwa umupfumu, cyangwa umurozi, cyangwa umwambuzi, cyangwa ushikisha, cyangwa uragurisha abantu ibizababaho, cyangwa umushitsi. Kuko ukora ibyo wese ari ikizira Uwiteka yanga urunuka, kandi ibyo bizira ni byo bitumye Uwiteka Imana yawe izirukana ayo mahanga imbere yawe.

Gutegeka kwa kabiri 18:10-12

Kandi umuntu wese wakoraga ku ntumbi y’umuntu cyangwa akagera ku gituro yafatwaga nk’uwanduye bityo ntiyagombaga gukora muri gahunda zo kuramya mu rusengeru.

Kandi umuntu wese uzaba ari mu gasozi agakora ku ntumbi y’uwicishijwe inkota, cyangwa ku ntumbi yindi, cyangwa ku igufwa ry’umuntu cyangwa ku gituro, amare iminsi irindwi ahumanye.
Kubara 19:16

Uwiteka abwira Mose ati “Bwira abatambyi bene Aroni uti: Ntihakagire uwo muri mwe wiyandurisha intumbi ngo yandurire hagati mu bwoko bwe.” Abalewi 21:1


Osiris yari ikigirwamana cy’abapfuye. Mu kuramya kwa gipagani, abantu bapfuye barubahwaga bakanasengwa kandi aho bahambwe hagahinduka ahantu ho gusengerwa. Imana ya Isirayeli, yo ni Imana y’abazima ntabwo ari Imana y’abapfuye kandi iyo ni yo mpamvu Imana yagaragaje ko iryo tandukaniro rikwiriye kubaho ry’uko abisirayeli basenga n’uko abapagani basenga. Mu bugatulika, ukuramya abapfuye ni igikorwa cyakomeje gukorwa kandi kigafatwa nk’icyera, kandi insengeru z’abagatulika n’izaba Anglican ni nk’ingoro z’abapfuye. Mu kuri, igitambo cya Misa kibereyeho abapfuye n’abariho kandi ntigishobora gutambirwa ahantu hatari ibisigazwa by’abapfuye kuri izo alitari. Ibyo ni ibikorwa bya gipagani, ibyo Bibiliya irabyamagana.

ibisigazwa by’umutagatif
kuri alitari yo muri
Katedrali yo mu
bwongereza.

*Imva ya Mutagatifu
Auburn muri
Katedrali yo mu
Bwongereza*



mo imbere mu mva.



*Urwinjiriro rw'imva iri muni ya
Alitari ya kiriziya gatulika yo mu
Budage*



Amagufwa y'abatagatifu mu ngoro ya Roma.



*Ibisigazwa by'umutwe
wa Yohana Mubatiza mu
musigiti wa Omayad
muri Damasiko.*

Ubuporotestanti bwahamyaga ko bufite umurage wo kuyoborwa na Bibiliya gusa *"Sola Scriptura"* na *"Sola Gracia"* – Bisobanuye kuyoborwa na Bibiliya yonyine no gutsindishirizwa n'ubuntu gusa. Ariko, imbaraga z'umwanzi zaje gusenya ubugorozi zaratsinze kuko zakuyeho inkingi z'ubuprotestanti, kandi binyuze mu guhuriza amadini yose hamwe, ukongera kwiyinga na kiliziya Gatulika byarashobotse. Nta hantu haboneka ibyo bishushanyo nko mu ngoro y'abaporotestanti ya Mutagatifu Pawulo iri muri London. Iyi katedrali y'abaprotestanti yubatswe bagendeye ku ngoro za Vatikani kugira ngo bagaragaze ko bunze ubumwe na kiliziya Gatulika, kandi hanze y'iyi katedrali hari ishusho ya John Wesley, yaribereyeho kubibutsa umurage w'ubuprotestanti.



Inyubako ya Mutagatifu Pawulo yubatswe igendeye ku ishusho y'inyubako ya Vatikani



Ishusho ya Mutagatifu Pawulo ya mbere n'iya nyuma.



Ibishushanyo by'ubugatulika biri muri iyo kateriderali (Petero afashe imfunguzo ku muryango wa alitari n'ibimenyetso by' abamasoni by'ijisho rya Osiris na kompa na mpande enye, nk'ibishushanyo by'ubupagani byo kuramya izuba) biri ku gisenge.

Ishuso ya John Wesley (umugorizi)

Iri hanze y'iyi Katedrali

Muri iyo Katedrali, hari ibimenyetso byo kuramya bya gipagani biri ku nkuta, no ku gisenge no mu buryo bw'amashusho. Kandi bimwe muri byo turabibona hano.



Alitari nkuru ya mutagatifu Pawulo ni



icyiganano cya alitari ya Bernini y'I Roma.



Hasi mu ngoro ya Mutagatifu Pawulo hari neza mu ishusho ya Vatikani, uko hazengututse mu mabara y'umweru n'umukara no mu birango by'abamasoni.


Amashusho y'izuba, ukwezi n'inzenyeri (ibirango bya gipagani by'ibigirwamana by'ubugabo n'ubugore) na mpandesheshatu y'abamasoni, na mpandeshanu zirimo uruziga. Ishusho izengurutswe na mpande enye na mpande eshatu iri mu ruziga byose ni ibimenyetso byo kuramya ikigirwamana cy'izuba cyangwa lusiferi.



Aha hasi mu buvumo bw'iyi katedrali, harimo imva kandi kuri izo mva handitsweho amazina y'ibigirwamana bya gipagani HIS (Isis Horus Seb) ayo magambo azengurutswe n'imirasire y'izuba n'innyoni z'urujijo ziri mu kugaburira ibyana byazo, kandi ibi bimenyetso byose ni ibyo kuramya Osiris.




Papa uyu muni ni we **mutambyi mukuru wo muri iki gihe** wo mu idini ryo kuramya kwa gipagani kwa kera (Reba icyigisho *Wino ya Babuloni*). Afite ayo mazina, yambara imyenda nk'iy'abatambyi bakuru ba kera, kandi akurikiza **imigenzo ya kera ya gipagani** nk'uko yakorwaga n'abatambyi ba gipagani. Umutambyi mukuru w'abapagani niwe wafunguraga **urugi rw'izuba** kugira ngo abantu babiranye. Kandi iyo mihango n'ubu iracyakorwa na Papa:




Urugi rw'izuba rufite amababa ku musigiti w'aba Hindu.



Papa afungura 'urugi ku muni wo gutangira yubile Inkingi y'izuba hanze y'ingoro cyangwa ikimasa cy'iburasirazu ana cy'izuba.)



rutagatifu' muri Roma ihetswe n'inzovu ba (nk'ikimenyetso cy'ikigirwam



Izina ry'ubupapa rya Pontifex Maximus aha ni kubutaka bwa Vatikani ni rimwe n'amazina y'ubupagani yashyirwaga hasi mu ngoro z'abatambyi b'abanyababuloni (intare ifite amababa, ni ikirango cya Babuloni)

Aha ni imbere muri iyo ngoro



Ikamba ry'inzego 3 ry'ubupapa rikomoka mu bupagani

ikamba ry'inzego 3. (inzu ndangamurage y'abongereza)

k'uko bigaragara ku mukerubi w'abanyababuloni wambay


Ikamba ry'inzego 3 ry'ubupapa

Ibimenyetso by'ubupfumu byakoreshwaga mu Buduhisme (nk'uko bigaragara mu nzu ndangamurage y'abongereza) ninako bikoresheka n'ubupapa kandi bwabikomoye mu bupagani.

Halos (urumuri rw'uruziga):



Uru rumuri rw'uruziga rugaragara ku mashusho y'abagatulika ku kiriziya cyo mu bwongereza ni urwakomotse ku nzoka yigoranzoye yo mu bupagani.



*Uru rumuri rugaragara hano ni ko ruri no mu Budisme no mu Buhindu.
(aya mashusho akomoka mu nzu ndangamurage y'abongereza).*

Umwami w'aba Ashuri (nk'uko biri mu nzu ndangamurage y'abongereza, London) yambaye umusaraba w'aba Malta kandi azengurutse n'ibimenyetso by'abapagani byo kuramya izuba: uruziga rw'izuba, igice cy'ukwezi n'izuba ryuzuye, umuzenguruko w'izuba na mpandeshatu byose ni ibimenyetso by'ubupapa nk'uko bigaragara kuri alitari y'abagatulika ndetse n'uruziga ruri mu ruziga (bishushanya intebe y'ikigirwamana cy'izuba) muri mpande 4 za vatikani hamwe n'inkingi y'izuba (ishushanya ubugabo) iri hagati.





Ikiyoka gifite amababa cyari ikimenyetso cya Roma mpagani, kandi ubugatulika bugikoresha nk'ikirango cyabwo. Mu Byahishuwe 13 hatubwira ko ikiyoka cyahaye Inyamaswa (ubu papa) intebe yacyo n'ubutware bwacyo. Aha hari ishusho y'ikiyoka cya Roma mpagani n'ishusho y'ikiyoka cya Vatikani. Vatis = kweza, can = inzoka, Vatikani bigasobanura Inzoka yeza.



Gatulika uyu muni ni yo igize iyobokamana ryose ry'abanyababuloni ya kera kandi Imana Iri guhamagara abana bayo ngo bave muri Babuloni (ubugatulika). Mu Byahishuwe igice cya 18 turahasoma ngo:

Hanyuma y'ibyo mbona marayika wundi amanuka ava mu ijuru afite ubutware bukomeye isi imurikirwa n'ubwiza bwe. Arangurura ijwi rirenga ati "Iraguye, iraguye, Babuloni ikomeye! Ihindutse icumbi ry'abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose n'ibisiga byose bihumanye kandi byangwa. Kuko amahanga yose yanyoye inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi by'uwo mudugudu, kandi abami bo mu isi bagatungishwa n'ubwinshi bw'ubutunzi bwawo no kudamarara." Numva irindi jwi rivugira mu ijuru riti "Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo. Kuko ibyaha byawo byarundanijwe bikagera mu ijuru, kandi Imana yibutse gukiranirwa kwawo." Ibyahishuwe 18:1-5

Igice cya 10:AMAYOBERA Y'UBWAMI BW'URUPFU

Rimwe mu mahame y'ubuyobe ya Babuloni ni ihame ry'uko roho y'umuntu idapfa. Kurenza andi mahame yose iri hame rifungurira imiryango ibitekerezo byinshi bidafite ishingiro ku bibaho nyuma y'ubuzima, kandi ryinjiye mu madini menshi yo mu isi maze bikabaha kwizera amasezerano apfuye. Ikindi kandi, iri hame ribaha amasezerano y'amahitamo menshi umuntu yakora ku bijyanye n'agakiza ke ndetse n'amahirwe menshi yo kwemerwa mu bacunguwe. Kuvugana n'abapfuye, kuzukira mu bantu cyangwa ibindi biremwa, no kuramya abapfuye cyangwa kubiyambaza; ibi byose bishoboka kubwo kwizera iri hame. Ijambo ry'Imana ritanga umucyo uhagije kuri iyi ngingo. Nta na rimwe muri aya mahame n'ibikorwa bijyana na yo byakwihanganirwa n'abantu b'Imana kuko byose bikomoka mu gusobanukirwa nabi ibijyanye n'urupfu.

Ikinyuranyo cy'urupfu ni ubuzima. Inyigo y'ubuzima ni imwe mu ngingo zikomeye abahanga b'igihe cya none bibandaho cyane mu bushakashatsi. Abahanga bashobora gusobanura imikorere y'ubuzima, ariko ntibashobora gusobanukirwa cyangwa ngo bigane inkomoko y'ubuzima. Mu busobanuro bw'ubuzima harimo imikorere y'ingingo zifite ubuzima, ariko nta kindi gisobanuro cyiza kinoze kirenze imvugo 'kuba utari umupfu'.

Ibyo kandi ni ko bimeze no ku ijambo 'urupfu'. Ibintu bipfuye cyangwa ingingo zipfuye wazisobanura nk'izidafite ubuzima. Inkomoko y'ubuzima n'urupfu, iracyari amayobera abanyabwenge b'iyi si mu buhanga bwabo babasha gutangira ibisubizo ariko byo kugenekereza gusa. Ibyanditswe Byera ku rundi ruhande, bitanga ibisubizo bisobanutse kandi byahuranyije, bitari ku nkomoko y'ubuzima gusa, ahubwo no ku nkomoko ndetse n'imiterere y'urupfu.

Dushingiye k'uko tubwirwa iby'irema, umuntu yahawe impano y'ubuzima ikomotse ku Mana:

*Uwiteka Imana Irema umuntu mu mukungugu wo hasi, imuhumekera mu mazuru
Umwuka w'Ubugingo, umuntu ahinduka **ubugingo** buzima. Itangiriro 2:7*

Imana rero yaremye umuntu mu mukungugu wo hasi, maze imuhumekera mu mazuru umwuka w'ubugingo. Ubumwe bw'ibyo byombi ni bwo bwahindutse ubugingo buzima.

Ijambo ry'igiheburayo rivuga "guhumeke" mu itangiriro 2:7 ni "neshamah" cyangwa se igikorwa cyo gutanga ubuzima. Umwuka ubwawo ungana n'ubuzima ubwabwo (Yesaya 2:22). Irindi jambo rya giheburayo ryasemuwe inshuro 28 nko "guhumeke" mu ngeri ya Bibiliya ya KJV ni "rûach" naryo rishobora gusobanura "umuyaga", "Imiterere" cyangwa se "umwuka". Ryasobanuwe inshuro 237 nko kuvuga "umwuka" mu ngeri ya Bibiliya ya KJV. Mu itangiriro 2:7, umwuka w'ubugingo waturutse ku Mana ni wo watumye ikibumbano kitanyegenyega kigira ubuzima, maze ugihindura ubugingo buzima. Ijambo rya giheburayo rivuga ubugingo ni "nepshesh", kandi ayo magambo yombi "rûach" na "nepshesh" akenshi yagiye akoreshe mu buryo budakwiriye hagamijwe gushyigikira amahame runaka adashingiye ku Byanditswe. Amagambo yombi ubugingo n'umwuka yose akoreshe mu kuvuga ingingo z'umwuka, kandi zishobora kubaho zitandukanye n'umubiri. Nyamara,

amadini menshi yo mu isi uyu munsu yigisha ko urupfu ari uguhindura umuntu akava aho yari ari atekereza, akimukira ahandi hantu kandi naho azajya atekereza.

Bigisha ko umuntu ugaragarira amaso ari we upfa, ariko ubugingo bwe cyangwa roho ye igakomeza kubaho, kuko roho yo idapfa. Ushingiye kuri iri hame, ubugingo cyangwa roho rwaba ari urugingo rwihariye, ruba mu mubiri w'umuntu ukiri muzima. Ikirushaho gutera urujijo kandi ni uko amadini menshi ya gikirisito yizera ko ibi bibaho ku muntu gusa, naho inyamaswa zo zitagira roho.

Isomo ryo mu itangiriro 2:7 rivuga neza ko Imana yahumekeye mu muntu "umwuka w'ubugingo" maze uwo muntu *ahinduka* ubugingo buzima. Ntabwo uwo muntu *yakiriye* ubugingo buzima rero; ahubwo uwo muntu *yahindutse* ubugingo buzima. Ingeri ya Bibiliya ya NKJV iravugaga ngo "umuntu ahinduka ikiremwa kizima". Mu masomo 1700 avugaga ku bugingo no ku mwuka muri Bibiliya, nta na hamwe havugaga ko umwuka cyangwa ubugingo budapfa, butangirika cyangwa ko buhoraho iteka. Ahubwo Imana yonyine ni yo ifite ukudapfa (1 Timoteyo 1:17; 6:16). Ihame ryo kudapfa k'ubugingo ni ihame ry'ibyiringiro bipfuye rihindura ubusa ubutumwa bwa Bibiliya kuby'urupfu. Ikindi kandi niba umuntu akomeza kubaho nyuma y'urupfu, nubwo byaba ari mu bundi buryo runaka, umucunguzi ntiyaba akenewe, cyangwa igitambo cya Kristo nk'imponganano y'ibyaha bya muntu ntabwo cyaba gikenewe. Kristo yapfiriye gusubiza abantu ubugingo bari baranyazwe kubw'icyaha. Yobu asanisha guhumeka n'umwuka muri aya magambo:

Ubugingo bwanjye buracyari buzima, kandi Umwuka w'Imana ni we utuma mpumeka. Yobu 27:3

Mose yanditse ko umwuka w'ubugingo wahumekewe mu mazuru ya Adamu, naho Yobu we avugaga kuri ayo magambo yombi agira ati Umwuka w'Uwiteka "ni we utuma mpumeka". Kubw'ibyo amagambo ya giheburayo "neshamah" na "rûach" hano akorehwa mu buryo busa mu kuvugaga ubugingo. Dushingiye ku Byanditswe Byera, ibyaremwe byose byahawe ubugingo mu buryo bumwe bibuhawe n'Imana, kandi byose bigira amaherezo amwe.

Uwiteka Imana irema mu butaka amatungo yose n'inyamaswa zo mu ishyamba zose... nkarimbura ibifite ubugingo... Itangiriro 2:19; 7:15

Umuntu n'inyamaswa

... ni ukuri byose bihumeka kumwe, umuntu nta cyo arusha inyamaswa kuko byose ari ubusa. Umubwiriza 3:19

Kuva umuntu n'inyamaswa bifite umwuka umwe, ni nako bose bapfa kimwe.

Kuko ikiba ku bantu ari cyo kiba no ku nyamaswa, ikibibaho ni kimwe, nk'uko bapfa ni ko zipfa. Umubwiriza 3:19

Umuntu n'inyamaswa byose byaremwe mu mukungungu. Iyo bipfuye byose bisubira mu mukungungu, ari ho nkomoko yabyo.

...uri umukungungu, mu mukungugu ni mo uzasubira. Itangiriro 3:19

Ikintu cyaba kabiri kibaho icyo umuntu apanze, ni uko umwuka cyangwa se umwuka wubugingo, usubira ku Mana;

...n'umwuka ugasubira ku Mana yawutanze. Umubwiriza 12:7

Umuntu ntabwo yari yaragenewe gupfa, ariko urupfu rwaje mu isi nk'ingaruka y'icyaha.

Kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu. Abaroma 6:23

Nk'uko urupfu ari ukutagira ubuzima, bisobanuye ko ubuzima ("rûach", umwuka, uguhumeka) Imana yari yarageneye umuntu ari uko ayubashye, Imana irabusubirana maze umuntu akarekeka kubaho. Ubuzima bwari bwarahawe umuntu ni bwo busubira ku Mana, ntabwo umuntu wahindutse, wafashe ishusho y'umwuka ari we ujya ku Mana. Igihe Imana yabwiraga umuntu iti: "nogupfa uzapfa" (Itangiriro 2:17) ku bwo kugomera amategeko y'Imana, Imana yavugaga ko umuntu azarekeraho kubaho, maze agasubira mu mukungugu. Bitandukanye cyane no gukomeza kubaho ubasha gutekereza. Urupfu ni aho umuntu aba atariho cyangwa atabasha gutekereza, kandi uko ni ko rusobanurwa mu Byanditswe Byera.

Umwuka we umuvamo agasubira mu butaka bwe, uwo munsu imigambi ye igashira. Zaburi 146:4

Abazima bazi ko bazapfa, ariko abapfuye bo ntacyo bazi kandi nta ngororano bakizeye, kuko batacyibukwa. Umubwiriza 9:5

Abapfuye nta kintu na kimwe bazi ku bibera ku isi. Umurongo ukurikiraho uragira uti:

Urukundo rwabo n'urwangano rwabo n'ishyamba ryabo, byose biba bishize. Umubwiriza 9:6

Kuko upfuye atakikwibuka, ni nde uzagushimira i kuzimu? Zaburi 6:5

N'ibiyumviro byabo biba bishize.

Abapfuye ntibashima Uwiteka, cyangwa abamanuka bajya ahacecekerwa. Zaburi 115:17

Uyu mwana wo kubaho udatekereza ungana no gusinzira. Yobu ati:

Ni ko umuntu ariyama ubutabyuka, kugeza ubwo ijuru rizaba ritakiriho, ntabwo bazakunguka cyangwa kubutswa ngo bawe mu bitotsi. Yobu 14:12

Umuntu ariyama mu bitotsi by'urupfu kugeza ku muzuko wo ku iherezo ry'ibihe. Ubwo nibwo bwonyine, azazurwa akangurwe muri ibyo bitotsi. Dawidi yabyise "ibitotsi by'urupfu" Zaburi 13:4

Kuzuka kwa Lazaro

Ibi nanone bigaragazwa mu gitekerezo cy'izurwa rya Lazaro. Ubwo yavuganaga n'abigishwa be ku bya Lazaro, Yesu yaravuze ati:

*Incuti yacu Lazaro irasinziriye, ariko ngiye kumukangura. Abigishwa baramubwira bati "Databuja, niba asinziriye azakira." Nyamara Yesu yavugaga iby'urupfu rwa Lazaro, ariko bo batekereza yuko avuze gusinzira kw'ibitotsi. Yesu ni ko kuberarurira ati "**Lazaro yarapfuye**."* Yohana 11:11-14

Abigishwa baguye mu rujijo kuko batekerezagaga ko Yesu yavugaga gusinzira bisanzwe, ariko Yesu yavugaga ibitotsi by'urupfu. Umurongo wa 17 w'icyo gice ugira uti:

Yesu agezeyo asanga Lazaro amaze iminsi ine mu gituro.

Ubwo yaganiraga na Marita, Yesu yagerageje kumuhumuriza amubwira ati:

'Musaza wawe azazuka'. Marita aramubwira ati: "Nzi yuko azazuka mu muzuko wo ku munsu w'imperuka" Yohana 11:23-24

Marita yari azi ko Lazaro azasubizwamo ubuzima ku muzuko wo ku munsu w'imperuka. Mu kuzura Lazaro Yesu yerekanye ko ari we wenyine washoboraga kuzura abapfuye nk'uko yabiyahamirije ati:

Ni jye kuzuka n'ubugingo. Yohana 11:25

Ibyanditswe Byera haba mu isezerano rya kera cyangwa isezerano rishya bisobanura neza iyi ngingo. Abapfuye bazasubizwa ubuzima ku munsu w'imperuka (1 Abakorinto 15:51-55, Yobu 19:25-26; Yobu 14:10-15; Zaburi 17:15; Daniyeli 12:13). Hazabaho imizuko ibiri itandukanye uw'abakiranutsi n'umuzuko w'abakiranirwa. Yohana 5:28-29 hagira hati:

Ntimugatangazwe n'ibyo kuko igihe kizaza, ubwo abari mu bituro bose bazumva ijwi rye bakavamo, abakoze ibyiza bakazukira ubugingo, naho abakoze ibibi bakazukira gucirwaho iteka.

Kuko Umwami ubwe azaza amanutse aya mu ijuru aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye n'impanda y'Imana, nuko abapfiriye muri Kristo nibo bazabanza kuzuka. 1 Abatesalonike 4:16

Uwo ni wo muzuko wa mbere. Abapfuye basigaye ntibazuka, iyo myaka igihumbi itarashira. Ibyahishuwe 20:5

Rya jwi ryahamagaye Lazaro agasohoka mu gituro, ni ryo jwi rizumvikana ku munsu w'iherezo ry'amateka y'iyi si, rihamagara abazaba barasinziriye mu bituro byo ku isi. Kristo azongera kurema abakiranutsi bapfuye cg "abapfiriye muri Kristo", abahumekeremo umwuka w'ubugingo bw'iteka, kandi bazinjirane nawe mu ijuru. Ibyahishuwe 20:6

Ufite umugabane wo kuzuka kwa mbere arahirwa kandi ni uwera.

Abanyabyaha bapfuye bo bazakomeza kuba umukungugu, maze bazazurwe nyuma y'imyaka 1000 mu muzuko wo gucirwaho iteka. (Reba icyigisho cyitwa *Ikinyagihumbi cy'amahoro unarebe Isibaniro ku iherezo ry'amateka*). Ubwo Yesu yahamagaraga Lazaro ngo asohoke mu gituro, *yaranguruye ijwi rirenga ati, 'Lazaro sohoka'.* Yohana 11:43

Iryo jwi ryazuye Lazaro mu bapfuye maze rimusubiza ubuzima. "uwari upfuye arasohoka", maze Yesu aravugaga ati:

Nimumuhambure mumureke agende. Yohana 11:44

Nta kintu cyigeze kivugwa mu byaba byaramubayeho muri icyo gihe cy'iminsi 4 Lazaro yamaze yarapfuye. Kristo nta cyo yavuze, na Marita ni uko, ndetse na Lazaro ubwe ntacyo yavuze. Mu by'ukuri impamvu ni uko, nyuma yo gupfa kwe nta kindi kintu cyamubayeho cyo kuvuga, cyangwa ku byerekeye ubwami bw'urupfu, kuko yari asinziriye ibitotsi by'urupfu bivuze kuba mu mwanya w'ahacecekerwa nta kindi abasha kumenya.

Kuvugana n'abapfuye

Niba abapfuye baba bari aho badatekereza cyangwa se basinziriye bategereje umuzuko, mbese wasobanura ute ukuntu amadini menshi yaba aya kera n'ay'ubu yizera ko abantu babasha kuvugana n'abapfuye? Kuramya abakurambere biri mu mico myinshi, by'umwihariko mu mico y'abanyafurika, kandi n'uruhurirane rw'amadini yo muri iki gihe ahamya ko avugana n'imyuka y'abapfuye. Mu gihe cya Bibiliya, tuhabona amateka y'umwami Sawuli wagiye kuraguza ku mupfumu wo muri Endori, maze akavugana na Samweli wari warapfuye. Ibi bintu bikwiye gusobanuka neza.

Icyamba mbere, ese uwapfuye yashobora kuvugana n'abazima cyangwa kugaruka mu rugo rwe kurugenderera no kuruteza ibibazo? Mu gice cyabanje twabonye ko uwapfuye nta cyo aba akizi (Umubwiriza 9:5), kandi ko iyo apfuye imigambi ye ihita ishira (Zaburi 146:4). Yobu arabihamya ati:

Uko igicu cyeyuka kigahera, ni ko n'umanuka ajya ikuzimu atasubira kuzamuka ukundi. Ntazagaruka mu nzu ye ukundi, n'aho yari atuye ntihazongera kumumenya.
Yobu 7:9-10

Arongera akavuga ati:

Abahungu be bagira ikuzo ntabimenye, bacishwa bugufi ntamenye agakuru kabo.
Yobu 14:21

Salomo nawe yanditse ku bapfuye ati:

Urukundo rwabo n'urwagano rwabo n'ishyari ryabo, byose biba bishize, kandi nta mugabane bakizeye mu bikorerwa munsu y'ijuru byose, kugeza ibihe byose.
Umubwiriza 9:6

Imana, yabujije abantu bayo kwiya mbaza abahuza cyangwa kuvugana n'abapfuye, ndetse unyuranyije n'ibyo agahanishwa igihano cy'urupfu. (Kuva 22:18; Abalewi 19:31; 20:6,27; Gutegeka kwa kabiri 18:9-14; 2 Abami 21:6; 23:24; Yereimiya 27:9-10). Imana yagaragaje neza uburyo abantu bavuganiramo nayo. Imana Ivuganira n'abantu mu Ijambo ryayo no mu bahanuzi bayo.

Nimusange amategeko y'Imana n'ibiyihamya. Nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo nta museke uzabatambikira. Yesaya 8:20

Ibyanditswe Byera (Amategeko) ni amagambo yahumetswe n'Imana. (2 Petero 1:20-21; 2 Timoteyo 3:16; Yohana 10:35; Matayo 24:35; Luka 24:44; Zaburi 119:89, 100-101) kandi ibihamya ni umwuka w'ubuhanuzi. (Ibyahishuwe 19:10)

Niba imyuka ihamagarwa n’abakonikoni n’abapfumu atari imyuka y’abapfuye, ubwo igomba kuba ari imyuka y’abadayimoni iyobya abantu maze ikabakura ku gakiza. Imana yarabicyashye ikoresheje umuhanuzi Yesaya:

Kandi nibababwira ngo mushake abashitsi, mubashikishe, mushake n’abapfumu banwigira bakongorera, mbese abantu ntibari bakwiriye gushaka Imana yabo, bakaba ari yo babaza? Mbese iby’abazima byabazwa abapfuye? Yesaya 8:19

Sawuli na Samweli

Isomo rikunze kwifashishwa kenshi n’abizera kuvugana n’abapfuye ni 1 Samweli 28:3-25 aho Sawuli yagiye gushikisha ku mushitsikazi wo kuri Endori, uvugwa ko yazamuye Samweli mu bapfuye ngo agire inama umwami Sawuli. Uwo mwami ubwe yari yaribasiwe n’imyuka, kandi kubw’ibikorwa bye yari yaramaze kwangiza umubano we n’Imana. (Umurongo wa 25) Sawuli ariko, yibutse ko ibyo Samweli yamuhaniye ku buzima bwe byose byagiye bisohora. Maze kubwo guhagarika umutima, asaba ko Samweli yamugira inama. Ku murongo wa 14 asaba uwo mushitsikazi ati: “arasa ate?” Bigaragaza ko atiboneye Samweli ubwe. Ikindi kandi ni uko uwo mwuka wahahamuye Sawuli kubwo kumubwira ko ikamba rye azarinyagwa rigafata uwo bahanganye. Ubutumwa bw’imyuka ntabwo kwasabye imbaraga zo kwitegereza. Dawidi yari yaramaze kwimikwa, nyamara isirayeli ntirakicisha bugufi imbere y’Uwiteka, byatumaga mu bigaragara barajyaga gutsindwa n’abafirisitiya. Kuko abapfuye baba bari aho batabasha gutekereza, biragaragara ko umwuka wa Samweli utigeze uvugana na Sawuli. Dushingiye ku Byanditswe Byera, Satani abasha kuvugana n’abantu maze akigaragaza nka marayika w’umucyo (Matayo 4:11; 2 Abakorinto 11:13).

Uburyo bwa none bwo Kuvugana n’Abapfuye

Igihe cyose Imana yagiye ikoresha imbaraga ngo ihamagarire abantu kuyigarukira, Satani nawe yagiye yigana ubwo butumwa akoresheje inzira yo gukora ibitangaza.

Ariko Umwuka avuga yeruye ati "Mu bihe bizaza bamwe bazagwa bave mu byizerwa, bite ku myuka iyobya n’inyigisho z’abadayimoni." 1 Timoteyo 4:1

Uburyo bushya bwo kuvugana n’abapfuye bwatangijwe n’abitwa aba Fox Sisters mu mwaka wa 1848 aho bajyaga bumva urusaku rw’imbaraga idasanzwe mu nzu y’umuhinzi witwaga Fox wo muri Hydesville i New York. Byatangiye byoroheje gutyo, kugeza ubwo kuvugana n’abapfuye bibaye gikwira ku isi ndetse bishinga imizi cyane mu ruhurirane rw’amadini y’igihe cya none.

Ndetse abari ku isonga ry’abavugana n’imyuka y’abapfuye mu bihe byashize bagiye bahamya ko ari satani ubwe bavuganaga. Muri *Spritten* ikinyamakuru cyo muri Norvege kivuga ku byo kuvugana n’abapfuye bavuze aya magambo:

*Kuvugana n’abapfuye ni inzoka yo muri Paradizo iha umuntu kurya ku giti cy’ubwenge bumenyekanisha icyiza n’ikibi.*¹

Moses Hull, umwarimu ukomeye mu byo kuvugana n’imyuka y’abapfuye wo mu gihe cyo hambere, yaravuze ati:

Inzoka yo kwiringirwa... Mu gusubiza ikibazo ngo, 'Mbese ninde dukwiriye kwiringira - Imana cyangwa Satani?' Ndasubiza nti: 'hari ibihamya, kuri buri ngingo yose yo muri Bibiliya, bidutsindishiriza ku mpamvu twizera Satani. Ni umwiringirwa, icyo ni cyo wavugaga kurusha ibivugwa kuri urya wundi... Ntabwo ari Satani, ahubwo Imana ni yo yakozwe ikosa mu murima wa Edeni. Ntabwo ari Satani, ahubwo Imana ni yo yabayeho umwicanyi uhereye mu itangiriro'.²

Aya magambo yuzuye gutuka Imana agaragaza neza imiterere yo kwizera imyuka y'abapfuye.

Inyigisho z'ikuzimu na Purigatori

Inyigisho z'I Kuzimu na Purigatori zikomoka mu bapagani, kandi zinjijwe mu bukristo n'abakuru ba kiriziya Gatolika. Karidinali Gibbons yandika kuri Purigatori yagize ati:

Nyuma y'urupfu habaho umwanya wo hagati ahantu umuntu ahabwaga igihano cy'agateganyo, cyateganyirijwe abantu bose batanyuze ubutabera bw'Imana ku byaha byababariwe. Kubaho kwa Purigatori mu by'ukuri bisobanuye kuba magirirane, akamaro ko gusengera abapfuye.³

Ikuzimu hasobanurwa nk'ahantu abapfuye ari abanzi b'Imana bababarizwa mu muriro kandi by'iteka ryose, mu gihe roho z'abakiranutsi zigira mu ijuru bakimara gupfa.

Ijambo ry'igiheburayo "she'ol" n'iry'ikigiriki "Hades" yose asobanura "i kuzimu" kandi yose aganisha mu isi y'abapfuye. Ijambo ry'Ikigiliki "geenna" ryo risobanura i kuzimu havugaga umuriro w'igihano. Amagambo ya Bibiliya akenshi akoreshwa mu buryo bw'isanisha mu kwerekana ibijya gusa, kandi ibi bikaba byatera urujijo mu kumenya niba aya magambo agahisha ku hantu aho abapfuye baba.

Ijambo ry'Ikigiliki "geenna" ryakoreshejwe inshuro 12 mu isezerano rishya kandi rikomoka ku jambo rya giheburayo "Ge Hinnom" (Gehinomu), bisobanuye "Igikombe cya mwene Hinomu", ahakorerwaga imihango yo gutwika abana babatambira ikigirwamana Moleki. Iki gikombe Yeremiya yacyise "igikombe cy'icyorezo". Iki gikombe cya mwene Hinomu cyangwa Gehenna cyahindutse igikombe cyo gutwikiramo umwanda nuko kigahora gicumba, nuko kubw'ihame ry'umuriro w'inkazi uzahanishwa inkoko z'ibibi, iki gikombe gikoreshwa nk' igishushanyo cy'umuriro wo ku mperuka y'ibihe.

Mu kibwiriza cyo ku musozi, Yesu yagarutse kuri "Gehinomu" inshuro 3. Yaburiye abafarisayo kwirinda gucirwaho iteka ry'i "Gehinomu". Akamaro ndetse n'ingaruka by'uyu muriro bisobanurwa muri Bibiliya "nk'umuriro utabasha kuzimya" (Mariko 9:43-48; Luka 3:9) cyangwa "umuriro w'iteka" (Matayo 25:41). Uyu muriro uzeza isi (2 Petero 3:10-12; Luka 3:17) nyuma y'umuzuko wa kabiri (Ibyahishuwe 20:5).

Ijambo "iteka" ("aionios") rikoreshejwe mu kuvugaga iherezo ry'abakiranutsi kimwe n'iry'abanyabyaha. Niba ibihembo by'ibyaha ari urupfu (Abaroma 6:23), ubwo rero igihano cy'abanyabyaha ni urupfu rw'iteka. Ingaruka ihuruka y'uwo muriro, ni yo y'iteka ryose, ntabwo ari umuriro ubwawo uzakira iteka ryose. Iri hame rigaragazwa neza mu ikoreshejwe ry'ijambo "iteka ryose" mu byanditswe. Yeremiya yahanuye ko Imana izakongeza umuriro iYerusalem "utabasha kuzimya" (Yeremiya 17:27). Ubwo Nebukadinezari yasenyaga Yerusalem, uwo mugwi warahiye urakongoka, uwo muriro ntiwashoboraga kuzimya kugeza

ubwo ushohojye icyo wari ugendereye cyo kurimbura uwo muji, Nyamara uyu muni ntabwo uwo muji ugishya. Urugero nk'urwo, muri Yuda 1:7 hagira hati:

Kandi n'i Sodomu n'i Gomora n'imidugudu yari ihereranye na ho, kuko abaho nabo bitanze bakiha ubusambanyi no kwendana mu buryo imibiri itaremewe, iyo midugudu yashyiriweho kuba akabarore ihanwa n'umuriro utazima.

Iyi ngingo igarukwaho nanone mu 2 Petero 2:5-6. Iyi miriro rero ntabwo uyu muni ikigurumana, nyamara ingaruka zayo zo zabaye iziteka ryose.

Ihame rivuga ko abanyabyaha bababazwa batwikwa byiteka ryose bihabanye cyane na kamere y'Imana yerekanye urukundo rutarondoreka ifitiye inyokomuntu yaguye, urukundo rwagaragarijwe mu gitambo cy'Umwana w'Imana. Ibitekerezo bya gipagani byasunitse abahanga b'Abayuda mu mitekerereze yabo y'ibibaho nyuma y'urupfu. Umuhanga w'umuyuda Josephus yizeraga ko abapfuye bahita bajya mu ijuru cyangwa i kuzimu, mu gihe bategereje umuzuko. Abakiranutsi bagashyirwa mu mwanya wiswe "mu gituza cya Aburahamu", mu gihe abanyabyaha batandukanyijwe na bo n'umworera muremure maze bagafungirwa ahantu babasha kwumva no kubona umuriro witeka. Iyi myizerere ihabanye n'inyigisho zisobanutse z'Ibyanditswe Byera zivuga ko "abapfuye nta cyo bakizi" (Umubwiriza 9:5).

Abahanga mu bya gikristo b'iki gihe nabo bagundiye iri hame rivuga ko iyo umuntu apfuye ahita ajya mu ijuru cyangwa i kuzimu, maze bagatanga n'amasomo amwe yo muri Bibiliya nk'ibihamya bibashyigikira, by'umwuhariko isezerano Yesu yahereye igisambo ku musaraba n'umugani w'umutunzi na Lazaro, ahavugwa ko nyuma y'urupfu umwe yagiye i kuzimu undi akaruhukira mu "gituza cya Aburahamu". Aya masomo akeneye gusobanurwa neza ngo izi nyigisho zihuze n'ibindi Byanditswe Byera ku byerekeye uko abapfuye bamera.

Nta na hamwe muri Bibiliya hagaragaza inyigisho y'ihame rivuga ko nyuma y'urupfu abantu bahita bajya ahandi hantu hari ubuzima. Lazaro uwo Yesu yazuye mu bapfuye ntiyigeze ajya mu ijuru cyangwa mu "gituza cya Aburahamu" ubwo yapfaga. Inyigisho z'isezerano rishya kuri iyi ngingo zirasobanutse mu buryo bwahuranyije. Ku muni wa Pentekoti, Petero yaravuze ati:

*Bagabo bene Data, nta kimbuza kubabwira nshize amanga ibya sogokuruza mukuru Dawidi, yuko yapfuye agahambwa ndetse n'igituro cye kiracyari iwacu n'ubu. **Kuko atari Dawidi wazamutse mu ijuru.*** Ibyakozwe n'Intumwa 2:29-34

Igisambo ku Musaraba

Mbese nyuma yo gupfa igisambo ku musaraba nticyahise kijya mu ijuru?

Igisambo cyabwiye Yesu ku musaraba kiti:

... Mwami, uzanyibuke ubwo uzazira mu bwami bwawe. Luka 23:42

Icyo gisambo cyarebaga iby'igihe kizaza, maze cyisabira kuzibukwa ku muni uheruka w'ingororano. Cyari gitumbiriye imbere ku kugaruka kwa Kristo. Matayo 16:28 havugaga "Kristo agarutse mu bwami bwe" kandi muri Yohana 14:3 Kristo ubwe yaravuze ati: "Nzagaruka". Igisubizo cya Yesu ku gisambo ku musaraba ni iki ngo:

Ndakubwira ukuri, yuko uyu muni turi bubane muri Paradizo. Luka 23:43

Mbese uwo muni wo kuwa gatandatu nimugoroba igisambo cyahise kibana na Kristo muri Paradizo? Igisubizo ni oya, kuko na Kristo ubwe atigeze azamuka ngo ajye mu ijuru akimara gupfa, kuko ku muni wa mbere mu gitondo yarivugiyeye ati:

Ntunkoreho kuko ntarazamuka ngo njye kwa Data. Yohana 20:17

Niba Kristo yari atarazamuka ngo ajye mu ijuru kugeza ku muni wa mbere (igitondo cy'umuzuko) ni ukuvuga ko n'igisambo kitigeze kijyayo.

Impamvu y'uru rujijo ikwiye gushakirwa mu kuba inyandiko y'umwimerere y'isezerano rishya yari yanditse mu myandikire ya kigiriki aho bandikaga bakurikiranya amagambo nta bimenyetso by'utwatuzo nk'utwitso, utubago cyangwa ibice n'imirongo bikurikizwa nk'uko biri ubu. Nyuma y'umwaka wa 1557 nibwo gutandukanya amasomo hakoreshejwe ibyo bimenyetso byatangiyeye gushyirwa mu nyandiko za Bibiliya. Ahagomba gushyirwa akitso mu isomo rya Luka 23:43 ni ingenzi cyane mu gutuma iri somo ryumvikana uko bikwiye. Gushyira akitso nyuma y'ijambo "uyu muni" bituma iri somo risomwa ngo:

Ni ukuri, Ndakubwira uyu muni, yuko tuzabana muri paradizo.

Aha rero, iri somo rifite injyana n'amagambo yanditswe muri Yohana 20:17 havuga ko Yesu yari atarazamuka ngo ajye mu ijuru. Kuri uwo muni w'ibambwa, igisambo cyahawe isezerano ryo kuzaba mu ijuru ubwo Umwami azaba yimitse ingoma ye.

Ingeri nyinshi za Bibiliya zishyira akitso muri uyu mwanya ngo iri somo rigire ubusobanuro bukwiriye. Izo ni nk'ingeri ya Bibiliya yitwa *Lamson Version*, yitwa *Emphasized Bible* (ya Joseph B. Rotheram), n'ingeri yitwa *New World Translation of the Christian Greek Scriptures* (y'abahamya ba Yehova). Kandi Igitabo cy'ubusobanuro bwa Bibliya cy'abamethoditse cyanditswe na Adam Clarke nacyo gisesengura iby'akitso **Lazaro**

n'I Kuzimu (Luka 16:19-31)

Kenshi hari abavugaga ko inyigisho ya Yesu muri iyi mirongo ikwiye gufatwa uko yanditse. Nyamara imvugo ndetse n'aho ibivugwa bibera bigaragaza cyane kwigishiriza ku ishushongerwa, kubw'ibyo igitekerezo kigomba gufatwa nk'umugani. Ubifashe uko bivugwa usanga buri kintu cyose kivugwa kinyuranya n'inyigisho y'Ibyanditswe, kandi ahubwo umugani wari ugendereye kwigisha abayobozi b'Abisirayeli ukuri kw'ibya Mwuka. Ishyanga ry'Abayuda ryari ryaratoranyijwe n'Imana ngo ribe ububiko bw'ukuri kwayo.

Ryagombaga kuba umucyo ku banyamahanga, maze rikayobora amahanga yaguye ku isoko rukumbi y'amazi y'ubugingo. Niyo mpamvu, bari barashyizwe mu ihuriro ry'inzi hagati y'amashyamba akomeye ndetse n'inzi z'ubucuruzi by'icyo gihe. Nyamara aho gusohozwa icyo bahamagariwe, babaye ba nyamwigendaho batihanganira abandi, biringira ko agakiza ari akabo gusa. Mu gihe bishimiraga kwitandukanya n'andi moko, nyamara, bari barakiriye inyigisho za gipagani ku byerekeye ibikurikira nyuma y'urupfu, kandi bagakomeza kwiringira ko kuba abayuda bibahesha kwemerwa n'ijuru. Yesu yacyashyeye uburyarya bw'iyi myizerere, maze abinyujije mu gitekerezo cy'umutunzi na Lazaro, asenya iyo shusho y'iby'ab'isi bizeraga.

Muri uyu mugani, umutunzi ashushanya ishyamba ry'abayuda ryari rikungahaye mu kuri kw'ibya Mwuka, kandi umukene ashushanya abanyamahanga. Umutunzi yari "yambaye" ubwenge bw'Umwami w'abami (umuhengeri ni ibara ry'ubwami) (Luka 16:19), n'inzira yo gushyikira ugukiranuka (umwenda w'igitare mwiza - Ibyahishuwe 19:8). Umunyamahanga yari yuzuyeho ibisebe bishushanya ibyaha (Yesaya 1:6) ariko ntaragahabwa umuti w'iyi ndwara ye. Ahubwo, yanangiwe no guhabwa n'ubuvungukira buva ku meza ya Mwuka y'uwo mutunzi. Yesu yasenyeye ishusho y'imitekerereze y'Abayuda mu cyitegererezo yatanze ku mugore w'umunyakananikazi (Matayo 15:21-28) nawe wasabye ubuvungukira buva ku "meza y'umutunzi". Muri ayo magambo, hakoreshejwe imbwa kandi nayo ishushanya abanyamahanga cyangwa abataratoranijwe n'Imana. Ndetse n'abigishwa ba Yesu bamusabye kwirukana umunyakananikazi, byerekana ingaruka inyigisho z'abanditsi zari zaragize mu kwangiza imyumvire yabo.

Nk'uko umugani ubihishura, Yesu yerekanye indi shusho ihabanye n'iyi abakuru b'Abayuda bari bafite maze ashyira umutunzi i "Kuzimu" na Lazaro umukene mu "gituza cya Aburahamu". Igice cya matayo 23 cyose gicyaha imyigishirize y'uburyarya y'abanditsi n'abafarisayo, kandi icyo gice gitanga ibisubizo ku mpamvu byahindutse maze umutunzi akagubwa nabi naho umukene akagubwa neza. Ikindi kandi, iki cyigisho cyahamirizaga abigishwa ko imiterere n'ubwoko by'umuntu atari byo bimuhesha agakiza. Inzira rero yari ihariye abigishwa, yatumye babasha gusenya urukuta rw'imihango maze bakabwiriza ubutumwa bwiza n'imbaraga ku Bayuda n'abanyamahanga nta kurobanura. Ukwikunda byari byarashinze imizi y'imyizerere y'Abayuda, nyamara Imana isaba umuntu kwiya nta "gukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda".

Kwishyikiriza ku nkomoko niyo ngingo ikurikiraho Yesu yigishije muri uyu mugani. Abayuda bavugaga ko Aburahamu ari we se (Yohana 8:39), ariko muri uyu mugani "Sogokuru Aburahamu" ntabwo yashoboye gufasha umutunzi. Isezerano rishya rivuga ko abari muri Kristo ari bo bana b'Aburahamu (Abagalatiya 3:29), kandi Kristo yaje gukiza abafite ibikomere n'abafite imitima imenetse. Abemera kwimenyaho ubukene bw'ibya Mwuka kandi bakemera ko bakeneye Kristo, ni bo gusa babasha gushyikira imigisha ya Kristo. Mu bahirwa (Matayo 5:1-12), abakene mu bya mwuka, abashavura, abagwa neza, abafite inzara n'inyota byo gukiranuka ni bo babasha kwuzurizwa maze bagahabwa imbabazi. Mu yandi magambo, umuntu agomba kwemera ubukene bwe mu bya Mwuka, agashavuzwa n'ibyaha bye, akagenda urugendo rwo guhinduka kamere arangamiye ugukiranuka kwa Kristo, akazabona kwuzurizwa.

Inyigisho zishingiye ku migenzo nazo zacyashywe na Yesu. Muri Matayo 15:1-9, Yesu yaburiye abanditsi n'abafarisayo kubwo guhindura ubusa Ijambo ry'Imana bagamije gukomeza imigenzo yabo. Mu mugani w'umutunzi na Lazaro, hagaragaza ko nta yandi mahirwe umuntu agira nyuma yo gupfa. Hashyirwa umworera munini, ndetse umutunzi yangiwe icyifuzo cye cyo kujya kuburira abavandimwe be. Impamvu yatanze ni uko bahawe Mose n'abahanuzi cyangwa Ijambo ry'Imana. Niba tutemeye inyigisho z'Ibyanditswe Byera, n'ubutumwa bwakomoka ku bapfuye ntacyo bwatumarira ku by'agakiza kacu.

Buri shusho yose yo muri uyu mugani, itanga ukuri mu bya Mwuka guhabanye n'imyumvire y'abakuru b'Abayuda. Ibikorwa na benshi mu gufata amagambo y'uuyu mugani nk'uko yanditse ngo babashe gushyigikira ihame ry'i kuzimu n'umuriro utazima, byangiza icyo uyu mugani ugamije kwigisha, maze bigapfobya ubutumwa bw'ingenzi burimo.

Nuko rero, nk’uko Bibiliya ibyigisha, urupfu ni aho umuntu aba asinziriye ntacyo abasha gutekereza. Ibi ariko ntibivuga ko mu ijuru nta bitabo byanditswemo iby’abakiranutsi basinziriye. Imana ifite inyandiko z’imibereho yacu yose, imiterere yacu, kandi iyo izuye abakiranutsi mu bapfuye bazukana imibiri itazongera kubora ukundi n’imico bubatse bayobowe n’imbaraga y’Imana ihindura. Inyandiko za Bibiliya ku by’urupfu si ibyo kudutera ubwoba ahubwo ni byo kuduhumuriza no kudukomeza. Abakurambere bacu ntabwo bitegereza amakosa yacu ngo bababazwe n’amahitamo yacu mabi. Ahubwo bararuhutse ntibazi ibirimo kubera ku isi kuko basinziririyemo mu mutuzo kugeza ku muni w’umuzuko. Niba tunyuzwe n’uku kuri kwa Bibiliya, ntabwo tuzigera tuyobya n’imbaraga ziyobya z’ibitangaza n’amabonekerwa by’ikinyoma, kandi tuzaba twiteguye neza guhagarara dushikamye mu bihe biheruka.

IBIHAMYA

1 Spritten (December 15, 1889): 2.

2 Moses Hull, *The Devil and the Adventists* (Chicago, 1899): 15-16, as quoted in Christian Edwardson, *Facts of Faith* (TEACH Services, Inc., 2001): 308.

3 Cardinal James Gibbons, *The Faith of Our Fathers* (Ayers Publishing, 1978): 173.

Igice cya 11:UMWUKA W'UBUMWE

Turiho mu gihe hari gahunda zitigeze zibaho mbere zigamije guhuriza hamwe imyumvire y'iby'iyobokamana. Bivugwa ko abantu bose basenga Imana imwe bityo, koroherana ku byo abantu batumva kimwe hakwiriye kubaho kwihanganirana cyane kugira ngo haboneke amahoro mu bihugu no mu bantu bafite imyemerere itandukanye. Na Kristo yasenze asaba ubumwe, kandi birasa nkaho hazabanza kubaho ubumwe mbere y'uko habaho ibiganiro ibyo ari byo byose by'amahoro nyayo kuri uyu mubumbe wacu wuzuyemo guhangana gutuma isi yangirika. Ubwo Yesu yasengaga isengesho Rye nk'Umutambyi Mukuru yaravuze ati:

Nanjye mbahaye ubwiza wampaye, ngo babe umwe nk'uko natwe turi umwe. Yohana 17:22

Ese ni ubuhe bumwe Yesu yatekerezaga? Ese bwaba bwari ubumbwe bugendereye kuzana amahoro mu isi? Ese si we wavuze ngo:

Mwe gutekereza ko nazanywe no kuzana amahoro mu isi. Sinaje kuzana amahoro, ahubwo naje kuzana inkota. Matayo 10:34

Yesu nta na rimwe yigeze ashyigikira ihohotera, bityo inkota yavugaga yari Inkota ya Mwuka, ari yo Jambo ry'Imana: *Mwakire agakiza kabe ingofero, mwakire n'inkota ya Mwuka ari yo Jambo ry'Imana.*

Abefeso 6:17

Intambara y'iby'umwuka yagombaga kurwanwa yagombaga kuba intambara ishingiyeye ku Ijambo ry'Imana. Dushingiye kuri ibi, dushobora kugenzura isengesho rya Yesu yasenze asaba ubumwe. icya mbere, Yesu ntabwo yasengeraga ko isi yose yakunga ubumwe ahubwo yasengeraga ko abantu bagira ubumwe bushingiye ku Ijambo ry'Imana:

Abo wampaye mu isi mbamenyesheje izina ryawe. Bari abawe urabampa, none dore bitondeye ijambo ryawe.... Ndabasabira. Sinsabira ab'isi, ahubwo ndasabira abo wampaye kuko ari abawe... nabahaye ijambo ryawe, kandi ab'isi barabanga kuko atari ab'isi, nk'uko nanjye ntari uw'isi...ubereshe ukuri, ijambo ryawe ni ryo kuri. Yohana 17:6,9,14,17

Ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo ni bwiza cyane kandi buroroshye, gusa busaba kwegurira umutima wose imbaraga ye yeza. Hashobora kubaho Yesu umwe rukumbi ndetse uwo ni we Jambo wambaye umubiri. Ukuri gushobora gusa gutandukanywa n'ibyiganano hifashishijwe Ijambo ry'Imana.

Kuko mbafuhira ifuhe ryo mu buryo bw'Imana, kuko nabakwereye umugabo umwe ari we Kristo, ngo mubashyingire mumeze nk'umwari utunganye. Ariko ndatinye yuko nk'uko ya nzoka yohesheje Eva uburyarya bwayo, ko ari na ko intekerezo zanyu zayobywa mukareka

gutungana no kubonera bya Kristo, kuko iyo haje umuntu ubabwira Yesu wundi tutababwiye, mukakira undi mwuka mutakiriye mbere, cyangwa ubundi butumwa mutemeye mumwihanganira mubikunze, ariko jye ko mutanyihanganira. 2 Abakorinto 11:2-4

Nyuma yo kugira Ijambo ry’Imana icyangombwa cy’ibanze cy’ubumwe nyakuri, hagomba kugaragara n’imbuto (imico) zihuje n’Ijambo ry’Imana.

Kuko ubuntu bw’Imana buzanira abantu bose agakiza bwabonetse, butwigisha kureka kutubaha Imana n’irari ry’iby’isi, bukatwigisha kujya twirinda, dukiranuka, twubaha Imana mu gihe cya none dutegereje ibyiringiro by’umugisha, ari byo kuzaboneka k’ubwiza bwa Yesu Kristo, ari we Mana yacu ikomeye n’Umukiza watwitangiriye kugira ngo aducungure mu bugome bwose, kandi yuhagirire abantu kugira ngo babe ubwoko bwe bwite, bugira ishyamba ry’imirimo myiza. Tito 2:11-14

Ubwoko bw’Imana bukeneye cyane kwihana ibyaha bumaramaje. Bacyeneye kubaho imibereho ihuje n’icyo Ijambo ry’Imana ribasaba ntibabeho banyuranya naryo kugira ngo buzuze ibyo isi ibasaba. Bakeneye guhagarara mu mwuka wo kwicisha bugufi no kwiyoroshya. Ahabonetse ikibi bakwiriye kugikosora. Bakeneye kugarura abayoba mu bugwaneza bazirikana ko n’uhagaze agomba kwirinda ngo atagwa. Bakeneye gufashanya no kunganirana. Imana ikoresha kandi izakoresha itorero ryumvira.

Ni muri ubwo buryo ubukristo nyakuri n’ubumwe bwa gikristo bigomba gushingira ku Ijambo ry’Imana – “*Ijambo rya we ni ryo kuri*”, kandi ubumwe nk’ubu, dushingiye ku Ijambo rya Kristo, buzazana urwango aho kuzana amahoro. Dushingiye kuri uyu mucyo, twasobanura dute gahunda zigamije ubumwe bwa gikristo mu nkubiri y’impuzamatorero, ku ruhande rumwe, n’itegeko ngari yo guhuriza amadini hamwe mu isi irangwa n’imyemerere imwe rukumbi, ku rundi ruhande? Kugira ngo ubu bumwe bw’amadini bugerweho kandi ayo madini yose adahuje imyumvire, bizasaba ko hagira ukuri kwirengangizwa bisobanuye kunyuranya n’ijambo ry’Imana kugira ngo ubwo bumwe bugerweho. Ku bigisha iyobokamana rigendereye kunga ubumwe bw’amadini bavugaga ko icyasabwa cyose ngo ubwo bumwe bugerweho kigomba gukorwa mu mbaraga zose zishoboka. Niba Ijambo ry’Imana ridashobora kuba imbaraga ibahuza, ubwo bumwe buzaba bushingiye ku zindi ngingo zisimbura Ijambo ry’Imana, kandi mu isi ya gikristo izo ngingo zigabanyijemo amatsinda abiri:

- 1. Guhuriza hamwe amahame** ni cyo kintu cy’ibanze abanyamadini benshi bashingiyeho kugira ngo bunge ubumwe. Amahame y’abayobozi b’amadini, niyo abahuriye hamwe harimo amasakaramentu, imihango ndetse no kuba ihuriro ry’ubusabane.
- 2. Ubumwe bushingiye kubyo babona** aho ibyo umuntu abona kandi yiyumvamo - n’ibyo bita kuzura umwuka wera, ibimenyetso n’ibitangaza nibyo bihinduka ibigenderwaho bibahuza. Ibibabaho ni cyo gipimo fatizo. Ubumwe nk’ubu bushobora

kurenga imbibi zishyirwaho na Bibiliya, izishyirwaho n'amahame yo kwizera, n'izishyirwaho n'imico itandukanye, maze bugahuriza hamwe imyemerere itandukanye muri gahunda imwe yo kuramya. Ikibazo gihari ni iki, twamenya dute 'umwuka' uyoboye abantu nk'aba dushingiye by'umwihariko ku mucyo utuburira ibyerekeye ubuyobe bwo mu minsi y'imperuka?

Mwirinde hatagira umuntu ubayobya... kuko abiyita Kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya n'intore niba bishoboka. Matayo 24:24

Ubumwe bwa gikristo na gahunda y'impuzamatorero (Ecumenical Mouvement)

Ese umwuka wo guhuriza hamwe amadini wahuza ute n'icyo ubugorozi bwavugaga ku bupapa no ku mahame y'itorero gatulika?

Ibikubiye muri Bibiliya ni byo byatumye abagorozi batandukana na Kiriziya Gaturika, kandi bagerageza gukwirakwiza ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo ku bantu bose. Abagorozi bari bashishikariye ko buri muntu wese wo ku isi yagerwaho n'Ijambo ry'Imana kugira ngo amenye inama y'agakiza. Gukwirakwiza Ijambo ry'Imana byatumye amahame n'ubutware bya Roma bikemangwa, maze abagorozi basubizaho ukuri kwari kwarazimangatanye mu binyejana byinshi ubwo umudendezo mu by'iyobokamana wari warakuweho. Ikigambiriwe aha si ugusubiramo amahame y'ubupapa, kuko, nk'uko twabivuzeho mu bice bibanziriza iki, ni ingezi kwibuka incamake y'ayo mahame ya kiriziya kugira ngo turebe intambwe z'ibyakozwe mu kugarura ubumwe bwa gikristo bwazimiye.

Ubugorozi bwagaruye ukuri kwinshi kwa Bibiliya kwari kwarazimiye cyangwa kwarakuweho. Abagorozi babashije gusobanukirwa neza kandi babona ko ubupapa ari bwo antikristo. Mu kinyejana cya 12, abawalidensi bagaragaje neza uwo antikristo ari we, kandi bagaragaza ko yakoreraga mu itorero muri icyo gihe. Joachim, yabaye umwe mu ba mbere basobanuye ubuhanuzi bwerekeye Antikristo. Wycliffe, Jerome, Lutheri, Knox, Calvin, Baxter n'abandi bagorozi benshi bose bagiye baturiza ku busobanuro bumwe bugaragaza antikristo uwo ari we.

UKURI KWARI KWARASIBANGANYE KWASUBIJWEHO			
1370 N.K	John Wycliffe	Bibiliya yasubijweho	
Ikinyejana cya 16	Martin Luther	- Ukwizera	Abaluterani
	John Calvin	- Ubuntu - Amategeko y'Imana - Umubatizo wa Bibiliya	Abapresibiteriyani ba Anabatista
Ikinyejana cya 17	John Smyth John James	- Umubatizo wa Bibiliya - Isabato	Ababatista

			Ababatista b'umunsi wa 7
Ikinyejana cya 18	John Wesley	- Amategeko n'Ubuntu - Kwihana no Guhinduka - Kwezwa	Abametodiste
Ikinyejana cya 19		- Ubuhanzu bwa Bibiliya	Abadiventiste

Ishusho 11.1

H. Grattan Guinness aravuga ati:

Kandi ubusobanuro bw'abagorozi bwakwirakwijwe ku bwinshi. Bwemewe n'ibikomangoma ndetse n'abantu basanzwe. Kubera imbaraga y'ubutumwa bw'abagorozi, ibihugu byinshi byanze gukomeza gupfukamira no kubaha umurimo w'ubuhuza bw'ibinyoma bwa Roma. Mu bikorwa byakurikiyeho, byagaragaraga nk'aho imbaraga zose z'ikuzimu zarekuwe... ariko ubugorozi bwagumyeho bushikamye kandi budatsindwa. Ijambo ry'Imana ryarabushyigikiye.¹

No mu ngeri ya mbere ya Bibiliya yitiriwe Umwami Yakobo hagaragaza neza ko ubupapa ari bwo mwana wo kurimbuka, kandi iburira abantu uburiganya buzanwa n'abo ubugorozi bwita abakozi b'Ubupapa.

Ku byerekeye Antikristo (ijambo rya kigiriki “anti” rikoresheha hagenderewe kuvugwa ngo ‘uri mu mwanya wa’), Bibiliya iravuga ngo:

Ntihakagire umuntu uboshya uburyo bwose, kuko uwo munsi utazaza kurya kwimura Imana kutabanje kubaho, kandi urya munyabugome atarahishurwa ari we mwana wo kurimbuka. Ni umubisha wishyira hejuru y'icyitwa imana cyose cyangwa igisengwa, kugira ngo yicare mu rusengero rw'Imana, yiyerekane ko ari Imana. 2 Abatesalonike 2:34

Ayo magambo yahamijwe na Papa Boniface wa 8, mu nyandiko ye yise *Bull Unam Sanctam*, aho yavuze ati:

Papa wa Roma acira abantu bose urubanza, ariko we nta we umucira urubanza. Dutangaje, duhamije kandi turasobanura ko: Kuba munsi y'ubutware bwa papa w'I Roma ni ngombwa kuri buri muntu wese kugira ngo abone agakiza... kuko ari we wasohoreweho n'amagambo ya Kristo ngo 'ubutware bwose nabushyize mu nsi y'ibirenge bye', ayo magambo nijye ahamya... mfite ubutware bwo kuba Umwami w'abami. Ndi byose kandi ndi hejuru ya bose, kugira ngo Imana ubwayo nanjye nk'umusimbura w'Imana, mbe nshoboye byose nk'uko Imana Ibishoboye. Ese ubwo hari ikindi mwanyita, uretse Imana?

Papa Leo wa 13 nawe yahamije ko yari Imana mu nyandiko ze kandi ni ingenzi cyane ko ikinyamakuru cyitwa *Time Magazine*, ubwo Papa Yohani Pawulo wa 2 bageragezaga kumurasa cyanditse ngo “byari nko kurasa Imana.”²

Roma ntabwo yigeze ishaka kumvikana n'abagorozi ku bibazo bijyanye n'amahame y'imyizerere, kandi ibyo byatumye Papa Pawulo wa 3 atumiza inteko ya Trent, ariyo yahuye mu byiciro 3 hagati y'umwaka wa 1545 n'umwaka wa 1563. Abaporotestanti bitabiriye iyo nama mu cyiciro cyayo cya 2. Iyo nteko yongeye gushimangira menshi mu mahame yari yararwanyijwe n'ubugorozi, harimo:

1. Ko ukarisitiya ihinduka by'ukuri umubiri wa Kristo na Divayi igahinduka amaraso ya Kristo nyakuri (Transubstantiation)
2. Gutsindishirizwa ku bw'ubuntu n'imirimo
3. Misa zigakomeza nk'uko zakorwaga mu bihe byabanjirije ubugorozi.
4. Amasakaramentu 7
5. Kudashaka kw'abihaye Imana
6. Ihame rya Purigatori
7. Indurugensiya
8. Ubutware bwa Papa bwarongerewe kubwo guha Papa ubutware bwo guhatira abantu kubahiriza amategeko yavuye muri iyo nteko, kandi kubwo gusaba abayobozi b'amadini yose ko basezerana kuja bumvira Papa.³

Inteko ya Trent (yo mu mwaka wa 1545), yatumijwe na Papa pawulo wa 3 kugira ngo irwanye ubugorozi mu mahame ndetse no kugaragaza aho kiliziya gaturika y'I Roma ihagaze mu bijyanye n'imyemerere, mu mwanya wo kuvugurura itorero barushijeho gushimangira umwanya w'amahame n'inyigisho bya kiliziya gaturika bihabanye n'ibyo abagorozi bigishaga. Iyo nteko yemeje amahame ya kiriziya y'uko ukarisitiya ihinduka umubiri wa Kristo na Divayi igahinduka amaraso ye nyakuri, bemeza ihame ryo kwizera n'imirimo, na misa, n'amasakaramentu 7, kudashaka kw'abihaye Imana, purigatori n'indulugensiya no kongera ububasha bw'ubupapa.⁴

Kurwanya Ubugorozi Nubwo amatorero y'abagorozi yitandukanije na Kiliziya Gaturika y'i Roma, Ibyanditswe bivuga ko ku iherezo ry'ibihe isi yose izakurikira inyamaswa. Aha harimo n'amatorero yo muri iyi minsi. Ubugorozi buzacyendera, kandi amahame y'ukuri yatumye abagorozi bitandukanya na Kiliziya Gatulika azafatwa nk'aho atakiri imbogamizi. Nk'uko twabivuzeho mu cyigisho cyitwa *Vino ya Babuloni*, Roma yigaragaza ko ari yo nyina w'andi matorero yose, ikaba ishishikariye no kugira ngo abo yita abana batandukanye na yo bayigarukire.

Ihame ryo kuvuga ko Antikristo yabayeho mu gihe cyashize cyangwa ko atariho azaza mu gihe kiri imbere (Preterism and Futurism)

Kugira ngo bakureho inyigisho igaragaza ko ubupapa ari antikristo kandi ko Papa ari umwana wo kurimbuka, abajezuwite bashyizweho kugira ngo barandure inyigisho z'abagorozi, maze hahita

hahaguruka abajezuwite babiri by'umwihariko. Abo ni Alcasar na Ribera, ari na bo bazanye iri hame rigoreka ubuhanuzi ryigisha ko antikristo yamaze kuvaho (mu gihe cy'akarengane k'Abayahudi cyangwa se abakristo ba kera) cyangwa se ko atariho ariko akazaza mu gihe runaka ubwo bamwe mu bakristo bazaba bamaze kuvanwa mu isi, ndetse bashyiraho n'ihame ry'uko abantu bazajyanwa mu ijuru mu buryo bw'ibanga. Ribera yanditse iryo hame mu mwaka wa 1585 rivugako antikristo azaza mu bihe biri imbere.

Ushingiye kuri iyo nyigisho yo gushyira ubuhanuzi mu gihe cy'ahazaza, bavuga ko antikristo yagombaga kuzakomoka mu muryango wa Dani, kandi akazagaragara nyuma y'uko itorero ry'Imana rizaba ryaragiye mu ijuru mu buryo bw'ibanga. Iyo nyigisho ikomeza ivuga ko hagomba kubanza kubakwa urusengero, hagakurwaho imyizerere y'ubukristo, Antikristo agashaka kuba Imana hanyuma agahita yigarurira isi mu gihe cy'imyaka itatu n'igice. Kandi inyigisho ivuga ko Antikristo azagaragara mu bihe bizaza bigisha ko Kristo atazazana n'ibicu ndetse aje mu bwiza, ahubwo bavuga ko Umukiza wacu azaza rwihishwa kandi mu ibanga maze agahita yimura itorero Rye, kandi iyo nyigisho yabo ihabanye cyane n'ibyo intumwa zigishaga.

Kuko Umwami ubwe azaza amanutse ava mu ijuru aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye n'impanda y'Imana, nuko abapfiriye muri Kristo nibo bazabanza kuzuka, maze natwe abazaba bakiriho basigaye duhereko tujyananwe nabo, tuzamuwe mu bicu, gusanganirira Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose. 1 Abatesalonike 4:16-17

Intumwa zagaragaje neza ko umwuka wa antikristo wari waratangiye gukora no mu gihe cyabo, kandi ko uwo mwuka uzarushaho kwigaragaza mu gihe cy'iminsi y'imperuka. Nta mpamvu yo gushyira imbaraga ya antikristo mu gihe cy'ahashize. Yesu muri Matayo 24 yavuze ko ubu buhakanyi bukomeye buzaba mu gihe cy'ahazaza, ntabwo yagaragaje ko bwamaze kuba muri icyo gihe.

Mu kinyejana cya 19, abaporotestanti, uhereye ku muyobozi mu itorero ry'Abangilikani witwa Samuel R. Maitland, bemeye izo nyigisho z'uko antikristo azaza mu gihe kiri imbere maze bituma babona ko bagomba guhagarika ibikorwa byo kwitandukanya na Roma.

Ubusobanuro bwa gihanuzi buvuga ko antikristo azaza mu gihe cy'ahazaza bwaranonosowe birushijeho, kuva igihe abayoborwa n'amarangamutima nk'uko bivugwa na S.P Treglles, batangizaga kuvuga izindi ndimi mu itorero rya Edward Irving mu Bwongereza. Iyo nyigisho gikwira y'uko antikristo azaza mu gihe cy'ahazaza yamaze kwemerwa n'amatorero menshi ya giporotestanti uyu muni, kandi ubwo ni n'ubusobanuro bwamaze gushyirwa mu ngeri ya Bibiliya yitwa Scofield Reference Bible.⁵ Kuvuga ko abantu bazimurirwa mu ijuru mu ibanga byabaye nk'umusaruro wavuye mu bigisha ko antikristo azaza mu gihe cy'ahazaza kandi bigisha ko amateka ya gikristo agabanyijwe mu bice birindwi:

UMUNTU

Ubwami butunganye	Umutimanama	Leta	Isezerano	Amategeko	Ubuntu	Imyaka igihumbi
Mbere y'uko icyaha kibaho(Edeni)	Iterambere rya mbere y'umwuzure	Ubutegetsibwa nyuma y'umwuzure	Aburahamu kugeza ku Kuvanwa mu Misiri kw'Abisirayeli	Igihe cy'abalewi	Igihe Itorero ririmo	Igihe cy'amahoro

Ishusho 11.2

Inyigisho ivuga ko abantu bazimurirwa mu ijuru mu ibanga, mu gihe cy'imyaka 1000, abayuda nibwo bazigisha ubutumwa bwiza ariko icyo gihe itorero rizaba ryarimuwe mu ibanga. Abayuda bazarenganywa na antikristo maze Kristo aze kubakiza nyuma y'imyaka 7. Ushingiye ku bigisha ko antikristo azaza mu gihe cy'ahazaza, itorero rirebwa n'ubuntu gusa, naho Abayuda akaba ari bo barebwa n'ubwami. Isengesho ry'umukiza ngo, “Ubwami bwawe buze” ubwo ntacyo ryaba rivuze ku bakristo. Kandi ingeri ya Bibiliya yitwa Scofield ivuga ko nta huriro riri hagati y'itorero ryo mu isezerano rya kera n'itorero ryo mu isezerano rishya. Ntibemera ko hari n'ibyo Yesu yavuze (kuko yavuganaga n'abo mu gihe cya kera); ngo ibyo intumwa zivuga nibyo bitureba gusa.

Abenshi mu bemeye izo nyigisho ni abafite imyemerere y'abakaluvinisite, banizera cyane ko Imana yageneye buri muntu wese uko ahazaza he hazamera kandi akaba adashobora kubihindura (predestination). Ushingiye kuri iri hame, abantu benshi byatumye bagwa mu byaha kuko bavugaga ko atari bo bihitiramo ubwabo. Kubw'ibyo bakavugaga ko ntacyo wakora ngo ubone agakiza ko ahubwo agakiza gafite abo kagenewe, kandi bakongeraho ko hari abagenewe kuzahabwa ubugingo buhoraho maze abandi bagacirwaho iteka. Amasezerano yose yo mu Byanditswe Byera nayo ntacyo wakora ngo abe ayawe, kuko Abayuda bari ubwoko bw'Imana baba babishakaga cyangwa batabishakaga.

Iyi ntabwo ari inyigisho ishingiyeye kuri Bibiliya: kuko isenya umudendeko wahawe umuntu wo guhitamo, maze igatuma umuntu abaho nta byiringiro afite, kandi igahindura inyigisho y'Ubutumwa Bwiza imfabusa. Iyi nyigisho biragaragara ko irwanya ukuri kwa Bibiliya kugaragaza ko hari icyo umuntu agomba gukora kubw'ubutumwa bwiza yumvise (Kuva 19:5-6; Gutegeka kwa kabiri 28:1,15; Yeremiya 18:7-10 n'andi masomo menshi nk'uko abigaragaza yo mu isezerano rya kera no mu isezerano rishya). Ihame ry'uko hari abaremewe agakiza abandi bakaremerwa kuzacirwaho iteka niryo ryatumye amatorero y'abakaluviniste yemera gukuraho ihame ryo kumvira amategeko mu myizerere yabo. Iyo hatabaho gahunda yo kuvuga indimi mu itorero rya Irving, ntabwo iyi nyigisho yari kuvuka, kubera ko nta muntu n'umwe wemeye kuyoborwa na Bibiliya yonyine (*Sola Scriptura*) wigeze wemera inyigisho nk'iyi. Bibiliya itanga umuburo ko abantu bakwiriye kwirinda inyigisho z'imyuka iyobya. Pawulo arandika ati:

Ariko Umwuka avuga yeruye ati “Mu bihe bizaza bamwe bazagwa bave mu byizerwa, bite ku myuka iyobya n’inyigisho z’abadayimoni.” 1 Timoteyo 4:1

Pawulo ashimangira ko dukwiriye kugira Ijambo ry’Imana ishingiro ry’ukwizera kwacu kandi ko dukwiriye kugendera ku nyigisho za Kristo kugira ngo tuzarindwe inyigisho z’ibinyoma:

*Nuko aha bamwe kuba intumwa ze, abandi kuba abahanuzi, n’abandi kuba ababwirizabutumwa bwiza, n’abandi kuba abungeri n’abigisha, kugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby’Imana no gukomeza umubiri wa Kristo, kugeza ubwo twese tuzasohora kugira ubumwe bwo kwizera no kumenya Umwana w’Imana, kandi kugeza ubwo tuzasohora kuba abantu bashyitse bageze ku rugero rushyitse rw’igihagararo cya Kristo, kugira ngo tudakomeza kuba abana duteraganwa n’umuraba, tujyanwa hirya no hino n’imiyaga yose y’imyigishirize, n’uburiganya bw’abantu n’ubwenge bubi, n’uburyo bwinshi bwo kutuyobya. Abefeso 4:11-14 **Ugupfobya gukomeye no Kwaka ukuri Agaciro.***

Ikindi gitero cyagabwe ku nyigisho za giporotesitanti ni icyari kiyobowe n’abize iyobokamana ba kiliziya gaturika y’I Roma ari bo Richard Simon na Dr. Alexander Geddes mu mwaka wa 1678, aho amateka menshi ya Bibiliya yerekeye umwuzure, kubyarwa kwa Yesu abyawe n’isugi no kuzuka kwe byose bahamije ko bitabayeho ko ari inkuru mpimbano. Abapfobya uku kuri no gutesha agaciro gukabije kwakozwe n’abadage barimbuye amahamashingiro yo kwizera ukuri ko muri Bibiliya, maze abize iyobokamana b’amatorero ya giporotestanti ahita yemera izi nyigisho. Hari itorero rimwe rya giporotestanti ritigeze ryemera izi nyigisho zimwe zikomoka ku witwa Darwin uvuga ku byerekeye inkomoko.

Ikindi kintu cyagaragaje itandukaniro rikomeye hagati y’ubuporotestanti n’ubugatulika ni icyabaye ubwo Papa Piyo wa 9, mu mwaka wa 1854 yahamije ko Mariya atasamanywe icyaha, aribyo byatumye Mariya nawe ahinduka umwe mu basengwa. Kandi yahamije ko imihango ikwiriye guhabwa agaciro kurusha Ibyanditswe Byera. (Yigeze gucyaha umusenyeri warwanyaga iryo hame muri aya magambo: “imihango, nanjye ndi imihango.”) mu mwaka wa 1869, yahamagaje inteke yiswe Vatikani ya mbere

Vatikani ya mbere

Ugukomera guhanitse kw’imbaraga z’ubupapa ku ngoma ya papa Pius wa 9 kwagezweho ubwo hatangizwaga Vatikani ya mbere aho abashyigikiye ububasha ntavuguruzwa bw’ubupapa, binyuze mu buyobozi bw’abajezuwite, bihariye insinzi, kandi umusaruro w’iyo ntsinzi wabaye ishyirwaho ry’ihame rivuga ko papa adashobora kwibeshya cyangwa gukosa ryashyizwe ahagaragara ku itariki 13/07/1870.

Papa Pius wa 9 kandi yanditse inyandiko yitwa “The Syllabus of Errors/igitabo cy’amakosa” giciraho iteka iyobokamana ritanga umudendezo w’umutimanama, kandi kigaciraho iteka ibigo

byandika Bibiliya n'abakwirakwiza Ibyanditswe Byera bose kivuga ko bamamaza ubugome n'ubuyobe. Ikindi kandi ni amagambo Papa yanditse yamagana gutandukanya itorero na leta.⁶

Martin Luther, John Calvin, John Knox, John Wesley n'abandi batoranyijwe n'Imana gukora umurimo ukomeye, ariko ikibabaje ni uko itorero bahagurukije ryakurikiyeho, bamaze gusubizaho ukuri kwari kwaravanyweho, ntabwo ryigeze rishishikarira kugendera muri uko kuri kwari kwaravumbuwe cyangwa se ngo bashakishe ukundi kuri gushya kwiyongera ku kwari kwaravumbuwe. John Robinson mu ncamake yabivuze muri aya magambo ubwo yahaga inshingano abakurambere b'abimukira:

Niba Imana izagira ukuri uko arikokose ibahishurira ikoresheje undi mukozi wayo, muzabe mwiteguye kukwakira nk'uko mwahoraga mwiteguye kubikora mu murimo wanjye nakoreye Imana; kuko nizera ko Uwiteka afite ukuri kwinshi kutari kwamenyekana, kandi kugomba gushirwa kuvuye mu Ijambo Rye Ryera. Kuko ku rwanjye ruhande, sinshobora no kuririra uko bikwiriye uburyo amatorero y'abagorozi ameze ubu, yageze mu gihe cy'iyobokamana aho adashobora kugira ikindi yiyungura uretse ibyasize bikozwe n'abagorozi bayashinze. Abaluteri ntabwo bagerageza kurenza ibyo Luteri yasize avuze;...

Abakaluniste, nabo bagumye gusa ku byavuzwe n'uwo muntu ukomeye w'Imana, utari warahishuriwe ibintu byose. Ibi ni ibintu bibabaje cyane; kubera ko nubwo abo bagorozi bagurumanaga kandi bakamurika umucyo mu gihe cyabo, ariko ntibigeze bacengera ngo bamenye inama z'Imana zose, ahubwo iyo baza kuba bakiriho ubu, bari kuba bafite ubushake bwo kumenya umucyo uruseho nk'ubwo bari bafite igihe bamenyaga umucyo bacyiriye... ndabasabye mwitonde, ukuri kose mwakira, mugufate maze mukugereranye n'ukundi kuri kw'Ibyanditswe Byera mbere y'uko mukwemera; kuko bidashoboka ko abakristo basohoka mu mwijima w'icuraburindi wo kurwanya Kristo, maze ngo bahite bahishurirwa ukuri kose uko kwakabaye mu mwanya umwe.⁷

Kurushaho kwanga ukuri biganisha abantu mu kugeza ubwo banga ubuyobozi bwa Mwuka Wera kuko ari we uyobora abantu mu “kuri kose”.

Uwo Mwuka w'ukuri naza azabayobora mu kuri kose... Yohana 16:13

Birababaje kuba usibye ubupapa bukurikiza amahame adafite ishingiro mu Byanditswe Byera, n'amatorero ya giporotestanti kubwo kutemera ukuri kose kwa Bibiliya kwari kwaribagiranye, nabo batangiye gusogongera wino ya Babuloni y'i Roma.

Ikinyoma cyo kuruhuka icyumweru cyamaze kwemerwa n'ubuporotestanti hafi ya bwose. Basigaye babatiza abana, kandi hari n'abaporotestanti bigisha ihame rya purigatori. Ubuhanuzi bwa Daniyeli n'Ibyahishuwe barabujugunye. Umupresibiteriyani witwa Dr. R. I Elson aravuga ati:

Igikenewe ubu ni ugukuraho ubugorozi, bwakongejwe mu kinyejana cya 16 n'inyigisho za Luteri, Calvin na Knox.

Kunga Ubumwe na Roma

Mbere y’umwaka wa 1960, abaporotesitanti benshi barebanaga amakenga Kiriziya Gatulika, kandi inyigisho z’abagorozi ntabwo zari zarigeze zisibangana mu bitekerezo by’abaporotestanti benshi. N’iki kandi, abantu bari bacyizera ko Roma igifite ya nyifato ivuga ko agakiza kabonerwa muri kiriziya gaturika gusa. Ariko nubwo byari bimeze bityo, amatorero y’abaporotestanti, yari yaratangiye gahunda yo kwiyoungira hamwe mu mpuzamatorero (ecumenism), kandi mu mwaka w’1948, hari harashyizweho inama nkuru iyobora amadini ku rwego rw’isi, yahuzaga amatorero ya giporotesitanti hafi ya yose, ariko iyo mpuzamatorero ntiyabonekagamo aba orthodox n’abagatulika.

Ingaruka y’inteko ya Vatikani ya kabiri

Papa Pius wa 12 mu mwaka wa 1950, yatangije ihame ry’uko Mariya, mu mubiri we na roho ye, yagiye mu ijuru kandi arihindura itegeko, kandi iryo hame ryagombaga gutuma intera itandukanya ubuporotestanti n’ubugatulika irushaho kwiyoungera. Uwamusimbuye, ari we Papa Yohani wa 22, yatumiye inteko ya vatikani ya 2, itarigeze ikuraho ihame na rimwe mu mahame yose ya kiriziya gatulika. Mu mwaka wa 1962, yemeje ko agakiza katagarukira gusa ku bagatulika, ko ahubwo abantu bose bemeye kuyoborwa n’umutimanama wabo bashobora kugahabwa.

Uwize iyobokamana wakunze kugendera muri uwo mwaka wa Vatikani ni umujezuwite witwa, Karl Rahner. Rahner yashyigikiye cyane amahame y’imihango y’ubugatulika kandi avuga ko akwiriye kuyobokwa n’abatuye isi nk’ukuri, kandi ahamya ko agakiza kabonerwa muri Kristo no muri kiriziya ku ruhande rumwe, ku rundi ruhande akizera ko abantu b’Imana bashobora no kuba bari hanzu ya kiriziya gatulika no mu yandi matorero, kugira ngo agakiza kagere ku nyokomuntu yose.⁸

Amahame yo guhuriza hamwe amadini yashyizwe ahagaragara cyane mu nteko ya Vatikani ya kabiri kandi icyari kigenderewe cyane kurusha ibindi mu guhuriza hamwe amadini kwari ukugira ngo yongere yemere ko ubutware bw’umushumba wa Roma ari bwo buri hejuru y’ubundi bwose. Kugira ngo amadini yiyunge, agomba kongera kwemera bwa butware bwa mbere bw’ubupapa. Papa Yohani Pawulo wa 2, mu kwezi kwa 9 k’umwaka wa 1995, nawe yatangaje amagambo ameze nkayo aho yagaragaje ko kugira ngo ubumwe bw’amadini bugerweho ari uko amadini yose agomba kongera kwemera ubutware busumba ubundi bw’ubupapa. Umutwe w’amagambo y’ikinyamakuru cy’abagatulika cyitwa *Southern Cross*, cyo ku itariki ya 17/9/1995, waravugaga ngo:

Kugira ngo ubumwe bubeho, amadini yose agomba kwemera ubutware bw’ubupapa.

Gatigisimu ya kiriziya gatulika nayo iravuga ngo:

Kristo yahaye itorero rye ubumwe kuva mu itangiriro. Ubu bumwe, twizera ko bushinze imizi muri kiriziya gatulika ku buryo tudashobora kubutakaza, kandi twizera ko ubu bumwe buzarusaho kugenda bwiyongera kugeza ku mperuka. Ingingo ya 820

Ikintu giheruka cyo guhuriza hamwe amadini, nk'uko Ubugatulika bwabitekereje ni uguhuriza hamwe ukwizera, gusenga, ndetse no kwemera ubutware bw'Umushumba wa Gatolika ya Roma. Padiri J. Cornell

Ku bwa kiriziya gatulika, ubu bumwe bukwiriye kugerwaho, kandi ntabwo ari ubumwe bugendereye kwihuza n'amatorero ya giporotestanti gusa, ahubwo ni ukwihuza n'abatuye isi bose:

Abantu bose b'Imana barahamagarirwa kuza kunga ubumwe na gatulika... kandi ubu bumwe, mu buryo bunyuranye bukubiyemo: abizera b'abagaturika, abandi bizera Kristo, ndetse na bene muntu bose, kubw'umuhamagaro w'ubuntu bw'agakiza k'Imana. Ingingo ya 836, muri gatigisimu ya kiriziya gatulika

Biratangaje ukuntu ihuriro ry'amadini yose yo mu isi ryahise ryemera igitekerezo cy'uko ubupapa bwahabwa ububasha ntavuguruzwa ku isi yose. Mbere y'inteko ya vatikani ya 2, hari hakiri umworera ugaragara hagati y'ubuporotestanti n'ubugatulika, ariko intambwe zigana ku biganiro n'ubwumvikane hagati ya kirizitya gaturika n'amadini ya giporotesitanti zari ziri guterwa neza nta nkomyi. Mu mwaka wa 1958, inteko y'isi y'amatorero/ World Council of Churches (WCC) n'inteko y'ivugabutumwa mpuzamahanga/ International Missionary Council (IMC) bahuje imbaraga, maze mu mwaka wa 1961 amatorero y'aba orthodox n'abagendera ku myizerere yo kuzura umwuka bari bahagarariwe mu nama y'iyo nteko. Mu mwaka wa 1963 inama y'amatorero yose yo muri afrika yanzuye ko:

Ubumwe bw'amatorero, bwari ubumwe twese dukeneye, hagati y'amatorero yacu ndetse n'amatorero yigenga, ndetse no hagati yacu na kiriziya gatulika.

Ikinyamakuru cyitwa *Time Magazine*, cyo ku itariki ya 25/11/1966 cyanditse ko inteko y'abaluterani bo muri Leta zunze ubumwe banejewe n'inama y'abagatulika bo muri Washington. Ibi byanditswe "nk'igihamba cyo kwerekana ko umwuka w'ubumwe uri mu bagatulika nk'uko uri no mu baporotestanti". Umuyobozi w'abaluterani yihanangirije abaporotestanti ababwira ko bagomba kugaruka ku ivuko ariho muri kiriziya gatulika. Mu mwaka wa 1969, Papa yasuye icyicaro gikuru cy'ihuriro ry'isi ry'amadini, maze ikinyamakuru cyitwa *Time Magazine*, cyo ku itariki ya 20/6/1969 kivuga ko uru rwari "urugendo rufite icyo rugamije cy'ukuri". Mu mwaka wa 1968 mu nteko y'amadini y'isi yateraniye ahitwa Uppsala, kiriziya gatulika yohereje indorerezi zayo, yongera no kuzohereza mu mwaka wa 1975 mu nama nk'iyo yabereye i Nairobi. Mu mwaka wa 1975, ubumwe hagati y'ubuporotestanti n'ubugatulika bwarushije kwiyongera ndetse bwigaragaza ubwo hasohorwaga gatigisimu ihuriweho n'ubuporotestanti n'ubugatulika. Iki gitabo gifite amapaji 720 gishyira ahagaragara imvugo yumvikana y'uku kwizera kwa gikristo, ndetse ku ruhande rw'abanditsi b'iyo gatigisimu, banditse ko:

Ari ukugira ngo gifashe abakristo barusheho gukura mu mwuka w'ubumwe n'ubwo baba bateranira mu madini atandukanye, kuko ari yo ntego igenderewe mu guhuza amadini.

Iyi gatigisimu ishishikariza abantu kunga ubumwe no kugira ubwumvikane, kandi ishyira iruhande amahamashyiriro ya Bibiliya kandi ikigisha ko nta gihano gihari ku bagira batyo. Aya ni amwe mu magambo ari muri icyo gatigisimu agaragaza neza iby'iyi ngingo:

1. Amabwiriza agenga imibereho y'umuntu dusanga mu mategeko y'Imana, kimwe no mu kibwiriza cyo ku Musozi, *“bireba cyane ab'icyo gihe kandi bigendanye n'umuco w'aho bari bari.”*
2. Amasomo menshi yo mu isezzerano rishya agaragara nk'ayasobanuwe n'abandi bantu aho kuba ashingiye ku mateka yabaye, kandi amwe mu magambo ya Yesu *“yagiye ayitirirwa”* n'intumwa ze zivuga ibyo *“Yesu atigeze avuga na gato.”*
3. Ingingo zimwe nko kuzuka kwa Kristo zifatwa nkaho ari *“ikibazo gihoraho”* ku bantu bo muri iki gihe, *“ndetse zazuye ibintu biruhije.”*

Ubutumwa bukwiriye gusubirwamo mu buryo bwumvikana cyane kuko kuzuka kwa Yesu ari gahunda yari yarateguwe bijyanye n'imyumvire y'ubuhanuzi bw'abayuda bidafite aho bihuriye no mu gihe cyacu.

Ese itorero rya Gatulika ryaba ryarigeze rigira icyo rihindura mu myizerere yaryo kugira ngo ryisanishe n'abaporotestanti? Inteko ya Vatikani ya 2 nta ngingo n'imwe y'imyizerere ya Gatulika yigeze ihindura, kandi guhera icyo gihe Vatikani yarushijeho gukomera ku mahame n'imigenzo byayo.

Papa Yohani Pawulo wa 2 yabyukije *“ihuriro ry'amahame n'ukwizera”*, iryo ryari izina rishya rya *“Inquisition”* (ni urukiko rwa kiriziya gaturika ruhana abo bita abayobe, ni ukuvuga abantu bose bafite imyizerere inyuranye n'icyo kiriziya gaturika yemera) rwari ruyobowe n'umu Cardinal witwaga Joseph Ratzinger ukomoka mu gihugu cy'Ubudage. Papa yarushyizemo abantu bashinze guhana batajanyetse kandi bagomba gusimburwa mu buryo bwashyizweho na papa kuko we atayobora demokarasi: *“ni urwego ruyoborwa na Yesu Kristo, rufite imiyoborere ishingiye ku iyobokamana”*; ariko, nk'uko byumvikana, rukaba ruyobowe n'umusimbura wa Kristo, ari we papa. Kandi yasohoye n'inyandiko yitwaga *A refinement of Evil/ugutunganywa kw'ikibi*, aho amahame menshi y'abagatulika yashimangiwe cyane. Kandi, yagaragaje icyizere afite ko urwunge rw'amadini (ecuminisme) ruzabasha kongera guhuriza hamwe amadini nk'uko byahozze. Papa Yohani Pawulo wa 2 mu gitabo cye *Crossing the Threshold of Hope* yaranditse ati:

Papa Yohani wa 23, yakoresheje n'Imana mu gutumiza inteko aravugaga ati: “ikidutandukanya nk'abizera muri Kristo ni gito cyane kuruta ikiduhuriza hamwe.” Mu nyandiko ye tubonamo imvo n'imvano yo guhuriza hamwe amadini... mu mwaka wa 2000 dukeneye kurushaho kunga ubumwe, turushaho kugana mu bumwe Kristo yasengeraga ku

mugoroba wabanjirije urupfu rwe. Ubu bumwe ni ubw'igicro cyinshi. Mu buryo runaka, ahazaza h'isi hari gushimangirwa. PP 146, 151

Vatikani ya 2 yashimangiye akamaro ko guterana ku munsu w'icyumweru nk'uko biri mu bugatulika kandi ko bigomba no kugera ku isi yose. Inyandiko zigaragaza ibyabereye mu nama ya Vatikani ya 2 ziravugaga ngo:

Ikindi kandi, umuhati wose wo gutuma icyumweru (dimanche) kiba “umunsu w'ibyishimo n'uwo kuruhuka imirimo” ukwiriye gushyigikirwa ... buri cyumweru abantu bakwiriye kwizihiza Ukarisitiya, ku bakristo bose 'icyumweru gikwiriye kwigishwa nk'umunsu mukuru udasanzwe kurusha iyindi,' uwo abantu bose bagomba guteranira hamwe, kugira ngo bumve Ijambo ry'Imana kandi bagire uruhare mu [byo kiriziya gaturika yita] inzira y'umusaraba (Paschal Mystery).⁹

Uretse kuba icyumweru ari umunsu wa mbere w'iminsi 7, nta mukristo wizera ukuri kwa Bibiliya wari ukwiriye kwizihiza ukarisitiya ngo anagire uruhare mu byo bita *inzira y'umusaraba* (Paschal Mystery), kuko byose bifite inkomoko ku myizerere ya gipagani. Ikindi kandi, igitekerezo cyo kuruhuka ku cyumweru na cyo ntigikwiriye kuko kibusanya n'ukuri kw'ubuporotestanti kuko icyumweru ari umunsu ushingiyeye ku mihango, 'nk'umunsu w'izuba', kandi ni umunsu weguriwe gusingiza Mariya nk'uko byahamijwe na Papa Yohani Pawulo wa 2 mu nyandiko ye yise *Dies Domini* ati:

DIES DIERUM: Icyumweru (dimanche): Umunsu mukuru uruta iyindi, usobanura akamaro k'igihe... inyungu y'ibya mwuka tugira ku cyumweru, ikwiriye gusigasirwa nk'uko twahawe uwo munsu binyuze mu migenzo, ni umunsu ukomeye... nk'uko bisobanurwa mu nyigisho ya gatigisimu y'abagatulika ivuga ko “kwizihiza icyumweru nk'umunsu w'Umwami no kwizihiza ukarisitiya nibyo bigize umutima w'ubuzima w'itorero...kuko abantu bategera amatwi amagambo avugirwa mu materaniro yo ku cyumweru, maze abizeye bagahanga amaso Mariya, bakamwigiraho kandi ibyo bamwigiyeho bakabigumana mu mitima yabo (nk'uko biri muri luka 2:19). Hamwe na Mariya, biga guhagarara munsu y'umusaraba, maze bagatambira Imana igitambo cya Yesu bakaniha Imana ubwabo. Hamwe na Mariya, banezwa n'umuzuko, maze bigatuma babona amagambo y'ishimwe no gutanga impano ku bw'imbabazi bagiriwe: 'Imbabazi ze ziri ku bamwubaha uko ibihe biha ibindi (Luka 1:50)'. Kuva ku cyumweru kugera ku kindi cyumweru, abihaye Imana bagomba gutera ikirenge mu cya Mariya, kandi kubw'umurimo wa Mariya w'ubuhuza hagati y'abantu n'Imana bituma amasengesho y'abantu aturutse muri kiriziya agera ku butatu butagatifu. “

Mbega ukuntu umurimo wa Kristo bawukuyeho bakawuta kure. Kandi ubuporotestanti busa naho butazi urugero rw'ubuyobe bazaba biteguye guhangana na bwo mu gihe bazaba bemeye ubutware bwa papa na gahunda yo guhuriza hamwe amadini n'imyizerere munsu y'ubuyobozi bwe (papa). Ese amatorero ya giporotestanti ageze he mu kwitabira ubu bumwe?

Itorero ry'Abangilikani

Mu mwaka wa 1966, uwari umushumba mukuru w'itorero ry'abangilikani ku isi Dr. Michael Ramsay yavuze ko abangilikani bazihuza na kiriziya gatulika. Uwamusimbuye, ariwe Dr. Donald Coggan, yatuye avuga ko muri uko kwihuza, papa ari we uzaba abaye umuyobozi w'ibanze. Mu mwaka wa 1969, akanama kiswe Anglican/Roman Catholic Commission (ARCIC) cyangwa se akanama gahuriweho n'abangilikani n'abagatulika, kize ku kinyuranyo kiri hagati y'amahame y'imyizerere y'ayo madini yombi, maze mu mwaka wa 1977 bandika amagambo agira ati:

*Biragaragara nk'ibikwiriye ko mu bumwe bwose buzakorwa mu gihe kizaza, ubuyobozi bw'ubwo bumwe bwose bukwiye kuzahabwa kiliziya Gatulika.*¹⁰

Mu mwaka wa 1989, uwari umushumba mukuru w'Abangilikani wa Canterbury witwaga Robert Runcie, yagiye i Roma maze yihanangiriza abakristo abasaba ko bagomba kongera kwemera Papa nk'umuyobozi w'ibya mwuka usumba abandi. Yambaye impeta yari yarahawe umwe mu bamubanjirije ayihawe na papa Pawulo wa 6, maze abwira Papa Yohani Pawulo wa 2 ati,

*...cyari ikimenyetso kirenze impeta y'abashakanye.*¹¹

Uwasimbuye Robert Runcie ni Michael Carey. Carey ni umuntu ushishikariye guhuza amadini, kandi akaba n'umuyobozi w'itsinda ry'ubujyanama mu kwizera n'amabwiriza, ariryo tsinda rigenzura ibibazo by'imyizerere n'amahame y'itorero. Dushingiye ku kinyamakuru cyitwa *Time Magazine*, Carey yari umwe mu bagize imyizerere y'abakarisimatike bavuga indimi. Yashishikariye abizera bo mu maparuwasi kujya gusura ahantu hatagatifu heguriwe Bikiramariya kandi yahakanye yivuye inyuma inyigisho n'ubusobanuro bw'amasomo ya Bibiliya avuga ku irema n'umwuzure. Yahamije ku mugaragaro ko ashyigikiye gahunda yo kwihuza na kiliziya Gatulika y'I Roma.

Mu kwezi kwa Gatandatu mu mwaka wa 1999 Abangilikani na Kiliziya Gaturika y'I Roma bahuriye hamwe batangaza amagambo yavugaga ku "Impano y'Ubutware". Ikinyamakuru cyitwa *The Daily Telegraph* cyo mu kwezi kwa Gatandatu mu mwaka wa 1999 cyanditse inkuru igira iti:

Amatorero yemeye ko Papa ayafiteho ubutware ntavogerwa. Iyo nyandiko ihuriweho ivuga ko Papa agomba gufatwa nk'umuyobozi w'amadini yose ya gikristo yo mu isi, isobanura ko "papa ari impano igomba kwakirwa n'amadini yose." Iryo huriro ry'ayo madini ryashoje rivuga ko umushumba wa Gatulika y'i Roma afite "umurimo wihariye wo gushishoza akemeza ukuri uko ari ko" maze bemeranya ko Papa wenyine ariwe ufite ububasha bwo guhuza amadini yose ya gikristo.

Iyi nyandiko, igaragaza ko itorero ry'abangilikani ryahakanye inyigisho za giporotestanti maze ryemera kugendera muni y'ubutware bw'ubupapa. Nk'uko twabibonye mu cyigisho cyitwa *Vino ya Babuloni*, Gatulika niyo mutwe uyoboye Babuloni yo mu muni y'imperuka, none ikibabaje, ni uko n'itorero ry'Abaporotestanti ry'Abangilikani na ryo ku mugaragaro ryamaze kuba rimwe mu yagize Babuloni.

Itorero ry'Abaluterani (Ni itorero rivuga ko rikomeza inyigisho n'imyizerere bya Maritini Luteri)

Umwe mu bayobozi b'iryo torero witwa Rev. Dr. Carl E. Braaten yaravuze ati:

Iyo Luteri aza kuba ari hano uyu muni yari guhamagarira abantu ibitandukanye n'ibyo yabahamagariye, iyo aza kumenya ko ubugorizi bwe mu gihe cy'ahazaza buzakomokwaho abana batemewe n'amategeko.

Uwitwa Dr. Alexander Campbell yaravuze ati,

Amatorero ariho ubu muri iki gihe cy'ubukristo, akaba ashinze imizi cyane mu bintu bihambaye ahanywe ko yizera, no mu bitabo bishyiriyeho bishyigikira imyizerere yabo, ntabwo ari amatorero ya Yesu Kristo ahubwo ni abakobwa ba maraya ukomeye, nyina w'abamaraya ari we Kiliziya Gaturika y'I Roma.

Abagatulika n'abaluterani bagiranye misa rusange, kandi mu mwaka wa 1974 ibiganiro hagati y'abaluterani bo muri Leta Zunze Ubumwe za America bashyize inyandiko ahagaragara ivuga ko *Papa ariwe muyobozi mukuru w'amatorero yose yo ku isi: Ibiganiro by'abaluterani n'abagatulika, mu mwaka wa 1974, Vol ya 5.* Minneapolis: Augsburg Press).

Ku itariki ya 31/12/1994, ikinyamakuru cyitwa *The Telegraph* cyo muri London cyanditse inkuru ifite umutwe utangaje ngo "Ubudage burahamagarirwa: Kubabarira Luteri." Mu mwaka wa 1995, abaluterani bohereje intumwa i Roma maze ibinyamakuru byo mu Budage no mu Bwongereza byandika bivuga ko amatorero ya giporotestanti ari mu gusaba Gatulika imbabazi kubw'ibihe by'ubugorizi. Mu mwaka wa 1998, Kiriziya gatulika n'ihuriro ry'abaluteri ku isi yose bashyize hamwe bandika inyandiko ikubiyemo "uburyo bahuje amahame no gukizwa" kandi ibinyamakuru byo ku isi byanditse iyo nyandiko nk'inyandiko ije komora. Umwiharero ukomeye w'itorero ry'abaluterani (Evangelische Kirche) bafashe umwanzuro uvuga ko Papa adakwiriye kongera gufatwa ko ari we Antikristo.

Kuri Katedrali nkuru y'abaluterani yitwa 'Der Dom' iri muri Berlin, abagatulika n'abaluterani bahakoreye misa y'ihuriro ryabo. Maze gahunda ikajya isimburana iyobowe n'abayobozi b'abagatulika n'abaluterani. Amashusho ya Mariya yasubijweho, imihango yo gucana imuri zerereza Mariya yasubijweho. Ikibabaje, ni uko itorero ry'abaluterani naryo ryamaze gukurikira inzira nk'iy'itorero ry'abangilikani.

Abapresibiteriyani, Abacongregationalist n'aba Metodiste

Muri Afrika yepfo, aya matorero ari kugerageza kwiyinga n'itorero ry'abangilikani, maze nyuma akazihuza na Gatulika.¹² Mu mwaka wa 1969, ubwo Papa Pawulo yasuraga icyicaro gikuru cy'ihuriro ry'amadini y'isi yose, umupresibiteriyani witwa Eugene Carson Blake, akaba ariwe wari umunyamabanga rusange w'iryo huriro ry'amadini y'isi yose, yavuze amagambo akomeye ubwo yakiraga Papa muri urwo ruzinduko avuga ati: *“ndahamiriza isi yose ko impuza matorero (ecuminisme) irimo guhuza amadini mu buryo bwihuse ku muvuduko udasanze, hagamijwe guhuriza hamwe itorero rya Kristo”*.

Umushumba Stanley Mogoba, uhagarariye itorero ry'Abametodiste muri Afrika y'epfo, yavuze ko ikibazo cyugariye amatorero yose, ari ukuba babasha kuvuga ijwi ry'ubuhanuzi bumwe kuri Leta. Avuga ko umurunga ukomeye uhuriza hamwe amadini ukiriho.

Itorero rivuguruye ry'Abaholandi

Dr. Bam w'itorero rivuguruye ry'Abaholandi yavuze amagambo akurikira:

Igihe kirageze kugira ngo turebe icyo duhuriyeho nk'amadini yose muri rusange, aho gutinda ku bidutandukanya.

Umuprofeseri wishwe witwa Heyns, wahoze ari umuyobozi w'inama nkuru y'iri torero, nawe yari amushyigikiye muri icyo gahunda. Pasitoro Justice du Plessis, uzwi ku izina rya Mr. Pentecost, kandi akaba yarigeze kuba umuyobozi w'ihuriro ry'amatorero yose ya gikarisimatike ku isi, yihanangirije amatorero yose abasaba kongera imbaraga mu kunga ubumwe na kiriziya Gatulika.

Muri Afrika y'epfo, guhuriza hamwe amadini byahise byihuta, maze bashyiraho ihuriro ry'amadini yose yo muri Afrika y'epfo, nyuma yaho bashyiraho icyiswe Church Alliance of South Africa (CASA)/Ubumwe bw'amatorero yo muri Afrika y'epfo bwashinzwe mu mwaka wa 1988 bufite intego yo gushishikariza amadini ko yakwihuriza hamwe maze bagahinduka abajyanama ba leta. Mu kinyamakuru cyabo cyo ku itariki ya 1/1/1990 baranditse bati:

Igihe kirageze ku bana b'Imana bo muri Afrika y'epfo baturuka mu matorero atandukanye, bakavuga indimi zitandukanye ndetse banagira n'imico itandukanye ko bose bakwiriye kubona ko bagize umubiri umwe wa Kristo muri iki gihugu cyiza cyane.

Ese ni iki gituma ubu bumwe bwihuta ? Ikinyamakuru cyitwa *The Argus*, cyo ku itariki ya 12/8/1972 cyari gifite umutwe w'amagambo uvuga ngo “imbaraga ya gikarisimatike yo kungira hamwe amadini yose hamwe yo muri Afrika y'epfo”, cyaranditse ngo :

Umwuka utarigeze ubaho wo guhuriza hamwe abagatulika n'amadini ya giporotestanti muri afrika y'epfo wahamijwe n'abayobozi b'amadini ko ukwiriye gukwirakwizwa. Uwo mwuka watangijwe n'abagatulika ushyigikirwa n'abangilikani mbere y'uko twe dutekereza

no kubishyira mu bikorwa. Byagenze neza ku buryo birenze uko twabitekerezaga. Hakinguwe undi muryango wo kugira ngo abandi abanyamuryango b'amadini nabo barebe uko bakwinjira muri iryo huriro aribo aba Pentecote n'aba orthodox nabo bari mu nzira berekeza kuza mu rwunge rw'amatorero.

Itorero ry'Aborthodox

Aba orthodox bo mu Burusiya n'abo mu Bugiriki bose bagiranye ibiganiro byo kuba bakwihuza na Gatulika, kandi abayobozi b'aba orthodox bahamije ko biyunze na Gatulika. Papa Yohani Pawulo wa 2 yasuye Turukiya maze avugira ijamba muri katedrali y'aba Orthodox aho ubutware bw'ubu papa bwaremewe, kandi icyo gihe ntabwo umuyobozi w'aba Orthodox yigeze akoma ngo agire icyo ahinyura. Mu kwezi kwa 5/2001, Papa yasuye Ubugiriki mu rugendo rwiswe 'gukurikira intambwe za Pawulo' kugira ngo agaragarize isi yose ko hari umwuka w'ubumwe hagati y'aya madini yombi. Umubano hagati ya Kiliziya Gatulika n'aba orthodox nawo wamaze gushinga imizi. Nyuma yo gukurwaho k'ubumwe bw'aba soviyete, hatoranyijwe umuyobozi mushya w'itorero ry'aba orthodox ryo mu Burusiya wahoze ari umwanzi ukomeye cyane w'Ubugatulika. Uyu muyobozi yatunguye abatuye isi kandi nti yari umurusiya, kandi yari ashyingikiye cyane bikomeye guhuriza hamwe amadini. Ikinyamakuru cyitwa *Time Magazine* cyaranditse kiti :

Papa ntabwo bikiri ngombwa ko agomba kuba akomoka mu Butaliyani, nubwo byavugwa nanone ko n'umuyobozi w'aba orthodox ba Moscow agomba kuba akomoka mu Burusiya, ariko mu cyumweru gishize ubwo itegeko ritagombaga guhindurwa mu miterere yaryo ryarahinduwe mu Burusiya. Bitunguranye ku ngoro yitiriwe Mutagatifu Sergius Monastery muri Zagorsk, hatowe umunyastoniya ufite inkomoko yo mu Budage witwa Aleksy of Leningrad kugira ngo ari we uba umuyobozi w'aba orthodox ba Moscow.

Iyo nkuru ikomeza ivuga ko gutorwa k'umuntu warwanyaga abagatulika byari byitezwe ko yagomaba kuba yaragaragarije Vatikani amagambo arwanya ubugatulika.

Aleksy wagenze mu bihugu byinshi, aho kugira ngo ari umwanzi wa Vatikani, ahubwo ni umuntu wiyeguriye gahunda yo guhuriza hamwe amadini mu gihe cy'imyaka 22 yamaze ari Perezida w'ihuriro ry'amadini y'i Burayi, umugabane mu nini waba orthodox n'abaporotestant ku mugabane w'Uburayi.

Nyuma yaho, Papa Yohani Pawulo wa 2 yahamagaye ubuyobozi bw'abajesuwite kugira ngo bukurikirane izo gahunda mu Burusiya, kugira ngo bite mu guhugurira abapadiri inshingano z'ahantu barimo babategurira gukorera. Ibi byanditswe mu nkuru yiswe "Guhurizwa hamwe n'abajesuwite" mu kinyamakuru cyitwa *Time Magazine*, cyo ku itariki ya 10/12/1990.

Abavugabutumwa bo Muri Amerika.

Billy Graham ashobora kuba ari we mubwiriza ukomeye w'umuporotestanti wo mu gihe cya vuba. Kandi yabaye umwe mu bantu bakomeye washyigikiye cyane inyigisho yo guhuriza hamwe amadini mu kwiyinga na kiliziya Gatulika. Ikinyamakuru cyitwa *The Religious News Service*, cyo ku itariki ya 13/1/1981 cyaranditse kiti:

Papa Yohani Pawulo wa 2 yamaze amasaha arenga 2 yihereranye n'umuvugabutumwa Billy Graham, umuvugabutumwa w'icyamamare ku isi w'umuporotestanti.

Ikinyamakuru cyitwa *The Star*, cyo ku wa 26/6/1979 banditse bavuga ko Billy Graham yahamije ko Papa nawe ajya kuba nk'umuvugabutumwa w'umuporotestanti. Yashimiye Papa kuba ashira imbaraga cyane mu guhuriza hamwe amadini yose yo mu isi. Mu gihe yahabwagwa impamyabushobozi y'icyubahiro mu ishuri ry'abagatulika ryitwa Roman Catholic Belmont College, Billy Graham yabwiye imbaga yari iteraniye aho ati, “ubutumwa bwiza bwatumye iri shuri ribaho ni bwo butumwa bwiza nigisha uyu muni.”

Abavugabutumwa b'ibirangirire bo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika bamaze kwemera kunga ubumwe na kiliziya Gatulika. Ababwiriza b'abaporotestanti 39 n'abagatulika bahamije ko bakuyeho icyabatandukanyaga maze bunga ubumwe baharanira no kugabanya amakimbirane y'ibindi bice. Inyandiko y'amapaji 25 yasinywe n'ababwiriza b'ibirangirire nka Charles Colson, Pat Robertson, John Cardinal O'Connor uyobora itorero ry'Ababatiste ba “Southern Baptist's Home Mission Board”, hamwe n'abandi bashumba n'abigisha bakomeye. Abanditse iyo nyandiko barimo umugatulika witwa Richard John Neuhaus umuyobozi w'ishuri ry'iyobokamana n'imibanire ya rubanda, Charles Colson, washinze ihuriro ryiswe “Prison Fellowship”, umugatulika witwa George Weigel umuyobozi w'ikigo cy'imico mbonera n'amategeko na Kent Hill, Perezida w'ikigo cyitwa Eastern Nazarene College. Iyo nyandiko yemeje ko abaporotestanti n'abagatulika bemera Kristo nk'Umwami n'Umukiza wabo bose ko bahindutse abakristo ndetse bose bakaba abanyamuryango b'itorero rimwe rya Kristo. Kandi iyo nyandiko ivuga ko:

Ibyo duhuriyeho ni itandukaniro ry'ibijyanye n'amadini ni byinshi kandi bimaze igihe kirekire, vuba aha ikidutandukanya kigomba kuvaho ku buryo mu bwami buzaza tuzabaho nta kidutandukanya.

Bemeranyije ko bagiye gufatanyiriza hamwe ku bwa Kristo. Kandi bahamagarira abantu kuba bashimangira uwo mushyikirano wo kwizerana. Robert Schuller yaravuze ati:

Ubu ni igihe cyacu twe abaporotestanti cyo gusanga umushumba data wera (Holy father) i Roma maze tukamubaza uburyo twagaruka imuhira.¹⁴

Ikinyamakuru cyitwa *The Chattanooga Free Press* cyanditse incamake y'amagambo yavuzwe n'umuvugabutumwa w'ikirangirire w'itorero rya giporotestanti (Episcopal Church) muri aya magambo ngo:

Ubwo Rev Randolph Adler, umushumba w'itorero ryitwa International Communion of the Charismatic Episcopal Church yavugiraga ijamba muri Chattanooga vuba aha, abamwumvise bose baguye mu kantu... yabwirije ubutumwa buvuga ngo ugutsindwa k'ubuporotestanti n'uburyo bugiye kurimburwa vuba cyane... aho yahamije ati: "Itorero ry'Imana ni Gatulika!" kandi ngo "ryahoze ari gatulika kuva ku ntangiro, kandi rizongera kuba gatulika ku iherezo." Dr. Ben Ohnson, umwarimu muri kaminuza y'iyobokamana ya Columbia yaravuze ati: "Turi kubona iherezo ry'ubuporotestanti nk'uko tubuzi..." Dr. John Hall w'itorero ryitwa United Church ryo muri Canada nawe arahamya ati: "Turimo turahamya urupfu rw'ubuporotestanti."

Kubwo guhakana amahame yabwo n'ukwizera kwabwo, ubuporotestanti bwamaze gukingurira imiryango abadayimoni. Kubwo kwihuza n'isi, kuvugana n'abapfuye, no kuramya abakurambere ibyo byose byamaze kuba ibigize imigabane y'iyobokamana rya giporotestanti. Mu mwaka wa 1961 mu nama y'ihuriro ry'amadini yose yo mu isi yabereye New Delhi, insanganyamatsiko yayo yaravugaga ngo "Itorero rigomba guhinduka nk'isi uyu muni" maze mu mwaka wa 1966, iryo huriro ry'amadini yose yo mu isi ryahinduye intego maze rivuga ko rigamije "Ubumwe bw'abantu bose". Mu ihuriro rusange rya 7 ry'amadini yose ryabereye Canberra muri Australia ku itariki ya 7 kugeza ku ya 20 z'ukwezi kwa 2 mu mwaka wa 1991, insanganyamatsiko rusange yari iyi ngo: "Ngwino Mwuka Wera – Uvugurure irema ryose". Madamu Chung Hyung Kyung umwarimu akaba n'umubwiriza mu itorero ry'aba "Presbyterian" ryo muri Koreya y'amajyepfo, niwe wavuze ijamba rya kabiri. Ubwo yageraga imbere yabantu yahageze abyina kandi ari kumwe n'abagabo babiri ba gakondo bambaye utuntu duhishe ubwambure gusa, kandi yari ashagawe n'abagabo 16 b'abanyakoreya bari bafite ibyuma bya muzika n'ingoma n'ibitambaro. Maze uwo mudamu ahamagarira abari bateraniye aho bose kugira ngo "bahaguruke maze bakuremo inkweto baze ahera bifatanye nawe kubyina kugira ngo bitegure kwakira mwuka". Uwo mudamu yari azengurutse n'imuri impande zose atangira guhamagara imyuka y'abapfuye asoma amazina y'urutonde rwabo yari afite mu nyandiko. Mu myuka y'abapfuye yahamagaye hari harimo Hagari, Uriya, abana b'abahungu bishwe na Herodi, Jeanne d'arc, Abayuda bicishijwe umwotsi mu byumba, Mahatma Ghandhi, Steve biko, Martin Luther King Jr, Malcolm X, maze mu gusoza ahamagara "umwuka wo kubauura, akaba n'umuvandimwe wacu Yesu, washinyaguriwe kandi akicirwa ku musaraba". Maze arangije gusoma urwo rutonde rwose ahita arutwika arangije atumurira ivu mu kirere.

Mu nama ya gatanu yabereye ahitwa Christ Church College Canterbury yo kwiga ibintu bya gikristo bitashobora gusobanurwa umwe mu bari bayiyoboye witwa Dr. David Hope akaba umushumba wa York, bahamagariye abantu kwinjiza siyansi mu matorero no kujya bavugana n'imyuka y'abapfuye bari mu nsengeru kugira ngo bafashe abahakanamana mu rugendo rwabo rwo guhinduka.¹⁶

Ubugatulika n'amadini yo mu isi

Ntabwo abakristo bonyine ari bo bakeneye kwiyinga na Gatulika, ahubwo amadini yose akeneye kubaha Papa nk'umuyobozi w'ibya mwuka mu isi yose. Vatikani yagiye ibisubiramo kenshi ko Papa akwiriye gufatwa nk' "mubyeyi w'inyokomuntu yose." Malachi Martin yanditse kuri Papa yohani Pawulo wa 2 muri aya magambo ati:

Ku iherezo ry'ubushakashatsi nakoze, nasanze ko Papa Yohani Pawulo wa 2 uretse kuba ari umusimbura w'Imana ahubwo akwiriye kuba umucamanza w'abantu bose.¹⁷

Mu mwaka wa 1986, inama ihuza amadini yose yabereye ahitwa Assisi aho Papa yakiriwe nk'umushyitsi mukuru. Iyo nama yacaga ku mateleviziyo yose yo ku isi, kandi iyo nama yari yitabiriwe n'abayobozi b'amadini y'abaporotestanti, aba orthodox, abangilikani, abayuda, abasiramu, aba buddhist, n'abahindu ndetse n'abayobozi b'andi madini mato mato. Muri iyi nama, yiswe mu "mwuka wa Assisi", Papa yemejwe ko ariwe muvugizi w'abo bose kandi ko ari we abandi bayobozi bose bakwiriye gufatiraho icyitegererezo. Iyi nama yizihizwa n'abaririmbyi bakomeye, n'abayobozi b'amadini yose bishimira kuba bafitanye ubumwe na Papa. Inama yakurikiyeho yari iy'inteko y' amadini yose, ahagaragajwe ko bose bakorera Imana imwe. Ni ingenzi cyane kumenya ko Umuryango w'Abibumbye wari ushyigikiye iryo huriro ry'amadini, kandi ko Papa yifashishije iryo huriro ry'amadini kugira ngo ahinduke umuyobozi w'amadini yose mu isi mu Muryango w'Abibumbye.

Nyuma y'ibyabaye bijyanye n'amakimbirane yabereye muri Gulf, Isirayeli na yo yahise itangira uko yagirana umushyikirano wo kunga ubumwe na Gatulika. Ukudahuza kw'igihe kirekire hagati ya Gatulika n'iyobokamana ry'abayuda byari bimaze igihe kirekire cyane kuva kera. Mu gitabo cyanditswe na Papa Yohani Pawulo wa 2 yise *Crossing the Threshold of Hope*, yagaragaje ko kuva kera byari intego ye kuzunga ubumwe na Isirayeli. Kandi agaragaza ko kimwe mu byo yaganiriyeho n'abisirayeli ari uko umuyobozi w'abayuda yashimiye kiliziya Gatulika ku bw'ibyo yise ko yabakoreye Imana mu gihe cy'imyaka 2000 ishize. Mu mwaka wa 1999 ubwo umuyobozi w'Abayuda witwa Robbi Robert Jacobs yasuraga Leta Zunze Ubumwe za America, Rabbi Robert Jacobs yashimagije Papa mu kuba ari we mu Papa wa mbere uhayeho agaciro Abayuda.

Umubano udasanze wagaragaye hagati y'ubusiramu n'ubugatulika nawo wabaye ikintu kidasanze. Maze ubwo Papa yasuraga Siriya mu kwezi kwa 5 mu mwaka wa 2001 ikinyamakuru cyitwa *Reuters International Press* cyaranditse kiti:

DAMASCUS (Reuters) Papa Yohani Pawulo yagize urugendo rudasanze rw'amateka kuko abaye umupapa wa mbere wo kwinjira mu musigiti, maze ahamagarira abakristo n'abasiramu kubabarirana iby'ahashize. Ubwo yavugiraga ijamba mu musigiti mugari wa Umayyad, iryo ryabaye ijamba ry'amateka ku banyasiriya, kandi Papa yavuze ko kuba abantu bafite ibyo bemera bidakwiriye ntibyangombye gutuma bahohoterana. "nta mpamvu yo kugirana amakimbirane", yavugiyeho ijamba mu musigiti w'amateka akomeye bavuga ko "urimo ibisigazwa by'umubiri wa mutagatifu Yohani Umubatiza". Hanze y'uwo musigiti

hari imva ya Saladin, wirukanye ubukristo mu burasirazuba. Papa, wazanye ubumwe hagati y'abagatulika n'abayahudi ubwo yasuraga i sinagogi yabo mu mwaka wa 1985, yavuze ko iki ari cyo gihe cyo kwirengagiza iby'ahashize. Kandi yagendereye abasiramu kugira ngo nabo bunge ubumwe. "mu bihe byose aho abasiramu n'abakristo bahereye kera bashyamiranye, dukeneye gusaba Imana imbabazi kandi natwe hagati yacu tukababarirana," maze ubwo yabwiraga umuyobozi w'abasiramu, harimo Mufti mukuru wa Siriya aravuga ati "kubwo kugira imyumvire imwe, nibyo bizatuma tuyobora neza... mu buryo bushya bwo kugira ngo tuyobore amadini yacu yombi, ntidukwirye kunyuranya imyizerere nk'uko byahoze mu gihe cyashize, ahubwo dukwiriye guhuza imyizerere kubwo kugirira neza inyokomuntu". Papa, mu kubaha umuco w'abasiramu, yakuyemo inkweto ze mbere yo kwinjira ahasengerwaga, maze abantu bari bari hanze bamukomera amashyi. "ibi ni ibihe bikomeye mu mateka, iki cyari igihe cy'amateka akomeye ubwo Papa... yinjiraga mu musigiti". Televiziyo ya leta ya siriya yaravuze iti "ni inama ihuza ubusiramu n'ubukristo". Kuba bahamagarirwa gusabana imbabazi, iyo ni intego yatangiye ku wagatandatu mu Bugiriki, aho Papa yasabye imbabazi ku bibi byose abagatulika bakoreye aba Orthodox mu gihe cy'imyaka 1000 yari ishize.

Papa ni umutware ukomeye cyane w'iyobokamana ku isi. Gusa ubu butware ntabwo yabugezeho bishingiye mu kuri ahubwo yabigezeho bishingiye mu kunyuranya n'ukuri. Kandi amahame y'ubupapa agaragara neza ko ari amahame yo kuramya izuba kwa gipagani (reba icyigisho kivuga ngo *Vino ya Babuloni*) kandi nibyo bigize icyo Bibiliya yise Babuloni yo mu minsi y'imperuka. Kwihuza na Gatulika ndetse no kwemera ubutware bwayo bituma uhinduka umwe mu bagize Babuloni. Kwemera ubuyobozi bwa Gatulika, bijyana no kwemera amahame yayo:

Ntimuzi yuko uwo mwihaye kuba imbata zo kumwumvira, muri imbata z'uwo mwumvira uwo, imbata z'ibyaha bizana urupfu, cyangwa izo kumvira Imana kuzana gukiranuka?
Abaroma 6:16

Mu kuri, ubuporotestanti, bwihitiyemo gusubira mu Itorero riyiyita nyina w'amadini (Gatulika) kandi n'andi madini yo mu isi na yo yiyunze na Gatulika. Bibiliya ituburira ku bijyanye no kwishyira hamwe kw'ibi bintu bitatu: Ikiyoka, inyamaswa ndetse n'abahanuzi b'ibinyoma. Ubuhanuzi bw'ibinyoma ni kimwe mu bigize Babuloni kandi nibwo buzakora ibimenyetso n'ibitangaza bizatuma abantu benshi bayoba maze bakurikire inyamaswa ndetse bakire n'ikimenyetso cyayo.

Iyo nyamaswa ifatwa mpiri, na wa muhanuzi w'ibinyoma wakoreraga ibimenyetso mbere yayo, akabiyobesha abashyizweho ikimenyetso cya ya nyamaswa n'abaramya igishushanyo cyayo, na we afatanwa nayo. Bombi bajugunywa mu Nyanja yaka umuriro n'amazuku ari bazima. Ibyahishuwe 19:20

Kwanga ukuri ni bibi cyane kandi bifungura imiryango y'ubuyobe.

Kuza k'uwu mugome kuri mu buryo bwo gukora kwa Satani, gufite imbaraga zose n'ibimenyetso n'ibitangaza by'ibinyoma, n'ubuhenzi bwose bwo gukiranirwa ku barimbuka, kuko batemeye gukunda ukuri ngo bakizwe. Ni cyo gituma Imana izaboherereza ubushukanyi bukomeye cyane ngo bizere ibinyoma, kugira ngo abatizewe iby'ukuri bose bakishimira gukiranirwa, baciirweho iteka. 2 Abatesalonike 2: 9-12

Imana nta muntu n'umwe ishuka cyangwa ngo iyobye, kubw'ibyo bazayoba bakurikije amahitamo yabo yo kutumvira ubushake bw'Imana. Imana siyo yemerera Satani ko ayobya abantu kuko Imana yabahaye amabwiriza n'amahirwe yo kuba bakwihitiramo kwakira ukuri. Nyuma y'igihe, Imana izegukana intsinzi ubwo Izarimbura Babuloni y'ibya mwuka yagiye iyobya amahanga:

Umucyo w'itabaza ntuzaboneka muri wowe ukundi, kandi ijwi ry'umukwe n'iry'umugeni ntazumvikana muri wowe ukundi. Abatunzi bawe bari abakomeye bo mu isi, kuko amahanga yose yayobejwe n'uburozi bwawe. Ibyahishuwe 18:23

Guhuriza hamwe amadini ni gahunda igendereye gushyiraho idini rimwe ridasanzwe, ari ryo Babuloni ikomeye, kandi ni yo izarenganya abantu bose batazumvikana na yo. Mbega ukuri kuri muri aya magambo ya John Knox yo mu 1547 avuga ubupapa:

Muve muri Babeli, niba mudashaka kuzarimbura na yo.¹⁸

Ubutumwa bwa marayika wa kabiri buravuga ngo,

Marayika wundi wa kabiri akurikiraho ati "iraguye, iraguye! Babuloni wa mudugudu ukomeye, wateretse amahanga yose inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi bwawo." Ibyahishuwe 14:8

Ibyahishuwe 18 hasubiramo ubutumwa bwa marayika wa kabiri hongera imbaraga ihamagarira abantu kwitandukanya na Babuloni.

Iraguye, iraguye Babuloni ikomeye!... Numva irindi jwi rivugira mu ijuru riti: "Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo." Ibyahishuwe 18:2,4

Ubutumwa bwa marayika wa kabiri ni ubutumwa bwo kwitandukanya na Babuloni, mu gihe ubutumwa bwo guhuza amadini bwo bugendereye kwihuza na Babuloni. Guhuza ayo mahame abiri ntibishoboka. Imana iri guhamagarira abantu kugira ngo bahagararire ukuri kwa yo. Hari ubusobanuro butatu gusa muri Bibiliya busobanura ukuri uko ari ko: Yesu ni ukuri, ijambo rye ni ukuri, kandi amategako ye ni ukuri. (Yohana 14:6, 17:17, Zaburi 119:142). Imana irimo irakoranyiriza abantu hamwe. Abagorozi bemeraga gupfa kubera ibyo bizeraga. Bari barize ubu buhanuzi bugaragaza neza ko ubupapa aribwo antikristo. Twe kwirengangiza ubahanuzi kugira ngo amagambo akurikira yavuzwe na Yesu atazadusohoreraho ngo:

Yerusalemu, Yerusalemu, wica abahanuzi ugatera amabuye abagutumweho, ni kangahe nshaka kubundikira abana bawe, nk'uko inkoko ibundikira imishwi yayo mu mababa yayo ntimukundire? Matayo 23:37

IBIHAMYA

- 1 Henry Grattan Guinness, *Romanism and the Reformation* (Hodder and Stoughton, 1887): 251.
http://books.google.ca/books/reader?id=GFv-xn0vKNoC&printsec=frontcover&output=reader&source=gbs_atb_hover&pg=GBS.PP1
- 2 George J. Church et. al, "Hands of Terrorism," *TIME* (May 25, 1981).
<http://www.time.com/time/magazine/article/0,9171,924742-1,00.html>
- 3 Paul Johnson, *A History of Christianity* (New York: Simon & Schuster, 1979): 410.
- 4 *Ibid.*
- 5 D.F. Neufield, *Ministry* (July 1978).
- 6 Paul Johnson, *A History of Christianity* (New York: Simon & Schuster, 1979): 505-507.
- 7 D. Neal, *History of the Puritans* Volume 1: 269.
- 8 Paul Johnson, *A History of Christianity* (New York: Simon & Schuster, 1979): 608.
- 9 John Paul II, *Instruction on the Worship of the Eucharistic Mystery* Volume 25.
- 10 *London Church Times* (January 21, 1977).
- 11 *TIME* (October 16, 1989)
- 12 *Protestant Reveille* (1977).
- 13 *Die Bürger* (January 27, 1990).
- 14 Robert Schuller, as quoted in Kevin Morgan, *Sabbath Rest* (TEACH Services Inc., 2002): 72.
- 15 Jim Ashley, "Death of Protestantism Foreseen," *Chattanooga Free Press* (May 10, 1997).

- 16 Ruth Gledhill, "Churches 'should hold seances,'" *The London Times* (August 28, 2000)
- 17 Malachi Martin, *The Keys of This Blood* (Simon and Schuster, 1991): 375.
- 18 Friedrich H. Brandes, *John Knox: der reformator Schottlands* (R. L. Friderichs, 1862).

Igice cy'ama 12:UMURIRO UDASANZWE

Mbese ni kuki abarwanya ubugorizi babashije kugera ku ntego? Bishoboka bite ko ibyahagurukije ubugorizi byose byabashije gushyirwa ku ruhande vuba cyane? Bibiliya itanga igisubizo cyayo yeruye. Urujijo no kuyobya mu mayeri byabigizemo uruhare rukomeye. Umwuka uriho wo guhuriza hamwe amadini ya none ushingiyeye ku marangamutima aho gushingira ku kuri, kandi bisaba kubyiga witonze ngo ubashe gutandukanya ukuri n'ikinyoma. Guhishura ikinyoma ni umwitozo ubabaza cyane, kandi ikigamijwe hano si ugupfobya imyizerere iyo ariyo yose, nyamara kuko ari ikibazo cy'urupfu n'ubugingo bw'umuntu, ni ingenzi cyane ko twiga twimbitse Ibyanditswe Byera kandi tugaharanira kubigenderamo uko bikwiye.

Mbere y'inteko ya Vatikani ya kabiri, benshi mu baporotestanti bari barananijwe kandi bararambiwe Roma, ariko nyuma y'inteko ya Vatikani ya kabiri ibyo byarahindutse. Mu by'ukuri, inteko ya Vatikani ya kabiri ntabwo yigeze ihindura umurongo wa Roma, ahubwo uko Roma yafatwaga ni byo byahindutse. Ikibazo ni iki: mbese ibi byagezweho bite? Inzira imwe rukumbi yo kuyobora abantu ku kudashikama ku mahame y'ibyanditswe ni ukubigisha iyobokamana rishingiye ku mirimo n'imigenzo. Kugira ngo ibyo bigerweho, inteko ya Vatikani ya 2 yanashyizeho gahunda ngenderwaho y'uburyo bwo kuramya amadini agomba gukurikiza. Ubwo rero, abanyamadini bagomba kugaragara cyane mu mirimo y'amatorero no mu bikorwa byo kuramya. Amadini agomba kureka ibibwirizwa bimenyerewe bishingiye ku mahame ahubwo bakibanda cyane kuri za Zaburi na bimwe mu by'ubutumwa bwiza bw'inkuru ya Yesu. Imiziki igezweho y'isi igomba kwinjizwa mu bikorwa byo kuramya, kandi abo mu itorero bagashishikarizwa kunyeganyeza umubiri cy'uburyo igihe bariramba. Ibikoresho bya muzika bigezweho bigomba kwinjizwa muri gahunda zo kuramya, kandi indirimbo zikunzwe zo hanze zigashyirwa indirimbo zimenyerewe zo guhimba Imana. Uburyo bwo kuramya bugomba guhindurwa ngo bugendane n'umuco w'igihugu. Inyandiko yo mu nteko ya Vatikani ya 2, umuzingiro wa 1 mu ncamake yavugwa muri aya magambo ngo:

Mumenyereze amatorero umuco wo kwizihiza n'amagambo akoreshe mu kwizihiza. Ikintu cyose gikorwa mu itorero guhinduke umunsi mukuru... Mureke amatorero yose amenyerezwe gahunda y'uburyo bwo kwizihiza burangwa n'ubushyamba... kureka umuco wo kwifata... Gukoreshe cyane ibimenyetso, kunyeganyeza cyane umubiri. Mureke guhimba kwuzuye bibe ibikozwe muri gahunda yaranze n'indirimbo n'umuziki byo kwizihiza bishyushye. Hakoreshe indirimbo zigazweho zikunzwe na benshi kandi indirimbo zihuzwe n'imico itandukanye n'imimerere y'abantu.¹

Inyandiko ya Vatikani ya 2 kuri iyi ngigo ya muzika muri gahunda yo kuramya igira iti:

Kugira ngo abizera bagire uruhare runini n'ubushake kandi babikunze, birakwiye ko isura y'ibirori byo kuramya n'uko byitabirwa bihindurwa kenshi bijyanye n'uko ibirori bimeze n'uko iteraniro ryifashe... Hagomba kubaho kubyitabira by'imbere mu mubiri, ariko kandi bikagaragara n'inyuma, kubyitabira kw'imbere rero bikagaragarira mu kuzunguza amaboko ukora bimenyetso ndetse n'inyifato y'umubiri. Hakoreshejwe gukoma amashyi, no kwikirizanya mu kuriramba.²

Amarangamutima ni umusemburo w'ubu buryo bwo kuramya. Byumvikane ko amarangamutima atari ikibazo, ariko amarangamutima ntabwo akizewe igihe asimujwe ukuri

n'imatekerereze itabogamye. Ku magambo y'inteko ya Vatikani ya kabiri *Gatigisimu* ya kiriziya Gatolika yongeraho aya magambo ngo:

1157. Indirimbo n'umuziki bisohozwa intego yabyo iyo bikoreye hamwe.... Hamwe n'ibikorwa byo muri gahunda yo kuramya, bishingira kuri izi ngingo eshatu: ubwiza bwo kwisanzura mu kuvuga amasengesho, kwisanzura kutizigamye kw'imbaga y'abantu mu gihe kigenwe, n'imiterere yihariye y'ibirori. Iyi nzira izatuma abantu bagira uruhare mu mugambi w'ikoresha ry'amagambo n'ibikorwa bigenwe muri ubu buryo bwo kuramya: Ikuzo ry'Imana no kwezwa kw'abizera: "Mbega ukuntu narize! Natwawe n'indirimbo zanyu zo kuramya, umuziki n'amajwi yirangiraga mu rusengero rwanyu! Mbega amarangamutima byanteye! Ayo majwi yinjiraga mu matwi yanjye, maze agashimangira ukuri mu mutima wanjye. Ibyiyumviro byo kwitanga byanyuzuye, maze amarira atangira gutemba mu maso yanjye – ayo marira yatumye ngubwa neza." 1158 Injyana y'ibimenyetso (indirimbo, umuziki, amagambo n'ibikorwa) byose hamwe bitanga umusaruro iyo bikoreshejwe bihujwe n'ubwiza bw'umuco w'abantu b'Imana bari kwizihiza baramya.³

Ijambo 'kwizihiza' risubirwamo inshuro nyinshi muri izi nyandiko kandi amarangamutima agashyirwa imbere. Ikibazo ni uko ubu buryo bwo kuramya (liturgy bivugaga gahunda z'itorero ndetse n'indi mihango bifata umwanya wo kubwiriza Ijambo ry'Imana) bwuzuzwamo ibintu byinshi bigashyirwa hejuru cyane bigasimbura Ijambo ry'Imana. Kuririmba, no gusoma amagambo asubirwamo, umuziki ndetse n'ibikorwa byo guhimba bibasha guhabwa umwanya mu iteraniro mu cyimbo cyo kugira Ijambo ry'Imana nyambere, maze bigatanga ishusho y'iby'Imana nyamara bikaburamo umutsima mvajuru.

Muri icyo gihe ubwo Vatikani ya 2 yahinduraga imitekerereze y'ukwihuriza hamwe kw'amadini, amadini ya Gikristo yabonye 'ububuyutse' budasanzwe. Amatorero ya gikarisimatike, yari yaratangiye kugaragara bwa mbere muri icyo kinyejana, yatangiye gukwira hose nk'umuriro w'ishyamba; muri Leta zunze ubumwe ndetse no mu isi yose. Itorero ry'abapentekote ryo, ryakomeje kurebana Kiriziya Gatolika amakenga, kuko bo bari batarahabwa kuri uno mwuka w'ububuyutse.

Nyamara bigeze mu 1965 Erwin Prange yaranditse ati:

.... vuba aha mperutse kujya mu mwiherero wa Kiriziya Gatolika, itorero ry'aba Episikopale, n'itorero ry'aba Lutheriyene... nasobanukiwe neza ko ubusobanuro bw'ibanze k'ububuyutse buri mu matorero ya gikarisimatike ari uguhurizwa hamwe kw'amatorero.⁴

Mu mwaka wa 1967, abayobozi n'abanyeshuri bo muri kaminuza ya Catholic Notre Dame ya Pittsburgh muri Leta ya Pennsylvania, (yari iyobowe n'umuryango w'abapadadiri bita Holy Ghost Fathers), basenze basaba impano ya "Mwuka Wera", maze igihe kimwe bateranye, amajana y'abizera b'abagatolika bahabwa icyo basengeraga, maze kuva ubwo icyiciro cy'abakarisimatike ba kiriziya Gatolika kiba kiravutse.

Papa Pawulo wa 6 ni we wabayeho uwa mbere kubw'igitutu mu kwamagana itsinda ry'abakarisimatike muri kiriziya gatolika, ariko mu mwaka wa 1975, muri misa yari iteraniyemo abantu 25,000 muri bo 10,000 ari abanyamahanga, uwo mu Papa yashimye

cyane ko habayeho ivugurura rya mwuka mu ngoro ya Mutagatifu Petero i Roma. Ikinyamakuru cyitwa, *Christianity Today*, cyo ku wa 6/6/1975 cyaranditse kiti:

Abashumba, ba Musenyeri n'Abakaridinali, bari bananiwe kugumisha ingofero zabo mu mitwe, baririmba babyina mu buryo budasanze, barahoberanaga, kandi bakazamura amaboko yabo bayerekeza mu ijuru. Ijambo rya Papa Pawulo wa 6 ryari ryuzute gutwarwa gukomeye.

Kuva hashingwa itsinda ry'abakarisimatike muri kiriziya Gatolika, amatorero y'Abaporotestanti n'aba Orthodox bahinduye imyumvire yabo y'uburyo bemera kiriziya Gatolika. Colin Buchanin yaranditse ati:

*Kuva Kiriziya Gatolika ya Roma yagaragara nk'umufatanyabikorwa mu biganirwa bigamije guhuriza hamwe amadini, ndetse n'uruhare rw'itsinda ry'abakarisimatike, ibyo byatumye umushyikirano wo guhuriza hamwe amadini uhindura isura cyane.*⁵

David du Plessis, ahagana mu 1950, yizeraga ko Imana iri kumuhamagarira kuba umunyamabanga w'Inteko Nkuru y'Abapentekotiste ku isi ngo anoze umubano n'Ihuriro ry'Amadini yose yo ku isi. icyakurikiye kandi, ni uko yagize uruhare rukomeye mu bikorwa byo guhuriza hamwe amadini. Guhera mu 1960, imisengere ya Gipentekotiste yatangiye kwinjira mu matorero asanzwe y'Abaporotestanti n'aba Orthodox ku buryo bwihuse cyane. James Dunn yaranditse ati:

*Ukwemerwa kw'imisengere ya Gipentekotiste n'ubuyobozi bw'Inama Nkuru y'amatorero byerekanye inshuro ya mbere ubwo Ubukristo busanzwe bwakiriye bidasubirwaho ubu buryo bw'imyizerere no kuramya bushyushye nk'uburyo bwemewe kandi bw'ingenzi mu guhamya Ubukristo. Mu bihe byabanje, imyizerere ya gikristo nk'iyi yakururiraga abizera kurenganywa cyangwa ikagukira inyuma y'itorero ryemewe. Ariko ubu noneho itsinda rya Gikarisimatike ryashoboye kurenga inzitizi nyinshi n'imyumvire by'uburyo bwose. Ryakwiriye mu bice byose bisanzwe by'amashyirahamwe n'amatorero, kandi Ubupentekotiste bwa Kiriziya Gatolika by'umwihariko, bwo bwashyizemo n'umwihariko w'amashuri, kwubaha ubuyobozi, amasakaramentu n'imihango byaburaga mu bupentekotiste busanzwe. ... abayobozi benshi b'amatorero bitandukanyije n'imvugo y'ubwitonzi ya "Ntacyo nabivugaho" ahubwo bemeza ko itsinda rya Gikarisimatike ari yo mizero y'ububuyuke bw'itorero mu myaka ihera y'iki kinyejana.*⁶

Ni ingenzi cyane kubona uburyo Ubupentekotiste bwa Gatolika bwatumye habaho ukwumvira ubuyobozi bwa Papa mu buryo bukomereye, kwereza Mariya, no kwubaha amahame ya Kiriziya Gatolika. Padilla atangaza ko ububuyutse hamwe n'ugukura kw'itorero mu myaka mike ishize, ari kimwe mu ivugurura ryagutse ry'itorero riri kuba hose ku isi.

Ibihamya by'ubu bubyutse birimo ukwiyongera kw'imyizerere y'imbaraga z'ibanga zituruka ahandi kandi zitegekwa n'abantu, uburyo amadini yo muri asiya yiyongera mu bihugu by'i burengerazuba bw'isi, ukugira imbaraga kwa islamu mu bice bimwe na bimwe byo muri afrika, Malaysia na Pakistan, hamwe n'ububuyutse bw'Ababudiste muri Thailand, Vietnam, Cambodia, na Sri Lanka, kwamamara kw'Ubuhindu mu Buhinde, n'ubushintoyisme mu Buyapani, no kwamamara kwo kuvugana n'abapfuye muri Brezile,

ndetse n'adini ry'aba Sokka Gakkai mu Buyapani.⁷ Profeseri Hollenweger wo muri Kaminuza ya Birmingham yaravuze ati:

Itsinda ry'abakarisimatike ryari rifite amahirwe menshi yo kwubaka ukwizerana no gusenya urwikekwe hagati y'amatsinda atumvikana maze rigashyiraho urubuga abantu bavuganiraho mu kuri kandi mu bwisanzure nta kuvangura.... Ndetse kuba ryarashoboye kwunga Kiriziya Gatolika n'Abaprotestanti, itsinda ry'abakarisimatike ryarakoze 'bitangaje'.⁸

Ubupentekotiste bwakwiriye umugabane wose w'isi nk'ikibatsi cy'umuriro w'ishyamba ndetse bigeze mu 1996, inyandiko y'imyanzuro ku by'amadini kuri iyi ngingo yagize iti:

Mu gihe cy'iminsi ine y'ikoraniro ryo kwihuriza hamwe kw'amadini ryabaye impeshyi ishize, Abakarisimatike ndetse n'Abapentekotiste ibihumbi icumi basengeye hamwe, bararirimba, barabyina, bakoma mu mashyi kandi barasabana munsu y'umurunga umwe wa Mwuka Wera wabahuje... Mu nteko yavugaga kuri Mwuka Wera n'Ivugabutumwa ry'Isi yose yaberaga Orlando muri Florida ku itariki ya 26/7 kugeza ku ya 29/7, hafi kimwe cya kabiri cy'abari bahateraniye bari Abagatolika... Vinson Synan, ukuriye ishamba ry'iyobokamana muri kaminuza ya Pat Robertson's Regent akaba ari na we wari uyoboye iyi nteko yagize ati: "Mwuka Wera arashaka gusenya urusika ruri hagati y'Abagatolika n'Abaprotestanti."⁹

Kuko Mwuka Wera ayobora abantu mu kuri kose, ntashobora kuvanga ukuri n'ikinyoma. Ni ngombwa cyane rero ko twigana ubwitonzi imikorere ya Mwuka Wera, tukaniga neza ibikorwa birimo gukiza abarwayi no kuvuga indimi byitirirwa Mwuka Wera. Mbese imyizerere y'itsinda ry'Abapentekotiste yaba yuzuza ibisabwa na Bibiliya ku bijyanye no kwigaragaza kwa Mwuka Wera?

Imyizerere ya Gikarisimatike n'Impano ya Mwuka Wera

Amatorero ya Gikarisimatike yakiriye igice kinini cy'imyizerere y'Abadispensationalists ku bijyanye n'ubusaburo bw'ubuhanuzi, kandi n'impano y'Umwuka ikagira uruhare runini muri gahunda yabo yo kuramya, by'umwihariko impano yo kuvuga indimi, yo iratsindagirizwa cyane mu matorero menshi ya Gikarisimatike. Mu by'ukuri, iyi mpano yo kuvuga indimi kenshi ibonwa nk'ukwigaragaza kudasanzwe kw'imikorere ya Mwuka Wera mu buzima bw'umuntu, bityo benshi bakayishakisha cyane. Ukwigaragaza kurenze kw'iyi mpano gushobora kugendana n'ibindi nko 'kurabirana mu Mwuka', ndetse n'ibitangaza byo gukiza indwara. Ibihumbi byinshi by'abizera ndetse n'abatizera bakururwa cyane n'ibiterane byo gukiza indwara kandi nabo bashobora kubona kuri iyi mbaraga n'iyi baba batarigeze bagira imibereho y'iby'iyobokamana cyangwa bakomoka mu bapagani.

Ibyo ni ukuri koko, ko ubuzima bw'abantu buhinduka kubw'iyi mikorere, kandi ababaswe n'inzoga n'ibiyobyabwenge bashobora kubireka bagataha nk'abantu bahindutse. Ibi kandi bituma abantu benshi bayoboka iyi myizerere, maze hakabaho ugukura kwihuse mu mibare y'abagize aya madini.

Mbese ni iki Bibiliya ivuga biranga imikorere ya Mwuka Wera, kandi ni gute twabigereranya n'ibi bibera mu matorero ya Gikarisimatike?

Mwuka Wera mu Byanditswe Byera

Yesu yabwiye abigishwa be ati:

Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye. Nanjye nzasaba Data, na we azabaha undi Mufasha wo kubana namwe ibihe byose, ni we Mwuka w'ukuri. Ntibishoboka ko ab'isi bamuhabwa, kuko batamurora kandi batamuzi, ariko mwebweho muramuzi kuko abana namwe, kandi azaba muri mwe. Yohana 14:15-17

Urukundo dukunda Imana rwera imbuto zo kumvira; “*Nimunkunda, muzitondera amategeko yanjye*”. Mwuka Wera yasezeraniwe abantu bashaka kubaho bumvira ijamba ry’Imana, maze Mwuka Wera akabakomeza kandi akabahishurira ukuri. Imana yifuza gukiza Mwene muntu wese, ariko tugomba kugendera mu mucyo twahishuriwe kandi tukemera ko agakiza kabonerwa muri Yesu Kristo gusa.

Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. Yohana 3:16

Ariko rero iyo tugendeye mu mucyo nk'uko nayo iri mu mucyo, tuba dufatanije ubwacu kandi amaraso ya Yesu Umwana wayo atwezaho ibyaha byose. 1 Yohana 1:7

Nanone turabona ko hari igisabwa kandi kiri ngombwa cyane ngo umuntu abone agakiza: “Niba” tugendeye mu mucyo’. Umwuka Wera utanga imbaraga zo gukora umurimo ahabwa gusa abumvira Imana:

*Natwe turi abagabo bo guhamya ibyo hamwe n'Umwuka Wera, **uwo Imana yahaye abayumvira**. Ibyakozwe n'Intumwa 5:32*

Guhinduka bisobanuye guhindukira, kutongera kubaho imibereho nk'iyi wabagaho mbere, kuva mu cyaha, kandi icyaha ni ukugomera amategeko y’Imana. Kugira ngo dukoreshe n’Imana kandi twuzuzwe Mwuka Wera, tugomba kubanza kwemezwa ubunyacyaha bwacu kandi tukemera ko dukeneye agakiza. Uku guhinduka kandi nako kubaho kubw'imikorere ya Mwuka Wera:

Ariko ndababwira ukuri yuko ikizagira icyo kibamarira ari uko ngenda, kuko nintagenda Umufasha atazaza aho muri, ariko ningenda nzamubohereza. Ubwo azaza azatsinda ab'isi, abemeze iby'icyaha n'ibyo gukiranuka n'iby'amateka. Yohana 16:7-8

Dukeneye kumenya ubunyacyaha bwacu kugira ngo bidutere gushakira igisubizo cy'icyaha muri Yesu Kristo we wenyine ubasha kudukiza akadukura mu byaha byacu maze akatwambika gukiranuka Kwe ngo tuzabashe gukira mu rubanza ruheruka. Ubu ni bwo butumwa bwiza bwuzuye muri make. Biratangaje cyane uburyo inyigisho zigezweho zigerageza gukuraho iri tegeko maze zikigisha ubundi butumwa bwa gikwira bwerereza umuntu, aho ukwikuza kw'umuntu kumutera kutemezwa ubunyacyaha bwe. Mu kunyuranya n'inyigisho yeruye y'Ibyanditswe Byera, umubwiriza w'icyamamare w'umupentekotiste Robert Schuller kuri iyi ngingo yagize ati:

Sintekereza ko hari ikintu na kimwe cyigeze gikorwa mu izina rya Kristo no munsu y'ibendera ry'Ubukristo cyagaragaye kuba kirimbuzi kuri kameremuntu, ndetse kubw'ibyo kikaba imbogamizi mw'iyamamazabutumwa bwiza nk'inyigisho mbi cyane, ndetse nyandagazi, igerageza kwereka abantu ukuzimira n'ubunyacyaha byabo. ¹⁰

Dukeneye kubanza gusobanukirwa n'ikibi ngo tubone kugikosora mu mbaraga za Kristo, tukabona kugaruka mu mushyikirano ukwiye urangwa no kumvira. Kristo agutera imbaraga mu bigeragezo. Kristo adushoboza gutsinda ibishuko.

Nyamara nubwo ari Umwana w'Imana, yigishijwe kumvira ku bw'imibabaro yihanganiye, kandi amaze gutunganywa rwose abera abamwumvira bose umuhesha w'agakiza. Abaheburayo 5:8-9

Samweli aramusubiza ati "Mbese Uwiteka yishimira ibitambo byoswa n'ibindi bitambo kuruta uko yakwishimira umwumviye? Erega kumvira kuruta ibitambo, kandi kwitonda kukuruta ibinure by'amasekurume y'intama" 1 Samweli 15:22

Mwuka Wera azatwigisha kandi atwibutse Ijambo ry'Imana ngo duhinduke urugero rwiza ndetse n'abahamya ba Kristo.

Ariko Umufasha ari we Mwuka Wera, uwo Data azatuma mu izina ryanjye ni we uzabigisha byose, abibutse ibyo nababwiye byose. Yohana 14:26

Impano za Mwuka rero zatangiwe kugira ngo zitugarure mu mushyikirano n'Imana, kandi ngo tubashe gukomeza kwamamaza Ubutumwa bwiza bwa Kristo.

- 1. Mwuka wera atera abantu kwihana ibyaha, kandi akabayobora mu gusobanukirwa n'ukuri kwerekeye Imana na Yesu Kristo. (Luka 24:46-49; Yohana 14-16; Ibyakozwe n'Intumwa 4)*
- 2. Kwuzuzwa Mwuka wera bisohorezwa abazanywe mu itorero n'ubutumwa bwiza ngo nabo bahinduke abahamya babwo. (Yohana 17:20; Ibyakozwe n'intumwa 2:38-39, 46-47)*
- 3. Impano yo kuvuga indimi yatangiwe kugira ngo izo ndimi zikoreshe mu kwamamaza ubutumwa bwiza ku bazumva. (Ibyakozwe n'Intumwa 2:2-11,43). Mu Byakozwe n'Intumwa igice cya 2 n'igice cya 19, tubona ko indimi no guhanura bijyanirana, kandi byose bigakoreshe mu kwamamaza ubutumwa bwiza.*
- 4. Impano za Mwuka zatangiwe kugira ngo zikuze ubumwe mu itorero (1 Abakorinto 12:18-27)*
- 5. Ku rutonde rw'impano za Mwuka, (Abaroma 12:6-8; 1 Abakorinto 12:8-11, 28-31; Abefeso 4:11), impano yo guhanura yonyine (kubwiriza ubutumwa bwiza) niyo igaruka mu bika bine byose, naho impano yo kuvuga indimi ikaboneka gusa mu 1 abakorinto, aho igaragara ku musozo w'urwo rutonde.*

Amateka yo Kuvuga Indimi

Gusenga mu ndimi zitamenyekana wari umuco umenyereye mu ngoro za gipagani. Byari bishinze imizi cyane muri Byblos ya kera (ahagana mu 1100 Mbere ya Kristo), umunyabwenge Plato (wabayeho mu 429-347 Mbere ya Kristo) yagaragaje ko byari ikiza mu gihe cye. Plato atubwira ko umuntu yatwarwaga n'imbaraga zo mu ijuru agahabwa kuvuga indimi ziherekewe n'amayerewe kandi ubihabwa ntabisobanukirwe, bityo hakagomba abandi bantu bo kubisobanura. Izi ndimi akenshi zazaga ziherekewe no gukiza abantu indwara. Virgil (wabayeho mu 70-19 Mbere ya Kristo) atubwira ko abatambyikazi bitwaga Sibylline, ubwo babaga basenga, bahuzaga umwuka wabo n'ikigirwamana cya Apollo maze bagatangira kuvuga indimi zitamenyekana.¹¹

Kuvuga indimi zitamenyekana bivugwa mu gihe cy'itorero rya mbere, kandi uwitwa Irenaeus (wabayeho mu 114-202 Nyuma ya Kristo), mu nyandiko ye yise "*Against Heresis*" yarwanije gukoreshwa nabi kw'impano ya gihanuzi akenshi yakoreshejwe iganisha ku marangamutima y'urugomo, no gutakaza ukwera. Mu bihe bya mbere impano yo kuvuga indimi yabonwaga nk'impano yo kuvuga indimi zikoreshwa mu kwamamaza ubutumwa bwiza. Origen (wabayeho mu 185-254 Nyuma ya Kristo) yanditse ku mpano y'indimi zavuzwe na Pawulo mu 1 Korinto 14:18, maze agaragaza ko iyo mpano ari ubushobozi bwo kuvuga indimi zimenyekana kandi zigakoreshwa mu kubwiriza ubutumwa bwiza ku bumva izo ndimi. Yaranditse ati:

*Ubwo rero nta muntu wahabwaga ubumenyi bw'indimi ku bwe, ahubwo ni kubw'abagomba kubwirizwa ubutumwa bwiza, bityo akaba afitiye umwenda abumva izo ndimi kubw'ubwenge yahawe n'Imana.*¹²

Mu kinyejana cya kane, nta gihamba cyo kuvuga indimi cyagaragaraga mu itorero. Abagorizi bizeraga ko kuvuga indimi byerekezaga ku ndimi zimenyekana. Lutheri yavuze ku gusobanura indimi nk'ubushobozi bwo gusemura uvana mu rurimi rumwe rumenyekana usemura mu rundi rurimi rumenyakana. Ubushakashatsi bwa Calvin kubyo kuvuga indimi nabwo burarambuye kandi buhuza n'iby'abandi bagorizi.¹² Wesley nawe yizeraga ko indimi ari indimi z'amahanga.

Kuvuga indimi zitamenyekana bya none, byakomotse ku bitwa aba Irvingites (bakomoka kuri Edward Irving, wabayeho mu 1792-1834). Mu myaka y'intambara z'isubiranamo ry'abenegihugu, iyobokamana rirangwa n'amarangamutima ryari ryarashinze imizi, kandi "*umucyo wa Mwuka ukomoka mu muntu*" ni wo wari ikimenyetso cy'ibanze kigaragaza kugira ibya Mwuka, Bibiliya yo ikaza yunganira ibyahamijwe na Mwuka. Nyamara, Bibiliya yigisha yeruye ko Ijambo ry'Imana ari ryo rikwiriye kugenzuzwa ukuri kose, kandi ko Umwuka ugomba guhuza n'Ijambo ry'Imana. Iri tsinda ryigishaga kuvuga indimi ryigishaga ko igihe cy'amategeko yarangiye, ko ubu ari igihe cya Mwuka. Ni uko ukwizera guhinduka ibyiyumviro by'abantu, imbaraga no kwinezeza, maze dispensationalism (yigishaga ko amateka ya Bibiliya Imana yayagabanyije mu bihe bitandukanye, buri gihe kikagira amategeko yacyo) n'izindi nyigisho zidahuje n'ubutumwa bwiza zibona akito ko kwinjira mu Itorero.

Kwiringira imbaraga z'ibitangaza byafashe indi ntera, ndetse birenga imitekerereze no gushyira mu gaciro. Aba babwiriza banditse muri za agenda zabo uburyo bagomba kuririmba, bakabyina, ndetse bakavugaga indimi zitumvikana bayobowe n'Umwuka. George Tarter yaranditse ati:

Nari natwawe mu binezaneza byinshi cyane, nuko mpatirwa kuryama ndirimba mvuza n'ikivugirizo, hanyuma nkajya mbyuka mu buriri bwanjye hagati ya saa saba na saa nunani z'ijoro nkabyina; hanyuma ngakomeza kuririmba mbyina mu gihe cy'amasaha nk'abiri... kandi impamvu yanteraga kuririmba, ni uko (kubw'imbaraga z'ibinezaneza zabaga zandenze) nanaborogaga cyane nti ha ha tall; toll lall derab la loll; la dero tall derall tall toll dero tall aroll atoll loll loll dero nkavuga ubutaruhuka ... ndetse nifuza ko umuvandimwe wanjye wari uryamanye na njye andyama hejuru, kandi yarabikoze ngo agerageze niba ntabasha gutigita, maze muteragura hejuru mugarura hasi, ndamucugusa cyane, kugeza ubwo atari akibasha kundyamaho... nkomeza kumucugusa nk'aho yahindutse agahinja karyamye mu gatanda. ¹³

Ubwo aba Irvingites batangiraga ibyo kuvuga indimi zitamenyekana mu Bwongereza, aba Mormons bakomoka kuri Joseph Smith, nabo batangiye kuvuga izo ndimi muri Leta Zunze Ubumwe.

Umukuru Smith yahamagaraga nk'umuvandimwe umwe utazi gusoma no kwandika akamusaba guhaguruka ngo avuge indimi mu izina rya Yesu Kristo. Yatangaga itegeko... hagurukira ku birenge byawe, uvuge cyane cyangwa ukore urusaku, ukomeze ukore urwo rusaku cyane, Nyagasani arabihinduramo indimi. ¹⁴

Brigham Young nawe yavuze mu ndimi zitazwi kandi akaba ari we wisemurira ubwo butumwa bwe.¹⁵

Amatorero ya gipentekotiste yo muri iki gihe akomoka kw'itsinda ryiyitiriye ukwera ryabayeho mu kinyejana cya cumi n'icyenda. Idini ryabitangiye ryitwaga Kentucky Revival ryarangwaga no kwikubita hasi, kubyina, kwigaragura, kwirukanka, kunihira, gusakuza, gukoma amashyi bavuze induru, guseka cyane ndetse no kumoka. Kandi iyo myifatire yabonekaga no mu mihango yo kuramya yo mu madini ya gipagani baterekera abakurambere. Mu mihango y'abitwa aba Voodoo ndetse no mu mihango myinshi y'abanyafurika baramya ibigirwamana, kuvuza ingoma bituma habaho guta ubwenge maze bigaha ikigirwamana ubushobozi bwo kuyobora uwo muntu, ibikorwa nk'ibi kandi bigakorwa bavuga indimi zitamenyekana. Mu mihango imwe n'imwe, bakoresha amarozi akababashisha kugeza umuntu kuri urwo rwego rwo guta ubwenge ngo ibyo bikorwa bakoraga baramya bibashe kwigaragaza. Nonese mu gihe ibi biriho, ni gute umuntu yabasha gutandukanya impano z'ukuri za Mwuka n'impano z'ikinyoma za Mwuka? Byiyongeye kandi, mu gihe twaburiwe ko mu minsi iheruka hazabaho ukwigaragaza kw'ikinyoma kwa Mwuka, nta gushidikanya ko ubuhungiro rukumbi bw'ukuri ari ukwiga Ibyanditswe Byera. "Imbaraga z'Imana" iyi niyo nsanganyamatsiko y'ibanze mu bubyutse bw'amatorero ya Gikarisimatike. Mu nyandiko na za raporo zabo abo muri aya matorero biyita "Abantu b'Imbaraga", ndetse mu gitabo *In His Presence* cya E. W. Kenyon tubasha kuhabona icyo ibi bisobanuye. Yaranditse ati:

Kumenya ko ugutsindwa kwe kwabaye bikozwe n'Umusimbura wacu, kandi akabikora ku bwacu, kugira ngo mu bitabo by'urukiko rw'ikirenga rw'iyi sanzure tube turi abatware ba Satani, kandi na Satani amenye ko mu izina rya Yesu turi abatware be- ibi kandi, igihe umutima ubisobanukiwe neza nk'uko umubiri umenya ubushyuhe n'ubukonje, icyo gihe kwizera ntikuba kugikenewe. Tuzi ko Imana yashyize Satani n'ubushobozi bwe mu nsi y'ibirenge byacu, kandi Imana na Satani bakatubona nk'abatware b'imbaraga z'umwijima.... Twafashe umwanya wa Yesu... Yazanywe no

gusenya ibikorwa by'umwanzi. None turimo kwuzuza umurimo yatangiye... Uri umuneshi; Yakugize umuneshi; ubimenyere, kugira ngo ukore uruhare rwawe. ¹⁶

Uku ni ukuri gucagase, kuko Kristo wenyine ari we muneshi. Ubushobozi bwose ni ubwe kandi binyuriye muri we gusa nibwo imbaraga zibasha kugaragarira mu bantu be. Ibyanditswe Byera bivuga ko Kristo azanesha kandi ko kumena Satani umutwe burundu bizabaho ari uko Kristo amaze kubona ino nsinzi.

Kuko akwiriye gutegeka kugeza aho azashyirira abanzi be muni y'ibirenge bye.

1 Abakorinto 15:25

Umuntu ni iki ko umwibuka.... Ibintu byose ubishyira muni y'ibirenge bye... nyamara kugeza ubu ntaturabona ibintu byose bitwarwa na we... ahubwo tubona Yesu. Abaheburayo 2:6-9

Imana nyir'amahoro izamenagurira Satani muni y'ibirenge byanyu bidatinze.

Abaroma 16:20

Ijambo 'Bidatinze' rivugaga igihe intambara izaba irangiye ku iherezo, ubwo Kristo azaba agarutse. Kenyon akomeza ibitekerezo bye agira ati:

Yatwicaje hamwe na we mu ijuru; kugira ngo tumuhagararire, twicarane n'Imana. ...ni uko rero niba umutwe ushyizwe hejuru, n'umubiri ushyiranwa hejuru nawo. ...niba yaranesheje imbaraga zose z'umwujima akazisiga azinegekaje ajijanjaguye, mbere y'uko azuka mu bapfuye, ni nk'aho ari twe twasohoye icyo gikorwa cy'ubutwari.... Ubwo butware n'ubwo bushobozi ni ubw'uwizera.... Umuntu waremwe bushya afite ubushobozi ndengakamere, ni umuntu udasanzwe. ¹⁷

Mbere y'uko twicara ku ntebe y'ubwami, hari umurimo wo kunesha ugomba kubanza gukorwa.

Unesha nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye. Ibyahishuwe 3:21

Biragaragara neza ko hari ugukura intumbero kuri Kristo maze igashyirwa ku bantu kandi ibi bikingurira amarembo ukwigaragaza kudasanzwe kwa "Mwuka", kugira ngo binezeze ubugingo. Ibi byabayeho, ku mugoroba wo kuwa 20/1/1994, ubwo itsinda ry'abantu 450 bari bateraniye mu kibuga gito cy'itorero rya *Vineyard church* muri Toronto, aho bese bafashwe n'imbaraga idasanzwe ikabatera guseka cyane kuburyo batashoboraga kwifata. Ubu buryo bw'imisengere bwakwirakwiye mu matorero menshi yo mu isi mu gihe cy'amezi make, ndetse bigera kure nko muri Repubulika ya Czech, Cambodia na Indonesia. Mu bwongereza honyine, amatorero 3,500 "yarasekaga mu Mwami". Ubwo buryo bwo guseka mu Mwami butuma umuntu amera nk'uwasinze maze bikigaragariza mu byo akora. Isindwe, gutitira, no kurira cyane, ndetse no gukiza indwara ni byo biranga bene aya materaniro. Ibihe nk'ibi byagiye byitwa isukwa rya Mwuka Wera, nyamara Bibiliya iravugaga iti:

Ariko byose bikorwe neza uko bikwiriye, no muri gahunda. 1 Abakorinto 14:40

Kuko Bibiliya ituburira ko ukwikuza k'umuntu w'icyaha (umunyabugome) kuzagerwaho binyuze mu bimenyetso n'ibitangaza by'ibinyoma; rero, ni yo mpamvu ububutse bwa

Gikarisimatike bukeneye kugenzuranwa ubwitonzi, kuko iyi myizerere ari imwe mu nzira irimo gukoreshwa mu gukuraho urusika rwari hagati y'Ubugatolika n'Ubuporotestanti.

Ni bwo wa mugome azahishurwa, uwo Umwami Yesu azicisha umwuka uva mu kanwa ke, akamutsembesha kuboneka k'ukuza kwe. Kuza k'uwo mugome kuri mu buryo bwo gukora kwa Satani, gufite imbaraga zose n'ibimenyetso n'ibitangaza by'ibinyoma, n'ubuhenzi bwose bwo gukiranirwa ku barimbuka, kuko batemeye gukunda ukuri ngo bakizwe. 2 Abatesalonike 2:8-10

Nanone birakwiye gushimangirwa ko ubushukanyi bukomeye 'bwoherejwe' n'Imana mu kuvuga ko Imana itabuhagaritse. Mu bushake bwayo Imana itanga uburenganzira bwo guhitamo, ariko nta muntu n'umwe Imana ishyira mu bigeragezo.

Umuntu niyoshywa gukora ibyaha ye kuvuga ati "Imana ni yo inyoheje", kuko bidashoboka ko Imana yoshywa n'ibibi, cyangwa ngo na yo igire uwo ibyohesha. Ahubwo umuntu wese yoshywa iyo akuruwe n'ibyo ararikiye bimushukashuka. Nuko iryo rari rirawita rikabyara ibyaha, ibyaha na byo bimaze gukura bikabyara urupfu. Ntimukayobe bene Data bakundwa. Gutanga kose kwiza n'impano yose itunganye rwose ni byo biva mu ijuru, bimanuka bituruka kuri Se w'imicyo udahinduka, cyangwa ngo agire n'igicucu cyo guhinduka. Yakobo 1:13-17

Ibimenyetso n'ibitangaza birimo birakorwa mu madini yose, wavuga nk'amashusho anywa amata mu Bahindu, urumuri rudasanze mu Babudiste, amayerekwa n'inyandiko zikomoka mu ijuru mu Bayisumu, kugeza no ku bitangaza bya Ukarisitiya, amabonekerwa ndetse n'ibimenyetso byo ku mubiri mu Bagatolika.

Kuri ubu muri za kiriziya nyinshi z'itorero Gatolika ry'I Roma, havugwa cyane ibimenyetso n'ibitangaza. Amashusho arira amaraso, amavuta cyangwa amarira, habaho ibitangaza bya Ukarisitiya (Ukarisitiya ihinduka umubiri cyangwa amaraso), amabonekerwa ya Mariya arushaho kugaragara henshi ndetse n'abahanuzi n'aba *stigmatists* (abantu bafite ibimenyetso by'umubabaro w'urupfu rwa Yesu) birimo gukwira muri za kiriziya za Gatolika. Bimwe muri ibi bitangaza byasobanuwe neza mu gitabo *The Thunder of Justice*, gifite iriburiro ryanditswe n'umunyatewolojiya w'ikirangirire muri kiriziya Gatolika *Malachi Martin*, ibyo kandi bikerekana ugushyigikirwa cyane na kiriziya Gatolika kw'ibiri muri icyo gitabo. Muri icyo gitabo, "Mariya" yongera guhamya ubudahangarwa bw'ubupapa kandi agahamya ko ibintu biteye ubwoba byo mu bihe biheruka turimo kubyinjiramo. Umwanya wa Mariya ndetse n'umurimo we mu mugambi w'agakiza byigaragaza cyane nk'uko biboneka mu mazina y'ibyubahiro ahabwa:

Amazina ya Mariya mu gihe cyacu

Umuhanzikazi wo muri iyi minsi iheruka

Umwari utunganye

Umubyeyi wa Kiriziya

Mariya nka Eva mushya

Umwamikazi w'ijuru n'isi/Umwamikazi w'amahoro

Uwimuriwe mu ijuru

Umwamikazi wa Rozari itunganye
Umwamikazi kandi Umubyeyi w'Imiryango
Mariya Umufasha mu Gucungura, Umuhuza, n'Umuvugizi w'abantu ku Mana
Umubyeyi wacu w'amahanga yose
Isanduku y'Isezerano Rishya
Umubyeyi w'abategereje kugaruka kwa Yesu

Izina rya *Mariya umufasha mu gucungura, umuhuza, n'umuvugizi w'abantu ku Mana*
rirahagije mu kutubwira ko aya mabonekerwa adakomoka ku ntebe y'ubwami y'Imana,
kandi Bibiliya, igaragaza yeruye ko iyi nyigisho idahuje n'Ijambo ry'Imana.

*...musange amategereye y'Imana n'ibiyihamya, nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo, nta
museke uzabatambikira. Yesaya 8:20*

Amabonekerwa ya Mariya yagiye arushaho kugaragara hirya no hino ku isi, kandi igitangaje usanga ajyana no kuvuga ndimi zitamenyekana. Kuri iyi ngingo, ikiganiro cyitwa CNN News Flash (Cyahise Ku wa kabiri saa 9:12, ku itariki 19/12/1996) cyavuze ko ishusho y'Umwari Mariya yagaragaye ku birahuri by'imbere ku nyubako iri muri Florida. Muri icyo kiganiro bagaragaje ishusho ya Mariya afashe akana Yesu mu kirahuri gifite amabara y'umukororombya nk'uko bikunze kugaragara muri za Katedarari za Kiriziya Gatolika. Iyo nkuru yagiraga iti" byari biteye ubwoba kubibona. Abantu benshi bahise bateranira imbere y'iyi nyubako batangira kuramya, basenga bafashe za rozari (amashapure) n'imisaraba mu ntoki, ndetse abandi batangira gusakuza bavuga indimi zitamenyekana."

Pentekoti no Kuvuga Indimi

Yesu yasezeraniye abigishwa be ko bazahabwa imbaraga iturutse mu ijuru, yagombaga kubashoboza gukora umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza.

Kandi ibimenyetso bizagumana n'abizera ngibi: bazirukana abadayimoni mu izina ryanjye, bazavugaga indimi nshya. Mariko 16:17

Kandi dore ngiye kubohereza ibyo Data yasezeranye, ariko mugume mu murwa kugeza ubwo muzambikwa imbaraga zivuye mu ijuru. Luka 24:49

Ijambo rya kigiriki rivugaga ububasha ni '*dunamis*', risobanuye imbaraga cyangwa ubushobozi cyangwa ubwenge bwo gukora ikintu runaka. Ubu bushobozi bwagombaga gukoreshwa kubera umugambi, kandi itorero rya mbere ryahawe iyi mbaraga ku munsu wa Pentekoti ubwo Mwuka Wera yabuzuzaga iyi mbaraga cyangwa ubushobozi. Tubisoma mu Byakozwe n'Intumwa 2:

Bose buzuzwa Umwuka Wera, batangira kuvugaga izindi ndimi nk'uko Umwuka yabahaye kuzivugaga. Ibyakozwe n'Intumwa 2:4

Impano zitanga ubushobozi zatanze ku munsu wa Pentekote, iminsi 50 nyuma ya Pasika. Pentekote wari umunsu wo kwizihiza ugutangwa kw'amategereye ari yo yasobanuraga amabwiriza ku bijyanye n'isezerano ry'umushyikirano hagati ya Isirayeli n'Imana. Nyuma y'igitambo cya Pasika cy'umwana w'intama w'ukuri Yesu Kristo, abantu b'Imana bahawe imbaraga yo kubwiriza ubutumwa bwiza. Icyo gikorwa cyahinduye abigishwa kibakura mu

kuba abizera buzuye ubwoba, bahinduka ingabo nyakuri za Kristo kandi babwiriza Ubutumwa bwiza n'imbaraga. Abayuda benshi b'abanyadini bo mu mahanga yose bari bateraniye aho ubwo impano yo kuvuga indimi yahabwagwa abigishwa.

Uwo muriri ubaye abantu benshi baraterana, batangazwa n'uko umuntu wese yumvise ba bandi bavuga ururimi rw'iwabo. Ibyakozwe n'Intumwa 2:6

None se ni iki gitumye twese tubumva bavuga indimi z'iwacu kavukire? Ibyakozwe n'Intumwa 2:8

Ibyakozwe n'Intumwa 2 haduhishurira ko muri Yerusalemu hari hateraniye abantu bavuga indimi zigera kuri 17 kandi abantu bose babumva bavuga mu ndimi z'iwabo. (ijambo ry'ikigiriki. "*idios dialektos*"), risobanura mu ndimi kavukire "aho twavukiye". Ibi bivuze ko byarenze gushobora kuvuga izo ndimi zo mu yandi mahanga gusa, ahubwo babonye binakorwa mu muco w'iwabo kavukire. Nyuma yo gusobanura imiterere y'imico itandukanye y'abumvaga, Bibiliya inavugaga neza ibyavugwaga – imirimo itangaje y'Imana.

Kandi n'abakirete n'abarabu turabumva bavuga (mu kigiriki ni "hemeteros glossa =bisobanura mu ndimi z'iwacu") ibitangaza by'Imana. Ibyakozwe n'Intumwa 2:11

Iki gikorwa cyasohozaga ibyahanuwe muri Yesaya 56:3-6 aho Imana yasezeranye ko atari abisirayeli gusa bajyaga kugirana isezerano ry'umushyikirano nayo, ko ahubwo byagombaga kugera no ku bantu bose bo mahanga yose bazubaha Imana, bagakomeza amasabato yayo, kandi bagakomeza isezerano ryayo.

Kandi umunyamahanga uhakwa ku Uwiteka ye kuvuga ati "Uwiteka ntazabura kuntandukanya n'ubwoko bwe". Kandi n'inkone ye kuvuga iti" dore ndi igiti cyumye". Kuko Uwiteka avugaga ati "iby'inkone zeza amasabato yanjye, zigahitamo ibyo nishimira zigakomeza isezerano ryanjye, nzazishyirira urwibutso mu nzu yanjye no mu rurembo rwanjye, nzihe n'izina riruta kugira abahungu n'abakobwa. Nzaziha izina rizahoraho ritazakurwaho" kandi abanyamahanga bahakwa ku Uwiteka bakamukorera bakunze izina rye bakaba abagaragu be, umuntu wese akeza isabato ntayice agakomeza isezerano ryanjye, abo nabo nzabageza ku musozi wanjye wera, mbanezereze mu nzu yanjye y'urusengero. Ibitambo byabo byoswa n'amaturu yabo bizemerwa bitambirwe ku gicaniro cyanjye kuko inzu yanjye izitwa inzu yo gusengerwamo n'amahanga yose. Yesaya 56:3-7

Impano yo kuvuga indimi rero, bigaragara neza ko yari impano yo kubasha kuvugisha abandi; abigishwa bashoboye kuvuga mu ndimi z'andi mahanga, kandi iyi mpano yari igendereye korohereza intumwa mu kwamamaza Ubutumwa bwiza mu bari barahajwe n'Abayuda. Igihe Petero yagiraga iyerekwa ry'umwenda wuzuye inyamaswa zizira, nk'uko biboneka mu Byakozwe n'Intumwa 10, yibazaga icyo bisobanuye ubwo yahamagarwaga mu rugo rwa Koruneliyo utari Umuyuda, kubw'ibyo akaba yarabonwaga n'Abayuda nk'uhumanye. Petero yahawe iri yerekwa kugira ngo asobanukirwe ko adakwiye kugira umuntu n'umwe afata nk'uhumanye.

Arababwira ati "muzi yuko kizira ko Umuyuda yifatanya n'uw'ubundi bwoko cyangwa ko amugenderera, ariko jyeweho Imana yanyeretse ko ntagira umuntu nita ikizira cyangwa igihumanya." Ibyakozwe n'Intumwa 10:28

Ubwo Petero yabwiraga aba bantu, Mwuka Wera yabajeho maze nabo bahabwa impano yo kuvuga indimi nk'uko byagendekeye abigishwa. Nta tandukaniro ryabayeho rero, ry'uburyo iyo mpano yigaragarije Abayuda n'uburyo yigaragarije Abanyamahanga.

Abizeye bo mu bakebwe bajyanye na Petero barumirwa bese, kuko n'abanyamahanga nabo bahawe Umwuka Wera akaba abasutswaho, kuko bumvise bavugaga izindi ndimi bahimbaza Imana. Maze Petero arababaza ati "Aba ngaba bahawe Umwuka Wera nkatwe, ni nde ubasha kubima amazi ngo batabatizwa?"
Ibyakozwe n'Intumwa 10:45-47

Ntabwo ari buri gihe impano yo kuvuga indimi yagiye itangwa mu mpano zitangwa na Mwuka, kuko Imana yonyine ari yo igena umuntu uhabwa impano runaka.

Uko Impano Zikora

Bene Data, ibyerekeye impano z'Umwuka sinshakira ko mutabimenyaye. Muzi yuko mukiri abapagani mwayobiywaga mukajya ku bigirwamana bitabasha kuvuga, uko mwabijyanwagaho kose. 1 Abakorinto 12:1-2

Kuko ubupagani bugizwe ahanini n'imyemerere igendera ku bimenyetso bigaragara, imigenzo ndetse n'isubiramo ry'ibintu bimwe, nta bumenyi buhagije bw'ibikorwa bwabaga burimo. Umuntu yapfaga gukora ibisabwa byose by'imigenzo y'imyemerere ye. Nyamara Pawulo, ashakira ko abakristo bagihinduka basobanukirwa neza n'imikorere y'impano za Mwuka Wera. Ikindi kandi, mu bupagani umuntu yayishakiraga icyo akeneye mu kwambaza imana zitandukanye bitewe n'imiterere y'icyo yabaga akeneye. Pawulo ashakira kugaragaza neza ko hariho impano zitandukanye, nyamara zose zigatangwa na Mwuka Wera w'Imana. Byiyongeye kandi, impano zitangwa mu buryo umubiri wose ubyangukirano – ntabwo bese bahabwa impano zimwe.

Nuko rero, hatangwa impano zitandukanye, ariko Mwuka ni umwe. Kandi habaho inzego zitandukanye z'ubuyobozi, ariko zikomoka ku Mwami umwe. Habaho ibikorwa bitandukanye, nyamara ni Imana imwe ibikoreramo byose. Ariko ukwigaragaza kwa Mwuka guhabwa umuntu wese, ariko ngo bese babyungukiremo.

Umwe aheshwa ijamba ry'ubwenge n'Umwuka, undi agaheshwa n'uwo Mwuka ijamba ryo kumenya, undi agaheshwa n'uwo Mwuka kwizera, undi agaheshwa n'uwo Mwuka impano yo gukiza indwara, undi agahabwa gukora ibitangaza, undi agahabwa guhanura, undi agahabwa kurobanura imyuka, undi agahabwa kuvuga indimi nyinshi, undi agahabwa gusobanura indimi. 1 Abakorinto 12:8-10

Ikindi kandi, izi mpano zitangwa nk'uko Imana ibishakira ntabwo ari nk'uko umuntu abishakira.

Ariko ibyo byose uwo Mwuka umwe ni we ubikorere muri bo, agabira umuntu wese uko ashakira. nk'uko umubiri ari umwe ukagira ingingo nyinshi, kandi nk'uko ingingo z'umubiri zose, nubwo ari nyinshi ari umubiri umwe, ni ko na Kristo ari. 1 Abakorinto 12:11-12

Mu mucyo ukomoka muri aya masomo, ntabwo ari umuntu utegeka Imana impano yifuza guhabwa. Biragaragara neza ko, impano yo kuvuga indimi (indimi zimenyekana) yahawe bamwe abandi ntibayihabwa kandi nta burenganzira umuntu afite bwo guhatira Imana

kumuha impano runaka. Ahubwo uwahawe impano yo kuvuga indimi bibe igeragezwa ry'uko yemewe n'Imana. Inginzo z'umubiri ziruzuzanya, kandi nta rugingo rufite agaciro kurusha urundi. Imana ni yo ihitamo umuntu n'icyo agomba gukora.

*Ariko **Imana yashyize ingingo mu mubiri**, izigenera **aho ishatse** zose uko zingana...ijisho ntiribasha kubwira ikiganza riti nta cyo umariye... **Imana yashyize** bamwe mu itorero: ubwa mbere Itumwa, ubwa kabiri abahanuzi, ubwa gatatu abigisha, maze ishyiraho abakora ibitangaza n'abahawe impano zo gukiza indwara, n'abahawe gufasha abandi, n'abahawe gutwara, n'abahawe kuvuga indimi nyinshi. Mbese bese ni intumwa? Bese ni abahanuzi? Bese ni abigisha? Bese bakora ibitangaza? Bese bafite impano zo gukiza indwara? Bese bavuga izindi ndimi? Bese basobanura indimi? 1 Abakorinto 12:18-21,28-30*

Impano nyamukuru iruta izindi zose kandi Imana ikaba yarayihaye abana bayo bese, ni urukundo. Urukundo ruruta byose kandi urukundo ntirwikubira. Nuko rero, Impano z'Imana ntabwo zitangwa ku mpamvu yo kwikunda ahubwo zitangwa ngo zikoresherezwe kungura abandi. Mu kuri, gukora ngo hunguke abandi ni inkota ityaye amugi yombi, ariko nidushaka gukora twungura abandi, natwe tuzuzurizwa. Aho kwirebaho, Iri hame ry'urukundo rizatuyobora mu kwicisha bugufi.

Nubwo navuga indimi z'abantu n'iz'abamarayika, ariko singire urukundo, mba mpindutse nk'umuringa uvuga cyangwa icyuma kirenga. Kandi nubwo nagira impano yo guhanura, nkamenya ibihishwe byose n'ubwenge bwose, kandi nubwo nagira kwizera kose nkabasha gukuraho imisozi, ariko singire urukundo nta cyo mba ndi cyo. Kandi nubwo natanga ibyanjye byose ngo ngaburire abakane, ndetse nkitanga ubwanjye ngo ntwikwe ariko singire urukundo, nta cyo byamarira. Urukundo rurihangana rukagira neza, urukundo ntirugira ishyari, urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni, ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho, ntirutekereza ikibi ku bantu. 1 Abakorinto 13:1-5

Mu ncamake y'aya mahame yatanze mu 1 abakorinto, dushobora kuvuga tuti:

1. *Kuramya si ukudakoresha ubwenge.* 1 Abakorinto 12:1-3
2. *Harimo ihame ry'akamaro k'umubiri wose wa Kristo.* 1 Abakorinto 12:7
3. *Hari ubumwe nyamara hakabaho impano zitandukanye.* 1 Abakorinto 12:10
4. *Imana ni yo igena impano.* 1 Abakorinto 12:11
5. *Izo mpano zirangana kandi zikuzuzanya.* 1 Abakorinto 12:12-23
6. *Ihame ry'urukundo rutihugiraho ni ryo riranga impano zose.* 1 Abakorinto 13
7. *Imbaraga y'Imana ni yo itanga ubushobozi bwo gukwirakwiza ubu butumwa bwiza.* Abaroma 1:16

Gusobanukirwa n'inzandiko Pawulo yandikiye Abakorinto

Urwandiko rwa mbere Pawulo yandikiye abakorinto ntabwo rwahuranyije nk'uko byagaragarira umuntu akirusoma, kubw'ibyo rusaba kurwigana ubwitonzi ngo ubashe gusobanukirwa n'ingingo zitandukanye zirugize. Uru rwandiko ruvugamo inyandiko n'ibihamya bitandukanye, kandi ntabwo byahawe umusomyi. Kubw'ibyo rero amakuru arimo akwiriye kwegeranywa hashingiwe ku birimo byatanze. Muri izo ngingo harimo:

- a. Urwandiko rwa mbere Pawulo yandikiye Abakorinto rwabuze, urwo tubona Pawulo abibutsa
- b. Urwandiko Abakorinto bandikiye Pawulo, kandi narwo rutahawe umusomyi
- c. Ubuhamya Pawulo yabwiwe n'abo kwa Kilowe by'uko itorero ryari rihagaze
- d. Amagambo akomoka mu bucurabwenge hamwe" n'ubumenyi" byo muri icyo gihe

Amasomo y'ingenzi avuga kuri izi ngingo aboneka ahakurikira:

- a. *Nabandikiye muri rwa rwandiko ko mutifatanya n'abasambanyi.* 1 Abakorinto 5:9
- b. *Ibyerekeye ibyo mwanyandikiye, ibyiza ni uko umugabo adakora ku mugore.* 1 Abakorinto 7:1
- c. *Kuko bene Data nabwiwe ibyanyu n'abo kwa Kilowe, yuko habonetse intonganya muri mwe.* 1 Abakorinto 1:11
- d. *Ibyo kurya ni iby'inda, inda nayo ni iy'ibyo kurya (ni umugani w'aba Epicurian), nyamara Imana izabitsembe byombi. Nuko rero umubiri si uwo gusambana ahubwo ni uw'Umwami, kandi Umwami na we ni uw'umubiri.* 1 Abakorinto 6:13

Pawulo yari umunyabwenge uzwi mu gihe cye kandi yagiye akoresha amagambo yavuzwe na Philo, Epicurus, Menander n'abandi bacurabwenge ba mbere y'aba Gnostic. Urugero rw'uburyo Pawulo yagenzuraga imitekerereze y'abantu bo mu gihe cye ruboneka mu 1 Abakorinto 15:32-33:

Niba nararwanye n'inyamaswa muri Efeso nk'uko abantu bamwe babigenza byamariye iki? Niba abapfuye batazuka reka twirire, twinywere kuko ejo tuzapfa. Ntimuyobe, kwifatanya n'ababi konona ingeso nziza.

Amagambo ya Pawulo yumvikana neza ari uko tubanje kureba ibyavuzwe; bwa mbere amagambo ya Epicurus wavuze ati: 'reka twirire, twinywere, kuko ejo tuzapfa' [mu by'ukuri ibi bihabanye n'umyumvire ya Pawulo, ahubwo ni amagambo yavuzwe na Epicurus!], hanyuma kandi, n'amagambo ya Menander wavuze ati: 'kwifatanya n'ababi konona ingeso nziza' [ibi kandi Pawulo yemeranya nabyo].

Pawulo asobanura ingingo zikubiye mu rwandiko abakorinto bamwandikiye imwe kuri imwe. Bari barahinduwe n'imitakerereze n'inyigisho z'abacurabwenge bo mu gihe cyabo, kandi Pawulo yagombaga gukosora iyo myumvire yabo. Amagambo yavuzwe na Epicurus twasomye haruguru ni urugero rw'ibanze. Kuko abacurabwenge b'icyo gihe banizeraga ko roho/ubugingo bw'abantu budapfa, bavugaga ko umubiri ari ikibumbano gusa giturwamo n'ikirusha ibindi agaciro ari cyo roho/ubugingo. Banavugaga kandi ko kuko umubiri w'inyuma utagira gaciro, ntacyo bitwaye icyo umuntu yarya cyangwa yanywa cyose cyangwa uburyo bwo umuntu yawukoresha byaba nabi cyangwa neza, kuko n'ubundi uzarimbuka. Abakorinto bagomba kuba hari icyo bandikiye Pawulo kuri iyi ngingo mu rwandiko rwabo, maze Pawulo nyuma yo gusubiramo ayo magambo yabo, agaragaza ko atemeranya nabo na busa akoresheje amagambo akomeye ati "**Nyamara**" Imana izabitsembe byombi. **Nuko rero** umubiri si uw'ubusambanyi, ahubwo ni uw'Umwami, kandi n'Umwami ni uw'umubiri.

Muri uru rwandiko rwa mbere ku b'i Korinto, Pawulo arasobanura ku bibazo bimwe by'ingutu. Itorero ryari ryaravuye mu murongo kandi hari ibintu by'ingenzi byagombaga

gukosorwa. Amahame y'ibinyoma n'imigenzereze idakwiye byari byarinjiye mu itorero maze Pawulo agaragaza ukutishimira iyi migirire. Uru rwandiko rero rwari urwandiko rucyaha, ariko biratangaje kubona abantu benshi bakoresha uru rwandiko rwo gucyaha nk'igihamba cyo gusobanura amahame Pawulo aciraho iteka. Reka turebe kuri bimwe mu bitaranejeje Pawulo, byamuteye gucyaha Abanyakorinto, mbere yo kubasobanurira ku byerekeye ikibazo cyo kuvuga indimi.

*...**habonetse intonganya muri mwe.** icyo mvuze ngiki, ni uko umuntu wese muri mwe avuga ati "Jyeweho ndi uwa Pawulo", undi akavuga ati "ariko jyeweho ndi uwa Apolo", undi na we ati "Jyeweho ndi uwa Kristo", **Mbese Kristo yagabanyijwemo ibice?** Cyangwa mwabatijwe mu izina rya Pawulo? 1 Abakorinto 1:11-13*

*Kuko **mukiri aba kamere**, ubwo **muri mwe harimo ishyari, n'amahane, n'amacakubiri**, mbese ubwo ntimubaye aba kamere koko ntimugenza nk'abantu? Ubwo umuntu umwe avuga ati "Jyeweho ndi uwa Pawulo", undi akavuga ati "Jyeweho ndi uwa Apolo", ntibigaragaza ko muri aba kamere? 1 Abakorinto 3:3-4*

*Ni cyo gituma mbatumaho Timoteyo, umwana wanjye nkunda ukiranukira Umwami wacu. **Azabibutsa inzira zanjye zo muri Kristo**, nk'uko nigisha hose mu matorero yose. Ariko bamwe barihimbaza bibwira yuko ntazaza iwanyu. 1 Abakorinto 4:17-18*

*Inkuru yamamaye hose yuko muri mwe **habonetse ubusambanyi**, ndetse bw'uburyo butaboneka no mu bapagani, umuntu kwenda muka se. **Namwe murihimbaza** aho kubabara, kandi ari byo byari bibakwiriye ngo uwakoze icyo cyaha akurwe muri mwe. 1 Abakorinto 5:1-2*

*Ahubwo **mwene Data akaburana na mwene Data wundi**, kandi baburanira ku batizera? **Nuko mumaze kubonekaho icyaha rwose**, kuko muburana musubiranamo. Mbese ni iki gituma mudahitamo ahubwo kugirirwa nabi? Ni iki gituma mudahitamo guhuguzwa? Ariko **ni mwe ubwanyu mugirirana nabi**, muhuguzanya, kandi abo mugirira mutyo ni bene Data. 1 Abakorinto 6:6-8*

*Kuko iyo murya, umuntu wese yikubira ibye agacura abandi, nuko umwe **arasonza, naho undi akarengwa**. Mbese ye, ntimufite ingo zanyu ngo abe ari zo muriramo no kunyweramo? **Mugayisha mutyo itorero ry'Imana** mugakoza isoni abakene? Mbese mbabwire iki? Mbashime? **Kuri ibyo simbashima**. 1 Abakorinto 11:21-22*

Kimwe mu bintu abantu benshi bafashe nabi mu nyandiko za Pawulo, ni uko bavugaga ko yarwanyaga ugushyingiranwa akaba atarashyigikiraga gushaka abagore. Nta kintu gihabanye n'ukuri nk'iki. Pawulo yavuganye cyane urukundo ashimira abagore bashyigikiye umurimo we, kandi nta na rimwe yigeze avuga ko ari byiza ko umugabo adakora ku mugore. Ahubwo ni Abanyakorinto babivuze mu rwandiko bamwandikiye. Nanone kandi ibi byaterwaga n'urujijo rwazanywe n'inyigisho z'abacurabwenge mu itorero ry'Abakorinto. Ku ruhande rumwe, hari itsinda ry'abizeraga ko nta kibazo ku by'umuntu yakora ku mubiri, ku rundi ruhande hakaba n'itsinda ryahamyaga ko kwiyegurira Imana bivuze kwirinda kugira imibonano mpuzabitsina n'abagore ndetse no gushyingiranwa – iyi ikaba yari imyumvire yakomokaga mu madini ya gipagani yari ikubiye mu ndahiro zo kuba ingaragu ubuzima bwawe bwose. Nyuma yo gusubiramo amagambo Abanyakorinto bamwandikiye mu rwandiko rwabo, twite ku ijambo "ariko" Pawulo yakoresheje mu kubasubiza, byerekana ko

atemeranya nabo mu byo bavuze. Hanyuma kandi akomeza avuga ibihabanye rwose n'ibyo byumvire yabo.

*Ibyerekeye ibyo **mwanyandikiye**: 'ibyiza ni uko umugabo adakora ku mugore' **ariko**, ku bwo kwirinda gusambana, umugabo wese agire uwe mugore, n'umugore wese agire uwe mugabo. Umugabo ahe umugore we ibimukwiriye kandi n'umugore na we abigenze atyo ku mugabo we, ntumukimane keretse ahari musezeranye igihe, kugira ngo mubone uburyo bwo gusenga, kandi mwongere guhura Satani atabageragerasha iruba ry'imibiri yanyu. 1 Abakorinto 7:1-3,5*

1 Abakorinto 14 – Ibyerekeranye no kuvuga indimi

Nyuma yo gusobanura ku makosa yakorwaga mu itorero ry'Abakorinto muri rusange, iby'imiterere ndetse n'itangwa ry'Impano za Mwuka hamwe n'ihame ry'urukundo rutirebaho nk'insanganyamatsiko y'ibanze mu by'Umukristo akora byose, ubu noneho Pawulo yiteguye kuvuga kw'ikoresha nabi ry'impano yo kuvuga indimi mu Banyakorinto. Iki gice cyanditswe mu buryo bw'isanisha rinyuranya, bivuze ko ingingo ivugwa ikabangikanywa n'ikinyuranyo cyayo cyaba cyiza cyangwa kibi cyangwa ibitekerezo bidahuje n'iyi ngingo. Ubusobanuro bwimbitse bw'urwandiko rwa 1 Abakorinto 14, hamwe n'ubw'igitabo cy'Abakorinto muri rusange bivugwa hano, byakozwe na P. Gey Pittius kandi ubusobanuro burambuye buragaragazwa imbere gato mu isura y'igitabo. ¹⁸ Kubw'iki cyigisho turareba gusa ku miterere y'ibanze y'iki gice.

Ntabwo dufite ingingo zose zari zikubiye mu bibazo Pawulo yasubizaga byo mu rwandiko Abakorinto bamwandikiye. Nta n'ubwo tuzi byuzuye ibitekerezo n'ibindi baba barashinyeho mu mitekerereze yabo. Kubw'ibyo rero duhereye ku myandikire hamwe n'ikiganiro ubwacyo, tugomba gutahura niba Pawulo yemeranya cyangwa atemeranya n'ibitekerezo byatanze. Biradufasha gukurikira ibitekerezo bya Pawulo nidukomeza kwibuka ko imvugo ikurikirwa n'indi mvugo iyivuguruzwa. Pawulo nawe akoresha icyungo "ariko", cyangwa ikindi cyungo bisa mu kugaragaza ko atemeranya n'umvugo yabanje.

IMITERERE Y'URWANDIKO RWA 1 ABAKORINTO 14

UKO BIKWIRIYE KUBA

Mushimikire urukundo kandi mwifuze impano z'Umwuka, ariko cyane cyane wifuze guhanura. 1 Abakorinto 14:1

Urukundo ruhatira umuntu kubwiriza ubutumwa bwiza. Abahanuzi bose si ko baba barahawe amayerakwa n'Imana, kandi kuko bake gusa ari bo bitwa abahanuzi b'Imana, ijambo guhanura hano risobanuye kuvugira Imana nko kubwiriza cyangwa kwamamaza ubutumwa bwiza.

UKO BIDAKWIRIYE KUBA

Uvuga ururimi rutamenyekana si abantu abwira keretse Imana, kuko ari ntawumva ahubwo mu mwuka avuga amayoberane. 1 Abakorinto 14:2

Pawulo hano arasubiramo ibyavuzwe cyangwa ibyatekerezwaga n'Abakorinto. Bibiliya itanga ubusobanuro bumwe rukumbi ku byerekeye indimi, kandi bwatanzwe mu Byakozwe n'intumwa 2, aho zasobanuwe nk'impano yo kuvuga indimi zimenyekana. Pawulo ntiyemeranya n'iyi mvugo nk'uko bigaragara aho yahise akoresha icyungo "ariko".

UKO BIKWIRIYE KUBA

Ariko uhanura we abwira abantu ibyo kubungura n'ibyo kubahugura, n'ibyo kubahumuriza. 1 Abakorinto 14:3

Niba abantu badashobora kumva ibiri kuvugwa, ubwo rero ibyo bivugwa nta gaciro bifite kuko ntacyo byungura abandi, kandi byica ihame ry'urukundo rutirebaho. Hanura, kandi ubwirize ubutumwa bwiza, mu ntego yo kungura no gukomeza abandi.

UKO BIDAKWIRIYE KUBA

Uvuga ururimi rutamenyekana ariyungura. 1 Abakorinto 14:4a

Abavuga indimi biyungura ubwabo bica ihame ry'urukundo. Urukundo ntirushaka ibyarwo, kandi Pawulo ntabwo yemeranya nabyo nanone nk'uko bigaragara mu ikoresha ry'icyungo "ariko". Ubwiriza ubutumwa bwiza yungura itorero, kandi bityo akaba avugira Imana.

UKO BIKWIRIYE KUBA

Ariko uhanura yungura itorero. 1 Abakorinto 14:4b

Mbese abantu bose bavuga indimi? Oya rwose, kuko Pawulo yasobanuye ko Imana igenera umuntu impano uko ishaka bitari uko umuntu ashaka.

UKO BIDAKWIRIYE KUBA

Nakunda ko mwese muvuga izindi ndimi. 1 Abakorinto 14:5a

Niba Imana itanga impano kandi bose ntibahabwe impano zimwe, none ni kuki Pawulo yakwifuzaga ko bose bavuga indimi? Pawulo ntabwo avugaga ko bose bagomba kuvuga indimi cyangwa yifuriza bese kuvuga indimi. Ahubwo bigaragara ko ubu bugomba kuba ari ubuyobe bwari bwarinjiye mu Bakorinto. Muri aya magambo kandi Pawulo aravugaga ko atarwanya impano nyakuri ya Mwuka yo kuvuga indimi. Niba Imana ibahaye impano, arashakaga ko bayishyikira n'amaboko yombi byanze bikunze. icyakora Pawulo ntabwo yemeranya n'iyi mvugo nk'uko Abakorinto babyifuzaga. Ibi nanone bigarazwaga n'ikoresha ry'icyungo "ariko". Byongeye kandi kuvugaga ibinyuranya n'iyi mvugo bidufasha gushyira ino mvugo mu mwanya wayo, kuko ikitari ukuri gikurikirwa n'icy'ukuri.

UKO BIKWIRIYE KUBA

Ariko ibirutaho ni uko muhanura. Uhanura aruta uvuga izindi ndimi, keretse azisobanuye kugira ngo Itorero ryunguke.
1 Abakorinto 14:1

Amagambo “ariko ibirutaho” agaragaza igikwiye cy’ukuri. Nta mpano iruta izindi (1 abakorinto 12:4-26), kandi akamaro k’impano ni ugukwiza hose intego y’Ubutumwa bwiza. Iri jambo “gusobanura” rishobora kugira ubusobanuro bubiri kandi bwose bukoreshwa mu Byanditswe Byera. Ubusobanuro bwa mbere ni ugusemura, naho ubwa kabiri ni ukwagura cyangwa gusobanura. Ikindi dukwiriye kwitaho kandi ni uko umuntu uvuga indimi ari we ugomba no kuzisobanura (gusemura cyangwa gusobanura).

UKO BIDAkwIRIYE KUBA

Ariko none bene Data, ninza iwanyu mvuga indimi zitamenyekana nzabamarira iki.
1 Abakorinto 14:6a

Pawulo aravugaga ko ntacyo bimaze kuvugira indimi kandi bitagira uwo byungura, kandi aya amagambo nanone akurikirwa n’andi avuguruzaga uyo myumvire.

UKO BIKWIRIYE KUBA

Nintababwira ibyo mpishuriwe cyangwa ibyo mpawe kumenya, cyangwa guhanura cyangwa kwigisha?... nuko rero namwe ubwo mushimikira kubona impano z’Umwuka, aho ari ko murushaho gushishikarira kuzunguza itorero. Nuko uvugaga ururimi rutamenyekana asabe, kugira ngo ahabwe no gusobanura.
1 Abakorinto 14:6b, 12-13

Ubutumwa bw’ingenzi bwo kubaza itorero ni bwo bukenewe, kandi niba umuntu akwiye kumenyekanisha ubutumwa mu rundi rurimi, agomba no kubusobanura (gusemura). Iri jambo “rutamenyekana” riri ku murongo wa 13 ntabwo riboneka mu magambo ya Bibiliya y’umwimerere (niyo mpamvu iryo jambo ryanditswe mu nyuguti ziberetse mu ngeri ya Bibiliya yitiriwe Umwami Yakobo). Hagomba kuba hari ibibazo bibiri ku byerekeranye n’indimi mu itorero ry’Abakorinto – Bwa mbere, ikoresheza neza ry’impano z’ukuri (abantu bishyiraga hejuru kubw’impano bafite maze bakazikoresheza uko bidakwiriye), bwa kabiri, ikoresheza ry’amagambo aterekeranye y’indimi zitamenyekana zitabashaga kungura abandi kubw’ibyo kandi ntizigire icyo zimarira n’itorero.

UKO BIDAkwIRIYE KUBA

Iyo nsenga mu rurimi “rutamenyekana” umwuka wanjye urasenga, ariko ubwo bwenge bwanjye ntibugira icyo bwungura

abandi.

1 Abakorinto 14:14

Pawulo ntabwo yemeranya n'iyi mvugo nk'uko nanone bigaragazwa n'amagambo akurikiraho, bikerekana ko yasubiragamo amagambo y'abacurabwenge bo muri icyo gihe. Amagambo "Nuko noneho ngire nte?" agaragaza ukutemeranya n'imvugo yabanje. Umurongo wa 15 ni wo urimo igitekerezo cye, hanyuma umurongo wa 16 ukabisobanura mu magambo arambuye.

UKO BIKWIRIYE KUBA

Nuko noneho ngire nte? Nzajya
nsengesha umwuka wanjye ariko kandi

nzajya nsengesha n'ubwenge, nzaririmbisha umwuka wanjye ariko kandi nzaririmbisha n'ubwenge. Utabikoze nawe ugashima Imana, uyishimishe umwuka wawe wonyine, umuntu uri mu ruhande rw'injiji akaba atamenye icyo uvuze, yabasha ate kwikiriza ati Amen, umaze gushima?
1 Abakorinto 14:15-16

UKO BIDAkwiriye KUBA

Ku bwawe uba ushimiye neza koko, ariko wa wundi nta cyo aba yungutse.

1 Abakorinto 14:6b, 12-13

Hatabayeho kungura abandi ugushima kose mu ndimi ntacyo kwaba kumaze.

UKO BIKWIRIYE KUBA

Nshima Imana yuko mwese mbarusha kuvuga indimi, ariko mu iteraniro aho kuvuga amagambo inzovu mu rurimi rutamenyekana, nahitamo kuvuga amagambo atanu nyavugishije ubwenge bwanjye, kugira ngo nigishe n'abandi.
1 Abakorinto 14:6b, 12-13

Pawulo arashima cyane kuko yahawe impano yo kuvuga indimi (ntabwo ari indimi zitamenyekana, ijamba "zitamenyekana" ntabwo ryabaga muri Bibiliya y'umwimerere), nyamara kandi ntabwo yashoboraga kuba yakoresha iyo mpano y'indimi uko bidakwiye.

UKO BIDAkwiriye KUBA

Bene Data, ntimube abana bato ku bwenge, ahubwo mube abana b'impinja ku bibi, ariko ku bwenge mube bakuru.
1 Abakorinto 14:20

Pawulo arabibutsa ibyo mu gihe cye cyashize:

Nkiri Umwana muto navugaga nk'umwana muto, ngatekereza nk'umwana muto nkibwira nk'umwana muto. Ariko maze gukura mva mu by'ubwana. 1 Abakorinto 13:11

UKO BIKWIRIYE KUBA

*Byanditswe mu mategeko ngo "Nzavuganira nubw bwoko, mu kanwa k'abavuga izindi ndimi, no mu banyamahanga, nyamara nubwo bimeze bityo ntibazanyumvira." Ni ko Uwiteka avuga. **Ni cyo gituma indimi zitamenyekana zitagenewe kubera abizera ikimenyetso keretse abatizera, naho guhanura ko ntikwagenewe abatizera keretse abizera.***
1 Abakorinto 14:21-22

Ubushobozi bwo kuvuga indimi (indimi zimenyekana), ni impano yatangiwe kugeza ubutumwa ku batizera bo mu yandi mahanga. Guhanura(kubwiriza) ni iby'agaciro kanini ku bizera. Kuvuga indimi bibereyeho kuzibwira abizera, ntabwo byaba bihuje n'ihame ry'urukundo rutirebaho.

UKO BIDAKWIRIYE KUBA

Nuko rero Itorero ryose iyo riteraniye hamwe, bose bakavuga indimi zitamenyekana hakinjiramo abatarajijuka cyangwa abatizera, ntibazavuga ko musaze.
1 Abakorinto 14:23

Urujijo uko rwashe kose mu byo kuvuga indimi, rwabangamira ubutumwa bwiza kandi bigakumira aho kugira ngo bizane abizera ku kuri. Amagambo aterekeranye y'indimi zitazwi ntawe yagira icyo amarira. Nanone kandi mu kutemeranya n'imvugo yabanje, ijamba ry'icyungo "ariko" ryakoreshejwe mu gushimangira uburyo bukwiriye bwo kuramya.

UKO BIKWIRIYE KUBA

***Ariko** bose niba bahanura, hakinjiramo utizera cyangwa injiji, yakwemeza ibyaha bye na bese akarondorwa na bese, ibihishwe byo mu mutima we bikerurwa, maze yakwikubita hasi yubamye akaramya Imana, kandi akamamaza yuko Imana iri muri mwe koko. 1 Abakorinto 14:24-25*

Kumva amagambo y'ukuri kandi y'ingirakamaro ni byo bizatsinda imitima kandi biyane ku guhinduka nyakuri.

INCAMAKE

*Nuko bene Data, iyo muteranye bimera bite? Umuntu wese afite indirimbo cyangwa amagambo yo kwigisha, cyangwa amagambo ahishuriwe, cyangwa ururimi rutamenyekana, cyangwa amagambo yo kurusobanura. **Nuko rero byose bikorerwe kugira ngo abantu bunguke.** Niba hariho abavuga ururimi rutamenyekana, havuge babiri cyangwa batatu badasaga, kandi bavuge bakurikirana umwe asobanure. Ariko nihaba hatariho usobanura, uvuga ururimi acecekere mu iteraniro, yibwire kandi abwirire Imana mu mutima we. N'abahanuzi nabo bavuge ari babiri cyangwa batatu, abandi babigenzure. Ariko undi wicaye, nashoka ahishurirwa,*

Dore ibiranga gahunda z'ukuri z'itorero. Mu itorero hagomba kuba ibikorwa byungura abantu. Mu iteraniro ry'abantu badahuje ururimi kuvuga indimi (indimi zimenyekana, nanone twibuke ko ijamba 'zitamenyekana' ritabaga muri Bibiliya y'umwimerere) biremewe iyo bikoze mu buryo bukwiye hakaba n'isemura rinoze. Kuvuga amagambo atumvikana binyuranyije n'Umwuka w'Imana, kuko Imana idashobora kuvangura mu guha imigisha bamwe ikayima abandi binyuriye mu 'mpano' itari iyo kungura abandi. Binyuranye na kamere y'Imana y'urukundo ruzira inariye. Mu minsi ya none kuvuga indimi byabaye gikwira mu isi yose, ¹⁹ Ariko kuba byarakurikiwe n'imbaga nyamwinshi ntabwo ari igihamba cy'uko bihujye n'Ibyanditswe Byera.

Kuko Imana itari iy'umuvurungano, ahubwo ari iy'amahoro. Nk'uko bimeze mu matorero y'abera bese. 1 Abakorinto 14:33

Kugira ngo tudakomeze kuba abana duteraganwa n'umuraba, tujyanwa hirya no hino n'imiyaga yose y'imyigishirize, n'uburiganya bw'abantu n'ubwenge bubi, n'uburyo bwinshi bwo kutuyobya. Abefeso 4:14

IBIHAMYA

1. Lloyd & Leola Rosenvold, *Adventist Carnivals*: 116.
2. Austin Flannery (ed.), "Instructions on Music in the Liturgy," *Vatican II Council: The Conciliar and Post-Conciliar Documents* (New York: Costello Publishing, 1979): 81, 83-84.
3. "Singing and Music: 1157," *Catechism of the Catholic Church*.
<http://www.christusrex.org/www1/CDHN/paschal2.html>
4. Erwin Prange, *Full Gospel Businessmen's Voice* (April 1965): 7.
5. Tim Dowley, *Introduction to the History of Christianity* (Fortress Press, 2006): 621.
6. *Ibid*: 650.
7. *Ibid*: 635
8. *Dimensions* (December, 1975).
9. "National and International Religion Report," *Signswatch* (Winter 1996).
10. Johan D. Tangelder, "Robert Schuller: Sugar & Spice Gospel of Success," *Reformed Reflections* (September, 1987).
<http://www.reformedreflections.ca/biography/robertschuller.pdf>
11. Mortimer J. Adler, *Great Books of the Western World* Volume 3 (Encyclopedia Britannica Inc., 1952).

12. John Calvin and John Pringle (translator), *Commentary on the Epistle of Paul the Apostle to the Corinthians* (Edinburgh: T&T Clark, 1848).
13. V. N. Olsen, *The Gift of Tongues: A Study of Historical theology to the 18th century* (A report of the special committee meeting in camp Cumby-Bay, Georgia, January 49, 1973).
14. George B. Cutten, *Speaking with Tongues Historically and Psychologically Considered* (New Haven: Yale University Press, 1927): 71
15. Brigham Young, *Journal of Discourses* Volume 3 (Richards, 1856).
16. E. W. Kenyon, *In His Presence* (Kenyon's Gospel Publishing Society, 1981).
17. E. W. Kenyon, *In His Presence* (Kenyon's Gospel Publishing Society, 1981).
18. P. Gey van Pittius, *Dividing Fire*.
19. Gerhard F. Hasel, *Speaking in Tongues: Biblical Speaking in Tongues and Contemporary Glossolalia*
(Adventist Theological Society Publications, 1991).

Igice cya 13: NEW AGE MOVEMENT/INYIGISHO Z'UBUYOBE

Ijambo 'New Age' rikomoka mu by'ubumenyi bw'ikirere. Ibyitwa Zodiac ni imyizerere ikomoka muri Babuloni ya kera ivuga ko isanzure ry'ijuru riri mu mubumbe ugabanyijemo ibice 12 byitwa ibimenyetso, kandi ngo bikaba byatwara imyaka 25 000 kugira ngo isanzure ryacu ribashe kuzenguruka rinyura muri ibyo bimenyetso by'inyenyeri. Abari mu itsinda ryitwa Igihe Gishya/New Age Movement rero, bigisha ko inyokomuntu irimo kugenda yinjira mu gice kirangwa n'imyaka yo kumurikirwa. Igihe cy'ikimenyetso bita "Pisces the fish", cyibanda cyane ku iyobokamana rizwi rigiye gusimburwa n'imyaka ya Aquarius cyangwa igihe cyo kumurikirwa. Bavuga ko muri ibyo bice 12 buri cyose kimara igihe cy'imyaka ibihumbi bibiri, kandi kikagira ikimenyetso cyacyo cyihariye ndetse kikagira n'imbaraga zihariye.

Iyo habayeho uguhinduka uva mu gihe kimwe ujya mu kindi cyangwa uva mu kimenyetso kimwe ujya mu kindi, abanyabwenge bamwe mu gihe cy'imyaka myinshi baba biriteguye kujya mu myanya yabo binyuze mu bitekerezo n'inyigisho, bagatangira akazi bashyira imbaraga muri icyo gihe gishya. Mu myaka hafi ibihumbi bibiri isi yabayeho mu gihe cy'ikimenyetso cy'amazi cya Pisces kiyobowe na Neptune, kandi ikintu cy'ingenzi cyakiranye ni ishyirwaho ry'ubu Kristo no kwigarurira inyanja. Ubu igihe gishya cyaratangiye. Aquarius, ikimenyetso cy'ikirere, kandi kirimo gutera impinduka mu mitekerereze ya muntu hamwe n'ubumenyi bwa siyansi mu byerekezo byose, kandi biganisha cyane cyane mu kwigarurira ikirere.¹

Mu myaka yo kumurikirwa, inyokomuntu igomba kuvuka bundi bushya kandi ikaninjizwa mu mwanya wo hejuru w'imatekerereze aho mwenemuntu agaragaza ubumana mu muntu. Ikintu cy'ingenzi amahame y'Igihe Gishya/New Age yigisha ni uko umuntu akomoka mu ijuru mu myizerere y'abahuza Imana n'isanzure. Ikindi kandi, ayo mahame yigisha ko ubumuntu bugaragara bwa muntu bwagiye buhinduka uko abantu bagiye basimburana, ariko ingingo y'iby'umwuka yo ikaba idapfa ahubwo ibana n'Imana kuva mu itangiriro ry'ibihe.

Ushingiye ku bivugwa n'abacurabwenge ba New age/Igihe Gishya, uguhinduka uva mu gihe kimwe ujya mu kindi bibaho habayeho ubuhuza bw'abamurikiwe bagwiye ubwenge mu myaka myinshi. Ibibera mu isi byagiye biyoborwa n'Abigisha b'Ikirenga/Ascended Masters ari bo mu bihe binyuranye bajya bitabazwa mu bibazo bibera ku isi. New Age/Igihe Gishya itegereje uwitwa Maitreya cyangwa Kristo, ari we uzafasha inyokomuntu kuvuka bundi bushya. Ku BaKristo azagaragara nka Kristo, ku bahindu nka Krishna, ku bayisumu nka Imani Madhi, naho ku bantu bo mu bihugu by'iburasirazuba azaza nka Bodhi-sattva. Ibiro bye ni iby'umwigisha w'isi, kandi azayobora ari hejuru y'icyerekezo cy'amadini yose akomeye.

Abigisha b'Ikirenga bavugira mu miyoboro yo mu isi, bagiye bahamya ko bahinduye imitekerereze y'abantu mu gihe cy'imyaka myinshi, kandi muri buri myaka igihumbi, bagiye habaho impinduka idasanzwe mu mikorere. Higishijwe ko cyane abigisha b'isi icyenda cyangwa Abahanga bagize uruhare rukomeye mu ihinduka kuva mu gihe kimwe ujya mu kindi mu gihe cy'imyaka myinshi kandi ko amashyirahamwe menshi y'iby'Umwuka yagiye agira uruhare mu kugeza inyokomuntu mu gihe cyo kumurikirwa. Aba bamurikiwe

bashobora kuba ari abaturuka ahandi hantu cyangwa bakabaho ari abazukiwemo n’abandi. abo bigisha b’ikirenga icyenda ni aba bakurikira:

Umwigisha w’ikirenga Hilarion uhamya ko yahoze ari we Mutagatifu Petero mbere y’uko azuka ari Hilarion. Nk’uko ab’imbere mu bwiru bwa new age babivuga, ngo uyu Hilarion yagumanye umubiri we wo mu kirwa cya Kirete ariko igihe cye kinini akakimara muri Egiputa. **Umwigisha W’ikirenga Morya** uyu ngo ni igikomangoma cya Rujput agatura ahitwa Shigatse, akaba yahoze ari Akbar mbere y’uko azuka yitwa Morya. **Umwigisha W’ikirenga Koot Hoomi Lal Singh** ukomoka kuri Kashmiri kandi bivugwa ko yari Pythagoras mbere y’uko azuka ari Koot Hoomi Lal Singh. Nawe akaba atuye i Shigatse. **Umwigisha w’ikirenga Yesu**, mbere yo kuvuka ari Yesu ngo yigeze kuba Yosua, mwene Nuni na Yesu w’i Nazareti, akaba afite ahantu aba yiyoberanya ku butaka butagatifu. Iyobokamana rya New Age ryigisha ko “Umwigisha Yesu” ntacyo yakoraga kubwe ari ku isi nka Yesu w’i Nazareti, ariko ibyo yakoze ntibigaragara ugereranyije n’ibya Maitreya, cyangwa Kristo. **Umwigisha W’ikirenga Venetian** uhamya ko mbere y’uko abaho yahoze ari umushushanyi Paul Veronese. **Umwigisha w’Ikirenga Mahachohan** umurimo we wari ugupima atibeshya no kunyomoza bibaye ngombwa, imbaraga zihanganye zo mu kirere. **Umwigisha w’Ikirenga Serapis** azwi cyane ku bw’umurimo we w’ihindagurika rya Deva, kandi aho yabaga ntihigeze hahishurwa.

Abo icyenda biswe Abakuru, bakaba baranagize uruhare rukomeye mu mihindukire y’ibihe bya mwenemuntu bari imbere cyane mu mitekerereze n’imikorere kugeza ubwo inyigisho zabo zakirwa nk’umuziki mu matwi ya Mwenemuntu.

Urwunge rw’amajwi y’aba Bakuru icyenda rukora injyana ihuje yumvikanira mu ijuru, nyamara mu mimerere yihariye batuye mu isi kubw’ubufasha bwabo. Uwize kumva iyi ndirimbo itangaje bwa mbere abanza kumva ijwi ry’Umwigisha we w’Ikirenga haba imbere mu mubiri we cyangwa igihe atuje arimo atekereza. Nubwo inshuro ya mbere wumva bimeze nk’ibidasobanutse, komeza uharanire kugera kuri We. Uwo wiyumvamo kuba Umwigisha wawe niba wifuza kumvira mu isi iryo jwi ryiza rizagera aho rikunyura kuko rihuje umutima wawe n’Uwe.²

Hari n’abandi Bigisha b’Ikirenga b’ingenzi cyane ku bo muri New Age – buri mwigisha aba afite ubutumwa bwihariye bw’igihe runaka cyangwa impamvu runaka. Inyigisho y’aba New Age ishinze imizi mu iyobokamana ry’amayobera mu bihugu by’iburasirazuba ndetse no mu mashyirahamwe akorera mu bwiru. Ibi ni ukugarura imiyoborere ya Babuloni ya kera aho abakonikoni, abapfumu, n’abashitsi bakoranaga n’Abatambyi b’Abakaludaya mu by’idini no mu by’ubutegetsu. Igihe Nebukadinezari yarotaga inzozo yahamagaye aba “banyabwenge” ngo bazimusobanurire.

Umwami aherako ateguka ko bahamagara abakonikoni n’abapfumu, n’abashitsi n’abakaludaya ngo baze kubwira umwami ibyo yarose. Nuko baza bitabye umwami. Daniyeli 2:2

Iyi miyoborere ya gipagani rero ntabwo yari umwihariko wa Babuloni gusa, ahubwo yakomeje kuba uruhererekane mu mahanga menshi ya gipagani. Byabaye umuco ko bene muntu bagira idini rihengamira mu mihango y’ubwiru no kugira abapfumu babahanurira bakababwira ibihishwe. Iyi myizerere y’ubuyobe yabashije kwinjira no mu bwoko

bw'abisirayeli maze iyi mitekerereze yanduza imico y'idini yabo. Ibi kandi nibyo byateye umuhanuzi Yeremiya kuburira ubwoko bwe ati:

Ariko mwebweho ntimukumvire abahanuzi banyu cyangwa abapfumu banyu, cyangwa inzosi zanyu cyangwa abacunnyi banyu ndetse n'abarozi banyu bababwira bati 'ntabwo muzakorera umwami w'i Babuloni' Yeremiya 27:9

Iyi myaka tubayeho ubu yiswe imyaka yo kumurikirwa igaragara ko ari imyaka y'umwijima w'icuraburindi mu bya Mwuka. Kugeza n'uyu muni iyi myizerere ya kera iracyariho ariko mu mwitero w'igihe cya none. Abategetsi b'isi bakorana n'abahuza b'abapfumu n'abakonikoni ndetse n'abanyepolitiki bubashywe b'iki gihe banyura kuri aba banyabwenge nk'uko umwami wa Babuloni yagenje.

Bibiliya yigisha ko ibihembo by'ibyaha ari urupfu. Imana yabisobanuye neza muri Edeni, ko iyo Adamu na Eva bacumura amategako y'Imana bagombaga guhura n'ingaruka – kandi izo ngaruka zari ukwamburwa ukudapfa. Inzoka ni yo yashutse Eva imwoshya gucumura itegeko ry'Imana aya ku giti kibuzanyijwe. Igiti kimenyekanisha icyiza n'ikibi cyari kibereyeho kugerageza ukumvira kwa Adamu na Eva muri Edeni. Ugukiranuka nti kwari mu kwirinda kurya ku giti ubwacyo; Ahubwo ugukiranuka kwari mu kumvira ibisabwa n'Imana.

Nk'uko Bibiliya ibivuga, Satani yabajije ahinyura umugambi w'Imana wo gushyira igiti kimenyekanisha icyiza n'ikibi hagati mu busitani bwa Edeni.

Inzoka yarushaga uburiganya inyamaswa zo mu ishyamba zose, Uwitaka Imana yaremye. Ibaza uwo mugore iti "ni ukuri koko Imana yaravuze iti: "ntimuzanye ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi?" Itangiriro 3:1

Mu gisubizo Eva yahaye iyo nzoka (inzoka ari yo muyoboro satani yavugiragamo), Eva yerekana neza ko yasobanukiwe byuzuye n'ibyo Imana yavuze.

Uwo mugore arayisubiza ati "imbuto z'ibiti byo muri iyi ngobyi twemererwa kuzirya, keretse imbuto z'igiti kiri hagati y'ingobyi ni zo Imana yatubwiye iti" ntimuzazirye, ntimuzazikoreho, mutazapfa." Itangiriro 3:2-3

Satani asubirisha ibinyoma bibiri bya mbere byabwiwe mwenemuntu, ari byo : "Gupfa ntimuzapfa", kandi ati "Muzamera nk'Imana".

Iyo nzoka ibwira umugore iti, "Gupfa ntimuzapfa, kuko Imana izi yuko ku muni mwaziriyeho, amaso yanyu azahweza mugahindurwa nk'Imana, mukamenya icyiza n'ikibi" Itangiriro 3:4-5

Kuva ubwo, ibyo binyoma by'impanga ari byo ukudapfa kwa roho no kumera nk'Imana byabaye ishingiro mu iyobokamana ry'ikinyoma rya Satani mu bihe byose. Binyuze muri ibi binyoma by'impanga, Satani akura mu bwenge bw'abantu agaciro ko gushakira agakiza muri Kristo. Kwizera ukudapfa kwa roho, bisobanuye ko tudakeneye Kristo wo kuduha ikintu dufite tutigeze dutakaza ari cyo kudapfa. Kwizera kumera nk'Imana, bisobanuye ko tungana na Yo kandi dufite ubushobozi bwo kwikiza ubwacu. Kubw'uyu mukino w'ubucakura wa Satani rero, inama y'agakiza ihindurwa ubusa. Intsinzi Satani yagiriye muri Edeni ni yo ntsinzi yakomeje kugira kandi anezezwa nayo mu bihe byose by'amateka y'isi,

by'umwihariko mu bihe biheruka, ubucakura bwamuhesheje intsinzi muri Edeni ni bwo buzamuhesha no kwisasira abantu benshi mbere y'umunsi ukomeye uteye ubwoba w'Uwiteka. Bibiliya itwerekako ko iyo mico ya Satani yinjijwe muri mwenemuntu.

Uwo mugore abonye yuko icyo giti gifite ibyo kurya byiza, kandi ko ari icy'igikundiro, kandi ko ari icyo kwifuriza kumenyesha umuntu ubwenge, asoroma ku mbuto zacyo, arazirya, ahaho n'umugabo we wari kumwe na we, arazirya... Itangiriro 3:6

Kubwo kwifuza kumera nk'Imana, ntabwo uba wishe itegeko rya cumi gusa, ahubwo uba wishe n'itegeko rya mbere. Kurarikira umwanya w'Imana ndetse ukifuza kwishyira mu mwanya w'Imana bijyana mu kwica amategeko yose y'Imana, bityo ugatesha agaciro amategeko y'Imana ukayagira ubusa. Ibi byagiye byigaragaza cyane mu mateka y'inyokomuntu.

Inyigisho z'ukuri z'Ibyanditswe Byera zahagaze nk'igikuta gikingira urujijo ruzanwa na Satani, ariko uko ibihe byagiye biha ibindi, ukuri kw'ingenzi kwagiye guhambwa muni y'urujijo rw'amahame y'ibinyoma. Ikinyejana cya makumyabiri cyo, cyagaragaye nk'ikinyejana cy'iterambere n'ibitangaza mu bya siyansi, ariko kandi cyabaye ikinyejana cyo gusubira inyuma bikabije mu bya Mwuka. Nk'uko ubuhanuzi bubivuga, tubayeho mu minsi ya nyuma y'intambara iheruka hagati y'ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo na Satani, kandi Igihe Gishya/New Age ni umugambi ukomeye wa Satani wo kurimbura ukuri kw'Imana.

New Age y'iki gihe ifite inkomoko mu kwizera no kuvugana n'imyuka y'abapfuye. Kubwo Bibiliya yigisha ko abapfuye ntacyo bazi (reba ikigisho cyitwa *Amayobera y'Ubwami bw'Urupfu*), iyi myuka y'abapfuye igomba kuba ari imbaraga z'abadayimoni biyambika ishusho y'abantu. Mu by'ukuri kandi, Bibiliya yigisha ko mu minsi ya nyuma abantu bazayoboka amahame ayobya ya Satani, kandi dukwiriye kwirinda imbaraga z'abadayimoni.

Ariko Umwuka avuga yeruye ati "Mu bihe bizaza bamwe bazagwa bawe mu byizerwa, bite ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni". 1 Timoteyo 4:1

Reka da! Ahubwo mvuze yuko ibyo abapagani baterekereza babitererekereza abadayimoni batabitura Imana, nanjye sinshaka ko musangira n'abadayimoni. 1 Abakorinto 10:20-21

Uburyo bunoze bushya bwo kwizera imyuka y'abapfuye bubikomatanze n'ingingo zimwe z'Ubukristo ari cyo kiranga iyobokomana ry'Igihe Gishya/New Age, byatangiye hagati mu kinyejana cya 19. Uwatangije itsinda ryigisha iyobokomana rivanze na siyansi ni Mary Baker Eddy, wabaye umwe mu ba mbere bigishije ukudapfa kwa roho no kugira ubumana imbere mu muntu. Mu gitabo cyeye yise *Science and Health with a Key to the Scripture*, amahame y'igihe cya cyera cy'Ubugnosticism, Ubupantheism, Ubuhinduism, n'Ubudualism yongeye kuvangwa n'ingingo z'Ubukristo. Ibinyoma by'impanga Satani yavugiye muri Edeni byongeye gusubirwamo mu nyandiko za Mary Baker Eddy. Amagambo make yo muri icyo gitabo cyeye arahagije mu kwerekana umurongo we ahagazeho.

Kuvuga ko habaho ikibi, nta shingiro bifite. Ikibi si umuntu, si ahantu, ndetse si n'ikintu. Ahubwo ni imyizerere gusa, ni urujijo rw'ibyo abantu badasobanukirwa. ³
Mureke twibuke ko umuntu wuzuye kandi ufite kudapfa yabayeho ibihe byose. ⁴

Urupfu; ni urujijo, ni ikinyoma gikomeye mu buzima... ikintu cyose kigaragara gihamya ko urupfu ruriho ni ikinyoma, kuko kiba kibusanyije n'ukuri kwa mwuka kwo kubaho.⁵

Umugabo n'umugore nk'ibiremwa bibana ubuziraherezo hamwe n'Imana, byerekana mu burunganyire bufite ikuzo ry' umugabo ubugore n'Imana.⁶

Roho ni ihame ry'ubumana bwa muntu, kubw'ibyo ntakora icyaha, ni cyo gituma roho idapfa.⁷

Idini ry'aba Mormons naryo rifite iyi myizerere. Abamormons bafite *Ihame ry'amasezerano* rigira riti:

Wahoranye n'Imana mbere na mbere. Umuntu nawe yahoranye n'Imana mbere na mbere. Ubwenge, cyangwa umucyo w'ukuri, ntabwo byigeze biremwa, nk'uko nawe utigeze uremwa.

Brigham Young, umuyobozi w'ikirangirire w'abamormon, ngo yavuze aya magambo:

Satani yavuze ukuri kubyerekeye ubumana. Ntabwo ncira iteka umubyeyi Eva. Mbona nta kibi yakoze kuba yarariye ku giti cyabuzanyijwe. Binyuze mu mpano y'icyaha, inyokomuntu ishobora kugera ku rugero rwo kumera nk'Imana.

Imiyoboro ya none hamwe n'ibitabo by'abari muri New Age nabyo byigisha ino myizerere. Virginia Essene, umuyoboro mushya avugako "Yesu" yamuvugiyemo ati:

Urupfu ni ikiremwa cy'inyokomuntu, ntabwo ari icy'Imana. Uku ni ukuri koroshye kumva.

Abaje ku isonga ya New Age ni idini ry'AbaHindu bavuguruye (babayeho mu 1830-1870). Inyigisho y'ibanze y'iri dini yitwa Bahti, inyigisho ivuga ko kamere y'ijuru uyegera binyuze mu gutekereza cyane (meditation) ndetse no mu ntekerezo zijyana no kwishyiramo ibyo wifuzaga kureba (visualisation). Itsinda ry'abahindu bo mu bwoko bwa gurus rigenzurwa n'ishyirahamwe rikorera mu bwiru ryitwa Visha Hindu Parishad. Mu yandi matsinda nk'ayo harimo Rama Krishna, Itsinda rya Vedanta, Hare Krishan, ISKON, 3HO, Theosophical society, n'andi matsinda menshi y'abakora Yoga. Intego yabo nyamukuru ni uguhuriza hamwe amadini yose. Amateka y'ubu buhakanyi akomoka i Babuloni, kandi bwakomeje guhererekanywa uko ibihe byagiye biha ibindi. Mu gihe cya Kristo, abakomoka kuri Essene batangiye imisengere ikoresha imbaraga z'ubupfumu kandi nyuma baza kwakirwa mu ihuriro ry'ubuvandimwe ryiswe Sufis. Abayoboye ano mashyirahamwe y'amayobera akorera mu bwiru bazwi nk'Abigisha b'ikirenga b'Ubwenge. Kuri ubu ishyirahamwe Great White Brotherhood, rifite icyicaro muri Tibet, ni ryo soko amashyirahamwe menshi akorera mu bwiru akomokaho. Harimo nka Order of the Rosy Cross, Ordo Templi Orientis, The Bavarian Illuminati, ndetse n'aba Jesuites. Nk'uko bivugwa na Elisabeth Van Buren ukomeye cyane muri aya mashyirahamwe akorera mu bwiru, Great White Brotherhood riyobowe na Sanat Kumara ('Sanat'; izina riyoberanyije ariko rikomoka kandi rishaka kuvuga Satani).

Ikintu cyo kwitaho cyane ni uko ibimenyetso bikoreshwa n’abari muri New Age ari byo bimenyetso bikoreshwa n’abari mu mashyirahamwe y’aba Jesuite na Freemasonry, kandi usanga bifite inkomoko i Babuloni no muri Egiputa. Abo muri Freemasonry bakoreshe ijamba ry’impine “Solomon” ndetse n’urusengero rwa Salomon mu kugerageza guha agaciro imigenzo yabo, nyamara ikintu cyo kwitaho cyane ni uko iyo migenzo yabo ari imwe n’imigenzo yo mu mashyirahamwe akorera mu bwiru y’abapagani. Sol-om-on ni amazina y’ikigirwamana izuba akoreshe mu kilatini, mu bihugu by’i burasirazuba ahiganje imyizerere y’idini rigendera ku migenzo y’amayobera, ndetse no muri Egiputa ya kera ahabaga imyizerere igendera ku migenzo ya gipagani. “Ukubyarwa ubwa kabiri” kw’aba Freemasonry n’andi mashyirahamwe akorera mu bwiru ndetse n’amashyirahamwe y’iby’iyobokamana nta sano bifitanye no guhinduka byigishwa na Bibiliya, kuko ibyabo birangwa n’imigenzo nko kuryama mu isanduku y’abapfu hanyuma ukazurwa kandi Umwigisha w’ikirenga akakwinjiza mu buzima bwo kumurikirwa.

Ikindi kandi, imigenzo ikorerwa mu ngoro zabo ni yo migenzo Uwitwaga yabujije ubwoko bwe kutazigera bakurikiza kuko byerereza ibyaremwe byo mu kirere. Amagambo akoreshe mu ngoro zabo, ibyitwaga Mithraism, amadini yo mu bihugu by’i burasirazuba, ndetse n’amadini ya Gikristo yo muri iki gihe byose bisa n’ibyo muri New Age kandi bigahura n’imyizerere y’amayobera y’i Babuloni – ari ryo dini rishya rya New Age. Inyandiko yabo ibihamya muri aya magambo:

.... inkingi ebyiri za Yakini na Bowazi... zabayeho hashize imyaka hafi ibihumbi umunani. Hanyuma hakurikiraho Taurus, na Bull igihe Mithra yazaga nk’Umwigisha w’Isi agatangiza inyigisho z’amayobera za Mithras (mu bigaragara) akoreshe gusenga ikimasa (Bull). Hanyuma hakurikiyeho Aries the Ram, ari we watangije imyizerere ya Dispensation mu Bayuda, imyizerere yemewe cyane n’abayuda nyamara kandi ikaba inemewe cyane no mu matorero ya Gikristo, ariko ikaba itabwirwa miliyoni nyinshi zo mu bindi bice by’isi. Muri iki gihe nibwo hatangiye Buddha, Shri Krishna na Sankafachrva. Nyuma y’ibyo rero, ubu tugeze mu gihe cya Pisces the Fish, ari cyo cyatuzaniye Kristo. Uruhererekane rw’amayobera buri kimenyetso (mu bigize Zodiac) cyerekejeho tuzabisobanurirwa na Kristo.⁸

Ibi byose birerekeza mu guhuriza hamwe amadini yose ngo akore idini rimwe ku isi, imirimo itegura iki gikorwa yakozwe n’ibice bitandukanye bikorera mu bwiru mu gutegura abantu kwakira iyi myumvire. Imyizerere ya none y’amayobera n’icurabwenge bihishwe mu bwiru byakwirakwijwe cyane ku bw’imbaraga za Helen Petrovna Blavatsky, wabanaga n’uwitwaga Koot Hoomi wari umwe mu Bigisha b’Ikirenga, kandi wakoze umurimo ukomeye mu gutangiza gahunda ya kera ishingiyeye ku bitekerezo bihishwe mu bwiru mu bihugu by’i Burayi na Amerika. Igitabo cya Blavatsky cyitwaga *The Secret Doctrine* kirimo byinshi bisobanuye ibyo neza, kandi kinagaruka ku binyoma bibiri bya Satani muri Edeni.

Umutambyikazi mukuru w’imyizerere ya New Age y’igihe cya none nta gushidikanya ni uwitwaga Alice A. Bailey (wabayeho mu 1880-1949) wahawe ubutumwa n’Umwigisha w’Ikirenga *Djwal Khul* ukomoka ahiya Tibet, akaba azwi nka D.K, kandi akaba yarabayeho umunyeshuri wa Koot Hoomi. Mu nyandiko ze zamenyekanye cyane harimo *Problems of Humanity* (ibibazo bya Mwenemuntu) n’ikindi cyitwaga *The Reappearance of Christ* (Kongerera kugaragara kwa Kristo). Izi nyandiko ze zigamije gutegura isi ngo izayoborwe na guverinoma imwe, idini rimwe, no kwemera Kristo uhuriweho na bose (Satani wiyambitse

ishusho ya marayika w'umucyo). Djwal Khul ahamya ko abari kumwe na we bazamumenya binyuze mu nyandiko za Alice A. Bailey. Akomeza kandi agira ati:

Ndi umuvandimwe wanyu, wagenze Urugendo rurerure kurusha urwo benshi mu banyeshuri bagenze, ibyo bigatuma ngira inshingano ziremereye. Ni njye wakiranye kandi nkarwana cyane mu buryo bwanjye ngo ngere ku rugero rwo hejuru rw'umucyo kurusha urw'abazafashwa no gusoma iyi nyandiko, kubw'ibyo ngomba kuba umutangamucyo, ikiguzi uko cyangana kose. Ntabwo ndi umusaza, nk'uko imyaka y'ubukuru igira agaciro ku bigisha basanzwe, nyamara kandi nta n'ubwo ndi umwana udafite ubunararibonye. Umurimo wanjye ni ukwigisha no gukwirakwiza ubumenyi bw'Ubwenge Budasaza aho nshoboye kwakirwa hose, kandi ibi nabikoze imyaka myinshi.⁹

Icyari kigenderewe muri ubu butumwa ni uko ibitekerezo by'amayobera bya New Age bihishwe mu mwambaro w'inyuma w'ibimenyetso byitwa ibyo kurinda abantu ikibi, n'ibimenyetso by'ubumaji bitera amahirwe, kimwe n'imyizerere ya New Age y'iby'ubumenyi bw'ikirere, ibyo gukoresha imibare, iby'ubusobanuro bw'amabara, gusoma amakarita, guhanura iby'ahazaza uherye ku giti cy'umukindo, imbaraga zibonerwa mu ishusho ya pyramid, ibitangaza byo gukiza indwara, ndetse no kwita ku bidukikije, ibi byose bigomba kwinjizwa mu madini yose, kandi bigahabwa imbaraga no kwemera ibinyoma by'impanga bya Satani by'ukudapfa kwa roho no kugira ubumana mu muntu, maze amaherezo bese bakazemera Kristo w'ikinyoma bemeza ko azayobora isi mu kinyagihumbi cy'amahoro.

Djwal Khul yategetse abayoboke be gukwirakwiza aya mahame ahantu hose hashoboka - mu itangaza makuru ryose, mu myidagaduro yose yo mu isi, mu bigo by'amashuri, ndetse no mu buvuzi, kandi ibi byagombaga gutangira nyuma y'umwaka wa 1975. Amashyirahamwe akorera mu bwiru nka Freemasons, Illuminati n'andi mashyirahamwe y'iby'iyobokamana yagombaga gucengera no kwigarurira ubukungu bw'isi, mu mugambi wo guhuriza amadini yose mu idini rimwe, no kwemera umushumba mukuru wa kiriziya Gatolika y'I Roma nk'umuyobozi w'ikirenga w'iby'amadini w'ikinyejana cya 20. Amakuru y'uburyo ibi bizagerwaho azajya akwirakwizwa n'Abigisha b'Ikirenga binyuze mu bantu batoranyijwe bazajya bamenyesha za guverinoma ibikorwa, kugira ngo bibahe uburyo bwo gukora iteganyamigambi rijyanye n'iyi gahunda. Isi irimo iritegura intambara iheruka hagati ya Kristo na Satani.

Umucurabwenge ukomeye wa kiriziya Gatolika, Don Bosco, mu 1862 yahanuye ko ku iherezo ry'ikinyejana cya 20 Papa azagera ku mugambi we wo kuba umuntu w'ingenzi uzana umutekano nk'igikoresho gitsika ubwato bw' "ubutumwa bwiza" hagati y'inkingi z'impanga zo kwizera. Izo nkingi z'impanga zivugwa ni Ukarisitiya no gukuzwa kwa Mariya. Ukarisitiya ni ikimenyetso cyo gutsindwa kwa Kristo (aho Kristo yongeraga kubambwa inshuro nyinshi) naho Mariya akaba ikimenyetso cy'ikigirwamana zuba cyangwa ukwigaragaza mu ishusho y'umugore kw'icyo kigirwamana, Isis, Artemis, Venus, Astarte cyangwa irindi zina ryose wamwita. No mu mitekerezereze y'abo muri New Age, inyigisho y'ikigirwamanakazi (Umubyeyi w'igitangaza w'isi) ni inyigisho yemewe cyane. Umunyabwenge kandi wemera imyizerere ya New Age witwa Ken Wilber yaranditse ati:

Ikigirwamanakazi gikomeye cy'abahindi cyitwa Kali iyo kirebwe mu ishusho yacyo ikomeye nk'umugore wa Shiva, usanga ari urugero rwiza rwo gusobanukirwa n'ishusho y'Umubyeyi w'igitangaza wa kera (Mariya) mu kwemera Imanakazi

y'Igitangaza nk'umyungu mshya kandi yo hejuru. ...Aho bikwiye kumvikana ko ifite umumaro w'igitambo cy'ukuri (ukarisitiya), bitari igisimbura igitambo cy'amaraso. ...'Kugwa' cyari igikorwa cy'ubwenge kandi gitunganye mu guhinduka ujya ejuru mu gukura, ariko cyafashwe nko kugwa kuko byanze bikunze cyongereye kwiyumvamo icyaha, kuba abo kubabarirwa ndetse no kumenya urupfu n'iherezo. ...Kubwo kurya ku giti cy'ubwenge, umugabo n'umugore ntabwo bamenye ibyo gupfa no kugira iherezo kwabo gusa, ahubwo banamenye ko bagomba kuva muri Edeni mu buzima bwo kubaho uyobowe udakoresha ubwenge bwawe bwuzuye, maze bagatangira ubuzima nyabwo bw'umuntu ku giti cye. ...Ntabwo birukanwe mu murima wa Edeni; ahubwo barakuye maze bawusohokamo. (Kubw'amahirwe rero, kubw'iki gikorwa cy'ubutwari, dukwiriye gushimira Eva, aho kumugaya).¹⁰

Ibitandukanye n'ibi, Bibiliya ifite inkingi zayo zo kwizera, zihagaze ku rufatiro rutandukanye n'urw'izi nyigisho zabo, kandi izo nkingi ni ukubaha Imana no kugira ukwizera muri Yesu Kristo:

Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu. Ibyahishuwe 14:12

Intambara iheruka y'ubutware, ni intambara yo kuyobora ibitekerezo, ntibitangaje rero kuba imyidagaduro yo mu isi ndetse n'itangazamakuru ari byo bigomba kuba ibya mbere mu kwinjizwamo i nyurabwenge y'abo muri New Age. Mu gukwiza iyi myumvire, ibirangirire byo muri Hollywood byo mu kinyejana cya 20 ni byo bigomba guherwaho, kandi uyu muni tuzi ko Abigisha b'Ikirenga banyuza inyigisho zabo mu *miyoboro* myinshi (izina ryabo bafashe mu kuvuga inzira bakoresha), kandi abafana babo benshi ni ibyamamare muri muzika n'abakinnyi ba za filimi, twavugaga nka Rmatha uvugira muri J.Z Knight na Shirley Maclaine, Burt Reynolds, Clint Eastwood, Richard Chamberlain, Joan Hackett, Shelley Fabares, Mike Farrell, na Linda Evans, n'abandi benshi. Shirley Maclaine akorana bya hafi n'icyamamare muri yoga y'abahinde cyitwa Bikram, ari na we ufite abafana b'ibyamamare nka Michael Jackson na Quincy Jones. Umukinnyi wa filimi Richard Gere we yiyegaruriye Tibet, naho Patrick Duffy na Tina Turner bo ni aba buddhiste bakomeye, bese bakiriye ingengabitekerezo ya New Age.

Binyuze muri aba bantu bagizwe ibyamamare ni ho ibitekerezo by'abantu bo mu kinyejana cya 20 bizayoborwa ku nyigisho za New Age. Indi nzira ni iyo gukoresha ikoranabuhanga rigezweho rya za mudasobwa. Imikino yo kuri mudasobwa ndetse na za porogaramu ziyobora mudasobwa byose bikorwa n'amashyirahamwe agamije gukwirakwiza inyigisho zihishwe mu bwiru bwabo. Umukino wa mudasobwa witwa Hexen urimo ubutumwa buhishwe nyamara bugamije gutesha agaciro igitabo cy'ibyahishuwe kandi bwerekana nk'intwari ibice bitatu bivugwa nk'ibigize Babuloni mu gitabo cy'Ibyahishuwe.

Imikino iba ifite ibindi bihishwe yerekejeho y'ubu buryo ni kimwe mu bikomeye biranga New Age kandi isohoka rya Hexen ryari rinateganyijwe kuba mu ijoro rya Satani(Halloween), ku wa 31 Ukwakira 1994.

Rimwe mu matangazo yamamaza New Age ryashyizwe ahagaragara binyuze mu itsinda rya muzika ryiswe *Hair*, aho indirimbo ikomeye kurusha izindi yatangaga inyigisho za New Age muri aya magambo:

Igihe ukwezi kuri mu nzu ya karindwi
Na Jupiteri iringaniye na Marisi -
Ni bwo amahoro azayobora imibumbe yose,
Maze urukundo rukayobora inyenyeri,
Uku ni ukurasa kw'imyaka ya Aquarius;
Uguhuza n'Ubwumvikane;
Ubugwaneza no Kwizerana bisendereye,
Kubeshyana n'amacakubiri bishizeho,
Kubaho neza, n'inzozo z'ahazaza heza,
ihishurwa ribengerana ry'amayobera,
N'ibohorwa nyakuri ry'ibitekerezo,
Aquarius! Aquarius! Aquarius!

Inyigisho y'uko umuntu azuka yahindutse undi cyangwa ikindi kintu, ubuzima nyuma y'urupfu, no kugaruka kuri iyi si kw'imyaka y'abapfuye ni kimwe mu bifite ikibanza mu myidagaduro yo mu isi. Abahanzi b'ibirangirire bapfuye bashyirwa hejuru bagasengwa nk'imana (Elvis Presley), ndetse abandi bakitirirwa gukora ibitangaza (Michael Landon). Ibiganiro bigezweho ku ma televiziyo ni ibivuga ubuhamya bw'ubuzima nyuma y'urupfu, iyobokamana ryigisha guhabwa andi mahirwe nyuma yo gupfa, kuvugana n'abamarayika, abamarayika bahinduka abagabo maze bakaryamana n'abagore, n'ibindi byinshi. Mu by'ukuri, isi yizera ibinyoma by'impanga byo muri Edeni.

Imitekerereze y'abatuye i burengerazuba bw'isi (Amerika n'Uburayi) yari yiteguye kwakira iri yobokamana ry'i burasirazuba rishingiye ku myizerere y'amayobera ihishwe mu bwiru, kandi kuva mu kuramya abapfuye kugera mu kuramya abazima ni intambwe ngufi kuri bo. Mu iyobokamana ry'i burasirazuba abigisha nka Sri Sathya Sai Baba muri Ashram babaramya 'nk'imana ikomeye', ndetse ingoro nini n'amazu birubakwa mu migi y'I burengerazuba yo guteraniramo bamuramya. Igihugu cy'Ubudage by'umwihariko cyakiriye neza kuramya Sai Baba. Ubutumwa bwe nanone kandi ni "Kunda mugenzi wawe, amahoro, Imana iri muri twese". Iyi ni inyigisho y'ikinyagihumbi cy'ikinyoma yigisha amahoro n'umutekano.

Ku banyabwenge, iyobokamana rya New Age rigeze aho riri ubu kubwo kugendera ku nyandiko za Helen Schucman, inararibonye mu miterere y'ubwonko muri kaminuza ya Columbia. Nyuma yo kubanza kuninira ijwi ritumvikanaga ry'umwigisha w'ikirenga wazamutse, yaje kwandika igitabo cy'ibanze cy'iyobokamana rya New Age gisobanura imyizerere y'ubu y'amayobera ihishwe mu bwiru: indongozi y'umwigisha iyobora umuntu ku kugera ku bumana agahinduka nka Kristo, ndetse akanashobora gukora ibintu byose Kristo yashoboraga gukora. Icyo gitabo cyeyitwa *A course in Miracles*. Mu magambo ye, uwo mudamu yanditse ku buzima bwe atya:

*Ubwo nasabwaga gukora uyu murimo, nakomeje kubaza iki kibazo ngo, 'ariko se kubera iki nje? Kubera iki nje, mu gihe hari abandi bantu beza babasha kubikora?' Nuko mpabwa igisubizo mu buryo butuje kandi bufashije ngo, 'Ni uko wifuza kumenya uwo ndi we neza, kandi ukaba ufite ubushake bwo kunkorera, ndetse ukaba waranyemereye kwinjira mu bugingo bwawe. Inshuro nyinshi nabwiwe ko kuba uyu mubumbe ari uwo gukorana ubushake, twese dukwiye gusaba guhabwa iby'umwuka - tugomba kwemera gukorana kubw'amahitamo yacu bwite.'*¹¹

Ibibi bihishwe muri aya magambo nta busobanuro wabibonera. Mu gukuza inarijye ya muntu, Satani akoresha ibinyoma byoroheje mu gukururira umuntu gukorana n'umigambi ye. icyakora, birashimishije kubona na Satani azi ko umuntu yaremanywe umudendeze wo guhitamo, kandi ko kubwo guhitamo uruhande rwiza mu ntambara ikomeye, nta bushobozi aba afite bwo kugenzura intekerezo zacu.

Muri iyi nyandiko nk'umuyoboro, binyuriye mu ruhererekane rw'amasomo, mwenemuntu yinjizwamo imitekerereze ishingiyeye ku myizerere ihishwe mu bwiru. Buri somo ritangizwa n'indirimo, kandi rigasubiramo gutandukanya umubiri n'ubugingo. "Ntabwo ndi umubiri. Mfite umudendeze". Ibinyoma by'impanga bya Satani muri Edeni; ko nta rupfu kandi ko umuntu afite ubumana imbere byongera gusubirwamo hato na hato.

*Nta rupfu ruriho, kuko Umwana w'Imana asa na Se. Ntacyo wakora ngo uhindure urukundo ruhoraho. Ibagirwa inzozo zawe z'icyaha no kwiyumvamo ubunyacyaha, ahubwo uze dufatanye gusangira umuzuko w'Umwana w'Imana. Kandi uzane abantu bose yagutumye kwitaho nk'uko nanjye nkwitaho.*¹²

Andi magambo agira ati: "Ndahamagara izina ry'Imana hamwe n'izina ryanjye". Ibi rero byerekana ko nawe ungana n'Imana.

*Izina ry'Imana ni ugucungurwa kwanjye
Mvanwa mu gitekerezo cyose kibi no mu cyaha.
Kubw'izina ryanjye hamwe n'izina ry'Imana.*¹³

Ni inzira ya Satani yo kuyobya intekerezo z'umuntu azivana ku cyaha no kwihana kugira ngo agakiza kabe katagifite agaciro. Ibyo binyoma nk'uko bihishwe mw'iyobokamana rya New Age byabashije kwinjizwa no mu matorero yiyita aya gikristo muri iki gihe. Nyuma y'ikibwirizwa cy'e numero 1000 mu kiganiro cy'e kitwa Isaha y'Imbaraga, (Hour of Power), Dr. Robert Schuler yashimwe cyane na Mother Theresa, Billy Graham, C. Scott King (umupfakazi wa Martin Luther King), abaperezida bose bayoboye leta zunze ubumwe z'Amerika bakiriho, ndetse na Sammy Davis Jr. Dr. Schuler yavuze amagambo akurikira:

*Nizera ko muri iki gihe cyacu tugomba kugira iyobokamana riduha ihumure. (Ibi kandi mwa bantu mwe, nta kiguzi bisaba kuba abantu bashyize hamwe, bakareba ibyiza gusa), ariko ndavuga udutsiko tw'abantu tudashaka iryo humure kugeza ku bo twakwita intagondwa zitsimbarara ku mahame bahora bigisha icyaha, agakiza, kwihana, kwiyumvamo ubunyacyaha, ibintu nk'ibyo. Bene abo ni bo ndimo kubwira. icyo dukeneye ni ugushyira ihumure mu magambo yajyaga atera ubwoba. **Nta kintu kibi cyangiza cyakorwa kirenze kwibutsa umuntu ubunyacyaha bwe.***

Niba icyaha kitakiri ikibazo, ubwo rero birumvikana ko tutagikeneye Umukiza. Amadini akomeye yo mu isi yamaze kugwa muri uyu mutego wo kwemera ubu butumwa bw'ibinyoma. Muri kiriziya gatolika y'i Roma, ubutumwa bw'aba New Age bwigishwa ku mugaragaro, aho bigisha ko umuntu wapfuye ashobora kongera kugaruka ku isi yahindutse undi muntu cyangwa ikindi kintu, bakigisha amategeko ya "karma" agenderwaho n'abaramya ibigirwa mana, kandi bavuga ubukristo bitirira uwo bita Kristo ariko utandukanye na Yesu Kristo. Abapadiri b'abagatolika ku mugaragaro bemera ibitekerezo by'ububudiste kandi Mother Theresa yari umukuru uvugira cyane ingengabitekerezo ya New

Age. Mother Theresa yashyigikiye cyane igitekerezo cyo guhuriza hamwe amadini, nyuma yo kwemera inyigisho y'uko amadini yose aganisha abantu ku gakiza. Inama rusange ihuza amadini yabereye Oxford mu Bwongereza yari ifite insanganyamatsiko igira iti:

Dukwiriye guhuza amategeko ngenderwaho n'ibikorwa, guhuza abanyapolitiki n'abakuriye amadini, kandi tugahuza iby'Imana n'ibitari iby'Imana.

Bamwe mu bari bitabiriye iyo nama ni umushumba wa Canterbury witwa Robert Runcie, umukaridinali w'abagatolika witwa Franz Konig, na Dalai Lama, hamwe n'abayobozi batandukanye ba kiriziya gatolika, b'Abasiramu, Abayahudi, Abahindu, abaShinto, aba Sikh, aba Zoroastrian Jain, n'abo mu madini ya Hopi. Bari mu mugambi wo "kurema ubufatanye bushya mu gushaka ibisubizo by'ibibazo byugarije isi." Mother Theresa yaravuze ati:

*Oh, nizeye ko ndimo guhinduka. Ibyo nshaka kuvuga si byo muri gutekereza... niba iyo twegereye tukarebana n'Imana amaso ku maso, bidutera kuyakira mu bugingo bwacu, icyo gihe tuba turimo guhinduka. Tugahinduka Umuhindu mwiza kuruta uko twari, umuyisumu mwiza kuruta mbere, umugatolika mwiza, ndetse tukaba mwiza cyane kurusha icyo twari cyo, icyo ari cyo cyose. Mbese ni ubuhe buryo twakoresha? Kubwa njye, birumvikana ko ari Umugatolika, kuri wowe ahari ni umuHindu, ku wundi ahari ni umubudiste, bishingiye ku mutimanama wa buri wese. **Icyo Imana ari cyo mu ntekerezo zawe, ni cyo ukwiriye kwemera.***

Ubutumwa nk'ubu burwanya ubutumwa bwiza bwa Kristo. Ubukristo bwo muri iki gihe nabwo bwafashe ishusho y'Iyobokamana rishingiye ku myizerere ihishwe mu bwiru, mu bigaragara ntibukibasha no gutandukanya amahame ya Bibiliya n'amahame y'abadayimoni. Ntibitangaje rero kubona kuvugana n'abapfuye bikorerwa mu nsengero zo mu Bwongereza, bisabwe n'abayobozi b'amatwiro kandi ntihabe n'ijambo ryo kubicyaha riturutse mu nzego z'ubuyobozi bw'ayo matwiro. Abayobozi b'amatwiro bashyigikiye ku mugaragara iyo myizerere ihishwe mu bwiru yo kwambaza abadayimoni. Ku byerekeye ibitabo bya Harry Potter, nta muyobozi w'itwiro utinyuka kubinenga, kuko mu bigaragara ibyo bitabo byigisha abana uburere bwiza. Mbese mu kwigisha abana uburere bwiza, umuntu akeneye insanganyamatsiko zihishwe mu bwiru bw'inyigisho z'amadayimoni? Umwe mu bavugwa cyane mu bafana b'ibitabo bya Potter ni Charles Colson umwanditsi mu kinyamakuru *Christianity Today*, aho ku itariki ya 2 ugushyiraho 2000 mu kiganiro cye yatanze kuri radio Breakpoint, yavuze ko Harry Potter n'inshuti ze "bubaka kugira umuhati, ubutwari ndetse n'ubushake bwo kwitangira mugenzi wawe – kugeza n'aho wanabura ubuzima bwawe. Ati Ni inyigisho y'igitangaza mu isi yabaswe no kwikunda".

Iyobokamana ry'abari muri New Age ryigisha ko bategereje kugaruka kwa Kristo, ariko uyu Kristo bigisha atandukanye na Yesu Kristo. Uyu Kristo ni we bita umwigisha w'ikirenga w'isi, ufite inyigisho zidahuzwa n'ibyanditswe Byera, kandi wishyira hejuru mu mwanya wa Kristo, akiyambika umwambaro wa Kristo. Matthew Foz Umuhanga mu iyobokamana rya New Age asobanura ibiranga uyu Kristo w'abo muri New Age muri aya magambo:

Iki gitabo kiravugaga icyera hamwe n'igisubizo cyacu: kumwiyegurira. Ariko se ni iki cyera? Ibintu byose ni ibyera. Irema ryera, inyenyeri, amajuru, amafi yo mu nyanja, ubutaka, amazi, ibiti, abantu, ibitekerezo, imibiri, ibishushanyo, kubera hose icyarimwe kwera k'uwavuye mu ijuru. Ijambo rikoresheye n'ab'iburengerazuba kuri iyi

shusho y'Imana igaragara muri byose ni "Kristo Nyir'isanzure/Cosmic Christ." ... Uwo ibyaremwe bitinyuka guhakana ko atari Diyama itangirika? Umugisha wa katanga ka mbere/ ishusho y'Uw'ijuru? Ubunararibonye bwanjye bunyemeza ko ari inyokomuntu yonyine itinyuka guhakana ubuvajuru bwe, itinyuka guhakana Kristo Nyir'isanzure.¹⁴

Amarangamutima yagaragajwe hano ni kimwe n'amarangamutima y'inzoka muri Edeni. Umuntu aratunganye nk'Imana kandi Kristo w'isanzure ni we muhamya w'iki gitekerezo. Matthew Fox yakuye Kristo w'ukuri mu mateka y'isi maze amusimbuza kristo w'isanzure:

Niba inyigo yanjye ari ukuri ubu ni igihe cyo gusimbura Yesu wo mu mateka agasimburwa na kristo w'isanzure, ibi bizatuma ikibazo cy'amadini ajagaraye gikemuka ndetse n'ikibazo cy'amadini yo muri iki gihe cyacu azwi nk'abatsimbarara ku mahame ya Bibiliya n'abishingikiriza kuri Kristo kizabonerwa umuti... Muri iki gitabo ndiguhamagararira abantu kwitabira iyobokamana ry'umudendezo ridashingiye ku kwiga ibitumvikana nk'ubuhanuzi cyangwa se uguhinduka, iri ni iyobokamana ritagendera kuri gahunda kandi rirambirana... rikeneye ivugurura nk'irya Yohana wa 23 yarose ubwo yatangizaga impinduramatwara muri Vatikani mu mwaka wa 1960. Wenda iri yobokamana ryo guhuriza hamwe amadini rizagera ubwo rishinga imizi mu mibereho yacu. Iri yobokamana rizarushaho gutuma amadini yose ahurizwa hamwe kandi rizaruhiza hamwe abayobozi b'amadini yose yo mu isi b'abanyabwenge.¹⁵

Abakristo bizera Bibiliya muri aya magambo biswe abatsimbarara ku mahame, biragaragara ko nta numwe ugomba kubangamira gushyiraho idini rimwe ku isi nk'uko byateguwe n'inteko ya Vatikani ya kabiri. Ushingiye kuri Matthew Fox, uyu Kristo w'isanzure azatuma ibintu bishoboka, kandi azahindura amadini menshi ndetse n'imatekerereze y'abantu.

Uyu Kristo w'isanzure azatuma ibintu bishoboka, azatuma imitima ihinduka, ahindure imico gakondo, n'imyumvire ihinduke. Uyu kristo w'isanzure azatuma abantu birundurira mu busambanyi cyane; azatuma abakuze n'abato baganira byimbitse; bazahindura imibereho ya buri muni, mu kazi ndetse no mu mashuri; bazasenga cyane; kandi azatuma habaho kunga ubumbwe bukomeye hagati y'amadini yo ku isi.¹⁶

Kuva Matthew Fox afite inkomoko mu bugatulika, ni yo mpamvu akwirakwiza inkingi ebyiri z'ubugatulika, ari zo Ukarisitiya no gukuza Mariya nk'Imana.

Ukarisitiya... mur'ibi byose hari isezerano ry'ikigirwamana ngore... idini ripyinagaza kandi rikarwanya ikigirwamana ngore kandi ripfobya imigenzo ya kera y'Imana ko ari umugore ndetse n'ikigirwamanakazi muri buri muntu.¹⁷

Gusenga kwa gipagani, by'umwihariko gusenga ibigirwamanakazi, byari ubupfumu bw'uburumbuke. Imyandikire y'ayo magambo yanditse hajeuru yuzuwemo imyemerere y'ubupagani bwo mu myaka ya kera. Inyigisho za New Age zirwanya inyigisho za Bibiliya:

Bibiliya yigisha ko Yesu ari Umwana w'Imana.

New Age yigisha ko Yesu ari umwe mu bigisha bakuru.

Bibiliya yigisha ko dukizwa n’ubuntu.

New Age yigisha ko tugera ku butungane binyuze mu mirimo.

Bibiliya yigisha ko Yesu ari we wenyine ubonerwamo agakiza.

New Age yigisha ko dukwiriye kubyutsa kristo kuko ari muri twe.

Bibiliya yigisha ko Luciferi ari umubisha Satani.

New Age yigisha ko Luciferi (uzana umucyo) ari umwana w’ukuri w’Imana.

Bibiliya yigisha ko dukwiriye kuramya Imana.

New Age yigisha ko dukwiriye kuramya ibyaremwe.

Bibiliya yigisha ko umuntu yaremwe.

New Age yigisha ko umuntu yagiye ahindagurika, ariko ko umuntu w’ibya mwuka we yahozeho kuva kera.

Bibiliya yigisha ko Imana itari mu byaremwe.

New Age yigisha ko Imana nayo ari ikiremwa (Panthéism).

Bibiliya yigisha umuzuko.

New Age yigisha kuzukira mu kindi kintu cyangwa se mu wundi muntu.

Bibiliya yigisha ko Ijambo ry’Imana ari ukuri.

New Age yigisha ko ukuri kuri mu muntu.

Bibiliya itwigisha gutegereza kugaruka kwa Kristo, kandi ko amaso yose azamubona.

Ukugaruka kwa Kristo mu bwiza ni ibyiringiro by’umugisha.

New Age itegereje Maitreya uzafasha isi gushyiraho guverinoma imwe, ifaranga rimwe ndetse n’idini rimwe.

Bibiliya itwigisha kuva mu byaha.

New Ages itwigisha kuva mu bujiji kuko nta cyaha kibaho.

Bibiliya yigisha gutsindishirizwa muri Kristo.

New Age yigisha ko umuntu akwiriye kwishakamo ubutungane.

Iyi myizerere mishya yishingikirije mu guhanga amaso isi, kandi iyobokamana nk’iri niryoyari riri muri Babuloni. Ni iyobokamana rishingiye ku byiyumviro, inzosi, amayerekwa, gutagatifuza ibintu, kuvugana n’abapfuye, ubufindo, ubupfumu, ubukonikoni, ku migenzo ya gipfumu, ku kuramya inzoka ndetse no mu byo bita imihango yejejwe y’ubusambanyi.

Imbaraga z’amadini yo mu isi arimo ashaka kwihuriza hamwe. Binyuze mu guhuza matorero, amadini yose arimo arihuriza hamwe mu guhuza amahame, kandi intego nyamukuru igenderewe ni ukugira ngo ayo madini yose yemere umushumba wa Gaturika w’Iroma nk’umutware mukuru w’iby’iyobokamana. Amadini akomeye y’Iburasirazuba

nk'Ababudiste bamaze kwemera ubutarwe bw'ubupapa, ubwo Papa Yohani Pawulo wa 2 yavugaga ijamba mu izina ry'amadini yose mu isabukuru y'imyaka mirongo itanu y'umuryango w'abibumbye. Umuryango w'abibumbye ni wo nzira yo gusohozza iyo migambi nk'uko umuhindu mukuru witwa Sri Chimnoy yabihamije muri aya magambo:

*Umuryango w'abibumbye niyo nzira, kandi niyo nzira y'ubumwe, kandi ubumwe buganisha ku kwihuriza hamwe munsu y'ubutware bw'umwe mukuru. Ni nk'amazi y'iriba atemba agana mu isoko, isoko imwe y'umwimerere. Ariko umunsu uzagera ubwo intego y'umuryango w'abibumbye izakiza isi. Kandi ubwo ukuri k'umuryango w'abibumbye kuzatangira kwera imbuto, umwuka wo kudapfa uzagaragarira by'ukuri ku batuye isi bese.*¹⁸

Igihishwe mu migambi yabo yo mu rwego rwo hejuru ni ibanga ryo gushyiraho guverinoma imwe ndetse n'iyobokamana rimwe mu isi yose. Nk'uko ikinyamakuru cyitwa *Time Magazine* kibishyira mu nkuru zacyo zo ku wa 6/11/1995, cyabyanditse muri aya magambo: Twese hamwe noneho: *turi isi*". Iyobokamana rya New Age ryateguye nimwe mu nzira ubu buyobe buheruka bukoresha ari bwo bugendereye guhuriza abantu bese mu butware bwa Satani, uzaba wiyise kristo.

Mu mwaka wa 1982, Benjamin Creme uyobora ihuriro rya Tara Centre Organization yanditse amagambo yo kwamamaza atangariza isi yose ngo "Kristo ari hano ubu".

*Amatorero ya gikristo avuguruye kimwe n'amatsinda y'Abamasoni (free masonry) yose arimo gukoreshwa kugira ngo asohoze umugambi wo kwinjiza mu bantu izindi nyigisho.*¹⁹

Kuva icyo gihe Benjamin Creme yabaye umuyoboro unyuzwamo iby'uwo bita kristo (ukorerwamo n'abadayimoni), ibyo bikaba bishyira kwigaragariza inyoko muntu. Mu gitabo cye cyitwa *The Reappearance of the Christ and the Masters of Wisdom*, yakwirakwije amakuru yo kugaragara kwa Kristo (Maitreya) ko kuri bugufi.

*Benshi muri mwe bazambona vuba. Ibyo mwiringiye by'umunezero mubiganirize abavandimwe banyu maze mubabwire ko Maitreya, inshuti yabo, umuvandimwe wabo, kandi umwigisha wa kera, yamaze kuza.*²⁰

*...intambara ntikiri ngombwa... imiterere y'umuntu ni ukubaho no gukunda... urwango rukomoka mu kudashyira hamwe... amategako y'Imana ari mu muntu kandi ni yo rufatiro rwa kamere muntu. Ibi byose ndabibereka. Tubirebere hamwe maze duhamye ko ari ukuri. Ndi uyobora urukundo rw'Imana. Ndi umuyobozi w'ubushake bw'Imana. Umucyo w'Imana uba muri jye kandi uwo mucyo ni wo mbahaye. Muwukuriremo nshuti zanjye, maze murabagirane hamwe n'icyubahiro cy'Imana. Umugambi wanjye ni uguhishura uwo ndi we ku buryo bake, aribo bazamenya uwo ndi we.*²¹

Ubuhakanyi bwibumbiye hamwe mu kurwanya Imana ni wo wahoze ari umugambi wa Satani kuva kera. Ni ko yabigerageje i Babuloni, maze Imana itandukanya amahanga. Ni ko azanabigerageza mu minsi iheruka, kandi azaba agambiriye guhuriza abantu bese hamwe

mu bushukanyi bwakozwe bunyuze mu guhindura amategeko y’Imana yahinduwe n’ubu papa. Ubwo yabajijwe uruhare rwa Gaturika y’I Roma Matraye yarasubije ati:

Umwigisha Yesu azakura intebe y’ubwami ku ngoro ya Mutagatifu Petero iri muri Roma, maze ubutware bw’ubu papa buhite butangira. Iki gihe kiregereje, kandi kizakurikira ukwigaragaza kwa Kristo. Byashoboka ko Papa uriho ubu yaba ari we wa nyuma.²²

Andi magambo yongewe kuri aya ni ayo mu kwezi kwa mbere mu mwaka wa 1979 nk’uko avuga ngo:

*Urupfu rwa Papa Pawulo wa 6, ndetse n’urupfu rwa Papa Yohani Pawulo nyuma y’ukwezi kumwe yamaze ari papa, birahamya neza ko papa uriho ubu ari we, Yohani Pawulo wa 2 azaba umupapa uheruka.*²³

Mu kwezi kwa kane mu mwaka wa 1995, Benjamin Creme yahamirije i Zurich, mu Busuwisi ubwo yari atwikiriye na kristo, arahamya ngo “Umwigisha Yesu” yakuye intebe ye i Roma. Maitreya arimo gukoresha “Umwigisha Yesu” nk’icyiganano. Kandi akuza intebe y’ubupapa ku rwego rukuru rw’ubutware kugira ngo amahame yose ashingire kuri we. Amategeko y’Imana yigisha, ni aremanywe na kamere muntu, kandi ko Maitreya, ari we muyobozi w’ubushake bw’Imana. Kubw’ibyo, aya mategeko ashaka guhatira abantu agomba kuba ari amategko y’ubupapa asa n’amategko icumi. Itegeko ritanga ubutware ni itegeko ry’isabato kuko ririmo umukono wa nyiri gutanga amategko. Ubupapa, kuba bwarahinduye itegeko rya kane maze bukarisimbuza isabato y’ibihimbano, ari yo bahamya ko iranga ubutware bw’ubupapa, iryo tegeko ryabo rizakuzwa, nk’uko tubibona mu gitabo cy’Ibyahishuwe 13 ko rizahatirwa abatuye isi bose. (Reba icyigisho cyitwa *Ikimenyetso cy’inyamaswa*). Biragaragara ko Maitreya azihuza n’aya mategeko y’ibihimbano agendereye gukuza Roma. Amayerekwa ya Mariya ndetse no kuboneka kwe nabyo barabihamije; kandi izi mbaraga zose zirimo zirakorera ku murongo umwe.

Mbere y’uko Kristo w’ukuri aza, hazabanza kubaho ukwigaragaza kwa kristo w’ibinyoma, kandi ni ingenzi cyane kumenya ko binyuze mu nyigisho ze, Satani nawe ahamya ibyahanuwe na Kristo ko bizaba mbere y’uko isi irangira. Yatangije amahame y’ibinyoma ko abantu bazabaho imyaka igihumbi y’amahoro hano ku isi, kandi ahamya ko abenshi bazamwemera. Ibi ku ruhande rumwe ni ukuri kuko kristo w’ibinyoma azabanza kwigaragariza abantu bo mu isi mbere y’uko Kristo w’ukuri aza. Hirya no hino ku isi, abantu bariyita ko ari bo Mesiya, ariko aho Maitreya agaragaye, haboneka ibitangaza. Benjamin Creme ahamya ko Maitreya yigaragaje mu bice byinshi byo mu isi, kandi ko abenshi bamubonye, kandi ko gukiza indwara byagiye biherekeza aho yagiye abonekera hose. Mu Burayi, amazi yahawe umugisha na Maitreya kandi yahindutse isoko yo gukiza abantu indwara.

Mu gitabo cyo gukwirakwiza imyemerere ya New Age cyitwa *New Teachings for an Awakening Humanity*, cyanditswe n’uwo bita kristo, kiravuga ngo:

Abantu bose bizera ibyo mvuga uherye none bakwiriye guhamya ibikorwa bya kristo, umwigisha w’isi; bakwiriye kwemera inzego uko ziteye, kandi bakemera ukwigaragaza kwa kristo n’inzego ze ku isi. Niba tubyizera, ibi nibyo tuzakora, kubera ko dufite igihe gito cyane muri uyu murimo wo kwitegura. Igihe kiri hagati y’ubu no

*kugaragara kwa kristo ni kigufi cyane. Ibi byatangiye kuvugwa bizageza ubwo kristo azaba amaze kubonekera mu isi bivuze ko byegereje ukuboneka kwe. Abigisha b'ikirenga batanu bagiye kuzaza mu isi muri uyu mwaka. Mu kuri ntabwo bazigera bihamya, ariko imirimo yabo izatangirira mu bice bitanu muri uyu mwaka.*²⁴

Bibiliya ivuga ko Satani azi ko afite igihe kigufi kandi ko afite umujinya mwinshi (Ibyahishuwe 12:12). icyiganano iteka gikurikira inyandiko z'ukuri, kandi kuba Satani azi ko igihe ari kigufi, kubw'ibyo igihe cyo kugaruka kwa Yesu Kristo aje mu bicu byo mu ijuru, akabonwa n'abantu bose kiri bugufi. Inyigisho zindi tugiye kubona za Maitreya zihamya ko ameze nka ya nzoka yavugiye muri Edeni.

*Mu gihe wigira gushyira mu bikorwa inyigisho z'Umuremyi wacu ku isi, uzagira amahirwe adasanzwe azaba agutegereje ubwo uzaba ugeze mu gihe bita urupfu. Impamvu ituma insengero, ingoro, za katedrali cyangwa ahandi hantu ho gusengera habaho ni ukugira ngo higitwe abantu urukundo rw'Imana rusumba byose. Ntabwo ari ukwambaza umwigisha umwe cyangwa se benshi bashyize hamwe... Ni ingenzi kunyurwa no gusobanukirwa inyigisho zabo maze mukazishyira mu bikorwa. Kugira ngo mubeho imibereho ihuje n'izo nyigisho. Iyi mibereho yuzuye urukundo izana amahoro. Urugero niba w'ifuza kunyubaha, imibereho yawe yuzuye urukundo ni yo izabigaragaza, ntabwo ari uburyo uvugamo izina ryanjye. Imyifatire yawe niba itajyanye n'ibikorwa bya buri munsu ntacyo biba bimaze. Niba unkunda kubera ingero zanjye, zikurikize. Kwirakwiza urukundo n'amahoro. Ibyo ni byo ukeneye gukora. Urukundo unkunda rugaragazwa n'umyitwarire yawe, ntabwo ari inyubako n'ibigo bihenze. Ibi bituma tuvuye kuntego y'ukuri kandi nyamukuru. Niba unkunda cyangwa unkunda undi mwigisha wo mu isi, utwubahishe ibikorwa byawe bya buri munsu.*²⁵

Nk'uko bigaragara muri iyi nyandiko turabona ko ipfundo ry'ubutumwa bwiza ryakuwemo. Iki babajwe, aya marangamutima ashigikiye n'amatorero yo muri iyi minsi, aho urukundo rw'Imana rwemerwa, ariko imbaraga z'Imana zigahakanwa. Nta tandukaniro rigaragazwa hagati y'ikibi n'icyiza, ariko urukundo rw'Imana bakarwigishiriza mu marangamutima adafite ishingiro. Bibiliya ntiba igihawe agaciro, ahubwo inarirye ni yo ishyingirwa imbere. Uwo bita kristo w'isanzure yavuye amagambo akurikira:

Kubw'ibyo buri wese muri mwe akwiriye gutekereza byimbitse (meditate) buri munsu ku mbaraga zihishe imbere muri we kugira ngo zose azikoreshe mu kuvugana n'Imana, nta cyo asize inyuma. Ku bwo gutekereza kwimbitse (meditating) ushobora kubaho imibereho yumvira amategeko y'Imana, cyane cyane iryo **Gukunda Imana... kunda Imana n'umutima wawe wose, ubwenge bwawe bwose... no gukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda.** Ni yo mpamvu, kubw'imbaraga zera z'Imana ndetse n'izabigisha b'isi baziyunga nanjye muri uyu muhati wa New Age, ndahamagarira imbaraga yera y'Imana iri muri mwe kugira ngo yumve ubu butumwa maze ibageze mu gihe cy'uburumbuke murabagirana kandi mumurika ubugingo bushya abantu bose bashobora kubona binyuze mu kwemera urukundo dutanga. Imana ishimishwa n'uku kwitanga kwacu n'umuhati wo kwihuriza hamwe.²⁶

Nanone murabona ko ikinyoma cy'uko ubumana buri mu muntu hano cyongeye gusubirwamo. Kirakomeza kugaruka no mu zindi nyandiko turi bubone hepfo, Bibiliya ishyingirwa ku mwanya wa nyuma, nyamara Kristo we yahamije ko Bibiliya ari yo soko y'ukuri kose. Urukundo rwakoreshejwe nabi, bagendereye kurusimbuza inyigisho za Bibiliya:

Ese ubutumwa bwanjye burumvikana mu banyamadini bo kuri iyi si? Inshingano yanyu ni imwe ni ukugarura abana b'Imana mu rugo (Gatulika). Ibi mu bigeraho binyuze mu gukuza inyigisho iri mu bantu imbere, na mwuka wera, n'umutima uzi impamvu y'ubugingo bwe n'umugambi yagenewe n'Imana. Abantu bakeneye ukuri, mu bashishikarize, kandi mubumvishe ko bagomba gusubira kuri Data/Mama (Gatulika), bahinduke mu mitima. Iyobokamana ntacyo rimaze kandi ibiganiro bishingiye kuri Bibiliya Yera ni ugutakaza umwanya. Gusa mujye mukunda insanganyamatsiko y'urukundo kandi mubeho mu rukundo. Imbaraga zanyu muzishyire mu gukorera isi, kuko ari byo bizera imbuto. Ubundi butari ubu butumwa ntibuzaba bwaraturutse ku Mana.²⁷

Urukundo Imana ikunda inyokomuntu ntabwo rwabereyeho kugira ngo umuntu agume mu byaha. Ahubwo urwo rukundo Imana yarugaragaje igira ngo yishyure ugukiranirwa kwa muntu. Urupfu rwa Kristo si uruha umuntu uburenganzira bwo gukora icyaha, ahubwo ni urumuhamagarira kwihana, rukamuha ubuzima bushya muri Kristo bumubwira ngo "Genda ntukongere gukora icyaha ukundi". Amagambo yuzuwemo inarijye hifashishijwe ubutumwa bupfuye buri muri aya magambo yavuzwe n'uwo bita kristo w'isanzure ati:

Njye, Kristo, umwigisha w'isi, ndahamagarira umuntu wese uri ku isi kugira ngo akunde Imana... akunde isi... yikunde kandi akunde ibintu byose byo mu isi. Uyu mubumbe w'isi ukeneye abakorerabushake buzuye urukundo rugamije guhuriza abantu bose hamwe. Isi ikeneye abakorerabushake bunze ubumwe bafatanyaga mu migambi kandi bafite kwihangana. Ese uzahitamo kwihuza natwe kugira ngo ijuru ridufashe? Ese uzemera kuba umwe n'Imana? Niba ubihisemo, bikubeho kubw'imbaraga zanjye n'ubutware bwanjye nk'umwigisha w'isi yanyu. Ndabahamiriza ko muzahabwa ubufasha buturutse mu ijuru kuko inshingano yanyu igenderewe kuzana amahoro mu isi. Kubw'ibyo, mumenye ko mutari mwenyine, kandi ko buri wese ku giti cye azongerwa umwigisha umuyobora wihariye mu gihe dutekereza byimbitse (meditate) aribyo biduhuza n'ijuru.²⁸

Ikindi ni uko ibihe by'amakuba n'ikinyagihumbi cy'amahoro bivugwa cyane, bitigishwa nk'umuburo wo gutegurira imitima kwakira Kristo nk'uko biri mu Byanditswe Byera, ahubwo bikigishwa nk'igihe cy'uburumbuke, buganisha mu kuvukamo k'undi mutimanama. Nk'uko byavuzwe n'uwo bita kristo w'isanzure ati:

Nubwo igihe bita "amakuba" ari igihe cyo kurangira kw'igihe runaka, ariko nababwiye ko nta kurangira kuri mu mwuka, ntimuzigere mubaho muzi ko ubuzima buzarangira burundu. Mwibuke ko Imana yongera igihe... ikacyongera...ikacyongera none kubw'ibyo, bizaba nk'uko biri ku nyenyeri, mu isanzure... nshuti zanjye niko nanjye na we tutazigera tugira iherezo! Ntukibaze uko byatangiye ngo wibaze n'Imana icyo ari cyo. Imana irimo ihumeka cyangwa se ikongera igihe kandi uko ni ko twese izatujyana mu rugo nanone (iri ni ihame rya Brahma ryo guhumeka winjiza umwuka no guhumeka uwusohora) kugira ngo tunezeze n'ibya mwuka. Mumenye neza kandi mwizere ko hari umugambi w'isezerano ryo kunezerwa ku bantu bose babishaka. Mwizere, kuko kutizera biganisha mu kurimbuka.²⁹

Aya magambo akurikira nayo aravuga ku kinyagihumbi cy'amahoro ati:

Murikwinjira mu gihe cy'uburumbuke cy'imyaka igihumbi y'amahoro, nshuti zanjye; mwite ku burenganzira bwanyu kuko aribwo burenganzira bwonyine buzakenerwa – mugaragaza ko muri umucyo kandi mugagitamo umucyo. Igihe umara utekereza byimbitse (meditate) kizaguhuza no kuvugana n'umucyo w'agatangaza ufite imbaraga nyinshi, kandi utazigera ugutererana ubwo uzaba umaze kugirana umurunga w'umubano n'uwo mucyo w'agatangaza.³⁰

Aya magambo anyuranye n'amahame ya Bibiliya avuga ku myaka igihumbi (reba icyigisho cyitwa *Gutegereza mu gihe cy'imyaka igihumbi*). Ikibabaje, ni uko amadini menshi ya gikristo yo mu isi arimo yigisha iri hame ry'abadayimoni aho kwigisha icyo Bibiliya yigisha gihamagarira abantu kwihana mbere y'uho umunsi ukomeye kandi uteye ubwoba w'Imana ugera.

Ku itariki 11/6/1988, Maitreya nibwo yagaragaye bwa mbere mu ruhamye. Yagaragariye ku ihuriro ryo kwizera gukiza ryitwa Sister Mary Akatsa. Sister Akatsa yavuze ko Maitreya ari Yesu Kristo. (ayo mafoto aboneka kuri Share International, Amsterdam, Holland). Kuva icyo gihe, ukuboneka k'uwo bita kristo bavuga kwabaye gikwira ahantu henshi, kandi abantu batandukanye bavuga ko bamubonye no kuri televiziyo zo muri Leta zunze ubumwe ndetse no muri Australia, aho abantu ibihumbi byinshi bahamya ko bamubonye kuri televiziyo ari gukora ibitangaza anakiza indwara.

Abizera New Age bakomeye ntibagitewe isoni no guhamya neza uwo amarangamutima yabo yirunduriyemo ari we bita "kristo". David Spangler umuyobozi wungirije ndetse akaba n'umuvugizi w'ihuriro ryitwa Findhom Community iri mu majyaruguru ya Scotland yaravuze ati:

Umucyo w'ukuri wa Luciferi ntushobora kubonwa binyuze mu mubabaro, mu mwijima, cyangwa mu guhakana. Umucyo w'ukuri kw'iki cyaremwe gikuru ushobora kwakirwa mu gihe amaso y'umuntu abonye umucyo wa kristo, ari wo mucyo w'izuba. Luciferi akorera muri buri wese wo muri twe kugira ngo atugeze mu gutungana kuzuye... buri wese muri twe mu buryo runaka agezwa ku rwego nshobora kwita ugutangira gukorerwamo na Luciferi... Luciferi yaje kuduha impano iheruka y'ukubaho neza.³¹

Ibi bimenyetso bitubwira ko mu gihe cy'ubuyobe buheruka, Satani yiyambitse ishusho ya marayika w'umucyo, ni cyo gihe turimo. Gusukwaho Mwuka Wera by'ukuri kuregereje. Yesu Kristo ntabwo azarangirisha umurimo we imbaraga ziri muni y'izawutangiye. Ukuza kwa Kristo kuri bugufi. Turaburirwa ngo tuve muri Babuloni kandi kugira ngo twitandukanye n'ikibi cyose gikorera mu bantu bagendera ku mahame y'ibinyoma by'umutware w'iyi si ariwe Satani ugamije kubuza abantu gukurikiza amategeko y'Imana.

REFERENCES

1. David Anrias, *Through the Eyes of the Masters: Meditations and Portraits* (London: Routledge, 1932).

2. *Ibid.*
3. Mary Baker Eddy, *Science and Health with a Key to the Scripture* (The Christian Science Board of Directors, 1994): 71.
4. *Ibid*: 302. 5. *Ibid*: 480. 6. *Ibid*: 516.
7. *Ibid*: 584.
8. *The Teachings of Christ*: 127.
9. Statement by D.K., *Prophecies by D.K.* (August, 1934).
10. Ken Wilber, *Up from Eden: A Transpersonal View of Human Evolution* (Wheaton, IL: Theosophical Publishing House, 2002): 196.
11. Helen Shucman, *A Course in Miracles* (Mill Valley, CA: Foundation for Inner Peace, 1975).
12. *Ibid.*
13. *Ibid.*
14. Matthew Fox, *The Coming of the Cosmic Christ* (San Francisco: Harper, 1988): 8.
15. *Ibid*: 7.
16. *Ibid*: 8.
17. *Ibid*: 31.
18. Sri Chinmoy, *The United Nations As An Instrument Of Human Unification* (May 9, 1974). <http://www.srichinmoylibrary.com/books/0140/1/21/>
19. Constance Cumbey, *Hidden Dangers of the Rainbow* :140
<http://archive.org/details/HiddenDangersOfTheRainbow>
20. Benjamin Creme, *The Reappearance of the Christ and the Masters of Wisdom* (Tara Center, 1980).
21. *Ibid.* 22. *Ibid.*
23. *Ibid.*
24. Virginia Essene, *New Teachings for an Awakening Humanity* (Share Foundation/SEE Publishing, 1995): 22.
25. *Ibid.* 26. *Ibid.* 27. *Ibid.* 28. *Ibid.* 29. *Ibid.*
30. *Ibid.*
31. D. Spangler, *Reflections of the Christ*

Hunga umutego w'ubuyobe

Igice cya 14:URUTARE RWO KURUHUKIRAHU

Mbese Imana yaba ifite itorero rihanganye n’umwuka wa Babuloni? Nk’uko twabibonye, niba Babuloni igizwe n’uruhurirane rw’amadini yishyiriye hamwe kurwanya ingoma y’Imana mu minsi y’imperuka, mbese ni nde uzakagarira Imana muri iyo ntambara? Ukuri kubabaje cyane ni uko imbaga nyamwinshi y’abantu izayobywa n’imbaraga no kurabagirana by’umugore uhetswe n’inyamaswa. Uyu mugore urimbishijwe izahabu n’amabuye y’igicro cyinshi n’imaragarita (Ibyahishuwe 17:4) nk’uko twabibonye, ashushanya Roma (reba igice cyitwa *wino ya Babuloni*). Iyi myambaro yambaye irasa n’iy’abatambyi bakuru bo mu gihe cya kera, bisobanuye ko uyu mugore yihaye inshingano ya Kristo nk’Umutambyi Mukuru, maze yishyira mu mwanya wa Kristo. Amahame ya Roma yacengejwe mu mico w’ibihugu by’isi kandi n’amadini yemeye ubuyobozi bwayo. Umurimo wa Kristo nk’Umutambyi Mukuru ufitiye isi ubusobanuro bw’ingenzi cyane, kandi mu gihe Babuloni isagambye, Imana na Yo iratanga umuburo uheruka uturarikira kuyigarukira ngo tugirane isezerano ry’umubano na Yo.

Mu bihe byose, Imana yagiye igira abantu ikoresha mu kwamamaza ukuri kwa Yo. Byari umugambi w’Imana ko abantu bose amahanga yose, amoko yose n’indimi zose bakwakira ubuntu bwayo. Imana yatoranyije abantu bacumuye ngo bakorane nayo mu mugambi wayo wo gucungura isi. Mu bihe byose Imana yagiye igira abantu bayo b’indahemuka bahagararira ukuri n’ubutabera byayo naho baba bahanganye n’imbaraga ikomeye cyane. Mbere y’umwuzure, Enoki yagendanye n’Imana, kandi Nowa umuntu w’indahemuka yahindutse se w’inyoko muntu nyuma y’umwuzure ubwo we n’umuryango we barokokaga irimburwa ry’isi y’abahakanyi b’icyo gihe.

Nyuma y’umwuzure, umukurambere Aburahamu yahawe isezerano ko mu rubyarwo rwe ari mo imiryango yose yo mu isi izaherwa umugisha. (itangiriro 12:2) Isezerano rya Mesiya ryagombaga gusohozwa muri Isaka na Yakobo uwo izina rye ryahinduwe akitwa Isirayeli nyuma yo gukirana n’Imana asaba imbabazi n’umugisha by’ijuru. (Itangiriro 32:28) “Isirayeli” ryahindutse izina ry’abakomoka kuri Yakobo – ubwoko bwatoranyijwe kubw’isezerano hagati y’Imana na Aburahamu sekuruza wabo. (Itangiriro 15:18; Zaburi 105:9-10)

Isirayeli y’Imana

a) Isirayeli y’isezerano rya Kera

Uyu muni hariho urujijo rukomeye mu kwibaza abagize isirayeli y’Imana. Amadini menshi atekereza ko amasezerano y’Imana kuri Isirayeli ya kera azasohozwa kuri Isirayeli y’ubu. Biteze isubizwaho ry’ishyamba rya Isirayeli, kandi Isirayeli y’ubu yo muri Palesitina ibonwa nk’igize isohozwa ry’uwo mugambi. Twibuke ko “Isirayeli” atari izina ry’amavuko rya Yakobo, ahubwo yarihawe n’Imana nk’ikimenyetso cy’intsinzi y’iby’Umwuka ubwo yakirana n’Imana maze akanesha, agahabwa imbabazi z’ibyaha bye by’ahashize. Yakobo yakiranye na Marayika yanga kumurekura ataremezwa neza ko yakiriye umugisha mvajuru wagombaga kumuhamiriza guhabwa imbabazi z’ibyaha bye.

Yakobo yaranesheje maze ahabwa uwo mugisha. Umutima we wongeye kuremwa bundi bushya maze bituma ajya guhura n'umuvandimwe we Esawu afite igihama ko Imana iri kumwe nawe. Guhindurirwa izina byari bisobanuye guhindurirwa imico akava mu kuba "umuriganya" agahinduka "unesha w'Uwiteka". Ni ingenzi cyane gusobanukirwa n'isano iri hagati ya Isirayeli kubw'umubiri n'ubwoko bw'Imana kubw'isezerano kugira ngo tubashe kumenya abatwaye umucyo w'Imana muri iki gihe cyacu.

Nyuma yo gucungurwa bavanwa muri Egiputa, Imana yagiranye isezerano n'ishyamba rya Isirayeli (Kuva 19:1-8) Isirayeli yagombaga kuba igihugu cy'abatambyi kandi kikaba ishyamba ryera (Kuva 19:6) maze bagakwirakwiza umucyo mu batuye isi bose. (Yesaya 60:1-3) Ariko iryo sezerano ryahawe Isirayeli ya kera ryagombaga gusohora ari uko habayeho kumvira.

None nimunyumvira by'ukuri, mukitondera isezerano ryanjye muzambara amaronko, mbatoranije mu mahanga yose kuko isi yose ari iyanjye, Kuva 19:5

Iri sezerano Isirayeli yahawe ryari iry'ikigombero. icyubahiro cy'ingoma ya Isirayeli cyasabaga ko bumvira, kandi Dawidi na Salomo ibi nabo barabibwiwe.

...kugira ngo Uwiteka azakomeze ijamba rye yamvuzeho ati 'abana bawe nibirindira mu ngeso zabo nziza, bakagenda imbere yanjye mu by'ukuri n'imitima yabo yose n'ubugingo bwabo bwose, ntuzabura uzungura ingoma ya Isirayeli.' Uko niko Imana Yavuze. 1 Abami 2:4

Iri sezerano ryasubiwemo mu 1 Abami 9:5-7

...Nanjye nzakomeza ingoma yawe mu bisirayeli iteka ryose, nk'uko nasezeranye na so Dawidi nkamubwira nti 'Ntabwo nzabura umuntu wo kwicara ku ntebe y'ubwami bwa Isirayeli.' Ariko nimuteshuka cyangwa abana banyu, mukayimura ntimwitondere amategeko n'amateka yanjye nabashyize imbere, mukajya gukorera izindi mana mukazirama, nanjye nzarimbura Abisirayeli mu gihugu nabahaye, kandi iyi nzu nereje izina ryanjye nzayijugunya imve mu maso. Kandi Abisirayeli bazaba icyo ry'imigani n'agashinyaguro mu mahanga yose. 1Abami 9:5-7

Gutegeka kwa kabiri 28:1-14 hari urutonde rw'imigisha itangaje itari yarigeze ihabwa irindi shyamba iryo ari ryo ryose. Nanone ariko, iyi migisha yagombaga gusohozwa habanje kubaho kumvira.

Kandi iyi migisha yose izakuzaho, ikugereho niwumvira Uwiteka Imana yawe. Gutegeka kwa kabiri 28:2

Nyamara abisirayeli ntibumviye inama z'Imana, ahubwo bagomera Imana kurenza andi mahanga abazengurutse. (2 Abami 17:6-23) Uretse gusa ubwoko bwa Yuda na Benyamini nibo batifatanyije n'abandi mu gihe runaka, ariko ubundi bwoko bwose bwajyanywe mu bunyaga n'umwami wa Ashuri maze barazimangatana burundu mu mateka y'isi, nubwo bamwe batekereza ko ari bo bagize ibihugu by'ubwongereza n'abagikomokaho harimo na Leta zunze ubumwe z'Amerika. Hatabayeho kumvira Imana,

ntabwo amasezerano ashobora gusohozwa, kandi hashize ikinyejana kimwe n'igice, abo mu bwoko bwa Yuda nabo bakuwe mu gihugu cy'isezerano maze baba abanyagano banyanyagirira mu bwami bwa Babuloni.

Uko biri kose ariko, hari abasigaye babaye indahemuka ku Mana nubwo bari mu bihe by'akaga nk'uko bigaragazwa n'amateka ya Daniyeli na bagenzi be bari biteguye no gupfa aho gusuzugura Imana. Binyuze mu muhanuzi Yeremiya, Imana yabahaye igihe gihanye cyo kwihana no kwitekerezaho, kandi Imana yari yarasezeranye ko bazagaruka mu gihugu cyabo nyuma y'imyaka 70 mu bunyage (Yeremiya 31:10-14; Yesaya 43:1-13). Bagombaga kongera kubaka urusengero, igihe cya gihanuzi kivugwa muri Daniyeli cyavuze ibyo kuza kwa Mesiya; kandi bari bafite amahirwe yo kuba abahamya mu yandi mahanga (Mika 4:1-4; Zekariya 8:20-23). Nanone ariko, aya masezerano yajyaga gusohozwa iyo bumvira (Zekariya 6:15). Ikibabaje ariko, ni uko iri shyamba ryanze Mesiya maze bibaviramo gutakaza umugisha wo guhagararira Imana nk'ishyamba ryayo ndetse batakaza n'amasezerano ajyana nabyo. Kubwo kwanga Yesu, inzu ya Isirayeli yasigaye ari umusaka.

Yerusalemu, Yerusalemu, wica abahanuzi ugatera amabuye abagutumweho, ni kangahe nshaka kubundikira abana bawe, nk'uko inkoko ibundikira imishwi yayo mu mababa yayo ntimunkundire? Dore inzu yanyu mu yisigigwe ari umusaka. Ndababwira yuko mutazambona uherye none ukageza ubwo muzavugaga muti 'Hahirwa uje mu izina ry'Uwiteka.' Matayo 23:37-39

b) Isirayeli y'isezerano rishya

Ubwo ishyamba ry'abayuda ryangaga Mesiya, ubutumwa bwiza bwagombaga kujya mu banyamahanga maze uwizera izina rya Yesu Kristo wese agahinduka urubyaro rw'Aburahamu mu buryo bw'umwuka. (Abagalatiya 3:16; Abaroma 4:16; Abaroma 9:3,8)

Ubwo muri aba Kristo muri urubyaro rwa Aburahamu, muri n'abaragwa nk'uko byasezeranijwe. Abagalatiya 3:29

Intumwa Pawulo yita abakristo "Abisirayeli b'Imana" (Abagalatiya 6:16) kubwo "gukebwa" (Abafilipi 3:3). Ingoma y'Imana n'amasezerano ajyanye nayo byagombaga gukurwa ku Bayuda maze bigahabwa Abisirayeli b'iby'Umwuka – Ari bo bemerera Kristo kubarema bundi bushya, no guhindura imico yabo nk'uko byagenze kuri Yakobo wa kera.

Ni cyo gitumye mbabwira yuko ubwami bw'Imana muzabunyagwa, bugahabwa ishyamba ryera imbuto zabwo. Kandi uzagwira iryo buye azavunagurika, ariko uwo rizagwira wese, rizamumenagura rimugire ifu. Matayo 21:43-44

Yesu mu gutoranya intumwa 12 ntabwo byamugwiririyeye. Nk'uko abakurambere 12 ari bo babaye urufatiro rwa Isirayeli ya kera, ni nako intumwa 12 ari zo zabaye amabuye fatizo ya Isirayeli nshya, iyo Uwiteka yasezeraniye ubwami (Matayo 19:28; Luka 22:30). Ukongera gutoranya abandi bigishwa 70 bihura n'uburyo Mose yatoranyije abakuru 70 mu bwoko bwa isirayeli ya kera (Kubara 11:16). Isirayeli nyakuri y'Imana ni abasigaye batoranyijwe ku bw'ubuntu (Abaroma 11:5). Hari uguhura gukomeye hagati

y'Abisirayeli ba kera n'Abisirayeli bashya b'Imana. Mu Baroma 11:17-24, Pawulo avuga iby'igiti cy'umwelayo gishushanya Isirayeli. Amashami (Abayuda) yarahwanyuwe kubwo kutizera maze amashami y'iminzenze yo ku gasozi (Abanyamahanga) aterwa nk'ingurukira hagati y'amashami ngo nayo asangire amakakama y'icyo gishyitsi cy'umwelayo. Amashami y'umwimerere ashobora gusubizwa ku giti aramutse yemeye kugendera ku mabwiriza. Imana ntabwo irobanura ku butoni. Umuntu wese ugarukira Uwiteka, Uwiteka aramwakira (Ibyakozwe n'Intumwa 10:34-35).

Nta tandukaniro ry'Umuyuda n'Umugiriki, kuko umwami Umwe ari Umwami wa bose, ni we ubereye abamwambaza bose ubutunzi. Abaroma 10:12

Mwese muri abana b'Imana mubiheshejwe no kwizera Kristo Yesu. Abagalatiya 3:26

Isirayeli nshya ni bo baragwa b'amasezerano y'Imana. Abakiriye Kristo bahindutse ubwoko bwatoranyijwe, abatambyi b'ubwami, ishyanga ryera, abantu Imana yaronse. (Gereranya 1 Petero 2:9-10 no Kuva 19:5-6) batoranyirijwe kugaragaza umucyo w'agatangaza w'Imana mu isi. (1 Petero 2:9; Matayo 28:19-20; Abefeso 3:10)

Inyokomuntu yahenebereye ikeneye cyane agakiza. Imana na Yo yiteguye kubabarira no kweza abayisanga. (Yohana 3:16; 1 Timoteyo 2:4) Ni inshingano y'itorero rero kugeza ubwo butumwa bwiza mu isi yose.

Ubuhenebere mu by'Umwuka n'Ubugorizi

Ni amateka ababaje nyamara y'ukuri, kuba nk'uko byagendekeye abisirayeli ba kera, abisirayeli mu by'umwuka nabo baragize ubuhenebere mu by'Umwuka maze bakajya mu kuramya izindi mana. Amahame ya gipagani yo kuramya izuba yabonye akito mu itorero, maze binyuze mu buyobozi bw'itorero gatolika ry'i Roma, ayo mahame ashirwa hejuru ku rwego rwo guhangana n'ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo. (reba icyigisho cyitwa *Vino ya Babuloni*)

Muri ibyo bihe by'ubuhenebere mu by'Umwuka nyamara, hari abantu bashikamye bikomeye ku Ijambo ry'Imana, ariko baratotezwa bikomeye kubwo kwizera kwabo. Muri abo twavugamo Abawalidensi. Nyuma yo gukurwa mu byabo bagahungira mu misozi miremire y'i Burayi ya Alps kubwo gutotezwa, bitandukanyije burundu n'itorero gatolika ry'i Roma. Vigilantius Leo, wahanganye bikomeye n'amahame apfuye n'imigenzo yari yarinjijwe mu itorero Gatolika ry'i Roma, yabaye umucyo ku bizera benshi.

Abawalidensi babaye bamwe mu basigaye bakomeje kumurika umucyo w'Ijambo ry'Imana mu bihe biteye ubwoba by'ubuhenebere bw'iby'Umwuka. Kubera kwizera kwabo, Abawalidensi bishwe bunyamaswa n'abayobozi b'itorero gatolika mu bitero bitandukanye bagiye babagabaho, by'umwihariko ibyari biyobowe na D'Oppede mu 1544, Marquis wo muri Pianesse mu 1655, ndetse na Gabriel wa Savoy mu 1686.

Umucyo w'ukuri wakwirakwijwe n'Abawalidensi n'aba Albigenses wabaye urufatiro rw'Ubugorizi. Mu Bwongereza, John Wycliffe yabaye imbarutso y'ubugorizi, Huss na Jerome, bamaze gukangurwa n'inyandiko za Wicliffe, batwaye ibendera ry'ubugorizi muri Bohemia. Huss yashyizwe ku giti atwikwa ari muzima ku itariki 6 Nyakanga 1415 na

Jerome atwikwa kuya 30 Gicurasi 1416, nyamara ubugorozi bwakomeje kujya mbere n’ubwo byari mu karengane gakomeye. Umwe kuri umwe, abagorozi bakomeye bose bagiye batwikurura ukuri gutangaje kwari kwarahishwe inyuma y’amahame y’ibinyoma n’imigenzo ya gipagani. Gutsindishirizwa n’ubuntu ku bwo kwizera n’igitambo cy’impongano cya Yesu Kristo watambwe rimwe rizima bikaba bihagije n’umurimo we w’ubuhuza n’ubutambyi, ni byo byari ibuye-fatizo ryo kwizera kw’abagorozi.

Inyigisho nyinshi zidashingiye kuri Bibiliya, nko kwambaza abatagatifu, igitambo cya misa, purigatori, kudashaka umugore cyangwa umugabo, amasakaramentu atandukanye ndetse no kwizera gushingiye ku migenzo kudashingiye ku Ijambo ry’Imana byose abagorozi barabirwanyije. Abagorozi b’abaprotestanti bose bahuriye ku kugaragaza ko ubupapa ari bwo “munyabugome”, kandi bagaragaza ko ari bwo “ihembe rito” ryo muri Daniyeli 7.

Martin Luther yari umwe mu bagorozi bamenyekanye cyane wakoreshejwe n’Imana mu guhamagarira abatuye isi kuva mu mwijima. Yahawe umucyo mwinshi, ariko ntabwo yahawe umurimo wuzuye w’ubugorozi ngo awurangize wenyine. Abandi bagorozi bagiye bakurikiraho, buri wese akagenda ahishurirwa ukuri, kandi iyo kuza gushyirwa hamwe kwajyaga kuba umuyoboro mugari w’ubutumwa bwiza. Nyamara, abakurikiye Luther, Calvin, Knox, Wesley n’abandi bagorozi bakomeye akenshi bahagarariye aho, ntibakomeza inzira y’umucyo w’ubutumwa bwiza abayobozi babo barimo.

Bagiye babumbira hamwe amahame shingiro y’ibyo bizera maze bagakumira undi mucyo wose udahuje n’ayo mahame shingiro. Aho guhuriza hamwe ukuri bahawe, maze ubugorozi buhindukamo uruhuri rw’amadini atandukanye, buri rimwe rikagira ukuri gucagase, ariko ntibashake kugira ukuri kuzuye. Muri ubwo buryo kandi Satani yari ageze ku ntego ye.

Bafatiwe mu mahame y’ukuri kutuzuye abaprotestanti bahindutse abagendera ku migenzo n’iyobokamana ritagira ibikorwa, bityo umucyo w’ubugorozi urazima, ahubwo bugururira amarembo ubuhakanyi maze bukwira isi. Ubufatanye bugaragara ubu hagati y’amatorero bushingiye ku mpamvu z’imibereho rusange aho gushingira ku ubutumwa bwiza. Kubw’ibyo, nta na kimwe kigitandukanya “amatorero ya giprotestanti” n’itorero gatolika ry’I Roma. Intego nyamukuru y’ubugorozi yo guhishura ubutumwa bwiza yari yongeye gukomwa mu nkokora.

Ubugorozi buheruka (Imvura y’Itumba)

Imana ntabwo izarangirisha umurimo wo mu isi imbaraga ziri muni y’izawutangije. Mu ishusho y’imvura y’umuhindo n’imvura y’itumba, Imana yasezeranye kuzasuka imigisha izatuma ibisarurwa byera. Nk’uko imbaraga z’Imana zigaragaje ku muni wa pentekoti ubwo itorero rya mbere ryahabwaga imbaraga yo kujyana ubutumwa bwiza mu isi, ni ko imbaraga z’Imana zizigaragaza nanone ngo itorero rya nyuma ribashe guhamiriza isi yose. Ishushanya ry’imvura y’umuhindo n’imvura y’itumba (Hoseya 6:3; Yoweli 2:23,28-32; Ibyakozwe n’Intumwa 2:16-21) risobanura isukwa ry’Umwuka Wera kuri buri muntu mu bagize itorero ry’Imana. Buri muntu wese

mu itorero agomba kwakira y'imvura y'umuhindo hanyuma agahabwa n'imvura y'itumba. Imvura y'umuhindo ishushanya ukubyarwa ubwa kabiri naho imvura y'itumba ikavuga guhinduka kw'imico yacu igasa n'imico ya Kristo. Nanone kandi izo mvura zombi zishushanya ugutsindishirizwa no kwezwa cyangwa se "twe muri Kristo" na "Kristo muri twe". (Yohana 14:20)

Abo Imana yishimiye kumenyesha ubutunzi bw'ubwiza bw'ubwo bwiru bwageze mu banyamahanga, ari bwo Kristo uri muri mwe, ari byo byiringiro by'ubwiza.
Abakolosayi 1:27

Kw'iherezo ry'ibihe, Imana izagira abantu bazayihagararira maze bahagararire ukuri kwa Yo imbere y'isi yuzuye ubuhakanyi. Nkuko byagenze mu gihe cy'intumwa, ukuri kuzatsinda – imvura y'itumba izakora umurimo wayo wo kugeza ibisarurwa by'Imana ku kwera kwuzuye.

Igihe cy'imperuka

Igihe cy'imperuka ntigikwiriye kwitiranywa n'imperuka y'ibihe. Interuro "igihe cy'imperuka" yakoreshejwe inshuro eshanu mu gitabo cya Daniyeli uhereye ku gice cya 8 kugeza ku cya 12 kandi ikaba yerekeza ku gihe kibanziriza ukuza kwa kabiri kwa Kristo. Hagomba kubaho rero igihe ndakuka cyagenwe aho icyo gihe cy'imperuka gitangirira. (Daniyeli 11:35) Muri Daniyeli 7:25, umuhanuzi avuga iby'imyaka 1260 y'ubudahangarwa bw'ubupapa, no muri Daniyeli 12:6-7, iyo myaka (igihe, ibihe, n'igice cy'igihe) igarukwaho ivuga ku gihe cy'imperuka. Ubwo rero kw'iherezo ry'imyaka 1260 y'ubutware bw'ubupapa mu mwaka wa 1798, ni ryo tangiriro ry'ibihe by'imperuka. Ukuri gukomeye kwerekeye umurimo wa Kristo kwarasiribanzwe muri icyo gihe cy'ubutware bw'ubupapa, (Daniyeli 8:11) ariko uku kuri kose kwagombaga kongera gusubizwaho.

Umuhanuzi Daniyeli na we ubwe ntabwo yasobanukiwe iby'iyerekwa ry'ukwezwaga kw'ubuturo bwera (Daniyeli 8) ku iherezo ry'iminsi 2300, ntabwo kandi yasobanukiwe byuzuye n'ibyajyaga kuzabaho mu gihe cy'imperuka. Impamvu nta yindi, ni uko ubu buhanuzi bwari bufatanishijwe ikimenyetso kugeza igihe cy'imperuka. (Daniyeli 8:17, 26; 12:9)

Nuko Daniyeli, bumba igitabo ugifatanishe ikimenyetso kugeza igihe cy'imperuka, benshi bazajajara hirya no hino kandi ubwenge buzagwira.
Daniyeli 12:4

Mu giheburayo, imyandikire y'ijambo "ubwenge" yakoreshejwe yerekana ko ubwenge bwo gusobanukirwa igitabo cya Daniyeli na bwo buziyongera mu gihe cy'imperuka. Birakwiye gusobanukirwa ko ababi batazabimenya, ko ahubwo abanyabwenge gusa ari bo bazayoborwa mu gusobanukirwa iby'ubu buhanuzi. Abanyabwenge kandi bazayobora benshi ku gukiranuka. (Daniyeli 12:3)

Ubwenge mu mvugo ya Bibiliya ni ubukomoka mu kugirana umushyikirano n’Imana ushingiyeye ku kwizera no kumvira, ubu bwenge rero ntibugereranywa n’ubwenge bw’isi. Muri Zaburi 119, tuhasoma:

Ibyo wategetse bituma ndusha abanzi banjye ubwenge, kuko bihorana nanjye iteka. Mfite ubwenge buruta ubw’abigisha banjye bose, kuko ibyo wahamije ari ibyo nibwira. Zaburi 119:98-99

Ubwenge bufitanye isano n’amategeko y’Imana hamwe n’Ijambo ry’Imana. Gusobanukirwa kuzanwa no kumvira amategeko y’Imana (Zaburi 119:100,104), n’ibihamya, n’Ijambo ry’Imana nk’uko ryahishuriwe abahanuzi bo mu bihe byose (Zaburi 119:125,130,144). Niba ukuri kwaragombaga gusubizwaho, ubwo rero ubwenge no gusobanukirwa ukuri kwa Bibiliya ni ingenzi cyane. Hari ubusobanuro butatu buhabwa ukuri mu Byanditswe:

... Ninjye nzira, n’Ukuri n’Ubugingo. Nta we ujya kwa Data ntamujoyanye.
Yohana 14:6

Ubezeshye ukuri; Ijambo ryawe ni ryo Kuri.
Yohana 17:17

Ijambo ryawe ryaravugutiwe cyane, ni cyo gituma umugaragu wawe ndikunda.
Zaburi 119:140

Uwiteka, uri bugufi, ibyo wategetse byose ni ukuri.
Zaburi 119:151

Ukuri kwongeye kugaragazwa kurangwa n’izi ngingo zose. Gushingiye kuri Kristo, gushingiye ku Ijambo ry’Imana, kandi kukarehereza ku kumvira amategeko y’Imana. Nk’uko Kristo ubwe yabyivugiyeye:

Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye. Yohana 14:15

Mu gihe by’imperuka, hagombaga kubaho itorero rigorora ibintu byose kandi rigasobanura ubuhanuzi bwari bufatanyishijwe ikimenyetso bw’igitabo cya Daniyeli. Amateka ahamya ko kongera guhugukira Ibyanditswe byera, biherekejwe n’ivugabutumwa rikomeye byatangiyeye ahagana mu mwaka wa 1798. Mu mwaka wa 1795, ishyirahamwe ry’abavugabutumwa ryo mu bwongereza (*London Missionary Society*) ryatangijwe, rikurikirwa n’irindi (*New York Missionary Society*) ari naryo rya mbere muri Amerika. Amashyirahamwe ya Bibiliya akomeye yo ku isi nayo yatangijwe hagati y’umwaka wa 1798 na 1844, ari ryo herezo ry’imyaka 2300 y’ubuhanuzi. Hamwe n’uku guhugukira Ibyanditswe byera, amashyirahamwe menshi y’iby’ubuzima no kwirindira amagara yarashinzwe, maze mu 1807 William Metcalf ashinga ishyirahamwe ryigisha gutungwa n’ibiribwa karemano no kwirinda ibisindisha ryitwa *Society of Bible Christians of Philadelphia*. Ni ingenzi kuzirikana ko muri iyi myaka ari nabwo habayeho iterambere rikomeye mu by’ikoranabuhanga ryo mu gihe cyacu.

Imashini ya mbere ikwirakwiza ubushyuhe yahanze mu mwaka wa 1769, ibi byatumye hatangizwa n'ubwato bukoresha iryo koranabuhanga mu mwaka (1810/1807) n'umuhanda wa Gariyamoshi nawo uratangizwa (1825). Ubutumwa bwiza bwagombaga gukwirakwizwa mu "isi yose", kandi Imana yabonye ko bizagerwaho binyuriye muri iri terambere. Muri muzika, insanganyamatsiko zikomoka muri Bibiliya zabaye isoko yo gufashwa kwa benshi kubw'ibihangano byiza nk'icya Handel cyiswe "Messiya" cyibanda cyane ku Mwami w'abami, na Haydn wahimbye igihangano yise "Iremwa" (*the Creation*) mu 1844.

Ifungurwa ry'ikimenyetso cy'ubuhanuzi bwa Daniyeli

Ni muri iki gihe cyo kongera guhugukira Ibyanditswe byera, ubwo umusore muto w'Umubaptista kandi w'umuhinzi-mworozi witwaga William Miller (wabayehe kuva mu 1782 kugeza mu 1849) yandikaga inyandiko zanyuraga mu kinyamakuru cy'ababaptista cyasohokaga buri cyumweru cyitwaga "*Vermont Telegraph*", aho yandikaga cyane ku buhanuzi bwa Daniyeli. Yakoresheje amategeko yoroshye ngo yumvikanishe izo ngingo zikomeye z'ubuhanuzi. Amwe muri ayo mategeko ni aya:

- a) Isezerano rishya risobanura isezerano rya kera
- b) Ibyanditswe byera birisobanura ubwabyo
- c) Ikoresheje ry'ibimenyetso ry'ibibaho bishushanya ibizabaho nyuma
- d) Buri jambo ryose rikwiriye kwitabwaho
- e) Ubuhanuzi buruzuzanya

Igihe yigaga ubuhanuzi bw'igitabo cya Daniyeli igice cya 8 William Miller yibwiye ko ukwezwaga kw'ubuturo bwera kwagombaga kubaho ku iherezo ry'imyaka 2300, byasobanuraga kweza isi igakurwamo icyaha. Yafashe umwanzuro rero ko Kristo yagombaga kugaruka ku iherezo ry'iyi myaka, maze yifashishije ihame ry'uko umunsi umwe ungana n'umwaka, imibare imwerekaga ko icyo gikorwa cyagombaga kubaho mu mwaka wa 1843. Yibwiraga rero ko icyo gihe ari bwo itorero ari ryo "Ubuturo bwera mu by'umwuka" ryagombaga kwezwaga.

Miller yahakanye ubusobanuro bwari bugezweho icyo gihe, maze yongera kugaruka inyigisho ya giprotetanti ya Kristo nk'ishingiro ry'inyigisho yose, ibyo kandi byatumye abayoboke ba Yesu bareba cyane ku buhanuzi bw'iminsi y'imperuka. Yashimangiye iby'igaruka rya Kristo mbere y'imyaka igihumbi, kandi ashingiye ku gihe kivugwa mu buhanuzi bwa Daniyeli igice cya 8, yemeza itariki ya 22/Ukwakira/1844 nk'igihe ndakuka cyo kugaruka kwa Kristo. icyakurikiye ibyo, ni uko William Miller na bagenzi be bagera ku 100,000 birukanywe mu matorero yabo. Abizeraga ko Kristo agiye kugaruka baturutse mu matorero yose, kandi harimo n'ababwiriza barenga 200 bakomokaga mu matorero ya giprotetanti azwi cyane.

Bihereye ku mugani w'abakobwa 10, (Matayo 25:1-13) ubu butumwa bwamenyekanye nk' "urusaku rwa mu gicuku", ruranga ko Umukwe aje. Habayeho kugira imico y'Imana nk'ibya katanga ka mbere, igihe amatsinda menshi y'abizera bategerezaga kugaruka kwa Kristo.

Amateka atubwira ariko ko Yesu atigeze agaruka ku isi mu mwaka wa 1844. Abari bamutegereje n'ubwuzu bwinshi bacitse intege bikomeye cyane, icyo gikorwa cyamenyekanye ku izina rya "great disappointment" bivuga "gucika intege bikomeye". Abenshi baguye mu rujijo bava muri uko kwizera ndetse bahagarika urugendo. Ababigumyemo nabo barasetswe bikomeye maze bahinduka urw'ameyo.

Igihe kimwe mu mateka y'itorero habayeho ugucika intege nk'uku. Abakurikiye Kristo bategereje biringiye rwose kwambara ikamba rya cyami nka Mesiya bya Kristo i Yerusalemu. Bamusingije nk'Umwami wabo ndetse bamusasira amashami y'imikindo imbere y'ibirenge bye, (Yohana 12:13) nyamara aho kumubona yambara imyambara ikamba rya cyami ngo yime ingoma bamubonye abambwa ku musaraba. Bacitse intege bikomeye, kandi benshi batakaje ukwizera kwabo. Ndetse n'abigishwa buzuwe n'ubwoba ndetse barihisha "ku bwo gutinya abayuda". (Yohana 20:19) Mu nzira ijya Emawusi, abigishwa babiri ba Yesu barimo baganira iby'iyi nkuru ibabaje (Luka 24:1335) ubwo Yesu yabasangaga maze...

... atangirira kuri Mose no ku bahanuzi bose, abasobanurira mu byanditswe byose ibyanditswe kuri We. Luka 24:27

Nk'uko byagenze ubwo abantu bacikaga intege mu gihe cya Kristo, gucika intege ko mu 1844 kwayoboye abantu mu kwiga Ibyanditswe babyitondeye babihuza n'ukuri kwahishuwe n'ubugorizi. Nyuma yo kugwa kwa benshi, itsinda ryasigaye muri abo bari bategereje Yesu mu 1844 ryiswe "itorero ryasigaye" cyangwa se "Abasigaye". Ubuhanuzi bwa Daniyeli bwongeye kwiganwa ubwitonzi, maze abo bizera bavumbura ko igitabo cy'Abaheburayo n'Ibyahishuwe birimo ibihamya byinshi byerekeye ubuturo bwera bwo mu ijuru. Ihame rikomeye ry'ubuturo bwera, harimo ibimenyetso n'icyo byashushanyaga (reba icyigisho cyitwa *Umuwugizi w'igihe cyacu*) byongeye guhishurwa kandi n'umurimo wa Yesu nk'Umutambyi Mukuru n'igitambo cy'Umwana w'intama byarabasobanukiye mu busobanuro bwabyo. Ubusobanuro bw'iminsi mikuru ya kiyahudi, icyo yashushanyaga no gusohora kwabyo nabyo byarahishuwe. Hamwe n'iri hashurwa rikomeye ry'ibyanditswe, habayeho isohora ry'icyo umunsi w'impongano wacureraga, n'ubusobanuro bwawo ku birebana no kwezwa kw'ubuturo bwera bwo mu ijuru cyangwa itangira ry'urubanza mu ijuru. Ibishingirwaho mu rubanza, amategeko y'Imana, n'akamaro kayo ndetse n'isano bifitanye n'inama y'agakiza nabyo byarasobanutse. Urukuta rwa kera rw'ukuri rwakumiraga ikibi, rwari rurimo kubakwa nk'uko Yesaya yari yarabihanuye:

N'abazagukomokaho bazubaka mu matongo ya kera yaseniyutse, uzongera gushinga imfatiro zariho ku ngoma nyinshi, kandi uzitwa Uwica ibyaho kandi Usibura inzira zijya mu ngo. Yesaya 58:12

Amategeko n'Isabato byarasobanutse kandi isano iri hagati y'amategeko n'ubuntu yumvikana mu mwanya wayo. Amategeko y'Imana no kwizera muri Yesu Kristo byahindutse inkingi y'ukwizera itorero ry'abasigaye ryubakiyeho.

Mu Byahishuwe 12, Yohana agaragaza ibiranga abizera b'itorero riheruka mbere yo kugaruka kwa Kristo.

Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategoko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu.
Ibyahishuwe 12:17

Mu basigaye ku ba Millerites (bakomoka kuri Miller) havutse itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi. Mu mwaka wa 1848, habayeho ihuriro rigendera ku mahame afite ingingo z'ukuri zitabashije kuvumburwa n'abagorozi. Amahame shingiro asobanura ubuhanuzi nk'uko yari afitwe n'iryo torero ryavukaga yari uruhererekane rw'inyigisho z'ubuhanuzi nk'uko zigishijwe n'itorero ryo mu binyejana bya mbere. Bashyizeho, bahuza, kandi bakomeza ubugorozi bwari bwarazimiriyemo mu musenyi w'ibihe. Amahame ngenderwaho y'iryo torero yari ashingiyemo ku nyigisho z'Ibyanditswe Byera ku ngingo zikurikira:

1. Ukugaruka kwa Kristo
2. Ugukomezwa k'umunsi wa karindwi w'Isabato
3. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu n'isano yabwo n'ubutumwa bwa marayika wa mbere n'uwa kabiri
4. Umurimo wa Kristo mu buturo bwera bwo mu ijuru 5. Gusobanura ihame ry'ukudapfa kwa roho.

Mu Gihe Gikwiriye

Ubutumwa bw'igihe cy'urubanza bwabwirijwe n'itsinda ry'aba Millerites (itsinda rya ba William Miller) ntabwo bwari ubutumwa bw'umuburo uheruka, ahubwo bwari intangiriro y' "itunganirizwa ry'ibintu byose". Mu Byahishuwe 14, Yohana asobanura ubutumwa bw'igihe cy'urubanza, nk'uko bwatanze na marayika wavuze mu ijwi riranga.

Mwubahe Imana, muyihimbaze kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye; muramye Iyaremye Ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko. Ibyahishuwe 14:7

Ubu butumwa icyakora, bukurikirwa n'ubundi butumwa bubiri, ari bwo itangazwa ry'ukugwa kwa Babuloni, n'umuburo wo kutaramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo.

Aba bizera bategereje Yesu mu 1844, ubwo birukanwaga mu nsengeru zemewe, byabateye kwizera ko ukwanga umuburo w'Imana kw'aya matorero, byasobanuraga ko ayo matorero yaguye mu maso y'Imana. Kwanga kwakira umucyo biyobora mu mwijima (Yesaya 5:20; Yereyemiya 13:16) ariko kwemera Ijambo ry'Imana bizana Umucyo:

Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge. Zaburi 119:130

Kugwa kw'aya matorero babihuje no kugwa kwa Babuloni, nk'uko byavuzwe na Marayika wa kabiri. (Ibyahishuwe 14:8) Nyamara, nyuma yo gucika intege gukomeye nibwo ubutumwa bwa marayika wa gatatu bwatangiye gusobanuka.

Ubutumwa bwa marayika wa gatatu ni ubutumwa bw'umuburo uheruka ku bari mu isi yuzuye ubuhakanyi. Bwuzuye imbaraga n'ukuri kwimbitse mu bya Mwuka. Nk'uko akamaro kabwo kumvikanye, hanahishuwe ubusobanuro bw'ibimenyetso n'imvugo ya gihanuzi byakoreshejwe mu gitabo cy'Ibyahishuwe.

By'umwihariko ubuhanuzi bwo mu Byahishuwe 10, bwahujwe n'isohozwa ry'ubwo butumwa n'ibyabaye ku bizera bategereje Yesu mu 1844.

Mu Byahishuwe 10, havuga Marayika ukomeye ufite agatabo gafunguye mu ntoki ze. Maze avuga n'ijwi rirenga nk'uko intare yivuga (ku murongo wa 3) maze mu ijwi nk'iryo guhinda kurindwi kw'inkuba, Yohana yumva ijwi rivugira mu ijuru riti:

...iby'uko guhinda kurindwi kw'inkuba kuvuze ubizigame, bibe ubwiru ntubyandike.
Ibyahishuwe 10:4

Igitabo (cyangwa se umuzingo) kibumbuye, kikaba kandi cyerekeza ku magambo afatanishijwe ikimenyetso, nta kindi byaba byerekezaho kitari igitabo gifatanishijwe ikimenyetso (cyangwa ubuhanuzi) kikaba noneho kigomba gufungurwa cyangwa ibimenyetso bigifatanishije bikamenwa. Ibyanditswe Byera nibyo bikwiriye kwisobanura ubwabyo, kandi ahangaha ubuhanuzi bwa Daniyeli (ubuhanuzi bw'iminsi 2300) ni bwo bwari ubuhanuzi bufatanishijwe ikimenyetso bwagomba gusobanuka mu "gihe cy'imperuka" cyangwa ku iherezo ry'iminsi 1260 itugeza mu 1798. Igihe kigeze neza (nyuma ya 1798), itsinda ry'aba Millerites babwirije ubutumwa bw'urubanza nyuma yo gusobanukirwa n'ubuhanuzi bwa Daniyeli. Ubu butumwa bwari buryohereye, ariko nyuma burasharira cyane habaho gucika intege kubwo gutenguhwa ubwo Kristo yari atagarutse mu 1844.

Ubuhanuzi bw'iminsi 2300 ni bwo buhanuzi bw'igihe kirekire kurusha ubundi muri Bibiliya, kandi nta kindi gihe cya gihanuzi cyongeye gutangwa nyuma yabwo. Amagambo yatanze na Marayika mu byahishuwe 10:6 ngo "ntihazabaho igihe ukundi" abonwa nk'ayerekeza ku buhanuzi bwa Daniyeli butugeza ku iherezo ry'ibihe bya gihanuzi. Yohana nawe yategetswe guconcomera agatabo, (umurongo wa 9) maze mu kanwa ke kamuryohera nk'ubuki ariko kageze munda ye harasharirwa (umurongo wa 10). Kurya umuzingo cyangwa agatabo ni ukugacukumbura, amagambo yako ukayagira ayawe, ukayasobanukirwa byuzuye.

Amagambo yawe amaze kuboneka ndayarya, maze ambera umunezero n'ibyishimo byo mu mutima wanjye, kuko nitiriwe izina ryawe Uwiteka Mana Nyiringabo.
Yeremiya 15:16

Ukuryohereza bagize kwari ibyishimo by'icyo bari biteze kubw'amagambo bari bize bagasobanukirwa, naho gusharirwa bishushanya ugucika intege kwabayeho nyuma yo gutenguhwa kubwo kwibeshya ku cyajyaga kuba. Iryo tsinda ry'abizera bategereje, icyo

gihe bari biteze ko Kristo agaruka mu 1844, ariko ntabwo Kristo yaje. Batekereje ko ubutumwa bw'umuburo uheruka bwari bwatanzwe - ariko siko byari bimeze. Mu byahishuwe 10:11, hari amabwiriza atangwa:

Arambwira ati "Ukwiriye kongera guhanura iby'amoko menshi n'amahanga menshi, n'indimi nyinshi n'abami benshi." Ibyahishuwe 10:11

Ijambo "kongera" rirakomeye cyane. Batekerezaga ko barangije guhanura, nyamara bagombaga kongera guhanura. Ikindi kandi, ubutumbwa bwagombaga kongera guhanurwa bwagombaga kuba ari ubutumwa bw'isi yose bwagombaga kubwirwa abatuye isi bose n'amahanga yo mu isi yose.

Mbese ni ubuhe butumwa bw'ingenzi cyane Imana yashakaga ko bubwirwa isi yose? Ni Ubutumwa bw'abamarayika batatu bwanditswe mu byahishuwe 14 ahatanzwe amabwirizwa nanone ngo ubutumwa bubwirwe abantu bose batuye ku isi.

Nuko mbona Marayika wundi aguruka aringanije ijuru, afite ubutumwa bwiza bw'iteka ryose ngo abubwire abari mu isi, bo mu mahanga yose n'imiryango yose, n'indimi zose n'amoko yose... Ibyahishuwe 14:6

Mu gihe gikwiriye, Imana yahagurukije abantu baturutse mu madini yose (abasigaye) ngo babwirize Ubutumwa bwiza mu mwuzuro wabwo, "ubutumwa bwiza bw'iteka ryose", ngo babubwire abatuye isi bose. Aba ni bo basigaye bazarenganywa n'ikiyoka ku iherezho ry'ibihe, abo ni:

Abitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu Kristo. Ibyahishuwe 12:17

Aha niho tubona ibiranga itorero ry'abasigaye kandi bikabyutsa umujinya wa Satani ari byo, kumvira amategeko y'Imana no guhamya kwa Yesu Kristo. Ubugorozi bwagaruye ukwizera Yesu Kristo nk'inzira yonyine rukumbi y'agakiza, ariko akamaro k'amategeko no kumvira Imana ndetse n'akamaro k'umurimo w'Umutambyi Mukuru ari we Yesu Kristo byari bitarumvikana neza. Ukwuzura kw'ubutumwa bwiza n'umurimo wa Yesu, hamwe n'uruhererekane rw'ibyagombaga kubaho mu buhanuzi uherye mu kugwa kugeza ku kongera gutuganywa kwa nyuma, byari ukuri kwagombaga kubwirizwa mu gihe cya nyuma cy'irangira ry'imbabazi bibwirijwe n'itorero ryasigaye ryitabye umuhamagaro w'ubuntu. Iki gihe rero, nibwo guhamya kwa Yesu cyangwa umwuka w'ubuhanuzi wari utanzwe ngo wunganire mu guhishura ukuri byuzuye. (reba icyigisho cyitwa *Impano Nyobozi y'Imana*)

Nikubitira hasi imbere y'ibirenge bye kumuramya, ariko arambwira ati "Reka! Ndi imbata mugenzi wawe, kandi ndi mugenzi wa bene so bafite guhamya kwa Yesu: Imana ari yo usenga. Kuko guhamya kwa Yesu ari umwuka w'ubuhanuzi." Ibyahishuwe 19:10

Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi (Eliya Uzaza)

Ibiranga itorero ry'abasigaye birasobanuwe neza mu byanditswe, ku buryo byoroshye rwose kumenya ababyujuje. Ni ingenzi kandi kwibuka ko abasigaye bagomba gushingira imyizerere yabo ku Byanditswe Byera byose nta kivuyeho, kuko ari byo byerekana ubushake bw'Imana:

Ibyanditswe Byera byose byahumetswe n'Imana kandi bigira umumaro wo kwigisha umuntu, no kumwemeza ibyaha bye no kumutunganya, no kumuhanira gukiranuka. 2 Timoteyo 3:16

Mu isi yuzuye ubuhakanyi, nk'uko Ibyanditswe Byera bibivuga ko bugomba kubaho mu minsi y'imperuka, biranumvikana ko abasigaye bumvira Ijambo ry'Imana bazaba ari bo bake nubwo bazaba bari kusi hose. Hari itorero rimwe rukumbi ryujuje ibiranga abasigaye byose, kandi iryo ni Itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi. Itorero ryavutse ku gihe neza, maze bigasohoz ubuhanuzi mu buryo bwuzuye. Itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa karindwi ni ryo ryonyine ryigisha ubutumwa bw'abamarayika batatu mu isi yose, kandi ku bw'iy mpamvu, itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa karindwi ni ryo torero ryonyine rya giporotestanti rikwiriye hose ku isi. Ikindi kandi, itorero ry'abadiventiste b'umunsi wa karindwi rikomoka mu imenwa ry'ikimenyetso cyari gifatanishije umuzingo w'igitabo cya Daniyeli, n'ikanguka ry'abari bategereje kuza kwa Yesu mu 1844. Iri torero ribwiriza Ubutumwa bwiza bw'iteka ryose ari bwo "gukizwa n'amaraso y'Umwana w'Intama hamwe no kumvira amategeko ye", kandi ryigisha kuramya Umuremyi wa bose kuko ari we wenyine ukwiye ikuzo. Iri torero rishimangira ko irema ari ryo soko nyakuri y'itangiriro ry'ibiriho kandi kuko umunsi wo kwizihiza irema ry'Imana ari Umunsi wa Karindwi w'Isabato, iri torero ryubahiriza Isabato, kuko ryemera ko Isabato ari ikimenyetso cy'ubutware bw'Umuremyi.

Mu gihe amadini menshi yizera ko amategeko y'Imana yakuweho, itorero ry'Abadiventiste ryo rihamya cyane ko amategeko cumi y'Imana atazigera avaho. Kuri iyi ngingo kandi, ryigisha ko nta muntu n'umwe utsindishirizwa no kumvira amategeko:

Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana. Ntibyavuye no ku mirimo kugira ngo hatagira umuntu wirarira. Abefeso 2:8-9

Ariko kumvira amategeko ni ingaruka yo kumenya ko wakijijwe kandi ni uburyo bwo kwerekana urukundo ukunda Imana.

Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye. Yohana 14:15

Itorero ry'abadiventiste rihakana inyigisho gikwira y'ihame ryemerwa na benshi ry'uko roho z'abantu zidapfa, ahubwo ryemera ihame rya Bibiliya ry'umuzuko w'abapfuye. (reba icyigisho cyitwa *Amayobera y'urupfu*). Hejuru ya byose ariko, itorero ry'abadiventiste ryerereza umurimo wa Kristo nk'Umutambyi Mukuru mu buturo bwera bwo mu ijuru ryizera ko:

Ni cyo gituma abasha gukiza rwose abegerezwa Imana na we, kuko ahoraho iteka ngo abasabire. Abaheburayo 7:25

Bizera ko Kristo wenyine ari we muhuza hagati y’Imana n’umuntu, kandi ko binyuriye muri We ibyaremwe byose byabashije kubaho. (1 Yohana 1:1-3; Abakolosayi 1:15; Abaheburayo 1:1-3) Ikindi kandi, bemera ko Ijambo ry’Imana ari ryo Bibiliya, ari ryo ryonyine Jambo ry’Imana ry’umwuzuro rihishura ubushake bw’Imana ku bantu.

Itorero ry’Abadiventiste b’Umunsi wa Karindwi ni ryo ryonyine ryujuje ibiranga itorero ry’Imana ry’abasigaye nk’uko bivugwa mu Byanditswe Byera. Satani ashobora kwigana bimwe mu biranga abasigaye, ariko ntabwo ashobora kubyigana uko byakabaye byose. Itorero ry’Abadiventiste:

1. Ryavutse mu gihe gikwiriye cya gihanuzi
2. Ribwiriza Ubutumwa bw’Abamarayika Batatu
3. Ryakwiriye mu isi yose
4. Ryubahiriza amategeko y’Imana. (Ibyahishuwe 12:17; 14:12;22:14)
5. Rifite kwizera kwa Yesu. (Ibyahishuwe 14:12) Rifite iyobokamana rishingiye kuri Kristo kandi ryizera ko binyuze mu kwizera Imana, uwizera wese ahabwa ubuntu bwo kunesha nk’uko Kristo yanesheje. (1 Yohana 5:4; Ibyahishuwe 12:11; 1 Yohana 2:6; 3:3,7)
6. Rifite uguhamya kwa Yesu (Ibyahishuwe 12:17) ari byo bivuga umwuka w’ubuhanuzi, (Ibyahishuwe 19:10) (reba icyigisho cyitwa *Impano Nyobozi y’Imana*).

Intego nyamukuru y’iri torero ni uguhamagarira abantu kuva mu buhakanyi maze rikaberekeza kuri Ntama w’Imana, bakemera kuyoborwa n’ubutware Bwe. Nk’Uko Imana yahamagaye Isirayeli ikayivana muri Egiputa, igihugu cy’ubuhakanyi, maze ikayijyana mu butayu, ni na ko Imana yahamagaye Isirayeli yo mu minsi y’imperuka ikayivana mu ruhurirane rw’amadini, ikabajyana mu butayu bw’abantu nyuma y’umwaka wa 1844. Nk’uko Imana yasubijeho amategeko yayo n’isabato (Kuva 16:2330; 20:1-17) ikabiha Abisirayeli ba kera nyuma yo kubakura muri Egiputa, ni ko Amategeko y’Imana n’Isabato byasubijweho nyuma y’umwaka wa 1844. Na none kandi, nk’Uko Imana yasubije mu bisirayeli ba kera amahame y’isuku no kubaho ubuzima bwiza birinda, (kuva 15:26) ni ko n’Abadiventiste bigisha ubutumwa bwo kwirindira ubuzima, bizera ko nk’uko Kristo yitaga ku ndwara z’umubiri z’abantu akiri ku isi, ari na ko izo ndwara z’umubiri zikwiriye kwitabwaho muri iyi minsi yacu igihe ubutumwa bwiza bubwirizwa. Nta rindi torero rya giporotestanti rifite umurimo w’ubuvuzi ukomeye cyane ku isi yose, nk’uko bimeze ku itorero ry’Abadiventiste b’umunsi wa karindwi.

Muri Matayo 17:11, Yesu yasezeranye ko hari Eliya uzagaruka agasubiza ibintu byose mu mwanya wabyo mbere y’uko imperuka igeraruka.

...Eliya akwiriye kubanza kuza, akagaruka byose akabitunganya. Matayo 17:11

Ku murongo wa 12, Yesu yavuze kuri Eliya wari waraje, ariko inyigisho ze ntizakirwe. Aha harerekereza ku nyigisho za Yohana Mubatiza uwo Yesu yerekanye ko ari we Eliya wari warahanuwe. (Matayo 11:14). Biragaragara ko kuvuga Eliya bisobanura ubutumwa

aho kuvuga umuntu ubutanga. Ubutumwa bwa Eliya wa kera, ubwa Yohana Umubatiza ndetse n'ubw'itorero ry'Abadiventiste b'umunsi wa karindwi bumeze kimwe. Bose uko ari batatu bahamagarira abantu ku kugarukira ku kumvira Imana, no kuramya Iyaremye ijuru, n'isi ny'inyanja n'amasoko. Ikindi kandi, ubutumwa bwa Yohana n'ubutumwa bw'itorero ry'Abadiventiste ni ubutumwa bwo kwiteguza – bwo kugorora inzira – mu kwitegura kuza k'Umukiza. (Luka 1:17)

Mu 1 Abami 16:31, hari amateka tuhabwirwa y'Umwami Ahabu warongoye Yezeberi umukobwa wa Etibali, umwami w'Abasidoni. Uku gushyingiranwa kutemewe kwabaye intandaro yo kuramya Baali cyangwa se gusenga izuba muri Isirayeli. (2 Abami 23:5) umusaruro wabaye ko amoko yo mu majyaruguru yose yirundumuriye mu buhakanyi bukomeye cyane.

Nuko bareka amategeko yose y'Uwiteka Imana yabo, biremera ibishushanyo by'inyana ebyiri biyagijwe kandi n'icya Ashera, baramya ingabo zo mu ijuru bakorera Bali. 2 Abami 17:16

Inshingano ya Eliya yari iyo guhamagarira abantu kuva mu buhakanyi ndetse no kugarura ubumwe bwa Isirayeli. Eliya ubwe yasubijeho igicaniro cy'ibitamba cyari cyarasenywe cyari kigizwe n'amabuye cumi n'abiri ashushanya ubumwe bwa Isirayeli, igicaniro ubwacyo kandi kigashushanya gukizwa ku bw'ubuntu, kuko ari kubw'amaraso y'Umwana w'intama gusa tubasha gukizwa. (Abalewi 17:11)

Nk'uko Eliya wa kera yari integuza y'urubanza rw'Imana rwari rwegereje kuri Isirayeli ya kera, ni ko na Eliya wo ku iherezo ry'ibihe akwiriye kuba integuza y'urubanza rw'Imana ruheruka ku isi.

Nimwibuke amategeko y'umugaragu wanjye Mose, ayo namutegekeye I Horebu yari ay'Abisirayeli bese, yari amategeko n'amateka. Dore nzaboherereza umuhanuzi Eliya, umunsi w'Uwiteka ukomeye kandi uteye ubwoba utaragera. Uwo ni we uzasanganya imitima y'abana n'iya ba se, kugira ngo ntazaza kurimbuza isi umuvumo. Malaki 4:4-6 cg Malaki 3:22-24

Eliya yasubijeho ikimenyetso cya kera cyo kumvira Imana no kwizera ubuntu bwayo bukiza. Uko ni ko n'itorero ry'Abadiventiste rigomba gusubizaho amategeko yasenywe ndetse no kwizera igitambo cya Yesu. Yesaya yahanuye ati:

N'abazagukomokaho bazubaka mu matongo ya kera yasenyutse, uzongera gushinga imfatiro zariho ku ngoma nyinshi, kandi uzitwa Uwica ibyaho kandi Usibura inzira zijya mu ngo. Nuhindukira ntukandagire isabato, ukanga gukora ibyo wishakiye ku munsi wanjye wera, ahubwo ukita isabato umunezero, umunsi wera w'Uwiteka ukawita uw'icyubahiro ukawubaha, ntube icyigenge ntiwishakire ibyo kwinezeza, ntiwivugire ibyo ushaka ku bwawe, nuko uzishimira Uwiteka nanjye nzaguha kurambagira mu mpinga z'igihugu, kandi nzagutungisha gakondo ya sogokuruza Yakobo. Akanwa k'Uwiteka ni ko kabivuze. Yesaya 58:12-14

Inkuta zasenywe zishushanya amategeko y'Imana. Inzira zishushanya inzira za kera, ari zo ukuri k'Ubutumwa bwiza basiribanzwe bujagunywa mu musenyi kubw'imigirire

ya gipagani. Muri iyi minsi iheruka ya gihanuzi, Isabato ishyizwe hejuru nk'igikoresho gikomeye kizatandukanya abantu b'Imana n'isi ngo basubizeho isano y'ukuri n'Imana yabo. Isabato ntikwiriye kuba umutwaro, ahubwo ni umunezero – ni umunsi wo kwibuka no kuramya Imana Umuremyi.

Ubutumwa bw'Abamarayika batatu bubanziriza kugaruka kwa Kristo n'isarurwa ry'isi. Ni ubutumwa butunganiriza inzira kugaruka kwa Kristo kandi buhamagarira abantu kwitandukanya n'isi.

... ni abitondera amategeko y'Imana kandi bafite kwizera nk'ukwa Yesu.
Ibyahishuwe 14:12

Iminsi mikuru y'Abayuda yashushanyaga ibirimo kubaho mu minsi y'imperuka. Integuza y'Abategereje Kugaruka kwa Kristo mu 1844 yashushanywaga n'Umunsi Mukuru w'Impanda, itangazwa ry'urubanza rwegereje ryashushanywaga n'Umunsi Mukuru w'Impungano, naho Iminsi Mikuru y'Ingando yashushanyaga ugukurwa mu isi no gutaha iwacu ku bwoko bw'Imana.

Ubutumwa bw'Abamarayika Batatu

Ubutumwa bw'Abamarayika Batatu ni ubutumwa buheruka bwo kuburira isi. Ku iherezo ry'ubu butumwa, igihe cy'imbabazi kizaba kirangiye maze Kristo aze gutabara ubwoko Bwe. Muri iki gihe cy'itangazwa ry'ubu butumwa ni bwo intambara ikomeye iri hagati ya Kristo na satani igeze mu isibaniro, kandi abakurikiye Kristo n'abakurikiye Satani bazagabanywamo amatsinda abiri; abakurikiye Ntama w'Imana n'abakurikiye Inyamaswa. Iyi ntambara izarushaho gukara, kandi hazabaho igihe cy'umubabaro utigeze kubaho uhareye igihe amahanga yabereyeho. (Daniyeli 12:1).

Mu gitabo cy'Ibyahishuwe cyose, haboneka amatsinda abiri ahanganye kandi Satani akoresha ubushukanyi bwe ngo yigane inama y'agakiza ubwayo, kugira ngo ayobye n'intore niba bishoboka. (Matayo 24:24). Anyuriye mu butware bw'inyamaswa (Kiriziya Gatolika y'I Roma), satani agerageza kwigana umurimo wa Kristo. (reba icyigisho cyitwa *Inzoga za Babuloni*) maze agashyiraho ubutatu bw'ikinyoma ngo ayobye abatuye isi yose. Igikomangoma cy'ukuri Yesu Kristo, ni we wenyine ushobora kudukiza akatwezaho gukiranirwa kose.

No kuri Yesu Kristo, ari we mugabo wo guhamya ukiranuka n'imfura yo kuzuka, utwara abami bo mu isi, udukunda kandi watwejeshejeho ibyaha byacu amaraso ye. Ibyahishuwe 1:5

Kristo n'abamukurikiye bari muri iyi ntambara kandi nubwo Kristo yamaze kunesha umwanzi, iyi ntambara izakomeza kubaho kugeza Kristo aje ubwa kabiri. *...sinkivugana namwe byinshi, kuko umutware w'ab'iy'isi aza kandi nta cyo amfiteho.* Yohana 14:30

Igikomangoma cy'ikinyoma, satani, azacirwaho iteka kandi arimburwe.

Kugaragaza izo mpande zombi ni yo nsanganyamatsiko nyamukuru y'igitabo cy'Ibyahishuwe.

Ubutumwa bwa Marayika wa Mbere

Nuko mbona marayika wundi aguruka aringanije ijuru, afite ubutumwa bwiza bw'iteka ryose ngo abubwire abari mu isi, bo mu mahanga yose n'imiryango yose, n'indimi zose n'amoko yose. Avuga ijwi rirenga ati "Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye, muramye Iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko." Ibyahishuwe 14:6-7

Ubutumwa bukubiye mu butumwa bwa Marayika wa Mbere ntabwo ari ubutumwa bw'urubanza gusa, ahubwo ni n'ubutumwa bwo "kongera gutunganya ibintu byose". Ni ubutumwa bwa Eliya, ni ubugorizi buheruka bugomba gutera abasigaye ba Isirayeli mu by'umwuka gutandukana n'isi, maze bakitegura kugaruka kwa Kristo. Marayika agaragara yamamaza ubutumwa bwiza bw'iteka ryose mu mahanga yose. Imana ikoresha abantu ngo bafatanye na Yo mu kwamamaza ubutumwa bwiza. Marayika ni ikimenyetso cy'uko ubu butumwa ari ubutumwa bw'ijuru.

Ubutumwa bwiza bw'iteka ryose ni yo nsanganyamatsiko nyamukuru y'agakiza - gukizwa n'amaraso ya Ntama w'Imana. Ubu butumwa bwiza ntabwo bwigeze buhinduka. Abakurambere bacu bari barigishijwe icyigisho cyo gukizwa kubw'ubuntu igihe Imana ihisha ubwambure bwabo ikabambika uruhu rw'intama byashushanyaga ugukiranuka kwa Kristo kwajyaga kuzabatwikira. Abeli yatambye umwana w'intama kuko yari asobanukiwe ko agakiza katabonerwa muri we, ahubwo kabonerwa mu kwizera Ntama w'Imana wagomba kuzaza gupfira ibyaha by'abari mu isi bose. Kayini yagerageje gukizwa kubw'imirimo y'intoki ze, maze igitambo cye nticyemerwa n'Imana. Aya matsinda abiri gukizwa kubw'ubuntu no gukizwa kubw'imirimo yombi yabayeho guhera mu itangiriro. Aburahamu yasobanukiwe agaciro ka Ntama w'Imana ubwo Imana yamwigishirizaga iby'inama y'agakiza mu ishusho yo gutamba Isaka umwana w'uwo mukurambere.

Isaka yashushanyaga Umwana w'Imana wagombaga kuzatambwa, ariko Imana yahise yitangira umwana w'intama imfizi y'intama, yashushanyaga Yesu wagombaga kuzapfira ibyaha by'abari mu isi. Mu mategeko y'imihango y'abayuda bari barigishijwe amahame y'inama y'agakiza, kandi ayo ni yo mahame akiriho na bugingo n'ubu agakiza kacu kabonerwa muri Ntama w'Imana watambwe. Ubutumwa bwiza ntabwo bwigeze buhinduka, ariko Satani agoreka Ubutumwa bwiza ngo agere ku migambi ye mibisha.

Ntama w'Imana yatambwe kuko amategeko y'Imana adashobora guhinduka. Iyaba amategeko yarashoboraga gukurwaho, Kristo ntiyari kugomba gupfa. Gukizwa n'ubuntu ntabwo bitanga uburenganzira bwo gukora icyaha, kuko icyaha ari ukwica amategeko. (1 Yohana 3:4)

Mbese none duhinduze ubusa amategeko kwizera? Ntibikabeho! Ahubwo turayakomeza. Abaroma 3:31

Ntibikabeho! Mbese twebwe abapfuye ku byaha, twakomeza kuramira muri byo dute? Abaroma 6:2

...kuko abumva gusa amategeko atari bo bakiranuka ku Mana, ahubwo abayumvira nibo bazatsindishirizwa na yo. Abaroma 2:13-14

Igikorwa cyose kizajyanwa mu rubanza (2 Abakorinto 5:10). Ubuntu bw’Imana bungana n’ubutabera bwayo.

Umuntu wese umbwira ati 'Mwami, Mwami', si we uzinjira mu bwami bwo mu ijuru, keretse ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka. Matayo 7:21

Ubutumwa bwiza bwubatse ku nkingi ebyiri z’impanga ari zo amategeko n’ubuntu. Ibi Satani arabizi neza, kandi niyo mpamvu arwanya abashyira isano ikwiye hagati y’izi nkingi z’impanga.

Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y’Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu. Ibyahishuwe 12:17

Muri isirayeli ya kera, satani yashyize hejuru amategeko maze abamba Ntama w’Imana. Naho muri Isirayeli y’iki gihe y’iby’umwuka, satani yashyize hejuru Ntama w’Imana maze abamba amategeko. Ntiwibeshye – ntabwo twakomeza kwiyitirira Kristo igihe dukomeje gukora ibyaha nkana twica amategeko Ye.

Niba dukora ibyaha nkana tumaze kumenya ukuri, ntihaba hagsigaye igitambo cy’ibyaha. Abaheburayo 10:26

Ntabwo dushobora kwakira ugutsindishirizwa ngo twange ukwezwa. Utejejwe ntabwo azigera abona Imana. (Abaheburayo 12:14)

Twakira ukwezwa mu buryo bumwe n’ubwo twakiramo ugutsindishirizwa binyuze mu kwizera Kristo. Nta muntu washobora kumvira amategeko y’Imana mu bushobozi bwe, cyeretse gusa Kristo ari muri twe ni bwo kumvira bishoboka. Kwezwa ni ugukurira muri Kristo ntabwo ari umugozi w’ubufindo. Dushobora kunesha kamere yacu yangijwe n’icyaha binyuze gusa mu kwizera gushikamye mu Mana.

Bamwe bagerageza gutungana ku bushobozi bwabo, hakaba n’abandi bizera ko batunganye rwose batakigira icyaha. Gutwarana nk’uko, ni imfabusa kuko inzira imwe rukumbi ari uko Kristo atura muri twe ngo tubone kugera ku ntsinzi. Ku bwacu ntacyo twabasha gukora tudafite Kristo. (Yohana 15:5)

Kandi uwitondera amategeko yayo aguma muri Yo na Yo ikaguma muri we, kandi ikitumenyesha ko iguma muri twe ni Umwuka yaduhaye. 1 Yohana 3:24

Nuko rero bakundwa, ubwo muburiwe hakiri kare, mwirinde mutayobywa n'uburiganya bw'abanyabyaha mukareka gushikama kwanyu. 2 Petero 3:17 Nuko rero uwibwira ko ahagaze, yirinde atagwa. 1 Abakorinto 10:12

Uko umuntu arushaho kwegera Yesu. Ni ko azarushaho gucishwa bugufi n'Ubwiza bwe, kandi ni ko umuntu yibona ko nta gaciro afite mu maso ye. Ahubwo umuntu azavuga nk'umuhanuzi Yesaya ati:

....ndi umunyaminwa yanduye, kandi ntuye hagati y'ubwoko bufite iminwa yanduye, kandi amaso yanjye abonye Umwami Uwiteka Nyiringabo. Yesaya 6:5

Yewe na Yohana ukundwa nawe yikubise ku birenge bya Yesu amera nk'upfuye ubwo Kristo yari amubonekeye mu bwiza bwe. (Ibyahishuwe 1:17)

Amategeko ntarangwamo agace na gato k'inarijye. Mu ijuru nta narijye izarangwayo. Umwuka uba mu ijuru ni uwo kutirebaho. Ukwezwaga nyakuri kuzarandura inarijye yose mu bugingo bw'umuntu. Ariko ukwezwaga kw'ikinyoma ko kuzamura inarijye maze kugakuzwa umwuka wo gucira abandi imanza.

Ubutumwa bwiza bw'iteka ryose bugomba kwigishwa n'abasigaye ni ubutumwa bwo kugorora inzira, maze ingingo z'amategeko n'ubuntu zigashyirwa mu mwanya ukwiriye:

...Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye, muramye Iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko. Ibyahishuwe 14:7

Abasigaye bazabwiriza urubanza (reba icyigisho cyitwa *Ikinyagihumbi cy'amahoro*) kandi berereze Umuremyi - Uwaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko. Iki ni ikimenyetso cy'Imana, ari cyo kimenyetso cy'Ubutware bwa Yo. Kigaragara kandi mu itegeko ry'Isabato aho gishimangira ubutware bw'Imana Umuremyi, kikanashimangira ko Imana ari yo nyiri isanzure.

Isabato ni urwibutso rw'irema kandi itorerwa ry'abasigaye rigomba kwerekeza abantu ndetse no kwerekeza Imana nk'Umuremyi. Biragaragara ko ku iherezo ry'iminsi 2300 ya gihanuzi mu 1844, Imana yohereje ubutumwa mu isi bwo kwibutsa abatuye isi inkomoko yabo. Ariko kandi muri uwo mwaka wa 1844, ni bwo hanatangiye inyigisho za Darwin (Daruwini) zivugaga ko umuntu ataremwe ahubwo yabayeho kubw'ihindagurika bihereye ku nyamaswa. Muri muzika naho, muri uwo mwaka ni bwo abaririmbyi ba Haydn (Heyideni) baririmbye igihangano cyamenyekanye cyane cyiswe "Irema" berereza Umuremyi.

Ubutumwa bwa marayika wa mbere buhamagarira abantu guhitamo hagati y'ukuri n'ikinyoma; hagati yo kugundira inyigisho z'ukuri z'ubutumwa bwiza n'inyigisho gikwira za kimuntu; hagati yo kwiambura inarijye kandi ukarundurira kwizera kwawe mu Mana cyangwa ugahitamo kwerekeza inarijye.

Ubutumwa bwa Marayika wa Kabiri

Marayika wundi wa kabiri akurikiraho ati "Iraguye, Iraguye! Babuloni wa mudugudu ukomeye, wateretse amahanga yose inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi bwawo." Ibyahishuwe 14:8

Babuloni ya kera yari ikinyuranyo cya Yerusalemu. Babuloni yagushije Yerusalemu maze iyikururira mu gukorera ibigirwamana. Babuloni ya kera yaje gushyira Isirayeli yose mu bunyage, abasigaye gusa ni bo bagarutse bongera gusana ayo matongo ya kera. Imana yaciriye urubanza Babuloni ya kera.

I Babuloni hahoze ari igikombe cy'izahabu mu ntoki z'Uwiteka, hashindishaga isi yose. Amahanga yanyoye kuri vino yaho, ni cyo cyatumye amahanga asara. I Babuloni haguye hatunguwe hararimburwa, nimuhaborogere mushake umuti wo kuvura uburibwe bwaho, ahari hakira. Twashatse gukiza i Babuloni ariko ntibyashobotse, nimuhareke kandi umuntu wese asubire mu gihugu cy'iwabo, kuko urubanza rwaho rwageze mu ijuru, rwarazamutse rugera mu kirere cyo hejuru. Yeremiya 51:7-9

Mu buryo busa n'ubwo, Babuloni y'iki gihe ari rwo ruhurirane rw'imbaraga z'amadini yishyize hamwe mu minsi y'imperuka, zizayobya abantu zibashyire mu bubata binyuze mu nyigisho zabo nyinshi z'ibinyoma. (Reba ibi byigisho, *Wino ya Babuloni, Umwuka wo kwishyira hamwe, umuriro utunguranye, na gahunda zo mgihe cyacu*) Amagambo nk'ayavuzwe muri Yeremiya 51:8 kuri Babuloni ya kera, avugwa no mu Byahishuwe 14:8. Mu Byahishuwe 18:1-5, umuhamagararwo gusohoka muri Babuloni usa n'uwatanzwe n'Imana mu bihe bya kera. (Yeremiya 51:9) Babuloni ntibasha gukira. Yavuniye ibiti mu matwi ngo itumva umuhamagararwo w'Imana. Kubw'ibyo abasigaye barahamagarwa ngo bayisohokemo. Inyigisho yabo zigumisha abantu mu cyaha ndetse no kwishyira hejuru ni amahame akomoka ku mubi. (1 Timoteyo 4:1)

<i>Kristo n'abantu be</i>	<i>Satani n'abayoboke be</i>

Ubutatu Bwera: Imana Data, Umwana n'Umwuka Wera	Ubutatu bw'ikinyoma bw'Ikiyoka, Inyamaswa n'Umuhanuzi w'Ibinyoma
Imbaraga zose ni iza Mwana (Abaheburayo 1:8; Ibyahishuwe 6:2)	Imbaraga zahawe Inyamaswa (Ibyahishuwe 13:2)
Imfunguzo z'urupfu n'i kuzimu (Ibyahishuwe 1:18)	Imfunguzo z'urwobo rw'ikuzimu (Ibyahishuwe 9:1)
Ni nde uhwanye n'Uwiteka (Yesaya 40:18)	Ni nde uhwanye n'Inyamaswa (Ibyahishuwe 13:4)
Umwana w'intama watambwe (Ibyahishuwe 13:8)	Umwe mu mitwe yayo wakomeretse uruguma rwica (Ibyahishuwe 13:3)
Uriho, kandi wahozeho, kandi uzahoraho (Ibyahishuwe 1:4)	Inyamaswa yahozeho, itakiriho, kandi izazamuka iva i kuzimu (Ibyahishuwe 17:8)
Umujinya w'Umwana w'Intama (Ibyahishuwe 6:16)	Umujinya wa Satani (Ibyahishuwe 12:12)
Ikimenyetso cy'Imana kiri mu ruhanga (Ibyahishuwe 7: 2-3)	Ikimenyetso cy'inyamaswa mu ruhanga cg mu kiganza (Ibyahishuwe 13:16-17)
Izina ry'Imana (Ibyahishuwe 14:1)	Izina ry'Inyamaswa (Ibyahishuwe 13:17)
Ubwoko bwa Isirayeli (Ibyahishuwe 1:4)	Ubwoko bwo mu isi (Ibyahishuwe 1:7)
Ingabo zo mu ijuru (Ibyahishuwe 19:14)	Ingabo zo mu isi (Ibyahishuwe 19:19)
Barwanya Satani n'abayoboke be (Ibyahishuwe 12:7; 16:14; 19:11)	Barwanya Kristo n'Ubwoko bwe (Ibyahishuwe 12:17; 17:14; 20:8)
Ubukwe bw'Umwana w'Intama (Ibyahishuwe 19:9)	Umunsi mukuru w'ibisiga (Ibyahishuwe 19:17-20)
Umugeni w'Umwana w'Intama (Ibyahishuwe 21:9-10)	Maraya wa Babuloni (Ibyahishuwe 17:1,5)
Intumwa z'Umwana w'Intama (Ibyahishuwe 21:14)	Abahanuzi b'ibinyoma (Ibyahishuwe 2:2)
Yerusalemu – Itorero ry'Imana (Ibyahishuwe 11:2; 14:20)	Babuloni – Itorero rya Satani (Ibyahishuwe 14:8; 16:19)
Umutegetsi w'ijuru, isi, n'inyanja (Kuva 20:11; Itangiriro 2:3; Matayo 23:18)	Inyamaswa ituruka mu nyanja, inyamaswa ituruka mu butaka, n'Ikiyoka (Ibyahishuwe 13:1-2,11-14; 12:9)

Hanyuma y'ibyo mbona marayika wundi amanuka ava mu ijuru afite ubutware bukomeye isi imurikirwa n'ubwiza bwe, arangurura ijwi rirenga ati "Iraguye iraguye, Babuloni ikomeye! Ihindutse icumbi ry'abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose n'ibisiga byose bihumanye kandi byangwa. Kuko amahanga yose yanyoye inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi bw'uwo mudugudu, kandi abami bo mu isi basambanaga na wo, abatunzi bo mu isi bagatungishwa n'ubwinshi bw'ubutunzi bwawo no kudamarara." Numva irindi jwi rivugira mu ijuru riti "Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo." Ibyahishuwe 18:1-5

Marayika wa kabiri atangaza ukugwa kwa Babuloni, ariko ijwi rirenga rihamagarira ubwoko bw'Imana kuyisohokamo rivuga nyuma. Ku bw'ibyo, hari abantu b'Imana bakiri muri Babuloni. Babuloni ni yo icirwaho iteka gahunda y'amadini yishyiriye hamwe kurwanya Kristo n'abantu be – ntabwo haciriweho iteka umuntu ku giti cye.

Hari imihamagaro ibiri ihamagarira abantu kuva muri Babuloni. Nk'uko Yesu yatangiye umurimo we ku isi akanawusoresha kweza urusengero akuramo ibihumanye, ni ko hari imihamagaro ibiri ku matorero ku mperuka y'ibihe. Umuhamagaro wa mbere wabayeho igihe hatangiraga itorero ry'Abategereje ahagana mu 1844, kandi washingiye cyane muri Amerika, ariko umuhamagaro uheruka uzahetura isi yose, kandi ni wo uzahinduka ijwi rirenga mbere gato y'irangira ry'igihe cy'imbabazi. Ibi kandi bizaba biherekejwe no gusukwa kw'imvura y'itumba.

Ubutumwa bwa Marayika wa Gatatu

Marayika wundi wa gatatu akurikiraho avuga ijwi rirenga ati "Umuntu naramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa mu kiganza, uwo ni we uzanywa ku nzoga ari yo mujinya w'Imana, yiteguwe idafunguwemo amazi mu gacuma k'umujinya wayo. Kandi azababazwa n'umuriro n'amazuku imbere y'abamarayika bera, n'imbere y'Umwana w'Intama." Ibyahishuwe 14:9-12

Ubutumwa bwa Marayika wa gatatu ni bwo butumwa buteye ubwoba kurusha ubundi bwose bwigeze guhabwa abatuye isi. Buraburira abantu kutakira ikimenyetso cy'inyamaswa cyangwa se ku kuramya inyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo. (Reba icyigisho cyitwa *Ikimenyetso cy'inyamaswa*)

Kwakira ubutware bw'inyigisho z'idini y'ikinyoma yayobye aho kwakira ukuri kw'ijambo ry'Imana ni byo bingana no kuramya inyamaswa ukareka kuramya Imana. Kwemera Isabato y'impimbano ni ukwemera ubutware bw'inyamaswa aho kwemera ubutware bw'Imana. Kuko inyamaswa yahawe ubutware n'Ikiyoka, (Ibyahishuwe 13:2) kwemera ubwo butware ni byo bingana no kuramya ikiyoka cyangwa se Satani ubwe.

Baramya icyo kiyoka kuko cyahaye iyo nyamaswa ubutware bwacyo, baramya n'iyi nyamaswa bati "Ni nde uhwanyeye n'iyi nyamaswa, kandi ni nde ubasha kuyirwanya?" Ibyahishuwe 13:4

Kuramya iyi nyamaswa hakubiyemo byinshi birenze cyane ukwemera ubutware bwayo gusa. Harimo no kugendera ku murongo w'amahame yayo. Inyigisho z'agakiza kagumisha abantu mu cyaha zibemerera ibintu byose kandi zikigisha ko muri Kristo bose babohorewe gukora ibyo bishakiye.

Kuko nk'uko bari bameze muri iyo minsi yabanjirije umwuzure, bararyaga, baranywaga, bararongoraga, barashyigiraga, bageza umunsi Nowa yinjiriye mu nkuge, ntibabimenya kugeza aho umwuzure waziye ukabatwara bose. Ni ko no kuza k'Umwana w'umuntu kuzaba. Matayo 24:38-39

Mu by'ukuri:

Abatambyi bacyo bishe amategeko yanjye ku rugomo, banziruriye ibintu byanjye byera. Ntibashyize itandukaniro hagati y'ibyera n'ibitejejwe, ntibamenyesheje abantu gutandukanya ibyanduye n'ibitanduye, kandi n'amasabato yanjye barayirenganije maze nsuzugurirwa muri bo. Ezekiyeli 22:26

Abari muri Kristo bose bazagenda ku murongo w'amahame ya Kristo. Bazashyikira ugutungana kandi bazitandukanya n'ibintu byose bibatandukanya na Kristo.

Ntimwifatanye n'abatizera mudahwanye. Mbese gukiranuka no gukiranirwa byafatanye bite? Cyangwa gukiranuka no gukiranirwa byafatanye bite? Cyangwa umucyo n'umwijima byabana bite? Kandi Kristo ahuriye he na Beliyali, cyangwa uwizera n'utizera bafitanye mugabane ki? Mbese urusengero rw'Imana rwahuza rute n'ibishushanyo bisengwa, ko turi urusengero rw'Imana Ihoraho? Nk'uko Imana yabivuze iti "Nzatura muri bo ngendere muri bo, Nzaba Imana yabo nabo bazaba ubwoko bwanjye." Nuko muve hagati ya babandi, mwitandukanye ni ko Uwiteka avuga, Kandi ntimugakore ku kintu gihumanye. Nanjye nzabakira, kandi nzababera So, namwe muzambere abahungu n'abakobwa, ni ko Uwiteka Ushoborabyose avuga. Nuko bakundwa, ubwo dufite ibyo byasezeranijwe, twizezeho imyanda yose y'umubiri n'umutima, tugende twijejesha rwose kubaha Imana. 2 Abakorinto 6:14-18; 7:1

Nuko bene Data, ndabingira ku bw'Imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye. Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana Ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose. Abaroma 12:1-2

Imibereho yose y'abizera muri Kristo ikwiriye kugaragaza iyi sano. Babuloni ifitanye urwango n'Imana, kandi Babuloni yigisha inyigisho zo gusengera Imana mu cyaha. Nyamara Imana ntibangikana n'icyaha, kuko Imana ari umuriro ukongora. (Abaheburayo 12:29)

Ubutumwa bwa Marayika wa gatatu ni ubutumwa bwo kwitandukanya na Babuloni n'inyigisho zayo. Ni ubutumwa bushyira umushyikirano wacu n'Imana mu

mwanya ukwiriye, kandi ni ubutumwa buhindura imibereho nk'uko bikwiriye abahagarara imbere y'Imana itungaye.

Kwitandukanya n'isi ntibisobanuye kujya kure mu bwigunge aho utabonana n'abandi. Dukwiriye gukora turi mu isi nk'uko Kristo yakoraga, ariko ntidukwiriye gutwarwa n'ibyo mu isi. Guhagararira ukuri bisaba umuhati no kwitanga ndetse akenshi imbere y'abakurwanya bikomeye. Ariko muri Kristo kunesha isi birashoboka. Ingaruka zo kunywa inzoga za Babuloni ziravugwa mu Ijambo ry'Imana:

Uwo ni we uzanywa ku nzoga ari yo mujinya w'Imana, yiteguwe idafunguwemo amazi mu gacuma k'umujinya wayo. Kandi azababazwa n'umuriro n'amazuku imbere y'abamarayika bera, n'imbere y'Umwana w'Intama. Ibyahishuwe 14:10

Uwo mujinya udafunguwemo amazi ushushanya umujinya utarimo imbabazi, utarimo ubuntu.

Uwasuzuguye amategeko ya Mose ko atababarirwaga, ahubwo bakamwica abagabo babiri cyangwa batatu bamushinje, nkanswe ukandagiye Umwana w'Imana, agakerensa amaraso y'isezerano yamwejesheje, agahemura Umwuka utanga ubuntu! Ntimugira ngo azaba akwiriye igihano gikabije cyane kuruta bya bindi? Kuko tuzi uwavuze ati "guhora ni ukwanjye, ni jye uzitura." Kandi ati "Uwiteka azacira urubanza ubwoko bwe." Erega biteye ubwoba gusumirwa n'amaboko y'Imana Ihoraho. Abaheburayo 10:28-31

Muri isirayeli ya kera, abanzi b'Imana bagombaga kurimburwa burundu (Gutegeka Kwa Kabiri 7:2; 20:16-18). Abahanuzi b'ibinyoma bayobyaga Isirayeli bagombaga kwicwa nta mbabazi (Gutegeka kwa kabiri 13:7-10). Ibi kandi bishushanya uko bizagendekera abanzi b'Imana bo mu minsi iheruka.

Ariko abafite imitima ikunda kwirema ibice ntibumvire iby'ukuri ahubwo bakumvira gukiranirwa, izabitura umujinya n'uburakari n'amakuba n'ibyago. Ni byo izateza umuntu wese ukora ibyaha, uhaye ku Muyuda ukageza ku Mugiriki. Ariko ubwiza n'icyubahiro n'amahoro, ni byo izitura umuntu wese ukora ibyiza, uhaye ku Muyuda ukageza ku Mugiriki, kuko Imana itarobanura abantu ku butoni. Abaroma 2:8-11

Ariko abantu b'Imana ntibakwiriye gutinya urubanza kuko:

Mu rukundo ntiharimo ubwoba, ahubwo urukundo rutunganijwe rwose rumara ubwoba, kuko ubwoba buzana igihano kandi ufite ubwoba ntiyari yashyikira urukundo rutunganijwe rwose. Turayikunda kuko ari yo yabanje kudukunda. 1 Yohana 4:18-19

Abakira ikimenyetso cy'inyamaswa bari mu ruhande ruhabanye cyane n'abakira ikimenyetso cy'Imana. Mu Byahishuwe 7, Yohana abona abantu 144,000 bashyizweho ikimenyetso cy'Imana. Bafite umubare w'ibibaranga nk'uko biboneka mu Byahishuwe 14. icya mbere, bafite izina ry'Umwana w'Intama ni irya Se yanditswe mu ruhanga rwabo.

(Ibyahishuwe 14:3). icya kabiri, ni abacunguwe ngo bakurwe mu isi (Ibyahishuwe 14:3). Ntabwo bandujwe n'abagore (Ibyahishuwe 14:4) kandi ni abari. Ikindi kandi, mu kanwa kabo ntihabonetsemo ikinyoma (Ibyahishuwe 14:5), kuko ari abaziranenge (Ibyahishuwe 14:5), kandi bakurikira Umwana w'Intama aho ajya hose. (Ibyahishuwe 14:4). Ikintu cy'ingenzi cyane kigaragara hano ni uko bagereranywa n'abakira ikimenyetso cy'inyamaswa bakaba bahabanye rwose.

Izina rihagarariye imico yabo. Basangiye kamere n'imico by'Imana, kandi banze kwanduzwa n'abagore, bisobanuye ko banze kujya mu bikorwa byo kuramya mu buryo butemewe n'Imana. Bakomeje kuba abari, b'indahemuka kuri Yesu. Kuba nta kinyoma kiboneka mu kanwa kabo bisobanuye igenzura ry'imico yabo. Ariko basangwa bahagaze batsindishirijwe imbere y'Imana. Ni abaziranenge.

...kugira ngo tube abera tutariho umugayo imbere yayo. Abefeso 1:4 (Reba nanone Abafilipi 2:15, Abakolosayi 1:22, 2 Petero 3:11)

Ubu si Ubutumwa bwo gukizwa kubw'amategeko cyangwa se ubutungane ku giti cyawe, kuko ntacyo twashobora gukora tudafite Yesu. Ni ukwemera imbaraga za Kristo. Kristo yerekana umugeni We nk'uwambaye imyambaro yera itagira ikizinga, atwikiriwe ugukiranuka kwa Kristo. Nta muntu ukwiye gutinyuka kuvuga ati "nta cyaha ngira", ariko Kristo We ashobora kubandikira mu gitabo cye, kuko imbabazi ze zidakuraho ikizinga cy'icyaha gusa ahubwo zinahanagura n'urutonde rw'ibyaha byose. Mu gitabo cy'Abalewi tuhasoma ko abatambyi bari bemerewe gushaka abakobwa b'amasugi gusa, ibyo bigashushanya Kristo n'umugeni we. Abatambyi ntabwo bari bemerewe gushaka umupfakazi, kuko uwo mu mateka y'imibereho ye yabaga yarigeze kugira umugabo. Kuko bese bacumuye ntibashyikire ubwiza bw'Imana rero, twese tubarizwa muri iki cyiciro cy'abigeze gushakana n'undi mugabo ari we sekibi. Kugira ngo iryo sanisha ryuzure rero, ubuntu bw'Imana bugomba gusaga kugeza aho nta n'urwandiko rw'ukutumvira kwabayeho ku bwoko bw'Imana ruzongera kurangwaho. Aho gusa ni ho abantu b'Imana bashobora kubarwa nk'abari, batunganye kandi b'abaziranenge. icyubahiro cyose n'ikuzo ni iby'Imana kandi ibyo bituma nta mwanya wo gukizwa kubw'amategeko, kuko byaba ari ukwitsindishiriza ku bushobozi bw'umuntu.

Ese byapfuye kubaho kugira ngo ku isi yose habe hariho amatorero abiri yagutse yonyine - itorero Gatolika ry'I Roma hamwe n'itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi? Ishyirahamwe rya Bibiliya muri Amerika hamwe n'inyandiko ikubiyemo intego z'amatorero bivuga ko itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi ari ryo torero ryonyine rya giporotestanti rikwiriye hose ku isi. Itorero Gatolika risaba abantu kumvira gahunda yaryo kandi rigahamya ko umunsi w'icyumweru ari ikimenyetso cy'ubutware bwaryo, naho itorero ry'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi rikigisha abantu kumvira Imana yonyine kandi rikerereza Umunsi wa Karindwi ari wo Sabato nk'ikimenyetso cyo kubaha Imana, nk'uko Ibyanditswe byera bibivuga. Kandi nk'uko itorero Gatolika ribihamya, kubangikanya ibyo byombi ntibishoboka.

Ubwenge no gushyira mu gaciro bisaba ko umuntu yemera kimwe gusa muri ibi: Ubuprotestanti no kweza umunsi w'Isabato, cyangwa se Ubugatolika no kweza umunsi w'Icyumweru. Hagati y'ibyo nta kindi gishoboka.

Icyo bisaba nta kindi ni amahitamo ku bushake, ni amahitamo y'ubutware. Mu rwandiko rwa ya Papa Yohani Pawulo wa Kabiri yandikiye abasenyeri ruvuga ku masengesho yo ku muni w'Icyumweru, yahamagariye abatuye isi bese kubaha umuni w'Icyumweru. Itorero ry'Abadiventiste b'Umuni wa Karindwi riburira abatuye isi kwirinda kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa. Bahakana icyakwishyirira hejuru kurwanya ubutware bw'Imana cyose. Iyi kandi ni yo mbarutso y'intambara ihuruka. Nk'uko itorero Gatolika ribihamya, Abadiventiste bashyigikiwe n'ubutware bw'Ibyanditswe byera muri iyi ntambara. Itorero Gatolika kandi riseka andi matorero ya Giprotetanti ko bubahiriza inyigisho za Gatolika.

*Ushobora gusoma Bibiliya kuva mu Itangiriro kugeza mu Byahishuwe, ntuzigera ubona umurongo n'umwe ukwemerera kweza umuni w'Icyumweru. Ibyanditswe Byera bitegeka abizera kweza umuni w'Isabato, umuni twe tutajya tweza na rimwe.*²

*Kwubahiriza umuni w'Icyumweru ku baprotetanti ni ikimenyetso cyo kubaha, nubwo babivuga ukundi, ariko baba bubahiriza ubutware bwa Kiriziya Gatolika.*³

Itorero Gatolika ryemera ku mugaragaro ko Itorero ry'Abadiventiste b'Umuni wa Karindwi ari ryo torero ryonyine rikurikiza Ibyanditswe Byera:

*Abadiventiste ni bo bakristo bonyine bafite Bibiliya nk'umwigisha wabo, kuko nta gihamya babonye mu mapaje yayo cyemeza ko umuni wo kuruhuka wahinduwe ugakurwa mu muni wa karindwi(Isabato) ugashyirwa ku muni wa mbere(icyumweru). Iyi kandi ni yo mpamvu bitwa "Abadiventiste b'Umuni wa Karindwi".*⁴

*Itorero Gatolika ryahinduye ikiruhuko rigikura ku muni w'Isabato rigishyira ku muni w'Icyumweru kubw'ububasha ryahawe n'ijuru, ubutware butabasha kwibeshya ryahawe n'uwarihanze, Yesu Kristo. Abaprotetanti biyitirira ko Bibiliya ari yo muyobozi wo kwizera kwabo, ntacyo bafite kibashyigikira ngo babe bubahiriza umuni w'Icyumweru. Kuri iyi ngingo Abadiventiste b'Umuni wa Karindwi ni bo baprotetanti bahamye bonyine.*⁵

Kuri iyi ngingo Ikinyamakuru cy'abaGatolika *Saint Catherine Catholic Church Sentinel* cyagize kiti:

*Abantu batekereza ko Ibyanditswe Byera ari byo byonyine bikwiriye kubabera umuyobozi, bakwiriye guhinduka Abadiventiste b'Umuni wa Karindwi maze bakeza umuni w'Isabato.*⁶

Amahitamo ni ayacu, ari uguhitamo kumvira amategeko y'Imana cyangwa kumvira amategeko y'abantu. Abantu bese bahitamo kutumvira Imana babizi bazabibazwa n'Imana.

Bansengera ubusa, kuko inyigisho bigisha ari amategeko y'abantu. Matayo 15:9

Urugamba ruheruka muri iyi ntambara ikomeye hagati ya Kristo na Satani rurenda kurema. Ubwo buri wese azaba amaze guhabwa amahitamo maze ikimenyetso cy'inyamaswa kigasinywa, igihe cy'imbabazi kizarangira maze Kristo ahereko agaruke. Abacunguwe bazaririmba "indirimbo nshya imbere ya ya ntebe". Ubuhamya bwabo nk'abatabarutse bavuye mu gihe cy'akaga gaheruka nibwo buzatuma bemererwa kuririmba ino ndirimbo yo guhimbaza Umwana w'Intama w'Imana watambwe, ariko akaba ariho by'iteka ryose. Amahitamo aragaragara. Imana yifuza kuducungura twese. Itimanye Umwana wayo yifuza kumuduhana n'ibindi byose. Uyu muni, niwumva ijwi rye, ntiwinangire umutima.

IBIHAMYA:

- 1 The Catholic Mirror (December 23, 1893)
- 2 Cardinal James Gibbons, The Faith of Our Fathers (Ayers Publishing, 1978): 108.
- 3 Louis Gaston Segur, Plain Talk about the Protestantism of today (London: Thomas Richardson and Son, 1874): 213
- 4 Catholic Mirror (September 9, 1893)
- 5 "The Question Box," The Catholic Universe Bulletin (August 14, 1942): 4.
- 6 "Pastor's Page," The Saint Catherine Catholic Church Sentinel Volume 50, Number 22 (May 21, 1995)

IGICE CYA 15:IMPANO NYOBOZI Y'IMANA

Igihe Imana yaburiraga abantu bo mu gihe cyashize ibyerekeye urubanza rwagombaga kuzaza, Imana yakoresheje umuhanuzi. Nowa yari umubwiriza ukiranuka (2 Petero 2:5) maze agirira ubuntu mu maso y'Uwiteka (Itangiriro 6:8). Iteka ryose Imana yagiye ikoresheje abahanuzi kugira ngo iburire ubwoko bwayo ndetse no mu gihe cyo Kuva, Imana yakoresheje Mose kugira ngo ayobore ubwoko bw'Imana abukuye muri Egiputa ngo abujyane i Kanani. Mose yari arenze kuba umuhanuzi gusa, yari n'umuyobozi w'ubwoko bw'Imana. Mose yagombaga gutegurira abantu kwinjira mu gihugu cy'isezerano. Ibi bihe byabayeho bishushanya igihe giheruka cyo kuzakoranyiriza hamwe ubwoko bw'Imana kugira ngo bwinjire muri Kanani yo mu ijuru. Mu by'ukuri niba umuhanuzi w'Imana yarakenewe mu gihe cyo gutegura ubwoko bw'Imann ngo bwinjire muri Kanani yo mu isi, ese umuhanuzi yaba akenewe bingana iki kugira ngo ubwoko bw'Imana butegurirwe kwinjira muri Kanani yo mu ijuru. Bibiliya ivuga ko abasigaye bazarangwa n'umwuka w'ubuhanuzi kandi ko Satani azarwanya uko gusubizwaho kw'impano y'umwuka w'ubuhanuzi.

Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu. Ibyahishuwe 12:17

...Imana ari yo usenga. Kuko guhamya kwa Yesu ari umwuka w'ubuhanuzi. Ibyahishuwe 19:10

Abasigaye b'Imana bagomba kuba bafite umwuka w'ubuhanuzi kugira ngo bihamye ko ari abasigaye koko. Dukeneye gusobanukirwa n'iyi ngingo. Nta kintu Satani atinya nko kuba abantu basobanukirwa neza n'ubushake bw'Imana. Uburyo bwo kurwanya iyi ngingo y'umwuka w'ubuhanuzi ni ukuyikerensa cyangwa se gushyiraho ikinyuranyo. Ni ingenzi cyane ko dusobanukirwa n'ukuri kwa Bibiliya ku byerekeye iyi mpamo y'ubuhanuzi, kandi tugasobanukirwa n'impamvu Imana itanga iyi mpamo, kugira ngo tutazagwa mu mutego w'ibinyoma bya Satani.

Icyaha cyadutandukanyije n'Imana

Ubwo Adamu na Eva bacumuraga, ikintu cya mbere bakoze ni ukwihisha Imana.

Bumva imirindi y'Uwiteka Imana igendagenda muri ya ngobyi mu mafu ya nimunsi, wa mugabo n'umugore we bihisha hagati y'ibiti byo muri icyo ngobyi amaso y'Uwiteka Imana. Itangiriro 3:8

Impamvu yatumye bihisha ni uko bari babonye ko bambaye ubusa. Ubwo Imana yahamagaraga Adamu, Adamu yarasubije ngo:

... numvise imirindi yawe muri icyo ngobyi, ntinyishwa n'uko nambaye ubusa, ndihisha. Itangiriro 3:10

Adamu na Eva biyambuye imyenda yabo yo gukiranuka maze bahagarara imbere y'Imana bambaye ubusa. Icyaha cyatumye umuntu n'Imana batandukana.

Ahubwo gukiranirwa kwanyu ni ko kwabatandukanije n’Imana yanyu, n’ibyaha byanyu ni byo biyitera kubima amaso ikanga no kumva. Yesaya 59:2

Ariko muri Kristo gusa niho twiyungiyeye n’Imana:

Ubwo twunzwe n’Imana ku bw’urupfu rw’Umwana wayo wadupfiriye tukiri abanzi bayo, none ubwo tumaze kungwa nayo, ntituzarushaho gukizwa ku bw’ubugingo bwe? Abaroma 5:10

Ubutumwa bwo kwiyunga bwahawe itorero. Mu itorero ryo mu isezerano rya kera bwari mu buryo bwashushanywaga binyuze mu bitambo, naho mu itorero ryo mu isezerano rishya Yesu ubwe yasimbuye ibitambo.

Ariko ibyo byose bituruka ku Mana yiyunze natwe ku bwa Kristo, ikaduha umurimo wo kuyunga n’abandi, kuko muri Kristo ari mo Imana yiyungiyeye n’abari mu isi ntiyaba ikibabaraho ibicumuro byabo, kandi noneho yatubikije ijamba ry’umwuzuro. Ni cyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo, ndetse bisa n’aho Imana ibingingira muri twe. Nuko rero, turabahendahenda mu cyimbo cya Kristo kugira ngo mwiungire n’Imana. 2 Abakorinto 5:18-20

Muri Kristo, twunzwe n’Imana, ariko kuba icyaha kikiriho, kuvugana n’Imana imbonankubone ntabwo bishoboka. Ubwiza bwo gukiranuka kw’Imana bwaturimbura.

Igihe cyose Imana yihishuriraga umuntu, byabaga ari mu nzizi, mu iyerekwa, cyangwa se Imana yigagarariza mu bwiza bwayo. Ubwo Imana yavuganaga n’abisirayeli ku musozo Sinayi, Imana yababwiye ko bashobora gupfa baramutse begereye hafi. Imana yabigaragarije mu nkingi y’igicu, kandi biratangaje kubona abantu barasabye Mose ko ubwe ari we ubabwira amagambo y’Imana, kuko batinyaga gupfa kubw’ijwi ry’Imana (Kuva 20:19). Abahanuzi bo mu isezerano rya kera, n’iyo babaga bari mu iyerekwa, bumvaga ko bashobora gupfa.

Maze ndavuga nti: “ni ishyano, ndapfuye we! Kuko ndi umunyaminwa yanduye, kandi ntuye hagati y’ubwoko bufite iminwa yanduye, kandi amaso yanyje abonye Umwami Uwiteka.”
Yesaya 6:5

Mu gihe cy’isezerano rishya, naho niko byari bimeze. Ubwo Yohana yabonaga Yesu mu iyerekwa, yabaye nk’upfuye.

Mubonye ntyo mwikubita imbere nk’upfuye, anshyiraho ukuboko kw’iburyo arambwira ati “Witinye. Ndi uwa mbere kandi ndi uw’imperuka,...” Ibyahishuwe 1:17

Umunsi umwe nanone bizaba bishoboka guhagarara imbere y’Imana no kuvugana na yo imbona nkubone:

Icyakora none turebera mu ndorerwamo ibirorirori, ariko icyo gihe tuzarebana duhanganye mu maso. None menyaho igice, ariko icyo gihe nzamenya rwose nk’uko namenywe rwose.
1 Abakorinto 13:12

Uburyo bwacu bwo kuvugana n’Imana bwajemo icyuho, ariko buzasubizwaho.

Kuko tumenyaho igice kandi duhanuraho igice, ariko ubwo igishyitse rwose kizasohora, bya bindi bidashyitse bizakurwaho. 1 Abakorinto 13:9-10

Ni gute Imana Ivuga.

Impano iruta izindi zose yahawe umuntu wacumuye ni Impano y'Umwana wayo w'ikinege:

Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. Yohana 3:16

Aya magambo akomeye yavuzwe na Kristo ubwo yari ari mu isi. Imana ntabwo yigeze isiga abantu bayo badafite ijambo ry'ubugingo mbere y'uko Umwana w'Imana yihindura umuntu, kandi Imana ntabwo yigeze ibasiga nk'impfubyi nyuma y'umuzuko. Mu binyejana byinshi, Imana yagiye imenyeshya ubushake bwayo abahanuzi bayo.

Ni ukuri Uwiteka Imana ntizagira icyo ikora itabanje guhishurira abagaragu bayo b'abahanuzi ibihishwe byayo. Amosi 3:7

Aba bahanuzi ntabwo bavuze amagambo yabo ubwabo, ahubwo bahishuriye abantu iby'ubushake bw'Imana.

...kuko ari nta buhanuzi bwazanywe n'ubushake bw'umuntu, ahubwo abantu b'Imana bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe n'Umwuka wera. 2 Petero 1:21

Abahanuzi, batoranijwe n'Imana, bagiye bakorehwa n'Imana kuva umuntu yacumura.

...Imana yavugiyeye mu kanwa k'abahanuzi bera bayo bose uherye kera kose. Ibyakozwe n'Intumwa 3:21

Enoki yabaye umuhanuzi wa mbere wagaragajwe mu Byanditswe byera.

Henoki uwa karindwi uherye kuri Adamu yahanuye ibyabo ati "Dore Uwiteka yazanye n'inzovu nyinshi z'abera be..." Yuda 14

Guhera kuri Enoki, habayeho abahanuzi benshi b'abagabo n'abagore. Abahanuzi bamwe bagiye bayoborwa n'Imana kwandika amagambo y'Imana ku mizingo, kandi amwe muri ayo magambo agize ibyanditswe. Abandi bahanuzi n'abahanuzikazi bagaragajwe muri Bibiliya ariko ibyo banditse ntibyigeze byandikwa muri Bibiliya. Urugero rwa bamwe bo mu isezerano rya kera harimo Natani, Gadi na Hulida umuhanuzikazi (2 Samweli 7:2; 1 Samweli 22:5; 2 Abami 22:14). Mu isezerano rishya, harimo Simiyoni (Ibyakozwe n'Intumwa 13:1), Anna (Luka 2:36), Agaba (Ibyakozwe n'Intumwa 11:28; 21:10), Barinaba (Ibyakozwe n'Intumwa 13:1), n'abakobwa bane ba Filipo (Ibyakozwe n'Intumwa 21:9). Imana yakoresheje abagabo n'abagore kugira ngo ibwire abantu ubushake bwayo. Ubuhanuzi bwose ntabwo ariko butanditswe mu Byanditswe Byera, ariko kuba butaranditswe mu Byanditswe Byera ntibyatumye ubutumwa bwabo bugira agaciro gake, cyangwa ngo bivuge ko abahanuzi b'abagabo batandukanye n'abagore ku byerekeye impano y'ubuhanuzi. Abahanuzikazi bagaragazwa muri Bibiliya barimo Miriyamu

(Kuva 15:20), Hulida (2 Abami 22:14), Debora (Abacamanza 4:4), Anna (Luka 2:36), abakobwa bane ba Filipo (Ibyakozwe n'Intumwa 21:9).

Impano y'Ubuhanuzi

Niba Imana ivuganira n'abantu binyuze mu bahanuzi bayo (Amosi 3:7, Hoseya 12:10), kandi na Satani azana ikinyuranyo cy'ubutumwa bw'Imana abinyujije mu bahanuzi b'ibinyoma (1 Yohana 4:1), kubw'ibyo rero ni ingenzi kugenzura abahanuzi kugira ngo turebe niba ubuhanuzi bwabo buturuka ku Mana. Ku rundi ruhande, Ibyanditswe Byera bitubuza: *guhinyura ibihanurwa*. 1 Abatesalonike 5:20

Kandi ngo:

Mwizere Imana yanyu mubone gukomezwa, mwizere n'abahanuzi bayo mubone kugubwa neza.
2 Ngoma 20:20

Naho ku rundi ruhande, hari umuburo wo kwirinda abahanuzi b'ibinyoma.

Kuko abiyita Kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya n'intore niba bishoboka. Matayo 24:24

Umuhanuzi akwiye gutsinda iryo gerageza:

Bakundwa, ntimwizere imyuka yose ahubwo mugerageze imyuka ko yavuye ku Mana, kuko abahanuzi b'ibinyoma benshi badutse bakaza mu isi. 1 Yohana 4:1

Abahanuzi b'ibinyoma nabo bavuga ko barose bakagira iyerekwa, rero Bibiliya ikwiriye gutanga igipimo kigenzura umuhanuzi w'ukuri.

Impano y'ubuhanuzi ni imwe mu mpano yahawe abantu b'Imana kugira ngo basigasire ubusugire bw'itorero mu bihe byose. Abahanuzi ba kera bahabwaga ubutumwa bw'imbuze no kwihana, ndetse bakagira iyerekwa n' inzizi z'ibizaba n'ibyahise kugira ngo ubwoko bw'Imana bumenye iyo buva n'iyi bujya. Abahanuzi bari amaso y'itorero. Umubiri w'ibya Mwuka, ari wo torero, washushanywaga n'umubiri usanzwe w'umuntu.

Nk'uko umubiri ari umwe ukagira ingingo nyinshi, kandi nk'uko ingingo z'umubiri zose nubwo ari nyinshi ari umubiri umwe, ni ko na Kristo ari. 1 Abakorinto 12:12

Nk'uko umubiri w'umuntu uteranirijwe hamwe ku buryo ingingo zose zikorana, ni ko n'abantu b'Imana batandukanye ariko bakaba bagize ubumwe. Mu mpano Kristo yahaye itorero, impano y'ubuhanuzi ni ingenzi cyane. Ntabwo abantu bose bahabwaga impano zimwe:

Kuko nashaka ko abantu bose bamaze nkanjye, ariko umuntu wese afite impano ye yahawe n'Imana, umwe ukwe undi ukwe. 1 Abakorinto 7:7

Impano zitangirwa kugira ngo umurimo urusheho gukomera (Abaroma 1:11) kandi ntizivuguruzanya (Abaroma 11:29) zikajyana no kumvira (1 Abami 13). Impano zishobora kuvugwa muri make mu buryo bukurikira:

IMPANO NKURU ZIRIMO KUBA:

Abefeso 4:11; 1Abakorinto 12:28-31; Abaroma 12:4-8; 1 Abakorinto 12:4-11

1. **Intumwa** -- kugira ngo boherezwe, nk'abatwaye ubutumwa cyangwa aboherezwa mu cyimbo cya Kristo – uretse abigishwa cumi na babiri, hongera kuvugwa na Pawulo ahantu hatandukanye (1 Abakorinto 9:1-2; Abaroma 1:1), Barinaba (Ibyakozwe n'intumwa 14:14), ndetse na Yesu ubwe (Abaheburayo 3:1)
2. **Umuhanuzi** – *ni uwahamagawe n'Imana* – Umuhanuzi ashobora kuvuga iby'ahashize, ibiriho cyangwa ibizabaho. Guhanura nanone bishobora gusobanura kuvuga amagambo wahawe n'Imana.
3. **Umuvugabutumwa** --- *ni utangariza abandi ubutumwa bwiza* – iri jambo ryarakoreshejwe mu gusobanura Filipo (Ibyakozwe n'Intumwa 21:8) no kuri Timoteyo (2 Timoteyo 4:5)
4. **Abagabura** --- *bahawe kuyobora, guhugura, no kuba abashumba.*
5. **Abigisha** ---- ubushobozi bwo kwigisha ni impano ituruka ku Mana kugira ngo abayifite bayobore abandi kuri Kristo (urugero, ni Ibyakozwe n'Intumwa 18:24-28)
6. **Ibitangaza** --- Imana yagiye ikora ibitangaza inyuze mu bagaragu bayo kugira ngo ikomeze ukwizera kw'abantu bayo.
7. **Gukiza** --- Imana yita ku bibazo by'Umwuka ndetse n'iby'umubiri by'abantu ba yo. Impano yo gukiza yahoze iri mu mpano zigize umurimo, ariko nanone yagiye iba ingingo y'amakimbirane kuko abantu benshi bagiye bayihindura urugero rwo kwizera.
8. **Gufasha** --- Ubutumwa bwiza ni inkota ityaye amugi yombi. Kubwo gufasha abandi, byose biha Imana Ikuzo.
9. **Gahunda** --- Impano yo gushyira ibintu muri gahunda ni impano ituma itorero rikora mu buryo bukwiriye.
10. **Indimi no kuzisemura** --- iyi mpano yavuzweho bihagije mu cyigisho cyitwa *Umuriro utunguranye*
11. **Imbabazi** --- *Gufasha abandi mu byo bakeneye maze ukagirira impuhwe abashengutse imitima* – urugero, Yakobo 1:27; Yesaya 61:1
12. **Ubwenge** 13. **Kujijuka**
14. **Kwizera** --- Udafite kwizera ntibishoboka ko wanezeza Imana. Abaheburayo 11:6
15. **Gushishoza** 16. **Kwita kubandi** --- 1 Timoteyo 3:2

Muri izo mpano zose, impano iruta izindi ni **Urukundo** – arirwo Imana izabiba mu mitima y'abazakira umuhamagaru wa yo bose. Izo mpano zose zifite umugambi umwe:

Kugira ngo abera batunganirizwe rwose gukora umurimo wo kugabura iby’Imana no gukomeza umubiri wa Kristo. Abefeso 4:12

Inshingano y’Umuhanuzi

Impano ya gihanuzi yahoze ifite umwanya w’ingirakamaro mu itorero ry’Imana mu bihe byose, kandi iyo mpano yagize uruhare runini mu kurinda ubwoko bw’Imana kuva mu nzira y’ukuri. Ukuri ni ukw’iteka ryose, kandi itorero ryo mu isezerano rishya ryubatswe kuri uku kuri, harimo n’ukuri kwari kwaravuzwe n’abahanuzi bo mu isezerano rya kera. Mu gihe cy’icuraburindi cyangwase imyaka y’umwijima, ukuri kwasiribangiwe hasi maze amategeko y’Imana ahindurwa n’imbaraga z’ubupapa. Umuhanuzi Amosi yari yarahanyuye ko ahatari amategeko nta n’amayerekwa ahaboneka (Amosi 8:1112), iyi mpano ya gihanuzi ntabwo yagombaga gukora mu gihe nk’iki.

Kuko mwubatswe ku rufatiro rw’intumwa n’abahanuzi, ariko Kristo Yesu ni we buye rikomeza imfuruka. Muri we inzu yose iteranijwe neza, irakura ngo ibe urusengeru rwera mu Mwami Yesu. Abefeso 2:20-21

Mu bihe byo mu isezerano rishya, impano ya gihanuzi ifite agaciro gahwanye n’ako yari ifite mu bihe byo mu isezerano rya kera, kandi buri gihe iyi mpano itanga amagambo y’ihumure, imbuzi ndetse no gucyaha guturuka ku Mana.

Binyuze mu bahanuzi ni bwo abakristo bari barahunze batangije ivugabutumwa ryaguye (Ibyakozwe n’Intumwa 13:1; 16:6-10), kandi abahanuzi bahamije umutekano w’abizera ubwo bababuriraga ku bibazo byerekeye amapfa yagombaga kubaho (Ibyakozwe n’Intumwa 11:27-30) ndetse bakanaburira ababwirizaga ubutumwa bwiza. Nanone, abahanuzi bahamyaga amahame y’Inyigisho n’imirimo (Ibyakozwe n’Intumwa 15:1-15) kandi abahanuzi nibo bateraga umwete ndetse bagakomeza itorero.

Yuda na Sila kuko na bo bari abahanuzi, bahuguuza bene Data amagambo menshi barabakomeza. Ibyakozwe n’Intumwa 15:32

Impano yo guhanura izaguhamo kugeza ku iherezo ry’ibihe ndetse no kugeza ku muni wo kugaruka k’Umwami ubwo azagaruka mu bwiza bwe:

...bituma mutagira impano yose mubura, mutegereza guhishurwa k’Umwami wacu Yesu Kristo. 1 Abakorinto 1:7-8

Mu buryo bweruye, Kristo aburira abantu kwirinda abahanuzi b’ibinyoma asaba ko tugenzura umwuka ubarimo (1 Yohana 4:1), ni ingenzi cyane kugira ngo tumenye umuhanuzi w’ukuri n’umuhanuzi w’ibinyoma.

Kandi ntimugahinyure ibihanurwa, ahubwo mugerageze byose mugundire ibyiza. 1 Abatesalonike 5:20-21

Kugerageza abahanuzi

Bibiliya igaragaza urutonde rwakoreshwa kugira ngo ugenzure niba umuhanuzi ari uw'ukuri cyangwa ari uw'ibinyoma. Ugendeye kuri kimwe muri byo ushobora kwibeshya, ariko iyo umugenzuye ukoresheje ibyo bigenderwaho byose wabasha gutandukanya umuhanuzi w'ibinyoma n'umuhanuzi w'ukuri. Abahanuzi b'ibinyoma bashobora kuvuga amagambo bakuye muri Bibiliya cyangwa ibyo bahanuye bikaba byo, ariko nti bibabuza kuba abahanuzi b'ibinyoma. Ku buryo butagaragarira benshi bayobya ubwoko bw'Imana. Umuhanuzi w'Imana agomba kuba yujuje ibisabwa na Bibiliya byose nk'uko bigaragazwa mu nshamake muri ubu buryo:

1. Ubutumwa bw'umuhanuzi nyakuri buzaba buhuje n'Ijambo ry'Imana n'amategeko y'Imana.

Nimusange amategeko y'Imana n'ibiyahamya. Nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo nta museke uzabatambikira. Yesaya 8:20

Abahanuzi benshi bo muri iki gihe, iki kigenderwaho kirabatsinda. Umuhanuzi ntabwo agomba kwirengagiza icyo Imana yahishuriye mu Ijambo rya yo, kandi ibisabwa n'amategeko byose bigomba kubahwa.

Umuntu wese witondera amategeko yose agasitara kuri rimwe, aba ayacumuye yose. Yakobo 2:10

Iyo amategeko atubahirijwe, impano y'ubuhanuzi iranyagwa:

....aho amategeko y'Imana atari. Ni ukuri abahanuzi be nabo, ntibakibonekerwa n'Uwiteka. Amaganya ya Yeremiya 2:9

2. Ibyahanuwe n'umuhanuzi w'ukuri bigomba gusohora.

None umuhanuzi uhanura iby'amahoro, ijamba rye nirisohora ni ho azamenyekana ko yatumwe n'Uwiteka koko. Yeremiya 28:9

....umuhanuzi navuga mu izina ry'Uwiteka hanyuma icyo yavuze ntikibe, ntigisohore, icyo kizaba ikitavuzwe n'Uwiteka. Uwo muhanuzi azaba ahangaye kucyihimbira, ntuzamutinye. Gutegeka kwa Kabiri 18:22

Aha hari ijamba ry'umuburo. Ibyavuzwe n'umuhanuzi bikwiriye gusohora, umuhanuzi ashobora gukora ibitangaza kugira ngo akwemeze ko ari umuhanuzi w'ukuri, ariko ibyo ntibyakuraho ko yaba ari umuhanuzi w'ibinyoma.

Muri mwe nihaboneka umuhanuzi cyangwa umurosi, akakubwira ikimenyetso cyangwa igitangaza, icyo kimenyetso cyangwa icyo gitangaza kigasohora, icyo yakubwiye agira ati "Duhindukirire izindi mana izo utigeze kumenya tuzikorere," ntuzemere amagambo y'uwo muhanuzi cyangwa y'uwo murosi, kuko Uwiteka Imana yanyu izaba ibagerageza, ngo imenye yuko mukundisha Uwiteka Imana yanyu imitima yanyu yose n'ubugingo bwanyu bwose. Ahubwo

mujye muyoborwa n'Uwiteka Imana yanyu muyubahe, mwitondere amategeko yayo muyumvire, muyikorere muyifatanyeho akaramata. Gutegeka kwa kabiri 13:1-4

Ibimenyetso n'ibitangaza ntabwo ari igihamba cy'ukuri. Nk'uko biri mu isomo riri haruguru, amagambo y'uyu muhanuzi ntabwo ahuye n'amategeko y'Imana. Satani azakora ibitangaza mu minsi iheruka kugira ngo ayobye benshi (Ibyahishuwe 16:14).

3. Umuhanuzi w'ukuri arahanura kugira ngo yungure cyangwase ahugure itorero, yunganire kandi atange inama ku ngingo z'iby'iyobokamana.

Ariko uhanura we abwira abantu ibyo kubungura n'ibyo kubahugura, n'ibyo kubahumura,... ariko uhanura yungura itorero. 1 Abakorinto 14:3-4

Ariko ni jye Uwiteka Imana yawe, uhaye igihe wavuye mu gihugu cya Egiputa, nzongera gutuma uba mu mahema nko mu minsi y'ibirori byera. Navuganye n'abahanuzi ngwiza ibyerekanwa, mbwirira abantu mu kanwa k'abahanuzi mbaciriramo imigani. Hoseya 12:9-10

Umuhanuzi w'ukuri ntabwo azaza icyaha iruhande ngo akivuge ku buryo bworoheje cyangwa ngo acyihanganire (aribyo kugomera amategeko 1 Yohana 3:4)

4. Umuhanuzi w'ukuri azerereza Kristo nk'Umwana w'Imana n'Umukiza w'inyokomuntu.

Uhaye kera kose ntihigeze kubaho umuntu wabonye Imana, nyamara nidukundana Imana iguma muri twe, urukundo rwayo rugatunganirizwa muri twe rwose.... Uvuga yuko Yesu ari Umwana w'Imana, Imana iguma muri we na we akaguma mu Mana. 1 Yohana 4:12-15

Nyuma y'umuzuko, ubwo Yesu yasobanuriraga abigishwa be ibyanditswe, yabahishuriye ko ubwo buhanuzi bwose ari we bwavugaga.

Atangirira kuri Mose no ku bahanuzi bese, abasobanurira mu byanditswe byose ibyanditswe kuri we. Luka 24:27

Nanone hari irindi jambo ry'umuburo ryerekeye kugerageza abahanuzi. Abahanuzi benshi b'ibinyoma bazabwira Yesu ku munsu w'urubanza ruheruka ngo:

Mwami, Mwami, ntitwahanuraga mu izina ryawe, ntitwirukanaga abadaimoni mu izina ryawe, ntitwakoraga ibitangaza byinshi mu izina ryawe? Matayo 7:22

Ariko Uwiteka, ntabwo azigera abamenya nk'abe, kuko bari inkosi z'ibibi (mu kigiriki: *anomia* – *kwica amategeko y'Imana*). Bagaragaraga nk'abanyakuri mu maso y'abantu ariko ku byerekeye amategeko y'Imana baratsindwa.

5. Umuhanuzi w'ukuri azavugana ubutware:

....kuko yabigishaga nk'ufite ubutware, ntase n'abanditsi babo. Matayo 7:29

Yesu niwe cyitegerereze kiruta ibindi, kandi yavugaga ibyo yabonye ndetse yumvise biturutse kuri Data (Yohana 8:26,28,38). Umuhanuzi nawe azajya ahanurana ubutware ibyo yahishuriwe n'Imana.

6. Umuhanuzi w'ukuri azera imbuto nziza. *Muzabamenyera ku mbuto zabo. Matayo 7:20*

Iri gerageza rirakomeye. Ese umuhanuzi abaho imibereho ihuje n'ubushake bw'Imana kandi imibereho y'abo yigisha yaba yarahindutse ngo ibe ihuje n'ubushake bw'Imana? Nanone kandi, hano hari ijambo ry'umuburo. Nta n'umwe utarakoze icyaha kandi bese baraguye ntibashyikira ubwiza bw'Imana.

Dore Eliya yari umuntu umeze nkatwe asaba cyane ko imvura itagwa, imvura imara imyaka itatu n'amezi atandatu itagwa. Yakobo 5:17

Nubwo Eliya yari afite amakosa ndetse n'umuhati nk'ibyo tugira, yahirimaniye kubaho imibereho ihuje n'ubushake bw'Imana kandi imbuto z'imirimo ye zihamya ko yari umuhanuzi w'Imana w'ukuri.

7. Umuhanuzi w'ukuri, igihe ari mu iyerekwa, azagaragaza ibimenyetso ku mubiri:

a. Mu iyerekwa, amaso y'umuhanuzi aba afunguye.

Haravuga uwumva amagambo y'Imana, Uwerekwa Ishoborabyose, Uwukubita hasi akagira amaso areba. Kubara 24:4

Aha hari ingingo ebyiri zifite icyo zisobanuye: iya mbere, ni uko umuhanuzi agwa hasi, iya kabiri, ni uko amaso ye agomba kuba areba. Ingeri ya Bibiliya yitiriwe Umwami Yakobo ikomora ubusobanuro mu ngeri ya Bibiliya y'umwimerere ibivuga neza, kandi niko ayo magambo yanditswe hejuru. Ingeri nyinshi nshya za Bibiliya zisobanura ntabwo zivuga izi ngingo mu mwuzuro wazo. Urugero ni ingeri yitwa NIV (New International Version), isobanura iri somo mu buryo bukurikira:

Ijwi ry'uwumva amagambo y'Imana, uwerekwa iby'Ishoborabyose, akagwa kandi amaso ye akaba yarebaga. Kubara 24:4 NIV

Mu busobanuro bw'iyi ngeri ya Bibiliya, amaso kuguma afunguye bikurwamo, maze bikagaragazwa nk'aho ari mu buryo bwa mwuka gusa nkaho atari ugufungura amaso mu buryo bw'umubiri.

Muri Daniyeli 10, hagaragaza uko Daniyeli yari ameze ubwo yari ari mu iyerekwa.

Ni jye Daniyeli gusa wabonye ibyo neretswe ibyo, ariko abantu twari kumwe ntibarakabibona, ahubwo bahinze umushyitsi cyane barahunga, barihisha. Nuko nsigara aho jyeneyine mbona ibyo byerekanywe bikomeye, sinasigaragana intege kuko ubwiza bwanjye bwampindukiyemo ububore ndatentebuka. Ariko numvaga ijwi ry'amagambo ye, nkiryumva ngwa nubamye ndabirana nk'usinziye. Daniyeli 10:7-9

Daniyeli nta mbaraga yari afite, kandi yaguye hasi asa n’ugwishije mu maso ye hasi. Uyu muhanuzi ntabwo yagumye muri uyu mwanya wo gucika intege gusa aryamye hasi, ahubwo yahagurukijwe n’Imana, kandi ubwo yari akiri mu iyerekwa, yarahagaze ku maguru ye.

Nuko haza ukuboko kunkoraho, kurambyutsa kumpfukamisha amavi n’ibiganza. Arambwira ati “Yewe Daniyeli mugabo ukundwa cyane, umva amagambo ngiye kukubwira, haguruka weme kuko uyu muni ngutumweho.” Amaze kumbwira iryo jambo ndahaguruka, mpagarara ntengurwa. Daniyeli 10:10-11

b. Mu iyerekwa, umuhanuzi ntabwo ahumeka, kandi ntabwo aba afite imbaraga ze ubwe.

Maze haza uwasaga n’umwana w’umuntu akora ku munwa wanjye, mperako mbumbura akanwa kanjye ndavuga, mbwira uwari umpagaze imbere nti “Data buja, ibyo neretswe ko byatumye imibabaro yanjye ingarukamo nkabura intege, mbese nkanjye umugaragu wawe nabasha nte kuvugana na data buja, ko nta ntege ngifite kandi ntagihumeka neza?” Daniyeli 10:16-17

Byumvikane neza ko Daniyeli ataragifite imbaraga kubera iyerekwa. Yakozweho n’Imana maze aravugana ntabwo nta mwuka wari mu riwe. Nanone, abasemuzi bashya ba Bibiliya bagoreka aya masomo ntibagaragaze ko ari ukudahumeka mu buryo bufatika. Ingeri ya Bibiliya ya NIV isobanura umurongo wa 17 muri ubu buryo:

ni gute njye, umugaragu wawe, navuganaga nawe, Uwiteka? Nta ntege mfite kandi ndahumeka bingoye. Daniyeli 10:17

“Ndahumeka bingoye” ntabwo bisobanura kimwe na “nta mwuka ngisigaranye muri jye”; nk’uko ingeri ya Bibiliya yitiriwe Umwami Yakobo ibivuga ngo “nta mwuka nsigaranye ngo mpumeke”. Daniyeli yahawe imbaraga n’Imana.

Uwasaga n’umuntu arongera ankoraho, arankomeza. Daniyeli 10:18

Ntahagaragazwa ko yongerewe umwuka mu gihe yari akiri mu iyerekwa. Umuhanuzi akomezwa n’imbaraga z’Imana mu gihe aba ari mu iyerekwa. Mu nshamake, umuhanuzi uri mu iyerekwa:

- I. Yikubita hasi afite intege nke
- II. Ahagurutswa n’Imana kandi Ikamwongerera imbaraga
- III. Amaso ye aguma areba mu gihe aba ari mu iyerekwa IV. Ntabwo ahumeka, naho yaba ari kuvuga

Ibi bimenyetso, ntabwo bishobora kwiganwa. Mu kuri, abitwa abahanuzi bo muri iki gihe bagerageza kugwa hasi ariko amaso yabo aba afunze, kandi baba bahumeka, kubera ko Imana itari muri bo, iyo iba muri bo iba yarashoboraga guha ubuzima umuntu utarimo guhumeka.

Impano y'ubuhanuzi mu minsi y'imperuka

Kimwe mu biranga abasigaye b'Imana ni umwuka w'ubuhanuzi.

Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu. Ibyahishuwe 12:17

Abasigaye bitondera amategeko y'imana kandi amategeko y'Imana agomba yasubizwaho ku mwuzuro wayo yose hatawuyemo na rimwe. Nk'uko abahanuzi b'Imana bakwiriye kuvuga ibihuye n'amategeko y'Imana, impano y'ubuhanuzi nyakuri ishobora kugaragara iyo amategeko abaye mu mugabane w'ibihanurwa. Guhamya kwa Yesu ni umwuka w'ubuhanuzi.

Nikubitira hasi imbere y'ibirenge bye kumuramya, ariko arambwira ati "Reka! Ndi imbata mugenzi wawe, kandi ndi mugenzi wa bene so bafite guhamya kwa Yesu: Imana abe ari yo usenga. Kuko guhamya kwa Yesu ari umwuka w'ubuhanuzi." Ibyahishuwe 19:10

Ibyanditswe Byera byigisha ko abategereje kugaruka kw'Uwiteka bazaba bafite impano zose, kandi Kristo aburira abantu kwirinda abahanuzi b'ibinyoma bazagerageza kuyobya ubwoko bw'Imana mu minsi iheruka. Nk'uko duhamagarirwa kugerageza imyuka maze tukagundira ibyiza, ni ingenzi cyane ko dusuzumisha ibyo twabonye byose kugira ngo tugenzure abahanuzi bo muri ibi bihe byacu.

Nyuma y'urupfu rw'intumwa, abahanuzi bishimiye cyane inshingano zabo kugeza mu mwaka wa 300 N.K ¹, ariko gusubira inyuma mu bya mwuka mu itorero ndetse n'ubuhakanyi bwatumye ibyinshi mu mpano za Mwuka Wera zigabanyuka. Muri icyo gihe kandi, abahanuzi b'ibinyoma batumye abantu bakura ibyiringiro mu mpano y'ubuhanuzi. Ukugabanyuka kw'impano y'ubuhanuzi mu bihe runaka byaranze amateka y'itorero ntabwo bisobanuye ko Imana yakuye burundu iyo mpano mu itorero. Bibiliya igaragaza ko uko imperuka irushaho kwegereza, ariko iyi mpano izarushaho kungura itorero mu bihe by'amakuba. Ikigeretse kuri ibyo, ni uko Bibiliya igaragaza ko hazabaho ukwiyongera kw'ibikorwa by'iyi mpano. Itorero ryo mu myaka yo hagati ryirengangije amategeko y'Imana kubwo kudakurikiza amategeko icumi maze bikoma mu nkokora impano y'ubuhanuzi irahagarara.

Amarembo ye arigise mu butaka, imyugariro ye yarayisandaje arayivunagura. Umwami we n'ibikomangoma bye bari mu banyamahanga, aho amategeko y'Imana Atari. Ni ukuri abahanuzi be nabo ntibabonekerwa n'Uwiteka. Amaganya ya Yeremiya 2:9

Mbere y'uko Kristo aza bwa mbere, Imana yahaye Yohana Umubatiza impano y'ubuhanuzi kugira ngo ateguririre Kristo inzira ye. Ni muri ubwo buryo nanone, iyo mpano y'ubuhanuzi igomba kuzahabwa abategereje kugaruka kwa Kristo, kugira ngo buri wese azabe afite amahirwe yo kwitegura gusanganira Umukiza.

Kristo yagaragaje ko kwaduka kw' abahanuzi b'ibinyoma kizaba kimwe mu bimenyetso kigaragaza ko kugaruka kwe kuri bugufi! (Matayo 24:11,24). Habaye hataza kubaho abahanuzi b'ukuri mu minsi y'imperuka, Kristo yari kuvuga ko abantu bose bavugako bafite iyi mpano bagomba kwirindwa. Ariko umuburo wa Kristo ugagaragaza ko hazaba hariho n'abahanuzi b'ukuri.

Umuhanuzi Yoweli yahanuye ugusukwa kw'impano idasanzwe ya gihanuzi mbere y'uko Kristo agaruka.

Hanyuma y'iyi minsi nzasuka Umwuka wanjye ku bantu bose, abahungu banyu n'abakobwa banyu bazahanura, abakambwe banyu bazarota, n'abasore banyu bazerekwa. Ndetse n'abagaragu banjye n'abaja banjye nzabasukira ku Mwuka wanjye muri iyi minsi. Nzashyira amahano mu ijuru no mu isi, amaraso n'umuriro n'umwotsi ucumba. Izuba rizahinduka umwijima, n'ukwezi kuzahinduka amaraso, uwo munsu mukuru w'Uwiteka uteye ubwoba utaraza. Yoweli 3:1-4

Pentekoti yabaye ukwigaragaza gukomeye kwa Mwuka. Petero, yasubiyemo amagambo y'ubuhanuzi bwa Yoweli, agaragaza ko ryari isezzerano ry'Imana. (Ibyakozwe n'Intumwa 2:2-21). Gusa, ubuhanuzi bwa Yoweli ntabwo bwose bwashoye ku munsu wa pentekoti, kuko "Umunsu mukuru w'Uwiteka" uvugwa aha ni umunsu wo kugaruka kwa Kristo.

Pentekoti, kubw'ibyo, yabaye nk'isogongera ry'uburyo Mwuka azigaragaza mu buryo bwuzuye mbere y'uko Kristo agaruka. Nk'uko ibihe by'imvura y'umuhindo byo muri Palestine ya kera byabaga nyuma gato yo kubiba imyaka ni ko no gusukwa kwa Mwuka Wera ku munsu wa pentekoti bigereranya imvura y'umuhindo y'ibya mwuka, ariyo yari iyo kugaburira itorero ryabaga ritarakomera. Ugusohora k'ubuhanuzi bwa Yoweli mu buryo bwuzuye kandi buheruka bishushanywa n'imvura y'itumba, ariyo ituma imyaka isarurwa (Yoweli 2:23). Uko niko mwuka w'Imana azasukwa mbere y'uko Kristo agaruka – nyuma y'ibihwe byahanuwe bigomba kuba ku zuba, ku kwezi no ku nyenyeri (Matayo 24:29, Ibyahishuwe 6:12-17; Yoweli 2:31)

Nk'uko bimeze ku mvura y'itumba, uku gusukwa guheruka kw'Umwuka kuzatuma isi isarurwa, (Matayo 13:30, 39), "kandi umuntu wese uzambaza izina ry'Uwiteka, azakizwa" (Yoweli 2:32)

Aba Millerites bakurikiwe n'Abadiventiste babonye ugusohora k'ubuhanuzi ku byerekeye kwijima kw'izuba no kugwa kw'inyenyeri mu munsu utarabonewe ubusobanuro ahitwaga New England ku itariki ya 19/Gicurasi/1780 ubwo New England yari ibundikiwe n'umwijima udasanzwe. Ku itariki ya 13 z'Ugushyingo mu mwaka wa 1833, isi yose yabaye umuhamya w'ikintu kidasanzwe cyabaye mu mateka ubwo ikirere cyose cyuzuwemo n'inyenyeri, zamanukaga zigwa ari nk'ibihumbi magana abiri ku isaha. Witagereje ibyo bintu byabaye ukabihuza n'irangira ry'ubuhanuzi bw'iminsi 2300 bwo muri Daniyeli, birumvikana ko bahuje ubu buhanuzi n'ibigomba kuba mu minsi ihurika.

Muri icyo gihe, habayeho ugusobanurwa k'ubuhanuzi mu buryo bunyuranye maze havuka ibyiciro byinshi bihanzwe n'abiyitaga abahanuzi. Byahozwe ari umugambi wa Satani mu kurema amadini cyangwase ibyiciro binyuranye kugira ngo ukuri kuzimirire muri abo bahanuzi b'ibinyoma baba barahanzwe aya madini. Imana yahereye kera ikoresha abahanuzi kugira ngo bafashe abantu ba yo kandi babayobore mu gusobanukirwa neza ukuri kw'Imana. Nta muhanuzi n'umwe wigeze ubaho agamije gutangira idini rishya ngo maze ahurize hamwe abayoboke babaga bamaze kubona uwo mucyo mushya, wabaga unyuranyije n'umucyo babaga basanganywe. Nubwo byagenze bityo, muri icyo gihe, mbere y'umwaka wa 1844 na nyuma yaho, nibwo havutse amadini menshi. Urugero ni :

1. Idini ry'aba Mormon (Morumo) ryatangijwe n'umuhanuzi wabo Joseph Smith (1805-1844) yavugaga ko yahawe amayerekwa menshi n'Imana. Amwe muri ayo mayerekwa yayoboye benshi mu kiborwa by'urukoza soni, birimo nko kubatiza abapfuye no gushaka abagore

cyangwa abagabo barenze umwe. Joseph Smith yishwe n'abagizi ba nabi mu mwaka wa 1844 ubwo yari ategereje gucirwa urubanza kubw'ibikorwa nk'ibyo yizeraga.

2. Idini ry'aba Shakers (abasheekazi) baramamaye cyane muri iki gihe kandi bakurikiye umuhanuzi wabo, Ann Lee, wavugaga ko ari we Kristo wagaragaye mu mubiri w'umugore. Bizeraga bibiri (Imana data n'Imana mugore) nibyo bizeraga nk'ubumana kandi bashakaga gukorera hamwe bavuga ko aribyo byari bigize umwuka. Idini ry'abemera imyuka bo muri iki gihe ryatangiye mu mwaka wa 1848 ritangijwe n'itsinda ryitwaga aba Fox Sisters maze bashimangira ibijyanye no kuvugana n'abapfuye. (reba icyigisho kivuga *Amayoberane y'urupfu*).
3. Imyizerere bita New Age Movement (ariyo benshi tubona yadutse muri iki gihe) izanywe n'abiyitaga abahanuzi kandi nabo batangiye imyizerere yabo muri icyo gihe cy'ahagana mu mwaka wa 1844.

Aya madini yose ashingiye ku mayerekwa ahakana cyangwa se akagoreka Ijambo ry'Imana n'icyo risaba kugira ngo bigishe ibijyanye n'irari ryabo, ariko Imana ntihinduka:

Gutanga kose kwiza n'impano yose itunganye rwose ni byo biva mu ijuru, bimanuka bituruka kuri se w'imico udahinduka, cyangwa ngo agire n'igicucu cyo guhinduka. yatubyarishije ijambo ry'ukuri nk'uko yabigambiriye, kugira ngo tube nk'umuganura w'ibiremwa byayo.

Yakobo 1:17-18

Umuhanuzi ku Basigaye

Nyuma yo gucika intege gukomeye kwabaye mu mwaka wa 1844, abenshi mu bizeraga kugaruka kwa Kristo basubiye inyuma maze bahitamo kuva mu kwizera kwabo. Mbere gato y'umwaka wa 1844, abagabo babiri bakiriye amayerekwa ameze kimwe yerekeye itorero ry'Abategereje. Uwa mbere ni William Foy wabarizwaga mu itorero ry'aba Batista rya Freewill yigaga iby'iyobokamana. Mu mwaka wa 1842, ahitwa Boston, yahamije iby'ingororano y'abizera ndetse n'igihano cy'abanyabyaha, yeretswe iby'urubanza rukomeye mu ntambwe eshatu z'uruhererekane, iby'igitabo cy'urwibutso kiri mu ijuru, kugaruka kwa Kristo, ndetse no kugororerwa kw'abizera. Foy yabwiye imbaga yari iteraniye aho ibyo yeretswe, ariko ubwo yahabwaga iyerekwa rya gatatu ntabwo yigeze arisobanukirwa nuko imirimo ye mu ruhame irangirira aho.

Hazen Foss nawe yagize iyerekwa ryerekeye itorero ry'abasigaye, maze yanga kubitangariza abantu nyuma yuko bacika intege bikomeye bitewe nuko bari biteze kugaruka k'umukiza utaraje kuko baribibeshye mu gusobanukirwa ubuhanuzi. Kandi uku gucika intege nawe kwari kwaramugizeho ingaruka.

Nyuma y'icyo gihe, umukobwa muto witwa Ellen Harmon yagize iyerekwa ry'ukugeragezwa kw'abantu bategereje. Iryo yerekwa yarihawe amezi abiri nyuma y'ugucika intege mu kwezi kwa cumi na kabiri k'umwaka 1844. Iri yerekwa ntabwo ryasobanuraga impamvu yo gucika intege, ahubwo ryari iyerekwa ryo gutera umwete ndetse no kumvisha abantu uko ibintu byagenze n'uko bizagenda mu bihe bizaza. Yeretswe abadiventiste bagendera mu kayira gafunganye bafite umucyo w'agatangaza berekeza

mu murwa “Ijwi rirenga” inyuma yabo bamurikiwe n’umucyo mwinshi kugira ngo badatsikira. Kandi uwo mucyo waramurikaga ukageze ku iherezo ry’inzira aho batashoboraga kureba ngo baheze amaso. Abo bose bazakomeza guhanga amaso yabo kuri Yesu ntabwo bazayoba ahubwo bazinjira muri uwo murwa, Yerusalemu nshya. Uwo mukobwa yahamije iby’igihe cy’ukugaruka kwa kabiri kwa Kristo ndetse no gushyirwaho ikimenyetso ku bantu 144,000, no kwinjira muri Yerusalemu nshya n’ingororano z’abizera².

Ubwo Ellen Harmon yavugaga iby’iyerekwa rye rya mbere mu mwaka wa 1845, Hazen Foss yari ari muri iryo teraniro, yaratangaye cyane kuko yasanze nawe ari ryo yerekwa yari yarahawe, ariko akaba yari yaranze kuritangaza.

Guhera mu mwaka wa 1844, ubwo Ellen Harmon yari afite imyaka 17, kugeza mu mwaka wa 1915 ubwo yapfaga, yagize amayerekwa yanditse asaga 2000. Muri icyo gihe, yabaye kandi akorera umurimo we muri Amerika, Uburayi na Australia umurimo we wagiye uhura no gupfobywa ndetse no gusuzugurwa, cyane kubera ko yari umugore kandi utari warigeze yiga ngo aminuze kubw’impanuka yari yaragize akiri muto, biza kumubangamira. Afite imyaka icyenda, Ellen yagize igikomere cyatewe n’ibuye yatewe n’umwana biganaga ubwo bavaga ku ishuri bataha imuhira. Yamaze ibyumweru bitatu arembye atumva, byagaragaraga ko atazakira. Nyuma yoho yaje korohereza, asubira ku ishuri, ariko ntiyabasha kwiga amashuri menshi. Ellen yari umwizera w’itorero ry’aba Metodiste kandi yaribatirijwemo ku itariki ya 26/6/1842. Yigaga Bibiliya by’intanga rugero, nyuma yo kwitabira amataniro y’ari ayobowe na William Miller na bagenzi be, yatangajwe kandi afashwa n’ubutumwa yaramaze kumva.

Nyuma yo gucika intege gukomeye, ndetse nawe kwamushegeshe, yaratoranyijwe kugira ngo abe ari we uhabwa iyerekwa rya mbere maze abigaragaza muri aya magambo:

Nyuma y’uko mpabwa iyerekwa, Imana yampaye umucyo, kandi Imana Insaba ko natanga uwo mucyo.... Ariko narabyihungije. Nari muto, kandi natekerezaga ko abantu batazigera babyemera binturutsemo.³

Ku itariki ya 30/8/1846, Ellen yashakanye na James White, wari umusore muto w’umubwiriza w’umudiventiste, kandi babyaranye abana 4: Henry, Edson, William na Herbert. Nyuma y’urupfu rw’umugabo we ku itariki ya 6/8/1881, Ellen yakoze umurimo ari wenyine mu yindi myaka 34 yose, ni muri icyo gihe yanditse inyandiko nyinshi zitangaje z’ijambo ry’Imana. Umurimo we n’amayerekwa ye:

1. Byarinze itorero mu kwinjirwa n’ibidafite umumaro, ndetse no kurwanya amahame adashingiye kuri Bibiliya.
2. Byashinze inkingi zo kwizera kw’abadiventiste mu guhamya no gushishoza hakoreshejwe kwiga Bibiliya kw’abizera ndetse no kwizera kugaruka kwa Yesu. Izo nkingi zirimo akamaro k’amategeko y’Imana, Isabato, Ubuturo bwera, ukugaruka kwa Kristo, ubutumwa bw’abamarayika batatu, ndetse n’uruhare rwa Babuloni mu ntambara ikomeye iri hagati ya Kristo na Satani.
3. Byashyizeho gahunda y’itorero ndetse binayobora umurimo mu kwamamaza ubutumwa buheruka bw’ibyiringiro no kwihana – Ubutumwa bw’Abamarayika Batatu.
4. Byashyizeho amacapiro no kwandika ku buryo byatumye umurimo ukwira isi yose.

5. Byashyizeho ukuboko kw'iburyo mu murimo, aribwo butumwa bwo kwita ku buzima bwibutsa umuntu ko akwiriye kugira amagara mazima kimwe n'iby'umwuka bizima.

Utitaye ku bumuga yari afite ku mubiri aribwo bwagombaga gutuma atandika, Ellen White yabaye umwe mu bantu banditse ibintu by'ingenzi bifitiye akamaro abantu bo muri iki gihe cyacu. Nta wundi mwanditsi w'umugore wigeze wandika inyandiko nyinshi z'iby'iyobokamana nk'izanditswe na Ellen G. White. Ibitabo byinshi, inzandiko ngufi nyinshi, imizingo n'inzandiko, ibyo byose byanditswe nawe. Inyandiko ze nyinshi zivuga ku mahame ndetse no ku mibereho ya gikristo, ku mirire ndetse n'ubuzima, uburyo buboneye ababyeyi bakwiriye kurera, ku mashuri, ku murimo w'ubuvuzi ndetse no gutanga umucyo ku buhanuzi bwa Bibiliya n'amateka. Kuri we avuga ko atari kubyishoboka keretse gusa ko yayobowe n'Imana. Nyuma y'uko ayobowe ko yagomba kuzajya yandika amayerekwa ye, yabonye ko icyo asabwe ari ikidashoboka. Maze abivuga muri ubu buryo bukurikira:

*Uwiteka yaravuze ati: 'wandike ibintu byose, nzajya nguha.' Maze guhera ubwo ntangira kwandika nkiri umwana muto. Ikiganza cyanye cyari gifite intege nke ndetse gisusumira kubwo gucika intege ariko cyongerewe imbaraga ubwo nafataga ikaramu mu kiganza cyanyje, guhera ntangira kwandika inyandiko za mbere, nashoboye kwandika. Imana yampaye ubushobozi bwo kwandika... icyo kiganza cy'iburyo cyahozze gifite ubumuga ariko noneho gishobora kwandika. Ntabwo cyongeye gutitira ukundi ubwo natangiraga kwandika.'*⁴

Maze agaragaza ibyiyumviro bye muri aya magambo akurikira:

*Nararize, maze ndavuga nti, 'ntibishoboka, ntibishoboka.' Nahise mbwirwa aya magambo ngo, 'nta kidashobokera Imana.' Nagize umwete maze ikiganza cyanyje gitangira kwandika ibintu nari nahawe.'*⁵

Ibyo wakwibaza:

Ese Ellen G. White yari Umuhanuzi w'Imana cyangwa yari uw'ibinyoma?

Nta kintu kibi kibaho nk'ubuyobe, kandi ubuyobe ni intwari ikomeye cyane ya Satani.

Ntihakagire umuntu ubohesha amagambo y'ubusa, kuko ibyo ari byo bizanira umujinya w'Imana abatayumvira. Abefeso 5:6

Ku rundi ruhande, tugirwa inama yo kumva amagambo y'abahanuzi (2 Petero 1:19). Ikintu cyonyine cyatuma urwo rujijo ruvaho ni ukugenzura abahanuzi ngo turebe ko bahuje n'icyo Bibiliya ivuga. Niba Ellen White yari umuhanuzi w'Imana by'ukuri akwiye kuzuza ibisabwa na Bibiliya byose. Niba bihuje, tugomba kubyizera.

Nyamara rero dufite ijamba ryahanuwe rirushaho gukomera, kandi muzaba mukoze neza nimuriritaho, kuko rimeze nk'itabaza rimurikira ahacuze umwijima rigakesha ijoro, rikageza aho inyenyeri yo muruturuturu izabandurira mu mitima yanyu. Ariko mubanze kumenya yuko ari nta buhanuzi bwo mu byanditswe bubasha gusobanurwa uko umuntu wese yishakiye, kuko ari nta

buhanuzi bwazanywe n'ubushake bw'umuntu, ahubwo abantu b'Imana bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe n'Umwuka Wera. 2 Petero 1:19-21

Igerageza kuri Ellen G. White

1. Ese yaba yararerereje Ijambo ry'Imana n'amategeko y'Imana?

Ijambo ry'Imana – Bibiliya --- Ellen yaranditse ngo:

Ibyanditswe Byera bikwirye kwemerwa nk'Umutware ukomeye, ndetse nk'ibigaragaza ubushake bw'Imana budakuka kandi ntibyibeshye. Nibyo shingiro ry'imibereho, ndetse bigahishura n'amahame, kandi imibereho yacu igasabwa guhindurwa nabyo.⁶

Inyandiko za Ellen White, ari zo zizwi ku izina ry'Umwuka w'Ubuhanuzi, ntabwo zabereyeho gutanga umucyo mushya, ahubwo zabereyeho kugira ngo umucyo ari wo Byanditswe Byera urusheho kumurika. Ellen White yaranditse ati:

Abantu nti bita cyane kuri Bibiliya kandi Uwiteka yatanze umucyo muto kugira ngo uyobore abagore n'abagabo ku mucyo munini (Bibiliya).⁷

Ibi bihamya byanditswe ntabwo bibereyeho gutanga umucyo mushya, ahubwo bibereyeho gukangurira imitima kwakira umucyo w'ukuri wamaze gutangwa. Uko umuntu agomba kwitwara imbere y'Imana ndetse na bagenzi be byose byamaze kugaragazwa mu Ijambo ry'Imana; gusa bake muri mwe nibo bonyine bumvira umucyo wamaze gutangwa. Nta kundi kuri kwiyongera ku kwatanzwe; ahubwo Imana binyuze mu bihamya yagerageje kumvikanisha ukuri kwamaze gutangwa binyuze mu nzira Imana Ishaka, Imana yazanye uko kuri imbere y'ubwoko bwa yo kugira ngo bukanguke kandi imitima yabo ihuguke, kugira ngo hatazagira utanga urwitwazo... ibi bihamya ntibigomba gutesha agaciro Ijambo ry'Imana, ahubwo byerereze ijambo ry'Imana kandi bikururire abantu gukunda Ibyanditswe Byera, kugira ngo ubwiza bw'ukuri kubirimo kubakore ku mutima.⁸

Ku bantu bahinyura Ijambo ry'Imana, Ellen White yaranditse ngo:

Mwishingikirize kuri Bibiliya musigeho kuyihinyura no gushidikanya ku kudahinyuka kwayo maze mwumvire amagambo ayirimo nimubigenza mutyo nta numwe muri mwe uzayoba.⁹

Bibiliya ni yo kwizera kwacu gushingiyeho gusa:

Bibiliya kandi Bibiliya yonyine ni yo kwizera gukwiriye gushingiraho, ni yo tugomba guhuriramo... Ijambo ry'Imana ntiribeshya... Dushyire imbere Bibiliya ibe umurongo tugenderamo, ishingirweho no kwizera kwacu kandi ihindure ingeso zacu.¹⁰

Nk'abandi bagorozi ba kera, Ellen G. White yerereje Bibiliya kugira ngo arwanye amahame n'imigenzo by'ibinyoma. Ellen White yaranditse ati:

Uko umwijima urushaho kubudika n'ubuyobe bukarushaho kwiyongera, dukwiriye guhabwa ubwenge bushikamye mu kuri, kandi tukarushaho gushikama mu Byanditswe bikaba uruhande duhagazemo.¹¹

Dukwiriye kugira ukuri kwa Bibiliya uruzitiro rwacu, kubundikirwa n'ukuri ni ko kubundikirwa konyine tubonamo umutekano.¹²

Uburyo Ellen White yerezaga Ijambo ry'Imana ni kimwe n'uko byakorwaga n'abaprotestanti kuva mu itangira ry'ubugorizi. Abaprotestanti ba kera bahakanaga inyangisho za gatulika zivuga ko imigenzo na Bibiliya aribyo shingiro ryo kwizera. "Westminster Confession of faith" yavuze kuri iyo ngingo:

Umucamanza Mukuru, ari we ukwiriye kurangiza intambara zose z'iby'iyobokamana, akagenga n'amahame y'inama z'amadini atandukanye, ndetse akanayobora ibitekerezo by'abanditsi, agashyiraho amahame y'abantu, ndetse no kwizera kwihariye bikwiriye kugenzurwa. Ni muri uko kuri duhagaze, nta wundi utari Umwuka Wera uvugira mu Byanditswe Byera. icyatuma tubaho dutekanye mu kuri kudahinduka, ndetse tukabaho tuyobowe n'ubutware bwera, ni ugukorerwamo na Mwuka Wera akadushoboza kugendana Ijambo ry'Imana mu mitima yacu.¹³

Ellen G. White yari asobanukiwe n'akamaro ka Mwuka Wera mu gusobanura Ibyanditswe nk'uko byagaragajwe mu gihe cya Westminster. Ellen White yaranditse ati:

Dushobora gusa gusobanukirwa n'Ijambo ry'Imana binyuze mu kumurikirwa na Mwuka Wera ariyo nzira yakoreshejwemo kuyandika.¹⁴

Kuba Imana yarahishuriye abantu ubushake bwayo binyuze mu Ijambo rya Yo, ntibivuze ko abantu badakeneye ubuyobozi bwa Mwuka Wera. Ahubwo Umukiza wacu yadusezeraniye Mwuka Wera, kugira ngo asobanurire abantu be Ijambo ry'Imana, kandi no kugira ngo amurike umucyo w'Ibyanditswe Byera ndetse anashoboze abantu kubishyira mu bikorwa.¹⁵

Nta mucyo w'agatangaza uzigera uhabwa abantu keretse gusa umucyo uturutse mu Ijambo ry'Imana, kandi nta mucyo uzigera uwusimbura.¹⁶

Amategeko y'Imana.

Ellen White yagarutse cyane ku ngingo yo kumvira amategeko y'Imana. Joseph Bates, ni umwe mu Badiventiste ba kera ni we wari warabimburiye Ellen isabato yo mu itegeko rya kane, maze Ellen n'umugabo we biga Ibyanditswe Byera maze babona ko Isabato ari itegeko rifite agaciro kangana n'andi mategeko icyenda. Isabato imwe, ku itariki ya 3/4/1847, Ellen White yahawe iyerekwa rihamya amategeko y'Imana n'isabato irimo. Ku byerekeye amategeko y'Imana, Ellen yaranditse ati:

Ariko ni umugambi wa Satani wo kugomera amategeko y'Imana ndetse no kuburizamo ukuri k'ubusobanuro bw'inama y'agakiza. Kubw'ibyo, Satani yashyizeho ikinyoma kivuga ko igitambo cya Kristo ku musaraba w'i karuvali cyari gifite umugambi wo kubohorerera abantu gukurikiza amategeko y'Imana. Satani yamaze kuyobya abatuye isi ko Imana yavanyeho amategeko, ndetse ikarimbura ukwera kwayo n'amategeko yayo atunganye. Ese Imana yaba yarabikoze! Ese byari gusaba ijuru ikiguzi kingana iki kugira ngo rikureho amategeko! Aho kugira ngo amategeko akurweho, ahubwo umusaraba w'i kaluvari mu rukundo ruhebuje usobanura ukutavaho kw'amategeko ndetse n'uguhoraho kw'imico y'Imana.¹⁷

Kandi Ellen White yahamije ko ari inshigano y'ubwoko bw'Imana gusobanurira abandi ibyerekeye ubuhanuzi n'amategeko y'Imana:

Kubw'ibyo mubasobanurire ubuhanuzi; mubereke ukwera n'uguhoraho kw'amategeko y'Imana. Nta gace cyangwa inyuguti y'amategeko izigera ivaho, ahubwo akwiriye kuba mu mutima wa buri muntu wese kugeza ku mperuka.¹⁸

Inyandiko za Ellen White zishingiye ku nkingi ebyiri zo kwizera mu gitambo cya Yesu Kristo no kumvira amategeko ye atunganye. Yesu yaravuze ngo, “nimunkunda muzitondera amategeko yanjye” (Yohana 14:15) kandi mu nyandiko ze hasobanura neza uko amategeko n'ubuntu bihura. Ntabwo yigeze agira amategeko y'Imana umutwaro ku bantu cyangwa ngo ayateshe agaciro. Ntabwo yigeze avuga ko amategeko adukiza. Dukizwa n'ubuntu kandi ubuntu gusa, ariko umusaruro uturuka mu gukizwa n'ubuntu ni uko binyuze mu gitambo cya Yesu Kristo, uwo muntu ukijijwe ahita ashirwa mu musabano ukwiriye n'Imana, kandi uwo mushyikirano urimo no kubaha amategeko y'Imana. Ellen yaranditse ngo:

Ese abantu ntabwo babona ko gutesha agaciro amategeko y'Imana ari ugusuzugura Kristo? Kuki Kristo yaje kuri iyi si akababara kandi agapfa, niba amategeko adakwiriye gukurikizwa, n'inyokomuntu? Ninde wavuga ko Kristo yapfuye kugira ngo akureho uguhoraho kw'amategeko? Kristo yaje kuzana umucyo ndetse no kugaragaza uguhoraho kw'amategeko, no kugira ngo abantu bayubahe. Ese abigisha gukurikizwa kw'amamategeko y'Imana kurusha uko Kristo yayigishije ubwo yari ari mu isi wababona he? ¹⁹

Abasobanura ko amategeko y'Imana yakuweho, bananirwa kubihuza n'urukundo ruhoraho rwa Kristo. Abo bafite ukuri kw'agatangaza, babona ko abigisha batyo, batigeze baha uburemere

igitambo gihongerera kigaragaza urukundo ruhebuje Imana ikunda umuntu. Gukunda Yesu, n'urukundo Yesu akunda abanyabyaha byakuwe mu iyobokamana ryabahawe kubwirira ubutumwa bwiza, maze inariye ishyirwa hejuru aho kwerereza Umucunguzi w'inyokomuntu. Amategeko akwiriye kubwirwa uwayishe, ntabwo Imana itandukanywa n'amategeko yayo, ahubwo akwiriye gushyigikirwa kuko ari mu migambi y'Imana no mu mico yayo. Nk'uko imirasire y'izuba itashobora gutandukanywa n'izuba, ni ko n'amategeko y'Imana atagomba kubwirwa umuntu adaturutse ku Mana. Umuvugabutumwa yagombye kuvuga ngo, 'mu mategeko harimo ubushake bw'Imana; ngwino, nawe wirebere ibyo Pawulo yavuze ko amategeko ari ayera, atunganye, kandi akaba ari meza.' Amategeko yerekana icyaha, maze agaciraho iteka umunyamabyaha; ariko akanamwereka ko akeneye Kristo, wuzuye imbabazi no kugira neza n'ukuri. Nubwo amategeko adashobora kwishyura ikiguzi cy'icyaha, ariko yereka umunyabyaha

uburemere bw'icyaha cye, Kristo yasezeranye imbabazi zuzuye ku muntu wese uzihana, kandi akizera imbabazi ze. Urukundo rw'Imana ni rwinshi ku bantu bihana kandi bakizera. Igihano cy'icyaha gishobora gukurwaho gusa n'amaraso y'igitambo gihongerera. Nta kindi kiguzi cyari gikenewe uretse igitambo cy'ungana na Data. Umurimo wa Kristo – imibereho ye, ukwicisha bugufi kwe, urupfu rwe, ndetse no guhuza umuntu wacumuye n'Imana – byose bihamya amategeko, kandi bikagaragaza ko amategeko akwiriye kubahwa.²⁰

Ntibishoboka mu mbaraga nke za muntu ko yakwishoboza gutsemba kamere ye imuganisha ku cyaha adafashijwe n'Imana. Ntabwo amategeko abasha gukiza umunyabyaha wica amategeko, kandi nta muntu waba yarigeze kubona umucyo ku bijyanye n'amategeko y'Imana uzasonerwa mu kudakurikiza amategeko y'uwayatanze avuga ko bidakwiriye gukurikiza amategeko y'Imana, kuberako abonako bishobora gutuma ataba ikirangirire cyangwa ngo bibangamire inyungu ze z'isi. Mu gihe cy'urubanza, amategeko azagaragazwa nk'igipimo cy'imico. Ni umugambi ukomeye wa Satani wo kuyobya abantu uyu munsu nk'uko yayobeje Eva muri Eden, ubwo yabayoboraga kwica itegeko ry'Imana, maze bakemera irindi tegeko rihabanye n'itegeko ry'Imana, bakemera ikintu cyo kwigenga bakava ku Mana, bakemera igihabanye n'icyo Imana Ibasaba.²¹

Isabato yo mu itegeko rya kane iri mu bigize amategeko y'Imana kandi isabato uko itegetswe ni kimwe n'uko byari bimeze. Guhindura Isabato ni uguhakana ugukomera kw'amategeko y'Imana kandi icyo ni igihamya gikwiriye gutuma utemera umuhanuzi uvuga yemeza ko isabato yahindutse.

Uyu ni wo murimo twahamagariwe gukora. Ku mpimbi z'amadini akomeye menshi bigisha ko umunsi wa mbere w'icyumweru ari wo Satabo y'Uwiteka; ariko Imana yaduhaye umucyo, utwereka ko itegeko rya kane ryo mu mategeko cumi ari itegeko rihamye nk'uko n'andi mategeko icyenda ameze. Ni umurimo wacu kumvisha abana bacu ko umunsi wa mbere w'icyumweru atari Isabato y'ukuri, kandi ko kuruhuka uwo munsu wa mbere twaramaze kumenya ukuri kwerekeye isabato y'ukuri ari ugusenga ibigirwamana, ndetse ari no guhakana amategeko y'Imana.²²

Ellen White yujuje igerageza rya mbere rya Bibiliya rigenzura umuhanuzi w'ukuri. Yerereje Bibiliya n'amategeko y'Imana.

2. Ese Ibyo Yahanuye Byaba Byarabaye Ukuri?

Ibyinshi mu byahanuwe na Ellen White bivuga ku buhanuzi bwa Bibiliya, kandi bugomba gusohora mu minsi y'imperuka. Ellen White yavuze ku bihe by'iminsi y'imperuka uko bizagenda bikurikirana, kandi agira n'ibindi yandika byerekeye ibyago bizaba ku batuye isi. Yanditse ingingo zivuga ku by'ubuzima ndetse ahanura n'iby'ingaruka zo kutita ku kurinda ubuzima zagombaga kubaho kandi azivuga mbere y'uko biba. Ariko igitangaje ni uko byinshi mu byo yahanuye birimo birasohora muri iyi minsi.

Mu mwaka wa 1902, Ellen White yahanuye ko hari ibyago bizagwira imigi yegereye ikibaya cya Califoruniya. Yaranditse ati:

*Ntibizatinda, iyi migi izagerwaho n'urubanza rw'Imana. San Francisco na Oakland harimo guhinduka nka Sodomu na Gomora, kandi Uwiteka azabagenderera afite umujinya.*²³

Abumviye imiburo ya Ellen White bahunze iyo migi maze bibarinda umutingito wabaye ku itariki ya 18/4/1906 washegeshe iyo migi mu buryo bukomeye! Mu mwaka wa 1890, ubwo hasaga n'ahari amahoro, Ellen White yaranditse ngo:

*Umuyaga w'ishuheri uraje... tugiye kuzabona amakuba ahantu hose. Ibihumbi by'amato bizarengerwa n'umuhengeri w'inyanja. Amato manini azamanuka ajye mu kuzimu kandi miliyoni z'abantu benshi zizabigwamo.*²⁴

Mu mwaka wa 1904, Ellen yaranditse ati:

*Vuba aha hazavuka intambara hagati y'ibihugu byinshi – intambara zitazarangira kugeza Yesu agarutse.*²⁵

Habayeho intambara ebyiri z'isi yose ndetse no guhangana hagati y'ibihugu kuva icyo gihe. Muri ikigihe birababaje cyane kubona harabayeho intambara zirenga 200 hagati y'amoko atandukanye mu bihugu bitandukanye hirya no hino ku isi, ari byo biganisha ku cyiswe "kurandurwa kw'amoko". Uretse ku burira isi yose muri rusange, Ellen White yagiye ahanurira abizera b'itorero batashatse gukurikiza inama z'Imana. Kandi ibyo byose yagiye abahanurira byagiye bisohora.

Kubyerekeye ugushyirwaho imirimo y'ubuvuzi, Ellen White yagiye ahabwa amayerekwa menshi arimo amabwiriza menshi yerekeye uko umuntu yagira imibereho myiza. Kandi inama zose yagiye atanga zagize akamaro mu bihe byakurikiyeho cyane, kandi ibyinshi byabaga binyuranye n'ibyo abahanga bo mu gihe cye bashyigikiraga. Kandi ibyo yeretswe ko bizabangamira ubuzima mu bihe bizaza, ubu biri kuba impamo kuburyo bwihuse kandi bugaragara.

Ubutumwa bwo kurinda ubuzima bwatanzwe kugira ngo bufashe abantu kwibatura ibitekerezo biyobye bishobora kugusha ubuzima mu kanga, bityo abantu birinde indwara zitandukanye. Ubutumwa bwo kurinda ubuzima bufite akamaro karenze kurinda ubuzima gusa – ahubwo nanone bubereho gutegurira abantu kugira ngo bahugukire ibya Mwuka bibareba mu minsi y'imperuka. Imana ibinyujije mu butumwa bwo kwirindira ubuzima, ni umugambi wayo kuyobora intambwe z'abantu ibagarura ku mibereho bari baragenewe mu gihe cy'iremwa.

Ubwo Imana yahamagaraga Abisirayeli, Ibinyujije mu muhanuzi wa yo Mose, kugira ngo bave muri Egiputa bajye i Kanani, Imana nanone yahinduye imibereho ndetse n'imirire y'ubwoko bwa Yo kugira ngo inabategurire kubasha guhangana n'ibihe barimo. Abenshi ntabwo byabanyuze maze bigomeka ku mugambi w'Imana, maze batangira kwifuza ibyo kurya byo muri Egiputa. Abo bose bigometse ku Mana, maze bahitamo iyabo nzira, bituma baca umushyikirano bari bafitanye n'Umuremyi wabo. Ubwo Imana yahamagaraga Abasigaye ba yo kugira ngo bave mu buretwa bw'icyaha ibategurira kujya mu rugendo rujya i Kanani yo mu ijuru, Imana yatanze amakuru abereye ubwoko bwayo mu

by'umubiri no mu by'umwuka kubafasha mu rugendo, kandi dufite umudendeze wo kwemera cyangwa kwanga izo nama z'Imana.

Ellen White ubwe yari acitse intege kandi arwaye ubwo yahabwaga iyerekwa rya mbere ryerekeye ubuzima, ariko kubwo gushyira mu bikorwa inama zijyanye n'ibyubuzima yari yahawe, yahise akira kandi abaho imibereho myiza kugeza ageze mu za bukuru. Ibi jyanye n'inama atanga z'ubuzima ntabwo turi bubashe kubivugaho ku buryo bw'imbitse, ariko hari ingingo nke yavuzeho zikwiriye kwibukwa. Mbere gato y'umwaka wa 1864, ubwo abaganga batari bazi ububi n'ingaruka z'itabi, ndetse abo baganga bandikiraga abantu itabi nk'umuti bashobora gukoresha mu kwirinda indwara zimwe na zimwe by'umwihariko indwara zo mu bihaha, Ellen White yaranditse ngo:

Itabi ni uburozi bwo mu rwego rwo hejuru, kandi rigira ingaruka mbi, ndetse rituma ibice by'umubiri bidakora neza, nubwo benshi Atari ko babibona. Abenshi bagiye bapfa bazize uburozi buririmo.²⁶

Ntibyatanzwe mbere y'umwaka wa 1957 itsinda ry'abahanga bari barashyizweho n'urugaga rw'abanyamerika rushinzwe kurwanya Kanseri bafatanyije n'ihuriro ry'abanyamerika rishinzwe kurywanya indwara z'umutima nibwo bahamije ko kunywa itabi bitera kanseri y'ibihaha. Atanga inama ku baganga ku byerekeye kunywa itabi, Ellen yaranditse ati:

Umuganga akwiriye kuba umuntu wirinda bikomeye. Ibyangiriza ubuzima bw'abantu ni byinshi cyane nti bibarika, kandi umuganga akwiriye gusuzuma indwara mu buryo bwose yigaragarizamo. umuganga akwiriye kumenya ko indwara nyinshi ziterwa no kutarinda amagara mu buryo bukwiriye n'ubundi buryo bwose bwo gushayisha kwa muntu. Ni yo mpamvu akwiriye kugira inama abasore n'abagabo mu kubaho imibereho myiza birinda gukoresha itabi mu buryo bwose.²⁷

Kuba Ellen yaravuze ko itabi ari uburozi biratangaje, kuva icyo gihe bahise babona ko hari ingaruka mbi iterwa no gukoresha nicotine. Kubw'icyo gihamya, muri iki gihe birazwi ko gukoresha itabi ari igikorwa cyangiriza imitekerereze kimwe no gukoresha ibindi biyobyabwenge, cyane cyane byugariye urubyiruko, biratangaje cyane kubona Ellen White yaranditse kuri iyi ngingo mu gihe cye.

Kunywa itabi n'inzoga byongera uburwayi n'ubwicanyi mu bantu. Itabi ni uburozi bubi bwica buhoro buhoro kandi rihumanya ubuzima ku buryo bukabije... abasore batangira kunywa itabi bakiri bato, rihinduka akamenyero kuri bo, umubiri n'ibitekerezo bigera aho bikariyoboka, bityo umubiri ugira intege nke nkandi n'imatekerereze ikabangamirwa.²⁸

Kandi twibuke ko Bibiliya itubwira ko uyu mubiri ari urusengero rwa Mwuka Wera, kubw'ibyo dukwiriye kurinda imibiri yacu nk'ibitambo byera kandi bizima:

Nuko bene Data, ndabingira ku bw'imbabazi z'Imana ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, ari ko kuyikorera kwanyu gukwiriye. Kandi ntumwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana Ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose. Abaroma 12:1-2

Muri iri somo, harimo kwirinda ibintu byose byangiriza ubuzima. Aya magambo yanditswe na Ellen White ashobora kurushaho kumvikana.

Abantu bafite byinshi bakwiriye gukorera Imana ndetse no gukorera bagenzi babo, babaye bafite amagara mazima kurusha uko babikora bafite uburwayi n’umubabaro wabwo. Kunywa itabi, inzoga, ndetse n’imirire mibi, bitera indwara kandi bikagabanya ubushobozi umuntu yari akwiriye gukoresha ari mu isi.²⁹

Ellen White yatanze inama agaragaza ko gukoresha ibyo kurya bikomoka ku matungo ko byangiriza umubiri kandi agaragaza ko bazarushaho kwangiriza ubuzima uko iminsi izajya irushaho kujya mbere. Aya magambo ni yo yanditse avuga ku byerekeye iyi ngingo nubwo abenshi mu gihe cye Atari ko babibonaga.

Kurya inyama ni ikibazo gikomeye. Ese umuntu muzima yari akwiriye gutungwa n’inyama z’inyamaswa ipfuye? Igisubizo Imana yatanze ni Oya. Ibigo byigisha iby’ubuzima byari bikwiriye guhugura abantu kuri iyi ngingo. Abaganga basobanukiwe n’imikorere y’umubiri nti bagombye gukangurira abarwayi babo gukomeza kurya inyama. Bagombye kugaragariza abantu uburyo ukwiyongera indwara mu matungo. kurya inyama byongera uburwayi. Ubu buhamya bugaragaza ko inyamaswa nke gusa arizo zitarimo indwara, kandi kurya inyama nibyo ntandaro yo kurwara indwara nyinshi – nka Kanseri, ibibyimba by’ubwonko, igituntu n’izindi ndwara nyinshi cyane.³⁰

Iyi nama ubu nibwo yemejwe n’abahanga ko ikwiriye kubahirizwa. Hari ibihamya byinshi byerekana ko urutonde rw’indwara nyinshi zikomoka mu kurya inyama. Ku isi yose, ndetse no mu bushakashatsi bwanjye bwite, bwarabigaragaje ku buryo budasubirwaho.³¹ Amahuriro y’abakora ubushakashatsi ku barya ibimera gusa usanga bagaragaza ko hari indwara nyinshi abarya ibimera batarwara ugereranyije n’abarya inyama. Ellen White kandi yanatanze umuburo ko igihe kizaza kubwo kurinda ubuzima, abantu bakareka kurya no kunywa ibikomoka ku matungo byose, harimo amata n’amagi. Ntabwo Ellen White ibi yabivuze ashyiramo amarangamutima, ariko yavuze ko mu gihe abantu badafite ibindi bibisimbura kubera impamvu z’ubukene ko ibi bigomba kwitonderwa bagashyira mu gaciro bagakora igikwiriye. Mu mwaka wa 1901, yaranditse ati:

Turabona ko amatungo ari kurushaho kugenda arwara, isi nayo ubwayo irarushaho kwangirika, kandi turabizi ko igihe kigiye kuzaza ubwo gukoresha amagi n’amata bizaba bitakiri byiza. Ariko icyo gihe ntabwo kiragera. Turabizi ko ubwo icyo gihe kizagera, Uwiteka azatanga ibibisimbura. Ikibazo gikunda kwibazwa n’abantu benshi ni iki ngo, Imana izatanga ibyo kurya mu butayu? Igisubizo ni yego, Imana izaha abantu ba yo ibyo kurya.³²

Mu mwaka wa 1902, Ellen White yatanze inama ko igihe cyo kureka amata n’amagi kitaragera ko kubw’ibyo abantu bakwiriye kubirya ubushishozi.

Amata, amagi n’amavuta y’inka ntabwo bikwiriye kuribwa icyarimwe n’inyama. Mu buryo bumwe na bumwe, kurya amagi bigira akamaro. Igihe ntabwo kiragera ubwo abantu bakwiriye kureka amata n’amagi burundu. Hari imiryango y’abakene itunzwe ahanini no kurya imigati n’amata. Bafite imbuto nke, kandi ntibafite ubushobozi bwo kugura ibinyampeke. Mu kugorora

*iby'imirire, nk'uko bikwiriye kugenda no mu butumwa bwiza, dukwiriye gusanga abantu mu rwego barimo. Kugeza ubwo tuzashobora kubigisha uko bakwiriye gutegura ibyo kurya bitangiriza, bifite intungamubiri, kandi bidahenze, ntabwo turagera ku rwego rwisanzuye ruhanitse rwo gutanga inama zivugurura imirire burundu.*³³

Yatanze inama zivuga ko Imana izatanga ibindi byo kurya abantu basimbuza ibishobora kwangiza umubiri. Ibyo yavuze mu gihe cye byarasohoye. Hatangizwaga ibyo kurya bikomoka ku buhinzi bishya, harimo soya n'ibiyikomokaho, habayeho kwagura ubucuruzi ndetse n'inzira z'ubwikorezi.

*Mu bice byose by'isi, abantu bazafata imigambi izabashoboza kubona ibisimbura amagi n'amata. Kandi Uwiteka azatumenyesha igihe cyo kubireka. Yifuriza bose kumenya ko bafite umubyeyi Data wa twese uri mu ijuru w'ubuntu bwinshi uzabayobora muri byose. Uwiteka azatanga ibyo kurya bikwiriye n'ubumenyi bwo kubitegura mu bice byose by'isi, kandi anabigishe uburyo bakoresha mu gukora ibibabashisha kugira amagara mazima.*³⁴

Igihe kizaza, kandi kirasohoye ubwo ibyo biryo byose bikwiriye kurekwa.

*Vuba bidatinze amavuta y'inka ntazaba yemerewe kuribwa, kandi nyuma y'igihe, amata nayo azarekwa burundu, kubw'indwara ziri mu nyamaswa ziri kurushaho kugenda ziyongera bijyanye n'ubwiyongere bw'ubugome bw'inyoko muntu. Igihe kigiye kuza ubwo abantu bazaba bakoresha amagi, amata, isukari n'amavuta akomoka ku matungo nta mutekano uzaba ubirimo.*³⁵

Muri iki gihe cyacu, ubu buhanuzi burimo burasohora mu buryo bwatunguye abahanga mu bya siyansi ndetse n'abayobozi bakomeye. Yewe na za leta zirimo zihangayikishijwe n'uburyo indwara zirushaho kugenda ziyongera, ziturutse ku byo kurya bikomoka ku matungo. Hari igihe mu Bwongereza, basanze inka zifite uburwayi bw'uburenge. Inkoko n'amagi byarapimwe basanga bikwirakwiza mu bantu udukoko dutera uburwayi bukomoka kuri *Salmonella*, maze bituma leta zishyiraho itegeko ribuza abantu kugurisha amagi adatetse muri za "resitora".

Amajyambere yo gutera intanga amatungo ni kimwe mu byatumye haduka udukoko dutuma ibyo kurya bikomoka ku nyamaswa byangirika. Kwaduka kw'ibyo kurya bihumanye ntabwo bikiri ibyo mu bihugu bikennye bikekwaho isuku nkeya mu byo kurya, ahubwo byamaze kuba gikwira ku isi hose, nk'uko ako kaga k'ibyo kurya bihumanye kagaragaye mu bu Yapani mu mwaka wa 1996.

Ubuhanuzi bwavuzwe na Ellen White ku byerekeye politiki, umuntu ku giti cye, iyobokamana, ubuzima byose byagiye bisohora bityo rero aha yujuje kimwe mu bigenderwaho ko ari umuhanuzi wukuri kuko ibyo yahanuye byarasohoye. Kandi, inama ze ntabwo zibereyeho gusubiza amatsiko ya muntu, ahubwo zibereyeho kugirira akamaro abo mu itorero ndetse n'inyokomuntu yose.

3. Ese yaba yarunguye Itorero?

Amayerekwa yahawe Ellen White yari agamije kuyobora itorero mu kurushaho gusobanukirwa Ijambo ry'Imana, no gukosora amakosa yakozwe n'abantu b'Imana mu gihe cyo hambere. Nk'uko inzadiko za Pawulo zabwiraga abo mu itorero bo mu gihe cye, kandi zikaba zari zirimo amagambo akomeye yo

gucyaha no guhugura abizera, ni nako n'ibihamya by'Umwuka w'Ubuhanuzi bibereheyo guhugura no kuyobora abo mu itorero ryasigaye. Itorero rifite intwari z'urugamba gusa (ari ko gusobanukirwa n'Ijambo ry'Imana by'ukuri ndetse no kwera imbuto ziturutse mu kugirana umushyikirano n'Imana) ni ryo torero ryonyine ryatanga ubutumwa bukiza bw'ubuntu ku batuye isi igiye kurimbuka. NK'uko byari mu gihe cya Pawulo, ubu butumwa yabwiraga itorero kuri benshi bwumvikanye nabi kuko bashimishwaga no gukurikira ibijyanye n'irari ry'abo bityo bakabangamira ukuri.

Umuntu wese wanga mwene Se ni umwicanyi, kandi muzi yuko ari nta mwicanyi ufite ubugingo buhoraho muri we. Iki ni cyo kitumenyesha urukundo icyo ari cyo, ni uko Yesu yatanze ubugingo bwe ku bwacu, natwe ikidukwiriye ni uko twatanga ubugingo bwacu ku bwa bene Data. 1 Yohana 3:15-16

Ellen White yatanze inama yihanangiriza abantu kutirema ibice, kandi atanga inama zifatika ndetse adusaba no kwiga ibihamya by'itorero nk'uko biri.

Hari abantu bazatwara ubutumwa bw'ibinyoma batazaba bafite kwiubaha no gukiranuka. Bazayobya abantu, kandi bazavanga ibihamya bya Ellen White n'ibinyoma byabo, bazifashisha ubwo buhamya, kandi bakoreshe izina rye kugira ngo bemeze abantu ko bari ku murongo. Bazafata bimwe mu bihamya bye kugira ngo babone uko bashyigikira ibinyoma byabo, maze bakabikoresha babigoretse, kugira ngo barusheho guha uburemere amakosa yabo noneho bitume abantu benshi babemera. Bakoresha nabi kandi bakagoreka ibihamya Imana yahaye itorero kugira ngo biburire, bitange inama, bikosore, byungure kandi bitere umwete abo bose bagize umugabane w'abasigaye b'Imana. Abo bose bita ku bihamya nk'ibyatanze n'Imana bazafashwa kandi bazahabwa umugisha; ariko abo batita ku bihamya, kugira ngo bashyigikire imitekerereze yabo, kugira ngo barusheho kwigumira mu makosa yabo, ntabwo bazahabwa umugisha kandi ntabwo bazungukira mu byo bigisha.³⁶

Ibihamya bireba umuntu ku giti cye byagiye byandikirwa abavuye mu kuri, hatagamijwe gutegeka uhubwo bigamije kubahamiriza iby'urukundo rw'Imana. Kandi ubwo butumwa bwanabwiraga abari mu itorero batabonaga umumaro wo kwihutisha ubutumwa ngo abantu batazarimbuka batabwiwe iby'agakiza.

Twabonye ko nta kindi twakorera iza ntama zatatanye ziri hafi yacu keretse tubanje gukosora amakosa ari muri benshi mu bizera bo mu itorero. Batumye abatazi Imana baguma mu rujiro. Nta mutwari babafitiye. Ntabwo ibi bihamya mbyandikiye abakoze ibyaha bikomeye maze bakava mu itorero gusa, ahubwo mbyandikiye n'abizera b'itorero batigeze bagira umuhati wo kujya gushaka iza ntama zazimiye.³⁷

Kuba umwuka w'ubuhanuzi ubereyeho kungura itorero, ntabwo bisobanuye ko ukuri k'umwuka w'ubuhanuzi gukwiriye gufukiranwa ngo kube ubwiru, nk'uko n'inyandiko za Pawulo zitagumye kuba ubwiru ku bo yandikiraga gusa. Isi yose ikeneye kumenya uku kuri nk'ukwavuzwe n'Imana binyuze mu bahanuzi ba yo. Ukuri ni ukw'abantu bose, guhugura no gukosora byo byagenewe itorero.

Hari bamwe bafite imirimo y'ubuyobozi mu itorero batigeze bagirana umushyikirano na Mwuka Wera. Ntibaha agaciro umucyo urimo imiburo, gukosorwa no gutera umwete itorero ryo mu minsi y'imperuka, kubera ko imitima yabo n'imatekerereze yabo bitigeze byakira Mwuka

*w'ubuntu bw'Imana. Aba bantu bahinduka abapfukirana umurimo w'ubutumwa bwa malayika wa gatatu, ntibamenyeko Uwiteka binyuze muri Mwuka w'Ubuhanuzi, yagiye avugana n'abantu be abungura ubwenge bubasobanurira ubushake bwe. Batekereza ko ukuri kuzakirwa niyo ubutumwa bwa marayika wa gatatu butakwigishwa. Ariko ibyo ni ibitekerezo bya kimuntu. Kuba uku kuri kwarahishuriwe abantu kandi kukagaragara neza ko kudaturutse ku muntu bizatuma abantu benshi bizera ko impano za Mwuka zizigaragariza mu itorero mu minsi ya nyuma. Abenshi bazareka irari ryabo, kandi bazatsindwa mu mitima ndetse bahinduke. Abasigaye badahindutse bazatangazwa n'iyi mpinduka izaba yabaye ku bahindutse.*³⁸

Ellen White ntabwo ubwe yigeze yiyita izina ry'umuhanuzikazi, ahubwo yavugaga ko ari umuvugabutumwa w'Imana. Nta nubwo yigeze ahakana abamwitaga umuhanuzikazi. Ibihamya bye ku itorero birabigaragaza, kandi bikwiriye guha umucyo abazakomeza kubaho kugeza ku iherezo ry'ibihe.

Buri muntu wese azabona ibihamya bimureba, naramuka abyemeye bizahindura imibereho ye, ari yo Imana yifuza ko abana bayo bagira. Ellen yaranditse ati:

*Navuze ko ntigeze niyita umuhanuzikazi. Ntabwo nigeze mpagarara imbere y'abantu ngo niyite iri zina, nubwo ariko benshi banyita. Nabwiwe ko nkwiye kujya mvuga ngo ndi 'umuvugabutumwa w'Imana, woherejwe kugira ngo ashyire ubutumwa bwo kwihana ndetse no gutera umwete abicishije bugufi.' Nkoresheje ikaramu n'ijwi, mbereyeho kugira ngo ntange ubutumwa mba nahawe. Ijambo nahawe ni iri ngo, 'mu kwizera ugomba guhugura kandi ukosore abashaka kurandura ukwizera mu bantu b'Imana. Andika ibyo ngiye kuguha, kugira ngo bazabe abahamya b'ukuri mu minsi y'imperuka.'*³⁹

Witegereje imirimo yatangije, Ellen White yarenze kuba umuhanuzi w'itorero gusa.

4. Ese yaba yarereje Kristo nk'Umwana w'ukuri w'Imana?

Yesu Kristo ni we nkingi y'inyandiko zose za Ellen White. Yanditse ibitabo bine bigendereye kuvuga ku mibereho n'inyigisho za Yesu Kristo, kandi igitabo cye ku mibereho ya Kristo cyitwa *Uwifuzwa Ibihe*. Byose ni cyo cyahamijwe nk'igitabo cyanditswe neza kivuga ku mibereho n'imirimo ya Kristo. Inyandiko ze ziganisha abantu kuri Kristo kandi zikabahamagarira kugirana umushyikirano na We nk'uko byakuwe mu gitabo cya Ellen White cyitwa *Guhugura abasore* mu cyigisho kivuga ngo: “Mbese uragura ubutunzi?”

Yesu Kristo, Umugaba w'Ijuru, wabaye umuntu ku bwacu. Yari Umwigisha utunganye woherejwe n'Imana, ni we mpano y'agaciro yatanze n'Imana. Yari atunganye kurusha abana b'abantu, ariko iyo mpano y'ubwiza yari ihishwe mu muntu w'umukene kandi w'umunyamibabaro. Yiyambuye icyubahiro cye kugira ngo yisanishe n'abantu, kandi akagaciro ntagereranywa ntikabashije kumenywa n'abana b'abantu, “ariko ku bamwemeye bose, yabahaye ubushobozi bwo kwitwa abana b'Imana, no ku bizera izina rye: ari bo bavutse, atari ku bw'amaraso, cyangwa ku mubiri, cyangwa se ku bushake bw'umuntu, ahubwo ku bw'ubushake bw'Imana.” Umuntu wakira Kristo, umuntu wakira ubutunzi bw'agakiza, yamaze kubona ubutaka bw'igiciro

cyinshi ndetse n'izahabu ihishwe. "Jambo yambaye umubiri maze abana natwe (kandi twabonye ubwiza bwe, ubwiza bw'Umwana w'ikinege w'Imana) yuzuye ubuntu n'ukuri... kandi twamwakiriye mu mwuzuro we, ndetse bwabaye ubuntu bugeretse ku bundi." Ubutunzi bwari buhishwe mu mwambaro w'ubumuntu. Kristo ni we butunzi ntagereranywa, kandi ubonye Kristo, aba abonye Ijuru. Umuntu uhanga amaso Yesu, maze akabaho mu kwizera kumaramaje, aba abonye ubutunzi bw'iteka ryose. Mu mugani, uwabonye ubutunzi agaragazwa nk'uwanyuzwe n'icyo yari amaze kubona kuko byatumye ajya kugurisha ibye byose kugira ngo ajye kugura ubwo butaka bwari buhishwemo ubutunzi.

Mu magambo akurikira, Ellen White asobanura ugukuzwa umushyikirano ugirana na Kristo kandi uko twakongera kuba abana b'Imana n'abakozi b'Imana binyuze mu buntu bwa Kristo.

Imibereho yose ya gikristo ituruka muri Yesu Kristo. 'abamwemeye bose, bakemera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana.' Yohana 1:12 arikose ni uwuhe musaruro uturuka mu kuba umwana w'ukuri w'Imana? Umusaruro ni uko duhinduka abakorana n'Imana umurimo. Hari umurimo ukomeye ukwiriye gukorwa kugira ngo ukire wowe ubwawe, kandi no kugira ngo ugarure abandi ubakure mu kutizera bagere ku mibereho ihamye ituruka mu kwizera Yesu Kristo. 'Ni ukuri, ni ukuri ndababwira yuko, Unyizera (ese ubwo ni ukwizera kw'igice? – Oya, ahubwo ni ukwizera guhamye kandi guterwa n'urukundo ndetse kukeza umutima) afite ubugingo buhoraho. Ni Njye mutsima w'ubugingo...' Ni Jye mutsima w'ubugingo wamanutse uturuka mu ijuru; umuntu narya uyu mutsima, azabaho by'iteka ryose, kandi umutsima nzamuha ni umubiri wanjye, kuko ari wo nzatanga kubw'ubugingo bw'abari mu isi... keretse uriye umubiri gusa w'Umwana w'umuntu, ukanywa n'amaraso ye, nibwo uzabona ubugingo muri wowe. Umuntu wese urya umubiri wanjye, akanywa n'amaraso yanjye, ni we ufite ubugingo buhoraho, kandi nanjye nzamuzura ku muni w'amateka.⁴⁰

Inyandiko za Ellen White zituyobora mu kugirana umushyikirano na Kristo mu buryo bukwiriye. Hari abemera ko kumenya Kristo bihagije kugira ngo umuntu akizwe. Kristo yaje gukiza abazimiye, kandi yaje gusubiza abantu ishusho y'Imana. Umuntu ntabwo yakwemera gutsindishirizwa ngo maze ahakane kwezwa, kandi byose bitangwa nk'impano ituruka ku Mana binyuze mu gitambo cya Yesu Kristo. Ellen White yaranditse ati:

Muri iki gihe, Ijambo ry'Imana ntabwo ryitaweho. Ijambo rya Kristo, risenya ibyo umuntu yibwira, rigaciraho iteka imibereho yagizwe ikirangirire n'abantu benshi n'ibikorwa byabo, -- Jambo wari wambaye umubiri maze akabana natwe, -- ntabwo yitaweho kandi arasuzugurwa. Inyigisho ndetse n'urugero rwa Kristo ntabwo bigaragara mu bitwa ko bamukurikiye. Abenshi mu bafite izina rya Kristo bagendera mu mucyo bimurikira, aho kugira ngo bakurikire intambwe z'Umwigisha biyitirira. Ntabwo bagaragaza imibereho Kristo yagaragaje mu kwera kwe, mu gukunda Imana ndetse no gukunda abantu b'abanyabyaha. Ntabwo bafatira Imana ku Ijambo rya yo, ngo bagaragaze inyungu bagize mu kubana na Yesu Kristo. Ntabwo bagira imibereho yo gushyikirana na Yesu, ngo bavugane na we nk'umuyobozi ndetse n'umujoyanama, kugira ngo abageze ku kubaho imibereho ikwiriye ya gikristo. Kuri abo bose bumva bakanashyira mu bikorwa amagambo ya Kristo, imibereho yabo igaragariramo ugukora kwa Mwuka Wera. Umusaruro ugaragara inyuma uterwa no kuba bafite Mwuka Wera muri bo imbere. Ubugingo bw'abakristo buhishanywe na Kristo mu Mana, kandi Imana izi abo bose bayihisemo, maze

ikabahamya ngo, “muri abahamya banjye”. Bahamya iyo mbaraga itunganye ko yahinduye imitima yabo n’imibereho yabo. Imirimo yabo ni igihamya cy’uko Mwuka Wera akorera mu mitima yabo; abagendana nabo bahamya ko abo bantu babana na Kristo.⁴¹

Mu nyandiko za Ellen White, Kristo agaragazwa nk’Umucunguzi wacu, kandi ko dushobora gukizwa binyuze muri we gusa:

Umucunguzi w’isi yababajwe uko twagombaga kubabazwa, kugira ngo tuzabeho uko yagombaga kubaho. Yaje mu isi yacu maze yishyiraho ibyaha byacu, kugira ngo tuzabone ugukiranuka Kwe. Yaciriweho iteka kubw’ibyaha byacu, kandi nta cyaha we yakozwe, kugira ngo tuzatsindishirizwe no gukiranuka kwe, nta ruhare twabigizemo. Umucunguzi w’isi yaratwitangiye. Ese yari nde? – yari Umutware w’ijuru, wamennye amaraso ye ku gicaniro cy’ubutabera kubw’ibyaha bya muntu. Dukwiriye kumenya isano yacu na Kristo. Dukwiriye kwizera Imana byukuri, maze tukayisaba kuduha ibikwiriye. Uwiteka atwongera umwete iyo tumwiringiye; iyo twumviye ibyo Kristo adusaba tugirana ubumwe na we kandi tukagaragaza ko tumukunda. Niba ukunda Yesu Kristo, uzakora ibyo agutegeka nk’ikimenyetso cy’uko ufite imibereho ya Kristo mu mutima. Iri ni ryo yobokamana nyakuri. Kubwo guha agaciro ikiguzi cyatanzwe ku bwawe, uzagenda wumva urushaho kugenda ukunda Yesu binyuze mu kumvira amategeko ye. Ukwiriye kwera imbuto zituruka mu kumvira amategeko ye, kubera ko uri ishami riri ku Muzabibu. Ni isengesho rya Kristo ko amahoro ye aguma muri mwe kandi amahoro yanyu akaba yuzuye.⁴²

Mu kuri Ellen White yerereje Yesu Kristo nk’Umwana w’Imana.

5. *Ese Ellen White yaba yaravuganye ubutware?*

Ellen White yari afite uburyo arwanamo intambara y’abashakaga gukoresha nabi inyandiko ze cyangwa se kuzitesha agaciro. Yahuye n’ikibazo gikomeye bwa mbere ubwo yari muto kandi afite intege nke nk’umwana w’umuntu, nta handi hantu yari gukura ubutware uretse mu gutabarwa n’Imana. Imana itoranya abanyantegere nke kurusha abandi kugira ngo hatagira uwirata gukomera. Ubutware Ellen yari afite bwari ubutware bw’Imana. Ijambo ry’Imana ni ryo ryamubereye nk’inkota ityaye rikagira ubutware, si intumwa ubwayo. Hatariho ubu butware, inkingi zigize ukwizera kw’abategereje zari kuba zaramaze guseniyuka kera, ariko zishikamishijwe n’Ijambo ry’Imana kandi zizaguma guhama kugeza ku iherezo ry’ibihe. Ellen White yaranditse ati:

Nategetswe kubwira abo bose bashakaga gusenya urufatiro rutuma twitwa Abadiventiste b’umunsi wa Karindwi ko turi ubwoko bwumvira amategeko y’Imana. Mu myaka 50 ishize buri buyobe bwose bwagiye bugerageza kutwinjirana, kugira ngo bukure ibitekerezo byacu ku nyigisho za Bibliya – cyane cyane ku murimo w’ubuhuza Kristo akorera mu buturo bwera bwo mu ijuru, no kudukura ku butumwa bw’ijuru bwo mu minsi y’imperuka, nk’uko bwatanzwe n’abamarayika mu gice cya 14 cy’Ibyahishuwe. Buri buyobe bwose bw’inyigisho z’ibinyoma bwagiye bugerageza gushaka kwinjira ngo busenye umurimo ukomeye w’Imana yashyize mu itorero ry’abadiventiste b’umunsi wa karindwi. Ariko inzira zatumye tuba abo turi bo, zirahamye, kandi zizaguma gushikama, nk’uko Imana yabigaragaje mu Ijambo rya yo no mu bihamya

*by'Umwuka wa yo. Imana Iraduhamagarira kugira ukwizera gushikamye, ndetse no kuguma ku mahame shingiro yashyizweho n'ubutware **butagishwa impaka.***⁴³

6. **Ese Ellen yaba yareze imbuto nziza?**

Ubuzima ndetse n'akazi bya Ellen White byari byareguriwe umurimo w'Imana. Mu murimo we wo kwandika, mu mizingo 55, harimo imbuto zo kumenyesha abantu no kubakundisha Yesu. Mu nyandiko ze zirenga ibihumbi yandikira abantu batandukanye, yavugaga ukuri mu rukundo naho yaba yaratangaga ubutumwa bwo gucyaha. Yagiye aha abandi agaciro kandi akabaho imibereho ihwanye n'ibyo yabwirizaga. Nk'uko bigaragara mu gitabo cye cyitwa *Education (Uburezi)*:

*Imico mbonera yarangiritse kubw'icyaha. Imbaraga za muntu zacitse intege, ubushobozi bwe bwo gutekereza bwaragwabijwe, amaso ye ya mwuka yarahumye. Umuntu yageze ubwo aba akwiriye urupfu. Inyokomuntu yose yarisigaye nta byiringiro ifite. Ku bw'urukundo n'imbabazi inama y'agakiza yarahishuwe, maze habaho igihe cy'imbabazi. Kugira ngo umuntu asubizwemo ishusho y'Umuremyi, kugira ngo umuntu asubizwemo imico y'ubutungane yari yararemanywe, kandi asubirane imbaraga z'umubiri, iz'ibitekerezo n'iz'umutima, maze impamvu yatumye irema ribaho igerweho – uwo ni wo wari umurimo wo gucungura. **Iyi ni yo ntego y'uburezi, ni yo ntego nyamukuru y'ubuzima.***⁴⁴

Ellen White ntabwo yari umuvugabutumwa gusa w'ahantu hamwe, ahubwo yari n'umumisiyoneri. Yagiye atangiza umurimo ahantu hatandukanye hiry aho hino ku isi kandi yagiye ashishikariza buri wese kugira ngo agire uruhare mu murimo ukomeye wo kwamamaza ubutumwa bwiza:

*Kristo yarabambwe – bivuge, bisenge, biririmbe, bizatsinda imitima maze biyigarurire. Iyi ni imbaraga y'Imana n'ubwenge bwa yo kugira ngo Imana Igarure imitima kuri Kristo... urukundo rutarondoreka rw'Imana mu mitima y'abakozi bayo ruzasobanukira abazaba bari kubwirizwa ubutumwa bwiza. Imitima y'abantu yaguye umwuma ikeneye amazi y'ubugingo. Ntukwiriye kuba ikibindi kirimo ubusa. Niba ubagaragariza urukundo rwa Kristo, uzayobora abafite inyota n'abashonje kuri Kristo, maze abahe umutsima w'ubugingo n'amazi y'agakiza.*⁴⁵

Uyu muni itorero ry'abadiventiste b'umunsi wa karindwi ni ryo torero ryonyine rya giporotestanti ryakwirakwiye mu isi. Ritera inkunga amashuri arenga 5.000, n'ibindi bigo by'amashuri ya kaminuza arenga 350 mu isi. Ni itorero ryashyizeho umurimo w'ubuvuzi mu isi ritanga amafunguro yuzuye intungamubiri kuri miliyoni nyinshi z'abaturage kandi rifasha ibitaro birenga 200 mu mugi itandukanye n'ahandi hantu hakeneye ubufasha. Kandi iri torero rifite ikigega cyo gufasha kuri ku isi yose cyitwa ADRA cyagize uruhare rukomeye mu gufasha abantu bari ahantu habaye ibiiza n'intambara.

Ibyo bintu byose byagezweho mu gihe kigufi ntabwo byari gushoboka iyo hatabaho inama zatanze na Ellen White. Izi zose ni imbuto z'imirimo ye. Imibereho y'imirimo ya Ellen Gould White yarangiye ku itariki ya 16/7/1915 ubwo yari amaze kugeza ku myaka 87. Yahambwe iruhande rw'umugabo we ahitwa Oak Hill Cemetery muri Battle Creek, Michigan. Nyuma gato y'urupfu rwe, ikinyamakuru cyitwa *The New York Independent* cyanditse inkuru ivuga itya:

Ntabwo yigeze agira ubwibone mu bya Mwuka kandi ntiyigeze yandavura mu bijyanye n'ubukungu. Yabayeho kandi akora imirimo y'umuhanuzikazi ufite agaciro, ni umwe mu bantu bakomeye bageze ku ntego y'intsinzi y'Abanyamerika.⁴⁶

Ibinyamakuru byagiye byandika ku rupfu rwa Ellen White bivuga biti:

Imibereho ya Madamu White ni urugero rukomeye abantu bose bakwiriye kwigiraho... yicishaga bugufi, yari umwigishwa uhoraho wa Kristo kandi iteka ryose yakoraga ibikorwa byiza... yari yubashywe n'abantu bose bashobora guha agaciro umubyeyi, ubuzima bwe nti bwabayemo kwikunda yaranzwe no gukora imirimo yo gufasha abandi. Urupfu rwe rukwiye gutuma habaho undi muyobozi w'iyobokamana umeze nkawe yabayeho imyaka ikabakaba 90 kuko we yari yuzuye ibikorwa byiza, amagambo meza, ndetse no gusengera abantu bose.⁴⁷

Uretse kuba ibikorwa bya Madamu White byaranditswe kera cyane mbere y'uko haza ubuvuzi bwa kijyambere bukomeye mur'iki gihe, inyandiko ze zerekeye imirire zifite akamaro kenshi cyane mu kuyobora abantu bo muri iki gihe.⁴⁸

7. Ese Ellen White yaba yaragaragaje ibimenyetso byo ku mubiri?

Ibimenyetso byo ku mubiri biranga umuhanuzi w'ukuri w'Imana biratangaje, ku buryo byasobanurwa n'imbaraga zirenze iza muntu. Abahanuzi b'ibinyoma bagiye bazanira ibyago abantu b'Imana ndetse n'isi yose muri rusange. Abahanuzi b'ukuri b'Imana bagiye batotezwa, bakarenganywa, ndetse bakanicwa mu buryo buteye ubwoba. Abahanuzi b'ibinyoma bo ku rundi ruhande, bagiye bavuga ubutumwa bunezeza abantu bwo kubizeza ubukungu cyangwa se kubaha amasezerano y'agakiza k'ubuzima bwo mu isi bakakarutisha agakiza kabonerwa muri Kristo no kumvira amategeko Ye. Ubwibone no kwikunda ni zo mbogamizi ebyiri zibangamira inyokomuntu kwakira impano y'ubuntu y'agakiza.

Imana mu bwenge bwayo yabonye ko ari ingenzi guha ibimenyetso by'umubiri abahanuzi b'ukuri, kuko ibyo bimenyetso byo bitashobora kwiganwa. Ibyo bimenyetso byose hamwe ndetse n'ibindi bisabwa byose ni ibyerekanwa ko umuhanuzi ari uw'ukuri, umuhanuzi ubyujije byose ni we ukwiriye kwemerwa nk'umuhanuzi w'ukuri.

Ibimenyetso byo ku mubiri bigomba kuranga umuhanuzi uri mu iyerekwa nk'uko twabibonye mu cyigisho gishize n'ibi bikurikira:

1. Umuhanuzi agwa hasi acitse intege
2. Umuhanuzi ahabwa imbaraga n'Imana maze agahagurutswa
3. Amaso y'umuhanuzi agomba kuba areba mu gihe ari mu iyerekwa
4. Umuhanuzi ntabwo ahumeka mu gihe ari mu iyerekwa

Kuri Ellen White, Imana yashatse kugaragaza ko ari umuhanuzi w'ukuri maze imuhera iyerekwa mu ruhamwe. Kuva yatangira umurimo we w'ivugabutumwa, yagiye akunda kugira amayerekwa ari mu

materaniro y’abantu benshi harimo abantu b’abahakanyi n’abaganga bagiye bamugenzura mu gihe yabaga ari mu iyerekwa. Abahamya babyireberaga bahamije ko Ellen G. White yujuje ibimenyetso byose bisabwa na Bibiliya by’umuntu uri mu iyerekwa. Nyuma byarushijeho kwamamara cyane, mu myaka ye ya nyuma, yagiye ahabwa amayerekwa menshi “mu gihe cy’ijoro”, nk’uko byagiye bigendekera umuhanuzi Daniyeli (Daniyeli 7:12).

Mbere y’uko abaganga bamugenzura, abantu benshi bagiye bandika uko bagiye babona Ellen ari mu iyerekwa. J.N. Loughborough, wabonye Ellen ari mu iyerekwa inshuro zirenze 50, yaranditse ati:

*Ubwo yajyaga mu iyerekwa, yateraga hejuru gatatu avuga ngo “Icyubahiro!” maze ijwi rye rikirangira, ariko ubwa gatatu rikirangira cyane kurusha ubwa mbere. Ijwi rye ryavugaga nk’iry’umuntu uvugira kure, rikagenda riceceka buhoro buhoro. **Nko mu masegonda ane cyangwa atanu yamanukaga gahoro nk’umuntu ucitse intege, cyangwa se ubuze imbaraga ze; maze nyuma yaho agahita yuzura imbaraga zidasanzwe, ndetse rimwe na rimwe agahita ahagurukira ku birenge bye** ndetse akanagendagenda mu cyumba. Yabaga azunguza amaboko n’ibiganza, abyerekeza iburyo n’ibumoso uko yahindukizaga umutwe. Ibyo bikorwa byose yabikoraga mu buryo butangaje. Uburyo ubwo aribwo bwose amaboko ye n’ibiganza bye byabaga bimeze, ntibyashobokaga ko wakura ikiganza cyangwa ukuboko mu mwanya cyabaga kirimo. **Amaso ye yabaga afunguye, ariko ntahumbye;** umutwe we wari wegutse, kandi yabaga areba hejuru, atarakaye, ahubwo yabaga akeye mu maso, igitangaje ni uko yasaga n’ureba ahantu ha kure cyane. Ntiyigeze ahumeka, kandi umutima we warateraga. Yasaga neza, kandi isura ye yari idasanzwe.⁴⁹*

Ibigenderwaho mu Byanditswe Byera byose uko ari bine, nk’uko bikurikirana hano bihamywa n’umutangabuhamya wamwiboneye. Undi mutangabuhamya wamubonye ni (Nellie Sisley Starr) agaragaza ibyabaye kuri Ellen White ubwo yari mu iyerekwa ku itariki ya 12/6/1868 mu iteraniro ryo gusenga ryaberaga i Battle Creek. Avuga kuri Ellen White, yasobanuye uko byamugendekeye muri ubu buryo:

Yaragendagenda kandi akatuvugisha, maze ubwo yagendaga, yahise agwa hasi ku buryo bworoheje. Yamanutse buhoro buhoro nkaho afashwe n’ikiganza cya Marayika... twaketse ko ataye ubwenge, ariko umuvandimwe White aravuga ngo “ntimwishuke. Ntabwo yataye ubwenge, ahubwo yagiye mu iyerekwa.” Nifuzaba kuba nakwandika ibyiyumviro twagize muri icyo gihe. Twahise duceceka; yewe n’abana bato nta wasakuje... byasaga n’aho ijuru ryatumanukiye... Mushiki wacu White yamanutse buhoro buhoro atuje kandi asa naho atumva. Oooh mbega ibyiyumviro twagize muri icyo nzu. Umuvandimwe White yaravuze ngo, “hashobora kuboneka bamwe mu bari mu iteraniro bashobora gukekeranya ku byerekeye iyerekwa ry’umugore wanjye. Niba hari abahari twanzezewa n’uko baza imbere maze bakagerageza ibigaragara ku mubiri we nk’uko bitangwa na Bibiliya. Bishobora gufasha bamwe muri mwe.” Nari nzi neza ko Mama wanjye yarafite gushidikanya. Twari tuvuye mu itorero ry’itwa Church of England. Mama wanjye ntabwo yashoboraga kubisobanukirwa, maze ndavugaga nti, “Mama, reka tugende maze twegere umutwe wa Ellen White” muri ako kanya, umuvandimwe White yari apfukamye hasi, maze azamurira umutwe wa mushiki wacu White maze aramuhagurutsa. Abandi bahise baza kureba, kandi harimo abagabo babiri badasanzwe. Bari bahagaze ku mpande baringaniye n’intugu zombi za Ellen White. Maze mwenedata White aravugaga ngo, “twese

twabonye mushiki wacu White agwa hasi; turabizi ko yahise acika intege. Kandi ubu turabibona ko yahawe izindi mbaraga zidasanzwe.” Yari yaryamye hasi ashyize ikiganza cye ku gituza. Kandi yari araramye ari kureba hejuru mu gisenge cy’inyubako. **Amaso ye yari afunguye, ndetse afite ishusho ikeye cyane.** Nta kintu kidasanzwe yari afite. **Umuvandimwe White maze abwira abo bagabo basanzwe ati, “mwigize hirya ibiganza bye. Mufite ibiganza bibiri we afite kimwe mu gituza cye. Mwigize hirya ikiganza cye gusa.” Baragerageje. Baramukuruye barongera baramukurura maze bamwe muri twe dukeka ko bari buze kumubabaza. Umuvandimwe White yaravuze ngo, “turanyuzwe noneho. Ntabwo dukeneye kongera gukurura.” Maze aravuga ngo, “zamura urutoki rumwe byibura.” Ntibyashobokaga. Ntacyo bashoboraga kumuhinduraho ari mu iyerekwa yewe no kuba bazunguza urutoki rwe. Byasaga naho yabaye igiti. Urebesheje amaso wabonaga ntacyo yahindutseho, ariko ntiyashoboraga kuva aho ari. Twararebye ngo tugenze niba amaso ye afunze kandi ngo turebe niba yari arimo ahumeka. Maze yimura ikiganza cye atangira kukizunguza. Turavuga tuti, “turi buze kureba ubwo aza kuba avuye mu iyerekwa niba yagurukaga.” Umuvandimwe White yabwiye abo bagabo ngo, “noneho nimumufate.” Ntekereza ko baketse ko babishobora kumufata. Bagerageje guhagarika ukuboko yazunguzaga, ariko ntibabishobora. Byasaga naho n’umwana yashoboraga kumuhagarika, ariko yakomeje kuzunguza ukuboko. Umuyobozi White yaravuze ati, “noneho tunyuzwe n’ibyo. **Noneho twareba niba amaso ye aribuhumbye.” Hari amatara atanga urumuri rwinshi yari amuzengurutse. Maze bashyiramo itara rimurika baryegereza amaso ye. Twakekaga ko ashobora guhumbya kugira ngo yirinde urwo rumuri. Ariko ntiyigeze ahumbya.** Mu byagaragaraga yasaga n’uwataye ubwenge. Ishusho ye yahise ihinduka muri ako kanya. Akenshi yabaga asa nunezerewe. Mu kandi kanya ukabona asa n’ufite agahinda, ariko amaso ye ntahumbye. Umuvandimwe White yaravuze ati, **Reka tureba niba yaba ari guhumeka. Ntabwo yahumekaga. Ibintu byose byari bimeze neza, kandi ntiyahumekaga. Umuvandimwe White yaravuze ati, “turamwegereza indorerwamo, kugira ngo tumugerageze.” Maze umuntu umwe aragenda azana indorerwamo, ayegereza mu maso ya Ellen White, ariko nta cyuya cyigeze kiyizaho. Bigaragaza ko atahumekaga.**⁵⁰**

Ni ingenzi nanone kwibuka ko iri gerageza ryose yakorewe ryahuzaga n’ibyo byanditswe bisaba. Ellen White yari afite abantu benshi biteguye kumurwanya. Maze rimwe mu gihe nk’icyo ahita ayanwa mu iyerekwa ahari hateraniye abantu barwanya amayerewe ye. Maze abamurwanyaga batera hejuru amajwi yabo, batangira kuvuga amasomo yo muri Bibiliya yo kumugenze maze bagerageza byose kugira ngo bamushake ho ikosa, ariko Ellen we yakomeje kuvuga guhera ku manywa y’ihangu kugeza izuba rirenze kandi ijwi rye ryarirangiraga kurusha iry’abamurwanyaga kugeza ubwo bagezaho bacika intege baraceceka. Maze umunsi umwe bamushyira Bibiliya iremereye mu kiganza maze atangira kuvuga ibyanditwe muri Bibiliya kandi yarebaga hejuru noneho ukundi kuboko kukajya kurambura ku masomo arimo aravugaga kandi akayavugaga atayasomye atanayarebye. Otis Nichols, umuhanga wamwibonye ari muri iryo teraniro, abivugaga muri aya magambo:

Hanyuma Thayer yahise afata Bibiliya nini y’umuryango yari iri kumeza maze arayifungura, ayiramburira mu gituza cya Ellen ubwo yari ari mu iyerekwa, ubwo yari aramye mu cyumba. Ako kanya Bibiliya ikimara kumuramburirwaho, yahise ahaguruka maze atangira kugendagenda muri icyo cyumba, maze afata icyo Bibiliya mu kiganza agenda ayishyize hejuru, kandi amaso ye yari atumbiriye mu ijuru, maze arangurura ijwi ati “Ibi ni ibihamya byatanze

n'Imana" yongeraho n'andi magambo yo kurihamya, kandi akomeza cyane kuvuga amagambo nkayo, ubwo Bibiliya yari iri mu kiganza kimwe amaso ye yari atumbiriye mu ijuru ntabwo yarebaga kuri Bibiliya, noneho atangira kurambura Bibiliya akoresheje ikindi kiganza aho akoze agahita avuga amagambo ahanditse kandi atayasomye. Abenshi mu bari bateraniye aho bahitaga bareba kuri ayo masomo yabaga yakojejeho intoki kugira ngo barebe niba uko yayavuze ariko yanditse koko, kuko amaso ye yabaga atumbiriye mu ijuru ubwo yabaga ari kuvuga ayo masomo. Amwe mu masomo yavugaga yabaga yerekeye urubanza ruzacirwa abanyabyaha n'abatuka Imana; andi masomo yabaga ari inama zigendereye iki gihe turimo. Yakomeje kuvuga ayo masomo agahera nyuma ya saa sita akageza izuba rirenze akabona kuva mu iyerekwa.⁵¹

Mu gusoza, ni ingezi cyane kumenya ibihamya by'icyo abaganga bagenzuye Ellen White bamuvuzeho kuberekeye uko yabaga ameze ari mu iyerekwa. Aha turaza kuvuga ku bihamya bibiri gusa. Ubwa mbere ni igihe yari kuri Konferansi mu kwezi kwa gatandatu mu mwaka wa 1854 aho abayobozi b'itorero baturutse hirya no hino bari bateraniye hamwe, kandi ubwa kabiri ni igihe yari ari mu nama ya konferansi yabereye ahitwa Hillsdale muri Michigan, ahari hateraniye abantu benshi cyane naho. Mu nama ya mbere, Ellen White yagiye mu iyerekwa ku itariki ya 26/6/1854 maze David Seeley, ahamya ibyo yabonye muri aya magambo:

Nari nibereye muri icyo nama kandi mpanya igerageza ryakozwe. Nemeranya n'ibavuzwe n'umuvandimwe Lamson n'umugore we, ko Ellen yakorewe igeragezwa na Dogiteri Fleming n'undi musore w'umuganga. Nyuma y'uko Madamu White ahagurutse avuga amasomo yo muri Bibiliya, Dogiteri Fleming yatumijeho urumuri rwaka,... maze arwegereza ku munwa wa Madamu White kugira ngo agerageze niba yaba arimo arahumeka. Ariko basanze nta mwuka na muke wasohokaga. Maze Dogiteri avuga ashimangira ati: "ibi ni ukuri, nta mwuka uri kuva mu mubiri we."⁵²

Mu nama ya kabiri, James White yahamagaye umudogiteri kugira ngo agerageze umugore we ari mu iyerekwa. Muri ako kanya, Dogiteri Lord yari ari mu iteraniro maze nawe asanga Madamu White atari guhumeka muri ako kanya. Hari ibihamya bibiri byerekeye iki gihe. Kimwe ni icya Fowler n'umufasha we babihamije muri ubu buryo:

Twari tuhibereye ubwo mushiki wacu Ellen G. White yagiraga iyerekwa mu nzu yitwa Waldron's Hall muri Hillsale. Dogiteri Lord yamukoreye igeragezwa, maze aravugaga ati: "umutima we urimo uratera, ariko ntabwo ari gusohora umwuka. Ni muzima, ariko ibihaha bye ntibiri gutanga umwuka. Ntabwo namenyako uko mbisobanura."⁵³

Igihamya cya kabiri cyatanzwe na C.S. Cover muri aya magambo:

Nari mpibereye ubwo mushiki wacu White yagiraga iyerekwa ryavuzwe haruguru ryabereye i Waldron's Hall muri Hillsdale. icyiyongera ku magambo yo hejuru, ni uko numvise Dogiteri avugaga uko Ellen White yari ameze muri ako kanya byari birenze ubwenge bwe ngo abisobanure. Maze aravugaga ngo, "hari indi mbaraga idasanzwe imutera kumera gutya."⁵⁴

Ellen White ni we muhanuzi wo mu mateka y'iki gihe wujuje ibisabwa na Bibiliya byemeza ko ari umuhanuzi nyakuri wujuje ibivugwa muri Bibiliya. Yanditse ibihamya by'ukuri kandi ahabwa amabwiriza n'Imana byagombaga kuyobora abantu b'Imana bo mu minsi iheruka. Abakira ayo mabwiriza yose bakayitaho bazasobanukirwa byinshi ku bushake bw'Imana kandi bazayoborwa mu kugirana umushyikirano ukomeye n'Imana. Ellen yaranditse ati:

Abantu bo mu minsi iheruka bahawe umucyo mwinshi cyane. Naba ndiho cyangwa ntariho, inyandiko zanjye zizakomeza kuvuga, kandi umurimo wazo uzakomeza kuja mbere uko ibihe bizarushaho guha ibindi. Inyandiko zanjye ziri hamwe mu biro, kandi nubwo ntashobora kubaho, aya magambo nahawe n'Uwiteka azaguma kubaho kandi azakomeza kubwira abantu. Ariko mu gihe ngifite intege, niringiye gukomeza gukora umurimo. Birashoboka ko nakomeza kubaho kugeza Uwiteka agarutse, ariko niba bitanashobotse, nizera ko nazabwirwa ngo, "uhereye none hahirwa abapfa bapfira mu Mwami wacu. Umwuka na we aravuga ati: Yee, ngo baruhuke imihati yabo, kuko imirimo yabo ijyanye nabo ibakurikiye." Ibyahishuwe 14:13

IBIHAMYA:

- 1 Gerhard Friedrich, *Prophets and Prophecies in the New Testament* Volume 6: 859.
- 2 Arthur L. White, "Prophetic Guidance in Early Days," *Ministry* (1946).
- 3 Ellen G. White, *Letter 3* (1847).
- 4 Ellen G. White, *Manuscript 88a* (1900).
- 5 Arthur White, *Biography of E. G. White* Volume 1.
- 6 Ellen G. White, *The Great Controversy*: 7 http://media2.egwwritings.org/swf/en_GC/index.html
- 7 Ellen G. White, *Colporteur Ministry*: 125. http://media2.egwwritings.org/swf/en_CM/index.html
- 8 Ellen G. White, *Testimonies for the Church* Volume 2: 605-606. http://media2.egwwritings.org/swf/en_2T/index.html
- 9 Ellen G. White, *Selected Messages* Book 1: 18. media2.egwwritings.org/swf/en_1SM/index.html
- 10 Ellen G. White, *Selected Messages* Book 1 (1885): 416; Ellen G. White, *Early Writings*: 78. http://media2.egwwritings.org/swf/en_EW/index.html
- 11 Ellen G. White, *The Review and Herald* (August 11, 1853): 53. <http://text.egwwritings.org/publication.php?pubtype=Periodical&bookCode=RH&lang=en&year=1853&month=August&day=11>

- ¹² Ellen G. White, *Medical Ministry* (1904): 88.
- ¹³ *Westminster Confession* Chapter 1, Article 10.5.
- ¹⁴ Ellen G. White, *Testimonies for the Church* Volume 5: 703.
http://media2.egwwritings.org/swf/en_5T/index.html
- ¹⁵ Ellen G. White, *The Great Controversy*: viii. http://media2.egwwritings.org/swf/en_GC/index.html
- ¹⁶ Ellen G. White, *Selected Messages* Book 2: 48.
- ¹⁷ Ellen G. White, *Early Writings*: 118. http://media2.egwwritings.org/swf/en_EW/index.html
- ¹⁸ Ellen G. White, *Manuscript Releases* Volume 15: 351.
<http://text.egwwritings.org/publicationtoc.php?bookCode=15MR&lang=en&collection=2&section=all>
- ¹⁹ Ellen G. White, “The Unchangeable Law,” *Signs of the Times* (January 25, 1905).
<http://text.egwwritings.org/publication.php?pubtype=Periodical&bookCode=ST&lang=en&collection=2&section=all&QUERY=Signs+of+the+Times+1905&resultId=2&year=1905&month=January&day=25>
- ²⁰ Ellen G. White, *Selected Messages* Book 1: 371.
- ²¹ Ellen G. White, “Prayer and Watchfulness in the Conflict,” *Signs of the Times* (April 4, 1895).
<http://text.egwwritings.org/publication.php?pubtype=Periodical&bookCode=ST&lang=en&collection=2&section=all&QUERY=Signs+of+the+Times+1895&resultId=13&year=1895&month=April&day=4>
- ²² Ellen G. White, *Fundamentals of Christian Education*: 287-288.
<http://text.egwwritings.org/publication.php?pubtype=Book&bookCode=FE&lang=en&collection=2&section=all&pagenumber=287&>
- ²³ Ellen G. White, *Evangelism*: 403-404. <http://www.gilead.net/egw/books/misc/Evangelism/index.htm>
- ²⁴ Ellen G. White, “The Danger of Skepticism in our Youth,” *Signs of the Times* (April 21, 1890).
<http://text.egwwritings.org/publication.php?pubtype=Periodical&bookCode=ST&lang=en&collection=2&section=all&QUERY=signs+of+the+times+1890&resultId=18&year=1890&month=April&day=21>
- ²⁵ Ellen G. White, *The Review and Herald* (February 11, 1906).
- ²⁶ Ellen G. White, *Temperance*: 57.
www.gilead.net/egw/books/misc/Temperance/5_Tobacco.htm

- ²⁷Ellen G. White, *Testimonies of the Church* Volume 5: 439-440. <http://text.egwwritings.org/publication.php?pubtype=Book&bookCode=5T&>
- ²⁸Ellen G. White, *Manuscript Releases* Volume 3: 115. <http://text.egwwritings.org/publication.php?pubtype=Book&bookCode=3MR&lang=en&collection=2&section=all&pagenumber=115&>
- ²⁹Ellen G. White, *Health Reformer* (October 1, 1877).
- ³⁰Ellen G. White, *Counsel for Diet and Foods*: 338. <http://text.egwwritings.org/publication.php?pubtype=Book&bookCode=CD&lang=en&pagenumber=388>
- ³¹W. J. Veith, *Diet and Health: New Scientific Perspectives* (Cape Town: Southern Publishing Association, 1993).
- ³²Ellen G. White, *Counsel for Diet and Foods*: 359. http://media2.egwwritings.org/swf/en_CD/index.html
- ³³Ellen G. White, *Counsel for Diet and Foods*: 351. http://media2.egwwritings.org/swf/en_CD/index.html
- ³⁴Ellen G. White, *Counsel for Diet and Foods*: 359. http://media2.egwwritings.org/swf/en_CD/index.html
- ³⁵Ellen G. White, "Letter 14," *Manuscript Releases* Volume 8 (1901): 3.
- ³⁶Ellen G. White, *Testimonies to Ministers and Gospel Workers* (1923): 42-43. http://media2.egwwritings.org/swf/en_TM/index.html
- ³⁷Ellen G. White, *Testimonies of the Church* Volume 2. http://media2.egwwritings.org/swf/en_2T/index.html
- ³⁸Ellen G. White, *The Ellen G. White 1888 Materials*: 808. <http://www.reocities.com/xbenson1888/EGW1888/Materials06/Article03.html>
- ³⁹Ellen G. White, *The Review and Herald* (January 26, 1906).
- ⁴⁰Ellen G. White, *Selected Messages* Book 1: 127. http://media2.egwwritings.org/swf/en_1SM/index.html
- ⁴¹Ellen G. White, *The Review and Herald* (May 12, 1896).
- ⁴²Ellen G. White, *The Review and Herald* (March 21, 1893).
- ⁴³Ellen G. White, *Manuscript Releases* Volume 4: 246.
- ⁴⁴Ellen G. White, *Education*: 15-16. http://media2.egwwritings.org/swf/en_Ed/index.html

⁴⁵Ellen G. White, *Review and Herald* (June 2, 1903).

⁴⁶*The New York Independent* (August 23, 1915).

⁴⁷*Star* (St. Helena, CA: July 23, 1915).

⁴⁸Clive M. McCay, "A Nutrition Authority Discusses Mrs. E.G. White," *Review and Herald* (February 26, 1959): 10.

⁴⁹J. N. Loughborough's Eyewitness Account. <http://www.whiteestate.org/issues/eyewitns.html>

⁵⁰*Biography of E. G. White* Volume 2: 232-233.

⁵¹*Biography of E. G. White* Volume 1: 104.

⁵²*Biography of E. G. White* Volume 1: 303.

⁵³*Biography of E. G. White* Volume 1: 351.

⁵⁴*Biography of E. G. White* Volume 1: 351-352.

⁵⁵Ellen G. White, *Selected Messages*: 55-56.

IGICE CYA 16:KWIZIHA UMUZUKO WA KRISTO

Ese ni iki nakora mu gihe maze gusobanukirwa n'ukuri kandi nkaba nifuza kubaho imibereho Imana Ishaka? Kuko Yesu ari we nzira, ukuri n'ubugingo, nta kabuza ko ibikorwa byanjye bigomba kugendera mu bushake bwe nkuko yabudahishuriye. Ibyanditswe byera ni byo muyobozi wacu, kandi binyuze muri byo dushobora kwiga gushinga ikirenge mu cya Yesu. Inshingano y'ingenzi cyane kurusha izindi mu zahawe umwana w'umuntu ni iyo kujya kubwiriza ubutumwa bwiza ku batuye isi.

...Mujye mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bese ubutumwa bwiza. Uwizera akabatizwa azakizwa, ariko utizera azacirwaho iteka. Mariko 16:15-16

Amagambo yavuzwe ku murongo wa 16 afite agaciro gahambaye ku batuye iyi si yazimiye.

Uwizera akabatizwa azakizwa.

Ntibihagije kwizera ubutumwa bwiza gusa. Umuntu akwiye gukora icyo buvuga.

Umuntu wese umbwira ati 'Mwami, Mwami', si we uzinjira mu bwami bwo mu ijuru, keretse ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka. Benshi bazambaza kuri uwo munsu bati 'Mwami, Mwami, ntitwahanuraga mu izina ryawe, ntitwirukanaga abadayimoni mu izina ryawe, ntitwakoraga ibitangaza byinshi mu izina ryawe?' Ni bwo nzaberurira nti 'sinigeze kubamenya, nimumve imbere mwa nkozi z'ibibi mwe.' Matayo 7:21-23

Icyiciro kivugwa muri iri somo riri hejuru ni icyiciro cy'abantu bavugaga ko bafite kwizera Yesu. Babwiriza izina rya Yesu kandi bakanavugaga ko bakoze imirimo myiza mu izina rye, nyamara bakora ibyo gukiranirwa. Ijambo inkoko z'ibibi ryakoreshejwe rikwe mu kigiriki ku jambo "anomía", risobanura ukutagengwa n'amategeko cyangwa se kugomera amategeko, kandi kugomera amategeko ni byo byonyine ibyanditswe byera bitanga nk'ubusobanuro bw'icyaha.

Umuntu wese ukora icyaha, aba agomye, kandi icyaha ni bwo bugome. 1 Yohana 3:4

Ukumvira ni imbuto ituruka ku mushyikirano umuntu agirana n'Imana. Gusobanukirwa n'imico y'Imana, Urukundo rwayo n'uburyo yita kubyo yaremye byose niby'agaciro kenshi niba dushaka gusobanukirwa n'icyo amategeko adusaba. Abantu binjira mu isezerano rishya ryo kugirana umushyikirano n'Imana bazifuza kubahiriza amategeko kuko basobanukiwe ihame ry'urukundo riba mu mategeko. Kumvira biruta urugimbu rw'amapfizi, kandi hari ingororano itangaje ku bumvira amategeko:

Amategeko y'Uwiteka atungana rwose asubiza intege mu bugingo, Ibyo Uwiteka yahamije ni ibyo kwizerwa biha umuswa ubwenge, Amategeko Uwiteka yigishije arabonye anezeza umutima, Ibyo Uwiteka yategetse ntibyanduye bihwejesha amaso. Kubaha Uwiteka ni kwiza guhoraho iteka ryose, amateka y'Uwiteka ni ay'ukuri, ni ayo gukiranuka rwose. Bikwiriye kwifuzwa kuruta izahabu, naho yaba izahabu nziza nyinshi, Biryohereza kuruta ubuki n'umushongi w'ibinyagu utonyanga. Kandi ni byo bihana umugaragu wawe, kubyitondera harimo ingororano ikomeye. Zaburi 19:7-11

Ntibihagije kumenya amategeko mu magambo cyangwa kuyitondera kuko twemera ko ari ukuri (ibi ni ugutwarwa n'amategeko nk'abakizwa na yo). Amategeko akwiriye kumvirwa biturutse mu mutima. bikwiriye kuba ibigize imico yacu – ubwo ni bwo buryo bwonyine tuzabasha kumurika urukundo rwa Kristo ku batuye iyi si yabaye akahebwe.

Nuko umuntu wese wumva ayo magambo yanjye akayakomeza, azaba nk'umunyabwenge wubatse inzu ye ku rutare... Matayo 7:24

Umwizera wese akwiriye kubaho yubahiriza amategeko y'Imana.

...kuko abumva gusa amategeko atari bo bakiranuka ku Mana, ahubwo abayumvira nibo bazatsindishirizwa na yo. Abaroma 2:13

Ubu noneho twongeye gusuzuma amagambo yo muri Mariko 16:16, ubusobanuro bwuzuye bw'ijambo "kubatzwa" buhita busobanuka kurushaho. Umubatizo ni ikimenyetso cy'imibereho ihindutse. Ni ikimenyetso cyo kuvuka ubwa kabiri, igishushanyo cyo gupfa kw'umuntu wa kera ukora ibyaha no kuzuka k'umuntu wahindutse – Umuntu ubaho yubahiriza amategeko y'Imana. Umubatizo ni ikimenyetso cyo kugira imibereho mishya – Uguhinduka k'umuntu wabagaho ari umwanzi w'Imana maze agahinduka akabaho agendera mu bushake bw'Imana.

Kandi ntumwishushanya n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose. Abaroma 12:2

Mbere yo gukorwaho n'ubuntu bw'Imana ndetse no guhindurwa na Mwuka Wera, ntibishoboka ko umuntu yakumvira Imana ngo agendere mu mategeko yayo. Byashoboka ko umuntu yabaho ayakurikiza mu magambo gusa, ariko udafite Kristo ntushobora kumvira Imana.

Kuko umutima wa kamere ari umwanzi w'Imana, kuko utumvira amategeko y'Imana, ndetse ntushobora kuyumvira. Erega burya abari mu butware bwa kamere ntibashobora kunezeza Imana! Abaroma 8:7-8

Mwuka w'Imana ni we udushoboza kubaho imibereho ihuje n'ubushake bw'Imana.

Muri Yohana igice cya 3, Yesu yasobanuriye Nikodemu uburyo bwo kuvuka mu by'umwuka, maze ku murongo wa 5, aravuga ati:

...ni ukuri, ni ukuri, ndakubwira yuko umuntu utabyawe n'amazi n'Umwuka atabasha kwinjira mu bwami bw'Imana. Yohana 3:5

Mwuka ni we ukorera muri twe kugira ngo ahindure kamere yacu yangiritse itumvira ngo ayihinduremo kamere igaragaza imico ya Yesu. Amazi ni ikimenyetso cy'inyuma cyerekana ubushake bw'umuntu bwo kwemera uko guhinduka, maze ubu bushake bukagaragarizwa mu mubatizo. Kumvira Imana biza ari impano iturutse ku Mana. Gutsindishirizwa no kwezwa byombi ni impano twakira kubwo kwizera Umwana w'Imana.

... itabitewe n'imirimo yo gukiranuka twakoze, ahubwo ku bw'imbabazi zayo idukirisha kuhagirwa ari ko kubyarwa ubwa kabiri, ikadukirisha no guhindurwa bashya n'Umwuka Wera. Tito 3:5

Kuhagirwa bisobanuye gutsindishizwa imbere y'Imana kubw'imirimo ya Yesu Kristo. Ariko iri somo, rikomeza rivuga riti:

...no guhindurwa bashya n'Umwuka Wera

Uku ni ukwezwwa. Kwemera ugutsindishirizwa no kwezwwa ni ibintu bijyana. Nta muntu ushobora kwemera kimwe adafite ikindi. Kwanga kwemera ukwezwwa ni ikimenyetso cy'ugutsindishirizwa gupfuye.

Muzabamenyera ku mbuto zabo. Matayo 7:20

Umubatizo ni ikimenyetso cy'inyuma cyerekana ko wemeye isezerano ryo kugirana umushyikirano n'Imana, isezerano rishya iryo Imana yasezeraniye abisirayeli mu by'Umwuka.

Uwiteka aravuga ati "Dore iminsi izaza, nzasezerana isezerano rishya n'inzu ya Isirayeli n'inzu ya Yuda, ridakurikije isezerano nasezeranye na ba sekuruza, ku munsu nabafataga ukuboko nkabakura mu gihugu cya Egiputa. Rya sezerano ryanjye bararyishe nubwo nari umugabo wabo wabirongoreye. Ni ko Uwiteka avuga. Ariko isezerano nzasezerana n'inzu ya Isirayeli hanyuma y'iyi minsi ngiri, ni ko Uwiteka avuga ngo 'Nzashyira amategeko yanjye mu nda yabo kandi mu mitima yabo ni ho nzayandika, nzaba Imana yabo na bo bazaba ubwoko bwanjye.' Yeremiya 31:31-33

Abisirayeli mu by'Umwuka bazubahiriza amategeko, kandi bazayubahiriza biturutse mu mutima. Gutinya Uwiteka ni icyubahiro kiza mu muntu iyo amaze kubona Imana mu bwiza bwayo, iyo amaze guhishurirwa imico y'Imana. Pawulo avuga kuri iri sezerano rishya mu Baheburayo 8:8-10 yabivuze muri aya magambo:

Kuko yavuze ibagaya iti "Dore iminsi igiye kuza, ni ko Uwiteka avuga, Ubwo nzasezerana isezerano rishya n'inzu ya Isirayeli n'inzu ya Yuda, Ridahwanye n'isezerano nasezeranye na ba sekuruza, ku munsu nabafataga ukuboko, Nkabakura mu gihugu cya Egiputa, kuko batagumye mu isezerano ryanjye, nanjye simbiteho. Ni ko Uwiteka avuga. Kuko iri sezerano ari ryo nzasezerana n'inzu ya Isirayeli, Hanyuma y'iyi minsi, ni ko Uwiteka avuga, 'nzashyira amategeko yanjye mu bwenge bwabo, nyandike mu mitima yabo, kandi nzaba Imana yabo, na bo bazaba ubwoko bwanjye.'

Guhuzwa n'umubiri wa Kristo

Umubatizo ni intambwe ikomeye cyane yo guterwa kandi ikwiye gusobanuka mbere y'uko umuntu ayitera. Umubatizo kandi urenze kuba igishushanyo cy'inyuma cyo kubyarwa ubwa kabiri gusa. Ni n'ikimenyetso cy'inyuma kigaragaza ukwinjira mu mubiri wa Kristo, ari ryo torero rye.

Kuko mu Mwuka umwe twese ari mo twabatirijwe kuba umubiri umwe, naho twaba Abayuda cyangwa Abagiriki, naho twaba imbata cyangwa ab'umudendezo. Kandi twese twujijwe n'Umwuka umwe. 1 Abakorinto 12:13

Nuko rero muri umubiri wa Kristo, kandi umuntu wese wo muri mwe ni urugingo rwawo. 1Abakorinto 12:27

Abemera Yesu bose bahinduka ingingo z'itorero.

Bahimbazaga Imana, bashimwa n'abantu bose, kandi uko bukeye Umwami Imana ikabongerera abakizwa. Ibyakozwe n'intumwa 2:47

Niba kubwo kubatizwa tuba tugaragaje ko twemeye isezerano ryo kugirana umushyikirano n'Imana, kubw'ibyo tuba tubaye umwe mu bagize ubwoko bw'Imana bw'isezerano. Ubwo rero hariho umubiri umwe, ni ingenzi cyane ko umuntu yitonda cyane ngo atibeshya mu guhitamo uno mubiri.

...natwe ni ko turi kuko turi benshi, nyamara turi umubiri umwe muri Kristo, umuntu wese ni urugingo rwa mugenzi we. Abaroma 12:5 (usome na 1 Abakorinto 10:17; Abakolosayi3:15)

Nk'uko umubiri ari umwe ukagira ingingo nyinshi, kandi nk'uko ingingo z'umubiri zose, nubwo ari nyinshi ari umubiri umwe, ni ko na Kristo ari, kuko mu Mwuka umwe twese ari mo twabatirijwe kuba umubiri umwe, naho twaba Abayuda cyangwa Abagiriki, naho twaba imbata cyangwa ab'umudendezo. Kandi twese twujijwe Umwuka umwe. Umubiri si urugingo rumwe ahubwo ni nyinshi. Ariko noneho ingingo ni nyinshi, naho umubiri ni umwe. 1 Abakorinto12:12-14,20

Hariho umubiri umwe n'Umwuka umwe, nk'uko mwahamagariwe ikiringiro kimwe cyo guhamagarwa kwanyu. Abefeso 4:4

Umubiri nyakuri wa Kristo ugomba kwigisha kumvira amategeko y'Imana kandi ukwiriye kugira ukwizera mu mbaraga ihindura ya Mwuka w'Imana. (urebe icyigisho cyitwa *Urutare rwo kuruhukiraho*) Umuntu ntabwo yabatizwa ngo areke kuba mu itorero ry'Imana. Ibyo byaba ari nk'urugingo rugerageza kubaho ariko rutari ku mubiri. Kubw'ibyo umubatizo ni ikimenyetso cy'ibi bikurikira:

1. Ni ikimenyetso cy'ubushake bw'umuntu wemera kwakira ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo.
2. Umubatizo utwibutsa urupfu rwa Kristo, guhambwa kwe, no kuzuka kwe.
3. Umubatizo ushushanya gupfa no guhambwa k'umuntu wa kera ukora ibyaha.
4. Umubatizo ushushanya kuzukira mu mibereho mishya muri Kristo Yesu, kuhagirwa by'ukuvuka ubwa kabiri binyuze mu gutsindishirizwa no kwezwa.
5. Umubatizo ni ikimenyetso cyo kwinjira mu mubiri wa Kristo, Itorero rye, Abisirayeli b'Uwiteka.

Bite no Kongera Kubatizwa Nyuma yo Kwakira Umucyo Mushya?

Hari aho biba ngombwa ko umuntu yongera kubatizwa. Ibyanditswe byera biduha urugero rw'abizera bari barabatijwe na Yohana Umubatiza maze bakongera kubatizwa nyuma yo kwakira umucyo mushya werekeye agakiza kabonerwa muri Kristo.

Pawulo anyura mu bihugu byo haruguru asohora muri Efeso, asangayo abigishwa bamwe. Arababaza ati "Mwahawe Umwuka Wera, mutangiye kwizera?" Baramusubiza bati "Ntabwo twari twumva yuko Umwuka Wera yaje." Arababaza ati "Mwabatijwe mubatizo ki?" Baramusubiza bati "Umubatizo wa Yohana." Pawulo ati "Yohana yabatije umubatizo wo kwihana, abwira abantu kwizera uzaza hanyuma ye, ari we Yesu." Babyumvise batyo babatizwa mu izina ry'Umwami Yesu. Ibyakozwe n'intumwa 19:1-5

Mbese nshobora kwikorera njyenyine ntakoreye mu nteko y'abantu?

Iteka Imana yakoreye mu nteko y'abantu, itorero. Na Kristo ubwe, atitaye ku gusuzugurwa n'urwango bamwangaga, nawe yakoreye umurimo we mu itorero ryahoze ari Isirayeli. Nyuma y'uko Uwiteka ahamagaye abasigaye bo muri Isirayeli akarema itorero rya gikristo, ntabwo yabarengeje inzira ze zo guhishura ubwenge bw'iby'ubutumwa bwiza. N'intumwa Pawulo yatumwe ku itorero ry'Imana ngo yigishwe nyuma y'uko Uwiteka amuhamagarira kuba intumwa ku banyamahanga.

Ahinda umushyitsi maze arabaza ati "Uwiteka, none urashaka ko nkora iki?" Maze Uwiteka aramusubiza ati, "haguruka ujye mu mudugudu uzabwira ibyo ukwiriye gukora". Ibyakozwe n'Intumwa 9:6

Ananiya aragenda yinjira mu nzu, amurambikaho ibiganza aramubwira ati "Sawuli mwene Data, umwami Yesu wakubonekeye mu nzira waturutsemo, arantumye ngo uhumuke wuzuzwe Umwuka Wera." Ibyakozwe n'Intumwa 9:17

Uburyo bwo Kubatizwa

Ijambo ry'ikigiriki "baptizo" risobanura "Kwibiza" naho "baptisma" rigasobanura 'kurengerwa'. Nk'uko ari ko bikwiye muri byose, Kristo niwe ukwiye kutubera urugero.

Kuko uvuga ko ahora muri we akwiriye na we kugenda nk'uko yagendaga. 1 Yohana 2:6

Ubwo Yesu yabatizwaga, yabatijwe umubatizo wo kwibizwa.

Yesu amaze kubatizwa uwo mwanya ava mu mazi, ijuru riramukingukira abona Umwuka w'Imana amanuka asa n'inuma amujyaho, maze ijwi rivugira mu ijuru riti "nguyu Umwana wanjye nkunda nkamwishimira" Matayo 3:16-17

Yesu yabatirijwe mu mugezi. Kandi Yohana yabatirizaga mu mugezi kuko yari akeneye amazi menshi bihagije.

Ariko Yohana we yabatirizaga muri Ayinoni bugufi bw'I Salimu, kuko aho hari amazi menshi. Abantu barazaga bakabatizwa.... Yohana 3:23

Urundi rugero rw'umubatizo tubona mu byanditswe ni urw'inkone yabatijwe na Filipo.

Itegeka ko bahagarika igare, bamanukana bajya mu mazi bombi Filipo n'inkone, arayibatiza. Bavuye mu mazi Umwuka w'Imana ajyana Filipo inkone ntiyasubira kumubona, nuko ikomeza kugenda inezerewe. Ibyakozwe n'Intumwa 8:38-39

Byumvikane neza ko *bamanukanye mu mazi* hanyuma kandi *bava mu mazi*. Uyu mubatizo nawo wari uwo kwibiza umubiri wose mu mazi. Abagorozi nabo bari basobanukiwe n'uko umubatizo nyakuri ari ukwibiza. Maritini Luteri yasobanuye umubatizo muri aya magambo:

Ijambo ry'ikigiriki Baptizo risobanura "kwibiza" noneho, baptisma rigasobanura "kurengerwa n'amazi." Kubw'iyi mpamvu umuntu ubatizwa agomba kurengerwa n'amazi wese nk'uko ijambo "baptisma" risobanura. Nuko rero nta gushidikanya ko byashyizweho na Kristo.¹

John Calvin (Yohana Kaluvini) yaranditse ngo:

Ijambo "baptize", mu by'ukuri risobanura "kwibiza mu mazi", kandi ni impamo ko kubatiza mu mazi menshi ari ko abo mu itorero rya mbere bagenzaga.²

John Wesley (Yohani Wesileyi), wari ufite imyaka mirongo ine ubwo yashingaga itorero ry'aba Methodiste, yavuze aya magambo:

Nizera ko ari inshingano ngomba kubahiriza uko mbishoboye, kubatiza umubatizo wo kwibiza.³

Kubatiza abana

Kuko umubatizo ari ikimenyetso cy'ubushake bw'umuntu wemera kwakira ubutumwa bwiza bwa Yesu Kristo, ni icyemezo umuntu afata abiyihitiyemo biturutse ku mutimanama we.

Uwizera akabatizwa azakizwa, ariko utizera azacirwaho iteka. Mariko 16:16

Abana bato ntibashobora kwifatira icyemezo giturutse ku mutimanama, kandi ukubatiza abana nta hantu biboneka mu byanditswe byera. Ihame ryo kubatiza impinja rikomoka mu bapagani kandi ryazanywe mu itorero na Kiriziya Gatolika y'I Roma. Kimwe n'andi mahame menshi ya kiriziya Gatolika, kubatiza abana bifite inkomoko mu nyigisho z'amayoberane z'i Babuloni.

I Babuloni bizihizaga ivuka ry'uruhinja barubatiza. Abapagani I Bulayi baminjagiraga amazi ku mpinja zabo cyangwa bakazibiza mu mazi, kandi kugeza n'uyu muni, "amazi y'umugisha" akoreshwa mu mubatizo, hamwe na hamwe mu kuyategura baracyayakoreraho imigenzo ya gipagani yo gutunga itoroshi yo kuri alitari muri ayo mazi. Nyuma yo gutangiza

umubatizo w'impinja Kiriziya Gatolika yarwanyije yivuye inyuma umubatizo w'abantu bakuze kugeza aho iciye iteka rikurikira:

*Havumwe umuntu wese uvuga ko abakuze bakwiriye kubatizwa.*⁴

Zimwe muri bibiliya zisemuwe vuba nazo zanditswe mu buryo bworohereza abagoreka amahame. Ingeri ya Bibiliya yitiriwe umwami Yakobo (King James Version) yasemuwe ikuwe mu nyandiko y'ikigiriki *textus receptus* mu mwaka wa 1611, ariko ingeri za Bibiliya zo muri iki gihe zagiye zikoresha izindi nyandiko zifite amagambo atera urujijo. Uwitwa Origen ni umwe mu njyike za mbere mu bya Bibiliya (ahagana muri 200 nyuma ya Kristo) zagoretse inyandiko Bibiliya ishingiyeho, kugira ngo yinjizemo ibitekerezo bye bya kimuntu n'iby'ubwenge bw'ibigereranyo. Uko ibihe byagiye biha ibindi, inyinshi muri izi nyandiko zagiye zihindagurwa mu guharura inzira y'ibitekerezo bya gipagani.

Mu byakozwe n'intumwa 8, mu ngeri ya Bibiliya yitiriwe umwami Yakobo (King James Version) hatanga ubusobanuro bwuzuye ku mubatizo w'inkone. Inkone yari umutware ukomeye muri Etiyopiya (Ibyakozwe n'intumwa 8:27) kandi yari yazanywe i Yerusalemu no kuramya. Iyo nkone yari irimo isoma igitabo cya Yesaya ubwo Filipo yayitumwagaho maze akayisobanurira amasomo avuga kuri Mesiya. Ubwo iyo nkone yari imaze kwakira uwo mucyo w'ingenzi cyane maze ikamenyera Yesu Kristo muri iyi mirongo, yari yiteguye kubatizwa. (Ibyakozwe n'intumwa 8:17-35), ingeri ya Bibiliya yitiriwe umwami yakobo ikomeza ivuga iti:

Bakigenda mu nzira bagera ku mazi, iyo nkone iramubaza iti "Dore amazi, ikimbuza kubatizwa ni iki?" Filipo arayisubiza ati "Niba wizeye mu mutima wawe wose birashoboka." Na yo iti "Nizeye Yesu Kristo ko ari Umwana w'Imana" Itegeka ko bahagarika igare, baramanukana bajya mu mazi bombi Filipo n'inkone, arayibatiza. Ibyakozwe n'intumwa 8:36-38

Ikibazo cy'inkone ngo, "ikimbuza kubatizwa ni iki?"(umurongo wa 36) gisubizwa na Filipo ku murongo wa 37.

Niba wizeye mu mutima wawe wose birashoboka.

Muri Bibiliya zisemuwe vuba uyu murongo wa 37 barawureka, maze inkone ntihabwe igisubizo. Muri izo ngeri nshya bavuga ko hari inyandiko zishingirwaho bandika Bibiliya zitagira uyu murongo, ariko ibyo bibaye ari ukuri, nta butabera bwaba burimo kuko byica injyana y'imiterere y'iki gitekerezo. Iki gitekerezo cyanditse mu buryo bw'ikibazo n'igisubizo. Ubwo rero gusiga umurongo wa 37 byakwangiza ino njyana y'imyandikire yakoreshejwe hano. Gukuramo uno murongo ariko, birashyira mu mwanya mwiza abigisha kubatiza impinja, kuko igisabwa ngo habe umubatizo ari cyo kwizera n'umutima wawe wose, kitabasha kwuzuzwa n'uruhinja. Kubatiza abana bato no kuminjagirwaho amazi (umubatizo wo ku gahanga) byombi byatangijwe na kiriziya Gatolika byinjizwa mu matorero, ariko ntabwo bishingiye ku Byanditswe Byera.

Umubatizo mu Binyejana

Amatongo menshi y'inyubako z'amatorero ya gikristo ya mbere afite ibihamya by'uburyo umubatizo wakorwaga mu itorero. Amatorero ya kera yaba Byzantine yari afite imyobo icukuwe yo kubatirizamo umubatizo wo kwibiza, kandi habatizwaga abakuze gusa, bose abagabo n'abagore.

Ariko bamaze kwizera ubutumwa bwiza Filipino ababwira iby'ubwami bw'Imana n'ubwizina rya Yesu Kristo, barabatizwa, abagabo n'abagore. Ibyakozwe n'Intumwa 8:12

Na Yesu ubwe yabatijwe afite imyaka 30 ubwo yahitaga atangira umurimo we(Luka 3:23), kandi icyo gikorwa cyo kubatiza abantu bakuze ndetse bakibizwa mu mazi menshi ni nabyo byakomeje gukorwa n'itorero rya mbere. Ndetse n'inyandiko za kiriziya Gatolika zihamya uku kuri, nk'uko bigaragazwa n'inyandiko za Karidinali witwa Gibbons. Mu gitabo cye cyitwa *Faith of Our Fathers (Ukwizera kw'abakurambere bacu)* yaravuze ati:

Mu binyejana byinshi, nyuma yo guhangwa kw'ubukristo, umubatizo wabagaho wari uwo uwo kwibizwa mu mazi menshi; ariko kuva mu kinyejana cya cumi na kabiri, umubatizo wo ku gahanga wariganje cyane muri kiriziya Gatolika, kuko ubu buryo bwo kubatizwa byorohera abantu cyane kurenza kwibizwa mu mazi.⁵

Mu nama y'inteko ya Revenna yo mu mwaka wa 1311 nyuma ya Kristo. Ni ho kiriziya Gatolika yahamije umubatizo wo gutonyanza ku gahanga ku mugaragaro. Iki gihe kandi, ni bwo itorero ry'aba Orthodox ryo mu Bugiriki ryatandukanye na kiriziya Gatolika ngo bakomeze kwiyo borera iby'umubatizo w'abana bato banibiza mu mazi menshi, kandi ibyo ni umuco bagikora kugeza n'ubu. Johannes Werns mu gitabo cye kivuga ku mubatizo aravugaga ati:

*Ibyitwa baptisteries (imyobo yo kubatirizamo) cyangwa se za shaperi zo kubatirizamo byo muri kiriziya za kera z'abagatolika ni ibindi bihamya byerekana ko amatorero yo mu binyejana bya mbere yabatizaga umubatizo wo kwibiza mu mazi menshi. Muri izo kiriziya habamo imyobo minini (Yorodani) yo kubatirizamo, (ifite n'ingazi zo kumanukiraho), byongeye kandi, habagamo n'icyumba cyo kwigishirizamo ababatizwa.... Mu nyandiko y'igitaliyani yitwa *Il Battistero di Parma*, yanditswe na Michael Lopez, hagaragaza ko mu butaliyani havugwa imyobo nk'iyi yo kubatirizwamo itari munsu ya 66, kandi izo nyubako zubatswe hagati y'ikinyejana cya kane n'icya cumi na kane.⁶*

Umubatizo kandi wagiye ugaragazwa mu buhanzi mu binyejana byose.

Amashusho ya mbere y'umubatizo yabonetse, ni ay'ahagana mu kinyejana cya kabiri, akaba afite inkomoko mu gice cya kera cy'irimbi ryo munsu y'ubutaka ryitiriwe Mutagatifu Calixtus.⁷

Ku ruhimbi rw'ahabaturizwa rwa Verona hari ishusho y'umubatizo wa Kristo.

Amazi ya Yorodani yamanukaga aha mu dusozi, kandi ni yo umukiza wacu yibijwemo abatizwa.

Ku ruhimbi rw'ahabatarizwa rwa Pisa hari ishusho ya Yesu ari muri Yorodani amazi amugera mu ijosi.⁹

Mu binyejana byinshi, umubatizo wo kwibiza mu mazi menshi wagiye ukoreshwa n'amatsinda menshi ya gikristo. Abitwa aba Anabaptists, n'aba Mennonites, ndetse n'itorero ry'Ababatista bakwirakwiye ihame ry'umubatizo wemewe na Bibliya.

Mu mwaka wa 1806, John Smyth umupasitoro mu itorero ry'ubwongereza, yavuye muri iryo torero maze asanga abandi bari baritandukanyije na ryo, bari barahungiyeye mu buholandi bahunze akarengane ka James I (Yakobo wa mbere).

John Smyth yashinze itorero rya mbere rigizwe n'abongereza, kandi rizwi ko ryahagarariye umubatizo w'abizera gusa.¹⁰

Guhera muri iri tangiriro ryoroheje, itorero ry'Ababatista ryakwirakwiye hose ku isi maze rihinduka rimwe mu matorero akomeye yari agize ubuprotestanti.

Ubusobanuro bw'Umubatizo wo Kwibizwa mu Mazi Menshi

Usibye kuba umubatizo ushushanya ubushake bw'umuntu bwo kwakira ubutumwa bwo gutsindishirizwa no kwezwaga hanyuma kandi ukinjira mu mubiri wa Kristo, umubatizo wo kwibizwa mu mazi menshi urimo ukuri kw'ibya Mwuka kwimbitse. Uku kuri kugaragazwa mu nyandiko za Pawulo.

Kuko mwahambanywe na we mu mubatizo kandi ni mo mwazuranywe na we, ku bwo kwizera imbaraga z'Imana yamuzuye mu bapfuye. Abakolosayi 2:12

Ntimuzi yuko twese ababaturijwe muri Yesu Kristo, twabaturijwe no mu rupfu rwe? Nuko rero, ku bw'umubatizo twahambanywe na we mu rupfu rwe, kugira ngo nk'uko Kristo yazuwe n'ubwiza bwa Data wa twese, abe ari na ko natwe tugendera mu bugingo bushya. Ubwo twaturanjwe na we gusangira urupfu nk'urwe, ni ko tuzaba duturanjwe na we gusangira kuzuka nk'ukwe. Kandi tumenye iki, yuko umuntu wacu wa kera yabambanywe na we, kugira ngo umubiri w'ibyaha ukurweho, twe kugumya kuba imbata z'ibyaha. Abaroma 6:3-6

Iyi mirongo igaragaza ko kubw'umubatizo imibereho ya kera y'ibyaha iba ihambwe. Umuntu ubatizwa akwiriye kwibizwa akarengerwa n'amazi nk'ikimenyetso cy'uko ahambye imibereho ya kera y'ibyaha mu mva y'amazi.

Kuko mwese ababaturijwe muri Kristo muba mwambaye Kristo. Abagalatiya 3:27

Ubundi buryo bwose bw'imibatizo, nko kuminjagira amazi cyangwa kuyasuka ku gahanga, byambura umubatizo ubusobanuro bwawo. Umubatizo wo kwibiza mu mazi menshi gusa ni wo ushobora gushushanya urupfu, guhambwa no kuzuka bya Kristo. Intumwa Pawulo ahuza umubatizo n'agakiza akoresheje aya magambo:

Na n'ubu amazi ni yo akibakiza namwe mu buryo bw'igishushanyo cyo kubatizwa, icyakora si uko akuraho ico ryo ku mubiri, ahubwo ni isezerano ku Mana ry'umutima uticira urubanza, ribakirisha kuzuka kwa Yesu Kristo. 1 Petero 3:21

Nk'uko hariho uburyo bumwe gusa bw'umubatizo buvugwa mu byanditswe byera, ubundi bwoko bw'umubatizo utari uwo kwibizwa ntabwo bukwiriye kwemerwa. **Kuko Hariho: Umwami Umwe, Ukwizera kumwe, umubatizo umwe. Abefeso 4:5**

Umubatizo n'Impano ya Mwuka Wera

Nk'uko umubatizo uzana umuntu mu isezerano ryo kugirana umushyikirano n'Imana, amasezerano y'Imana asohozwa ku wizera.

"Nuko abo mu muryango wa Isirayeli bose, nibamenye badashidikanya yuko Yesu uwo mwabambye, Imana yamugize Umwami na Kristo." Abo bantu bumvise ibyo bibacumita mu mitima, nuko babaza Petero n'izindi ntumwa bati "Bagabo bene Data, mbese tugire dute?" Petero arabasubiza ati "Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu izina rya Yesu Kristo ngo mubone kubabwirwa ibyaha byanyu, kandi namwe muzahabwa iyi mpano y'Umwuka Wera, kuko isezerano ari iryanyu n'abana banyu n'abari kure bose, abazahamagarwa n'Umwami Imana yacu." Ibyakozwe n'Intumwa 2:36-39

Aha turabona ko isezerano ry'Umwuka Wera ku bizeraga kandi bakabatizwa, ryahawe abisirayeli mu bya mwuka bose. Kuko umubatizo ari ukwemera ibisabwa ngo ukizwe - wumvire Imana – kubw'ibyo rero isezerano ry'Umwuka Wera rihabwa gusa uwihana kandi akumvira.

Nimwihane umuntu wese muri mwe abatizwe mu izina rya Yesu Kristo ngo mubone kubabwirwa ibyaha byanyu, kandi namwe muzahabwe iyi mpano y'Umwuka Wera, kuko isezerano ari iryanyu n'abana banyu n'abari kure bose, abazahamagarwa n'Umwami Imana yacu. Ibyakozwe n'Intumwa 2:38-39

Natwe turi abagabo bo guhamya ibyo hamwe n'Umwuka Wera, uwo Imana yahaye abayumvira. Ibyakozwe n'Intumwa 5:32

Nimunkunda muzitondera amategeko yanyje. Nanjye nzasaba Data, na we azabaha undi Mufasha wo kubana namwe ibihe byose, ni we Mwuka w'ukuri. Ntibishoboka ko ab'isi bamuhabwa, kuko batamurora kandi batamuzi, ariko mwebweho muramuzi kuko abana namwe, kandi azaba muri mwe. Yohana 4:15-17

Kubaha biruta ibitambo. 1 Samweli 15:22

Ntimuzi yuko twese ababatirijwe muri Yesu Kristo, twabatirijwe no mu rupfu rwe? Nuko rero, ku bw'umubatizo twahambanywe na we mu rupfu rwe, kugira ngo nk'uko Kristo yazuwe n'ubwiza bwa Data wa twese, abe ari nako natwe tugendera mu bugingo bushya. Abaroma 6:3-4

Umubatizo rero ntabwo ari ukwakira imbabazi za Kristo gusa; ni ukwemera imbaraga ihindura ya Yesu.

Kandi tumenye iki, yuko umuntu wacu wa kera yabambanywe na we, kugira ngo umubiri w'ibyaha ukurweho, twe kugumya kuba imbata z'ibyaha. Abaroma 6:6

Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana wankunze akanyitangira. Abagalatiya 2:20

Umwuka Wera akorera umwizera ibintu bibiri:

1. Guhindura kamere maze akagira imibereho mishya ihuje n'ubushake bw'Imana
2. Gutunganyiriza umwizera umurimo

Kamere ya kera igomba gupfa, maze ukambara kuba icyaremwe gishya, cyera imbuto zo gukiranuka. Mu Bagalatiya igice cya 5, Pawulo agereranya imbuto za kamere n'imbuto z'Umwuka. Umuntu mushya ahindurwa byuzuye n'imbaraga ya Mwuka.

Kuko kamere irarikira ibyo Umwuka yanga, kandi Umwuka yifuza ibyo kamere yanga kuko ibyo bihabanye, ni cyo gituma ibyo mushaka gukora atari byo mukora. Abagalatiya 5:17

Imirimo ya kamere ni iyi:

Dore imirimo ya kamere iragaragara ni iyi: gusambana no gukora ibiteye isoni n'iby'isoni nke, no gusenga ibishushanyo, no kuroga no kwangana no gutongana, n'ishyari n'umujinya n'amahane, no kwitandukanya no kwirema ibice, no kugomanwa no gusinda, n'ibiganiro bibi n'ibindi bisa bityo. Ndababwira hakiri kare nk'uko nababwiye kera, yuko abakora ibisa bityo batazaragwa ubwami bw'Imana. Abagalatiya 5:19-21

Ariko rero imbuto z'Umwuka ni urukundo n'ibyishimo n'amahoro, no kwihangana no kugira neza, n'ingeso nziza no gukiranuka, no kugwa neza no kwirinda. Ibimeze bityo nta mategeko abihana. Abagalatiya 5:22-23

Umubatizo ni ikimenyetso cyo kubambwa k'umuntu wa kera ukora ibyaha, kandi kubw'ibyo, imirimo ya kamere ihambwa mu mazi y'umubatizo.

Aba Kristo Yesu babambanye kamere, n'iruba n'irari byayo. Niba tubeshwaho n'Umwuka tujye tuyoborwa n'Umwuka. Twe kwifata uko tutari, twenderanya kandi tugirirana amahari. Abagalatiya 5:24-26

...kandi tumenye iki, yuko umuntu wacu wa kera yabambanywe na we, kugira ngo umubiri w'ibyaha ukurweho, twe kugumya kuba imbata z'ibyaha, kuko uwapfuye aba atsindishirijwe ibyaha. Abaroma 6:6-7

...Iradukiza itabitewe n'imirimo yo gukiranuka twakoze, ahubwo ku bw'imbabazi zayo idukirisha kuhagirwa ari ko kubyarwa ubwa kabiri, Ikadukirisha no guhindurwa bashya na Mwuka Wera. Tito 3:5

Gutunganyirizwa umurimo bigerwaho bwa mbere kubwo kwigishwa na Mwuka w'ukuri (Yohana 14:17), We uzatwibutsa ibyo twize byose byerekeye Ijambo ry'Imana (Yohana 14:26). Kandi Mwuka atanga impano zitandukanye ngo umurimo waguke n'ubutumwa bukwire hose. Izi mpano ziboneka mu Baroma 12:6-8; 1 Abakorinto 12:8-11,28,31, no mu Befeso 4:11-12.

Isezerano ryo kuremwa bushya ritugira bashya mu buryo bwuzuye, bigatuma tuba abana b'Imana n'abafatanyije umurimo na Yo.

Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b'Imana kandi ni ko turi. Ni cyo gituma ab'isi batatumenye kuko batayimenye. Bakundwa, ubu turi abana b'Imana ariko uko tuzamera ntikurerekanwa. icyakora icyo tuzi ni uko Yesu niyerekanwa, tuzasa na we kuko tuzamureba uko ari. Kandi ufite ibyo byiringiro muri we, yiboneza nk'uko uwo aboneye. 1 Yohana 3:1-3

Muri iyi minsi ya nyuma, Imana Iri guhamagarira ubwoko bwayo kuva muri Babuloni ngo bazibe ibyuhu ndetse bongere gusana inkike. Gusubizaho ukuri nk'uko kuri muri Yesu bisaba abakozi gukorana n'Imana, maze Imana ikabashyira mu ruzabibu rwayo ngo bafashe mu gikorwa cy'isarura.

Maze abwira abigishwa be ati "Ibisarurwa ni byinshi, ariko abasaruzi ni bake. Nuko rero mwingingye nyir'ibisarurwa, yohereze abasaruzi mu bisarurwa bye." Matayo 9:37-38.

Kwemera ukuri ntibisaba kukwicarana. Bisaba guhagararira amahame kandi hazamo n'iby'umugaraba. Gukurikira Yesu by'ukuri ntabwo byigeze byoroha; iteka bisaba umuntu kwikorera umugaraba we. Ikindi kandi, ukuri kuzana ibice mu bantu, ariko ibi ntibikwiye kubuza umuntu kugukurikira.

Kandi utikorera umugaraba we ngo ankurikire, ntakwiriye kuba uwanjye. Matayo 10:38

Mwe gutekereza ko nazanywe no kuzana amahoro mu isi. Sinaje kuzana amahoro, ahubwo naje kuzana inkota, kuko naje gutanya umwana na se, umukobwa na nyina, umukazana na nyirabukwe, abanzi b'umuntu bazaba abo mu rugo rwe. "Ukunda se cyangwa nyina kubandutisha ntaba akwiriye kuba uwanjye, kandi ukunda umuhungu we cyangwa umukobwa we kubandutisha, ntaba akwiriye kuba uwanjye." Matayo 10:34-37

None ikigutinzira ni iki? Haguruka ubatizwe, wiyuhagire ibyaha byawe, wambaje izina rye. Ibyakozwe n'Intumwa 22:16

IBIHAMYA

- ¹ *Works of Martin Luther*, Volume 2:226
- ² John Calvin, *Institutes of the Christian Religion* Book 4, Chapter 15, section 9, volume 2:434
- ³ J.H.Blunt, *Dictionary of Sects, Heresies, Ecclesiastical Parties and Schools of Religious thought*: 320
- ⁴ Cardinal James Gibbons, *Faith of Our Fathers* 76th Edition: 266
- ⁵ *History of Romanism*:510
- ⁶ Johannes Warns, *Baptism* (London: The Paternoster Press, 1957): 327-328
- ⁷ Philip Schaff, *Teaching of the Twelve Apostles* (New York: Charles Schribner's Sons. 1885):35
- ⁸ Wolfred N. Cote, *The Archaeology of Baptism* (London: Yates and Alexander, 1876): 195.
- ⁹ Martiru, *Theatrum Basilicae Pisanae*: Appendix. As quoted in Wolfred N.Cote, *The Archaeology of Baptism* (London:Yates and Alexander, 1876):203
- ¹⁰ Henry C.Vedder, *Short History of Baptists* (BiblioBazaar, LLC, 2009)

Insinzi y'ukuri

Igice cy'ama 17: ISIBANIRO KW'IBYARUKO RY'AMATEKA

INTAMBARA IHERUKA

Ibintu byose byamaze gutegurwa hasigaye imbarutso gusa – Umubabaro utigeze kubaho uri hafi kugera ku isi. Ubwo abantu bari kwibumbira mu mashyirahamwe, ubutumwa buheruka bw'umuburo burimo kuvugwa ku isi. Vuba bidatinze ubutumwa bw'abamarayika batatu burarangiza umurimo wabwo kandi mu mbaraga ze zose ngo isi imupfukamire, satani azatera abategetsi b'isi gushyiraho ikimenyetso cyo kuyoboka ubupapa maze ikibazo hagati y'Isabato n'Icyumweru gishyirwe mu maso y'abatuye isi bese. Umuntu wese ahabwe amahitamo hagati yo kuramya Imana nk'uko ibisaba, cyangwa kuramya inyamaswa nk'uko ibitegeka. Kuvanga byombi bizaba bidashoboka. Ubwo intambara izafata indi ntera amategeko yo kuramya ku munsu w'icyumweru agashyirwaho biturutse ku umuhanuzi w'ibinyoma, ubutumwa bw'umuburo buzahinduka ijwi riranga nk'uko biboneka mu Byahishuwe 18 aho Malayika wundi ukomeye cyane asubiramo ubutumwa bwo kugwa kwa Babuloni. Uyu muburo uheruka nawo wongera imbaraga mu gutangaza ubutumwa bwa Malayika wa gatatu, kuko nawo uburira abantu kwirinda ikimenyetso cy'inyamaswa.

Hanyuma y'ibyo mbona marayika wundi amanuka ava mu ijuru afite ubutware bukomeye isi imurikirwa n'ubwiza bwe. Arangurura ijwi riranga ati "Iraguye iraguye, Babuloni ikomeye! Ihindutse icumbi ry'abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose n'ibisiga byose bihumanye kandi byangwa. Kuko amahanga yose yanyoye inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi by'uwo mudugudu, kandi abami bo mu isi basambanaga na wo, abatunzi bo mu isi bagatungishwa n'ubwinshi bw'ubutunzi bwawo no kudamarara." Numva irindi jwi rivugira mu ijuru riti "Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo". Ibyahishuwe 18:1-4

Uyu ni umuburo uheruka kandi amahitamo dukora niyo azagaragaza niba twakira ikimenyetso cy'inyamaswa cyangwa ikimenyetso cy'Imana. Mbese ni nde twemerera ko aduha amategeko agenga imibereho yacu? Ubwo mwenemuntu wese azaba amaze kwihitiramo, igihe cy'imbabazi kizarangira maze mu ijuru hatangwe iri itangazo rikomeye ngo:

Ukiranirwa agumye akiranirwe, uwanduye mu mutima agumye yandure, umukiranutsi agumye akiranyuke, uwera agumye yezwe. Dore ndaza vuba nzanye ingororano, kugira ngo ngororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze. Ibyahishuwe 22:11-12

Urugi rw'imbabazi nirumara gufungwa, nta gihe cyo kwihana kizaba kikiriho. Nk'uko byari mu minsi ya Nowa, urugi rw'inkuge rwarakinzwe maze imbabazi ku bababayeho mbere y'umwuzure zirarangira, kandi ntabwo bigeze babimenya. Mu gihe cy'icyumweru cyose, inkuge yakomeje kuguma ku butaka ubwo abantu babisekaga, batari ko bamaze gupimwa maze bagasangwa badashyitse. Hanyuma amasoko y'amazi yo mu ijuru arakingurwa.

Imana yihanganira icyaha cya mwenemuntu igihe kirekire, ariko igihe cy'Imana cyo kwihangana vuba aha kizarangira. Ubu turacyariho mu gihe cyashushanywaga n'umunsi w'impongano, ariko iki gihe cy'urubanza kagenzuzi kigiye kurangira maze Yesu abe atakiri

umuhuza. Maze ahere ko yambare imyambaro ye ya cyami, hanyuma hatangire urubanza rwo guca amateka.

Ibyago Birindwi Bya Nyuma

Ibyabayeho byo mu isezerano rya kera bibasha kutwigisha byinshi kuko byari igishushanyo cy'iby'igihe kizaza. Imico y'Imana ntabwo yigeze ihinduka kandi nta n'igicucu cyo guhinduka igira. Imana ntiyigeze ihinduka ku bijyanye no kurwanya icyaha hamwe n'ubuhakanyi. Nubwo igira kwihangana kw'inshi kandi ikaba idashaka ko hagira n'umwe urimbuka, ariko igihe cy'imbabazi zayo gifite iherezo kandi igihe ntarengwa kiragera Imana ikagira icyo ikora. Igihe byagaragaye ko Imana yamaze amanonko icira injiji amarenga, ariko ubuhakanyi bugakomeza kuba gikwira abantu bo mu isi ya mbere barimbuwe n'umwuzure kandi na Sodomu na Gomora nabo barimbuwe n'umuriro uturutse mu ijuru. Ibyo bihe ni akabarore ku bantu tubayeho muri iyi minsi y'imperuka. Ibi bivuze ko nta mwanya w'amahame yigisha ko hariho andi mahirwe. Kuko Imana idahinduka rero, tugomba kwitega ko izarimbura ubuhakanyi bwibasiye isi nk'uko yabigenje mu bihe byashize.

Ibihe biganisha abantu mu buhakanyi buheruka mu ntambara ikomeye iri hagati ya Kristo na Satani bishushanywa nanone n'ibyabaye mu gihe cy'abisirayeli bava muri Egiputa. Egiputa ishushanya isi iri mu bwigomeke ku Mana, naho Abisirayeli bagashushanya ubwoko bw'Imana buzacungurwa bugakurwa mu isi maze bukajyanwa muri Kanani yo mu ijuru.

Ibyabaye mu bihe biheruka byaganishaga ku rugendo rw'abisirayeli bavanwa muri Egiputa bigaragazwa neza mu gitabo cyo Kuva 5. Mose yigishije abisirayeli kongera kuruhuka Isabato, maze mu gusubiza, Farawo ashiraho itegekoteka ryatumaga kuruhuka Isabato nk'uko itegeko ribivuga bidashoboka.

Kandi Farawo ati "Dore abantu bo mu gihugu baragwiriye, none mubaruhuye uburetwa bwabo" Kuva 5:5

Ijambo ry'igiheburayo ryakoreshejwe hano *mubaruhuye* ni "Shabath" bisobanura kweza isabato. Mu gusubiza rero, Farawo yongera akazi bakoraga, maze muri ubwo buryo ashiraho itegeko ryatumaga bidashobokera abisirayeli kuruhuka Isabato. Iri tegeko rya Farawo ryashyize ikimenyetso cy'iherezo kuri Egiputa kuko Egiputa yari yigometse kw'itegeko ry'Imana ku mugaragararo. Ingaruka zabaye ibyago icumi byaguye kuri Egiputa, hanyuma Abisirayeli bacungurwa mu buretwa barimo maze bajyanwa mu gihugu cy'isezerano. Ibyabaye ku bisirayeli iki gihe bishushanya ugucungurwa guheruka kw'ubwoko bw'Imana mu buryo bumeze kimwe neza. Ikimenyetso cy'inyamaswa kizahatirwa abantu kugira ngo babuze ubwoko bw'Imana kweza Isabato yo mu mategeko cumi. Igihe cy'Imbabazi kizaherako kirangira maze isi igwirwe n'ibyago birindwi by'imperuka.

Mbona mu ijuru ikindi kimenyetso gikomeye gitangaza: ni cyo bamarayika barindwi bafite ibyago birindwi, ari byo by'imperuka kuko muri ibyo arimo umujinya w'Imana wuzurira. Ibyahishuwe 15:1

Yesu yari yarangiye umurimo we w'ubuhuza, maze Yohana abona urusengeru rwo mu ijuru rwuzuye umwotsi. Umurimo wo mu rusengeru rwo mu ijuru urarangira maze igihe cy'imbabazi kirarangira:

Rwa rusengero rwuzura umwotsi uva mu bwiza bw'Imana no mu mbaraga zayo, ntihagira umuntu n'umwe ubasha kurwinjiramo kugeza aho bya byago birindwi by'abo bamarayika barindwi byarangiriye. Ibyahishuwe 15:8

Ibi birabera mu ijuru mbere gato y'uko Kristo agaruka. Hanyuma ibikurikiraho ni uko ibyago by'imperuka bisukwa ku isi:

Numva ijwi rirenga rivugira muri rwa rusengero, ribwira abo bamarayika barindwi riti "Nimugende musuke mu isi izo nzabya ndwi z'umujinya w'Imana." Uwa mbere aragenda asuka urwabya rwe mu isi, abantu bafite ikimenyetso cya ya nyamaswa bakaramya igishushanyo cyayo bafatwa n'ibisebe bikomeye bibi. Ibyahishuwe 16:1-2

Icyago cya Mbere

Icyago cya mbere kigera gusa ku bafite ikimenyetso cy'inyamaswa, ariko ubwoko bw'Imana burinzwe n'ijuru. Muri Egipta, Imana yatandukanyije abanyegiputa n'abisirayeli. Ibyago birindwi biheruka ntabwo byigeze bigera ku bisirayeli. Mbere y'uko Yerusalemu n'urusengero birimbura, Imana yaburiye ubwoko bwayo ku byerekeye iryo rimbuka ryari ryegereje. Yaberekeje ku buhanuzi bwa Daniyeli maze ibashishikariza kubwiga bitonze ngo babusobanukirwe. Abumviye inama z'Imana bakijije amagara yabo, ariko abatarumviye, bararimbutse. Babonye ibihwanye n'amahitamo yabo. Imana yari yarabinginze igihe kirekire, ariko binangira imitima yabo nuko n'umutima ushengutse Imana irabareka.

Nk'uko Farawo atigeze yihana ubwo yasukwagaho ibyo byago, ni ko abazanga kwihana mu minsi ya nyuma batazacogora mu mugambi mubisha wabo wo kurimbura ubwoko bw'Imana. Iyi ntambara izakaza umurego kugeza ubwo itegekoteka ry'urupfu rizacibwa ku batazemera kumvira isabato y'ubupapa. Nyamara, amasezerano y'Imana ntakuka:

Igitwe ubwoba cya nijoro ntikizagutinyisha, cyangwa umwambi ugenda ku manywa, cyangwa mugiga igendera mu mwijima, cyangwa kurimbura gutsemba ku manywa y'ihangu. abantu igihumbi bazagwa iruhande rwawe, abantu inzovu bazagwa iburyo bwawe, ariko ntibizakugeraho. Uzabirebesha amaso yawe gusa, ubone ibihembo by'abanyabyaha. Kuko ari wowe buhungiro bwanjye Uwiteka, wagize Isumbabyose ubuturo, Nuko nta kibi kizakuzaho, kandi nta cyago kizegera ihema ryawe. Kuko azagutegekera abamarayika be, ngo bakurindire mu nzira zawe zose. Zaburi 91:5-11

Mbega amagambo anejeje asubizamo imbaraga. Abafite ikimenyetso cy'Imana bazarindwa n'abamarayika b'Imana.

Icyago cya kabiri

Uwa kabiri asuka urwabya rwe mu Nyanja ihinduka amaraso nk'ay'intumbi, ikintu cyose cyo mu Nyanja gifite ubugingo kirapfa. Ibyahishuwe 16:3

Mbese ubu ntidushobora kuba twumva uburemere bw'uko iki cyago kizaba kimeze? Kuri ubu turumva ingaruka z'uko mwenemuntu yangiza ibyaremwe ajugunya ibihumanya mu nyanja n'amazi meza yo ku isi. Uburabyo bw'ibimera bizwi ku izina rya Algal biba mu nyanja no mu nzuzi bumaze kumenyekana cyane, kandi bukagira ingaruka zisa neza nk'uko Bibiliya ibivuga. Uburabyo bwa Algal butukura nk'amaraso hamwe n'ibigize icyo kimera byica ibindi binyabuzima kuko bituma bitabona umwuka mwiza wo kubibeshaho wa Oxygene. Maze imvange ya Algae n'ibinyabuzima bipfuye bikabona hanyuma bigakora igisa n'igikoma cy'amaraso.

Icyago cya gatatu

Uwa gatatu asuka rwabye rwe mu nzuzi n'imigezi n'amasoko, na byo bihinduka amaraso. Numva marayika w'amazi avuga ati "Wa Wera we, uriho kandi wahozeho kandi uzahoraho, uri umukiranutsi kuko uku ari ko wabitegetse. Bavushije amaraso y'abera n'ay'abahanuzi, nawe ubahaye amaraso ngo abe ari yo banywa, ni byo bibakwiriye." Numva igicaniro kivuga kiti "Yee Mwami Imana Ishoborabyose, amateka yawe ni ay'ukuri no gukiranuka." Ibyahishuwe 16:4-7

Mu gihe abo bapfobeje ikiganza cy'Imana bakomeje gukaza umurego mu kumena amaraso y'abera, amazi azahinduka amaraso, ariko isezerano ku bana b'Imana ni iri ngo:

...azahabwa ibyo kurya bimutunga n'amazi yo kunywa ntazayabura. Yesaya 33:16

Nk'uko Eliya yarinze mu gihe cy'amapfa, ni nako Imana Izita ku bana bayo mu gihe cy'akaga. Umuhanuzi Eliya ashushanya ubwoko bw'Imana bwo mu gihe giheruka. Eliya ntabwo yigeze apfa, ahubwo yarahinduwe maze ajyanwa mu ijuru. Muri ubwo buryo rero, abakiriye ikimenyetso cy'Imana nabo bazahindurwa bajyanwe mu ijuru badapfuye. Nk'uko Eliya yarenganyijwe n'itorero ryishyize hamwe na leta mu gihe cye, ni nako ubwoko bw'Imana nabwo buzarenganywa mu minsi y'imperuka. Kandi nk'uko Imana yahaga Eliya ibyo akeneye niko Imana izaha abizerwa bayo ibyo bakeneye ku iherezo ry'iyi ntambara ikomeye y'ubwigomeke ku buyobozi bw'Imana.

Nuko marayika wa kane asuka urwabya rwe mu zuba, rihabwa kokesha abantu umuriro. Abantu botswa n'icyokere cyinshi, batuka izina ry'Imana Ishobora kubateza ibyo byago, ntibihana ngo bayihimbaze. Ibyahishuwe 16:8-9

Icyago cya Kane

Icyago cya kane kirebana n'izuba. Isi ntabwo izagira umwuma gusa, ahubwo imirasire y'izuba nayo iziyongera cyane ku buryo izatwika abantu ku buryo bukomeye. Nk'uko bimeze ku byabaye mu mazi y'inyanja n'imigezi bitewe n'icyago cya kabiri, n'ubu dufite ibitwereka neza uko iki cyago kizaba gikaze ku kiremamuntu. Bitewe n'uko akayungirizo k'izuba karushaho kwangizwa, imirasire y'izuba nayo irarushaho kwiya mu buryo budasanzwe, ibyo bigatuma mu bihugu bimwe na bimwe harashyizeho imyambarire igomba kubahirizwa ku bana bajya mu mashuri kugira ngo barindwe iyo mirasire. Inyubako zakira imirasire y'izuba zirangiza ikirere mu gutera ubushyuhe bukabije

ku isi kandi imihindukire y'ubushyuhe n'ubukonje by'ikirere yarahindutse cyane mu myaka ishize. Uguhinduka kw'imiterere y'ikirere byateye umwuma ukabije hamwe na hamwe, n'imyuzure idasanzwe ahandi. Umwuma ukabije, akenshi ujyana n'ikiswe *El Nino* (imihindukire idasanzwe y'amazi ashyushye y'inyanja ya pacifique agenda yerekeje iburasirazuba), nabyo byangije byinshi mu gutera inkongi y'imiro yahitanye ahantu hanini cyane h'imirambi y'ubwatsi n'amashyamba.

Ibiri kubaho uyu muni birashushanya ibiteye ubwoba bigiye kuza. Umuhanuzi Yoweri yeretswe iby'icyi cyago maze abivuga atya:

Yemwe, nimwumve uko amatungo aboroga! Amashyo y'inka yananiwe kuko yabuze ubwatsi, imikumbi y'intama yanyukiwe. Ayiii we, Uwiteka! Ni wowe ntakira kuko umuriro watsembyeho ibyanya byo mu butayu, kandi ibirimi by'umuriro byatwitse ibiti byose byo ku misozi. Yoweli 1:18-19

Nk'uko Imana yatandukanyije abisirayeli mu banyegiputa ngo batagerwaho n'ibyago byagombaga kugwira abanyegiputa, ni ko Imana Izarinda ubwoko bwayo iki cyago.

Izuba ntirizakwica ku manywa, cyanga ukwezi nijoro. Zaburi 121:6

Imana yarinze abisirayeli ngo baticwa n'ubushyuhe bw'izuba maze ibabera inkingi y'igicu ku manywa kandi kugira ngo ibarinde ubukonje ikababera inkingi y'umuriro nijoro.

Icyago cya gatanu

Marayika wa gatanu asuka urwabya rwe ku ntebe y'ubwami ya ya nyamaswa. Ubwami bwayo bucuza umwijima, kuribwa gutuma bahekenya indimi zabo, kandi kuribwa kwabo n'ibisebe byabo bituma batuka Imana nyir'ijuru, ntibihana imirimo yabo. Ibyahishuwe 16:10-11

Iki cyago cyaguye ku ntebe y'inyamaswa by'umwihariko. Ubupapa bwashyize abatuye isi mu mwijima, kubw'ibyo umwijima ni wo mugabane wabo. Indimi zabo bazikoresheje bayobya amahanga, none ubu barazihekenya mu mubabaro.

Umucyo uturuka ku Mana, kandi muri Yo nta mwijima uharangwa. Bimuye Yesu Kristo, we Mucyo w'isi, maze bamusimbuza izindi gahunda zabo. Bamwambuye umurimo we w'ubuhuza, maze bagahora bamubambaba inshuro nyinshi mu bitambo bya misa, kandi aho kwerezeza Ijambo ry'Imana, ahubwo bagaburira abantu imihango ndetse n'amategako y'abantu.

Ubu ni bwo butumwa twumvise buvuye kuri we tukabubabwira, yuko Imana ari umucyo kandi ko muri Yo hatari umwijima na muke. 1 Yohana 1:5

Ijambo ry'Imana, ryagomewe kandi rigateshwa agaciro n'ubupapa, ryajyaga kubakiza iyo baza kugira ubushake bwo kuryumvira.

Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge. Zaburi 119:130

Roma yakandagiye amategeko kandi igerageza guhindura ibyategetswe n'Imana

Kandi isi ihumanijwe n'abaturage bayo kuko bishe amategeko, bagahindura ibyategetswe, bakica isezerano ridakuka. Yesaya 24:5

Ayo mategeko nakuka imbere yanjye, ni ko Uwiteka avuga, urubyaro rwa Isirayeli na rwo ruzaba rutakiri ubwoko bwanjye iteka ryose. Yeremiya 31:36

Imana ntabwo ihinduka. Ndetse nta n'igicucu cyo guhinduka.

Gutanga kose kwiza n'impano yose itunganye rwose ni byo biva mu ijuru, bimanuka bituruka kuri Se w'imicyo udahinduka, cyangwa ngo agire igicucu cyo guhinduka. Yakobo 1:17

Icyago cya gatanu kizana impinduka. Abatuye isi, kubwo gutakishwa n'ibyago bya mbere, babonye ugutakana umubabaro kw'inyamaswa (ari bwo bupapa) maze batangira gukemanga ubutware bwabwo. Nk'uko imbaraga zafashaga Farawo mu kwinangira kurekura ubwoko bw'abisirayeli zatentebutse ubwo ibyago byasukwaga(Kuva10:7), ni nako imbaraga zishyigikiye ubupapa zatangiye gutentebuka, bifungurira inzira icyago cya gatandatu.

Icyago cya gatandatu

Marayika wa gatandatu asuka urwabya rwe mu ruzi runini Ufurate. Amazi yarwo akamira kugira ngo inzira y'abami baturuka iburasirazuba yitegurwe. Ibyahishuwe 16:12

Hano hari ibintu bibiri bigaragara, uruzi rwa Ufurate rurakama maze ibi bigategura inzira z'abami b'iburasirazuba. Ufurate rwari uruzi rwagaburiraga Babuloni, none dusubijwe inyuma mu kurimbuka kw'uyu murwa wa kera igihe umugezi wakamaga ngo bitegurire inzira abaje kuwufata ngo babone uko binjira mu mugi. Imyaka 150 mbere y'uko umurwanyirye wanesheje Babuloni avuka, umuhanuzi Yesaya yamuvuze izina:

Ibi ni byo Uwiteka abwira Kuro, uwo yimikishije amavuta ati "Ni we mfashe ukuboko kw'iburyo nkamuneshereza amahanga ari imbere ye, kandi nzakenyuruza abami kugira ngo mukingurire inzugi, kandi n'amarembo ntazugarirwa. Nzakujya imbere ahataranganiye mparinganize, nzamenagura inzugi z'imiringa, n'ibihindizo by'ibyuma nzabicamo kabiri." Yesaya 45:1-2

Ubu ni ubuhanuzi butangaje. iki cyigisho hano kirahishura ko Kuro ashushanya Kristo uzaza umunsi umwe aje gutabara abana be akabakura muri Babuloni y'amayobera maze akabajyana muri Yerusalemu yo mu ijuru.

Abwira imuhengeri ati 'Kama, nanjye nzakamya imigezi yawe.' Kandi avuga ibya Kuro ati 'Ni umushumba wanjye, azasohozza ibyo nshaka byose.' Akavuga iby'I Yerusalemu ati 'Hazubakwa', kandi avuga iby'urusengero ati 'Urufatiro rwawe ruzashyirwaho.' Yesaya 44:27-28

Yesaya 44:27 havuga ko Imana Ubwayo Izakamya amazi ya Ufurate kandi ibi bigatuma Babuloni ihanguka kuko bizakingurira Kuro inzira ngo yinjire mu murwa. Amateka ahishura ko Kuro Mukuru yigaruriye Babuloni mu mwaka wa 539 Mbere ya Kristo, kuko amazi ya Ufurate yari yahagaze gutemba. Kuro yiswe Umushumba, kandi muri Yesaya 45:1 yiswe

uwasizwe n'Uwiteka. Kuro yabohoye Abisirayeli nta kiguzi kandi Yesu azabohora ubwoko bwe nta kiguzi.

Nk'uko amazi ya Babuloni ya kera yakamye, ni na ko amazi ya Babuloni mu bya mwuka agomba gukama. Amazi mu Byahishuwe igice cya 17 ashushanya amahanga meshi ashyingikiye Roma, ni ukuvuga ko rero urufatiro rw'uko gushyigikirwa rwatangiye kurindimuka.

Nuko arambwira ati "Ya mazi wabonye wa maraya yicaraho, ni yo moko n'amateraniro y'abantu n'amahanga n'indimi." Ibyahishuwe 17:15

Mbese ni abahe bami bo mu burasirazuba banesheje Babuloni muri 539 mbere ya Kristo igihe amazi ya Ufurate yakamaga?

Bari Kuro na Dariyo, wari seburakwe, bishushanya data n'umwana. Ese ni abahe bami bazaza kudutabara igihe igishushanya Ufurate kizakama ubwo ugushyigikirwa na muntu bizakurwa kuri Babuloni y'amayobera? Niba Kuro yarashushanyaga Kristo, ubwo rero abami b'iburasirazuba bagomba kuba ari Imana Data n'Imana Umwana igihe Kristo azaba agarutse. Abahanuzi Yesaya na Ezekiyeli bavugaga kuri ibi bintu bidasanzwe.

...maze duterane tuburane. Ni nde wahagurukije uva iburasirazuba, akamuhamagaza gukiranuka ngo agere ku birenge bye. Amugabije amahanga, amuha gutwara abami, abagabiza inkota ye ibahindura nk'umukungugu, abagabiza n'umuheto we abahindura nk'ibishingwe bitumurwa. Yesaya 41:1-2

Hanyuma anjyana ku irembo, ari ryo ryerekeye iburasirazuba. Maze mbona ubwiza bw'Imana ya Isirayeli buje buturuka mu nzira y'iburasirazuba, ijwi ryayo rimeze nko guhorera kw'amazi menshi, maze isi imurikirwa n'ubwiza bwayo. Ezekiyeli 43:1-2

Yesu azaza mu bwiza bwe, mu bwiza bwa Se no mu bwiza bw'abamarayika bera:

Umuntu wese ugira isoni zo kunyemera no kwemera amagambo yanjye muri iki gihe cy'ubusambanyi kandi kibi, Umwana w'umuntu na we azagira isoni zo kumwemera, ubwo azazana n'abamarayika bera afite ubwiza bwa Se. Mariko 8:38

Mbese ni ibiki biheruka bizaba mbere y'uko Kristo agaruka?

Ubwo yabonaga ko urufatiro rwo gushyigikirwa kwe rutangiye kugwa, Satani yakoresheje imbaraga ze zose kugira ngo ashimangire imbaraga za Babuloni, maze mu muhati we uheruka yohereza imyuka ye y'abadayimoni ngo yumvishe isi yose ko abateje ikibazo ari abakurikiza amategeko y'Imana bakanga kwemera icyumweru cy'ubupapa. Nyuma yo kubona amazi ya Ufurate akamye Yohana yabonye:

Nuko mbona mu kanwa ka cya kiyoka no mu kanwa ka ya nyamaswa, no mu kanwa ka wa muhanuzi w'ibinyoma, havamwo imyuka itatu mibi isa n'ibikeri, kuko ari yo myuka y'abadayimoni, ikora ibitangaza igasanga abami bo mu isi yose, ngo ibahururize kujya mu ntambara yo ku munsu ukomeye w'Imana Ishoborabyose. Dore nzaza nk'umujura. Hahirwa uba maso akarinda imyenda ye, kugira ngo atagenda yambaye ubusa bakareba isoni z'ubwambure bwe. Ibateraniriza ahantu mu Ruheburayo hitwa Harimagedoni. Ibyahishuwe 16:13-16

Muri iyi ntambara iheruka, imbaraga za Babuloni zishyize hamwe. Nk'uko byagaragajwe mu cyigisho cyitwa *Wino ya Babuloni*, ikiyoka gishushanya abemera imyuka mibi, inyamaswa igashushanya ubugatolika, naho umuhanuzi w'ibinyoma agashushanya ubuprotestanti bwaguye. Ubu butatu kandi bushushanya kwigereranya n'ubutatu bwera; Data, Umwana na Mwuka Wera. Ikiyoka cyiganye Imana Data kuko nacyo gitanga imbaraga, ubutware ndetse n'intebe y'ubwami kikabiha undi muntu ari we Inyamaswa nk'uko bigaragara. Inyamaswa, ari yo bupapa bwigana Kristo, kuko ubupapa bwakomeretse uruguma rwica nk'uko Kristo yarukomeretse ubwo yapfaga nyuma akazuka. Umuhanuzi w'ibinyoma ni inyamaswa ifite amahembe nk'ay'umwana w'intama, bivuga Amerika y'ubuprotestanti nk'uko tubibona mu Byahishuwe 13 (reba icyigisho cyitwa *Inyamaswa ebyiri zo mu Byahishuwe 13*). Iyi nyamaswa iyobesha abari mu isi umuriro udasanze kuko imanura umuriro uva mu ijuru. Mu yandi magambo, yigana Pentekoti maze ikazana umwuka wera w'ibinyoma.

Nk'uko yabigenje mu bihe byashize, Imana izatabara ubwoko bwayo mu gihe bwugarijwe nta bundi buhungiro. Igihe ubwoko bw'Imana burenganyijwe, bisa no gushoza intambara ku Mana. Urugero rw'ibi turubona mu guhinduka kwa Pawulo. Mu Byakozwe n'intumwa, dusoma ko Yesu avuga ko Pawulo yamurenganyaga ubwo yarimo arenganya abakristo:

Agwa hasi yumva ijwi rimubaza riti "Sawuli, Sawuli, undenganiriza iki?" aramubaza ati "Uri nde, Mwami?" Na we ati "Ndi Yesu uwo urenganya." Ibyakozwe n'Intumwa 9:4-5

Mu Byahishuwe 13 hagaragaza ko itegekoteka ryo gupfa rizatangwa ku muntu wese utaramya (kwubaha umuntu mu cyimbo cyo kwubaha Imana) igishushanyo cy'inyamaswa (kwishyira hamwe kw'itorero na leta by' Amerika y'ubuprotestanti) kandi akanga kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa, kandi ibi bizazana intambara iheruka - Intambara ya Harimagedoni.

Ihabwa guha icyo gishushanyo cy'inyamaswa guhumeka, ngo kivuge kandi cyicishe abatakiramya bose. Ibyahishuwe 13:15

Harimagedoni yiswe izina ry' ahantu:

Ibateraniriza ahantu mu Ruheburayo hitwa Harimagedoni. Ibyahishuwe 16:16

Imbaraga za politiki zo ku isi zongereye ubushobozi bwazo bw'ibyo gushyiraho amategeko ku mbaraga ziyobya za Babuloni maze bashoza intambara ku Mana barenganya abera. Muri uru rugamba rukaze, Kristo azatabara kugira ngo akureho icyaha kandi ahane inkosi z'ibibi.

Dore Uwiteka yazanye n'inzovu nyinshi z'abera be, kugira ngo agirire bose ibihura n'amateka baciriweho, no kwemeza abatubaha Imana bose ukuri kw'imirimo yose yo kutubaha Imana bakoze batubaha Imana, n'amagambo yose akomeye abanyabyaha batubaha Imana bayitutse. Yuda 14-15

Ijambo Harimagedoni nyirizina risobanuye umusozi wa Megiddo. Aha niho Imana yarwaniriye Abisirayeli maze itsemba abanzi babo. Iyo umuntu arenganyije amaso ikibaya cya Megiddo, umusozi wonyine ubasha kubona ni umusozi Karumeri, hamwe Eliya yahanganiye n' abahanuzi ba Bali. Bihuje neza n'uko intambara iheruka nayo izarwanwa ishingiyeye ku mahitamo ukora ku wo wifuza kuyoboka. Aha ibyabayeho mbere biduhishurira

byinshi ku cyo byashushanyaga bizabaho mu bihe biheruka. Intambara iheruka ntabwo izabera mu kibaya nyirizina cya Megiddo, ariko ugusohora kw'iyi ntambara muri rusange bizaba bisa neza n'ibyabaye mu gihe cyashize. Ijambo rya kigiriki "ahantu" ni *topos*, kandi *topos* risobanura ahantu ariko nanone rikanasobanura uko uhagaze mu bitekerezo. Satani azigarurira ibitekerezo by'abantu bo mu isi maze bagire ibitekerezo bibahatira kurwanya ndetse no kwica abanga kumvira amategeko yabo. Ibi bizateza akaga kandi hazabaho ibihe by'umubabaro utarigeze kubaho, ariko muri uwo mubabaro ni bwo Kristo azatabara abe.

Maze icyo gihe Mikayeli, wa mutware ukomeye ujya ahagarikira abantu bawe azahaguruka, hazaba ari igihe cy'umubabaro utigeze kubaho uhereye igihe amahanga yabereyeho ukageza icyo gihe. Nuko icyo gihe abantu bawe bazaba banditswe mu gitabo, bazarokorwa. Daniyeli 12:1

Andi masomo yo mu Byanditswe avuga ku by'intambara ya Harimagedoni mu yandi magambo. Yoweli ayita ikibaya cya Yehoshafati mu gihe Zekariya avuga ko amahanga azateranira i Yerusalemu, bisobanuye ko bazarwanya ubwoko bw'Imana:

Nzateranya amahanga yose nyamanurire mu gikombe cya Yehoshafati... Yoweli 4:2

Nzakoranya amahanga yose atere i Yerusalemu... Zekariya 14:2

Mbese iyi ntambara izarwanwa ite kandi bizaba ryari?

Bwa mbere, tubanze tumemye icyo gihe. Nta muntu n'umwe uzi igihe cyangwa isaha yo kugaruka kwa Kristo.

Nuko mube maso, kuko mutazi umunsi cyangwa igihe Umwana w'umuntu azazira. Matayo 25:13

Icyakora, Bibiliya ivuga ko ibi bizaba mu gicuku nijoro. Ibi byaba bisobanura gusa igihe giheruka. Nyamara, amategeko ya za leta atangira kubahirizwa mu gicuku saa sita z'ijoro kandi n'amategekoteka y'isi muri rusange ashwirwaho bagendeye ku isaha ya saa sita z'ijoro bitewe n'ahantu runaka. Urugero, itegeko ry'Umuryango w'abibumbye ryo kurwanya Iraki ryatangiyeye kubahirizwa "saa sita za mu gicuku ku isaha igenderwaho mu burasirazuba". Itegeko ry'isi yose rihatira abantu ikimenyetso cy'inyamaswa naryo rishobora kuzatangira kubahirizwa mu buryo nkubwo. Kuko tudashobora gushyiraho igihe ndakuka, ariko ibi byose biratwereka ko ugutabarwa n'Imana kuzaba mu gihe giheruka ubwo iryo tegeko rizaba rigiye gushyirwa mu bikorwa. Kandi ibi tubibona mu mateka yo muri Egiputa uburyo ibyabayeho bishushanya ibizaba mu gihe giheruka:

Mu gicuku Uwiteka yica abana b'imfura bose bo mu gihugu cya Egiputa... Kuva 12:19

Bapfa mu kanya gato ndetse mu gicuku, abantu baradandabirana bakagendanirako, kandi intwari zikurwaho ari nta muntu zizize. Yobu 34:20

Ariko nijoro mu gicuku habaho urusaku ngo 'Umukwe araje, nimusohoke mumusanganire!' Matayo 25:6

Icyago cya Karindwi

Ikibazo cy'uburyo iyi intambara izarwanwa gisubirizwa mu cyago cya karindwi.

Marayika wa karindwi asuka urwabya rwe mu kirere. Ijwi rirenga rivugira mu rusengero kuri ya ntebe riti "Birarangiye!", Habaho imirabyo n'amajwi no guhinda kw'inkuba, habaho n'igishyitsi cyinshi, igishyitsi gikomeye gityo nticyigeze kubaho uhereye aho abantu babereye mu isi. Wa mudugudu ukomeye ugabanywamo gatatu, imidugudu y'abanyamahanga iragwa. Babuloni ikomeye yibukwa imbere y'Imana, ngo ihabwe agacuma k'inzoga, ari yo nkazi y'umujinya wayo. Ibirwa byose birahunga kandi imisozi ntiyaboneka. Urubura rukomeye rumanukira abantu ruvuye mu ijuru, ibuye ryarwo rimwe riremera nk'italanto. Icyo cyago cy'urubura gituma abantu batuka Imana, kuko icyago cyarwo gikomeye cyane. Ibyahishuwe 16:17-21

Icyago giheruka cy'urubura kirimbura amahanga yo mu isi. Babuloni irasenyuka ibice bitatu biyigize biratandukana maze igishyitsi gikomeye cyane kitigeze kiba mu isi kirayijegeza maze kirimbura ibinyabuzima byo mu isi. Ibubuye binini by'urubura bipima hafi ibiro 50 ikibuye kimwe maze birimbura abigometse ku Mana. Hagati muri uru rujijo, ubwoko bwa Kristo burimurwa nk'uko tuza kubibona. Mu gitabo cya Yobu tuhabona ibijyana kuri iyi ntambara y'urubura.

Mbese hari ubwo wageze mu bubiko bwa shelegi, cyangwa wabonye ububiko bw'urubura? Urwo nabikiye igihe cyo kuruterasha amakuba, umunsi w'intambara no kurwana. Yobu 38:22-23

Kristo ni we Muneshi muri iyi ntambara:

Mbona ijuru rikinguye kandi ngiye kubona mbona ifarashi y'umweru. Uhetswe na yo yitwa Uwo kwizerwa, kandi Uw'ukuri. Ni we uca imanza zitabera akarwana intambara zikwiriye. Amaso ye ni ibirimi by'umuriro no ku mutwe we afite ibisingo byinshi, kandi afite izina ryanditswe ritazwi n'umuntu wese keretse we wenyine. Yambaye umwenda winitswe mu maraso kandi yitwa Jambo ry'Imana. Ingabo zo mu ijuru ziramukurikira zihetswe n'amafarashi y'imyeru, zambaye imyenda y'ibitare myiza, yera kandi itanduye. Mu kanwa ke havamo inkota ityaye kugira ngo ayikubite amahanga, azayaragize inkoni y'icyuma. Yengesha ibirenge mu muvure w'inkazi y'umujinya w'Imana Ishoborabyose. Kandi ku mwenda we no ku kibero cye afite izina ryanditsweho ngo UMWAMI W'ABAMI, N'UMUTWARE UTWARA ABATWARE. Ibyahishuwe 19:11-16

Abacunguwe bazaririmbana ibyishimo. Intambara yabo izaba irangiye maze bajyanwe muri kanani yo mu ijuru.

Nuko uwo munsi bazavuga bati ngo "Iyi ni yo Mana yacu twategerezaga, ni yo izadukiza. Uyu ni we Uwiteka twategerezaga, tuzanezerwa twishimire agakiza ke." Yesaya 25:9

Ukugaruka kwa Kristo

Imvugo nyamukuru ya Bibiliya ni Kristo n'ubwami bwe. icyaha n'urupfu ntabwo bizabaho ibihe byose, ahubwo umunsi uzagera ubwo Kristo azatsembe abanzi be, maze ashyire iherezo ku butware bwa Satani. Ubwami bwa Kristo nibwo dukwiriye kurangamira no gusengera, kandi nicyo cya mbere gisabwa mu isengesho ry'Umwami wacu.

Ubwami bwawe buze. Matayo 6:10

Umunsi ukomeye w'Uwiteka wakomeje kuba ibyiringiro bikomeye by'ubwoko bw'Uwiteka mu bihe byose, nyamara kandi wagiye unaba umunsi wumviswe nabi kandi ugasobanurwa nabi. Benshi bizeye Mesiya w'igihe gito wo kubakura mu kaga barimo, mu gihe abandi bashyiragaho inyigisho ziheza abandi, zivuga ko agakiza n'uguhishurwa kwa Mesiya ari ibyabo bonyine. Ku matsinda nk'aya, ukwicisha bugufi n'umurimo wa Yesu Kristo, ubwo yagendaga hagati mu bantu, byabaciye intege, nuko biyemeza gushaka undi Mukiza ukomeye bihuje n'ibyifuzo bishyizemo. Kuri abo Yesu yaravuze ati:

Murondora mu byanditswe, kuko mwibwira ko muri byo arimo mufite ubugingo buhoraho, kandi ari byo bimpamya. Yohana 5:39

Imana ntabwo yadusize nk'imfubyi. Ahubwo, ibinyujije mu bahanuzi bayo, yaratwigaragarije kandi itugaragariza n'umugambi ijuru rifite wo kudutabara.

Ni ukuri Uwiteka Imana ntizagira icyo ikora itabanje guhishurira abagaragu bayo b'abahanuzi ibihishwe byayo. Amosi 3:7

Ubutabazi bw'Imana ku bantu ntabwo bwabayeho butunguranye, ahubwo bwateguriwe gukiza abantu kubw'ubuntu kandi bunubahiriza ibisabwa n'amategeko. Kugomera amategeko byasabaga ubutabera, kandi igihano cyo kugomera amategeko ni urupfu. Ubwo Adamu na Eva bacumuraga, Imana yasezeranye Umukiza.

Nzashyira urwango hagati yawe n'uyu mugore, no hagati y'urubyaro rwawe n'urwe, ruzagukomeretsa umutwe nawe uzarukomeretsa agatsinsino. Itangiriro 3:15

Muri ubu buhanuzi, umugore ni itorerero (ni ubwoko bw'Imana bwo mu bihe byose). Urubyaro rw'inzoka ruhagarariye abahakanyi bose bo mu bihe byose, naho urubyaro rw'umugore ni Mesiya wagombaga kuzamenagura umutwe w'inzoka. Kandi na Mesiya ubwe akazakomeretswa agatsinsino n'inzoka. Ibisekuru bibiri bya Yesu byatanze mu byanditswe bigaragaza igisekuru cya Kristo kuva kuri Adamu, kugera kuri Aburahamu, kugera kuri Yozefu na Mariya. (Matayo 1:1-16; Luka 3:23-28). Mu Byahishuwe 12, umugore uhavugwa waje kubara umwana w'umuhungu ashushanya itorerero (reba icyigisho *Intambara y'ibihangange*), kandi "urubyaro" rushushanya Kristo. (Abagalatiya 3:16)

Mu kuza kwe kwa mbere, Kristo yaje kwishyura ikiguzi cy'icyaha. Maze ahinduka icyaha ku bwacu. (2 Abakorinto 5:21):

Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha. Yesaya 53:5

Icyo ubutabera kwasabaga cyarujwe, maze ubuntu burasaga. Muri Kristo, twunzwe n'Imana (Abaroma 5:10; 2 Abakorinto 5:18; Abakolosayi 1:21-22). Iyi ni yo yari intego yo kuza kwa Yesu bwa mbere. Satani yaratsinzwe, ariko ntabwo yakuweho. icyaha n'urupfu byaratsinzwe, ariko ntabwo byatsembweho. Yesu yasezeranye ko azagaruka ku isi kujyana abo yacunguye mu mazu yabateguriye.

Mu rugo rwa Data harimo amazu menshi: iyaba adahari mba mbabwiye, kuko ngiye kubategurira ahanyu. Kandi ubwo ngiye kubategurira ahanyu, nzagaruka mbajyane iwanjye, ngo aho ndi namwe muzabeyo. Yohana 14:2-3

Iri ni isezzerano rikomeye ryo kugaruka kw'Umukiza mu bwiza bwe. Ariko, iby'ishyirwaho rihuruka ry'ubwami bw'Imana ntiriri muri iri sezerano. Ahubwo icyasezeranwe hano n'uko Kristo azagaruka gutwara abo yacunguye akabajyana aho yabateguriye.

Nzagaruka mbajyane iwanjye, ngo aho ndi namwe muzabeyo. Yohana 14:3

	Matayo	Mariko	Luka
1. Intambara no gushyamirana kw'amahanga	24:7	13:8	21:9-10
2. Ibishyitsi	24:7	13:8	21:9-11
3. Nk'uko byari mu minsi ya Nowa	24:37-39	--	--
4. Ubutumwa bwiza bugomba kubwirizwa mu isi yose	24:14	13:10 (Reba mu cyigisho)	-- cyitwa Urutare rwo kuruhiraho)
5. Umubabaro	24:21	13:24	-- 21:8
6. Ba kristo b'ibinyoma	24:4-5,23-24	13:22	21:25-26
7. Ibimenyetso ku zuba, ku kwezi no ku nyenyeri	24:29	13:24:25	Yesaya 13:10 (reba icyigisho urutare rwo kuruhukiraho.)

Ishusho 17.1

Abacunguwe bazajyanwa mu ijuru ubwo Umwami azaba agarutse. Ariko, Bibiliya yigisha neza iby'ubwami bwo ku isi. Isi ni yo izahinduka ubuturo bwejeje bw'abacunguwe (Matayo 5:5; 2 Petero 3:13; Ibyahishuwe 5:10; 21:1-3) kandi Imana ubwayo Izarema isi nshya maze iyigire ubuturo bwayo. (Ibyahishuwe 21:3)

Mu bigaragara, hagomba kuba hariho ukuza kwa Kristo kurenze kumwe, kandi hagomba kubaho ubusobanuro bwitondewe kuri iyi ngingo ngo dutandukanye ukuza kwa Kristo nk'uko biboneka mu byanditswe. Bibiliya mu by'ukuri, ivuga ukuza kwa Kristo uburyo bune, kandi buri kuza kwe kose gufite intego zitandukanye.

1. Ukuza kwa Kristo nk'uruhinja
2. Ukuza kwa Kristo asanga Umukuru ny'iri ibihe byose. (Daniyeli 7:13)
3. Ukuza kwa Kristo mu cyubahiro azanye n'abamarayika be kujyana abacunguwe mu ijuru
4. Ukuza kwa Kristo aje gushyiraho ubwami bwe ku isi

Ukuza kwa Kristo nk'uruhinja twabivuzeho mu cyigisho cyitwa *Yesu, ibihimbano cyangwa Mesiya*, kandi ukuza kwe aje gushyiraho ubwami bwe ku isi tuzabigarukaho mu cyigisho gikurikira cyitwa *Ikinyagihumbi cyategerejwe igihe kirekire*. Ukuza kwa Kristo asanga Umukuru nyir'ibihe byose no kuza kwa Kristo aje mu bwiza ntabwo byerekeje ku kintu kimwe. Hari urujijo rukomeye ku byerekeye ibi bihe byombi, kandi mu ruhanda rw'abizera Kristo ku isi benshi babisobanura mu buryo butandukanye. Ukuza kwa Kristo asanga Umukuru nyir'ibihe byose ni igikorwa kibera mu ijuru mbere y'uko Kristo aza ku isi bwa kabiri. Mu gihe uru rubanza kagenzuzi rubanziriza kuza kwa Yesu ruri kuba mu ijuru, umuhanuzi Daniyeli yabonye kandi yumva agahembe gato ku isi karimo gutuka Imana, bivuga ko rero ukugaruka ku isi kwa Kristo kwari kutarabaho (Reba icyigisho cyitwa *Umuntu wiyoberanya*).

Ibimenyetso byo Kugaruka Kwe

Ibyanditswe Byera bihamya ibizabanziriza ukugaruka kwa Kristo. Hazaba ibimenyetso mu isi, impagarara hagati y'ibihugu ndetse n'imyifatire idasanzwe mu buzima rusange bwa kiremhamuntu. Muri Matayo 24, Yesu yavuze ku bintu byagombaga kubaho mbere y'irimbuka rya Yerusalemu ndetse n'irimbuka ry'isi ku iherezo ry'ibihe. Ibi bimenyetso biboneka kandi no muri Mariko 13 na Luka 21. Incamake y'ibi bimenyetso nk'uko bivugwa mu butumwa bwiza biboneka ku *ishusho 17.1*

Bishobora kuvugwa ko byinshi muri ibi bimenyetso byatanze muri ibi bice byahozeho ku isi, ariko ntihigeze habaho igihe ibi bimenyetso bigaragarira mu isi icyarimwe byikurikiranya ahantu hatandukanye.

Umunsi ukomeye w'Uwiteka uri bugufi, ndetse umuhindo wawo ugeze hafi kandi urihuta, intwari irataka inyinyiriwe. Uwo munsi ni umunsi w'uburakari, ni umunsi w'amakuba n'umubabaro, ni umunsi wo kurimbura no kwangiza, ni umunsi urimo umwijima n'ibihu, ni umunsi w'ibicu n'umwijima w'icuraburindi. Zefaniya 1:14-15

Kandi hazaba ibimenyetso ku zuba no ku kwezi no ku nyenyeri, kandi no hasi amahanga azababara, bumirwe bumvise inyanja n'umuraba bihorera. Abantu bazagushwa igihumure no kwibwira ibyenda kuba..... Luka 21:25-26

Ibimenyetso bivugwa hano birerekereza ku munsi w'umwijima wabaye ubwo habaga kwijima kw'izuba ndetse n'inyenyeri zikagwa ziva mu ijuru, ari byo byabayeho igihe cyo gukanguka kw'itorero ry'abari bategereje Kristo. Nyuma y'akarengane k'imyaka 1260 ubupapa bwamaze busiribanga ukuri, amajyaruguru y'iburasirazuba bwa Amerika hazwi ku zina rya New England habaye umunsi wamenyekanye nk'umunsi w'umwijima ku itariki ya 19/5/1780. Uwo munsi waje kandi gukurikirwa n'ibimenyetso ku kwezi. Inyenyeri zaguye

zimeze nk'urubura zigereranywa n'izaguye bikomeye cyane ku itari ya 13/11/1833, ubwo hagwaga nka 200,000 mu gihe cy'isaha imwe. Itsinda ryiswe Milarites (itsinda ryitiriwe William Miller) ryafashe ibi bimenyetso nk'isohozwa ry'ubu buhanuzi. Irindi somo ryerekeza kuri ibi bimenyetso riboneka mu Byahishuwe 6.

Nuko mbona amena ikimenyetso cya gatandatu, habaho igishyitsi cyinshi, izuba ririrabura nk'ikigunira kiboheshejwe ubwoya, ukwezi kose guhinduka nk'amaraso, inyenyeri zo mu ijuru zigwa hasi, nk'uko umutini iyo unyeganyejwe n'umuyaga mwinshi uragatika imbuto zawo zidahishije. Ibyahishuwe 6:12-13

Amateka avuga ibi bihe bitazibagirana muri ubu buryo:

Umunsi w'umwijima wo mu majyaruguru y'iburasirazuba bwa Amerika, uzwi cyane n'abakuze ndetse n'abato, wabaye ku itariki ya 19/5/1780... Ahagana saa tanu z'amanya, hatangiye kuba umwijima, nkaho ryari ijoro ritashye. Abantu bahagaritse imirimo yabo; maze inka zabiraga zitaha mu biraro byazo, amashyo y'intama zatamatamaga zibyiganira mu biraro byazo, inyoni zo mu gasozi zasakuzaga ziguruka zerekeza mu byari byazo... Ryabaye ijoro ry'icuraburindi ku buryo umuntu atashoboraga kuzamura ikiganza cye ngo akibone, habe no kuba wabona urupapuro rw'umweru. – "History of Weare, New Hampshire, 1735 – 1888." (Boston Public Library)

Muri icyo gihe cyose, umwijima w'icuraburindi warabuditse mu maso y'ibyaremwe byose: - Nta mwijima w'ijoro ridasanze kandi riteye ubwoba wigeze ugeza ah'uwo mwijima w'ayo manywa. Nta kwezi kwatangaga umucyo, nta kintu cyabashaga kumenyekana, keretse gusa hakoreshejwe urumuri rw'amasitimu, urwo rumuri ururebeye mu ngo z'abaturanyi n'ahantu ha kure byagaragaraga nk'umwijima wo muri Egiputa, kuko ntacyo wabashaga kubona kubw'uwo umwijima udatoborwa. "The Independent Chronicle" (Boston). 8/6/1780.P4

Herschel, umuhanga mu by'ubumenyi bw'ikirere, yabyemeje muri aya magambo:

Umunsi w'umwijima, wo ku itariki ya 19/5/1780, ni umwe mu minsi itangaje wigeze kubaho mu mateka kandi uzakomeza kwiganwa amatsiko, nyamara abahanga bakaba barananiwe gusobanura ibyawo.

Yesu kandi yahanuye ko ugushyamirana hagati y'amahanga kuzarushaho kwiyongera mbere y'uko agaruka.

Ishyanga rizatera irindi shyanga, n'ubwami buzatera ubundi bwami, hazabaho inzara n'ibishyitsi hamwe na hamwe. Matayo 24:7

Ijambo ry'ikigiriki ryakoreshejwe hano bavuga ishyanga ni *ethnos* ari naho hakomoka ijambo *ethnic group* bivugaga ubwoko. Ikibabaje ariko, ni uko urebye mu bihugu byo mu isi ya none, bashobora kuba bakora ibiganiro by'amahoro, ariko uguhohoterwa gushingiye ku bwoko, ndetse n'itsembatsemba hagati y'amoko nibyo bigwiriye mu isi.

Mu by'ubukungu bwo mu isi naho, ibintu biragenda bita agaciro, kandi itandukaniro riri hagati y'abakire n'abakene rirarushaho kugenda riyongera. Ukugwa kw'ubukungu ndetse no gukora ubutaruhuka byahanuwe ko bizabaho mu minsi y'imperuka.

Izahabu zanyu n'ifeza zanyu ziriwe n'ingese. Ingese yazo ni yo izaba umugabo wo kubahamya, izarya imibiri yanyu nk'umuriro. Mwabitse ubutunzi bwanyu mu minsi y'imperuka. Dore, ibihembo by'abasaruzi basaruye imirima yanyu, ibyo mwabimishije uburiganya birataka, kandi umuborogo w'abo basaruzi winjiye mu matwi y'Uwiteka Nyiringabo. Yakobo 5:3-4

Inyigisho z'ibinyoma ndetse n'abiyita Kristo bazaduka mbere y'uko Yesu agaruka:

Kuko abiyita Kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya n'intore niba bishoboka. Matayo 24:24

Mu iherezo ry'ikinyejana cya makumyabiri hagaragaye ba Kristo b'ibinyoma benshi. Uwiswe nyagasani Maitreya yarigaragaje kandi avuga ibintu bihabanye cyane n'Ibyanditswe Byera, kandi abanyamadini benshi bategereje undi umeze nk'uyu.

Amadini yose akomeye yizera ko hari irindi hishurwa rizatangwa n'undi mwigisha utegerejwe mu gihe kizaza. Abakristo bizera ko Kristo azagaruka, ababudiste bizera ko hari undi Buddha uzaza (ari we Nyagasani Maitreya), mu gihe abayisilamu bo bategereje Imam Mahdi, abahindu bo bizera ko hazagaruka Krishna mu yindi sura, naho abayuda bo bakaba bategereje Mesiya. (Share International)

Ibindi bimenyetso biranga kugaruka kwa Kristo kwegereje byatanzwe mu Byanditswe Byera kandi bigaragaza ko igihe kiri bugufi. Muri ibyo bimenyetso harimo:

- Kwiyongera kw'ubwenge – *Daniyeli 12:4*
- Kwiyongera kw'imbaraga za kidayimoni – *Ibyahishuwe 16:13-14, 1 Timoteyo 4:1-7*
- Kwiyongera kwo kugomera amategeko y'Imana – *2 Timoteyo 3:1-7*
- Kuva mu Byizerwa – *2 Timoteyo 4:3,4*
- Kwaduka kw'inyigisho z'ibinyoma (ko umuntu akomoka ku nyamaswa) – *2 Petero 3:3-7*
- Kwiyongera kw'iterambere nko mu bwikorezi (Ubwikorezi bugezweho) – *Nahumu 2:4-5*

Ikizaheruka ibindi muri ibyo bimenyetso ni uko:

Kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose, ni bwo imperuka izaherako ize. Matayo 24:14

Duhamagarirwa kwiga ibi bimenyetso no kubwitaho cyane. (Matayo 224:32-35) Cyakora ntabwo turi bwanzure ko dushobora kumenya umunsi cg isaha yo kugaruka kwe dushingiye kuri ibi bimenyetso. (Matayo 24:36) Ikindi kandi, nitwiga neza imiterere yo kugaruka kwa Kristo ndetse n'impamvu yo kugaruka kwe, ibyo bizatuma hatagira n'umwe uyobywa. Nyamara, igitangaje nk'uko bigaragara, ni uko mu matorero ya gikristo ya kimenyabose nta ricyigisha ibyo kugaruka kwa Kristo uyu munsi. Mu matorero menshi, iyo

bibayeho kubwiriza ibyo kugaruka kwe, babwiriza ukuza kwa Kristo azaniye amahanga yo mu isi amahoro, nyamara ahubwo, Bibiliya yo yigisha irimbuka rikomeye ry'amahanga yo ku isi. Bigisha uguhindurwa kw' abanyabyaha ubwo Kristo azaba agarutse mu gihe Bibiliya yo yigisha ko Kristo azaza aje kurimbura icyaha n'abanyabyaha bakigundiriye. Tube maso rero tugenzure neza ibyo twiga.

Ukuza kwa Kristo mu bwiza

Ukuza kwa Kristo mu bwiza ni ibyiringiro by'umugisha ku itorerero. Yesu yaravuze ati:

Nzagaruka. Yohana 14:3

Iri sezerano rizasohozwa. Ukugaruka kwa Kristo cyangwa ukuza kwe bwa kabiri kuri iyi si ni igikorwa amaherezo kizabohora ubwoko bw'Imana mu buretwa bwa Satani bw'iyi si.

Dutegereje ibyiringiro by'umugisha, ari byo kuzaboneka k'ubwiza bwa Yesu Kristo, ari we Mana yacu Ikomeye n'Umukiza. Tito 2:13

....ku bamutegereza bihangane, azaboneka ubwa kabiri atazanywe no kwitambira ibyaha, abonekere abamutegereza kubazanira agakiza. Abaheburayo 9:28

Ni gute Kristo azagaruka

Amaze kuvuga atyo azamurwa bakimureba, igicu kiramubakingiriza. Bakiraramye batumbira mu ijuru akigenda, abagabo babiri barababonekera bahagaze iruhande rwabo, bambaye imyenda yera. Barababaza bati "Yemwe bagabo b' i Galilaya, ni iki gitumye muhagaze mureba mu ijuru? Yesu ubakuwemo akazamurwa mu ijuru, azaza atyo nk'uko mumubonye ajya mu ijuru." Ibyakozwe n'Itumwa 1:9-11

1. Mu bicu hamwe n'Abamarayika be

Yesu yajyanywe mu ijuru ari mu bicu, kandi azagaruka ari mu bicu. Ibicu bishushanya abamarayika b'Imana bayizengurutse, nk'uko bigaragara mu busobanuro bwa giheburayo.

Amagare y'Imana abarika inzovu ebyiri, ni koko, ni ibihumbi n'ibihumbi, Umwami Imana iri hagati yayo, Sinayi iri ahera ho mu rusengero. Zaburi 68:18

...ibicu abigira igare rye, agendera ku mababa y'umuyaga. Zaburi 104:3

Yesu ubwe yasezeranye ko azazana n'ibicu (abamarayika):

Ubwo ni bwo ikimenyetso cy'Umwana w'umuntu kizabonekera mu ijuru, n'amoko yose yo mu isi ni bwo azaboroga abonye Umwana w'umuntu aje ku bicu byo mu ijuru, afite ubushobozi n'ubwiza bwinshi. Matayo 24:30

Ahandi wabisoma ni muri Matayo 26:64; Mariko 13:26; Mariko 14:62 no mu Byahishuwe 1:7.

...Umwami Yesu azahishurwa ava mu ijuru, azanye n'abamarayika b'ubutware bwe.
2 Abatesalonike 1:17

Umwana w'umuntu ubwo azazana n'abamarayika bose afite ubwiza bwe, ni bwo azicara ku ntebe y'ubwiza bwe. Matayo 25:31

Kuza kwa Yesu mu bwiza bwe birenze ikintu cyose twatekereza. Azagaruka mu bwiza bw'abamarayika be ndetse n'ubwiza bw'Imana:

...ubwo azaza afite ubwiza bwe, n'ubwa Se, n'ubw'abamarayika bera. Luka 9:26

2. Ukugaruka kwa Kristo kuzabonwa n'abatuye isi bose

Dore arazana n'ibicu, kandi amaso yose azamureba... Ibyahishuwe 1:7

Kristo yaburiye abantu kuri ba kristo b'ibinyoma kuko bo batazagaragarira ahantu hose icyarimwe.

Nuko nibababwira bati 'Dore ari mu butayu', ntumuzajyeyo, cyangwa bati "dore ari mu kirambi", ntumuzabyemere. Kuko nk'uko umurabyo urabiriza iburasirazuba ukabonekera aho rirengerera, ni ko no kuza k'Umwana w'umuntu kuzaba. Matayo 24:26-27

...bazabona Umwana w'umuntu aje ku bicu byo mu ijuru, afite ubushobozi n'ubwiza bwinshi. Matayo 24:30

3. Ukugaruka kwa Kristo kuzumvikana

Azatumisha abamarayika be ijwi rirenga ry'impanda, bateranye intore ze mu birere bine, uhereye impera y'ijuru ukageza iyindi mpera yaryo. Matayo 24:31

...Kuko Umwami ubwe azaza amanutse ava mu ijuru aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye n'impanda y'Imana... 1 Abatesalonike 4:16

4. Kristo ntabwo azamanuka hano ku butaka, ahubwo azategereza abacunguwe mu kirere

Kuko Umwami ubwe azaza amanutse ava mu ijuru aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye n'impanda y'Imana, nuko abapfiriye muri Kristo niba bazabanza kuzuka, maze natwe abazaba bakiriho basigaye bahereko bajyananwe na

bo, tuzamuwe mu bicu gusanganirira Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose. 1 Abatesalonike 4:16-17

Mu gihe cy'icyago cya karindwi, ubwo igishyitsi giheruka n'urubura bizarimbura abatuye ku isi, abacunguwe (intore) bazakoranyirizwa hamwe n'abamarayika maze bazamurwe mu kirere gusanganira Umwami mu bicu. Uku ni ukwimurwa, ariko ntabwo ari ukwimurwa mu ibanga.

Azatumisha abamarayika be ijwi rirenga ry'impanda, bateranye intore ze mu birere bine, uhareye ku mpera y'ijuru ukageza iyindi mpera yaryo. Matayo 24:31

Mu kuza kwe bwa kabiri, Kristo azahamagara abapfuye bazurwe maze yohereze n'abamarayika be bakoranye intore, maze bose hamwe bajye gusanganira Kristo mu kirere. Kristo ubwe ntabwo azaza ku isi – ibirenge bye ntabwo bizakora ku butaka. Itegeko azaha abamarayika be ni iri ngo:

Munteranirizeho abakunzi banjye, basezeranishije nanjye isezerano ibitambo. Zaburi 50:5

Ibintu bizaba ubwo Kristo azaba agarutse

1. Abakiranutsi bapfuye bazazurwa

Kuko Umwami Ubwe azaza amanutse ava mu ijuru aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya marayika ukomeye n'impanda y'Imana, nuko abapfiriye muri Kristo nibo bazabanza kuzuka. 2 Abatesalonike 4:16

Abakiranutsi bari "muri Kristo" gusa nibo bazazuka ubwo Kristo azaba agarutse. Abazasigara batazutse mu bapfuye ntabwo bazazuka kugeza hashize imyaka 1000 (Reba icyigisho cyitwa *Ikinyagihumbi cyategerejwe igihe kirekire*).

Mbona intebe z'ubwami, mbona bazicaraho bahabwa ubucamanza. Kandi mbona imyuka y'abaciwe ibihanga babahora guhamya kwa Yesu n'ijambo ry'Imana, ari bo bataramije ya nyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo kandi batashyizweho ikimenyetso cyayo. Barazuka bimana na Kristo imyaka igihumbi. Uwo ni wo muzuko wa mbere. Abapfuye basigaye ntibazuka, iyo myaka igihumbi itarashira. Ibyahishuwe 20:4-5

Abakiranutsi barazuka – abakiranirwa ntibazuka kugeza imyaka 1000 irangiriye.

Ufite umugabane wo kuzuka kwa mbere arahirwa kandi ni uwera... Ibyahishuwe 20:6
Muri Yohana 5:28-29, Kristo atubwira ko abantu bose bazumva ijwi rye. Avuga imizuko ibiri, "hari abazakangukira kubona ubugingo buhoraho" hamwe "n'abazukira gucirwaho iteka" iyi mizuko ibiri itandukanyijwemo n'igihe cy'imyaka 1000.

2. Abakiranutsi bazaba bakiriho bazahindurwa

Maze natwe abazaba bakiriho basigaye duhereko tujyananwe na bo, tuzamuwe mu bicu gusanganirira Umwami mu kirere. 1 Abatesalonike 4:15

Abakiranutsi bazaba bariho ("natwe abazaba bakiriho") bazakoranyirizwa hamwe n'abakiranutsi bazaba bazuwe maze bose hamwe bajye gusanganira Umwami mu kirere. Abakiranutsi bazaba bakiriho ntabwo bazigera bapfa, ahubwo bazahindurwa nk'uko byagenze kuri Enoki na Eliya. (Itangiriro 5:24; 2 Abami 2:11)

Dore mbamenere ibanga: ntituzasinzira twese, ahubwo twese tuzahindurwa mu kanya gato, ndetse mu kanya nk'ako guhumbya, ubwo impanda y'imperuka izavuga. Impanda izavuga koko, abapfuye bazurwe ubutazongera kubora natwe duhindurwe, kuko uyu mubiri ubora ukwiriye kuzambikwa kutabora, kandi uyu mubiri upfa ukwiriye kuzambikwa kudapfa. Ariko uyu ubora numara kwambikwa kutabora, n'uyu upfa ukambikwa kudapfa, ni bwo hazasohora rya jambo ryanditswe ngo "urupfu rumizwe no kunesha" 1 Abakorinto 15:51-54

Abakiranutsi bazaba bakiriho bazahindurwa mu kanya gato ubwo impanda ya nyuma izavuga. Imibiri yacu izahindurwa ise nk'umubiri w'ubwiza bwa Kristo.

Naho twebweho iwacu ni mu ijuru, ni ho dutegereje Umukiza ko azava ari we Mwami Yesu Kristo, uzakindura uyu mubiri wo gucishwa bugufi kwacu akawushushanya n'umubiri w'ubwiza bwe, kuko afite imbaraga zo kumubashisha kwigandurira byose. Abafilipi 3:20-21

Bakundwa, ubu turi abana b'Imana ariko uko tuzamera ntikurerekanwa. icyakora icyo tuzi ni uko Yesu niyerekanwa, tuzasa na we kuko tuzamureba uko ari. Kandi ufite ibyo byiringiro yiboneze nk'uko uwo aboneye. 1 Yohana 3:2-3

Kandi urupfu azarumira bunguri kugeza iteka ryose. Uwiteka Imana izahanagura amarira ku maso yose, n'igitutsi batuka ubwoko bwayo azagikura ku isi hose. Uwiteka ni we ubivuze. Nuko uwo munsu bazavugaga ngo "Iyi ni yo Mana yacu twategerezagaga, ni yo izadukiza. Uyu ni we Uwiteka twategerezagaga, tuzanezerwa twishimire agakiza ke." Yesaya 25:8-9

3. Abanyabyaha bazapfa kandi amahanga yose arimburwe

Ugutaka kw'abanze kumvira Imana kuzaba uku:

Abami bo mu isi n'abatware bakomeye n'abatware b'ingabo, n'abatunzi n'ab'ububasha n'imbata zose n'ab'umudendeze bose bihisha mu mavumo no mu bitare byo ku misozi, babwira imisozi n'ibitare bati "Nimutugweho, muduhishe amaso y'Iyicaye kuri iriya ntebe n'umujinya w'Umwana w'Intama, kuko umunsi ukomeye w'umujinya wabo usohoyee kandi ni nde ubasha guhagarara adatsinzwe." Ibyahishuwe 6:15-17

Umwami Imana ihagaze iburyo bwawe, Izamenagura abami ku munsu w'umujinya wayo. Izacira imanza mu mahanga, Izuzuza ahantu intumbi, Izamenagurira imitwe mu gihugu kinini cyose. Zaburi 110:5-6

Nta mahoro y'amahanga yo mu isi cyangwa ibyishimo tubona hano ubwo Yesu azaba agarutse. Abantu bose banze imbabazi za Kristo ahubwo bagashaka kurimbura abera b'Imana bazatsembwa no kurabagirana kw'ubwiza bwo kugaruka kwe. Ntabwo Kristo yita ku cyubahiro cy'umuntu. Abayobozi b'amahanga bazabazwa ibyo bakoze. Hanyuma umunyabugome, umwana wo kurimbuka, nawe ashirwe ku mugaragaro uko ari.

Ni bwo wa mugome azahishurwa, uwo Umwami Yesu azicisha umwuka uva mu kanwa ke, akazamutsembesha kuboneka k'ukuza kwe. 2 Abatesalonike 2:8

Ababi bazarimburwa kandi imibiri yabo izaba inyanyagiye ku isi.

Uwo munsu abishwe n'Uwiteka bazaba hose uherye ku mpera y'isi ukageza ku yindi, ntibazarirwa cyangwa bakoranywe habe guhambwa, bazaba nk'amase ari ku gasozi. Yeremiya 25:33

Ntabwo bazigera bakoranyirizwa hamwe, cyangwa ngo baririrwe cyangwa ngo bahambwe kuko nta kinyabuzima na kimwe kizasigara ku isi.

Nitegereje isi mbona idafite ishusho kandi irimo ubusa, n'ijuru na ryo nta mucyo rifite. Nitegereje imisozi miremire mbona itigita, ndetse n'iyindi yose nayo inyeganyega. Nitegereje mbona nta muntu uhari, n'ibisiga byose byo mu kirere byahunze. Nitegereje mbona ahantu hari uburumbuke harabaye ubutayu, n'imidugudu yabo yose yasenye imbere y'Uwiteka avuga atya ati "Igihugu cyose kizaba amatongo ariko sinzagitsembaho rwose. Ni cyo kizatera isi kuboroga, n'ijuru hejuru rikabamo umwijima kuko nabivuze nkabigambirira, kandi sinzabyibuza, ntabwo nzivuguruza." Yeremiya 4:23-28

Uwiteka aravuga ati "Nzatsembaho ibintu byose biri ku isi, nzatsembaho abantu n'amatungo, nzatsembaho ibiguruka mu kirere n'amafi yo mu Nyanja, n'abakiranirwa n'ibisitaza byabo, nzaca abantu ku isi. Ni ko Uwiteka avuga" Zefaniya 1:2-4

Andi masomo avuga ku kurimburwa kw'ibintu byose ni aya: Zaburi 21:10; 37:10; 110:5-6; Yesaya 24:1-3; Abaheburayo 10:26-27.

Ukwimurwa mu ibanga

Ibinyuranye cyane n'ugucungurwa tumaze kubona hejuru ni ihame ry'ukwimurwa mu ibanga rivuga ko abantu b'Imana bazajyanwa mu ijuru mu ibanga rikomeye maze abatarahindutse bakaguma mu isi ngo bahabwe andi mahirwe yo kwihana. Iri hame ryo guhabwa andi mahirwe ni ihame ry'ibyiringiro bipfuye ridakangurira abantu guhindura imibereho yabo ngo bagendere mu bushake bw'Imana.

Umunyabyaha nareke ingeso ze, ukiranirwa areke ibyo yibwira agarukire Uwiteka na we aramugirira ibambe, agarukire Imana yacu kuko izamubabarira rwose pe. Yesaya 55:7

Ariko umunyabyaha nahindukira akava mu byaha bye byose yakoze, agakomeza amategeko yanjye yose kandi agakora ibitunganye bihwanye n'amategeko, ni ukuri azabaho ntabwo azapfa. ibyaha bye byose yakoze nta na kimwe kizamubarwaho, azabeshwaho n'uko yabaye umukiranutsi. Muragira ngo nishimira ko umunyabyaha apfa? Ni ko Umwami Uwiteka abaza. Ikiruta si uko yahindukira akava mu nzira ye mbi, akabaho? Ezekiyeli 18:21-23

Nanone muri iri somo hari ijambo "nahindukira". Byerekana ko hari ikigomba kwuzuzwa - kuko guhabwa agakiza bidusaba kumvira. Tuzabazwa ibijyanye n'ibikorwa byacu.

Kuko Umwana w'umuntu azazana n'abamarayika be afite ubwiza bwa Se, agaherako yitura umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze. Matayo 16:27

Ubutabera bw'Imana buraboneye.

Kuko ari ibitunganiye Imana kwitura ababababaza kubabazwa, kandi namwe abababazwa kubitura kuzaruhukana natwe, ubwo Umwami Yesu azahishurwa ava mu ijuru, azanye n'abamarayika b'ubutware bwe. 2 Abatesalonike 1:6-7

Dushingiye kuri aya masomo, kugororerwa kw'abakiranutsi no gucirwaho iteka kw'abanyabyaha bibera igihe kimwe – ubwo Kristo azaba agarutse. Ariko abitwa *abaDispensationalists* babyigisha ukundi kuko bashyira imyaka irindwi hagati yabyo. Ubwa mbere hakabaho kwimurwa, hagakurikiraho ukurimburwa kwa Antikristo Kristo aje bwa kabiri. Muri icyo gihe cy'imyaka irindwi, abayuda bakanyura mu karengane maze bigatuma bakira Kristo.

Ukuza kwa Kristo mu bwiza nta banga ririmo. Ibizabaho mu kugaruka kwa Kristo byose byanditswe nk'aho bibera igihe kimwe. Ukugaruka kwa Kristo ni ibyiringiro by'umugisha ku bwoko bw'Imana – Yesu agiye kuzahishurwa (1 Abakorinto 1:7; 1 Petero 1:7,13; 4:13). *abaDispensationalists* babara imyaka batyo ntabwo bizera ko hari abisirayeli b'iby'Umwuka (Itorero) ahubwo bizera ko amasezerano yose ari ay'abisirayeli ku mubiri.

Kubw'ibyo batandukanya itorero na Isirayeli, nyamara Bibiliya yo nta tandukaniro ishyiramo.

Nuko abazajya bakurikiza ibyo amahoro n'imbabazi bibe muri bo, bibe no mu Bisirayeli b'Imana. Abagalatiya 6:16

Ibyanditswe muri Bibiliya byabaye mu gihe cyashize biba bishushanya ibikomeye bizabaho mu gihe kizaza. Igicucu ntikigira akamaro kangana n'ak'ikizima gitanga icyo gicucu. Umwana w'intama w'igitambo yerekezaga kuri Kristo – Kristo akaba ari we ufite agaciro karuta ak'umwana w'intama. Babuloni ya kera yerekezaga kuri Babuloni yo mu minsi y'imperuka, ihuriwemo n'imbaraga zose z'ubuhakanyi bwo mu gihe giheruka. Yerusalemu ya kera cyangwa Isirayeli ishushanya Yerusalemu cyangwa Isirayeli y'iby'Umwuka ku iherezo ry'ibihe igizwe n'abacunguwe bo mu bihe byose. *abaDispensationalists* bo bafata ishusho y'icyanditswe nkaho nta kindi ishushanya. Bategereje ko Babuloni na Isirayeli byongera kwubakwa mu bigaragara, ari byo bisa no gutegereza ugusubizwaho kw'ibitambo by'umwana w'intama.

Ushingiye ku byo *abadispensationalists* bigisha kandi, akarengane kazaba ku bayuda ku mubiri gusa. Ariko Bibiliya yo si ko ibyigisha. Ahubwo, ibigeragezo n'amakuba biberaho kweza no gutunganya itorero. (1 Abatesalonike 3:3). Ubwoko bw'Imana, ari bo bameshe imyambaro yabo mu maraso y'Umwana w'Intama, bagomba kunyura mu mibabaro.

Umwe muri ba bakuru arambaza ati "Aba bambaye ibishura byera ni bande kandi bavuye he?" ndamusubiza nti "Mwami ni wowe ubizi." Arambwira ati "aba ni abavuye muri urya mubabaro mwinshi, kandi bameshe ibishura byabo babyejesha amaraso y'Umwana w'Intama..." Ibyahishuwe 7:13:14

Nuko abacira undi mugani aravuga ati 'Ubwami bwo mu ijuru bugereranywa n'umuntu wabibye imbuto nziza mu murima we, nuko abantu basinziriye, umwanzi araza abiba urukungu mu masaka, aragenda.' Nuko amaze kumera no kwera, urukungu na rwo ruraboneka. Abagaragu be baraza babaza umutware bati 'Mutware, ntiwabibye imbuto nziza mu murima wawe? None urukungu rurimo rwavuye he? ati Umwanzi ni we wagize atyo. Abagaragu be baramubaza bati 'Noneho urashaka ko tugenda tukarurandura? Na we ati oya, ahari nimurandura urukungu murarurandurana n'amasaka, mureke bikurane byombi bigeze igihe cyo gusarurwa. Mu isarura nzabwira abasaruzi nti: Mubanze muteranye urukungu muruhambire imitwari rutwikwe, maze amasaka muyahunike mu kigega cyanjye.'... maze asezerana ku bantu yinjira mu nzu, abigishwa be baramwegera bati "Dusobanurire umugani w'urukungu rwo mu murima." Arabasubiza ati "ubiba imbuto nziza ni Umwana w'umuntu, umurima ni isi, imbuto nziza ni zo bana b'ubwami, urukungu ni abana b'Umubi, umwanzi warubibye ni umwanzi, isarura ni imperuka y'isi, abasaruzi ni abamarayika. Nk'uko urukungu rurandurwa rugatwikwa, ni ko bizaba ku mperuka y'isi. Umwana w'umuntu azatuma abamarayika be, bateranye ibintu bigusha byose n'ikozi z'ibibi babikure mu bwami bwe, babajugunye mu itanura ry'umuriro. Ni ho bazaririra bakahahekenyera amenyo. Icyo gihe abakiranutsi bazarabagirana nk'izuba mu bwami bwa Se. ufite amatwi yumva, niyumve." Mariko 13:24-30; 36-43

Abanyabyaha n'abakiranutsi bagumaho bose kuzageza igihe cy'isarura – ari cyo gihe cyo kugaruka kwa Kristo.

Igihe Isirayeli ya kera yakurwaga mu bubata bwa Egiputa, ibyago ntibyasutswe abisirayeli bamaze kugenda ahubwo bari bagihari ngo babe abahamya b'ibyabaye, ndetse nabo ibyago bitatu babirebesheje amaso yabo. Icyakora Imana mu mbaraga z'ijuru yabarinze ibyago birindwi bya nyuma, nk'uko ku iherezo ry'ibihe ijuru rizarinda ubwoko bw'Imana ngo butagerwaho n'ibyago birindwi by'imperuka bizasukwa ku isi. (Ibyahishuwe 3:10-13) Ubwoko bw'Imana busabwa kwihangana kugeza Kristo agarutse. Ntabwo buzimurwa mbere y'ibi byago. Amasomo akunze gukoreshwa n'abigisha kwimurwa mu ibanga ni aya:

Kuko nk'uko bari bameze muri icyo minsi yabanjirije umwuzure, bararyaga, baranywaga, bararongoraga, barashyingiraga, bageza umunsi Nowa yinjiriye mu nkuge, ntibabimenya kugeza aho umwuzure waziyeye ukabatwara bose. Ni ko no kuza k'Umwana w'umuntu kuzaba. Icyo gihe abagabo babiri bazaba bari mu murima, umwe azajyanwa undi asigare, abagore babiri bazaba basya ku rusyo rusyo, umwe azajyanwa undi asigare. "Nuko mube maso kuko mutazi umunsi Umwami wanyu azazaho." Matayo 24:38-42

Iyi mirongo ntabwo ihamya ibyo kwimurwa mu ibanga. Ahubwo irerekana gusa ko ubwo Yesu azagaruka, bamwe bazakizwa ariko abandi bakazimiza ubugingo bwabo. Ibyo *abaDispensationalists* bigisha rero ko antikristo azaza nyuma yo kwimurwa mu ibanga kwa bamwe na byo ntabwo bihura n'uko Ibyanditswe Byera bivuga ku Munyabugome - Antikristo(Reba icyigisho cyitwa *Umntu wiyoberanya*). Bibiliya yigisha neza ko ubu butegetsi *bukomoka mu* itorero aho kubaho *nyuma* y'uko itorero ryimurwa.

Bana bato, tugeze mu gihe cy'imperuka kandi nk'uko mwumvise yuko antikristo azaza, ni ko na none hamaze kwaduka ba antikristo benshi ndetse ni byo bitumenyesha ko igihe cy'imperuka gisohoye. Abo bavuye muri we, icyakora ntibari abacu by'ukuri, kuko iyo baba abacu baba baragumanye natwe, ariko icyatumye biba bityo ni ukugira ngo bagaragare ko atari abacu rwose. 1 Yohana 2:18-19

Nyuma yo kunyura mu mubabaro mwinshi ndetse no kubabazwa bikomeye n'umujinya wa antikristo, ibyiringiro byonyine rukumbi by'ubwoko bw'Imana bizaba ari kugaruka kwa Kristo. Nk'uko amaraso y'umwana w'intama yagombaga gusigwa ku nkomanizo z'imiryango y'abisirayeli mu ijoro ry'icyago giheruka muri Egiputa, ni ko amaraso ya Ntama w'Imana akwiriye gusigwa ku nkomanizo z'imitima ngo amenyeshe Marayika murimbuzi ko twaguzwe amaraso y'igiciro cyinshi y'Umwana w'Intama w'Imana.

Nuko uwo munsu bazavugaga ngo "Iyi ni yo Mana yacu twategerezaga, ni yo izadukiza. Uyu ni we Uwiteka twategerezaga, tuzanezerwa twishimire agakiza ke." Yesaya 25:9

Igice cyo 18: IKINYAGIHUMBI CYATEGEREJWE IGIHE KIREKIRE

Ijambo *"ikinyagihumbi"* ntabwo riboneka mu Byanditswe Byera nk'uku, ariko iri jambo risobanura igihe cy'imyaka igihumbi. Iri jambo rikomoka ku jambo ry'ikiratini *"mille"* (igihumbi) n'ijambo *"annus"* (umwaka), rikaba rikoresheye n'abanyeshuri ba Bibiliya mu kuvuga igihe cy'imyaka igihumbi yavuzwe na Yohana mu Byahishuwe 20:4, igihe abera bazimana na Kristo. Igihe *"cy'imyaka igihumbi"* kivugwa inshuro 6 mu Byahishuwe 20:1-7, kandi ibivugwa bizabaho muri iki gihe cy'imyaka igihumbi bikwiriye kwiganwa ubwitonzi ngo bishyirwe mu mwanya ukwiriye.

Iyobokamana ry'iki gihe ritinda cyane ku gihe cy'imyaka igihumbi, cyane cyane kuko ari igihe cy'amahoro cyategerejwe igihe kirekire kandi kizazanwa no kubohwa kwa satani no kwima kwa Kristo. Nyamara habaho ibitekerezo bitandukanye, ku bijyanye n'ibizabaho muri iki gihe cy'imyaka igihumbi. Mu magambo make ibyigishwa ni ibi bikurikira:

1. Abigisha ko igihe cy'imyaka igihumbi tukirimo ubu (*Amillennialism*)

Iyi myigishirize ntiyemera igihe gihumbi cy'imyaka igihumbi yo kwima, ahubwo igishyira mu gihe cyose cy'amateka y'itorero. icyo gihe kikazasoreza ku isi yagizwe nshya. Ubuhanuzi bwo mu isezerano rya kera kuby'ingoma ya Kristo buvuga ukwima kwa Kristo mu itorero mu by'Umwuka. Iyi ni myigishirize y'itorero gatolika ry'i Roma n'amatorero amwe n'amwe y'abaprotestanti.

2. Abigisha kuza kwa Yesu nyuma y'imyaka igihumbi (*Postmillennialism*)

Iyi myigishirize ivuga ko ingoma y'Imana tuyirimo none kuko Kristo yimye mu itorero rye. Bigisha kandi ko amahanga yose azahindurwa akemera Kristo mbere y'uko Kristo agaruka. Bavuga ko igihe kibanziriza kugaruka kwa Kristo kikazaba ari igihe cy'amahoro maze ubutumwa bwiza bukigishwa mu isi yose. Maze nyuma y'imyaka igihumbi, hakazabaho igihe cy'ubuhakanyi n'akarengane bizanywe na Antikristo. Hanyuma Kristo ahereko agaruke maze habeho umuzuko umwe w'abakiranutsi hamwe n'abakiranirwa. Iyi myigishirize ivuga ko umuzuko w'abakiranutsi, cyangwa umuzuko wa mbere wo mu Byahishuwe 20, atari umuzuko w'ibigaragara ko ahubwo uvuga ukuvuka ubwa kabiri. Inteko y'aba Luteriyeni ba Augsburg, hamwe n'inteko y'aba Puritan ba Westminster ni ibi bigisha.

3. Abigisha kuza kwa Kristo mbere y'imyaka igihumbi (*Premillennialism*)

a. *Imyaka igihumbi ku batemera isirayeli y'iby'Umwuka (AbaDispensationalists)*

Iyi myigishirize yemera ko hazabaho imizuko ibiri y'abapfuye, umuzuko w'abakiranutsi ukazaba mbere y'imyaka igihumbi, n'umuzuko w'abakiranirwa uzaba nyuma y'imyaka igihumbi. Nyamara kandi abadispenationalists bizera ibyo kwimurirwa mu ijuru mu ibanga mbere y'igihe cy'akarengane, kandi bakigisha ko ingoma y' imyaka igihumbi izasohozwa kw'ishyamba ry'Abayuda gusa. Iyi myigishirize isaba ko igihugu cy'Abayuda kigomba gusubizwaho muri Palestina, urusengero rukongera kubakwa, ndetse na gahunda yo gutamba ibitambo igasubizwaho.

Iyi myigishirize itesha agaciro nyinshi mu nyigisho za Yesu ku itorero. Imiburo yose yahawe itorero ivuga iby'igihe cy'umubabaro kibanziriza kugaruka kwa Kristo, ubu noneho irareba abayuda gusa. Bivuze ko igice cya Matayo 24 na Luka 21 bireba abayuda gusa kuko *"ubutumwa bwiza bw'ubwami"* bwerekeza ku Bayuda bonyine. Ndetse n'isengesho ry'Umwami wacu, ngo *"Ubwami bwawe buze"* rirerekeza ku Bayuda gusa, kuko ari bo bonyine barebwa n'iby'ubwami. Iyi myigishirize ibaye ari ukuri, muri make ubuhanuzi bwa Bibiliya bwose buvuga ku kugaruka kwa Kristo no kwimika ubwami bwe byose ntacyo byaba bivuze ku bakristo.

Paulo yabwirije *"Ubutumwa bwiza bw'ubwami mu Bayuda no mu banyamahanga"* (Ibyakozwe n'Intumwa 20:25; 28:23,31) kandi Matayo 24 na Luka 21 hombi harabwira itorero. Igitangaje cy'iyi myigishirize, ni uko bashyira umurongo wa 40 n'uwa 41 bya Matayo 24 gusa ku itorero, kuko bizera ko iyi mirongo ari igihamba cy'uko hazabaho kwimurirwa mu ijuru mu ibanga. Iyi myigishirize irema ibyiringiro bipfuye, kuko abakristo batagereje kwimurwa mu ibanga mbere y'akarengane bazaba batateguye mu gihe cy'akaga kegereje. Ikindi kandi, muri iyi myigishirize harimo ihame ryo guhabwa andi mahirwe yo kwihana ku bakerensa ubuntu bwa Kristo.

Abadispenationalists kandi bizera ko Antikristo azima mu isi mu gihe cy'imyaka irindwi nyuma yo kwimurirwa mu ijuru mu ibanga kw'abakiranutsi, muri icyo gihe Abayuda bakazagarukira Kristo. Pawulo, mu nyigisho ze yigisha Abatesalonike, yahakanye ku mugaragaro inyigisho nk'izi. Avuga ku by'umunsi w'Uwiteka, yaranditse ati:

Turabingira bene Data, ku bwo kuzaza k'Umwami wacu Yesu Kristo no kuzamuteranirizwaho kwacu, kugira ngo mutanamuka vuba mukava mu bwenge cyangwa ngo muhagarike imitima, naho mwaba mubitewe n'umwuka cyangwa n'ijambo cyangwa n'urwandiko rukekwa ko ruvuye kuri twe, bihamya yuko umunsi w'Umwami wacu umaze gusohora. Ntihakagire umuntu uboshya uburyo bwose, kuko uwo munsi utazaza kurya kwimura Imana kutabanje kubaho, kandi urya munyabugome atarahishurwa ari we mwana wo kurimbuka. Ni umubisha wishyira hejuru y'icyitwa Imana cyose cyangwa igisengwa, kugira ngo yicare mu rusengero rw'Imana, yiyerekane ko ari Imana....kandi none muzi yuko ikimubuza ari ukugira ngo azahishurwe mu gihe cye. Kuko amayoberane y'ubugome n'ubu atangiye gukora, ariko ntazahishurwa keretse uyabuza ubu akuweho. Ni bwo wa mugome azahishurwa, uwo Umwami Yesu azicisha umwuka uva mu kanwa ke, akamutsembesha kuboneka k'ukuza kwe. Kuza k'uwo mugome kuri mu buryo bwo gukora kwa Satani, gufite imbaraga zose n'ibimenyetso n'ibitangaza by'ibinyoma, n'ubuhenzi bwose bwo gukiranirwa ku barimbuka, kuko batemeye gukunda ukuri ngo bakizwe. 2 Abatesalonike 2:1-10

"Guteranirizwa ku Mwami" kwa bene Data (umurongo wa 1) ndetse no kurimburwa kw'umunyabugome (umurongo wa 8) byose biba mu gihe kimwe – igihe cyo kugaruka k'Umwami, ntabwo ari mu bihe bibiri bitandukanye. Umuburo utangwa na Pawulo ku murongo wa 3 ukwiriye kwitabwaho no muri iki gihe.

b. *Abigisha kuza kwa Kristo mbere y'imyaka igihumbi (Premillennialism) mu buryo bw'Amateka.*

Iyi myigishirize, ivuga ko abacunguwe b'ibihe byose bazaba bari ku isi mu gihe cy'imyaka igihumbi. Itorero ni ryo Isirayeli y'Imana igizwe n'abantu b'Imana bose. icyo gihe rero kikaba gihwanye n'imyaka igihumbi ibanza y'ingoma y'Imana ku isi.

Abigisha ibi kandi bavuga ko igihe cy'imbabazi z'Imana kirangira ku itangiriro ry'igihe cy'imyaka igihumbi, ibyo rero bikabatandukanya n'abandi bigisha iby'imyaka igihumbi. icyakora, imyigishirize yabo ku myaka igihumbi yo ku isi itandukanye n'amasomo y'Ibyanditswe Byera yerekana isi yahindutse umusaka kandi idatuwe n'abantu muri iki gihe cy'imyaka igihumbi. Ikindi kandi, Ibyanditswe byera byerekana igihe cy'imyaka igihumbi nk'ipica y'ibibera mu ijuru, kandi ibyo bigahuza n'isezerano rya Kristo ryo kujyana abo yacunguye mu mazu meza yagiye kubategurira mu ijuru. Nk'uko twabibonye mu cyigisho kibanza, intore z'Uwitwaga zizakoranywa n'abamarayika maze zivanwe mu isi zijye gusanganira Umwami mu kirere mu gihe abakiranirwa bo bazicwa n'ubwiza bw'ukuza kwa Kristo.

Kugira ngo ibyerekeye iki gihe cy'imyaka igihumbi bishyirwe mu mwanya ukwiriye, birakwiye kwiga Ibyanditswe byera ubyitondeye, ukiga byimbitse ibigomba kubaho mbere y'imyaka igihumbi, ibizaba mu myaka igihumbi, ndetse nibizakurikira iyo myaka igihumbi.

Ibibanziriza igihe cy'imyaka igihumbi

Insanganyamatsiko nyamukuru y'imyaka igihumbi ya gihanuzi ni urubanza. Urubanza rushyira ku mugaragaro inkomoko y'icyaha. Ikindi kandi, imico y'Imana no kubonera kwayo bizagaragarizwa muri uru rubanza.

Mbona intebe z'ubwami, mbona bazicaraho bahabwa ubucamanza. Kandi mbona imyuka y'abaciwe ibihanga babahora guhamya kwa Yesu n'ijambo ry'Imana, ari bo bataramije ya nyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo kandi batashyizweho ikimenyetso cyayo. Barazuka bimana na Kristo imyaka igihumbi. Uwo ni wo muzuko wa mbere. Abapfuye basigaye ntibazuka, iyo myaka igihumbi itarashira. ufite umugabane wo kuzuka kwa mbere arahirwa kandi ni uwera. Urupfu rwa kabiri ntirubasha kugira icyo rutwara abameze batyo, ahubwo bazaba abatambyi b'Imana na Kristo kandi bazimana na Yo imyaka igihumbi. Ibyahishuwe 20:4-6

Abakiranutsi bazuwe n'abakiranutsi bahinduwe batanyuze mu rupfu bose bazimana na Kristo imyaka igihumbi ubwo abasigaye mu bapfuye (abakiranirwa bazaba barapfuye mbere y'uko Kristo agaruka n'abakiranirwa bishwe n'ubwiza bwo kugaruka kwa Kristo) ntabwo bazazuka iyo myaka igihumbi itarashira. None ni iki kizaba muri iyi myaka igihumbi kandi ni uruhe rubanza ruvugwa hano? Niba Kristo, igihe azagaruka, azatandukanya abanyabyaha mu bakiranutsi, bivuze ko azaba yaramaze kubacira urubanza mbere y'uko agaruka ku isi.

Urubanza kagenzuzi rero rugomba kuba rwarabanje kubaho mu ijuru mbere y’uko Yesu agaruka gukoranya abera be.

Urubanza kagenzuzi (kuza kwa Kristo nk’umujura nijoro).

Ubwo Kristo azagaruka ku isi, azagororera abamwumviye kandi arimbure abanze kumwumvira.

Dore ndaza vuba nzanye ingororano, kugira ngo ngororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze. Ibyahishuwe 22:12

Ibi birahamya ko umwanzuro ku bakizwa n’abarimbuka uzaba wamaze gufatwa mbere y’uko Kristo agaruka. Ingororano y’abakiranutsi ni ubugingo buhoraho, kandi abakiranutsi bapfuye bazazuka ubwo Kristo azaba agarutse.

Umugambi w’Imana ni ukurimbura icyaha kigakurwa ku isi by’iteka ryose. Ubu Imana iri kurimbura icyaha mu bizera, ariko igihe kizagera ubwo Imana izakora “*Umurimo wayo w’inzaduka*” (Yesaya 28:21) maze abagundiye icyaha ndetse n’icyaha ubwacyo ibarimbure bakurwe mu Bwami bw’Imana. Kuko icyaha ari ukugomera amategeko y’Imana, ubwo rero amategeko niyo agomba kugenderwaho muri uru rubanza.

Umuntu wese ukora icyaha aba agomeye amategeko; kuko icyaha ari ukugomera amategeko. 1 Yohana 3:4

... ariko aho amategeko atari nta gicumuro kihaba. Abaroma 4:15

Umuntu wese witondera amategeko yose agasitara kuri rimwe, aba ayacumuye yose kuko uwavuze ngo “Ntugasambane”, ni we wavuze ati “Ntukice”. Nuko rero nudasambana ariko ukica, uba ucumuye amategeko yose. Muvuge kandi mukore nk’abajya gucirwa urubanza n’amategeko atera umudendezo. Yakobo 2:10-12

Iyi niyo ndunduro y’ijambo, byose byarumviswe. Wubahe Imana kandi ukomeze amategeko yayo, kuko ibyo ari byo bikwiriye umuntu wese. Kuko Imana izazana umurimo wose mu manza, n’igihishwe cyose ari icyiza cyangwa ikibi. Umubwiriza 12:13-14

Amategeko icumi y’Imana niyo agenderwaho mu manza. Kandi yitwa amategeko atera umudendezo kuko mu gukurikiza amategeko y’Imana ari bwo umuntu acika ku buretwa bw’icyaha. Umusinzi abasha gucika uburetwa bwe binyuze gusa mu kureka kunywa inzoga. Imana yashyizeho umunsi w’urubanza kandi Yesu ubwe ni we mucamanza.

...kuko yashyizeho umunsi wo guciraho urubanza rw’ukuri rw’abari mu isi bese, izarucisha Umuntu yatoranije kandi ibyo yabihamirije abantu bese ubwo yamuzuraga. Ibyakozwe n’intumwa 17:31

Ni ko kwibwira mu mutima wanjye nti, “Imana Izacira urubanza abakiranutsi n’abanyabyaha, kuko aho ari ho hazaba igihe cy’ikintu cyose n’umurimo wose.” Umubwiriza 3:17

Urubanza kandi ruzatangirira ku bantu b’Imana.

Kuko igihe kigiye gusohora urubanza rukazabanziriza mu b’inzu y’Imana. Ariko se niba rubanziriza kuri twe, iherezo ry’abatumvira ubutumwa bwiza bw’Imana rizamera rite? 1 Petero 4:17

Iki ni ikibazo cyiza! Niba Imana itazihanganira icyaha, yewe no mu bahamya ko ari abizera, ese ubwo bizacura iki ku basuzugura Imana babigambiriye? Kuko Kristo azagororera abamwiringira igihe azaba agarutse, ubwo rero urubanza ruzaba rwarabanje kubaho mu ijuru mbere yo kugaruka kwe.

Uru rubanza rwashushanywaga n’umunsi w’imponzangano mu isezzerano rya kera (Reba icyigisho cyitwa *Umuwugizi w’igihe cyacu*). Uyu wari umunsi ibyaha byose byahanagurwaga mu buturo bwera. Muri ubwo buryo, ku munsi w’imponzangano w’ukuri, ubuturo bwera bwo mu ijuru nabwo bwagombaga kwezwaga. Kandi iki gikorwa cyagombaga kuba ku iherezo ry’iminsi 2300 ya gihanuzi yo muri Daniyeli 8, kandi iyo minsi yarangiye mu mwaka wa 1844 (Reba icyigisho cyitwa *Urutare rwo kuruhukiraho*). Uyu “munsi w’urubanza” uri kubera mu ijuru kandi uzarangirana n’irangira ry’igihe cy’imbabazi ubwo Kristo azahagarika umurimo we w’ubuhuzi maze avuye aho:

Ukiranirwa agumye akiranirwe, uwanduye mu mutima agumye yandure, umukiranutsi agumye akiranywe, uwera agumye yezwe. Dore ndaza vuba nzanywe ingororano, kugira ngo ngororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakozwe. Ibyahishuwe 22:11-12

Ikizakurikira iri teka ni ukugaruka kwa Kristo no kugororera abera.

Muri Daniyeli igice cya 7, umuhanuzi asobanura iby’uru rubanza rukomeye mu ipica y’ibibera mu ijuru:

Nkomeza kwitegereza kugeza aho bashyiriyeho intebe z’ubwami, haza Umukuru nyir’ibihe byose aricara. Imyambaro ye yeraga nka shelegi, kandi umusatsi we wasaga n’ubwoya bw’intama bwera. Intebe y’ubwami bwe yasaga n’ibirimi by’umuriro, kandi inziga zayo zasaga n’umuriro ugurumana. Imbere ye hatembaga umuriro, uduhumbagiza baramukoreraga kandi inzovu incuro inzovu bari bamuhagaze imbere. Imanza zirashingwa, ibitabo birabumburwa. Daniyeli 7:9-10

Muri iri yerekwa urubanza rurashingwa maze ibitabo bikabumburwa. Ibitabo bivugwa hano bigomba kuba ari ibitabo byandikwamo ibikorwa by’abagiye gucirwa imanza. Hari umubare w’ibitabo bivugwa muri Bibiliya, kandi muri byo harimo igitabo cy’ubugingo n’igitabo cy’urwibutso:

Mbona abapfuye, abakomeye n’abohoreje bahagaze imbere y’iyo ntebe, nuko ibitabo birabumburwa. Kandi n’ikindi gitabo kirabumburwa, ari cyo gitabo cy’ubugingo. Abapfuye bacirwa imanza z’ibyanditswe muri ibyo bitabo zikwiriye ibyo bakoze. Ibyahishuwe 20:12

Maze abubahaga Uwiteka baraganiraga, Uwiteka agatega amatwi akumva, nuko igitabo kikandikirwa imbere ye cy'urwibutso rw'abubahaga Uwiteka bakita ku izina rye. Malaki 3:16

Nta kintu na kimwe cyerekeye imibereho yacu kijya kibura kwandikwa mu ijuru.

Kuko Imana izazana umurimo wose mu manza, n'igihishwe cyose ari icyiza cyangwa ikibi. Umubwiriza 12:14

Kandi ndababwira yuko ijambo ry'impfabusa ryose abantu bavuga, bazaribazwa ku munsu w'amateka. Amagambo yawe ni yo azagutsindishiriza, kandi n'amagambo yawe ni yo azagutsindisha. Matayo 12:36-37

Uwiteka abwira Mose ati "Uncumuyeho wese ni we nzahanagura mukure mu gitabo cyanjye." Kuva 32:22

Urubanza ni ingingo yo kwitonderwa cyane kandi kuko urubanza ruhera ku bwoko bw'Imana, ni ingenzi ko twita cyane ku mibereho yacu. Kristo arashaka guhindura kamere zacu. Arashaka kuduha imitima yoroshye mu cyimbo cy'imitima yacu ikomeye nk'ibuye. Iki ni cyo umurimo wo kwezwa ugamiye mu gihe twemera gukorana n'Imana ngo uku guhinduka kw'umutima kugerweho. Nta cyo dukwiriye gutinya mu rubanza keretse gusa nitwanga kwiye gurira imbaraga yeza y'Uwiteka.

Mugire umwete wo kubana n'abantu bose amahoro n'uwo kwezwa, kuko utejejwe atazareba Umwami Imana. Abaheburayo 12:14

Mu gihe duciriwa urubanza, Imana iduhishurira kamere yacu maze ikaducyaha kugira ngo dutungane.

Nyamara iyo duciriwe urubanza n'Umwami wacu, duhanirwa nawe kugira ngo tutazacirirwa ho iteka hamwe n'ab'isi. 1 Abakorinto 11:32

Daniyeli yabonye ibibera mu isi bikomeje mu gihe urubanza rumaze gushingwa.

Uwo mwanya ndangarira ijwi rya rya hembere ryavugaga amagambo akomeye. Nkomeza kwitegereza aho ya nyamaswa yiciye, umubiri wayo ukarimburwa igatabwa mu muriro igatwikwa. Daniyeli 7:11

Umuhanuzi akomeza asobanura ukuza k'usa n'Umwana w'Umuntu aziye mu bicu byo mu ijuru asanga Umukuru nyir'ibihe byose.

Hanyuma nkitegereza ibyo neretswe nijoro, mbona haje usa n'Umwana w'umuntu aziye mu bicu byo mu ijuru, aza umujyo umwe asanga wa Mukuru nyir'ibihe byose, bamumugeza imbere. Daniyeli 7:13

Uku kuza kwa Kristo ntabwo ari ukugaruka kwe azanye n'ibicu byo mu ijuru aje hano ku isi, ahubwo ni ukuza kwa Kristo asanga Umukuru nyir'ibihe byose, bikaba bibera imbere y'intebe y'Imana mu ijuru. Nuko umurimo wa Kristo w'ubuhiza urasozwa, maze yambara imyambaro ye ya cyami mbere y'uko agaruka aje nk'Umwami w'abami.

Nuko ahabwa ubutware n'icyubahiro n'ubwami, kugira ngo abantu b'amoko yose y'indimi zitari zimwe bajye bamukorera. Ubutware bwe ni ubutware bw'iteka ryose butazashira, kandi ubwami bwe ni ubwami butazakurwaho. Daniyeli 7:14

Nk'uko byari mu minsi ya Nowa, ubwo Nowa n'umuryango we bakingiranirwaga mu nkuge maze igihe cy'imbabazi kicarangira ku isi ya mbere y'umwuzure, ni nako bizaba ku iherezo ry'ibihe. Igihe cy'imbabazi cyari cyarangiye kandi abanyabyaha ntibabimenya. Ku bantu banga kwemerera imbaraga yeza y'Umwuka w'Imana ngo ikorere mu mibereho yabo, ubuzima buzasa n'ubukomeje nk'ibisanzwe. Kuko batagize Ibyanditswe Byera umuyobozi wabo, ubwo igihe cyo kugaruka kwa Kristo kizaba kigeze, bazatungurwa batiteguye. Kuri bo kugaruka kwa Kristo kuzababera nk'uko umujura atungurana mu ijoro. Abizera basabwa kwiga Ibyanditswe Byera hamwe n'ibimenyetso by'ibihe kugira ngo uwo muni utazabatungura.

Kuko ubwanyu muzi neza yuko umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'uko umujura aza nijoro. Ubwo bazaba bavuga bati "Ni amahoro nta kibi kiriho", ni bwo kurimbuka kuzabatungura nk'uko ibise bitungura umugore utwite, kandi ntibazabasha kubikira na hato. Ariko mwebweho bene Data, ntumuri mu mwijima ngo uwo muni ubatungure nk'umujura, kuko mwese muri abana b'umucyo n'abana b'amanya. Ntituri ab'ijoro cyangwa ab'umwijima. Nuko rero twe gusinzira nk'abandi ahubwo tube maso, twirinde ibisindisha kuko abasinzira basinzira nijoro, abasinda bagasinda nijoro. Ariko twebweho ubwo turi ab'amanya, twirinde ibisindisha twambaye kwizera n'urukundo nk'icyuma gikingira igituza, kandi twambaye ibyiringiro byo kuzabona agakiza nk'ingofero. Kuko Imana itatugeneye umujinya, ahubwo yatugeneye guheshwa gakiza n'Umwami wacu Yesu Kristo. 1 Abatesalonike 5:2-9

Nyuma y'irangira ry'igihe cy'Imbabazi, hazatangira ibihano bijyanye n'urubanza. Mu cyigisho kibanziriza iki twavuze kubijyanye n'ibyago birindwi by'imperuka no gucungurwa kw'abakiranutsi. Reka mu magambo make dushyire ibizabaho mu minsi ya nyuma uko bikurikirana.

Ibihano bikurikira urubanza

Ubwo icyiciro cy'igenzura mu rubanza kizaba gisojwe ndetse hakabaho n'isomwa ry'urubanza (Ibyahishuwe 22:11-12), ibihano by'Imana bizasukwa ku isi. Iki ni icyiciro cya nyuma cy'urubanza ari cyo cy'ibihano.

Ibyago birindwi by'imperuka ni byo bihano bya mbere bizahabwa isi nyuma y'irangira ry'igihe cy'imbabazi. Mu byahishuwe 15, hari ubusobanuro bw'ipica y'ibibera mu ijuru ubwo igihe cy'imbabazi kizaba kirangiye.

Hanyuma y'ibyo mbona urusengero rw'ihema ryo guhamya rwo mu ijuru rukinguye. Ibyahishuwe 15:5

Urusengero rurakingurwa. Umurimo wa Kristo nk'umutambyi mukuru uzaba warangiye maze abamarayika barindwi bafite ibyago birindwi bategekwa gusuka inzabya zabo mu isi (Ibyahishuwe 16). Ibyago birasukwa kandi abamarayika b'Imana bahamya ko aya mateka y'Imana ari ay'ukuri no gukiranuka.

Numva marayika w'amazi avuga ati "Wa Wera we, uriho kandi wahozeho kandi uzahoraho, uri umukiranutsi kuko uku ari ko wabitegetse. Bavushije amaraso y'abera

n'ay'abahanuzi, nawe ubahaye amaraso ngo abe ari yo banywa, ni byo bibakwiriye."
Numva igicaniro kivuga kiti "Yee Mwami Imana Ishoborabyose, amateka yawe ni
ay'ukuri no gukiranuka." Ibyahishuwe 16:5-7

Ibyago bizasukwa mbere y'uko Kristo agaruka kandi nanone uburyo bwo kwitegura bwaratanzwe.

Dore nzaza nk'umujura. Hahirwa uba maso akarinda imyenda ye, kugira ngo
atagenda yambaye ubusa bakareba isoni z'ubwambure bwe. Ibyahishuwe 16:15

Gukiranuka kwa Kristo gusa ni ko gushobora gukingira umuntu ngo atagerwaho n'ibyago by'imperuka.

Azakubundikiza amoya Ye, kandi uzajya uhungira munsu y'amababa ye, Umurava we
ni ingabo n'icyuma kigukingira. Igiteye ubwoba cya nijoro ntikizagutinyisha, cyangwa
umwambi ugenda ku manywa, cyangwa mugiga igendera mu mwijima, cyangwa
kurimbura gutsemba ku manywa y'ihangu. Abantu igihumbi bazagwa iruhande
rwawe, abantu inzovu bazagwa iburyo bwawe, ariko ntibizakugeraho. Uzabirebesha
amaso yawe gusa, ubone ibihembo by'abanyabyaha Zaburi 91:4-8

Ibyago by'imperuka bizasukwa abakiranutsi bakiri ku isi. Ntabwo bimurwa bitarasukwa, ahubwo barakingirwa ngo ibyago bitabageraho. Isengesho rya Kristo ni iri ngo:

Jye sinkiri mu isi ariko bo bari mu isi, naho jye ndaza kuri wowe. Data Wera,
ubarindire mu izina ryawe wampaye, ngo babe umwe nk'uko natwe turi umwe....
Sinsaba ko ubakura mu isi, ahubwo ubarinde umubi. Yohana 17:11, 15

Kristo yasezeranye uburinzi, ntabwo yasezeranye kubakura mu isi mbere y'ibyago. Mu Byahishuwe 7, tuhasoma ngo:

...abo ni abavuye muri urya mubabaro mwinshi.... Ibyahishuwe 7:14

Iri somo ryerekana ko abakiranutsi banyura mu mubabaro ariko ku iherezo bakawurokorwamo.

Maze icyo gihe Mikayeli, wa mutware ukomeye ujya ahagarikira abantu bawe
azahaguruka, hazaba ari igihe cy'umubabaro utigeze kubaho uhereye igihe
amahanga yabereyeho ukageza icyo gihe. Nuko icyo gihe abantu bawe bazaba
banditswe mu gitabo, bazarokorwa. Daniyeli 12:1

Kurokorwa na Harimagedoni

Nk'uko twabivuzeho mu cyigisho kibanziriza iki, ukurokorwa kubaho mu gihe cy'isukwa ry'icyago cya karindwi. Imbaraga zishyigikiye Babuloni zari zatentebutse mu cyago cya gatandatu, ariko kubwo kunangirwa imitima n'imbaraga za kidayimoni, hatangwa itegeko ryo kwica abataramya inyamaswa, n'igisushanyo cyayo cyangwa ngo bakire ikimenyetso cyayo. Ugutangazwa kw'iri tegekoteka riheruka byatumye Imana ihaguruka gutabara, maze Kristo agaruka kurokora abera be. Abera nta mbaraga bafite zo kurwanya ikomataniro ry'isi yose. Kristo wenyine ni we ubasha kubarokora, maze mu mwanya w'abera

Kristo arwana iyi ntambara yiswe Harimagedoni ibanziriza igihe cy'imyaka igihumbi. Mu gihe cy'icyago cya karindwi, iri komataniro ry'isi ririmburwa n'umutingito, urubura, hamwe n'ubwiza bwo kugaruka kwa Kristo. (Yobu 28:22-23; Yesaya 28:17; Zaburi 110:5,6; Yeremiya 4:23-27; Yeremiya 25:33-38; Zefaniya 1:1-3).

Dore Uwiteka arahindura isi umwirare, arayiraza, arayubika, atatanya abaturage bayo. Ibizaba kuri rubanda bizaba no ku mutambyi, ibizaba ku mugaragu bizaba no kuri shebuja, ibizaba ku muja bizaba no kuri nyirabuja. Ibizaba ku muguzi bizaba no ku mutunzi, ibizaba ku uguriza abandi bizaba no ku ugurizwa, ibizaba ku uguriza inyungu bizaba no ku umwinshyuzi. Isi izanyagwa ihinduke umwirare rwose, kuko Uwiteka ari we uvuze iryo jambo. Igihungu kirarira kandi kibaye umuhonge, isi icitse intege ibaye umuhonge, abanyacyubahiro b'isi bacitse intege. Kandi isi ihumanijwe n'abaturage bayo kuko bishe amategeko, bagahindura ubusa ibyategetswe, bakica isezerano ridakuka. Yesaya 24:1-5

Umuhanuzi Yesaya hano aragaragaza neza ko Imana ikiranuka mu bikorwa byayo byose. Ntabwo Imana ica urwa kibera. Kandi nta kwibeshya ku bijyanye n'ibyo Kristo azakora ubwo azaba agarutse. Isi izarimbura rwose, ariko muri iri rimbuka ryayo, Imana irasezerana kuzarokora abayo:

Uwo muni i Yerusalemu hazabwirwa ngo witinye Siyoni we, amaboko yawe ye gutentebuka. Uwiteka Imana yawe iri muri wowe imbere, ni intwari kandi irakiza, izakwishimana inezerewe. Izaruhukira mu rukundo rwayo, Izakunezererwa. Zefaniya 3:16-17

Mbega isezerano ryiza! Hagati muri uwo mutingito, n'urubura byo mu cyago cya Karindwi, humvikana ijwi rirenga (1 Abatesalonike 4:16) maze ingabo zo mu ijuru ziratabara.

Uwiteka azumvikanisha ijwi rye ry'icyubahiro, kandi kumanuka k'ukuboko kwe azakwerekanisha uburakari bwe n'umujinya we, n'ikirimi cy'umuriro ukongora n'inkubi y'umuyaga n'urubura. Abashuri bazakurwa umutima n'ijwi ry'Uwiteka, azabakubita inkoni ye. Kandi uko bazajya babakubita inkoni zitegetswe, izo bazaba bategetswe n'Uwiteka, hazajya habaho ishako n'inanga, kandi azabarwanya intambara akorera ukuboko. Yesaya 30:30-32

Icyo gihe, ni ko Uwiteka avuga, nzagutsembaho amafarashi yawe ndimbure amagare yawe y'intambara. Kandi nzarimbura imidugudu yo mu gihugu cyawe, n'ibihome byawe byose nzabyubika. Kandi nzaca uburozi buturuka mu kuboko kwawe, n'abacunnyi ntuzongera kubagira. Nzatsembaho ibishushanyo byawe bibajwe n'ibigirwamana byawe by'inkingi, ntuzongera gusenga ibyakozwe n'amaboko yawe. Kandi nzagushikuzamo ibishushanyo byawe bibajwe bya Ashera, nzarimbura n'imidugudu yawe. Kandi amahanga atumvira, nzayahora mfite uburakari n'umujinya. Mika 5:10-15

Ashuri ryaririmwe mu mashyamba yaranze n'ubugome bukabije yahanganye na Isirayeli, kandi iri shyamba rishushanya itsinda ry'abanyabugome bukabije binangiye, iryo Kristo azarimbuza ubwiza bwo kugaruka kwe. Abacunguwe na Kristo b'ibihe byose bazazurwa mu bapfuye. Abakiranutsi bazaba bakiriho bazahindurwa – nuko bese bakoranyirizwe hamwe n'abamarayika maze basanganire Umwami mu kirere.

Maze natwe abazaba bakiriho basigaye duhereko tujyananwe na bo, tuzamuwe mu bicu gusanganira Umwami mu kirere. Nuko rero tuzabana n'Umwami iteka ryose.

1 Abatesalonike 4:17

Abawe bapfuye bazaba bazima, intumbi z'abantu banjye zizazuka. Ababa mu mukungugu mwe, nimukanguke muririmbe kuko ikime cyawe kimeze nk'igitonda ku byatsi, kandi ubutaka buzajugunya abapfuye. Wa bwoko bwanjye we, ngwino winjire mu nzu yawe wikingirane, ube wihishe akanya gato kugeza aho uburakari buzashirira. Kuko Uwiteka aje aturuka mu buturo bwe, azanywe no guhanira abo mu isi gukiranirwa kwabo. Isi izagaragaza amaraso yayo, kandi ntabwo izongera gutwikira abapfuye bo muri yo. Yesaya 26:19-21

Ibizaba mu gihe cy'Imyaka Igihumbi

Satani abohwa

Mbona Marayika amanuka ava mu ijuru afite urufunguzo rufungura ikuzimu, afite n'umunyururu munini mu ntoki ze. Afata cya kiyoka, ari cyo ya nzoka ya kera, ari yo Mwanzi na Satani, akibohera kugira ngo kimare imyaka igihumbi, akijugunya ikuzimu arahakinga, ashwiriraho ikimenyetso gifatanywa, kugira ngo kitongera kuyobya amahanga kugeza aho iyo myaka igihumbi izashirira, icyakora nishira gikwiriye kubohorerwa kugira ngo kimare igihe gito. Ibyahishuwe 20:1-3

Ukurimburwa kw'abanyabyaha no gukurwa mu isi kw'abera bizasiga isi ari umusaka. Mu Byahishuwe 20, Yohana agaragaza Marayika ubohesha Satani umunyururu munini maze akamujugunya ikuzimu (abyss). Ijambo 'ikuzimu'(abyss) rikoreshe mu Byanditswe mu kuvuga imva, urupfu n'irimbuka, ndetse n'uburoko bw'abadayimoni. (Abaroma 10:7; Luka 8:31). Ijambo 'ikuzimu'(abyss) rikoreshe kandi mu ngeri ya kigiriki y'isezerano rya kera mu kuvuga ahantu hadatuwe, naho ijambo 'abyssos' rikavuga "hasi kure".

Isi yari itagira ishusho, yariho ubusa busa, umwijima wari hejuru y'imuhengeri, maze Umwuka w'Imana yagendagenda hejuru y'amazi. Itangiriro 1:2

Ishusho y'isi nyuma yo kugaruka kwa Kristo, nk'uko itangwa n'umuhanuzi Yeremiya yerekana isi itagira ishusho iriho ubusa.

Nitegereje isi mbona idafite ishusho kandi irimo ubusa, n'ijuru na ryo nta mucyo rifite. Nitegereje imisozi miremire mbona itigita, ndetse n'iyindi yose na yo inyeganyega. Nitegereje mbona nta muntu uhari, n'ibisiga byose byo mu kirere byahunze. Nitegereje mbona ahantu hari uburumbuke harabaye ubutayu, n'imidugudu yabo yose yasenyukiye imbere y'Uwiteka ku bw'uburakari bwe bukaze. Yeremiya 4:23-26

Isi yose izongera ihinduke umusaka ukomeye cyangwa inzu y'uburoko bwa Satani n'abadayimoni be. Umunyururu munini azaba aboheshejwe ni umunyururu w'uburyo azaba abayeho bumuzuzwa kuyobya amahanga, kuko amahanga azaba yararimbuwe nta muntu n'umwe usigaye mu isi. Amasomo menshi ya Bibiliya yerekana kenshi iminyururu y'ubuzima umuntu abaho. (Zaburi 2:3; 107:10,14; 116:16; Umubwiriza 7:26; Yesaya 28:22; 52:2; 58:6; Yeremiya 40:4; Amaganya ya Yeremiya 3:7; Ezekiyeli 7:23)

Uwo munsu Uwiteka azahana ingabo zo hejuru mu ijuru, n'abami bo hasi mu isi. Bazateranirizwa hamwe nk'uko imbohe ziteranirizwa mu rwobo, bazakingiranirwa mu nzu y'imbohe kandi iminsi myinshi nishira bazagendererwa. Nuko ukwezi kuzakorwa n'isoni n'izuba rizamwara, kuko Uwiteka Nyiringabo azategereka ku musozi wa Siyoni n'iyerusalemu, kandi azahabwa icyubahiro imbere y'abatware be bakuru. Yesaya 24:21-23

Muri aya masomo, urubanza rw'Imana ntabwo ruzagera ku bami bo mu isi gusa, ahubwo n'imbaraga z'abadayimoni na zo zizahanwa. ("ingabo zo hejuru mu ijuru"). Ikomataniro ry'ubugome rizacecekesherewe mu buroko maze nyuma y'iminsi myinshi (imyaka igihumbi), bazabone kubohorwa. (Ibyahishuwe 20:3). Muri icyo gihe cy'imyaka igihumbi, Satani n'ingabo ze bazaba ari imbohe mu isi yagizwe umusaka, mu gihe abacunguwe bo bazaba bajanywe mu ijuru ahazabera umunsu mukuru w'ubukwe bw'abera bose b'Usumba Byose.

Abera Bahabwa Ububabwira

Mbona intebe z'Ubwami, mbona bazicaraho bahabwa ubucamanza. Kandi mbona imyuka y'abaciwe ibihanga babahora guhamya kwa Yesu n'ijambo ry'Imana, ari bo bataramije ya nyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo kandi batashyizweho ikimenyetso cyayo. Barazuka bimana na Kristo imyaka igihumbi. Uwo ni wo muzuko wa mbere. Abapfuye basigaye ntibazuka, iyo myaka igihumbi itarashira. Ufite umugabane wo kuzuka kwa mbere arahirwa kandi ni uwera. Urupfu rwa kabiri ntirubasha kugira icyo rutwara abameze batyo, ahubwo bazaba abatambyi b'Imana na Kristo kandi bazimana nayo iyo myaka igihumbi. Ibyahishuwe 20:4-6

Iyi mirongo y'ubuhanuzi iri kugaragaza ishusho Yohana yeretswe y'ibibera mu ijuru aho yabanye kubona intebe y'Imana n'intebe z'abakuru makumyabiri na bane (Ibyahishuwe 4:4). Abacunguwe bahawe isezerano ryo kuzima mu isi (Ibyahishuwe 5:10), ariko mbere y'uko kwima mu isi bazabanza gucira imanza amahanga. Mu by'ukuri abakuru makumyabiri na bane ntabwo bahishuwe abo ari bo. Mu buturo bwera bwo ku isi, habaga abakuru makumyabiri na bane bakoraga umurimo mu buturo bwera. Ubuturo bwera bwo mu ijuru nabwo rero bugomba kuba bufite abakuru makumyabiri na bane babukoramo. Umubare makumyabiri na kane kandi ni igiteranyo cy'umubare w'abakurambere hamwe n'intumwa. Amarembo ya Yerusalemu nshya yanditsweho amazina y'imiryango cumi n'ibiri y'abisirayeli kandi n'amabuye fatizo yayo yanditsweho amazina y'intumwa cumi n'ebyiri, ibyo bikabumbira hamwe abisirayeli b'Imana bose bo mu isezerano rya kera hamwe n'abo mu isezerano rishya. Muri icyo shusho y'ibibera mu ijuru kandi uyu murongo utubwira ko abera b'Imana bazahinduka abacamanza.

... bahabwa ubucamanza. Ibyahishuwe 20:4

Ubwo Kristo azaba agarutse, umwanzuro ku bazaba mu mugabane w'abacunguwe n'abagize umugabane w'abanyabyaha uzaba waramaze gufatwa. Urwo rubanza ruzahabwa abera rero rugomba kuba ari urw'igenzura-rubanza. Mu gutsindishiriza Imana, ugukiranuka hamwe n'ubutabera byayo bigomba kugaragarizwa ibyaremwe byose by'iteka ryose. Mu gihe cy'imyaka igihumbi, buri rubanza ruzasuzumanwa ubwitonzi – nta gisa n'urwikekwe kizasigaraho. Injyana imwe iryoheye amatwi ni yo izaba mu ijuru kandi mu ijwi rimwe, bese bazarangurura bati:

...Mwami Imana Ishoborabyose, imirimo yawe irakomeye kandi iratangaje. Mugaba w'amahanga, inzira zawe ni izo gukiranuka n'ukuri. Ibyahishuwe 15:3

Urubanza rw'Imana ruzagaragazwa ko rutunganye. (Abaroma 2:5; 2 Abatesalonike 1:5; Itangiriro 18:25; Zaburi 19:9).

Muri iki gihe cy'imyaka igihumbi y'urubanza, ibyo Imana yagiriye abanze ukuri kwayo n'abamarayika ba Satani bizasuzumanwa ubwitonzi. (Abaheburayo 10:26-27; 2 Petero 2:4,9; Yuda 6). Abera bazacira ab'isi urubanza.

Ntimuzi yuko abera bazacira ab'isi urubanza? Kandi ubwo ari mwe muzacira ab'isi urubanza, ntimushobora no guca imanza z'ibintu bito hanyuma y'ibindi? Ntimuzi ndetse yuko tuzacira abamarayika urubanza, nkanswe iby'ubu bugingo? 1 Abakorinto 6:2-3

Ibizaba Nyuma y'Imyaka Igihumbi

Nyuma y'imyaka igihumbi n'igenzura-rubanza mu ijuru, nibwo hazabaho igikorwa giheruka cy'intambara ikomeye iri hagati y'icyiza n'ikibi. Muri iki gikorwa giheruka, Imana izatsindishirizwa maze izina ry'Imana rihabwe icyubahiro. Amavi yose azapfukamira Imana, kandi Satani arimburwe by'iteka ryose. Ibizaba iki gihe bisobanurwa neza mu Byahishuwe igice cya 20 kugeza ku cya 22. Igitabo cy'Ibyahishuwe cyubatswe mu buryo gitondekanya ibizaba kikongera kubisubiramo gihereye inyuma, hagati y'uko dutondekanya n'isubiramo rero (ku birebana n'ibizaba mu mahenka mbere y'uko Kristo agaruka) hagati mu gitabo, tubona ko ibizaba bisobanurwa muri ibi bice bigaragazwa bisubirwamo kinyumanyuma. (urugero ababi bagota Yerusalemu tubisoma mu Byahishuwe 20:9, nyamara umurwa tubona ko umanuka uva mu ijuru mu Byahishuwe 21:2). Nitwita kuri iyi nyubako y'iki gitabo rero, tubasha gusobanukirwa neza n'uruhererekerane rw'ibizaba no kubikurikiranya uko bikwiriye.

Kugaruka kwa Kristo Nyuma y'imyaka igihumbi

Nyuma y'imyaka 1000, mu cyiciro cya nyuma cy'urubanza Kristo azagaruka ku isi guhana abanze kwakira ukuri kwe, no gusubirana ibye yiremeye. Ubwo ni bwo ubwami buzahabwa abera.

Umuhanuzi Zekariya avuga ku kugaruka k'Umukiza azanye n'abera be, n'uburyo Uwitwaga azakandagiza ikirenge cye ku isi maze hagahinduka ikibaya kinini (ibi ntabwo


byabaye mu kugaruka kwa kabiri kwa Kristo Reba Zekariya 14:4-5). Ubuhanuzi bwa kera bwavugaga ku bisirayeli b'umubiri bwajyaga gusohora kuri bo iyo baza kumvira Imana. Amasezerano yo mu isezerano rya kera yahindutse ay'abisirayeli b'iby'Umwuka ubwo abisirayeli ku mubiri bangaga Mesiya. Ubuhanuzi bwa Zekariya rero buracyariho kandi buzasohora ubwo Kristo azaba agarutse nyuma y'imyaka igihumbi. Hanyuma Yerusalemu nshya izamanuka iva mu ijuru:

Mbona ururembo rwera Yerusalemu nshya rumanuka ruva mu ijuru ku Mana, rwiteguwe nk'uko umugeni arimbishirizwa umugabo we. Ibyahishuwe 21:2

Bibereye mu mutekano w'uwo murwa, abacunguwe bazibonera ibiheruka bishyira iherezo ku ntambara ikomeye hagati ya Kristo na Satani. Satani azaba yarahawe imyaka igihumbi yo gutekereza ku ngaruka z'ibikorwa bye n'ibihano by'urubanza bimutegereje.

Kuzukira Gucirwaho Iteka n'intambara Iheruka: Gogi na Magogi

Iyo myaka igihumbi nishira, Satani azabohorwa aho aho yari abohewe. Azasohoka ajye kuyobya amahanga yo mu mpfuruka enye z'isi, Gogi na Magogi kugira ngo ayakoranirize intambara, umubare wabo ni nk'umusenye wo ku nyanja. Ibyahishuwe 20:7-8



Abapfuye basigaye ntibazuka, iyo myaka igihumbi itarashira... Ibyahishuwe 20:5

Umuzuko w'abanyabyaha b'ibihe byose uzoroshya umunyururu wari uboshye satani, maze akoranyirize hamwe izo miliyoni z'abantu bazutse ngo batere Umurwa Wera bawigarurire, mu mbaraga ze ziheruka zo gusubirana ububasha.

...azasohoka ajye kuyobya amahanga yo mu mpfuruka enye z'isi, Gogi na Magogi kugira ngo ayakoranirize intambara, umubare wabo ni nk'umusenye wo ku Nyanja. Ibyahishuwe 20:8

Muri Ezekiyeli 38:2 na 39:6, Gogi, umwami wa Magogi, agaragazwa nk'umwanzi w'ubwoko bw'Imana. Agaragazwa nk'umugaba w'ingabo zagombaga gutera abisirayeli bihannye (Ezekiyeli 38:2, 14, 16-19), ariko agomba gutsembwaho. Ibi bikabaho "nyuma y'iminsi myinshi" (Ezekiyeli 38:8):

"Uwo munsu igihe Gogi azatera igihugu cya Isirayeli, uburakari bwanjye buzatunguka mu maso hanjye. Ni ko Umwami Uwiteka avuga. Kuko navuganyeye ifuho ryanjye n'umuriro w'uburakari bwanjye nti : Ni ukuri, uwo munsu hazaba igishyitsi gikomereye mu gihugu cya Isirayeli..." Ezekiye 38:18-19

Imana ni yo yirimburira Gogi kandi Isirayeli ntabwo irwana na gato. Nta kiremwa cyabayeho mu mateka kigaragazwa nka Gogi, nk'uko umugome Satani ubwe agaragazwa nk'umugaba w'ingabo zigometse.

Imana yemera ko iki gitero giheruka cy'ubwigomeke cya Satani n'ingabo ze bifatanyije n'abanyabyaha bazuwe kibaho, kugira ngo hatagira agasigarira kabaho k'urwikekwe ku by'ubugome bwa Satani n'ingabo ze ziyemeje kurwanya Imana n'ubwoko bwayo. icyiza gihagarare giteganye n'ikibi – abera bibereye mu murwa, naho abanyabyaha bari hanze yawo.

Mbona intebe y'ubwami nini yera mbona n'Iyicayeho, isi n'ijuru bihunga mu maso hayo, ahabyo ntihaba hakiboneka. Mbona abapfuye, abakomeye n'aboroheje bahagaze imbere y'iyi ntebe, nuko ibitabo birabumburwa. Kandi n'ikindi gitabo kirabumburwa, ari cyo gitabo cy'ubugingo. Abapfuye bacirwa imanza z'ibyanditswe muri ibyo bitabo zikwiriye ibyo bakoze. Inyanja igarura abapfuye bo muri yo, Urupfu n'ikuzimu bigarura abapfuye bo muri byo, bacirwa imanza zikwiriye ibyo umuntu wese yakoze. Urupfu n'ikuzimu bijugunywa muri ya nyanja yaka umuriro. Iyo nyanja yaka umuriro ni yo rupfu rwa kabiri. Kandi umuntu wese utabonetse ko yanditswe muri cya gitabo cy'ubugingo, ajugunywa muri iyi nyanja yaka umuriro. Ibyahishuwe 20:11-15

Mu ishusho itangaje ya Kristo mu cyubahiriro cy'ubwami Bwe, amavi yose azamupfukamira. Ibitekerezo byose by'abigometse bizayoyoka.

Kuko byanditswe ngo "Uwiteka aravugaga ati 'Ndirahiye, amavi yose azamupfukamira, kandi indimi zose zizavugaga ishimwe ry'Imana.'" Nuko rero umuntu wese muri twe azimurikira ibyo yakoze imbere y'Imana. Abaroma 14:11-12

....kugira ngo amavi yose apfukame mu izina rya Yesu, ari ay'ibyo mu ijuru, cyangwa ay'ibyo mu isi, cyangwa ay'ibyo munsu y'isi, kandi indimi zose zihamye ko Yesu Kristo ari Uwiteka, ngo Imana Data wa twese ihimbazwe. Abapilipi 2:10-11

Nimumpugukire mukizwe, mwa bari ku mpera z'isi mwese mwe, kuko ari jye Mana nta yindi ibaho. Ndirahiye, ijamba rivuye mu kanwa kanjye ni ryo jambo rikiranuka ritazavuguruzwa, yuko amavi yose azamupfukamira, indimi zose zikaba ari jye zirahira. Hariho uzambwira ati "mu Uwiteka honyine ni ho hari gukiranuka n'imbaraga. Kuri we ni ho abantu bazahungira, abamurakarira bese bazakorwa n'isoni". Yesaya 45:22-24

Uku ni uguhabwa ikamba kw'Umwana w'Imana. Urubanza ruheruka maze rubone kubaho:

Mbona abapfuye, abakomeye n'aboroheje bahagaze imbere y'iyi ntebe, ibitabo birabumburwa. Kandi n'ikindi gitabo kirabumburwa, ari cyo gitabo cy'ubugingo.

Abapfuye bacirwa imanza z'ibyangitswe muri ibyo bitabo zikwiriye ibyo bakoze.
Ibyahishuwe 20:12

Kandi umuntu wese utabonetse ko yangitswe muri cya gitabo cy'ubugingo ajugunywa muri iyo nyanja yaka umuriro. Ibyahishuwe 20:15

Buri gikorwa cyo kwirangira, buri gikorwa cyose cyo kwanga ubuntu bw'Imana kigaragazwe. Kandi ingaruka z'ayo mahitamo ni iz'iteka ryose (Abaheburayo 6:2). Igihano cya nyuma cy'urubanza ni urupfu rw'iteka.

Niba dukora ibyaha nkana tumaze kumenya ukuri, ntihaba hagasigaye igitambo cy'ibyaha keretse gutegerezanya ubwoba gucirwaho iteka, no gutegereza umuriro w'inkazi uzarya abanzi b'Imana. Abaheburayo 10:26-27

Bahisemo kumvira Satani aho kumvira Imana (Yohana 8:45) kandi imibereho yabo yarahindutse isa n'iy'umutware wabo bayobotse. Ntabwo bashobora kunezererwa hagati y'ubwoko bw'Imana ahatarangwa kwikunda n'inarijye. Umwuka uba mu ijuru ni Umwuka wo kwitanga, kandi uwo ni wo munezero waho. Abo mu ijuru bese banejejwe n'uko imanza z'Imana ari iz'ukuri no kutabera.

....nuko numva ibyaremwe byose byo mu ijuru no mu isi, n'ikuzimu no mu nyanja n'ibibirimo byose bivugaga bita Ishimwe no guhimbazwa n'icyubahiro n'ubutware bibe iby'Iyicaye ku ntebe n'iby'Umwana w'Intama iteka ryose. Nuko bya bizima bine birikiriza bita, Amen. Ba bakuru bikubita hasi bamurira ibyaha byose.
Ibyahishuwe 5:12-13

Ibirego bya Satani arega Imana n'ubutegetsi bwayo bigaragarira bese ko nta shingiro bifite. Nuko Kristo aratsindishirizwa kandi yitegura gukora "umurimo we w'inzaduka":

Uwiteka azahaguruka nk'uko yahagurutse ku musozi Perasimu, azarakara nk'uko yarakariye mu kibaya cy'i Gibeyoni ngo akore umurimo we, ari wo umurimo we w'inzaduka, uwo umurimo we w'inzaduka azawusohozwa. Yesaya 28:21

Ukurimburwa kw'abanyabyaha

Satani n'abanyabyaha bazarimburwa n'umuriro.

...umuriro uzamanuka uva mu ijuru, ubatwike. Kandi Satani wabayobyaga ajugunywe muri ya nyanja yaka umuriro n'amazuko.... Ibyahishuwe 20:9-10

Azabwira n'abari ibumoso ati 'nimuve aho ndi mwa bivume mwe, mujye mu muriro w'iteka watunganirijwe umwanzi n'abamarayika be...' Matayo 25:41

Urupfu n'ikuzimu bijugunywa muri ya nyanja yaka umuriro. Iyo nyanja yaka umuriro ni yo rupfu rwa kabiri. Kandi umuntu wese utabonetse ko yangitswe muri cya gitabo cy'ubugingo, ajugunywa muri iyo nyanja yaka umuriro. Ibyahishuwe 20:14-15
"Umuriro w'iteka" twawuvuzeho mu cyigisho cyitwa *Amayobera y'ubwami bw'urupfu* kandi umuriro w'iteka usobanuye ingaruka z'iteka z'urwo rupfu. Ingingo ihuruka ku gucungurwa cyangwa ku gucirwaho iteka bizatwara no kuba izina ry'umuntu

ryanditswe mu *gitabo cy'ubugingo*. Abanyabyaha bazashya bahinduke ivu maze umuriro ubatwike bakongoke bashireho burundu.

Dore hazabaho umunsi utwika nk'itanura ry'umuriro, abibone bose n'inkozi z'ibibi zose bazaba ibishingwe, maze habe umunsi uzabatwika bashire, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, ntuzabasigira umuzi cyangwa ishami. Malaki 4:1

Umuzi ni Satani naho amashami ni abamukurikiye.

....kandi muzaribatira abanyabyaha hasi, bazaba ivu muni y'ibirenge byanyu ku muni nzabikoreraho. Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga. Malaki 4:3

Ntabwo abanyabyaha bazashya by'iteka ryose, ahubwo bazashya bahinduke ivu. Muri Ezekiyeli igice cya 28, umuhanuzi agaruka ku maganya avuga ku mwami w'i Tiro. Iri somo ntabwo rivuga ku mwami w'i Tiro ku mubiri kubera ko atigeze aba muri Edeni (nk'uko biri ku murongo wa 13) kandi nta n'ubwo uwo mwami yaba yarigeze atoranyirizwa kuba umukerubi (umurongo wa 14). Uyu mwami ashushanya Satani kandi n'iherezo rye riragaragara.

Ububi bwawe bwinshi no gukiranirwa kuva mu bugenza bwawe ni byo byatumye wanduza ubuturo bwawe bwera, ni cyo cyanteye gukongeza umuriro ukuvuyemo uragukongora, maze nguhindurira ivu imbere y'abakureba bose. Abakunzi bose bo mu mahanga bazagutangarira, wahindutse igishishana kandi ntabwo uzongera kubaho ukundi. Ezekiyeli 28:18-19

Muri uku kurimburwa guheruka kwa Satani, intambara ikomeye izaba irangiye. Satani n'ingabo ze (Gogi na Magogi) bazarimburwa n'umuriro. Hari isano ikomeye hagati y'ubuhanuzi bwa Ezekiyeli n'Ibyahishuriwe Yohana, kandi ubu buhanuzi bushobora kuvugwa mu ncamake muri aya magambo ya Hans LaRondelle:

1. Ukuzuka kwa Isirayeli yapfuye ikava mu gituro cya Babuloni ikongera kuba ishyanga rishya ryera ry'Uwiteka. (Ezekiyeli 36:24-28, 37:1-14) Umuzuko w'abaciwe ibihanga babahora guhamya kwa Yesu ari bo bataramije ya "nyamaswa cyangwa igishushanyo cyayo". (Ibyahishuwe 20:4)
2. Isirayeli nk'ishyanga rishya ibaho mu mahoro asesuye mu Gihugu cy'Isezerano bayobowe na Dawidi mushya, ari we Mesiya. (Ezekiyeli 37:15-28)

Abera bazuwe bimana na Kristo imyaka igihumbi. (Ibyahishuwe 20:4-6)

3. Nyuma "y'iminsi myinshi", igitero kirwanya Isirayeli giturutse i kusi kigabwe n'ingabo za Gogi, umwami wa Magogi, gitsindwa ruhenu maze bakongorwa n'umuriro uturutse mu ijuru. (Ezekiyeli 38:8 – 39:22)

Nyuma y' imyaka igihumbi yo kwima kw'abera, ingabo za "Gogi na Magogi" zizatera umudugudu w'ubwoko bw'Imana, Umurwa Wera, bazatera baturutse impande zose, ariko bazarimburwa n'umuriro uturutse mu ijuru. (Ibyahishuwe 20:7-9)

4. Iyerekwa ry'ingoma Y'Imana muri Yerusalemu nshya. (Ezekiyeli 40-48)

Iyerekwa rya Yerusalemu nshya imanuka iva mu ijuru ije ku isi yiteguwe nk'umugeni w'Umwana w'Intama (Ibyahishuwe 21:1-22:5)¹

Isi Yagizwe Nshya

Umuriro uzarimbura abanyabyaha ni na wo uzeza isi.

Ariko umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'umujura, ubwo ijuru rizavaho hakaba n'umuriri ukomeye, maze iby'ishingiro, ibyo byose biremeshwa bikayengeshwa no gushya cyane, isi n'imirimo iyirimo bigashirira. Nuko ubwo ibyo byose bizayenga bityo, yemwe uko dukwiriye kuba abantu bera, kandi twubaha Imana mu ngeso zacu, twebwe abategereza tugatebutsa umunsi w'Imana uzatuma ijuru rigurumana rikayenga, kandi iby'ishingiro, ibyo byose biremeshwa bigashongeshwa no gushya cyane. Kandi nk'uko yasezeraniye dutegereje ijuru rishya n'isi nshya, ibyo gukiranuka kuzabamo. 2 Petero 3:10-13

Imana Izasubiza isi mu bwiza karemano yahoranye – isi izaba igizwe nshya.

Mbona ijuru rishya n'isi nshya, kuko ijuru rya mbere n'isi ya mbere byari byashize, n'inyanjya yari itakiriho. Ibyahishuwe 21:1

Inyanja itandukanya abantu kandi muri yo harimo amazi y'umwuzure warimbuye abo mu gihe cya Nowa. Isi nshya ntabwo izarangwamo ibitwibutsa umuvumo.

Numva ijwi rirenga rivuye kuri ya ntebe rivuga riti "Dore ihema ry'Imana riri hamwe n'abantu kandi Izaturana na bo, na bo bazaba abantu bayo kandi Imana ubwayo izabana na bo ibe Imana yabo. Izahanagura amarira yose ku maso yabo kandi urupfu ntiruzabaho ukundi kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi kuko ibya mbere bizaba bishize." Iyicara kuri ya ntebe iravuga iti "Dore byose ndabihindura bishya." Kandi Iti "andika ayo magambo kuko ari ayo kwizerwa n'ay'ukuri." Ibyahishuwe 21:3-5

Ubuturo bw'Imana buzaba hagati y'abacunguwe kandi umubabaro wo mu isi uzaba ushize ndetse ntuzongera kwibukwa ukundi.

Dore ndarema ijuru rishya n'isi nshya, ibya kera ntibizibukwa kandi ntibizatekerezwa. Ahubwo nimunezerwe mujye mwishimira ibyo ndema, kuko ndema i Yerusalemu ngo mpagire ibyishimo, nkarema abantu baho bakaba umunezero nzanezererwa i Yerusalemu nishimire abantu banjye, kandi ijwi ryo kurira n'imiborogo ntibizahumvikana ukundi. Yesaya 65:17-19

Ubwami bw'Imana buzaba busubijweho kandi isi izaba ihindutse iwabo w'abera by'iteka ryose.

Ijuru ni iry'Uwiteka, ariko isi yayihaye abantu. Zaburi 115:16

Ibi ni byo byiringiro by'abana b'Imana.

Ni cyo gituma bakundwa, ubwo mutegereje ibyo, mukwiriye kugira umwete wo kuzasangwa mu mahoro, mutagira ikizinga, mutariho umugayo mu maso ye. 2 Petero 3:14

Nuko bakundwa, ubwo dufite ibyo byasezeranijwe, twiyezeho imyanda yose y'umubiri n'umutima, tugende twiyejesha rwose kubaha Imana. 2 Abakorinto 7:1

1. Kristo agarutse, abakirantsi bazazurwa
2. Abakirantsi bazaba bariho bazahindurwa
3. Abakirantsi bazajyanwa mu ijuru
4. Abanyabyaha bazaba bariho bazapfa
5. Satani abohwe
6. Isi irarimburwa – Satani arabohwa
7. Abakirantsi bimana na Kristo imyaka igihumbi mu ijuru
8. Kristo amanukira ku musozo w'imyelayo wa Elayono
9. Yerusalemu Nshya imanuka iva mu ijuru
10. Abanyabyaha bazurwa
11. Satani abohorwa kandi ayobya abanyabyaha
12. Abanyabyaha barimburwa
13. Isi ihinduka Nshya.

IBIHAMYA

¹ **Reference Ministry (January 1983): 7-9.**

IBINDI BYIGISHO MUKWIRIYE GUSOBANUKIRWA:

1. Urutonde rw'ibigisho byiswe Igitero gikaze (DVDs 36)
2. Urutonde rw'ibigisho by'iswe kuva i Kilete agana Melita (DVD 8)
3. Igatabo kivuga ku ntambara ikomeye mu buryo bw'ubuturo bwera kizana na DVD yacyo cyitwa "Igishushanyo mbonera"

Mubikeneye mwabibona muhamagaye kuri 078-7011-189
cyangwa mu katwandikira kuri nalex@preciouspresenttruth.org
mushobora no kudasura kuri www.preciouspresenttruth.org